

Ikinyarwanda
Igitabo cy'umwarimu
Umwaka wa gatatu w'amashuri abanza

Ikinyarwanda

Igitabo cy'umwarimu

Umwaka wa gatatu w'amashuri abanza

Abagize uruhare mu iyandikwa ry'iki gitabo

Abanditse iki gitabo:

UZABAKIRIHO Salvator
UWIBANZE Théophile
NDAYIZEYE Augustin
MUKAKARANGWA Gemma Marie
NUWAYO Jean Denis
UZAYISENGA Clémentine
MUKAYIRANGA Françoise

Uwakosoye iki gitabo

MBABARIYE Patrice

Abatunganyije iki gitabo:

KALISA James
KAMBALE Patrick

Abajyanama:

MURUNGI Joan
GATERA Augustin
NTIRENGANYA Alphonse
MAZHARUL Karim

Abandi bagize uruhare mu myandikire y'iki gitabo:

MUHUMUZA Winnie
MUNYANKUMBURWA Fidele
SETAHA Benjamin
NYIRANGENDAHIMANA Marie Rose
ARABARUTA Martin
MWISENEZA Thacien

Abemeje iki gitabo:

MUKANTAHONDI Vénantie
HABIYAKARE Poponi
MANIRAGABA Germain
BAYAVUGE Jules
NSENGIMANA Cyriaque
UWAMARIYA Clotilde
MURERA Jean Marie Vianney
GASENGAYIRE Alvera

© 2018 Rwanda Education Board

Uburenganzira bw'umwanditsi w'inkuru zikubiye muri iki gitabo, bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

NTIKIGURISHWA

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>.

This work is an adaptation of materials originally developed through collaboration between the Rwanda Education Board and USAID. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation by the Rwanda Education Board and USAID Soma Umenye of an original work developed through collaboration between the Rwanda Education Board and the USAID Language, Literacy, and Learning Project, © Rwanda Education Board. Second Edition.

More details on permissions under this license can be found at <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara ku nkunga ya Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

Ijambo ry'ibanze

Iki gitabo kigenewe umwarimu wigisha Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza. Cyanditswe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB), ku nkunga y'Ikigo cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID), kibinyujije mu mushinga USAID Soma Umenye mu mwaka wa 2018.

Iki gitabo gikubiyemo imbonezamasomo ziha umunyeshuri uruhare runini mu myigire ye. Kizafasha umwarimu uzagikoresha gutegura no kwigisha amasomo y'Ikinyarwanda, agendeye ku nkingi eshanu zo gusoma no kwandika. Izo nkingi ni itahuramajwi, ihuzamajwi, inyunguramagambo, gusoma udategwa no kumva umwandiko. Kigaragaza kandi uko amasomo ajyanye no kumva, kuvuga, gusoma, kwandika n'ikibonezavuguzi atangwa hifashishijwe uburyo bwa "Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore."

Iyi nyoborabarezi yanditswe hagendewe ku nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda, ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza, mu rwego rwo gushimangira imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bw'umunyeshuri. Twizeye ko izunganira umwarimu mu gutegura no gutanga amasomo ye neza adahuzagurika kubera ko igaragaza intambwe zose zikurikizwa mu isomo ku buryo bunozwe.

Mu gutegura iki gitabo, impuguke zinyuranye mu by'uburezi ndetse n'imyigishirize y'indimi cyane cyane ururimi rw'Ikinyarwanda zabigizemo uruhare, kugira ngo kinogere umwarimu kandi kimufashe kuzamura ubushobozi bw'abanyeshuri bukenewe.

Turashima abanditse, abatunganyije, abakosoye, abatanze inama n'abandi bagize uruhare mu kwandika iki gitabo. By'umwihariko, turashimira Umushinga USAID Soma Umenye uruhare ugira mu guteza imbere uburezi bufite ireme mu Rwanda.

Turasaba abantu bose bazasoma n'abazakoresha iki gitabo gutanga ibitekerezo byatuma kirushaho kunogera abo kigenewe

Dr. NDAYAMBAJE Irénée

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

IBIRIMO

INTANGIRIRO RUSANGE	IX
UMUTWE WA 1: IMYUGA GAKONDO.....	1
Isuzuma risoza umutwe wa mbere.....	59
UMUTWE WA 2: KUBUNGABUNGA UBUZIMA	62
Isuzuma risoza umutwe wa kabiri	94
UMUTWE WA 3: UBURENGAZIRA N'INSHINGANO BY'UMWANA	96
Isuzuma risoza umutwe wa gatatu	131
UMUTWE WA 4: INYAMASWA ZO KU GASOZI	132
Isuzuma risoza umutwe wa kane.....	198
UMUTWE WA 5: UMUCO W'AMAHORO.....	203
Isuzuma risoza umutwe wa gatanu	245
UMUTWE WA 6: SIPORO N'IMYIDAGADURO	251
Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu	285
Isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika	288
UMUTWE WA 7: GUKUNDA UMURIMO	291
Isuzuma risoza umutwe wa karindwi	313
UMUTWE WA 8: GUKUNDA IGIHUGU	317
Isuzuma risoza umutwe wa munani	365
IBITABO BYIFASHISHIJE	372
UMUGEREKA	373

INTANGIRIRO RUSANGE

I. Iriburiro

Guhera mu mwaka wa 2015, mu mashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye, u Rwanda rwazereye imyigire n'imyigishirize yari ishingiyeye ahanini ku bumenyi, rwinjira mu myigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bukomatanya ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya. Bityo imyigire n'imyigishirize yari yubakiye ahanini ku mwarimu isimburwa n'imyigire n'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare runini mu myigire ye. Iyo myigire ishingiyeye ku bushobozi, ifasha umunyeshuri kugira ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya bimufasha gushyira mu bikorwa ibyo yize no gutanga ibisubizo ku bibazo ahura na byo mu buzima bwe ndetse agafasha n'abandi.

Mu rwego rwo kunganira ishyirwa mu bikorwa ry'integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi, Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB), ku bufatanye n'Umushinga USAID Soma Umenye cyateguye iyi nyoborabarezi igenewe umwarimu wigisha Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza.

Iki gitabo gifasha umwarimu gusobanukirwa n'imikoreshereze y'igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri, igitabo k'inkuru abanyeshuri bisomera zubakiye ku bihekane bamaze kwiga n'ibitabo by'inkuru abana basoma ziri ku kigero cyabo. Iki gitabo kandi gifasha umwarimu gusobanukirwa n'uburyo butandukanye bw'imyigishirize n'uko isuzuma rikorwa.

Muri iki gitabo harimo ibice bitatu by'ingenzi. Igice cya mbere kigizwe n'intangiriro ivugwamo imiterere y'igitabo n'imikoreshereze yacyo. Igice cya kabiri kigizwe n'imiteguro y'amasomo ya buri cyumweru agaragaza uko buri somo ryigishwa. Igice cya gatatu ni umugereka urimo amabwiriza asobanura intambwe zose umwarimu akoresha mu isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize. Aya mabwiriza kandi asobanura uburyo umwarimu agenzura niba abanyeshuri bagera ku bushobozi bwo gusoma no kwandika buteganyijwe kugerwaho mu mwaka bigamo no gufata ingamba mu rwego rwo kunoza imyigire n'imyigishirize.

Igice k'imitegurire y'amasomo kigabanyijwemo imitwe umunani. Buri mutwe ufite insangamatsiko wibandaho, zigenda zigaruka mu nkuru zisomerwa abanyeshuri n'udukuru bisomera. Uretse insanganyamatsiko yihariye yigwa muri buri mutwe igaragara cyanecyane mu myandiko iboneka muri buri mutwe, higwa kandi ibihekane biteganywa mu nteganyanyigisho nshya ishingiyeye ku bushobozi bigaragara mu gitabo cy'umunyeshuri.

Turahamya tudashidikanya ko iki gitabo kizafasha umwarimu wigisha mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza kwigisha neza gusoma no kwandika no kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda.

II. Imiterere y'igitabo

1. Imitwe n'ibygwa

Umutwe	Insanganyamatsiko	Ibyigwa	
1	Imyuga gakondo	Ibihekane: mpy, pw, mpw, nsy, mvw,byw	
2	Kubungabunga ubuzima	Ibihekane: ncy, shyw, nshw, myw, nshyw na mbyw	
3	Uburenganzira n'inshingano z'umwana.	Ibihekane: mfw, mvy, mvyw, pfw, pfy, vw, vy na ryw	
4	Inyamaswa zo ku gasozi	Utwatuzo: akabago, akitso, akabazo n'agatangaro Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo	
5	Umuco w'amahoro	Kubara inkuru Inyuguti nkuru	
6	Siporo n'imyidagaduro	Uturingushyo Utwatuzo: Utwuguruzo n'utwugarizo Ibisakuzo Umugani muremure Umuwugo Amagorane	
7	Gukunda umurimo	Utwatuzo Ibaruwa isanzwe Agakinamico	
8	Gukunda igihugu	Impuzanyito Imvugwakimwe Imbusane Imigani migufi	Umwirondoro Inyuguti nkuru Inshamake Indirimbo

2. Amasomo y'icyumweru n'ibikorwa by'ingenzi bigaragaramo

Uburyo amasomo akurikirana mu cyumweru bunyuranye mu buryo butatu. Aho biga ibihekane bibiribiri (umutwe wa 1 n'uwa 2), aho biga ibihekane bitatubitatu (umutwe wa 3) n'aho biga ikibonezamvugo n'ubundi bumenyi rusange (umutwe wa 4 kugeza ku wa 8).

A. Uko amasomo akurikirana mu mutwe wa mbere n'uwa kabiri

Isomo	Ikigwa	Ibikorwa
1	Kumva inkuru	- Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho - Inyunguramagambo - Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye - Kumva inkuru
2	Gusesengura inkuru	- Inyunguramagambo - Gusomera abanyeshuri mu ijwi riranguruye - Gusesengura inkuru
3/5	Gutahura no gusoma igihekane gishya	Itahuramajwi - Gutahura no kwitoza kuvuga ijwi rishya - Gutahura ijwi rishya bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho zifatika Ihuzamajwi - Kwerekana ikimenyetso k'igihekane gishya gitangiwe n'inyuguti nto n'uko gisomwa Gusoma -Gusoma imigemo irimo igihekane gishya -Gusoma amagambo n'interuro birimo igihe gishya -Gusoma agakuru karimo igihekane gishya -Kumva agakuru

4/6	Kwandika igihekane gishya	<ul style="list-style-type: none"> - Kwimenyereza kwandika mu mukono ingihekane gishya gitangiwe n'inyuguti nto - Kwimenyereza kwandika mu mukono ingihekane gishya gitangiwe n'inyuguti nto - Gusoma no kwandika amagambo arimo igihekane gishya - Gusoma no kwandika interuro zirimo igihekane gishya - Gutondeka imigemo bagakora amagambo arimo igihekane gishya
7	Imyitoto y'isubiramo yo gusoma no kwandika ibihekane bishya.	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho - Inyunguramagambo - Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye - Kumva agakuru - Kwandika
8	Imyitoto y'isubiramo yo kumva agakuru, gusoma no kwandika ibihekane bishya.	<ul style="list-style-type: none"> - Umwitoto w'itahuramajwi - Umwitoto w'ihuzamajwi - Umwitoto wo gusoma - Umwitoto wo kwandika

Ikitonderwa: Guhera ku mutwe wa gatatu ibihekane byigishwa ari bitatu mu cyumweru.

B. Uko amasomo akurikirana ku bihekane byigishwa ari bitatu (Umutwe wa gatatu):

Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru

Isomo rya 2/ 4/ 6: Gutahura no gusoma igihekane gishya

Isomo rya 3/5/ 7: Kwandika igihekane gishya

Isomo rya 8: Imyitoto y'isubiramo yo gusoma no kwandika ibihekane bishya

B. Uko amasomo akurikirana ku mitwe yigishwamo ikibonezamvugo n'ubundi bumenyi rusange (Umutwe wa 4-8)

Isomo	Ikigwa	Ibikorwa
1	Kumva no gusesengura inkuru	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho - Inyunguramagambo - Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye - Kumva no gusesengura inkuru
2	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho - Inyunguramagambo - Gusoma umwandiko
3/5	Kumva no gusesengura umwandiko	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye - Kumva no gusesengura umwandiko
4/ 6	Ikibonezamvugo kigwa/ ubundi bumenyi rusange	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura ikibonezamvugo/ ubumenyi rusange byigwa wifashishije interuro fatizo - Gusesengura ikibonezamvugo/ ubumenyi rusange byigwa wifashishije interuro fatizo - Gukora imyitoto y'ikibonezamvugo/ ubumenyi rusange byigwa
7	Imyitoto yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora umwitoto wo gusoma umwandiko - Gukora umwitoto w'inyunguramagambo - Gukora umwitoto wo kumva umwandiko - Gukora umwitoto wo gusesengura umwandiko

8	Imyitozo isoza icyumweru (ku kibonezamvugo/ ubumenyi bw'ururimi bw'ururimi bwizwe mu cyumweru)	- Gukora imyitozo inyuranye ijyanye n'ubumenyi bw'ururimi bwizwe mu cyumweru
---	--	--

Ikitonderwa:

- Ku mpera ya buri mutwe kandi, hateganyijwe isuzuma risoza umutwe, rikorwa mu cyumweru cyose, uretse ku mutwe wa kabiri n'uwa gatatu aho rigenerwa amasomo atatu ya nyuma ni ukuvuga isomo rya gatandatu, irya karindwi n'irya munani.
- Buri somo kandi risozwa n'umukoro abanyeshuri bakorera mu rugo. Igihe amasomo arenze rimwe ku munsu, umwarimu ahitamo umukoro aha abanyeshuri. By'umwihariko ku isomo rya 3, irya 5 rifite umukoro wihariye ujyanye n'umwitozo wo kwandika utoza abanyeshuri kwimenyereza kuba bahimba udukuru twabo cyangwa gukomeza kwitwaza kwandika ibihokane byizwe.

III. Uburyo bw'imyigishirize

1. Inkingi eshanu zo kwigisha gusoma no kwandika

Agendeye ku nkingi zo gusoma no kwandika, umwarimu agomba kuzamura ubushobozi bw'abanyeshuri mu kumva, kuvuga, gusoma no kwandika. Izo nkingi zo kwigisha gusoma no kwandika ni:

Itahuramajwi

Itahuramajwi ni ubushobozi bwo kumva, gutahura, kuvuga no guhinduranya amajwi. Rikorwa mu mvugo gusa. Nta nyandiko ikoreshwa. Muri iki gitabo cy'umwarimu itahuramajwi rijyanye n'igikorwa cya mbere cyo mu gitabo cy'umunyeshuri aho umwarimu asaba abanyeshuri kuvuga izina ry'ishusho cyangwa imfashanyigisho ifatika, bagatahura ijwi ryigwa. Itahuramajwi ni intambwe y'ingenzi iganisha ku kumenya gusoma. Ni ngombwa kwigisha itahuramajwi kubera ko uko abanyeshuri bakora imyitozo myinshi yo gutahura ijwi ry'igihokane no kurivuga bibafasha kumenyera iryo jwi no kuritandukanya n'andi. Ibi bifasha abanyeshuri kumenya gusoma vuba.

Ihuzamajwi

Ihuzamajwi ni ubushobozi bwo guhuza amajwi n'ibimenyetso bikoreshwa mu kuyandika. Iyi nkingi igaragazwa cyanecyane mu gikorwa cya kabiri mu gitabo cy'umunyeshuri. Mu kwigisha ihuzamajwi abanyeshuri basobanurirwa ko buri jwi rigira ikimenyetso bakoresha baryandika. icyo kimenyetso kikitwa inyajwi, ingombajwi cyangwa igihokane. Uko umuntu abumbuye umunwa avuga hasohoka ijwi. Iryo jwi risohokera icyarimwe ryitwa umugemo. Umugemo ukaba ushobora kugirwa n'ijwi rishobora kwandikishwa inyuguti imwe cyangwa urukurikirane rw'inyuguti. Kugira ngo abanyeshuri babashe kwiga gusoma bagomba kumva ko urukurikirane rw'amajwi mu ijamba rivuzwe, rugaragazwa n'urukurikirane rw'inyuguti mu ijamba ryanditse.

Gusoma udategwa

Gusoma udategwa bivuga ubushobozi bwo gusoma neza kandi vuba. Usoma adategwa, asoma amagambo adashakisha, bigatuma asomera ku muvuduko mwiza. Iyo akoze ikosa arabimenya akikosora. Asoma yiyizewe kandi yita ku twatuzo n'isesekeza. Ibi bimufasha kumva umwandiko bikanatuma atanirwa mu gihe arimo gusoma. Iyi nkingi igaragara cyanecyane mu gikorwa cya gatatu, icya kane, icya gatanu n'icya gatandatu mu gitabo cy'umunyeshuri.

Inyunguramagambo

Inyunguramagambo ni urwunge rw'amagambo umuntu akeneye kugira ngo abashe gushyikirana n'abandi mu mvugo (kumva no kuvuga) no mu nyandiko (gusoma no kwandika). Kwigisha inyunguramagambo bifasha umunyeshuri kumva neza inkuru yisomeye asubiza ibibazo byayibajijweho. Inyunguramagambo igaragara mu gihe higishwa inkuru zisomerwa abanyeshuri n'inkuru abanyeshuri bisomera ku giti cyabo.

Kumva umwandiko

Kumva umwandiko bivuga gusobanukirwa n'ibiwuvugwamo. Kumva ubutumwa bukubiye mu mwandiko ni ishingiro ryo gusoma, kuko iyo abanyeshuri basoma, baba bakeneye gusobanukirwa n'ibyo basoma, basubiza ibibazo byawubajijweho cyangwa basubiriramo abandi ibyo basomye. Iyi nkingi na yo igarukwaho cyanecyane mu masomo ajyanye n'umwandiko basomerwa n'uwo abanyeshuri bisomera ku giti cyabo.

Ikitonderwa

Gusoma no kwandika ntibitandukana. Umunyeshuri usoma neza yaba n'umwanditsi mwiza. Kwandika bifasha abanyeshuri gushyira mu bikorwa ubumenyi bafite bwo guhuza ijwi n'ikimenyetso.

2. Imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bw'umunyeshuri

Mu myigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi, abanyeshuri ni bo bahabwa uruhare runini mu myigire yabo. Umwarimu ntagomba gufata abanyeshuri nk'aho nta cyo bazi. Ni yo mpamvu akwiye guhera ku byo abanyeshuri basanzwe bazi kandi bafitiye ubushobozi, akabafasha kuvumbura ibindi bakorera mu matsinda yabo.

Iyo abanyeshuri bakorera mu matsinda umwarimu agenda abayobora afasha abafite ibibazo. Iyo barangije gukorera mu matsinda, babwira bagenzi babo ibyo bagezeho, nyuma bagafatanya n'umwarimu kunonosora iby'ingenzi basigarana. .

3. Uburyo bw'imyigire n'imyigishirize bwa "Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore"

Mu rwego rwo kurushaho gufasha abanyeshuri kugira uruhare mu myigire yabo no kuzamura ubushobozi bwo gusoma no kwandika, muri iki gitabo hakoreshwa uburyo bw'imyigire n'imyigishirize bwa "Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore".

Ni uburyo bw'imyigire n'imyigishirize bushingira ku ntambwe eshatu ari zo "Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore" hagamijwe guha abanyeshuri ubushobozi bushya bunyuranye. Dore ibisobanuro by'ubwo buryo:

Ndatanga urugero: Umwarimu yereka abanyeshuri ibyo bagomba gukora kandi akabaha urugero rw'uko bikorwa.

Dukorane twese: Umwarimu n'abanyeshuri bakorera hamwe.

Buri wese akore: Umunyeshuri akora wenyine, umwarimu akamufasha aho bibaye ngombwa.

4. Uburyo bwo kwita ku bushobozi nsanganyamasomo

Iki gitabo cy'umwarimu, giteguye ku buryo hagaragaramo ubushobozi nsanganyamasomo bukurikira: ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo, guhanga udushya, ubushakashatsi, gusabana mu Kinyarwanda, ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi, ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. Ubwo bushobozi bugaragarira cyane mu myitozo inyuranye yo kumva no gusesengura inkuru. Umwarimu asabwa gukora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri bagire ubwo bushobozi abaha imyitozo n'imikoro binyuranye.

5. Uburyo bwo kwita ku ngingo nsanganyamasomo

Integanyanyigisho y'ikinyarwanda ikicro cya mbere cy'amashuri abanza umwaka wa kabiri, iteguwe

ku buryo imwe mu mitwe iyigize igenda yubakirwa ku nsanganyamatsiko zijyanye na zimwe mu ngingo nsanganyamasomo. Bityo rero, imyandiko ikubiyemo iba igomba gufasha abanyeshuri kuzisobanukirwa neza. Izo ngingo nsanganyamasomo ni izi zikurikira: uburinganire n’ubwuzuzanye, uburezi budaheza, umuco w’ubuziranenge, kwita ku bidukikije, umuco wo kuzigama, ubuzima bw’imyorokere, umuco w’amahoro no kurwanya jenocide.

Mu ntangiriro ya buri mutwe, hagaragazwa ingingo nsanganyamasomo zigomba kuvugwaho, hanagaragazwa imyandiko n’amashusho izo ngingo nsanganyamasomo zibonekamo. Ni ngombwa ko umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo mu gihe yigisha afashe abanyeshuri gusobanukirwa n’izo ngingo.

6. Uburyo bwo kwita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye

Mu gihe umwarimu yigisha, agomba kwibuka kugendagenda mu ishuri, yitegereza uko abanyeshuri bakurikira, bityo akabona inzitizi za buri wese n’ubufasha akeneye guhabwa. Yita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye nk’abatabona neza, abatumba neza, abagenda gahoro mu myigire yabo kugira ngo bashobore kujyana n’abandi.

Nko ku batumba neza, iyo umwarimu asoma, akora ku buryo asoma abegereye. Abatabona neza abicaza akurikije imiterere y’ubumuga bwo kutabona bafite. Abatabona neza kandi ashobora kubafasha akoresha imfashanyigisho zibagenewe zijyanye no gutahura, gusoma no kwandika.

Abagenda buhoro mu myigire, bagomba gutegurirwa imyitoto yihariye ibafasha kugenda bazamura urwego rw’ubushobozi bariho. Umwarimu abakurikirana abaha ubufasha bakeneye, akabibandaho akoresha uburyo bw’imyigishirize butuma buri wese agira uruhare mu isomo. Mu gihe cyo gukora amatsinda, umwarimu azirinda gushyira abagenda buhoro mu matsinda yabo bonyine. Azakora amatsinda ahurirwemo n’ababyumva kurusha abandi, abagerageza ndetse n’abagenda buhoro. Ibyo bizatuma bese bakomeza gufashanya, gusobanurirana aho batabyumva.

7. Amasuzuma ateganyijwe n’uburyo azakoreshwa

Isuzuma ni igice k’ingenzi mu myigire n’imyigishirize gifasha umwarimu gukusanya amakuru ajyanye n’ubushobozi bwa buri munyeshuri. Isuzuma ritegurwa hashingiwe ku ntego zihariye z’amasomo cyangwa ku bigenderwaho mu isuzuma rya buri mutwe.

Hari rero imyitoto y’isuzuma izajya ikorwa kuri buri somo, hakaba imyitoto y’isubiramo isoza buri cyumweru n’isuzuma risoza buri mutwe. Imyitoto y’ayo masuzuma igaragara mu gitabo cy’umunyeshuri, naho uburyo ikoreshwa n’ibisubizo byayo bikaba biri muri iki gitabo cy’umwarimu. Iyi myitoto y’isuzuma ikorwa na buri munyeshuri ku giti ke cyangwa igakorerwa mu matsinda mato bitewe n’imiterere yayo. Umwarimu afasha abanyeshuri mu kunoza ibisubizo akanafasha by’umwihariko abafite ibibazo byihariye. Nyuma yo gukora isuzuma risoza umutwe, umwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda abiri akurikije ubushobozi bagaragaje. Abagaragaje ubushobozi buke abaha imyitoto nzamurabushobozi ibafasha gushyira mu bikorwa ibyo bize. Mu gihe barimo kuyikora, abagaragaje ubushobozi bwo kumva ibyo biga kurusha abandi bo baba bakora imyitoto nyagurabushobozi cyangwa baganira ku ngingo nsanganyamasomo.

Ku buryo bw’umwihariko, muri iki gitabo hateganyijwe amasuzuma abiri agamije gusuzuma ubushobozi bwo gusoma no kwandika buri munyeshuri agezeho. Aya masuzuma yateganyijwe kuzakorwa ku mpera z’umutwe wa kane n’uwa gatandatu. Agamije kugaragaza ubushobozi buri munyeshuri azaba afite, ibivuyemo bikazafasha mu gufata ingamba nshya hakurikijwe uko abanyeshuri bahagaze mu bijyanye no gusoma no kwandika. Ibyavuye muri aya masuzuma kandi bizasangizwa abandi bafatanyabikorwa (Umuyobozi w’ikigo k’ishuri, ababyeyi n’abandi) kugira ngo bafatanye n’umwarimu mu gufata ingamba zo kunoza imyigire n’imyigishirize mu ishuri.

Ayo masuzuma azakoreshwa nyuma y'isuzuma risoza umutwe wa 4 n'uwa gatandatu agenewe gukorwa mu masomo 3 ni ukuvuga isomo rya 6, 7 n'irya munani kubera ko andi masomo atanu abanza aba yakozwemo isuzuma risoza umutwe. Umwarimu azifashisha amabwiriza agena uburyo bwo gutanga isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize, n'uburyo bwo gukoresha ibyavuye muri iryo suzuma biri mu mugereka uri ku mpera y'iki gitabo (Amabwiriza ku isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize riteguye).

IV. Imikoreshereze y'ibindi bitabo bijyana n'iki gitabo cy'umwarimu

1. Igitabo cy'umunyeshuri

Igitabo cy'umunyeshuri kirimo ibikorwa binyuranye by'itahuramajwi, ihuzamajwi, udukuru two gusoma tujyanye n'amashusho, inyunguramagambo, ibibazo byo kumva udukuru, n'imyitoto inyuranye yo gusoma no kwandika kuri buri gihekane kigishijwe. Kirimo kandi imyitoto inyuranye ifasha abanyeshuri gucengerwa n'ibikorwa byose bigamije gutoza umunyeshuri gusoma no kwandika.

Ku mpera ya buri mutwe ukigize, hari imyitoto y'isuzuma risoza umutwe ifasha abanyeshuri kongera kwiyungura no gukomatanya ubumenyi n'ubushobozi bwo gusoma no kwandika yungukiye mu masomo agize umutwe wose. Ni ngombwa ko umwarimu ayobora abanyeshuri muri buri gikorwa, akabaha n'umwanya ukwiye wo gukora ibikorwa n'imyitoto biteganyijwe.

Mu gitabo cy'umunyeshuri, ibikorwa bifasha umwarimu kwigisha igihekane gishya bigaragazwa n'ibara ry'ubururu. Ibara rya oranje rigaragaza imyitoto naho ibara ry'icyatsi, rikagaragaza isuzuma risoza buri mutwe.

2. Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri

Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri. Buri nkuru yubakiye ku bihekane abanyeshuri baziga muri icyo cyumweru no ku nsanganyamatsiko y'umutwe mu masomo agize icyumweru. Iki gitabo kifashishwa by'umwihariko mu gihe umwarimu agiye kwigisha isomo rya mbere. Gikubiyemo inkuru zigamije kongera ubushobozi bw'abanyeshuri mu gutega amatwi ndetse no gusobanukirwa n'ibyo bumvise.

V. Umuteguro w'isomo ntangarugero

Izina ry'ishuri:

Izina ry'umwarimu:

Igihembwe cya	Itariki	Inyigisho	Umwaka wa	Umutwe wa	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
2	Ikinyarwa-nda	3	6	6/8	40
Abafite ibyo bagenewe mu myigire n'imyigishirize n'umubare wabo				- Abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza: 2 - Umunyeshuri ufite ubumuga bwo kutabona ibiri kure: 1			
Umutwe				Siporo n'imyidagaduro			
Isomo				Umugani muremure			
Intego ngenamukoro				Hifashishijwe umwandiko wasomwe: "Yamenye kubuguza" , buri munyeshuri araba ashobora gusoma, gusesengura no gutahura imiterere y'umugani.			
Imiterere y'aho isomo ribera				Abanyeshuri baricara mu ishuri mu gice cy'uruziga, 2 batumva neza bicare hafi y'aho umwarimu ahagaze abasomera, naho 1 utabona neza yicare imbere yegereye ikibaho kandi akitegeye neza, ku buryo ashobora kubona ibyo umwarimu yandika.			
Imfashanyigisho				Imfashanyigisho zifatika, amashusho byatuma umwarimu yigisha neza umugani.			
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe				Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 220-222. Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikiciro cya 1, umwaka wa gatatu, urupapuro rwa 87-88.			
Ibice by'isomo + igihe		Gusobanura muri make ibikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora Umwarimu akoresheje uburyo bwa "Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore" , arasomera abanyeshuri interuro fatizo zavuye mu mwandiko "Yamenye kubuguza" abafashe gutahura imiterere y'umugani (uturango twawo).			Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo + (igisobanuro kigufi)		
		Ibikorwa by'umwarimu		Ibikorwa by'umunyeshuri			
I. ISUBIRAMO (Iminota 5)		-Kugenzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, kubakosora no gufasha abafite ibibazo byihariye. -Kubaza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baherutse kwiga: "Yamenye kubuguza" - <i>Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?</i> - <i>Ni ba nde bavugwa muri uwo mwandiko?</i> - <i>Uyu mwandiko wagusigiye irihe somo?</i>		- Kwerekana aho bakoreye umukoro cyangwa kuvuga uko bakoze umukoro. - Gusubiza ibibazo ku mwandiko wizwe ubushize "Yamenye kubuguza" - <i>Umwandiko duheruka kwiga ni "Yamenye kubuguza".</i> - <i>Ni umukambwe Migambi n'umuhungu we Minani.</i> - <i>Wansigiye isomo ko ikintu umuntu yiyemeje kwiga ashobora kukimenya.</i>		Ingingo nsanganyamasomo: - Umuco w'amahoro: Kudasagarira abandi; gusaba imbabazi no kuzitanga. (Mu gihe basubiza ibibazo ku nkuru) Ubushobozi nsanganyamasomo: Ubufatanye, imibanire ikwiye bigaragarira mu kugirana inama no mu gutaramira hamwe.	
II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)		-Kwandika ku kibaho interuro fatizo zibafasha gutahura uturango tw'umugani. -Kubaza abanyeshuri ibibazo ku nteruro fatizo zituma batahura imiterere y'umugani. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri basobanurire ko Umugani utangirwa na "Kera habayeho" , ugasozwa na "Singe wahera" kandi ko uba uvuga ibintu bitabayeho kandi bitanashoboka.		-Kugerageza gusubiza ibibazo bibaganisha ku kuvumbura imiterere y'umugani.		Ingingo nsanganyamasomo: 1. Uburinganire n'ubwuzuzanye: -Gukorerahamwe mu matsinda kw'abakobwa n'abahungu murimo wabahaye. 2. Uburezi budaheza: Umunyeshuri utabona neza na we aragira uruhare, mu bikorwa afashijwe n'umwarimu cyangwa bagenzi be bigana.	

<p>Ndatanga urugero:</p>	<p>- Kuyobora abanyeshuri bakavugira hamwe ko umugani muremure ari umwandiko uvuga ibintu bitabayeho kandi bitanashobora kubaho, ugatangizwa na “Kera habayeho...,” ugasoza na “Si nge wahera hahera...,” kandi ukaba urimo amakabyankuru.</p> <p>-Gushyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ugasaba buri munyeshuri kubwira mugenzi we ko umugani muremure ari umwandiko uvuga ibintu bitabayeho kandi bitanashobora kubaho, ugatangizwa na “Kera habayeho...,” ugasoza na “Si nge wahera hahera...,” kandi ukaba urimo amakabyankuru.</p>	<p>Kuvugira hamwe na mwarimu uturango tw’umugani.</p> <p>Kubwirana uturango tw’umugani.</p>	<p>2. Uburezi budaheza: Umunyeshuri utabona neza na we aragira uruhare, mu bikorwa afashijwe n’umwarimu cyangwa bagenzi be bigana.</p>
<p>Imyitozo</p>	<p>-Gusaba abanyeshuri gusoma umwandiko “Yamenye kubuguzi” bakagaragaza uturango tw’umugani turimo.</p>	<p>-Kugaragaza uturango tw’umugani turi mu mwandiko “Yamenye kubuguzi”</p>	
<p>Isuzuma: iminota 10</p>	<p>-Gushyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, ubasabekora umwitozo wa 2 uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 222, wo gucirana umugani muremure</p>	<p>- Gucirana imigani mu matsinda.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo:</p> <p>Ubushakashatsi no gushakira ibibazo ibisubizo:</p> <p>Kubashishikariza gutekereza cyane bagerageza gusubiza ibibazo bahawe.</p>
<p>Umukoro:</p>	<p>-Gusaba abanyeshuri kuza kubwira abo babana bakabacira umugani, bakawufata maze na bo bakazawucira abandi mu ishuri.</p>	<p>-Gutega amatwi umukoro no kuza kuwukorera mu rugo.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo:</p> <p>-Kwiga no guhora biyungura ubumenyi. Kubashishikariza kubwira abo babana bakabacira indi migani.</p>
<p>Kwisuzuma</p>	<p>- Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye.</p> <p>- Kugaragaza imbogamizi yahuye na zo (igihe zihari).</p>		

UMUTWE WA 1: IMYUGA GAKONDO

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihokane mpy, pw, mpw, nsy, mvw, na byw no gusesengura utwandiko tugufi dushingiye ku nsanganyamatsiko y'imyuga gakondo.

Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho:

Umwarimu ahereye ku mashusho, imyandiko, inkuru biri muri uyu mutwe, arasobanurira abanyeshuri ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye, uburezi budaheza n'umuco w'amahoro.

Icyumweru cya 1

Isomo rya 1: Kumva inkuru

Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri umwaka wa kabiri ku rupapuro rwa **14** n'urwa **15**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. INTANGIRIRO (Iminota 5)

Baza abanyeshuri ibibazo bibafasha kwibuka zimwe mu nkuru bize mu mwaka wa kabiri.

Urugero rw'ibibazo yabaza:

1. Ni nde watwibutsa inkuru yize mu mwaka wa kabiri? **Harakabaho itumanaho.**
2. Ni irihe somo wakuye muri iyo nkuru? **Gufasha abantu bakuru, gufata neza ibikoresho by'itumanaho.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Saba abanyeshuri kwitonda no gutega amatwi maze ubabwire ko ugiye kubasomera inkuru **"Yabaye intangarugero"** iri mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri umwaka wa **2** urupapuro rwa **14** n'urwa **15**.

II. ISUBIRAMO RY'IBYZWE MU MWAKA WA KABIRI (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru **"Yabaye intangarugero"**. Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona, hanyuma batahure icyo inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo:

Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva inkuru **"Yabaye intangarugero"** ko bari bwumvemo amagambo: **imyitwarire, umwihariko.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **imyitwarire**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **imyitwarire**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **imyitwarire**. **Imyitwarire** bisobanura uburyo w'ifata imbere y'abandi.

Koresha ijambo **imyitwarire** mu nteruro. **Urugero:** Cyusa afite **imyitwarire** myiza.



Dukorane twese

Vugira hamwe n'abanyeshuri ijambo **imyitwarire** n'igisobanuro cyaryo. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe interuro Cyusa afite **imyitwarire** myiza.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri buri wese akore interuro irimo ijambo **imyitwarire** ayibwire mugenzi we. Saba abanyeshuri bake kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **imyitwarire**, bukoreshwe no gusobanura ijambo **umwihariko**. **Umwihariko** bisobanura ikintu kidasanzwe. **Interuro:** Ishuri ryacu rifite umwihariko wo gutsindisha abana benshi.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru ubasabe gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza.

Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba bibuka igisobanuro cyaryo. Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri, baza abanyeshuri niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi bumve uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Abanyeshuri bavuzwe mu nkuru ni bande?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wakibonye.

Soma igisubizo kivuye mu nkuru. **Abanyeshuri bavugwa mu mwandiko ni Cyusa, Cyanzayire na Kayirebwa.**



Dukorane twese

Baza ikibazo cya kabiri. **Nyuma y'iminsi mike Cyusa yakoze iki amaze kugirwa inama?** Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza hanyuma muvugire hamwe igisubizo. **Mu minsi yakurikiyeho Cyusa yarikosoye atangira kuba intangarugero mu ishuri.**



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikira. **Ishuri Cyusa yigiramo ryahize ayandi mu bihe bikorwa?**

Bwira buri munyeshuri akorane na mugenzi we basubize icyo kibazo. Genzura niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza abandi igisubizo babonye. Soma igisubizo kivuye mu nkuru, usabe abanyeshuri kugisubiramo. **Ishuri Cyusa yigiramo ryahize ayandi mu isuku.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1. Ni iyihe myifatire yarangaga Cyusa ku ishuri? **Ntiyubahaga, yari indangare kandi ntiyubahirizaga inshingano.**
2. Ni izihe nshingano z'umunyeshuri? **Gukora imirimo bafasha ababyeyi, gukurikira mu ishuri, gukora imikoro bahabwa mu ishuri.**
3. Ni iki wigiye kuri Cyusa? **Kumva inama ugirwa ugahinduka ukareka amakosa wakoraga**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ufasha abafite ibibazo.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kuganira n'abo babana, bababwire ibyo bumvise mu nkuru basomewe ku ishuri n'isomo bakuyemo bazaribwire abandi mu ishuri.

Icyumweru cya 1	Isomo rya 2: Gusesengura inkuru
Intego rusange: Gusesengura inkuru no kuyihuza n'ubuzima busanzwe	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri umwaka wa 2 ku rupapuro rwa 14 n'urwa 15.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kwiga **"Yabaye intangarugero"**.

Urugero:

1. Ni nde watwibutsa inkuru twize? **Yabaye intangarugero**
2. Ni abahe bana bavugwaga mu nkuru? **Cyusa, Cyanzayire na Kayirebwa**

3. Ese umwana uvugwamo wari waraniranye nyuma akaza kwikosora ni nde? Ni iki kerekana ko yari yarananiranye? **Ni Cyusa. Ikibyerekana ni uko atubahaga, yari indangare kandi atubahiriza inshingano ze.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Bwira abanyeshuri ko kubaha ari byiza cyane. Ongera ubakundishe kubaha abo babana ndetse no kugira isuku aho bari hose.

II. ISUBIRAMO RY'IBYIZWE MU MWAKA WA KABIRI (Iminota 25)

1. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Bwira abanyeshuri ko bagiye kongera kumva inkuru **"Yabaye intangarugero"**.

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe urimo gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijamba ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo.

2. Gusesengura inkuru: Kuyihuza n'ubuzima busanzwe

Baza ibibazo bihuza inkuru n'ubuzima busanzwe.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Ubonye mugenzi wawe mwigana asuzugura umwarimu wamugira iyihe nama?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere.

Igisubizo: **Mbonye umunyeshuri asuzugura umwarimu namugira inama yo kubireka kuko ari bibi.**



Dukorane twese

Baza ikibazo cya kabiri. **Vuga icyo unenga Cyusa n'icyo umushima?** Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. **Icyo nenga Cyusa ni uko yasuzuguraga umwarimu we ndetse ntiyanubahirizaga inshingano ze. Icyo mushima ni uko yumvise inama yagiriwe na bagenzi be akareka ibibi yakoraga.**



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikiraho. **Ni iki wigiye kuri Kanzayire na Kayirebwa?**

Bwira buri munyeshuri akorane na mugenzi we basubize icyo kibazo. Fata akanya gato urebe niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo ibisubizo babonye. Igisubizo: **Icyo nigiyeho kuri Kantengwa na Kayirebwa ni uko ndamutse mbonye mugenzi wange yitwara nabi ngomba kumugira inama yo kubireka.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1. Ni iki cyatumye umwarimu acyaha Cyusa? **Ni uko Cyusa yaje kwiga atisukuye kandi atakoze umukoro.**
2. Ni abahe bantu mugomba kubaha? **Tugomba kubaha abantu bose nta vangura (abato, abakuru, ababyeyi, abarezi).**
3. Ni irihe somo ukuye muri iyi nkuru? **Kubaha abantu bose, kubahiriza inshingano, kugira inama bagenzi bange.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri, ubakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Icyumweru cya 1	Isomo rya 3: Imyitoto yo gusubiramo: Gusoma no kwandika ibihokane ns/Ns, mby/Mby, shy/Shy, nsh/Nsh, gw/Gw
Intego rusange: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihokane ns/Ns, mby/Mby, shy/Shy, nsh/Nsh, gw/Gw.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. INTANGIRIRO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore unafashe abafite ibibazo byihariye.

II. ISUBIRAMO RY'IBYIZWE MU MWAKA WA KABIRI (Iminota 25)

1. Itahuramajwi n'ihuzamajwi (Iminota 5)

Gutahura amajwi **ns, mby, shy, nsh, gw** no kuyahuza n'amashusho n'izindi mfashanyigisho.



Ndatanga urugero

Baza abanyeshuri niba bazi amazina y'amashusho ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **1** igikorwa cya **1**. Uhereye ku byo abanyeshuri basubije, sobanura ko uvuga izina ry'ishusho, hanyuma ukajya uzamura ibikumwe ubirebesha hejuru mu gihe izina rifite ijwi rya **ns, mby, shy, nsh** cyangwa **gw** hanyuma ukanamanura ibikumwe ubirebesha hasi mu gihe izina ridafite ijwi rya **ns, mby, shy, nsh** cyangwa **gw**. Huza ishusho n'ijwi bijyanye. Vuga izina ry'ishusho ya mbere. **Inshundura** ibikumwe birareba hejuru. Huza ishusho n'ijwi bijyanye. **Inyombya** ibikumwe birareba hejuru. Huza ishusho n'ijwi bijyanye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvuge amazina y'amashusho akurikiraho. **Umugwegwe:** ibikumwe birareba hejuru. Fatanya n'abanyeshuri guhuza ishusho n'ijwi bijyanye. **Inkoko** ibikumwe birareba hasi.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke kuvuga amazina y'amashusho akurikiraho banayahuze n'amajwi bijyanye. **Ishyamba** ibikumwe birareba hejuru. **Insina** ibikumwe birareba hejuru.

2. Gusoma no kwandika mu mukono imigemo irimo ibihokane ns, mby, shy, nsh, gw



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Vuga imigemo **nsi, mbyu, shyo, nsha, gwe**. Saba bamwe mu banyeshuri kuyandika ku kibaho mu mukono, bayisome bagenda bayikoraho. Uhereye ku byo abanyeshuri bazi, basabe gukurikira uko wandika ku kibaho imigemo **nsi, mbyu, shyo, nsha, gwe** mu mukono, hanyuma uyibasomere by'intangarugero uagenda uyikoraho.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri mu kwandika imigemo **nsi, mbyu, shyo, nsha, gwe** mu mukono, nibarangiza muyisomere hamwe aho yanditse ku kibaho.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu mukono ku giti cyabo imigemo ikurikiyeho **nsu, mbyo, nsha, shye, gwi** iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **1**, igikorwa cya **2**, mu makayi yabo hanyuma bayisome. Gendagenda mu ishuri ufasha abafite ibibazo byihariye.

3. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo ibihokane "ns, mby, shy, nsh, gw"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho ijamba **insina** hanyuma urisomere abanyeshuri. Kora kuri buri mugemo uwusome hanyuma unyereze urutoki muni y'ijamba urisomere icyarimwe.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho amagambo **insina, imbyino, inshuti, ubugwari** mu mukono. Yobora abanyeshuri mu kuyandika mu mukono, hanyuma muyasomere hamwe aho yanditse ku kibaho.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke, kwandika mu mukono amagambo asigaye ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **1** igikorwa cya **3**, nibarangiza bayasome.

4. Gusoma no kwandika mu mukono interuro zirimo ibihokane "ns, mby, shy, nsh, gw"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho interuro **Inyombya ihagaze ku mugwegwe uri ku nsina za Nshuti** mu mukono. Yisomere abanyeshuri, ugena ukora kuri buri jambo riyigize, hanyuma uyisomere icyarimwe.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri bandike mu makayi yabo interuro **Inyombya ihagaze ku mugwegwe uri mu nsina za Nshuti** mu mukono, ugena ukora kuri buri jambo, hanyuma muyisomere icyarimwe.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu mukono interuro **Mugwiza agira ishyaka akita ku mbyeyi ze buri muni** iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **1** igikorwa cya **4**, nibarangiza bayisome.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri icyandikwa. Somera abanyeshuri buri jambo na buri interuro inshuro eshatu hanyuma babyandike mu mukono batabireba.

Inshinge, imbyaro, kugwa, insokozo

Mugwiza agira ishyaka akita ku mbyeyi ze buri muni.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kwandika mu mukono mu makayi yabo imigemo, amagambo n'interuro biri mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **1** igikorwa cya **3** n'icya **4**, mu mukono hanyuma banabisomere abo babana bazabisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 1	Isomo rya 4 : Gusoma agakuru karimo ibihokane "ns, mby, shy, nsh, gw"
Intego rusange : Gusoma no kumva agakuru	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 2

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cyabo urupapuro rwa **1** igikorwa cya **3** n'icya **4**.

II. ISUBIRAMO RY'IBYIZWE MU MWAKA WA KABIRI (Iminota 25)

1. Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **2** igikorwa cya **5**.



Ndatanga urugero

Basabe gukurikira uko ubasomera umutwe w'agakuru "**Iterambere ry'umuryango**" ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'agakuru, mu bitabo byabo urupapuro rwa **2** igikorwa cya **5**.







Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma umutwe w'agakuru buri wese ku giti ke.

Bwira abanyeshuri kwitegereza ishusho, bavuge ibyo bayibonaho.

Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'agakuru no ku mashusho baratahura icyo agakuru kaza kuvugaho.

<p>2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru. Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva umwandiko “Iterambere ry’umuryango”, ko bari bwumvemo amagambo: ishinge, inkingi.</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Vuga ijambo rya mbere ishinge. Baza abanyeshuri igisobanuro k’ijambo ishinge. Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, noza igisobanuro k’ijambo ishinge. Ishinge bisobanura ubwoko bw’ibyatsi bimera ku misozi. Koresha ijambo ishinge mu nteruro.</p> <p>Urugero: Ibitoki bishobora kwengeshwa ishinge.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo ishinge n’igisobanuro cyaryo hanyuma munavugire hamwe interuro ibitoki bishobora kwengeshwa ishingwe.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gusubiramo ku giti cyabo ijambo ishinge n’igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo ishinge. Saba abanyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.</p>
<p>Uburyo bwakoreshejwe mu gusobanura ijambo ishinge, bukoreshwe no gusobanura ijambo inkingi. Inkingi bisobanura: Ibiti bifite amashami abiri bitega insina kugira ngo zitagwa. Urugero : Data iyo akorera insina azitega inkingi.</p>	
<p>3. Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru. Iterambere ry’umuryango kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 2. Basabe gufungura ibitabo byabo no gukurikira uko ubasomera agakuru kose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Yobora abanyeshuri musomere hamwe agakuru “Iterambere ry’umuryango” mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke gusoma agakuru kose bahereye ku mutwe wako. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza kandi ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize agakuru basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.</p>
<p>4. Kumva agakuru</p> <p>Mbere yo kubaza ibibazo byo kumva agakuru, genzura niba ibyo abanyeshuri batahuye bihuye n’ibiri mu gakuru koko. Akira ibisubizo by’abanyeshuri.</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere.</p> <p>Ni iki cyavanye Nsabimana na Mbyeyi mu bukene bukabije? Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu gakuru. Ni ubuhinzi bw’insina n’imigwegwe.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. Nsabimana na Mbyeyi bazindukaga bakora iki?</p> <p>Somera hamwe n’abanyeshuri agakuru kugeza mubonye igisubizo. Yobora abanyeshuri bavuge igisubizo. Bazindukaga bakorera insina n’imigwegwe byabo.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. Byagenze bite umushinga wabo umaze kumenyera? Babwire bongere basome agakuru bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba amwe mu matsinda kuvuga igisubizo babonye. Saba abanyeshuri bose gusubiramo igisubizo kiri cyo: Umushinga wabo umaze kumenyera watumye babona amafaranga.</p>

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome agakuru bamaze kwiga. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo.
2. Baza ibibazo ku gakuru.
 - a) Ni iki cyatumye Nsabimana na Mbyezi bava ku butindi? **Bahinze insina n'imigwegwe.**
 - b) Ni iki cyarangaga imikorere ya Nsabimana na Mbyezi? **Bagiraga ishyaka no kudashyamirana.**
 - c) Umushinga wa Nsabimana na Mbyezi wabagejeje kuki? **Watumye bagira amafaranga menshi, bagira n'ishyamba ry'inka n'imfizi.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gukora umwitozo wo guhitamo igihekanze maze bakuzuzura amagambo bahereye ku mashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa **2**, igikorwa cya **6** hanyuma bazasomere bagenzi babo mu ishuri amagambo babonye.

Icyumweru cya 1	Isomo rya 5: Imyitozo yo gusubiramo: Gusoma no kwandika ibihekanze jw/Jw, nny/Nny, nyw/Nyw, njy/Njy, ngw/Ngw
Intego rusange: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekanze jw/Jw, nny/Nny, nyw/Nyw, njy/Njy, ngw/Ngw	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 3 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore unafashe abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekanze **ns, mby, shy, nsh, gw.**

II. ISUBIRAMO RY'IBYIZWE MU MWAKA WA KABIRI (Iminota 25)

1. Itahuramajwi n'ihuzamajwi

Gutahura amajwi **jw, nny, nyw, njy, ngw** bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho.



Ndatanga urugero

Baza abanyeshuri niba bazi amazina y'amashusho ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **3** igikorwa cya **1**. Uhereye ku byo abanyeshuri basubije, sobanura ko uvuga izina ry'ishusho, hanyuma ukajya uzamura ibikumwe ubirebesha hejuru mu gihe izina rifite ijwi ya **jw, nny, nyw, njy, ngw** hanyuma ukanamanura ibikumwe ubirebesha hasi mu gihe izina ridafite ijwi rya **jw, nny, nyw, njy, ngw** hanyuma uhuze ishusho n'ijwi bijyanye. Vuga izina ry'ishusho ya mbere. **Umunywi** ibikumwe birareba hejuru. Huza ishusho n'ijwi bijyanye. Vuga izina ry'ishusho ya kabiri. **Inyanya** ibikumwe birareba hasi.



Dukorane twese

Fatanya n'abanyeshuri kuvuga amazina y'amashusho akurikiraho. **Abakinnyi** ibikumwe birareba hejuru. **Injyo** : ibikumwe birareba hejuru. Hanyuma muhaze buri shusho n'ijwi bijyanye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga amazina y'amashusho akurikiraho bonyine. Hanyuma muhaze amashusho n'amajwi bijyanye. **Inyajwi** ibikumwe birareba hejuru. **Ingwa** ibikumwe birareba hejuru.

2. Gusoma no kwandika mu mukono imigemo irimo ibihekanze "jw, nny, nyw, njy, ngw."



Ndatanga urugero

Vuga imigemo **jwi, nnyu, nywo, njya, ngwe**. Saba bamwe mu banyeshuri kuyandika ku kibaho mu mukono banayisome bagenda bayikoraho. Uhereye ku byo abanyeshuri bazi, basabe gukurikira uko wandika ku kibaho imigemo **jwi, nnyu, nywo, njya, ngwe, mu mukono** hanyuma uyibasomere by'intangarugero ugenda uyikoraho.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mwanike mu mukono imigemo **jwa, nnya, nywu, njyo, ngwa**, nibarangiza muyisomere hamwe aho yanditse ku kibaho.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo imigemo ikurikiyeho **jwe, nnyo, nywa, nju, ngwi** mu mukono, iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **3**, igikorwa cya **2**, hanyuma bayisome. Gendagenda mu ishuri ufasha abafite ibibazo byihariye.

3. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo ibihokane **jw, nny, nyw, nju, ngw**



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho ijambo **ikijwangajwanga** hanyuma urisomere abanyeshuri. Kora kuri buri mugemo uwusome hanyuma unyereze urutoki muni y'ijambo urisomere icyarimwe.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho ijambo **ubunnyano**. Yobora abanyeshuri mu kuryandika mu mukono, hanyuma murisomere hamwe aho ryanditse ku kibaho.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo amagambo asigaye ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **3** igikorwa cya **3**, nibarangiza bayasome.

4. Gusoma no kwandika mu mukono interuro zirimo ibihokane **jw, nny, nyw, nju, ngw**



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho interuro **Ku muni wo kurya ubunnyano navuze mu ijwi riranguruye**. Yisomere abanyeshuri, ugenda ukora kuri buri jambo riyigize, hanyuma uyisomere icyarimwe.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri bandike mu makayi yabo interuro **Ku muni wo kurya ubunnyano navuze mu ijwi riranguruye** muyisomere hamwe ugenda ukora kuri buri jambo, hanyuma muyisomere icyarimwe.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo interuro isigaye iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **3** igikorwa cya **4**, nibarangiza bayisome.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri icyandikwa. Somera abanyeshuri buri jambo na buri nteruro inshuro eshatu hanyuma babyandike batabireba.

Ngwije, ababyinnyi, amanywa, amajwi.

Munywany yikanze ingwe asitara ku nju.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kwandika mu makayi yabo, amagambo n'interuro biri mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **3**, igikorwa cya **3** n'icya **4** hanyuma banabisomere abo babana, bazabisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 1	Isomo rya 6: Gusoma agakuru karimo ibihokane “jw, nny, nyw, njy, ngw”
Intego rusange: Gusoma no kumva agakuru	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa 4

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma amagambo n’interuro biri mu gitabo cyabo urupapuro rwa 3 igikorwa cya 3 n’icya 4.

II. ISUBIRAMO RY’IBYIZWE MU MWAKA WA KABIRI (Iminota 25)

1. Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru “**Tubungabunge amashyamba**” kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 4.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa 4 bakurikire uko ubasomera umutwe w’agakuru “**Tubungabunge amashyamba**” ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w’agakuru mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 4.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke gusoma umutwe w’agakuru mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 4.

Bwira abanyeshuri kwitegereza ishusho, bavuge ibyo bayibonaho. Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w’agakuru no ku mashusho baratahura icyo agakuru kaza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru.

Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva agakuru “**Tubungabunge amashyamba**”, ko bari bwumvemo amagambo: **amanywa y’ihangu, ibidukikije**.



Ndatanga urugero

Vuga ijambo rya mbere **amanywa y’ihangu**. Baza abanyeshuri igisobanuro k’ijambo **amanywa y’ihangu**. Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, noza igisobanuro k’ijambo **amanywa y’ihangu**. **Amanywa y’ihangu** bisobanura **bwakeye, habona**.

Koresha ijambo **amanywa y’ihangu** mu nteruro.

Urugero: Urubanza rwabaye ku manywa y’ihangu.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **amanywa y’ihangu** n’igisobanuro cyaryo. Hanyuma muvugire hamwe interuro **urubanza rwabaye ku manywa y’ihangu**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ijambo **amanywa y’ihangu** n’igisobanuro cyaryo ku giti cyabo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **amanywa y’ihangu**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe mu gusobanura ijambo **amanywa y’ihangu**, bukoreshwe no gusobanura ijambo **ibidukikije**.

Ibidukikije bisobanura **ibintu byose umuntu ashobora kubona hafi ye**. Urugero: **Abantu benshi birinda kwangiza ibidukikije**.

3. Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru. **Tubungabunge amashyamba** kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 4. Basabe gukurikira uko ubasomera agakuru kose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'agakuru **Tubungabunge amashyamba** mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke gusoma agakuru kose bahereye ku mutwe wako. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza kandi ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize agakuru basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

4. Kumva agakuru

Baza ibibazo byo kumva agakuru. Mbere yo kubaza ibibazo byo kumva agakuru, genzura niba ibyo abanyeshuri batahuye bihuye n'ibiri mu gakuru koko. Akira ibisubizo by'abanyeshuri.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere.

Mukannyi amaze kubona ko ishyamba ryatwitswe yakoze iki? Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu gakuru. **Yatabaje mu ijwi riranguruye.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni izihe nyamaswa zabaga mu ishyamba rya Njyanabo?**

Somera hamwe n'abanyeshuri agakuru kugeza mubonye igisubizo. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo. **Habagamo ingwe n'ibijwangajwanga.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Ni akahe kamaro k'amashyamba kavuzwe mu gakuru?** Babwire bongere basome agakuru bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri kuvuga igisubizo babonye. Saba abanyeshuri bose gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Amashyamba atanga umwuka mwiza akanarwanya isuri.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Bwira abanyeshuri buri wese asome agakuru mumaze kwiga, gendagenda wumva uko basoma ubakosora, ufasha abafite ibibazo byihariye.
2. Baza ibibazo ku gakuru.
 - a) Ishyamba ryabagamo iki? **Ingwe n'ibijwangajwanga**
 - b) Abaturage bazimije ishyamba ryari? **Ku manywa y'ihangu.**
 - c) Ni nde wihanangirije abangiza ibidukikije? **Semanywa.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza guhitamo igihekanze maze buzuzze amagambo bahereye ku mashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa **4** igikorwa cya **6**, bazabwire bagenzi babo amagambo babonye.

Icyumweru cya 1	Isomo rya 7: Imyitoto yo gusubiramo: Gusoma no kwandika ibihokane shw/Shw, mbw/Mbw, mf/Mf, ndw/Ndw, nzw/Nzw
Intego rusange: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihokane shw/Shw, mbw/Mbw, mf/Mf, ndw/Ndw, nzw/Nzw	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 5 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore unafashe abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri kwandika amagambo n'interuro birimo ibihokane **jw, nny, nyw, njy, ngw.**

II. ISUBIRAMO RY'IBYIZWE MU MWAKA WA KABIRI (Iminota 25)

1. Itahuramajwi n'ihuzamajwi

Gutahura amajwi "shw, mbw, mf, ndw, nzw" bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho.



Ndatanga urugero

Baza abanyeshuri niba bazi amazina y'amashusho ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 5 igikorwa cya 1. Uhereye ku byo abanyeshuri basubije, sobanura ko uvuga izina ry'ishusho, hanyuma ukajya uzamura ibikumwe ubirebesha hejuru mu gihe izina rifite ijwi rya **shw, mbw, mf, ndw, nzw** hanyuma ukanamanura ibikumwe ubirebesha hasi mu gihe izina ridafite amajwi rya **shw, mbw, mf, ndw, nzw**. Hanyuma ugahuzza amashusho n'amajwi bijyanye. Vuga amazina y'amashusho abanza. **Imfunguzo** ibikumwe birareba hejuru. Huza ishusho n'ijwi bijyanye. **Karindwi** ibikumwe birareba hejuru. Huza ishusho n'ijwi bijyanye



Dukorane twese

Fatanya n'abanyeshuri kuvuga amazina y'amashusho akurikiraho. Hanyuma muhuze amashusho n'amajwi bijyanye. **Imishwi** ibikumwe birareba hejuru. **Injyo** ibikumwe birareba hasi.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga amazina y'amashusho akurikiraho ku giti cyabo hanyuma bayahuzze n'amajwi bijyanye. **Imbwa**: ibikumwe birareba hejuru. **Hararinzwe** ibikumwe birareba hejuru.

2. Gusoma no kwandika mu mukono imigemo irimo ibihokane "shw, mbw, mf, ndw, nzw"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Vuga imigemo **shwi, mbwu, mfo, ndwa, nzwe**. Saba bamwe mu banyeshuri kuyandika ku kibaho mu mukono banayisome bagenda bayikoraho. Uhereye ku byo abanyeshuri bazi, basabe gukurikira uko wandika ku kibaho imigemo **shwi, mbwu, mfo, ndwa, nzwe** mu mukono hanyuma uyibasomere by'intangarugero ugenda uyikoraho.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mu kwandika imigemo **shwi, mbwo, mfa, ndwe, nzwi** nibarangiza bayisome aho yanditse ku kibaho.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu mukono imigemo ikurikiyeho **shwa, mbwe, mfi, ndwa, nzwi** iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 5, igikorwa cya 2, mu makayi yabo hanyuma bayisome. Gendagenda mu ishuri ureba ko bandika neza ufasha abafite ibibazo byihariye.

3. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo ibihokane shw, mbw, mf, ndw, nzw



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho ijambo **Muyunzwe**, hanyuma urisomere abanyeshuri. Kora kuri buri mugemo uwusome hanyuma unyereze urutoki muni y'ijambo urisomere icyarimwe.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho amagambo **Muyunzwe, indwara, Mutarushwa, Rudasumbwa**. Yobora abanyeshuri mu kuyandika mu mukono, hanyuma bayasome aho yanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 5, igikorwa cya 3.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu mukono amagambo asigaye ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 5 igikorwa cya 3 mu makayi yabo, nibarangiza bayasome.

4. Gusoma no kwandika mu mukono interuro zirimo ibihokane shw, mbw, mf, ndw, nzw



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho interuro **Ntaganzwa ntaha imfizi ze amazi arimo imisundwe**. Yisomere abanyeshuri, ugenda ukora kuri buri jambo riyigize, hanyuma uyisomere icyarimwe.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri bandike mu makayi yabo interuro **Ntaganzwa ntaha imfizi ze amazi arimo imisundwe** muyisomere hamwe bagenda bakora kuri buri jambo, hanyuma bayisomere icyarimwe.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika interuro isigaye iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 5 igikorwa cya 4, nibarangiza bayisome. **Ntirushwa afite imbwa y'inkazi**.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri icyandikwa. Somera abanyeshuri buri jambo na buri nteruro inshuro eshatu hanyuma babyandike batabireba.

Imishwi, imfura, Ndanyuzwe, Umukundwa.

Ntirushwa afite imbwa y'inkazi.



Saba abanyeshuri kuza kwandika mu makayi yabo, amagambo n'interuro biri mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **5**, igikorwa cya **3** n'icya **4** hanyuma banabisomere abo babana mu rugo, bazabisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 1	Isomo rya 8 : Gusoma no kumva agakuru
Intego rusange: Gusoma no kumva agakuru	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 6

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cyabo urupapuro rwa **5** igikorwa cya **3** n'icya **4**.

II. ISUBIRAMO RY'IBYIZWE MU MWAKA WA KABIRI (Iminota 25)

1. Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **6**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **6** no gukurikira uko ubasomera umutwe w'agakuru "**Twirinde gushotorana**" ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'agakuru mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **6**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma umutwe w'agakuru buri wese ku giti ke.

Bwira abanyeshuri kwitegereza ishusho, bavuge ibyo bayibonaho.

Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'agakuru no ku mashusho baratahura icyo agakuru kaza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru.

Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva agakuru "**Twirinde gushotorana**", ko bari bwumvemo amagambo: **gushotorana, imfura.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo rya mbere **gushotorana**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **gushotorana**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **gushotorana**. **Gushotorana** bisobanura **kwiyeza**.

Koresha ijambo **gushotorana** mu nteruro.

Urugero: Abanyeshuri babuzwa **gushotorana** aho bari hose.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **gushotorana** n'igisobanuro cyaryo. Hanyuma munavugire hamwe interuro **abanyeshuri babuzwa gushotorana aho bari hose**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo ijambo **gushotorana** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **gushotorana**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe mu gusobanura ijambo **gushotorana**, bukoreshwe no gusobanura ijambo **imfura**.

Imfura bisobanura **umuntu ugira imico myiza**.

Urugero: Umunyeshuri w'imfura yubaha abarezi.

3. Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru. **Twirinde gushotorana** kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **6**. Basabe gufungura ibitabo byabo no gukurikira uko ubasomera agakuru kose by'intangarugero ukoreshwe umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe agakuru **Twirinde gushotorana** mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke gusoma agakuru kose bahereye ku mutwe wako. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza kandi ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize agakuru basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

4. Kumva agakuru

Baza ibibazo byo kumva agakuru. Mbere yo kubaza ibibazo byo kumva agakuru, genzura niba ibyo abanyeshuri batahuye bihuye n'ibiri mu gakuru koko. Akira ibisubizo by'abanyeshuri.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Ndwaniye, Rudasumbwa na Mfuranzima biga he?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu gakuru. **Biga i Muyunzwe.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Umwarimu yabwiye abanyeshuri ko isuku imaze iki?** Somera hamwe n'abanyeshuri agakuru kugeza mubonye igisubizo. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo. **Ituma Twirinda indwara.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Byagenze bite Ndwaniye amaze kubwirwa ko gushotorana atari umuco uranga imfura?** Babwire bongere basome agakuru kose bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba abanyeshuri kuvuga igisubizo babonye, bafashe kukinoza. Igisubizo ni **Yahise asaba imbabazi, yiyemeza kutazasubira ukundi**. Saba abanyeshuri kugisubiramo mu ijwi riranguruye.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Bwira abanyeshuri buri wese asome agakuru mumaze kwiga, gendagenda wumva uko basoma ubakosora, ufasha abafite ibibazo byihariye.
2. Baza ibibazo ku gakuru
 - a) Ndwaniye na Mfuranzima biga he? **Biga i Muyunzwe.**
 - b) Rudasumbwa abonye bagenzi be bashotorana yakoze iki? **Yagiye kubibwira umwarimu ubashinzwe.**
 - c) Umwarimu yabwiye abanyeshuri ko isuku imaze iki? **Yababwiye ko isuku irinda indwara.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza guhitamo igihekanze maze buzuzwe amagambo bahereye ku mashusho ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **6**, igikorwa cya **6**, hanyuma bazayasomere bagenzi babo.

Icyumweru cya 2	Isomo rya 1: Kumva inkuru
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 56 - 57.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore ufashe abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo:

1. Ninde watubwira inkuru twize ubushize? **Yabaye intangarugero.**
2. Ni nde watubwira isomo yakuye muri iyo nkuru. **Isomo ryo kugira ikinyabupfura no kugira isuku.** Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Saba abanyeshuri kwitonda no gutega amatwi maze ubabwire ko ugiye kubasomera inkuru "**Akanyamasyo n'igifwera**".

II. ISUBIRAMO RY'IBYIZWE MU MWAKA WA KABIRI (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvuga

Soma umutwe w'inkuru "**Akanyamasyo n'igifwera**"

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru

Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva inkuru "**Akanyamasyo n'igifwera**" ko bari bwumvemo amagambo: **itohagiye, byiyesura.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **itohagiye**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **itohagiye**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **itohagiye**. **Itohagiye** bisobanura **ifite itoto kandi ishishe**.

Koresha ijambo **itohagiye** mu nteruro. **Urugero:** Ihene zikunda imivumu **itohagiye**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **itohagiye** n'igisobanuro cyaryo hanyuma munavugire hamwe interuro **ihene zikunda imivumu itohagiye**.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **itohagiye**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **itohagiye**, bukoreshwe no mu gusobanura ijambo **byiyesura**. **Byiyesura** bisobanura **byikubita hasi**.

Urugero rw'interuro: Nabonye ibibwana by'ingurube **byiyesura**.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru ubasabe gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza.

Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba bibuka igisobanuro cyaryo. Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri, baza abanyeshuri niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Akanyamasyo kagiye gusura nde?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo.

Soma igisubizo kivuye mu nkuru. **Kagiye gusura igifwera.**



Dukorane twese

Baza ikibazo cya kabiri. **Kuki akanyamasyo n'igifwera bigenda bitihuta?** Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma wakire ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Impamvu bitihuta ni uko bigenda byikoreye inzu zabyo aho bigeye hose.** Yobora abanyeshuri musubiremo igisubizo.



Buri wese akore

Baza ikibazo cya gatatu. **Byagenze gute akanyamasyo n'igifwera bimaze kunywa ibiyobyabwenge?**

Bwira buri munyeshuri akorane na mugenzi we basubize icyo kibazo. Genda genda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo. **Bimaze kunywa ibiyobyabwenge. Byatangiye kuruka, bibyina muzunga, byiyesura hasi, bita ubwenge.**

III. ISUZUMA (Iminota10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1. Ni akahe kamaro k'ikizu cy'akanyamasyo? **Kikarinda ibishobora kukituraho bikakangiriza ubuzima.**
2. Akanyamasyo n'igifwera byanyoye ibiyobyabwenge kubera iki? **Byashakaga kujya byihuta nk'izindi nyamaswa.**
3. Akanyamasyo n'igifwera bimaze gukanguka byiyemeje iki? **Kutazongera kunywa ibiyobyabwenge.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru basomewe n'isomo bakuyemo, bazanabwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 2	Isomo rya 2: Gusesengura inkuru
Intego rusange: Gusesengura inkuru no kuyihuza n'ubuzima busanzwe.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 56 - 57.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kwiga **"Akanyamasyo n'igifwera"**.

Urugero:

1. Ni nde watwibutsa inkuru twize? **Akanyamasyo n'igifwera**
2. Ni izihe nyamaswa zavugwaga muri iyo nkuru? **Akanyamasyo n'igifwera**
3. Akanyamasyo n'igifwera byataye ubwenge byanyoye iki? **Ibiyobyabwenge**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Bwira abanyeshuri ko kunywa ibiyobyabwenge atari byiza. Onger ubabwire ko ibiyobyabwenge byangiza ubuzima.

II. ISUBIRAMO RY'IBYZWE MU MWAKA WA KABIRI (Iminota 25)

1. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva inkuru **"Akanyamasyo n'igifwera"**.

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijamba ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo.

2. Gusesengura inkuru: Kuyihuza n'ubuzima busanzwe.

Baza ibibazo bihuza inkuru n'ubuzima busanzwe.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Hari abana muzi banywa ibiyobyabwenge? Mwabagira iyihe nama?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unababwire impamvu wagihisemo. Igisubizo: **Barahari. Twabagira inama yo kubireka kuko byangiza ubuzima.**



Dukorane twese

Baza ikibazo cya kabiri. **Ni iki ushima muri iyi nkuru?** Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. **Icyo nshima muri iyi nkuru ni uko akanyamasyo n'igifwera byabonye ibibi byo kunywa ibiyobyabwenge bigafata ikemezo cyo kutazongera kubinywa.**



Buri wese akore

Baza ikibazo gukurikiraho. **Iyi nkuru ikwigishije iki?** Bwira buri munyeshuri akorane na mugenzi we basubize icyo kibazo. Fata akanya gato urebe niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. **Iyi nkuru inyigishije ko ibiyobyabwenge ari bibi ko ntagomba kuzabinywa. Inyigisha kandi ko ngomba kugira inama ababinywa bakabireka.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1. Inyamaswa zivugwa mu mwandiko zari zifite ikihe kibazo? **Ikibazo cyo kuba zitagira imbaraga ngo zihute nk'izindi.**
2. Vuga ibindi bibi by'ibiyobyabwenge? **Birica, bituma umuntu ata ubwenge agakora ibyo atatekereje.**
3. Abana banywa ibiyobyabwenge barangwa n'iki? **Barangwa n'imyitwarire mibi nko gutukana, kurwana, gusuzugura.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri, ubakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kuganira n'abo babana ku ngaruka zo kunywa ibiyobyabwenge, bazazibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 2	Isomo rya 3: Imyitozo yo gusubiramo: Gusoma no kwandika ibihokane sw/Sw, hw/Hw, nsw/Nsw, tsw/Tsw, ntw/Ntw
Intego rusange: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihokane sw/Sw, hw/Hw, nsw/Nsw, tsw/Tsw, ntw/Ntw.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 7 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. INTANGIRIRO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore unafashe abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri kwandika amagambo n'interuro birimo ibihokane **shw, mbw, mf, ndw, nzw.**

II. ISUBIRAMO RY'IBYIZWE MU MWAKA WA KABIRI (Iminota 25)

1. Itahuramajwi n'ihuzamajwi

Gutahura amajwi "**sw, hw, nsw, tsw, ntw**" bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho.



Ndatanga urugero

Baza abanyeshuri niba bazi amazina y'amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **7** igikorwa cya **1**. Uhereye ku byo abanyeshuri basubije, sobanura ko uvuga izina ry'ishusho, hanyuma ukajya uzamura ibikumwe ubirebesha hejuru mu gihe izina rifite ijwi rya **sw, hw, nsw, tsw, ntw** hanyuma ukanamanura ibikumwe ubirebesha hasi mu gihe izina ridafite ijwi rya **sw, hw, nsw, tsw, ntw** hanyuma ugahuza ishusho n'ijwi bijyanye. Vuga izina ry'ishusho ya mbere. **Inswa** ibikumwe birareba hejuru. Huza ishusho n'ijwi bijyanye.



Dukorane twese

Fatanya n'abanyeshuri kuvuga amazina y'amashusho akurikiraho hanyuma bahuze amashusho n'amajwi bijyanye. **Ntwaza** ibikumwe birareba hejuru. **Igihwagari** ibikumwe birareba hejuru.

 <i>Buri wese akore</i>	<p>Saba abanyeshuri kuvuga amazina y'amashusho akurikiraho ku giti cyabo banayahuze n'amajwi bijyanye. Inka: ibikumwe birareba hasi. Umuswari ibikumwe birareba hejuru. Guhagurutswa ibikumwe birareba hejuru.</p>
<p>2. Gusoma no kwandika mu mukono imigemo irimo ibihokane "sw, hw, nsw, tsw, ntsw"</p>	
 <i>Ndatanga urugero</i>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Vuga imigemo swa, hwi, nswa, tswe, ntwe. Saba bamwe mu banyeshuri kuyandika mu mukono banayisome bagenda bayikoraho. Uhereye ku byo abanyeshuri bazi, basabe gukurikira uko wandika ku kibaho imigemo swa, hwi, nswa, tswi, ntwe, hanyuma uyibasomere by'intangarugero uagenda uyikoraho.</p>
 <i>Dukorane twese</i>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri mu kwandika imigemo swa, hwi, nswa, tswe, ntwe, nibarangiza muyisomere hamwe aho yanditse ku kibaho.</p>
 <i>Buri wese akore</i>	<p>Saba abanyeshuri kwandika mu mukono imigemo ikurikiyeho swi, hwe, nswi, tswa, ntwa iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 7, igikorwa cya 2, mu makayi yabo hanyuma bayisome. Gendagenda mu ishuri ufasha abafite ibibazo byihariye.</p>
<p>3. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo ibihokane "sw, hw, nsw, tsw, ntsw"</p>	
 <i>Ndatanga urugero</i>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho ijambo intwari mu mukono, hanyuma urisomere abanyeshuri. Kora kuri buri mugemo uwusome hanyuma unyereze urutoki muni y'ijambo urisomere icyarimwe.</p>
 <i>Dukorane twese</i>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho amagambo, intwari, ahagurutswa, Semiswa, igihwagari mu mukono. Yobora abanyeshuri mu kuyandika, hanyuma muyasomere hamwe aho yanditse ku kibaho.</p>
 <i>Buri wese akore</i>	<p>Saba abanyeshuri kwandika mu mukono amagambo asigaye ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 7 igikorwa cya 3 mu makayi yabo, nibarangiza bayasome. Gendagenda mu ishuri ufasha abafite ibibazo byihariye.</p>
<p>4. Gusoma no kwandika mu mukono interuro zirimo ibihokane "sw, hw, nsw, tsw, ntsw"</p>	
 <i>Ndatanga urugero</i>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho interuro Inswa n'imiswa biri mu bihwagari bya Semiswa mu mukono. Yisomere abanyeshuri, uagenda ukora kuri buri jambo riyigize, hanyuma uyisomere icyarimwe.</p>
 <i>Dukorane twese</i>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri mwandike mu makayi yabo interuro Inswa n'imiswa biri mu bihwagari bya Semiswa mu mukono, muyisomere hamwe mugenda mukora kuri buri jambo, hanyuma muyisomere icyarimwe.</p>
 <i>Buri wese akore</i>	<p>Saba abanyeshuri kwandika interuro isigaye Kutajya mu birori, Ntwazabagabo abivutswa n'ihwa ryamuhanze iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 7 igikorwa cya 4, nibarangiza bayisome.</p>
<p>III. ISUZUMA (Iminota 10)</p>	
<p>Ha abanyeshuri icyandikwa. Somera abanyeshuri buri jambo na buri interuro inshuro eshatu hanyuma babyandike batabireba.</p>	
<p>Impiswi, intwari, gusetswa, impuhwe.</p>	
<p>Uwimpuhwe na Ntwari baratoragura inswa.</p>	
 <i>Umukoro</i>	<p>Saba abanyeshuri kuza kwandika mu makayi yabo amagambo n'interuro biri mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 7, babisomere abo babana hanyuma bazanabisomere bagenzi babo mu ishuri.</p>

Icyumweru cya 2	Isomo rya 4: Gusoma agakuru karimo ibihokane "sw, hw, nsw, tsw, ntw"
Intego rusange: Gusoma no kumva agakuru.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 8.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cyabo urupapuro rwa 7 igikorwa cya 3 n'icya 4.

II. ISUBIRAMO RY'IBYIZWE MU MWAKA WA KABIRI (Iminota 25)

1. Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 8 igikorwa cya 5.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa 8 bakurikire uko ubasomera umuwe w'agakuru "Ntwari n'imiswa" ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'agakuru mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 8.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma umutwe w'agakuru ku giti cyabo.

Bwira abanyeshuri kwitegereza ishusho, bavuge ibyo bayibonaho.

Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'agakuru no ku mashusho baratahura icyo agakuru kaza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo

Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva agakuru "Ntwari n'imiswa", ko bari bwumvemo amagambo **yiruka amasigamana, intwari**.



Ndatanga urugero

Vuga ijambo rya mbere **yiruka amasigamana**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **yiruka amasigamana**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **yiruka amasigamana**. **Yiruka amasigamana** bisobanura **yiruka cyane bikabije**. Koresha ijambo **yiruka amasigamana** mu interuro. Urugero: **Mugabo yabonye agiye kunyagirwa yiruka amasigamana**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **yiruka amasigamana** n'igisobanuro cyaryo hanyuma munavugire hamwe interuro **Mugabo yabonye agiye kunyagirwa yiruka amasigamana**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo ijambo **yiruka amasigamana** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **yiruka amasigamana**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe mu gusobanura ijambo **yiruka amasigamana**, bukoreshwe no gusobanura ijambo **intwari**.

Intwari bisobanura **umuntu ugira ibikorwa by'intangarugero**.

Urugero: **Gasana yambereye intwari ankiza imbwa y'inkazi**.

3. Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru "Ntwari n'imiswa" kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 8. Basabe gukurikira uko ubasomera agakuru kose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe agakuru "Ntwari n'imiswa" mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke gusoma agakuru kose bahereye ku mutwe wako. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza kandi ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize agakuru basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

4. Kumva agakuru

Mbere yo kubaza ibibazo byo kumva agakuru, genzura niba ibyo abanyeshuri batahuye bihuye n'ibiri mu gakuru koko. Akira ibisubizo by'abanyeshuri.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Agapira ka Ntwari kamucitse ari gukora iki?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu gakuru. **Kamucitse igihe yasekaga imbwa yiruka amasigamana.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Kubera iki Nyiramiswa yaje gutabara Ntwari?**

Somera hamwe n'abanyeshuri agakuru kugeza mubonye igisubizo. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo. **Ni uko imiswa yarumye Ntwari agatabaza.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, basome ikibazo cya gatatu. **Nyiramiswa yatabaye ate Ntwari?** Babwire bongere basome agakuru bashaka igisubizo kugera bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba abanyeshuri kuvuga igisubizo babonye, bafashe kukinoza. Igisubizo babona ni **Yafashe umuswari amuhanagura imiswa amuhereza agapira ke.** Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo mu ijwi riranguruye.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Bwira abanyeshuri buri wese asome agakuru mumaze kwiga, gendagenda wumva uko basoma ubakosora, ufasha abafite ibibazo byihariye.
2. Baza ibibazo ku gakuru
 - a) Agapira ka Ntwari kaguye he? **Mu miswa**
 - b) Ni ubuhe bwoko bw'igiti Ntwari yifashishije avana agapira ke aho kari kaguye? **Ni igiti k'igihwagari.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **8** igikorwa cya **6** wo guhitamo ibihokane bakuzura amagambo.

Icyumweru cya 2	Isomo rya 5: Imyitozo yo gusubiramo: Gusoma no kwandika ibihokane ty/Ty, nkw/Nkw, py/Py, njw/Njw, dw/Dw.
Intego rusange: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihokane ty/Ty, nkw/Nkw, py/Py, njw/Njw, dw/Dw.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 9.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore unafashe abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri kwandika amagambo n'interuro birimo ibihokane **sw, hw, nsu, tsw, ntw.**

II. ISUBIRAMO RY'IBYZWE MU MWAKA WA KABIRI (Iminota 25)

1. Itahuramajwi n'ihuzamajwi

Gutahura amajwi "**ty, nk, py, njw, dw**" bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho.



Ndatanga urugero

Baza abanyeshuri niba bazi amazina y'amashusho ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **9** igikorwa cya **1**. Uhereye ku byo abanyeshuri basubije, sobanura ko uvuga izina ry'ishusho, hanyuma ukajya uzamura ibikumwe ubirebesha hejuru mu gihe izina rifite ijwi rya **ty, nkwi, py, njw, dw** hanyuma ukanamanura ibikumwe ubirebesha hasi mu gihe izina ridafite ijwi rya **ty, nkwi, py, njw, dw**. Hanyuma uhuze amashusho n'amajwi bijyanye. Vuga izina ry'ishusho ya mbere. Ahetswe **macyisi** ibikumwe birareba hejuru. Huza ishusho n'ijwi bijyanye. **Injwiri** ibikumwe birareba hejuru. Huza ishusho n'ijwi bijyanye.



Dukorane twese

Fatanya n'abanyeshuri kuvuga amazina y'amashusho akurikiraho hanyuma muyahuze n'amajwi bijyanye. **Ityazo** ibikumwe birareba hejuru. **Isaha** ibikumwe birareba hasi.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga amazina y'amashusho akurikiraho ku giti cyabo hanyuma bayahuze n'amajwi bijyanye. **Inkwavu**: ibikumwe birareba hejuru. Huza ishusho n'ijwi bijyanye. **Kudwanga** ibikumwe birareba hejuru. Huza ishusho n'ijwi bijyanye.

2. Gusoma no kwandika mu mukono imigemo irimo ibihokane "ty, nkwi, py, njw, dw"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Vuga imigemo **tya, nkwi, pya, njwe, dwe**. Saba bamwe mu banyeshuri kuyandika banayisome bagenda bayikoraho. Uhereye ku byo abanyeshuri bazi, basabe gukurikira uko wandika mu mukono ku kibaho imigemo **tya, nkwi, pya, njwi, dwe** hanyuma uyibasomere by'intangarugero ugenda uyikoraho.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mu kwandika mu mukono imigemo **tya, nkwi, pya, njwe, dwe** nibarangiza bayisome aho yanditse ku kibaho.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo imigemo ikurikiyeho **tyo, nkwe, pyi, njwa, dwa** mu mukono iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **9**, igikorwa cya **2**, hanyuma bayisome. Gendagenda mu ishuri ufasha abafite ibibazo byihariye.

3. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo ibihokane "ty, nkwi, py, njw, dw"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho ijambo **Matyazo**, hanyuma urisomere abanyeshuri. Kora kuri buri mugemo uwusome hanyuma unyereze urutoki muni y'ijambo urisomere icyarimwe.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho amagambo **Matyazo, Nkwakuzi, Gapyisi, injwiri**. Yobora abanyeshuri mu kuyandika, hanyuma bayasome aho yanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **9**, igikorwa cya **3**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu mukono amagambo asigaye ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **9** igikorwa cya **3**. Nibarangiza bayasome. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye.

4. Gusoma no kwandika mu mukono interuro zirimo ibihokane "ty, nkwi, py, njw, dw"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho interuro **Gapyisi wo mu Matyazo afite injwiri**. Yisomere abanyeshuri, ugenda ukora kuri buri jambo riyigize, hanyuma uyisomere icyarimwe.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri bandike mu makayi yabo interuro **Gapyisi wo mu Matyazo afite injwiri**, muyisomere hamwe mugenda mukora kuri buri jambo, hanyuma muyisomere icyarimwe.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika interuro isigaye iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **9** igikorwa cya **4**, nibarangiza bayisome. **Inzuki zadwinze Matayo agiye kwahirira inkwavu**. Gendagenda mu ishuri ufasha abafite ibibazo byihariye.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri icyandikwa. Somera abanyeshuri buri jambo na buri nteruro inshuro eshatu hanyuma babyandike batabireba.

Ityazo, kudodwa, kwanjwa.

Inzuki zadwinze Matayo agiye kwahirira inkwavu.



Saba abanyeshuri kuza kwandika mu makayi yabo, amagambo n'interuro biri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **9** igikorwa cya **3** n'icya **4** babisomere abo babana, bazanabisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 2	Isomo rya 6: Gusoma agakuru karimo ibihokane “ty, nkwa, py, njw, dw
Intego rusange: Gusoma no kumva agakuru	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 10 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cyabo urupapuro rwa **9** igikorwa cya **3** n'icya **4**.

II. ISUBIRAMO RY'IBYZWE MU MWAKA WA KABIRI (Iminota 25)

1. Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **10**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **10**. Basabe gukurikira uko ubasomera umutwe w'agakuru “**Ubushotoranyi bwa Nyanjwenge**” ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'agakuru “**Ubushotoranyi bwa Nyanjwenge**” mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **10** mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma umutwe w'agakuru ku giti cyabo bubahiriza umuvuduko n'isesekaza bikwiye.

Bwira abanyeshuri kwitegereza ishusho, bavuge ibyo bayibonaho.

Abanyeshuri bashingiyeye ku mutwe w'agakuru no ku mashusho baratahura icyo agakuru kaza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru.

Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva agakuru “**Ubushotoranyi bwa Nyanjwenge**” ko bari bwumvemo amagambo: **gupyipyinyurwa, umuzinga**.



Ndatanga urugero

Vuga ijambo rya mbere **gupyipyinyurwa**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **gupyipyinyurwa**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **gupyipyinyurwa**. Gupyipyinyurwa bisobanura **gukuba cyane**.

Koresha ijambo **gupyipyinyurwa** mu nteruro.

Urugero: Abana banduye **bapyipyinyurwa** n'ababyeyi babo.



Dukorane twese

Vugira hamwe n'abanyeshuri ijambo **gupyipyinyurwa** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro **abana banduye bapyipyinyurwa n'ababyeyi babo**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo ijambo **gupyipyinyurwa** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **gupyipyinyurwa**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe mu gusobanura ijambo **gupyipyinyurwa**, bukoreshwe no gusobanura ijambo **umuzinga**.

Umuzinga bisobanura aho inzuki ziba. **Urugero:** Abana babujijwe kwegera **umuzinga**.

3. Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru “**Ubushotoranyi bwa Nyanjwenge**” kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **10**. Basabe gukurikira uko ubasomera agakuru kose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe agakuru “**Ubushotoranyi bwa Nyanjwenge**” mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke gusoma agakuru kose bahereye ku mutwe wako. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza kandi ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize agakuru basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

4. Kumva agakuru

Mbere yo kubaza ibibazo byo kumva agakuru, genzura niba ibyo abanyeshuri batahuye bihuye n’ibiri mu gakuru koko. Akira ibisubizo by’abanyeshuri



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Ni nde wakundaga gupyipyinyurwa?** Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu gakuru. **Ni Gapyisi.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Kuki Nyanjwenge yavugije induru?** Somera hamwe n’abanyeshuri agakuru kugeza mubonye igisubizo. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo. **Inzuki zaramudwinze.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, basome ikibazo cya gatatu **Nyuma yo gutabarwa Nyanjwenge yafashe ikihe kemezo?** Babwire bongere basome agakuru bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri kuvuga igisubizo babonye, bafashe kukinoza. Igisubizo ni **Yafashe ikemezo cyo kutazongera gukubaganira inzuki.** Saba abanyeshuri kugisubiramo mu ijwi riranguruye.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Bwira abanyeshuri buri wese asome agakuru mumaze kwiga, gendagenda wumva uko basoma ubakosora, ufasha abafite ibibazo byihariye.
2. Baza ibibazo ku gakuru.
 - a) Nyanjwenge yashotoye inzuki za nde? **Nkwakuzi.**
 - b) Nyanjwenge inzuki zimudwanga sekuru yakoraga iki? **Yatyazaga isuka.**
 - c) Kubera iki tugomba kwirinda gukubaganira inzuki? **Kuko zishobora kutudwanga.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gukora umwitozo wo guhitamo igihekanze maze bakuzuzza amagambo bahereye ku mashusho ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **10**, igikorwa cya **6**, hanyuma bazasomere bagenzi babo amagambo babonye.

Icyumweru cya 2	Isomo rya 7: Imyitozo yo gusubiramo: Gusoma no kwandika ibihokane sy/Sy, fw/Fw, ndy/Ndy, cw/Cw, nshy/Nshy, nty/Nty.
Intego rusange: Gusoma no kwandika amagambo n’interuro birimo ibihokane sy/Sy, fw/Fw, ndy/Ndy, cw/Cw, nshy/Nshy, nty/Nty	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri, urupapuro rwa 11.

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore unafashe abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri kwandika amagambo n’interuro birimo ibihokane **ty, nk, py, njw, dw.**

II. ISUBIRAMO RY'IBYZWE MU MWAKA WA KABIRI (Iminota 25)

1. Itahuramajwi n'ihuzamajwi

Gutahura amajwi “ **sy, fw, ndy, cw, nshy, nty** ” bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho.



Ndatanga urugero

Baza abanyeshuri niba bazi amazina y'amashusho ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **11** igikorwa cya **1**. Uhereye ku byo abanyeshuri basubije, sobanura ko uvuga izina ry'ishusho, hanyuma ukajya uzamura ibikumwe ubirebesha hejuru mu gihe izina rifite ijwi ya **sy, fw, ndy, cw, nshy, nty** hanyuma ukanamanura ibikumwe ubirebesha hasi mu gihe izina ridafite amajwi ya **sy, fw, ndy, cw, nshy, nty**. Hanyuma uhuze amashusho n'amajwi bijyanye. Vuga amazina y'ishusho abanza. **Indyankwi** ibikumwe birareba hejuru. Huza ishusho n'ijwi bijyanye. **Akanyamasyo** ibikumwe birareba hejuru. Huza ishusho n'ijwi bijyanye.



Dukorane twese

Fatanya n'abanyeshuri kuvuga amazina y'amashusho akurikiraho hanyuma muyahuze n'amajwi bijyanye. **Intyabire** ibikumwe birareba hejuru. **Inshyimbo** ibikumwe birareba hejuru.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga amazina y'amashusho akurikiraho ku giti cyabo hanyuma bayahuze n'amajwi bijyanye. **Igifwera** ibikumwe birareba hejuru. Huza ishusho n'ijwi bijyanye. **Imicwira** ibikumwe birareba hejuru. Huza ishusho n'ijwi bijyanye.

2. Gusoma no kwandika mu mukono imigemo irimo ibihokane “**sy, fw, ndy, cw, nshy, nty**”



Ndatanga urugero

Vuga imigemo **sya, fwe, ndya, cwe, nshyi, ntyo** saba bamwe mu banyeshuri kuyandika banayisome bagenda bayikoraho. Uhereye ku byo abanyeshuri bazi, basabe gukurikira uko wandika ku kibaho imigemo **sya, fwe, ndya, cwe, nshyi, ntyo** mu mukono hanyuma uyibasomere by'intangarugero uagenda uyikoraho.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mu kwandika mu makayi yabo imigemo **sya, fwe, ndya, cwe, nshyi, ntyo** mu mukono nibarangiza bayisome aho yanditse ku kibaho.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo imigemo ikurikiyeho **sya, fwa, ndyi, cwe, nshya** cyangwa **ntya** iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **11**, igikorwa cya **2**, hanyuma bayisome. Gendagenda mu ishuri ureba ko bandika neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.

3. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo ibihokane “**sy, fw, ndw, cw, nshy, nty**”



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho ijamba **inshyushyu** mu mukono, hanyuma urisomere abanyeshuri. Kora kuri buri mugemo uwusome hanyuma unyereze urutoki muni y'ijamba urisomere icyarimwe.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho amagambo **inshyushyu, intyabire, akanyamasyo, Nyirantyoza**. Yobora abanyeshuri mu kuyandika mu mukono, hanyuma bayasome aho yanditse ku kibaho.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika amagambo asigaye ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **11** igikorwa cya **3**, nibarangiza bayasome. Gendagenda mu ishuri ureba uko bandika neza, ufashe abafite ibibazo byihariye.

4. Gusoma no kwandika mu mukono interuro zirimo ibihokane “**sy, fw, ndy, cw, nshy, nty**”



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho interuro **Ndyanabo ntarwara ibifwana kuko akunda inshyushyu n'intyabire** mu mukono. Yisomere abanyeshuri, uagenda ukora kuri buri jambo riyigize, hanyuma uyisomere icyarimwe.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri mwandike interuro **Ndyanabo ntarwara ibifwana kuko akunda inshyushyu n'intyabire** mu mukono, muyisomere hamwe uagenda ukora kuri buri jambo, hanyuma muyisomere icyarimwe.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu mukono interuro isigaye iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **11** igikorwa cya **4**, nibarangiza bayisome. **Busyete yahirira imbyeyi ye imicwira**. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri bandika neza, ufashe abafite ibibazo byihariye.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri icyandikwa. Somera abanyeshuri buri jambo na buri nteruro inshuro eshatu hanyuma babyandike batabireba.

Indyankwi, intyoza, igufwa.

Yaretse kuba indyarya ahinduka intyoza mu koza icwende.



Saba abanyeshuri kuza kwandika mu makaye yabo, amagambo n'interuro biri mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **11** n'igikorwa cya **3** n'icya **4** hanyuma banabisomere abo babana, bazabisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 2	Isomo rya 8: Gusoma agakuru karimo ibihokane "sy, fw, ndw, cw, nshy, nty"
Intego rusange: Gusoma no kumva agakuru.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 12 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cyabo urupapuro rwa **11** igikorwa cya **3** n'icya **4**.

II. ISUBIRAMO RY'IBYIZWE MU MWAKA WA KABIRI (Iminota 25)

1. Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho.

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **12**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **12**. Basabe gukurikira uko ubasomera umutwe w'agakuru "**Indyo yuzuye**" ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'agakuru "**Indyo yuzuye**" mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **12** igikorwa cya **5**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'agakuru bakoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.

Bwira abanyeshuri kwitegereza ishusho, bavuge ibyo bayibonaho.

Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'agakuru no ku mashusho baratahura icyo agakuru kaza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru.

Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva agakuru "**Indyo yuzuye**" ko bari bwumvemo amagambo: **ntibanacweza, indyoshyandyo.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo rya mbere **ntibanacweza**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **ntibanacweza**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **ntibanacweza**. **Ntibanacweza bisobanura ntibanaceceka na buhoro.**

Koresha ijambo **ntibanacweza** mu nteruro. **Urugero:** Babonye abana basagarira abandi **ntibanacweza** bahamagara abayobozi.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **ntibanacweza** n'igisobanuro cyaryo. Hanyuma musubiremo interuro **Babonye abana basagarira abandi ntibanacweza bahamagara abayobozi.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo ijambo **ntibanacweza** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **ntibanacweza**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe mu gusobanura ijambo **ntibanacweza**, bukoreshwe no gusobanura ijambo **indyoshyandyo**. **Indyoshyandyo** bisobanura ibirungo bashyira mu biryo kugira ngo birusheho kuryoha. **Urugero:** Umunyu **ni indyoshyandyo**.

3. Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru **Indyo yuzuye** kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **12**. Basabe gukurikira uko ubasomera agakuru kose by'intangarugero ukoreshye umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe agakuru **"Indyo yuzuye"** mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke gusoma agakuru kose bahereye ku mutwe wako. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza kandi ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize agakuru basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

4. Kumva agakuru

Mbere yo kubaza ibibazo byo kumva agakuru, genzura niba ibyo abanyeshuri batahuye bihuye n'ibiri mu gakuru koko. Akira ibisubizo by'abanyeshuri.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Ni nde ababyeyi ba Semacwa bagishije inama?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu gakuru. **Umuturanyi wabo.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni iki cyatumaga amagufwa ya Semacwa adakomera?** Somera hamwe n'abanyeshuri agakuru kugeza mubonye igisubizo. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo. **Ni uko ataryaga indyo yuzuye.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, basome ikibazo cya gatatu. **Semacwa amaze kugaburirwa neza byagenze bite?** Babwire bongere basome agakuru bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba amwe mu matsinda kuvuga igisubizo babonye, ubafashe kukinoza. Saba abanyeshuri bese gusubiramo igisubizo kiri cyo: **Semacwa amaze kugaburirwa neza amagufwa ye yarakomeye.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Bwira abanyeshuri buri wese asome agakuru mumaze kwiga, gendagenda wumva uko basoma ubakosora, ufasha abafite ibibazo byihariye.
2. Baza ibibazo ku gakuru.
 - a) Ni iyihe nama umuturanyi yagiriye ababyeyi ba Semacwa? **Kumugaburira indyo yuzuye.**
 - b) Ibintu birinze kwirengagiza mu kugaburira Semacwa ni ibiki? **Inshyushyu, intyabire, n'imbutu.**
 - c) Kuki ari ngombwa kurya indyo yuzuye? **Kugira ngo umuntu agire ubuzima bwiza, kugira ngo umuntu abone intungamubiri.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gukora umwitozo wo guhitamo igihekanze maze bakuzuzura amagambo bahereye ku mashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa **12**, igikorwa cya **6**, hanyuma bazasomere bagenzi babo amagambo babonye.

Icyumweru cya 3	Isomo rya 1: Kumva inkuru
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 2 n'urwa 3 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro. Bakosore ufashe abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo yabaza:

1. Ni nde watubwira inkuru muheruka kwiga? **"Akanyamasyo n'igifwera"**
2. Haravugwamo izihe nyamaswa? **Akanyamasyo n'igifwera**
3. Byari afite ikihe kibazo? **Ikibazo cyo kugenda buhoro.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Saba abanyeshuri kwitonda no gutega amatwi maze ubabwire ko ugiye kubasomera inkuru **"Uko Sempyisi yabaye umukannyi"**.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho.

Soma umutwe w'inkuru **"Uko Sempyisi yabaye umukannyi"**.

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona, hanyuma batahure icyo inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru

Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva inkuru **"Uko Sempyisi yabaye umukannyi"** ko bari bwumvemo amagambo: **gucapwa, gukopwa.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **gucapwa**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **gucapwa**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **gucapwa**. **Gucapwa** bisobanura **gusohorwa kw'igitabo gishya cyanditswe**.

Koresha ijambo **gucapwa** mu nteruro. **Urugero:** Ibi bitabo bigomba **gucapwa** hakiri kare.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **gucapwa** n'igisobanuro cyaryo hanyuma muvugire hamwe interuro **Ibi bitabo bigomba gucapwa hakiri kare**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo ijambo **gucapwa** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **gucapwa**.

Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **gucapwa**, bukoreshwe no gusobanura ijambo **gukopwa**. **Gukopwa** bisobanura **guhamba ikintu ku ideni**.

Urugero rw'interuro: Mugenzi akunda **gukopwa** cyane.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo.

4. Kumva inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi bumve uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Ni nde uvugwa cyane muri iyi nkuru? Yarangwaga n'iki?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu nkuru. **Uvugwa cyane ni Sempyisi. Yarangwaga n'ubunabwwe.**



Dukorane twese

Baza ikibazo cya kabiri. **Rondora imyuga gakondo inyuranye ivugwa mu nkuru.** Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma wakire ibisubizo by'abanyeshuri mufatanye kubinoza. **Haravugwamo ububaji, ubukannyi, ububumbyi, ubuvumu, ububoshiy n'ubuhigi.**



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikiraho. **Igitabo Sempyisi yagiye kugura yagishakiraga iki?** Bwira buri munyeshuri akorane na mugenzi we basubize icyo kibazo. Fata akanya gato urebe niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Soma igisubizo kivuye mu nkuru. **Yashakaga kurebamo imyuga inyuranye kugira ngo arebe ko yabonamo umwuga yakora.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

- Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye:
 - Gukopwa:** Ntitugakunde **gukopwa** kenshi.
 - Gucapwa:** Iki gitabo kigiye **gucapwa** bwa kabiri.
- Subiza ibibazo ku nkuru.
 - Ni bande bavugwa mu nkuru? **Sempyisi na Nyirampyorero.**
 - Ni iyihe nama Nyirampyorero yagiriye Sempyisi? **Yamubwiye ko nta mwuga mubi ubaho ko iyo imyuga yose uyize uyishobora.**
 - Kuki Sempyisi yavuze ko ubuhigi atabushobora? **Kubera ko yitinyira impyisi.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ufasha abafite ibibazo.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru basomewe, bababwire imyuga gakondo bumvise mu nkuru n'icyo buri mwuga wabaga ugamiye, bazanabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 3	Isomo rya 2: Gusesengura inkuru
Intego rusange: Gusesengura inkuru no kuyihuza n'ubuzima busanzwe.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 2 n'urwa 3.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kwiga **“Uko Sempyisi yabaye umukannyi”**.

Urugero:

- Ni nde watwibutsa inkuru twize? **Sempyisi yabaye umukannyi.**
- Ni uwuhe muntu uvugwamo cyane? **Sempyisi**
- Yari afite ikihe kibazo? **Yari afite ikibazo cyo kubona umwuga yakora.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Bwira abanyeshuri ko kugira umwuga ukora ari byiza cyane. Babwire ko kumenya umwuga bisaba kwiga unabibutse ko bagomba gukunda ishuri kugira ngo rizabafashe kwiga imyuga bazakora.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

- Inyunguramagambo:** Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru.

Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva inkuru **“Uko Sempyisi yabaye umukannyi”**, ko bari bwumvemo amagambo: **Umwuga, ubukannyi.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **umwuga** Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **umwuga**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **umwuga**. **Umwuga** bisobanura **akazi umuntu akora kakamutunga**.

Koresha ijambo **umwuga** mu nteruro. **Urugero: Umwuga** wa Mbyayingabo uramukijije.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **umwuga** n'igisobanuro cyaryo. Hanyuma munavugire hamwe interuro **Umwuga wa Mbyayingabo uramukijije**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo ijambo **umwuga** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **umwuga**.

Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **umwuga**, bukoreshwe no gusobanura ijambo **ubukannyi**. **Ubukannyi** bisobanura **umwuga wo gukora mu mpu ibikoresho binyuranye**.

Urugero: Ubukannyi ni umwe mu myuga ya kera mu Rwanda.

2. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo.

3. Gusesengura inkuru: Kuyihuza n'ubuzima busanzwe

Baza ibibazo bifasha abanyeshuri guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Ni nde ushima muri iyi nkuru? Uramushima iki?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wakibonye. Igisubizo ni **Ndashima Nyirampyoro kuko yigishije Sempyisi umwuga, yatumye akira ubunembwe. Ndashima Sempyisi kuko yageze aho akareka ubunembwe.**



Dukorane twese

Baza ikibazo cya kabiri. **Ni irihe somo ukuye mu nkuru?** Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Igisubizo **Nkuyemo isomo ko nta mwuga ugenewe abagabo cyangwa abagore. Irindi somo nkuyemo ni ukwitabira umwuga runaka.**



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikiraho. **Uburanganire n'ubwuzuzanye mu myuga bisobanura iki?**

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basubize icyo kibazo. Fata akanya gato urebe niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Noza igisubizo ukibabwire **Bisobanura ko nta mwuga ugenewe igitsina gabo cyangwa igitsina gore.** Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1. Koresha magambo mu nteruro:

- a) **umwuga: Umwuga** wa data wari ububaji.
- b) **ubukannyi: Semucyo** akijijwe n'ubukannyi.

2. Subiza ibibazo ku nkuru.

- a) Kubera iki umuntu wese agomba kugira umwuga? **Kugira ngo abashe kubona ibimutunga.**
- b) Wumva imyuga gakondo igikenewe muri iki gihe? **Irakenewe kuko ifasha abantu mu mibereho yabo ya buri muni.**
- c) Kubera iki nta mwuga ubaho w'abagore gusa cyangwa abagabo gusa? **Ni uko umwuga uwo ari wo wose yaba abagabo cyangwa abagore bashobora kuwukora.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri, ubakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise ku nkuru, bababwire isomo bakuyemo bazabwire na bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 3	Isomo rya 3: Gutahura no gusoma igihekan mpy/Mpy
Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekan mpy/Mpy .	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 13 n'urwa 14 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri


I. ISUBIRAMO (Iminota 5)


Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa **11**, igikorwa cya **3** n'icya **4**. Gendagenda mu ishuri, ugenzure uko abanyeshuri basoma. Saba abanyeshuri bamwe gusoma mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye. Fasha abafite ibibazo byihariye.


II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Itahuramajwi

Gutahura ijwi rishya "mpy" bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho

 *Ndatanga urugero* Saba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **13** igikorwa cya **1**. Baza abanyeshuri niba bazi amazina y'ayo mashusho. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, sobanura ko uzajya uvuga izina ry'ishusho, hanyuma ukazamura ibikumwe ubirebesha hejuru mu gihe izina rifite ijwi **mpy**, ukanamanura ibikumwe ubirebesha hasi mu gihe izina ridafite ijwi **mpy**. Vuga izina ry'ishusho ya mbere "**Impyisi**": ibikumwe birareba hejuru.


 *Dukorane twese* Fatanya n'abanyeshuri muvuge izina ry'ishusho ya kabiri "**imparage**" ibikumwe birareba hasi.


 *Buri wese akore* Saba abanyeshuri kuvuga izina ry'ishusho ya nyuma ku giti cyabo bigana urugero bahawe. **Impyiko:** ibikumwe birareba hejuru.


Saba abanyeshuri gutanga andi magambo yumvikanamo ijwi **mpy**.

2. Ihuzamajwi

Kwerekana ikimenyetso k'igihokane "mpy" kigizwe n'inyuguti nto n'igihokane "Mpy" gitangijwe inyuguti nkuru n'uko bisomwa


 *Ndatanga urugero* Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho igihokane **mpy** kigizwe n'inyuguti nto n'igihokane **Mpy** gitangijwe inyuguti nkuru unabisomere abanyeshuri. Baza abanyeshuri inyuguti zigize igihokane **mpy** na "**Mpy**".

 *Dukorane twese* Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri berekane aho igihokane **mpy** cyanditse mu nyuguti nto n'igihokane **Mpy** gitangijwe inyuguti nkuru mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **13** igikorwa cya **2**. Mugaragarize hamwe inyuguti zigize ibyo bihekane, munazisome.

 *Buri wese akore* Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo igihokane **mpy** cyanditse mu nyuguti nto n'igihokane **Mpy** gitangiwe n'inyuguti nkuru aho cyanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **13** igikorwa cya **2**, bagikoraho bitegereza n'inyuguti zikigize. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufashe abafite ibibazo byihariye.

3. Gusoma

Gusoma imigemo irimo igihokane "mpy"

 *Ndatanga urugero* Saba abanyeshuri gukurikira andika umugemo **mpyi** ku kibaho. Ereka abanyeshuri uko **mpy** na **i** bitanga umugemo **mpyi**. Garagaza uko imigemo **mpyo**, **mpya**, **mpye** iboneka. Yisomere abanyeshuri by'intangarugero.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri musomere hamwe umurongo wanditseho migemo **mpyo, mpya, mpye** aho yanditse ku kibaho.



Buri wese akore

Bwira abanyeshuri bose gusoma imigemo **mpyi, mpye, mpyo, mpya** aho yanditse ku giti cyabo. Bwira abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri imigemo **mpyi, mpye, mpyo, mpya** aho yanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **13** igikorwa cya **3**.

Gusoma amagambo arimo igihekanne “mpy”



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho ijambo **impyisi**. Risomere abanyeshuri uagenda ukora kuri buri mugemo urigize uko uwusoma hanyuma unyereze agati muni y’ijambo ryose urisomere icyarimwe.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Bayobore musomere hamwe ijambo **impyisi** uagenda ukora kuri buri mugemo urigize uko muwusoma hanyuma unyereze agati muni y’ijambo ryose murisomere icyarimwe. Andika ku kibaho amagambo akurikira **impyisi, Mpyorero, Serupyipyinyurimpysi, Sempyorero** muyasomere hamwe nk’uko mumaze gusoma ijambo **impyisi**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri amagambo **impyiko, Sempyisi, yampyemuye, yampyatuye** ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **13**, igikorwa cya **4**. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye amagambo yose yanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **13**, igikorwa cya **4**.

Gusoma interuro zirimo igihekanne “mpy”



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho interuro **Sempyisi yarwaye impyiko**. Yisomere abanyeshuri uagenda ukora kuri buri jambo riyigize uko urisoma hanyuma unyereze agati muni y’interuro yose uyisomere icyarimwe.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Bayobore musomere hamwe interuro **Sempyisi yarwaye impyiko** uagenda ukora kuri buri jambo riyigize uko muyisoma hanyuma unyereze agati muni y’interuro yose muyisomere icyarimwe. Andika ku kibaho interuro ikurikira **Mpyorero yabonye impyisi mu ishyamba**. Yobora abanyeshuri muyisomere hamwe nk’uko mumaze gusoma interuro **Sempyisi yarwaye impyiko**.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gusoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **13**, igikorwa cya **5**. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye interuro zose.

4. Gusoma agakuru karimo igihekanne “mpy”

Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko bagiye gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **14** ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** igisha abanyeshuri gusoma umutwe w’agakuru **“Mubyeyi kwa sekuru.”** Ereka abanyeshuri ishusho ijyanye n’agakuru, ubabaze ibyo babona hanyuma batahure ibyo agakuru kaza kuvugaho.

Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru










Bwira abanyeshuri ko mu nkuru bagiye gusoma **“Mubyeyi kwa sekuru”**, bari bwumvemo amagambo: **bakomaga, umukannyi**.



Ndatanga urugero

Vuga ijambo rya mbere **bakomaga**. Baza abanyeshuri igisobanuro k’ijambo **bakomaga**. Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, noza igisobanuro k’ijambo **bakomaga**. **Bakomaga** bisobanura **batunganyaga**.

Koresha ijambo **bakomaga** mu nteruro. **Urugero:** Abanyarwanda ba kera **bakomaga** impuzu.

 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo bakomaga n'igisobanuro cyaryo. Hanyuma musubiremo interuro abanyarwanda ba kera bakomaga impuzu.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo ijambo bakomaga n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda babiribabiri bakore interuro irimo ijambo bakomaga. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.</p>
<p>Uburyo bwakoreshejwe mu gusobanura ijambo bakomaga, bukoreshwe no mu gusobanura ijambo umukannyi. Umukannyi bisobanura umuntu wakoraga imyambaro gakondo mu mpu. Urugero: Iwacu bambwiye ko sogokuru yari umukannyi.</p>	
<p>Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru "Mubyeyi kwa sekuru" kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 14. Basabe gufungura ibitabo byabo no gukurikira uko ubasomera agakuru kose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Yobora abanyeshuri musomere hamwe agakuru "Mubyeyi kwa sekuru" mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gusoma agakuru kose buri wese ku giti ke bahereye ku mutwe wako. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza kandi ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize agakuru basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.</p>
<p>Kumva agakuru</p>	
<p>Mbere yo kubaza ibibazo byo kumva agakuru, genzura niba ibyo abanyeshuri batahuye ari byo biri mu nkuru.</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. Abanyarwanda bo hambere bambaraga imyambaro ikoze mu ki? Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu gakuru: Mu mpu no mu bishishwa by'imivumu.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. Ni uwuhe mwuga Serupiyinyurimpyisi yakoraga? Somera hamwe n'abanyeshuri agakuru kugeza ubonye igisubizo. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo. Serupiyinyurimpyisi yakoraga umwuga w'ubukannyi.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. Vuga indi myuga gakondo waba uzi. Babwire bongere basome agakuru bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri kuvuga igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. Ububaji, ubuvumvu, ubucuzi...</p>
<p>III. ISUZUMA (Iminota 10)</p>	
<ol style="list-style-type: none"> 1. Saba abanyeshuri gusoma amagambo, interuro n'agakuru bamaze kwiga biri mu gitabo cy'umunyeshuri, igikorwa cya 4 n'icya 5 n'icya 6 ku rupapuro rwa 13-14. 2. Ibibazo ku gakuru <ol style="list-style-type: none"> a) Kubera iki Mubyeyi yishimye? Kubera ko sekuru yamusobanuriye uko hambere bambaraga. b) Abakoraga imyambaro ikoze mu mpu bitwaga bande? Bitwaga abakannyi. c) Ni uwuhe mwuga wumva uzakora nurangiza amashuri? Ububaji, ububoshiye, ubworozi n'ibindi... <p>Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.</p>	
 <p><i>Umukoro</i></p>	<p>Saba abanyeshuri kuza gusoma bihuta agakuru bize "Mubyeyi kwa sekuru" kari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 14 hanyuma bazagasomere bagenzi babo mu ishuri.</p>

Icyumweru cya 3	Isomo rya 4: Gusoma no kwandika mu mukono igihekane mpy/Mpy
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekane mpy/Mpy .	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 15 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **mpy** biri mu gitabo ku rupapuro rwa **13** igikorwa cya **4** n'icya **5**.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gusoma no kwandika mu mukono igihekane "mpy"

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekane "mpy" kigizwe n'inyuguti nto



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inozamukono igihekane **mpy** kigizwe n'inyuguti nto. Ereka abanyeshuri aho inyuguti zikigize zigarukira mu mirongo. Soma igihekane wanditse.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mwanike mu mirongo y'inozamukono igihekane **mpy**. Mu gihe wandika ku kibaho igihekane **mpy**, yobora abanyeshuri bacyandike mu makayi yabo. Fatanya n'abanyeshuri musome igihekane **mpy** cyanditse mu mukono.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono igihekane **mpy** inshuro eshanu. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma igihekane **mpy** aho cyanditse mu mukono mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **15**, igikorwa **7**.

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekane "Mpy" gitangiwe n'inyuguti nkuru

Ibyakozwe mu kwandika mu mukono igihekane **mpy** kigizwe n'inyuguti nto, bikorwe no mu kwandika mu mukono igihekane **Mpy** gitangijwe n'inyuguti nkuru.

2. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo igihekane "mpy/Mpy"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inozamukono ijambo **impyiko** Ereka abanyeshuri aho inyuguti zigize ijambo **impyiko** zigarukira mu mirongo. Soma mu ijwi rirangunguruye ijambo wanditse



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mwanike mu mirongo y'inoza mukono ijambo **Mpyorero**. Mu gihe wandika ku kibaho ijambo **Mpyorero**, yobora abanyeshuri baryandike mu makayi yabo. Fatanya n'abanyeshuri musome ijambo **Mpyorero** ryanditse ku kibaho mu mukono.



Buri wese akore







Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono amagambo: **impyiko, Mpyorero, Yampyatuye**. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma amagambo **impyiko, Mpyorero, Yampyatuye** aho yanditse mu mukono mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **15**, igikorwa cya **8**.

3. Gusoma no kwandika mu mukono interuro irimo igihekane "mpy/Mpy"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inozamukono interuro **Nyirampyorero yabonye impyisi**. Soma interuro wanditse, ugena ukora kuri buri jambo riyigize, hanyuma uyisomere icyarimwe.

 <i>Dukorane twese</i>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri mwandike interuro Nyirampyorero yabonye impyisi. Mu gihe wandika ku kibaho iyo nteruro, yobora abanyeshuri bayandike mu makayi yabo. Fatanya n'abanyeshuri musome interuro Nyirampyorero yabonye impyisi yanditse ku kibaho, muyisomere hamwe mugenda mukora kuri buri jambo, hanyuma muyisomere icyarimwe.</p>
 <i>Buri wese akore</i>	<p>Saba abanyeshuri bongere bandike mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono Nyirampyorero yabonye impyisi. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma interuro Nyirampyorero yabonye impyisi aho yanditse mu mukono mu bitabo byabo kurupapuro rwa 15.</p>
<p>4. Gusoma no kwandika amagambo mu mukono no guca akarongo ku gihekane "mpy"</p>	
 <i>Ndatanga urugero</i>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mukono ijambo impyisi soma ijambo ryanditse ugende uca akarongo ku gihekane mpy, hanyuma urisomere abanyeshuri.</p>
 <i>Dukorane twese</i>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri mwandike ijambo Mpyorero. Mu gihe wandika ku kibaho iryo jambo, yobora abanyeshuri baryandike mu makayi yabo. Fatanya n'abanyeshuri musome ijambo Mpyorero ryanditse ku kibaho, murisomere hamwe hanyuma muce akarongo ku gihekane mpy.</p>
 <i>Buri wese akore</i>	<p>Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo mu mukono ijambo "Sempyisi" mu mukono. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma ijambo Sempyisi aho ryanditse mu mukayi yabo, hanyuma bace akarongo ku gihekane mpy.</p>
<p>III. ISUZUMA (Iminota 10)</p>	
<p>Ha abanyeshuri icyandikwa. Bwira abanyeshuri ko ugiye kuvuga inshuro eshatu amagambo abiri bakayandika mu mukono: impyiko, Serupyipinyurimpyisi.</p>	
 <i>Umukoro</i>	<p>Bwira abanyeshuri kuza kwandika banoza ijambo rimwe n'interuro imwe biri mu bitabo byabo birimo igihekanu mpy/Mpy bazabisomere abandi mu ishuri.</p>

<p>Icyumweru cya 3</p>	<p>Isomo rya 5: Gutahura no gusoma igihekanu pw/Pw</p>
<p>Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekanu pw/Pw.</p>	<p>Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 16</p>


Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa **15**, igikorwa cya **8** n'icya **9**. Gendagenda mu ishuri, ugenzure uko abanyeshuri basoma. Saba abanyeshuri bamwe gusoma mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye. Fasha abafite ibibazo byihariye.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Itahuramajwi
Gutahura ijwi rishya "pw" bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho

 <i>Ndatanga urugero</i>	<p>Saba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 16 igikorwa cya 1. Baza abanyeshuri niba bazi amazina y'ayo mashusho. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri sobanura ko uzajya uvuga izina ry'ishusho, hanyuma ukazamura ibikumwe ubirebesha hejuru mu gihe izina rifite ijwi pw, ukanamanura ibikumwe ubirebesha hasi mu gihe izina ridafite ijwi pw. Vuga izina ry'ishusho ya mbere gucapwa: ibikumwe birareba hejuru.</p>
--	--



Dukorane twese

Fatanya n'abanyeshuri muvuge izina ry'ishusho ya kabiri "**gukoropwa**". Ibikumwe birareba hejuru.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga izina ry'ishusho ya nyuma ku giti cyabo bigana urugero bahawe. **Kumeswa**: ibikumwe birareba hasi.

Saba abanyeshuri gutanga andi magambo yumvikanamo ijwi **pw**.

2. Ihuzamajwi

Kwerekana ikimenyetso k'igihekane "pw" kigizwe n'inyuguti nto n'igihekane "Pw" gitangijwe inyuguti nkuru n'uko bisomwa



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho igihekane **pw** kigizwe n'inyuguti nto n'igihekane **Pw** gitangijwe inyuguti nkuru unabisomere abanyeshuri. Baza abanyeshuri inyuguti zigize igihekane **pw** na **Pw**.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri berekane aho igihekane **pw** cyanditse mu nyuguti nto n'igihekane **Pw** gitangijwe inyuguti nkuru mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **16** igikorwa cya **2**. Mugaragarize hamwe inyuguti zigize ibyi bihekane, munazisome.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma igihekane **pw** kigizwe n'inyuguti nto n'igihekane **Pw** gitangiwe n'inyuguti nkuru ku giti cyabo aho cyanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **16** bagenda bagikoraho bitegereza n'inyuguti zikigize. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufasha abafite ibibazo byihariye.

3. Gusoma

Gusoma imigemo irimo igihekane "pw"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho umugemo **pwa**. Ereka abanyeshuri uko **pw** na **a** bitanga umugemo **pwa**. Garagaza n'uko umugemo **pwe** uboneka.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri musomere hamwe imigemo **pwa**, **pwe** aho yanditse ku kibaho ugenda uyikozaho agati.



Buri wese akore

Bwira abanyeshuri bese basome imigemo **pwe**, **pwe** aho yanditse ku kibaho ku giti cyabo. Bwira abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri imigemo **pwa**, **pwe** aho yanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **16** igikorwa **3**.

Gusoma amagambo arimo igihekane "pw"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho ijambo **gukopwa**. Risomere abanyeshuri ugenda ukora kuri buri mugemo urigize uko uwusoma hanyuma unyereze agati muni y'ijambo ryose urisomere icyarimwe.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Bayobore musomere hamwe ijambo **gukopwa** ugenda ukora kuri buri mugemo urigize uko muwusoma hanyuma unyereze agati muni y'ijambo ryose murisomere icyarimwe. Andika ku kibaho amagambo akurikira **yakopwe**, **gucapwa**, **barakopwe** muyasomere hamwe nk'uko mumaze gusoma ijambo Ncyuyinyana



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri amagambo **byaracapwe**, **arakopwa**, **ntiyakopwe**, **kutazakopwa** ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **16**, igikorwa cya **4**. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye amagambo yose yanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **16**, igikorwa cya **4**.

Gusoma interuro zirimo igihekane "pw"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho interuro **lbitabo byagombaga gucapwa byaracapwe**. Yisomere abanyeshuri ugenda ukora kuri buri jambo riyigize uko urisoma hanyuma unyereze agati muni y'interuro yose uyisomere icyarimwe.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Bayobore musomere hamwe interuro **Ibitabo byagombaga gucapwa byaracapwe**. ugenda ukora kuri buri jambo riyigize uko muyisoma hanyuma unyereze agati munsu y'interuro yose muyisomere icyarimwe. Andika ku kibaho interuro ikurikira **Sempyisi akopwa n'abacuruzi baturanye**. Yobora abanyeshuri muyisomere hamwe nk'uko mumaze gusoma interuro **Ncyuyimihigo yancyuriye ncyuye intama**.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gusoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **16**, igikorwa cya **5**. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye interuro zose.

4. Gusoma agakuru karimo igihekanane "pw"

Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko bagiye gusoma agakuru **"Yamenye kuboha"** kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **17**. Koresha uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** wigishe abanyeshuri gusoma umutwe w'agakuru **"Yamenye kuboha"**. Ereka abanyeshuri ishusho ijyanye n'agakuru. Bahereye ku mutwe w'agakuru n'amashusho baratahura icyo inkuru iza kuvugaho.

Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru.

Bwira abanyeshuri ko bagiye gusoma agakuru **"Yamenye kuboha"** ko bari bwumvemo amagambo **yaragikopwe, agaseke**.



Ndatanga urugero

Vuga ijambo rya mbere **yaragikopwe**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **yaragikopwe**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **yaragikopwe**. **Yaragikopwe** bisobanura **yagihawe ku ideni**.

Koresha ijambo **yaragikopwe** mu nteruro.

Urugero: Iki gikapu cyange data **yaragikopwe**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **yaragikopwe** n'igisobanuro cyaryo hanyuma muvugire hamwe interuro **Iki gikapu cyange data yaragikopwe**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ijambo **yaragikopwe** ku giti cyabo n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **yaragikopwe**. Saba abanyeshuri gusangiza bagenzi babo mu ishuri interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe mu gusobanura ijambo **yaragikopwe**, bukoreshwe no gusobanura ijambo **agaseke**. **Agaseke** bisobanura **igikoreshe kiboshye bategura mu nzu cyangwa baturamo abantu imyaka**. **Urugero:** Mukantwari yaboshye **agaseke** keza.

Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru **"Yamenye kuboha"** kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **17**. Basabe gufungura ibitabo byabo no gukurikira uko ubasomera agakuru kose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekeza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe agakuru **"Yamenye kuboha"** mukoresheje umuvuduko n'isesekeza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma agakuru kose buri wese ku giti ke bahereye ku mutwe wako. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza kandi ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

Kumva agakuru

Mbere yo kubaza ibibazo byo kumva agakuru, genzura niba ibyo abanyeshuri batahuye ari byo biri mu gakuru koko.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Ni iki cyataye Mukamatsiko gukunda imyuga gakondo?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wakibonye. Soma igisubizo kivuye mu gakuru: **Ni uko nyina yamwigishije kuboha akabimenya**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Mu gitabo Mukamatsiko yasomaga yabonye umugore wakoraga iki?** Somera hamwe n'abanyeshuri agakuru kugeza mubonye igisubizo. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo. **Yabohaga agaseke.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, basome ikibazo cya gatatu. **Uretse agaseke kavuzwe mu mwandiko, ni ibihe bikoresho bindi bibohwa?** Babwire bongere basome agakuru bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba abanyeshuri kuvuga igisubizo babonye. Bafashe kukinoza. Igisubizo ni **imisambi, imipira, inkangara, ibitebo...** Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo mu ijwi riranguruye.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma amagambo, interuro n'agakuru bamaze kwiga biri mu gitabo cy'umunyeshuri, igikorwa cya **7, 8, 9** n'icya **10** ku rupapuro rwa **16** n'urwa **17**.
2. Baza ibibazo ku gakuru
 - a) Ni iki cyateye Mukamatsiko gukunda imyuga gakondo? **Ni uko nyina yamwigishije kuboha akabimenya.**
 - b) Igitabo mukamatsiko yasomaga cyavuye he? **Nyina yari yaragikopwe na Mpyisi**
 - c) Kuki ari ngombwa gusoma ibitabo? **Ni uko twigiramo byinshi.**

Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana agakuru bize **"Yamenye kuboha"** kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **17**, bababwire isomo bakuyemo hanyuma bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 3	Isomo rya 6: Gusoma no kwandika mu mukono igihekanane pw/Pw mu mukono
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekanane pw/Pw .	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 18 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekanane **pw** mu magambo ari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **16** igikorwa cya **4** n'icya **5**.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gusoma no kwandika mu mukono igihekanane "pw"

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekanane "pw" kigizwe n'inyuguti nto



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inozamukono igihekanane **pw** kigizwe n'inyuguti nto. Ereka abanyeshuri aho inyuguti zikigize zigarukira mu mirongo. Soma igihekanane wanditse.













Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mwandike mu mirongo y'inozamukono igihekanane **pw**. Mu gihe wandika ku kibaho igihekanane **pw**, yobora abanyeshuri bacyandike mu makayi yabo. Fatanya n'abanyeshuri musome igihekanane **pw** cyanditse mu mukono ku kibaho.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono igihekanane **pw** inshuro eshanu. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma igihekanane **pw** aho cyanditse mu mukono mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **18**, igikorwa **7**

<p>Kwimenyereza gusoma no kwandika igihekane "Pw" gitangiwe n'inyuguti nkuru. Kora nk'ibyakozwe mu kwandika mu mukono igihekane pw kigizwe n'inyuguti nto, bikorwe no mu kwandika mu mukono igihekane Pw gitangijwe n'inyuguti nkuru.</p>	
<p>2. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo igihekane "pw/Pw"</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inozamukono ijambo gucapwa Ereka abanyeshuri aho inyuguti zigize ijambo gucapwa zigarukira mu mirongo. Soma ijambo wanditse.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Yobora abanyeshuri mwandike mu mirongo y'inozamukono ijambo yakopwe. Mu gihe wandika ku kibaho ijambo yakopwe, yobora abanyeshuri baryandike mu makayi yabo. Fatanya n'abanyeshuri musome ijambo yakopwe ryanditse ku kibaho mu mukono.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono amagambo: gucapwa, yakopwe, byaracapwe. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma amagambo gucapwa, yakopwe, byaracapwe aho yanditse mu mukono mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 18, igikorwa 8.</p>
<p>3. Gusoma no kwandika mu mukono interuro irimo igihekane "pw/Pw"</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inozamukono interuro: Jyana inyandiko ku icapiro zicapwe. Soma interuro wanditse, ugenya ukora kuri buri jambo riyigize, hanyuma uyisomere icyarimwe.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri mwandike interuro Jyana inyandiko ku icapiro zicapwe. Mu gihe wandika ku kibaho iyo nteruro, yobora abanyeshuri bayandike mu makayi yabo. Fatanya n'abanyeshuri musome interuro Jyana inyandiko ku icapiro zicapwe yanditse ku kibaho, muyisomere hamwe ugenya ukora kuri buri jambo, hanyuma muyisomere icyarimwe.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono interuro Ibi bitabo byacapwe n'abahanga. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma interuro Ibi bitabo byacapwe n'abahanga aho yanditse mu mukono mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 18 igikorwa cya 9.</p>
<p>4. Gutondeka imigemo bagakora amagambo bakayandika mu mukono.</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Andika ku kibaho imigemo za- pwa- ca- ki ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 18 igikorwa cya 10 cyo gutondeka imigemo bagakora ijambo bakanayandika mu mukono. Saba abanyeshuri gukurikira. Tondeka iyo imigemo ukore ijambo riboneye. Ijambo ubona ni: kizacapwa. Ryandike mu mukono, hanyuma urisomere abanyeshuri.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Andika ku kibaho imigemo ra-ko-ba-pwe agize ijambo rya kabiri. Yobora abanyeshuri mutondeke iyo migemo mukore ijambo riboneye. Ijambo mubona ni barakopwe Yobora abanyeshuri muryandike mu mukono hanyuma murisomere hamwe.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gutondeka buri wese ku giti ke, imigemo a-pwa-ra-ko iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 18 igikorwa cya 10. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri babikora neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Ijambo babona ni arakopwa. Bwira abanyeshuri baryandike mu mukono, hanyuma barisome.</p>
<p>III. ISUZUMA (Iminota 10)</p>	
<p>Ha abanyeshuri icyandikwa. Bwira abanyeshuri ko ugiye kuvuga inshuro eshatu amagambo abiri bakayandika mu mukono: byaracapwe, gukopwa.</p>	
 <p><i>Umukoro</i></p>	<p>Bwira abanyeshuri kuza kwandika banoza ijambo rimwe n'interuro imwe birimo igihekane pw/Pw bazabisomere abandi mu ishuri.</p>

Icyumweru cya 3	Isomo rya 7: Imyitoto yo gusoma ibihokane mpy/Mpy na pw/Pw
Intego rusange: Gusoma no kwandika amagambo, interuro n'agakuru birimo ibihokane mpy/Mpy na pw/Pw .	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 19 n'urwa 20 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitoto, yobora abanyeshuri, sobanura neza uko uwo mwitoto ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye. Kuri uyu mwitoto, tegurira abanyeshuri indi myitoto wihitoyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitoto wo gutahura ibihokane "mpy/pw"

Bwira abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **19** umwitoto wa **1**, batahure arimo amajwi **mpy/pw**.

Ishusho ya 1: **Impyisi**

Ishusho ya 2: **ziracapwa**

Ishusho ya 3: **imparage**

Ishusho ya 4: **gukoropwa**

Ishusho ya 5: **impoyiko**

2. Umwitoto wo gusoma imigemo, amagambo n'interuro birimo ibihokane "mpy/pw"

Ha abanyeshuri umwitoto wo gusoma imigemo, amagambo n'interuro biri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **19** umwitoto wa **2**, uwa **3** n'uwa **4**.

3. Umwitoto wo gusoma no gusubiza ibibazo ku gakuru

Ha abanyeshuri umwitoto wo gusoma no gusubiza ibibazo ku gakuru "**Ubukannyi bwabateje imbere**" kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **20** umwitoto wa **5**.

Gusubiza ibibazo ku gakuru

- a) Ni izihe mpungenge Semyisi yari afiteye Mpyorero? **Yari afite impungenge ko inshuti ye yazasaza ikopwa ibiribwa.**
- b) Nyuma yo kwitabira umwuga w'ubukannyi byagendekeye bite Mpyorero? **Nyuma yo kwitabira uwo mwuga Mpyorero yarakize areka ibyo gukopwa.**
- c) Vuga akamaro k'umwuga w'ubukannyi. **Gukora ibikoresho binyuranye bizana amafaranga ateza abantu imbere.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana agakuru "**Ubukannyi bwabateje imbere**" bavuge isomo bakuyemo. Bazaribwire na bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 3	Isomo rya 8: Imyitoto isoza icyumweru
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono ibihokane mpy/Mpy , pw/Pw .	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa rwa 21 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitoto, yobora abanyeshuri, sobanura neza uko uwo mwitoto ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye. Kuri uyu mwitoto, tegurira abanyeshuri indi myitoto wihitiyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitoto wo gusoma no kwandika mu mukono ibihokane "mpy/Mpy" na "pw/Pw"

Ha abanyeshuri umwitoto wo gusoma no kwandika mu mukono ibihokane "mpy/Mpy" na "pw/Pw" uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **21** umwitoto wa **6**.

2. Umwitoto wo gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo ibihokane "mpy/Mpy" na "pw/Pw"

Ha abanyeshuri umwitoto wo gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo ibihokane "mpy/Mpy" na "pw/Pw" uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **21** umwitoto wa **7** n'uwa **8**.

3. Umwitoto wo kuzaza amagambo bakoresheje ibihokane "mpy/pw" no kuyandika mu mukono

Ha abanyeshuri umwitoto uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **21** umwitoto wa **9** wo kuzaza amagambo bakoresheje ibihokane "mpy/pw" no kuyandika mu mukono.

3. Umwitoto wo kuzaza interuro bakoresheje amagambo bahawe arimo ibihokane "mpy/pw" no kuzandika mu mukono.

Ha abanyeshuri umwitoto wo kuzaza interuro bakoresheje amagambo bahawe arimo ibihokane "mpy/pw" no kuzandika mu mukono. Uri ku rupapuro rwa **21** umwitoto wa **10**.



Saba abanyeshuri baze kwandika mu makayi yabo mu mukono amagambo atatu arimo igihokane **mpy/Mpw** n'andi atatu arimo igihokane **pw/Pw** n'interuro imwe kuri buri igihokane, bazabisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 4	Isomo rya 1: Kumva inkuru
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 4 n'urwa 5 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru "Uko Sempyisi yabaye umukannyi" baheruka kwiga.

Urugero:

1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kwiga? **Uko Sempyisi yabaye umukannyi.**
2. Iyo nkuru yavugaga kuri inde? Yarangwaga n'iki? **Yavugaga kuri Sempyisi. Yari umunebwe.**
3. Ni irihe somo wakuyemo? **Yanyigishije ko nta mwuga mubi ubaho.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko buri muntu, yaba umukobwa cyangwa umuhungu ashobora kugira umwuga akora.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru "Urugendo shuri"

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona. Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru. Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva inkuru **“Urugendo shuri”** ko bari bwumvemo amagambo **urugendo shuri** na **arampwitura**. Uyasobanure ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.**

Urugendo shuri bisobanura **kugenda/gutembera hagamijwe kwiga.**

Urugero: Abanyeshuri **bakoze urugendo shuri** mu birunga.

Arampwitura bisobanura **arankebura.**

Urugero: Iyo nkoze ikosa mama **arampwitura.**

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri inkuru **“Urugendo shuri”** mu ijwi riranguruye wubahiriza utwatuzo n’isesekaza. Mu gihe usoma genda ubereka amashusho. Ugeze ku magambo wasobanuye, babaze ibisobanuro byayo. Nyuma yo gusoma, baza abanyeshuri niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n’ibyo batahuye mbere.

4. Kumva inkuru

Ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye. Babaze ibibazo bikurikira ukoreshe uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.**

1. Ni bande bavugwa mu nkuru? **Abanyeshuri, umwarimu, umushoferi, ababyinnyi, ababayoboye.**
2. Ni hehe bagiye gukorera urugendo shuri? **Barukoreye i Huye mu Nzu Ndangamurage y’u Rwanda.**
3. Ni iyihe myambaro gakondo ivugwa mu nkuru? **Inyonga, inkanda, ishabure, ibicaniro, ibicirane, inkindi, impuzu n’impu.**

III. ISUZUMA (Iminota10)

Mbere yo kubaza abanyeshuri ibibazo by’isuzuma bikurikira, ongera ubasomere inkuru **“Urugendo shuri”** mu ijwi riranguruye, wubahiriza utwatuzo n’isesekaza.

1. Koresha aya magambo akurikira mu nteruro ziboneye.
 - a) **Urugendo shuri:** Abanyeshuri bakora **urugendo shuri** buri mwaka.
 - b) **Arampwitura:** Ejo nakoze amakosa mwarimu **arampwitura.**
2. Baza bibazo ku nkuru.
 - a) Ni ibiki mwarimu yabwiye abanyeshuri ko bazabona mu Nzu Ndangamurage y’u Rwanda? **Mwarimu yababwiye ko bazabona ibikoresho bimwe na bimwe by’imyuga gakondo.**
 - b) Ni bande babakiriye ubwo bari bageze i Huye? **Bakiriwe n’ababyinnyi bambaye neza ndetse n’intore zambaye imigara.**
 - c) Ni iyihe ntego abanyeshuri bihaye ubwo bari batashye? **Abanyeshuri biyemeje kuza gutekereza abo babana ibikoresho gakondo babonye.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibikoresho gakondo babonye mu Nzu Ndangamurage, bazanabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 4	Isomo rya 2: Gusesengura inkuru
Intego rusange: Gusesengura inkuru no kuyihuza n’ubuzima busanzwe.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 4 n’urwa 5.

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kwiga **“Urugendo shuri”**

Urugero:

1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kwiga? **Urugendo shuri mu Nzu Ndangamurage y’u Rwanda.**
2. Ni bande bavugwa muri iyo nkuru? **Abanyeshuri, umwarimu, umushoferi, ababyinnyi, ababayoboye.**

3. Ni ibihe bikoresho gakondo abanyeshuri babonye mu Nzu Ndangamurage y'u Rwanda? **Inkongoro, ibisabo, isuka, uruhabuzo, umutiba, inyonga, n'ibindi.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko ari byiza gukora urugendo shuri kuko wigiramo byinshi utari uzi.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru.

Bwira abanyeshuri ko bagiye kongera kumva inkuru "**Urugendo shuri**", ko bari bwumvemo amagambo: **incyamuro n' inshabure**, uyasobanure ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.**

Incyamuro bisobanura **agasuka bateresha cyangwa babagaza ibishyimbo.**

Urugero: Iwacu dufite **incyamuro** ebyiri.

Inshabure bisobanura **umwambaro wa kera w'abakobwa wakorwaga mu ruhu.**

Urugero: Abakobwa ba kera bambaraga **inshabure.**

2. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri inkuru "**Urugendo shuri**" mu ijwi riranguruye wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe usoma genda ubereka amashusho. Ugeze ku magambo wasobanuye, babaze ibisobanuro byayo. Nyuma yo gusoma, baza abanyeshuri niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

3. Gusesengura inkuru: Kuyihuza n'ubuzima busanzwe

Baza abanyeshuri ibibazo bituma bahuza inkuru n'ubuzima busanzwe ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.**

1. Ni iki cyagushimishije muri iyi nkuru? **Nashimishijwe n'itorero ryabyinaga neza. Nashimishijwe no kumenya ibikoresho gakondo bivugwa mu nkuru.**
2. Ni iyihe nyigisho ukuye mu nkuru? **Iyi nkuru inyigishije ibikoresho gakondo bitandukanye biba mu nzu ndangamurage n'akamaro kabyo.**
3. Ubona gukora urugendo shuri bifite akahe kamaro? **Bituma abantu basobanukirwa neza n'ibyo bagiye kwiga.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru "**Urugendo shuri**" mu ijwi riranguruye wubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye:

- a) **Incyamuro:** Kagabo yagiye kugura **incyamuro** ku isoko arayibura.
- b) **Ishabure:** Abakobwa ntibacyambara **ishabure.**

2. Baza ibibazo ku nkuru

- a) Ni iyihe myambaro gakondo yavuzwe mu mwandiko? **Ni inyonga, inkanda, ishabure, ibicirane, inkindi, impuzu n'impu.**
- b) Kubera iki bimwe mu bikoresho gakondo bitagikoresheya? **Bimwe mu bikoresho gakondo ntibigikoresheya kuko haje iterambere mu ikoranabuhanga bigira ibibisimbura bijyanye n'igihe. Ubu hariho imyenda igezweho ndetse n'amamashini y'ikoranabuhanga yasimbuye bimwe mu bikoresho gakondo.**
- c) Ni akahe kamaro ko gushyira ibikoresho by'imyuga gakondo mu Nzu Ndangamurage? **Bituma tumenya ibikoresho gakondo abakera bakoresheya, bikurura ba mukerarugendo.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri, ubakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru "**Urugendo shuri**" hanyuma bababaze akamaro k'ibikoresho gakondo bumvise, bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 4	Isomo rya 3: Gutahura no gusoma igihekan mpw/Mpw
Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekan mpw/Mpw .	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 22 n'urwa 23 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo ibihekan **mpy/Mpy, pw/Pw** mu gitabo cyabo ku urupapuro rwa **19**, igikorwa cya **3** n'icya **4**.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Itahuramajwi

Gutahura ijwi rishya "mpw/Mpw" bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ifashishe amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **22 (impwempwe, impwerume, impu)** n'izindi mfashanyigisho zifatika mu gutahura ijwi **mpw**.

Bwira abanyeshuri kuvuga andi magambo arimo ijwi **mpw**.

2. Ihuzamajwi

Kwerekana ikimenyetso k'igihokane "mpw" kigizwe n'inyuguti nto n'igihokane "Mpw" gitangijwe inyuguti nkuru n'uko bisomwa

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri ikimenyetso k'igihokane **mpw** kigizwe n'inyuguti nto n'uko gisomwa n'ikimenyetso k'igihokane **Mpw** gitangiwe n'inyuguti nkuru n'uko gisomwa.

3. Gusoma

Gusoma imigemo irimo igihokane "mpw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma imigemo iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **22**, igikorwa cya **3**

Kuri **Ndatanga urugero** igisha abanyeshuri gusoma umugemo **mpwi**.

Kuri **Dukorane twese** yobora abanyeshuri musomere hamwe imigemo **mpwi, mpwe, mpwa**.

Kuri **Buri wese akore** saba abanyeshuri basome ku giti cyabo imigemo **mpwi, mpwe, mpwa**.

Gusoma amagambo arimo igihokane "mpw/Mpw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma amagambo ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **22**, igikorwa cya **4**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma ijambo **impwempwe**.

Kuri **Dukorane twese**, ereka abanyeshuri uko basoma amagambo **impwempwe, umumpwiturire, impwerume, simpwanye**.

Kuri Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri amagambo

Mpwerazikamwa, Mpwempwe, Sempwempwe, arampwitura.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye amagambo yose ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **22**, igikorwa cya **4**.

Gusoma interuro zirimo igihokane "mpw/Mpw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **22**, igikorwa cya **5**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro **Mpwerazikamwa afite impwempwe nyinshi**.

Kuri **Dukorane twese**, yobora abanyeshuri musome interuro:

Mpwerazikamwa afite impwempwe nyinshi.


Impwerume ya Sempwempwe iraryana.

Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri interuro

Mpwerazikamwa afite impwempwe nyinshi.

Impwerume ya Sempwempwe iraryana

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye interuro zose ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **22**, igikorwa cya **5**.

<p>4. Gusoma agakuru karimo igihekane “mpw/Mpw” Gutahura icyoagakuru kaza kuvugaho Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 23. Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore igisha abanyeshuri gusoma umutwe w’agakuru “Uko yatunze isuka”. Ereka abanyeshuri ishusho ijyanye n’agakuru, ubabaze ibyo babona, hanyuma batahure icyoagakuru kaza kuvugaho.</p>	
<p>Inyunguramagambo: Gusoma amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru. Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, sobanurira abanyeshuri amagambo akurikira: impwerume, ishumi. Impwerume bisobanura imbwa y’ingabo. Urugero: Karima afite impwerume ebyiri. Ishumi bisobanura ikiziriko. Urugero: Impwerume ya Mpwerazikamwa iri ku ishumi.</p>	
<p>Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, igisha abanyeshuri gusoma agakuru “Uko yatunze isuka” mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n’isekekaza.</p>	
<p>Kumva agakuru: Baza ibibazo byo kumva agakuru. Mbere yo kubaza ibibazo byo kumva agakuru, genzura niba ibyo abanyeshuri batahuye ari byo biri mu gakuru koko. Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, yobora abanyeshuri gusubiza ibibazo byo kumva agakuru bikurikira: 1. Sempwempwe yari agiye gukora iki kwa Mpwerazikamwa? Kwikopesha isuka. 2. Sempwempwe yakijije impwerume ate? Yakomye akamo. 3. Uretse isuka ni ibihe bikoresho bindi bashobora gucura? Ishoka, icyuma, umuhoro...</p>	
<p>III. ISUZUMA (Iminota 10)</p>	
<p>1. Saba abanyeshuri gusoma amagambo, interuro n’agakuru bamaze kwiga, biri mu gitabo cy’umunyeshuri, igikorwa cya 4, icya 5 n’icya 6 ku rupapuro rwa 22 n’urwa 23. 2. Ibibazo byo kumva agakuru: a) Ni ikihe kibazo Sempwempwe yahoraga yibaza. Yahoraga yibaza aho azakura isuka bikamuyobera. b) Sempwempwe yagenzwaga n’iki kwa Mpwerazikamwa? Yagenzwaga no kwikopesha isuka. c) Ni irihe somo ukuye muri aka gakuru? Nkuyemo isomo ryo kugira ineza kuko mba nzayisanga imbere. Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.</p>	
 <p>Umukoro</p>	<p>Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana agakuru “Uko yatunze isuka” kari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 23 hanyuma bavuge icyo bashimye muri ako gakuru bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.</p>

Icyumweru cya 4	Isomo rya 4: Gusoma no kwandika igihekane mpw/Mpw
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono amagambo n’interuro birimo igihekane mpw/Mpw .	Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa 24 .

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

<p>I. ISUBIRAMO (Iminota 5) Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma amagambo n’interuro birimo igihekane mpw biri mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 22 igikorwa cya 4 n’icya 5.</p>
--

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gusoma no kwandika mu mukono igihekanane "mpw"

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekanane "mpw" kigizwe n'inyuguti nto

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekanane **mpw** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **24**, igikorwa cya **7**. Soma uranguruye igihekanane wanditse.

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekanane "Mpw" gitangiwe n'inyuguti nkuru

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekanane **Mpw** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **24**, igikorwa cya **7**. Soma uranguruye igihekanane wanditse.

2. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo igihekanane "mpw/Mpw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika amagambo **impwempwe, impwerume, umpwiture** mu mirongo y'inozamukono ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **24**, igikorwa cya **8**. Yobora abanyeshuri musome amagambo mwanditse.

3. Gusoma no kwandika mu mukono interuro zirimo igihekanane "mpw/Mpw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika mu mirongo y'inozamukono interuro **Umpwiturire Sempwempwe age kwiga** iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **24**, igikorwa cya **9**. Yobora abanyeshuri musome interuro mwanditse.

4. Kwandika mu mukono amagambo yakoreshejwe mu gakuru afite igihekanane "mpw/Mpw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bashaka amagambo afite igihekanane **mpw/Mpw** mu gakuru baherutse gusoma n'uko bayandika mu mukono. Amagambo ari mu gakuru ni:

- a) Sempwempwe
- b) Impwerume
- c) Mpwerazikamwa

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri icyandikwa. Bwira abanyeshuri ko ugiye kuvuga inshuro eshatu amagambo atatu n'interuro bakabyandika mu mukono: **impwempwe, impwerume, umpwiture, umpwiturire** n'interuro **Sempwempwe age kwiga**.



Bwira abanyeshuri kuza kwandika mu mukono ijamba rimwe n'interuro imwe birimo igihekanane **mpw/Mpw** bazabisomere abandi mu ishuri.

Icyumweru cya 4	Isomo rya 5: Gutahura no gusoma igihekanane nsy/Nsy
Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekanane nsy/Nsy .	Imfashanyigisho: : Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 25 n'urwa 26 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gushaka amagambo arimo igihekanane **mpw/Mpw** mu gakuru "**Uko yatunze isuka**" kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **23** hanyuma bayandike mu mukono.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Itahuramajwi

Gutahura ijwi rishya “nsy/Nsy” bahereye ku mashusho n’izindi mfashanyigisho

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ifashishe amashusho ari mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **26 (insyo, aransyonyoye, arantwikiriye)** n’izindi mfashanyigisho zifatika mu gutahura ijwi **nsy**.

Bwira abanyeshuri kuvuga andi magambo arimo ijwi **nsy**.

2. Ihuzamajwi

Kwerekana ikimenyetso k’igihekane “nsy” kigizwe n’inyuguti nto n’igihekane “Nsy” gitangijwe inyuguti nkuru n’uko bisomwa

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri ikimenyetso k’igihekane **nsy** kigizwe n’inyuguti nto n’uko gisomwa n’ikimenyetso k’igihekane **Nsy** gitangiwe n’inyuguti nkuru n’uko gisomwa.

3. Gusoma

Gusoma imigemo irimo igihekane “nsy/Nsy”

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma imigemo iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **25**, igikorwa cya **3**.

Kuri **Ndatanga urugero** igisha abanyeshuri gusoma umugemo **nsyo**.

Kuri **Dukorane twese** yobora abanyeshuri musomere hamwe imigemo **nsyo, nsyi, nsye, nsyu, nsya**.

Kuri **Buri wese akore** saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo imigemo **nsyo, nsyi, nsye, nsyu, nsya**.

Gusoma amagambo arimo igihekane “nsy/Nsy”

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma amagambo ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **25**, igikorwa cya **4**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma ijambo **yansyonyoye**.

Kuri **Dukorane twese**, ereka abanyeshuri uko basoma amagambo **yansyonyoye, insyo, winsyigingiza, Satinsyi**.

Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri amagambo **nsyunyuye, Nsyori, aransyonyoye, nsye**.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye amagambo yose ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **25**, igikorwa cya **4**.

Gusoma interuro zirimo igihekane “nsy/Nsy”

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **25**, igikorwa cya **5**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro **Twereke ahari izo nsyo dusye aya masaka**.

Kuri **Dukorane twese**, yobora abanyeshuri musome interuro:

Twereke ahari izo nsyo dusye aya masaka.

Tambuka neza utansyonyora ngiye kuri Satinsyi.

Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri interuro

Twereke ahari izo nsyo dusye aya masaka.

Tambuka neza utansyonyora ngiye kuri Satinsyi.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye interuro zose ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **25**, igikorwa cya **5**.

Gusoma agakuru karimo igihekane “nsy”

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **26**.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** igisha abanyeshuri gusoma umutwe w’agakuru: **"Nsyori yarampwituye"**.

Ereka abanyeshuri ishusho ijyanye n’agakuru, ubabaze ibyo babona, hanyuma batahure icyo agakuru kaza kuvugaho.

Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, sobanurira abanyeshuri amagambo akurikira: **mu museso, arampwitura**.

Mu museso bisobanura **mu gitondo kare kare**.

Urugero: Utunyoni tuzinduka tujwigira mu **museso**.

Arampwitura bisobanura **anshishikariza**.

Urugero: Buri gihe mama **arampwitura** nkajya kwiga.

Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri gusoma agakuru **“Nsyori yarampwituye”** mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n’isekekaza.

Kumva agakuru: Baza ibibazo byo kumva agakuru.

Mbere yo kubaza ibibazo byo kumva agakuru, genzura niba ibyo abanyeshuri batahuye ari byo biri mu gakuru koko.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, yobora abanyeshuri gusubiza ibibazo byo kumva agakuru.

1. Ni uwuhe mwuga Nsyori yakoraga? **Yakoraga umwuga w’ububaji**.
2. Ni ibihe bikoresho Nsyori yari ajyanye ku isoko? **Yari ajyanye imbehe, imyuko n’imidaho**.
3. Ni akahe kamaro k’ibikoresho Nsyori yari ajyanye ku isoko? **Imbehe bayiriraho, imyuko bayivugisha umutsima n’ubugari, imidaho bayaruzza ibiryo**.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma amagambo, interuro n’agakuru biri mu gitabo cy’umunyeshuri, igikorwa cya **4**, icya **5** n’icya **6** ku rupapuro rwa **25** n’urwa **26**.

2. Ibibazo ku gakuru:

- a) Ni uwuhe mwuga Nsyori yakoraga? **Yari umubaji**.
- b) Ni hehe bahungiyeye imbembembe? **Bahungiyeye kwa Mpwituzi**.
- c) Vuga ibindi bikoresho abakora umwuga w’ububaji bashobora gukora? **Ni intebe, ibitanda, ameza utubati, inzugi, amadirishya n’ibindi...**

Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana bihuta agakuru bize **“Nsyori yarampwituye”** kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **26** hanyuma bazagasomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 4	Isomo rya 6: Gusoma no kwandika mu mukono igihekanse nsy/Nsy
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono amagambo n’interuro birimo igihekanse nsy/Nsy .	Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa 27 .

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)


Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gusoma no kwandika mu mukono igihekanse "nsy"

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekanse "nsy" kigizwe n’inyuguti nto


Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika mu mirongo y’inizamukono igihekanse **nsy** kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **27**, igikorwa cya **7**. Soma igihekanse wanditse.

<p>Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekanе "Nsy" gitangiwe n'inyuguti nkuru Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, ereka abanyeshuri uko bandika mu mironko y'inozamukono igihekanе Nsy kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 27, igikorwa cya 7. Soma igihekanе wanditse.</p>
<p>2. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo igihekanе "nsy/Nsy" Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, ereka abanyeshuri uko bandika mu mironko y'inozamukono amagambo insyo, winsyonyora, utansyigingiza ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 27, igikorwa cya 8. Yobora abanyeshuri musome amagambo mwanditse.</p>
<p>3. Gusoma no kwandika mu mukono interuro irimo igihekanе "nsy/Nsy" Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, ereka abanyeshuri uko bandika mu mironko y'inozamukono interuro Nsya amasaka ku nsyo nini iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 27, igikorwa cya 9. Yobora abanyeshuri musome interuro mwanditse.</p>
<p>5. Gutondeka imigemo bagakora amagambo afite igihekanе "nsy/Nsy" bakayandika mu mukono Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, ereka abanyeshuri uko batondeka imigemo iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 27, igikorwa cya 10, bakore amagambo banayandike mu mukono.</p> <p>a) Ra-wi-nyo-nsyo: Winsyonyora b) Wi-gi-nsyi-za-ngi: Winsyigingiza c) Ye-nyo-nsyo-ya: Yansyonyoye</p>
<p>III. ISUZUMA (Iminota 10)</p> <p>Ha abanyeshuri icyandikwa. Bwira abanyeshuri ko ugiye kuvuga inshuro eshatu amagambo atatu n'interuro bakabyandika mu mukono: insyo, winsyonyora, utansyigingiza n'interuro Nsya amasaka ku rusyo runini.</p>
<p> Umukoro</p> <p>Bwira abanyeshuri kuza kwandika banoza ijamba rimwe n'interuro imwe birimo igihekanе nsy/Nsy bazabisomere abandi mu ishuri.</p>

Icyumweru cya 4	Isomo rya 7: Imyitoto yo gusoma ibihekanе mpw/Mpw na nsy/nsy
Intego rusange: Gusoma amagambo, interuro n'agakuru birimo ibihekanе mpw/Mpw na nsy/Nsy .	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 28-29 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

<p>I. ISUBIRAMO (Iminota 5)</p> <p>Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.</p>
<p>II. IMYITOZO (Iminota 35)</p> <p>Kuri buri mwitoto, yobora abanyeshuri, sobanura neza uko umwitoto ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.</p> <p>Kuri buri mwitoto, tegurira abanyeshuri indi myitoto wihitoyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.</p> <p>1. Umwitoto wo gutahura ibihekanе "mpw/nsy" Bwira abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 28 umwitoto wa 1, batahure arimo amajwi mpw/nsy. Ishusho ya 1: impwerume Ishusho ya 2: aransyonyoye Ishusho ya 3: urweso Ishusho ya 4: impwempwe Ishusho ya 5: insyo</p>

<p>2. Umwitozo wo gusoma imigemo irimo ibihokane "mpw/nsy" Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma imigemo uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 28, umwitozo wa 2.</p>
<p>3. Umwitozo wo gusoma amagambo n'interuro birimo ibihokane "mpw/nsy" Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 28, umwitozo wa 3 n'uwa 4.</p>
<p>4. Umwitozo wo gusoma no kumva agakuru karimo ibihokane "mpw/nsy" Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma agakuru "Ibikoresho byo kwa nyogokuru" kari mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 29, umwitozo wa 5, hanyuma basubize ibibazo byakabajijweho.</p> <p>Ibibazo ku gakuru</p> <p>a) Ni iki Mpwerazikamwa yifuzaga kumenya ? Yifuzaga kumenya ibikoresho gakondo nyirakuru yifashisha.</p> <p>b) Nyiransyori yakoraga iki Mpwerazikamwa ayobewe icyo amutumye ? Yaramuhwituraga.</p> <p>c) Ni ibihe bikoresho bindi gakondo bitavuzwe mu mwandiko? Umuvure, urutaro, intara, igitebo, inkongoro...</p>
<p> Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana agakuru "Ibikoresho byo kwa nyogokuru" bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri</p> <p><i>Umukoro</i></p>

<p>Icyumweru cya 4</p>	<p>Isomo rya 8 Imyitozo y'isubiramo: Gusoma no kwandika ibihokane mpw/Mpw, nsy/ Nsy</p>
<p>Intego rusange: Kumva umwandiko, gusoma no kwandika ibihokane mpw/Mpw, nsy/ Nsy</p> <p>Iminota 40</p>	<p>Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 30 n'urwa 31.</p>

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gukora umwitozo wa **6** uri ku rupapuro rwa **30**. Gendagenda ureba ko bawukora neza, ufashe abafite ibibazo byihariye.


II. UWITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanura neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye. Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo gusoma no kwandika mu mukono imigemo irimo igihokane "mpw/nsy"
Ha abanyeshuri umwitozo wo kwandika mu mukono imigemo irimo igihokane **mpw/nsy** iri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **30** umwitozo wa **7**.

2. Umwitozo wo gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihokane "mpw/nsy"
Ha abanyeshuri umwitozo wo kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihokane **mpw/nsy** ari mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **31** umwitozo **8** n'uwa **9**.

3. Umwitozo wo kuzurisha ibihokane bagakora amagambo bakayandika mu mukono
Ha abanyeshuri umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **31** umwitozo wa **10**, wo kuzurisha ibihokane bagakora amagambo bakayandika mu mukono.

 Saba abanyeshuri kuza kwandika mu mukono mu makayi yabo amagambo atatu arimo igihokane **mpw/Mpw** n'andi atatu arimo igihokane **nsy/Nsy** n'interuro imwe kuri buri gihekane, bazazisomere bagenzi babo mu ishuri.

Umukoro

Icyumweru cya 5	Isomo rya 1: Kumva umwandiko
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 6 n'urwa 7.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru "**Urugendo shuri**" baheruka kwiga.

Urugero:

1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kwiga? **Urugendo shuri**
2. Ni bande bavugwa muri iyo nkuru? **Abanyeshuri, umwarimu, umushoferi, ababyinnyi, ababayoboye.**
3. Ni irihe somo wakuyemo? **Namenye bimwe mu bikoreho by'imyuga gakondo n'akamaro kabyo ndetse n'uko urugendo shuri ari ingirakamaro.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko ibikoreho by'imyuga gakondo bidufitiye akamaro, ko tugomba kubifata neza.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho.

Soma umutwe w'inkuru: "**Umunsi mukuru w'umuganura**".

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona. Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru

Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva inkuru "**Umunsi mukuru w'umuganura**", ko bari bwumvemo amagambo **umusaruro** no **gutebywa**. Uyasobanure ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.**

Umusaruro bisobanura **ibyo umuntu abona yakoze umurimo runaka.**

Urugero: Imvura yangije imyaka umusaruro uba muke.

Gutebywa bisobanura **gutinzwa gukora ikintu cyangwa gukerezwa.**

Urugero: Igihe tugiye ku ishuri tugomba kwirinda gutebywa n'ibiturangaza.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri inkuru "**Umunsi mukuru w'umuganura**" mu ijwi riranguruye wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe usoma genda ubereka amashusho. Ugeze ku magambo wasobanuye, babaze ibisobanuro byayo. Nyuma yo gusoma, baza abanyeshuri niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva inkuru

Ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye. Babaze ibibazo bikurikira ukoreshe uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.**

1. Ni izihe nyamaswa zivugwa muri iyi nkuru? **Intare, Bakame, impyisi, Nyiramuhari, igikona...**
2. Umunsi mukuru w'umuganura wategurwaga na nde? **Umunsi mukuru w'umuganura wategurwaga n'intare umwami w'ishyamba.**
3. Ni iyihe myuga ivugwa mu nkuru? **Mu nkuru haravugwamo imyuga y'ubuhinzi, ububumbyi, ububoshiy, n'ubuhigi.**

III. ISUZUMA (Iminota10)

Mbere yo kubaza abanyeshuri ibibazo by'isuzuma bikurikira, ongera ubasomere inkuru **Umunsi mukuru w'umuganura** mu ijwi riranguruye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye

a. **Umusaruro:** Uyu mwaka twagize **umusaruro** mwiza.

b. **Gutebywa:** Abantu bakwiye kwirinda **gutebywa** n'ibidafite umumaro.

2. Subiza ibibazo ku nkuru.

a) Ni iki cyari guhabwa inyamaswa yarushije izindi umusaruro? **Iyari kurusha izindi yari guhabwa igihembo, igahabwa n'ijambo ikumvwa mu ruhame n'izindi.**

b) Ni iki intare yarebaga ubwo yabaga isura buri nyamaswa? **Intare yarebaga aho zigeze ziteza imbere, zibikesha imyuga gakondo.**

c) Intare yasanze inyamaswa zimeze gute ubwo yazisuraga? **Yasanze inyamaswa zose zituye neza, zibana mu mahoro, zikihaza mu biribwa. Nta n'imwe yari ifite ubuzima bubwiye.**



Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana inkuru basomewe mu ishuri, hanyuma bashushanye igice cy'inkuru cyabashimishije bazabyereke bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 5

Intego rusange: Gusesengura inkuru no kuyihuza n'ubuzima busanzwe.

Isomo rya 2: Gusesengura inkuru

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa **6 n'urwa 8.**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kwiga **"Umunsi mukuru w'umuganura"**.

Urugero:

1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kwiga? **Umunsi mukuru w'umuganura.**

2. Ni iki kivugwa muri icyo nkuru? **Havugwamo inyamaswa zateguye umunsi w'umuganura zishimira ibyo zari zigezeho ziteza imbere.**

3. Ni iyihe myuga ivugwa mu nkuru? **Mu nkuru haravugwamo imyuga y'ubuhinzi, ububumbyi, ububoshyi, n'ubuhigi.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko imyuga idufitiye akamaro kuko ituma twiteza imbere.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru.

Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva inkuru **"Umunsi mukuru w'umuganura"**, ko bari bwumvemo amagambo: **impuzu n'umuganura**, uyasobanure ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**

Impuzu bisobanura **umwambaro wa kera wari ukoze mu gishishwa cy'umuvumu.**

Urugero: Nabonye amashusho ariho abantu bambaye **impuzu.**

Umuganura bisobanura **umunsi wo gusangira ibyo abantu bejeje.**

Urugero: Mu Rwanda umunsi w'umuganura uba mu kwezi Kanama.

2. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri inkuru “**Umunsi mukuru w’umuganura**” mu ijwi riranguruye wubahiriza utwatuzo n’isesekaza. Mu gihe usoma genda ubereka amashusho. Ugeze ku magambo wasobanuye, babaze ibisobanuro byayo. Nyuma yo gusoma, baza abanyeshuri niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n’ibyo batahuye mbere.

3. Gusesengura inkuru: Kuyihuza n’ubuzima busanzwe

Baza ibibazo bihuza inkuru n’ubuzima busanzwe bw’abanyeshuri ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.**

1. Ukurikije ibyavuzwe mu nkuru Nyiramuhari yagusigiye irihe somo? **Yansigiye isomo ryo kureka ubunebwe nkitabira gukora imirimo yanteza imbere.**
2. Ni uwuhe mwuga gakondo wavuzwe utakigezweho muri iki gihe? Kubera iki? **Ni umwuga w’ubuhigi. Impamvu ni uko bibujijwe kwica inyamaswa kuko zidufitiye akamaro.**
3. Wumvise umuntu avuga ko imyuga gakondo nta cyo yamarira abayikora wamubwira iki? **Namubwira ko imyuga gakondo ifite umumaro kubera ko yateza imbere abayikora.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by’isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru “**Umunsi mukuru w’umuganura**” mu ijwi riranguruye wubahiriza utwatuzo n’isesekaza.

1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye.
 - a. **Impuzu:** Abagore ba kera bambaraga **impuzu.**
 - b. **Umuganura:** Nkunda ibiribwa bateka ku munsi w’umuganura.
2. Subiza ibibazo ku nkuru.
 - a) Mu myuga yavuzwe mu nkuru igikorwa muri iki gihe ni uwuhe mwuga wahitamo gukora? Kubera iki?
 - **Ububoshiye bw’imitako. Kubera ko bufite isoko mu Rwanda no mu mahanga.**
 - **Ubuhinzi. Kubera ko abantu bose bakenera ibiribwa bityo nabona isoko rigari nagurishirizaho umusaruro.**
 - b) Ni akahe kamaro k’umuganura muri iki gihe? **Muri iki gihe umuganura ufasha abantu kwishimira no gusangira ibyo bagezeho biteza imbere ndetse no gufata ingamba zizabafasha kongera umusaruro utaha.**
 - c) Mu nkuru haravugwa icyo inyamaswa yari kuba iyambere yari buhembwe. Ese iyari kuba iya nyuma izindi zari kuyibwira iki? Byari kuyimarira iki? **Inyamaswa yari kuba iya nyuma izindi zari kuyigaya mu ruhamu. Byari gutuma yisubiraho igaharanira kuzaba iya mbere ku muganura utaha.**

Tega amatwi ibisubizo by’abanyeshuri, ubakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza kubaza abo babana ibindi bazi ku munsi w’umuganura, hanyuma bazabwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 5	Isomo rya 3: Gutahura no gusoma igihekanu mvw/Mvw
Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekanu mvw/Mvw.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa 32 n’urwa 33.

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma amagambo n’interuro birimo ibihekanu **mpw/Mpw, nsy/Nsy** mu gitabo cyabo ku urupapuro rwa **28**, umwitozo wa **3** n’uwa **4.**

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)
<p>1. Itahuramajwi</p> <p>Gutahura ijwi rishya mvw/Mvw bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho</p> <p>Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, ifashishije amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 32 (kumvwa, arahomvomva, imvubu) n'izindi mfashanyigisho zifatika mu gutahura ijwi mvw.</p> <p>Bwira abanyeshuri kuvuga andi magambo arimo ijwi mvw.</p>
<p>2. Ihuzamajwi</p> <p>Kwerekana ikimenyetso k'igihekane "mvw" kigizwe n'inyuguti nto n'igihekane "Mvw" gitangijwe inyuguti nkuru n'uko bisomwa</p> <p>Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, ereka abanyeshuri ikimenyetso k'igihekane mvw kigizwe n'inyuguti nto n'uko gisomwa n'ikimenyetso k'igihekane Mvw gitangiwe n'inyuguti nkuru n'uko gisomwa.</p>
<p>3. Gusoma</p> <p>Gusoma imigemo irimo igihekane "mvw"</p> <p>Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, igisha abanyeshuri uko basoma imigemo iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 32, igikorwa cya 3</p> <p>Kuri Ndatanga urugero igisha abanyeshuri gusoma umugemo mvwe</p> <p>Kuri Dukorane twese yobora abanyeshuri musomere hamwe imigemo mvwe, mvwa.</p> <p>Kuri Buri wese akore saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo imigemo mvwe, mvwa.</p>
<p>Gusoma amagambo arimo igihekane "mvw/Mvw"</p> <p>Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, igisha abanyeshuri uko basoma amagambo ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 32, igikorwa cya 4.</p> <p>Kuri Ndatanga urugero, igisha abanyeshuri uko basoma ijambo kumvwa.</p> <p>Kuri Dukorane twese, ereka abanyeshuri uko basoma amagambo kumvwa, arumvwa, yumvwe.</p> <p>Kuri Buri wese akore, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri amagambo azumvwa, bizumvwe.</p> <p>Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye amagambo yose ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 32, igikorwa cya 4.</p>
<p>Gusoma interuro zirimo igihekane "mvw/Mvw"</p> <p>Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, igisha abanyeshuri uko basoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 32, igikorwa cya 5.</p> <p>Kuri Ndatanga urugero, igisha abanyeshuri uko basoma interuro Yumvwanayo yumvwa n'abaturanyi.</p> <p>Kuri Dukorane twese, yobora abanyeshuri musome interuro:</p> <p>Yumvwanayo yumvwa n'abaturanyi.</p> <p>Ibyo urabivuga ngo bizumvwe nande.</p> <p>Kuri Buri wese akore, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri interuro</p> <p>Yumvwanayo yumvwa n'abaturanyi.</p> <p>Ibyo urabivuga ngo bizumvwe nande.</p> <p>Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye interuro zose ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 32, igikorwa cya 5.</p>
<p>4. Gusoma agakuru karimo igihekane "mvw/Mvw"</p> <p>Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho</p> <p>Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 33, igikorwa cya 6.</p> <p>Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore igisha abanyeshuri gusoma umutwe w'agakuru: "Ibiryo byo kwa nyirakuru".</p> <p>Ereka abanyeshuri ishusho ijyanye n'agakuru, ubabaze ibyo babona, hanyuma batahure icyo agakuru kaza kuvugaho.</p>

Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru Ukoreshye uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, sobanurira abanyeshuri amagambo akurikira: **nyirakuru, inkongoro**
Nyirakuru bisobanura **umubyeyi w'igitsinagore wa data cyangwa mama.**
Urugero: **Kabagwira yagiye gusura nyirakuru.**
Inkongoro bisobanura **igikoresho kibaje mu giti banyweramo amata.**
Urugero: **Yampaye inkongoro yuzuye amata.**

Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye
Ukoreshye uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri gusoma agakuru **"Ibiryo byo kwa nyirakuru"** mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isekekaza.

Kumva agakuru: Baza ibibazo byo kumva agakuru.
Ukoreshye uburyo bwa **Ntanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, yobora abanyeshuri gusubiza ibibazo byo kumva agakuru.

1. Nyirakuru wa Yumvwanayo yari atuye he? **Hakurya ya Satinsyi.**
2. Kuki Yumvwanayo yavunyishije ntiyumvwe? **Kwa nyirakuru bari bahuze basya amasaka ku nsyo.**
3. Ni ibihe bikoresho banywero cyangwa bashyiramo amata? **Ibikombe, inkongoro, ibyansi, ibicuba...**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma amagambo, interuro n'agakuru biri mu gitabo cy'umunyeshuri, igikorwa cya **4**, icya **5** n'icya **6** ku rupapuro rwa **32** n'urwa **33**.
2. Ibibazo byo kumva agakuru:
 - a) Ni ikihe kifuzo Yumvwanayo yari afite? **Amatsiko yo kugaburirwa na nyirakuru.**
 - b) Yumvwanayo yakozze iki abonye ko atumvwa? **Yinjiye mu gikari.**
 - c) Ni ibiki nyirakuru yamugaburiye? **Yamugaburiye imyumbati amuha n'inkongoro yuzuye amata.**

Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye



Saba abanyeshuri kuza gusoma gusomera abo babana agakuru bize **"Ibiryo byo kwa nyirakuru"** kari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **33** hanyuma bazagasomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 5	Isomo rya 4: Gusoma no kwandika mu mukono igihekanе mvw/Mvw
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekanе mvw/Mvw.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 34.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekanе **mvw** biri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **33** igikorwa cya **4** n'icya **5**.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gusoma no kwandika mu mukono igihekanе "mvw"

Kwimenyereza kwandika mu mukono no gusoma igihekanе "mvw" kigizwe n'inyuguti nto

Ukoreshye uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekanе **mvw** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **34**, igikorwa cya **7**. Soma igihekanе wanditse.

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekanе "Mvw" gitangiwe n'inyuguti nkuru

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekanе **Mvw** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **34**, igikorwa cya **7**. Soma igihekanе wanditse.

2. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo igihekanе "mvw/Mvw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika amagambo **arumvwa, bazumvwe, barumvwa** mu mirongo y'inozamukono ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **34**, igikorwa cya **8**. Yobora abanyeshuri musome amagambo mwanditse.

3. Gusoma no kwandika mu mukono interuro irimo igihekanе "mvw/Mvw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika interuro **Radiyo yumvwa n'abantu benshi** mu mirongo y'inozamukono iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **34**, igikorwa cya **9**. Yobora abanyeshuri musome interuro mwanditse.

4. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo no guca akarongo ku gihеkanе "mvw/Mvw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika mu mukono amagambo ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **34**, igikorwa cya **10**, bayasome hanyuma bace akarongo ku gihеkanе **mvw**.

a) Arumvwa: arumvwa

b) azumvwe: azumvwe

c) Yumvwanayo: Yumvwanayo

III. ISUZUMA

Ha abanyeshuri icyandikwa. Bwira abanyeshuri ko ugiye kuvuga inshuro eshatu amagambo atatu n'interuro bakabyandika mu mukono: **arumvwa, bizumvwe, barumvwa** n'interuro **Radiyo yumvwa n'abantu benshi**.



Bwira abanyeshuri kuza kwandika banoza ijamba rimwe n'interuro imwe birimo igihekanе **mvw/Mvw** bazabisomere abandi mu ishuri.

Icyumweru cya 5

Isomo rya 5: Gutahura no gusoma igihekanе **byw/Byw**

Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekanе **byw/Byw**.

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **35**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo ibihеkanе **mvw/Mvw** mu gitabo cyabo ku urupapuro rwa **32**, igikorwa cya **4** n'icya **5**.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Itahuramajwi

Gutahura ijwi rishya byw/Byw bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ifashishe amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **35** (**kuyobywa, gukarabywa, urwabya**) n'izindi mfashanyigisho zifatika mu gutahura ijwi **byw**.

Bwira abanyeshuri kuvuga andi magambo arimo ijwi **byw**.

2. Ihuzamajwi

Kwerekana ikimenyetso k'igihekane "byw" kigizwe n'inyuguti nto n'igihekane "Byw" gitangijwe inyuguti nkuru n'uko bisomwa

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri ikimenyetso k'igihekane **byw** kigizwe n'inyuguti nto n'uko gisomwa n'ikimenyetso k'igihekane **Byw** gitangiwe n'inyuguti nkuru n'uko gisomwa.

3. Gusoma

Gusoma imigemo irimo igihekane "byw/Byw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma imigemo iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **35**, igikorwa cya **3**

Kuri **Ndatanga urugero** igisha abanyeshuri gusoma umugemo **bywa**.

Kuri **Dukorane twese** yobora abanyeshuri musomere hamwe imigemo **bywa, bywe**.

Kuri **Buri wese akore** saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo imigemo **bywa, bywe**.

Gusoma amagambo arimo igihekane "byw/Byw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma amagambo ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **35**, igikorwa cya **4**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma ijamba **ntibagasibywe**.

Kuri **Dukorane twese**, ereka abanyeshuri uko basoma amagambo **ntibagasibywe, guhebywa, gusibywa, gusebywa**.

Kuri Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri amagambo **kuyobywa, bakarabywa, akarabywe, gutubywa**.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye amagambo yose ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **35**, igikorwa cya **4**.

Gusoma interuro zirimo igihekane "byw/Byw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **35**, igikorwa cya **5**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro **Nyiratebywa yishimira gukarabywa na nyina**.

Kuri **Dukorane twese**, yobora abanyeshuri musome interuro:

Nyiratebywa yishimira gukarabywa na nyina.

Abagenzi bamwe bayobywa bakanatebywa no kutamenya gusoma.

Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri interuro

Nyiratebywa yishimira gukarabywa na nyina.

Abagenzi bamwe bayobywa bakanatebywa no kutamenya gusoma.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye interuro zose ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **35**, igikorwa cya **5**.

4. Gusoma agakuru karimo igihekane "byw/Byw"

Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **36**.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** igisha abanyeshuri gusoma umutwe w'agakuru "**Si byiza gukwiza ibihuha**".

Ereka abanyeshuri ishusho ijyanye n'agakuru, ubabaze ibyo babona, hanyuma batahure icyo agakuru kaza kuvugaho.

Inyunguramagambo:

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, sobanurira abanyeshuri amagambo akurikira: **gusebywa, inkanda**.

Gusebywa bisobanura kuvugwa nabi ubeshyerwa.

Urugero: Nta muntu ukunda **gusebywa**.

Inkanda bisobanura umwambaro wa kera w'abagore wari ukozwe mu ruhu.

Urugero: Muri iki gihe **inkanda** ntizicyambarwa.

Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri gusoma agakuru "**Si byiza gukwiza ibihuha**" mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isekekaza.

Kumva agakuru: Baza ibibazo byo kumva agakuru.

Mbere yo kubaza ibibazo byo kumva agakuru, genzura niba ibyo abanyeshuri batahuye ari byo biri mu nkuru Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, yobora abanyeshuri gusubiza ibibazo byo kumva agakuru.

1. Kubera iki Nsyori yatumiye abaturanyi? **Yashakaga kubereka ko abahwihwisa ko atazi gukana ko atari byo.**
2. Ni gute Nsyori n'umugore we bemeje abaturanyi ko ibyahwihwiswaga atari ukuri? **Babaretse inkanda Nsyori yakannye basanga ari nziza.**
3. Vuga imyambaro gakondo Abanyarwanda bikoreraga. **Impuzu, ishabure, inyonga...**

III. ISUZUMA

1. Saba abanyeshuri gusoma amagambo, interuro n'agakuru biri mu gitabo cy'umunyeshuri, igikorwa cya **4**, icya **5** n'icya **6** ku rupapuro rwa **35** n'urwa **36**.
2. Ibibazo ku gakuru:
 - a) Ni bande basebyaga Nsyori? **Ni abaturanyi be.**
 - b) Nsyori bamusebyaga ko atazi uwuhe mwuga? **Ni ubukannyi.**
 - c) Nyiratebywa yakoze iki kugira ngo yereke abaturanyi ko Nsyori azi gukana? **Yabaretse inkanda yakannye.**

Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana agakuru bize "**Si byiza gukwiza ibihuha**" kari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **36** bababwire isomo bakuyemo hanyuma bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 5	Isomo rya 6: Gusoma no kwandika mu mukono igihekanne byw/Byw
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekanne byw/Byw .	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 37 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekanne **byw/Byw** mu magambo ari mu gitabo ku rupapuro rwa **35** igikorwa cya **4** n'icya **5**.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gusoma no kwandika igihekanne "byw/Byw"

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekanne "byw" kigizwe n'inyuguti nto

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekanne **byw** mu mironko y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **37**, igikorwa cya **7**. Soma igihekanne wanditse.

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekane "Byw" gitangiwe n'inyuguti nkuru
Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekane **Byw** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **37**, igikorwa cya **7**. Soma igihekane wanditse.

2. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo igihekane "byw/Byw"
Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika amagambo **ntibasebywa, barayobywa, asibywa** mu mirongo y'inozamukono ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **37**, igikorwa cya **8**. Yobora abanyeshuri musome amagambo mwanditse.

3. Gusoma no kwandika mu mukono interuro irimo igihekane "byw/Byw"
Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika interuro **Abanyeshuri ntibagasibywe ishuri** mu mirongo y'inozamukono iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **37**, igikorwa cya **9**. Yobora abanyeshuri musome interuro mwanditse.

5. Gutondeka imigemo bagakora amagambo bakayandika mu mukono
Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko batondeka imigemo iri mu gitabo cy'abanyeshuri ku rupapuro rwa **37**, igikorwa cya **10**, bakore amagambo bayandike mu mukono.

- a) **gu-bywa-se**: gusebywa
- b) **bywa-ra-ba-ka-ra**: barakarabywa
- c) **ba-te-bywa-za**: bazatebywa

III. ISUZUMA

Ha abanyeshuri icyandikwa. Bwira abanyeshuri ko ugiye kuvuga inshuro eshatu amagambo atatu **Ntibasebywa, barayobywa, asibywa** n'interuro **Abanyeshuri ntibagasibywe ishuri**. Bakabyandika mu mukono



Bwira abanyeshuri kuza kwandika banoza ijamba rimwe n'interuro imwe birimo igihekane **byw/Byw** bazabisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 5	Isomo rya 7: Imyitozo yo gusoma ibihekane mvw/Mvw na byw/Byw
Intego rusange: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane mvw/Mvw na byw/Byw .	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 38 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)
Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)
Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanura neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye. Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitoyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo gutahura ibihekane "mvw/byw"
Bwira abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **38** umwitozo wa 1, batahure arimo amajwi **mvw/byw**.

- Ishusho ya 1:** Kumvwa
- Ishusho ya 2:** Kuyobywa
- Ishusho ya 3:** Impu

2. Umwitozo wo gusoma imigemo irimo ibihokane "mvw/byw"

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma imigemo uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **38**, umwitozo wa **2**.

3. Umwitozo wo gusoma amagambo n'interuro birimo ibihokane "mvw/byw"

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **38**, umwitozo wa **3** n'uwa **4**.

4. Umwitozo wo gusoma no kumva umuvugo urimo ibihokane "mvw/byw"

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma agakuru "**Ubuwumvu ni bwiza**" uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **39**, umwitozo wa **5**, hanyuma basubize ibibazo byawubajijweho.

Ibibazo ku muvugo

- Kuki ubuwumvu ari bwiza? **Kubera ko buvura ubutindi butanga ifaranga.**
- Amafanga Sempyoko yabonye yayakoresheje iki? **Yayashinzemo uruganda anagura insyo zirindwi.**
- Ubuki bukoreshwa iki? **Ubuki buraribwa, bunakoreshwa mu komora ibisebe.**



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko "**Ubuwumvu ni bwiza**" bababwire isomo bakuyemo, bazanaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 5

Isomo rya 8: Imyitozo izoza icyumweru

Intego rusange: Gusoma no kwandika ibihokane **mvw/Mvw, byw/ Byw.**

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **40**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanura neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye. Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitayemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo gusoma no kwandika mu mukono ibihokane "mvw/Mvw na byw/Byw"

Ha abanyeshuri umwitozo wo kwandika mu mukono ibihokane "**mvw/Mvw na byw/Byw**" uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **40** umwitozo wa **6**.

2. Umwitozo wo gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo ibihokane "mvw/byw"

Ha abanyeshuri umwitozo wo kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo ibihokane "**mvw/byw**" biri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **40** umwitozo **7**.

3. Umwitozo wo gutondeka imigemo bagakora amagambo yumvikana bakayandika mu mukono

Ha abanyeshuri umwitozo uri mu gutabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **40** umwitozo wa **8** wo gutondeka imigemo bakore amagambo hanyuma bayandike mu mukono.

4. Umwitozo wo gushaka mu kinyatuzu amagambo arimo ibihokane "mvw/byw" bakayandika mu mukono

Ha abanyeshuri umwitozo uri mu gutabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **40** umwitozo wa **9** wo gushaka mu kinyatuzu amagambo arimo ibihokane **mvw/byw** hanyuma bayandike mu mukono.



Saba abanyeshuri kuza kwandika mu mukono amagambo atatu arimo igihokane **mvw/Mvw** n'andi atatu arimo igihokane **byw/Byw** n'interuro imwe kuri buri gihekane mu makayi yabo, bazabisomere bagenzi babo mu ishuri.

ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA MBERE

Icyumweru cya 6

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusoma atajijinganya, atagemura amagambo n'interuro birimo ibihekane byizwe.
- Ubushobozi bwo kwandika nta kosa, amagambo n'interuro birimo ibihekane byizwe.
- Ubushobozi bwo gutahura igitekerezo gikubiye mu twandiko yasomye cyangwa yasomewe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

Isomo rya 1: Kubaza ibibazo byo kumva inkuru "Akagoroba k'abana"

Uko bikorwa: Umwarimu asomera abanyeshuri inkuru "Akagoroba k'abana" iri mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 8 n'urwa 9 akayibabazaho ibibazo.

Ibibazo

1. Ni bande bavugwa muri iyi nkuru? **Ni Mpyorero, Sempwempwe n'umuyobozi w'umudugudu.**
2. Kubera iki umukuru w'umudugudu yatanze igitekerezo cyo gushinga akagoroba k'abana? **Ni uko abana batari basobanukiwe n'imyuga gakondo na bimwe mubikoresho gakondo.**
3. Vuga imwe mu myuga gakondo ivugwa mu mwandiko? **Haravugwamo ububaji, ubucuzi, ububumbyi, ubukannyi, ubuhigi, ubucuzi, ubuhinzi n'ubworozi n'indi inyuranye.**
4. Ubukannyi bwari bufite akahe kamaro? **Bwatumaga haboneka imwe mu myambaro bambaraga nk'impuzu n'inshabure.**
5. Muri iki gihe ni uwuhe mwuga gakondo wahitamo gukora? Kubera iki?

Urugero rw'ibisubizo:

- **Ububaji.** Kubera ko abantu benshi basigaye bakenera ibikoresho bibajwe nk'intebe, ibitanda n'ibindi.
 - **Ubworozi.** Kubera ko butanga amafaranga iyo umuntu agurishije ibikomoka ku matungo nk'inyama, amagi, amata, impu n'ifumbire.
6. Akagoroba k'abana gafite akahe kamaro muri rusange? **Gatoza abana gusobanukirwa n'ibijyanye umuco nyarwanda.**

Isomo rya 2: Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi

1. Imyitozo nzamurabushobozi

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu gusubiza ibibazo byo kumva inkuru "Akagoroba k'abana", bahe imyitozo nzamurabushobozi.

Ongera ubasomere inkuru "Akagoroba k'abana" hanyuma ubabaze ibibazo byo kumva inkuru n'ibindi biganisha ku buzima busanzwe bituma barushaho kumva inkuru.

Urugero rw'ibibazo bahabwa:

- a) Umukuru w'umudugudu yifuza ko abakuru bajya baha abana ibiganiro bijyanye ni iki? **Ni ibiganiro bijyanye n'imyuga gakondo.**
- b) Ni ibihe bikoresho gakondo byavuzwe byakoreshwaga mu gihe cyo kurya? **Ni imbehe n'indoshu.**
- c) Ni iki Mpyorero yahembwe na se? **Yamuhembye agatabo ko gusoma.**
- d) Umuheto n'imyambi byakoreshwaga mu wuhe mwuga gakondo? **Byakoreshwaga mu mwuga w'ubuhigi.**
- e) Agatabo Mpyorero yahembwe kazamumarira iki? **Kazajya kamufasha kwiga gusoma no kunguka ubundi bumenyi bugakubiyemo.**

2. Imyitozo nyagurabushobozi

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije bwo gusubiza ibibazo byo kumva inkuru "Akagoroba k'abana", bahe imyitozo ikomeza kwagura ubushobozi bwabo.

Urugero rw'ikibazo bahabwa: Bashyire mu matsinda matomato, bagende batanga ingero nibura eshatu z'indi myuga itavuzwe mu mwandiko bakora bakiteza imbere. **Kubaka, gusudira, ubukanishi...**

Bahe na none umwitozo wo guhuza bakoresheje akambi ibikoresho gakondo n'ababikoreshaga uri ku rupapuro rwa **43** umwitozo wa **6**.

Isomo rya 3: Imyitozo yo gusoma

Uko bikorwa:

1. Bwira abanyeshuri guhuza ibihokane n'amashusho biri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **41**, umwitozo wa **1**
2. Bwira abanyeshuri gukora imyitozo yo gusoma no kwandika mu mukono imigemo, amagambo n'interuro birimo ibihokane **mpy/Mpy, pw/Pw, mpw/Mpw, nsy/Nsy, mvw/Mvw na by/Byw** iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **41**, umwitozo wa **2** uwa **3** n'uwa **4**.

Isomo rya 4: Gusoma agakuru

Bwira abanyeshuri gusoma mu ijwi riranguruye, buri wese ku giti ke, agakuru "Impwerume yaramuvudukanye", kari mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **42**, umwitozo wa **5**, basobanure amagambo ari mu ibara ritukura, bayakoreshe mu nteruro ziboneye.

Isomo rya 5: Gusoma no kumva agakuru

Bwira abanyeshuri gusoma agakuru "Impwerume yaramuvudukanye" kari mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **42**, umwitozo wa **5** hanyuma basubize ibibazo byo kumva agakuru.

- a) Ni ibihe bikoresho abahigi bari bafite? **Imyambi, imiheto n'amacumu.**
- b) Ni nde wakijije Mpyorero impwerume? **Ni Basebywanabo.**
- c) Uramutse uhuye n'imbwa mu nzira wabigenza ute? **Nakwirinda kuyisagarira.**

Isomo rya 6: Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi

1. Imyitozo nzamurabushobozi

Uko bikorwa:

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu gusoma amagambo n'interuro, bahe imyitozo nzamurabushobozi.

Urugero:

Bahe umwitozo wo gusoma imigemo uri u gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **41** umwitozo wa **2**.

2. Imyitozo nyagurabushobozi

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije bwo gusoma amagambo n'interuro, bahe imyitozo ikomeza kwagura ubushobozi bwabo.

Urugero:

Bahe umwitozo wo gushaka bo ubwabo amagambo arimo ibihokane **mpy/Mpy, mpw/Mpw, nsy/Nsy na mvw/Mvw, byw/Byw** nibura atatu kuri buri gihekane hanyuma bayakoreshe mu nteruro.

Isomo rya 7: Imyitozo yo kwandika

Uko bikorwa:

- Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo ibihokane **mpy/Mpy, mpw/Mpw, nsy/Nsy na mvw/Mvw, byw/Byw** uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **43** umwitozo wa **7** n'uwa **8**.
- Ha abanyeshuri umwitozo wo kuzurisha ibihokane **mpy/Mpy, mpw/Mpw, nsy/Nsy na mvw/Mvw, byw/Byw** bakore amagambo bayandike mu mukono. Igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **44** umwitozo wa **9**.
- Ha abanyeshuri umwitozo uri ku rupapuro rwa **43**, umwitozo wa **10** wo gutondeka amagambo neza hakorwa interuro yumvikana, bakayandika mu mukono

Isomo rya 8: Imyitoto nzamurabushobozi na nyagurabushobozi

1. Imyitoto nzamurabushobozi

Uko bikorwa:

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu kwandika amagambo n'interuro, bahe imyitoto nzamurabushobozi.

Urugero rw'umwitoto wabaha:

Ha abanyeshuri umwitoto wo kwandika mu mukono imigemo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **41** umwitoto wa **2**.

2. Imyitoto nyagurabushobozi

Uko bikorwa:

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije mu kwandika amagambo n'interuro, bahe imyitoto ikomeza kwagura ubushobozi bwabo.

Urugero rw'umwitoto wabaha:

Ha abanyeshuri umwitoto wo gushaka mu gakuru "**Impwerume yaramuvudukanye**" kari ku rupapuro rwa **42** umwitoto wa **5**, amagambo arimo ibihokane **mpw, byw, pw, mvw, mpy, nsy** hanyuma bayandike mu mukono.

UMUTWE WA 2: KUBUNGABUNGA UBUZIMA

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihokane **ncy, shyw, nshw, myw, nshyw** na **mbyw** no gusesengura utwandiko tugufi dushingiye ku nsanganyamatsiko yo kubungabunga ubuzima.

Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho:

Umwarimu ahereye ku mashusho, imyandiko, inkuru biri muri uyu mutwe, arasobanurira abanyeshuri ibijyanye n'**Uburinganire n'ubwuzuzanye, Kwimakaza umuco w'amahoro, Umuco w'ubuziranenge, n'uburezi budaheza.**

Icyumweru cya 7

Isomo rya 1: Kumva inkuru

Intego rusange : Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa **10** n'urwa **11**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. INTANGIRIRO (Iminota 5)

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko bize ubushize.

Urugero:

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni "**Impwerume yaramuvudukanye**".
2. Uwo mwandiko wavugaga kuki? **Wavugaga ku mwana Mpyorero wagiye guhaha impwerume iramuvudukana Basebywanabo arayimukiza.**
3. Basebywanabo yakoreye iki Mpyorero ubwo yari yatinye gukomeza? **Yaramuhumuriye amusaba kudasibywa isoko n'ubwoba afite.**

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru "**Urabeho marariya!**"

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona, hanyuma batahure icyo inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru.

Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva inkuru "**Urabeho marariya!**" ko bari bwumvemo amagambo: **igishanga, inzitiramibu.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **igishanga**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **igishanga**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **igishanga**. **igishanga** bisobanura **ahantu mu kabande hakunze kuba hatose.**

Koresha ijambo **igishanga** mu nteruro.

Urugero: Iki **gishanga** cyose gihinzemo umuceri.



Dukorane twese

Vugira hamwe n'abanyeshuri ijambo **igishanga** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Iki gishanga cyose gihinzemo umuceri.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **igishanga** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **igishanga**.

Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **igishanga**, bukoreshwe no gusobanura ijambo **inzitiramibu**. **Inzitiramibu** bisobanura igikoreshe kirinda abantu kurumwa n'imibu.

Urugero: Mbere yo kuryama turabanza tukamanika **inzitiramibu**.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza.

Mu gihe ugeze ku ijamba ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo.

Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri. Urangije gusoma inkuru bwa kabiri, baza abanyeshuri niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi bumve uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Ni ba nde bavugwa mu nkuru?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo.

Soma igisubizo kivuye mu nkuru. **Ncyuramihigo, umukecuru, umujyanama w'ubuzima, abatwaga bandi.**



Dukorane twese

Baza ikibazo cya kabiri. **Mbere yo gusoma umukecuru Ncyuramihigo yabanje gusoma inkuru ivuga ku ki?** Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma wakire ibisubizo by'abanyeshuri mufatanye kubinoza. **Yabanje gusoma inkuru ivuga ku buzima.**



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikiraho. **Kuki umukecuru uturanye na Ncyuramihigo yakundaga kurwara marariya?**

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basubize icyo kibazo. Fata akanya gato urebe niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire hanyuma ukinoze. Soma igisubizo kivuye mu nkuru **Ntiyaryamaga mu nzitiramubu, ntiyasibaga ibidendezi, ntiyatamaga ibihuru.** Saba abanyeshuri bese gusubiramo igisubizo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye

a) **igishanga:** Twabonye **igishanga** gihinzemo umuceri.

b) **inzitiramibu:** Inzitiramibu zidufasha kwirinda marariya.

2. Subiza ibibazo ku nkuru:

a) Ni iki Ncyuramihigo yabanje gukora mbere yo gusoma umukecuru baturanye? **Yabanje gusoma inkuru ivuga ku buzima**

b) Ni iki cyatumye uwo mukecuru atongera kurwara marariya? **Ni uko yakurikijeinama yagiriwe n'umujyanamaw'ubuzima**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ufasha abafite ibibazo.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru basomewe, bababwire isomo bakuyemo bazanaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 7	Isomo rya 2: Gusesengura inkuru
Intego rusange: Gusesengura inkuru no kuyihuza n'ubuzima busanzwe.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 10 n'urwa 11 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kumva "**Urabeho marariya!**"

Urugero:

1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kumva? Ni "**Urabeho marariya**".
2. Ni bande bavugwa muri icyo nkuru? Ni **Ncyuramihigo, umukecuru, umujyanama w'ubuzima**
3. Kuki umukecuru uturanye na Ncyuramihigo yakundaga kurwara marariya? **Ntiyaryamaga mu nzitiramibu.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Bwira abanyeshuri ko bagomba kwirinda marariya baryama mu nzitiramibu, basiba ibidendezi, bakanatema ibihuru.

II. ISOMO RISHYA (iminota 25)

1. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru.

Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva inkuru "**Urabeho marariya**", ko bari bwumvemo amagambo: **nshwekure, Umujyanama w'ubuzima.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **nshwekure**. Baza abanyeshuri igisobanuro cy'ijambo **nshwekure**. Uhereye ku bisubizo byatanze n'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **nshwekure**. **Nshwekure** bisobanura **niruke cyane**.

Koresha ijambo **nshwekure** mu nteruro.

Urugero: Reka **nshwekure** ntakererwa ishuri.



Dukorane twese

Vugira hamwe n'abanyeshuri ijambo **nshwekure** n'igisobanuro cyaryo hanyuma muvugire hamwe interuro **Reka nshwekure ntakererwa ishuri.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke kuvuga ijambo **nshwekure** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **nshwekure**. Saba bamwe mu banyeshuri kuvuga interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe mu gusobanura ijambo **nshwekure**, bukoreshwe no mu gusobanura ijambo **umujyanama w'ubuzima.**

Umujyanama w'ubuzima bisobanura **umuntu ugira abandi inama ku bijyanye n'ubuzima.**

Urugero: Kankindi ni **umujyanama w'ubuzima** mu mudugudu wacu.

2. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo.

3. Gusesengura inkuru: Kuyihuza n'ubuzima busanzwe

Baza ibibazo bifasha abanyeshuri guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Umujyanama w'ubuzima abafitiye uwuhe mumaro aho mutuye?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wakibonye. **Atugira inama z'uko tugomba kwitwara, aduha imiti ivura marariya, adushishikariza ko duteka indyo yuzuye.**



Dukorane twese

Baza ikibazo cya kabiri. **Ni iki ushima Ncyuramihigo?** Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo uwumvise igisubizo azamure urutoki mufatanye kukinoza. **Ndamushima ko yagiye gusura umukecuru wari urwaye akamugira inama yo kujya arara mu nzitiramubu.**



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikiraho. **Ni iki wakora kugira ngo urwanye marariya iwanyu mu rugo?** Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basubize icyo kibazo. Fata akanya gato urebe niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire ubafashe kukinoza. Saba abanyeshuri bose gusubiramo igisubizo kiri cyo: **Twarara mu nzitiramibu, twatema ibihuru biri hafi y'urugo n'ibindi.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

- Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye.
 - Umujyanama w'ubuzima** : Kanamugire ni **umujyanamama w'ubuzima**.
 - Nshwekure**: Reka **nshwekure** imvura itanyagira.
- Subiza ibibazo ku nkuru.
 - Iyi nkuru ikwigishije iki? **Inyigishije uburyo bukoreshwa mu kwirinda marariya.**
 - Ubonye urugo muturanye rukikijwe n'ibihuru byinshi wakora iki? **Nabagira inama yo kubitema kuko bikurura imibu itera marariya**
 - Ni iki washima Ncyuyimihigo? **Ndamushima kugira umukecuru inama z'uko yakwirinda marariya.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri, ubakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru basomewe, bababwire uko bakwirinda marariya bazanabwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 7	Isomo rya 3: Gutahura no gusoma igihekanane ncy/Ncy
Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekanane ncy/Ncy .	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 44 n'urwa 45 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kumva.

Urugero:

- Ni iyihe nkuru duheruka kumva? **Ni "Urabeho marariya".**
- Ni irihe somo wakuye muri iyo nkuru? **Ni isomo ryo kwirinda marariya.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ubabwire ko bagomba kwirinda marariya barara mu nzitiramibu, barwanya ibihuru n'ibidendezi by'amazi hafi y'urugo.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Itahuramajwi

Gutahura ijwi rishya "ncy" bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **44** igikorwa cya **1**. Baza abanyeshuri niba bazi amazina y'ayo mashusho. Uhereye kubyo abanyeshuri bavuze sobanura ko uvuga izina ry'ishusho, hanyuma ukajya uzamura ibikumwe ubirebesha hejuru mu gihe izina rifite ijwi **ncy**, ukanamanura ibikumwe ubirebesha hasi mu gihe izina ridafite ijwi **ncy**. Vuga izina ry'ishusho ya mbere **"incyamuro,"**: ibikumwe birareba hejuru.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvuge izina ry'ishusho ya mbere **incyamuro**: ibikumwe birareba hejuru. Vugira hamwe n'abanyeshuri izina ry'ishusho ya kabiri **iradiyo** : ibikumwe birareba hasi.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga izina ry'ishusho ya gatatu ku giti cyabo, bigana urugero bahawe. **icyuma** ibikumwe birareba hasi.

Saba abanyeshuri gutanga izindi ngero z'amagambo yumvikanamo ijwi **ncy**.

2. Ihuzamajwi

Kwerekana ikimenyetso k'igihekane "ncy" kigizwe n'inyuguti nto n'ikimenyetso k'igihekane "Ncy" gitangiwe n'inyuguti nkuru n'uko gisomwa



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho igihekane **ncy** kigizwe n'inyuguti nto n'igihekane **Ncy** gitangiwe n'inyuguti nkuru unabisomere abanyeshuri. Baza abanyeshuri inyuguti zigize igihekane **ncy** kigizwe n'inyuguti nto n'inyuguti zigize igihekane **Ncy** gitangiwe n'inyuguti nkuru. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri bereke inyuguti zigize ibihekane **ncy** kigizwe n'inyuguti nto n'inyuguti zigize igihekane **Ncy** gitangiwe n'inyuguti nkuru .



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri berekane aho ibihekane **ncy/Ncy** byanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **44** igikorwa cya **2**. Mugaragarize hamwe inyuguti zigize ibyo bihekane, munabisome.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo igihekane **ncy** kigizwe n'inyuguti nto n'igihekane **Ncy** gitangiwe n'inyuguti nkuru banavuge inyuguti zigize ibyo bihekane.

Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufasha abafite ibibazo byihariye.

3. Gusoma

Gusoma imigemo irimo igihekane "ncy/Ncy"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho umugemo **ncya**. Ereka abanyeshuri uko **ncy** na **a** bitanga umugemo **ncya**. Garagaza n'uko imigemo **ncyu, ncyo** iboneka. Yisomere abanyeshuri mu buryo bw'intangarugero.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri musomere hamwe imigemo **ncya, ncyu, ncyo** aho yanditse ku kibaho, ugenda uyikozaho agati.



Buri wese akore

Bwira abanyeshuri bose gusoma ku giti cyabo imigemo **ncya, ncyu, ncyo** aho yanditse ku kibaho. Bwira abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri imigemo **ncya, ncyu, ncyo** aho yanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **44** igikorwa cya **3**. Saba buri munyeshuri gusoma imigemo yose.

Gusoma amagambo arimo igihekane "ncy/Ncy"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho ijambo **Ncyuyinyana**. Risomere abanyeshuri ugenda ukora kuri buri mugemo urigize uko uwusoma hanyuma unyereze agati muni y'ijambo ryose urisomere icyarimwe.













Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Bayobore musomere hamwe ijambo **Ncyuyinyana** ugenda ukora kuri buri mugemo urigize uko muwusoma hanyuma unyereze agati muni y'ijambo ryose murisomere icyarimwe. Andika ku kibaho amagambo akurikira **urancyocya, incyamuro, arancyurira** muyasomere hamwe nk'uko mumaze gusoma ijambo **Ncyuyinyana**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri amagambo **incyuro, muncyamurire, ncyura, Ncyuyinshyo** ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **44**, igikorwa cya **4**. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye amagambo yose yanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **44**, igikorwa cya **4**.

Gusoma interuro zirimo igihekane “ncy/Ncy”	
 <i>Ndatanga urugero</i>	Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho interuro Ncyuyimihigo yancyuriye ncyuye intama . Yisomere abanyeshuri ugenda ukora kuri buri jambo riyigize uko urisoma hanyuma unyereze agati muni y’interuro yose uyisomere icyarimwe.
 <i>Dukorane twese</i>	Saba abanyeshuri gukurikira. Bayobore musomere hamwe interuro Ncyuyimihigo yancyuriye ncyuye intama ugenda ukora kuri buri jambo riyigize uko muyisoma hanyuma unyereze agati muni y’interuro yose muyisomere icyarimwe. Andika ku kibaho interuro ikurikira Uncyamurire Ncyuyimihigo antize incyamuro . Yobora abanyeshuri muyisomere hamwe nk’uko mumaze gusoma interuro Ncyuyimihigo yancyuriye ncyuye intama .
 <i>Buri wese akore</i>	Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gusoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 44 , igikorwa cya 5 . Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye interuro zose.
4. Gusoma agakuru karimo igihekane “ncy”	
Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho	
Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 45 ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero , Dukorane twese , Buri wese akore igisha abanyeshuri gusoma umutwe w’agakuru "Twirinde marariya" kari ku rupapuro rwa 45 . Ereka abanyeshuri ishusho ijyanye n’agakuru, ubabaze ibyo babona hanyuma batahure icyo agakuru kaza kuvugaho.	
Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru	
Bwira abanyeshuri ko mu nkuru bagiye gusoma "Twirinde marariya" , bari bwumvemo amagambo: incyuro, anatengurwa .	
 <i>Ndatanga urugero</i>	Vuga ijambo rya mbere incyuro . Baza abanyeshuri igisobanuro k’ijambo incyuro . Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, noza igisobanuro k’ijambo incyuro . Incuro bisobanura amagambo mabi babwira umuntu .
 <i>Dukorane twese</i>	Koresha ijambo incyuro mu nteruro. Urugero: Incuro si nziza mu bantu.
 <i>Dukorane twese</i>	Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo incyuro n’igisobanuro cyaryo hanyuma muvugire hamwe interuro Incuro si nziza mu bantu .
 <i>Buri wese akore</i>	Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo incyuro n’igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo incyuro . Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo mu ishuri interuro babonye.
Uburyo bwakoreshejwe mu gusobanura ijambo incyuro , bukoreshwe no mu gusobanura ijambo anatengurwa . Anatengurwa bisobanura anatitira . Urugero: Ncyuyinyana yaramukanye umuriro mwinshi anatengurwa .	
Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye	
 <i>Ndatanga urugero</i>	Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru "Twirinde marariya" kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 45 . Basabe gufungura ibitabo byabo no gukurikira uko ubasomera agakuru kose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.
 <i>Dukorane twese</i>	Yobora abanyeshuri musomere hamwe agakuru "Twirinde marariya" mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.
 <i>Buri wese akore</i>	Saba abanyeshuri gusoma buri wese ku giti ke agakuru kose bahereye ku mutwe wako. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza kandi ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize agakuru basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.
Kumva agakuru: Baza ibibazo byo kumva agakuru.	
Mbere yo kubaza ibibazo byo kumva agakuru, genzura niba ibyo abanyeshuri batahuye ari byo biri mu gakuru koko.	



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. Ni iki cyatumaga **Ncyuyinyana asiba ishuri?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wakibonye. Soma igisubizo kivuye mu gakuru: **Ni indwara ya marariya.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni akahe kamaro ko kurara mu nzitiramibu?** Somera hamwe n'abanyeshuri agakuru kugeza mubonye igisubizo. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo kiri cyo. **Bidufasha kwirinda marariya.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu ku giti cyabo. **Urumva byaragenze bite Ncyuyinyana asubiye ku ishuri?** Babwire bongere basome agakuru bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba amwe mu matsinda kuvuga igisubizo babonye, ubafashe kukinoza. Bwira abanyeshuri bese gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Yakanguriye abandi banyeshuri kwirinda marariya barara mu nzitiramibu, bakora isuku y'urugo, batema ibihuru.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma amagambo, interuro n'agakuru biri mu gitabo cy'umunyeshuri, igikorwa cya **4, 5** n'icya **6** ku rupapuro rwa **44** n'urwa **45**.
2. Baza ibibazo ku gakuru
 - a) Ni iki wakora kugira ngo wirinde marariya? **Kurara mu nzitiramibu, gutema ibihuru no gusiba ibidendezi birekamo amazi.**
 - b) Ni nde waramukanye umuriro mwinshi anatengurwa? **Ni Ncyuyinyana.**
 - c) Kuki tugomba kurara mu nzitiramibu? **Ni ukugira ngo twirinde marariya.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri, bakosore unafasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana agakuru bize "**Twirinde marariya**" kari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **45** hanyuma bazagasomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 7	Isomo rya 4: Gusoma no kwandika mu mukono igihekanе ncy/Ncy
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekanе ncy/Ncy.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 46.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gushaka amagambo arimo igihekanе **ncy/Ncy** mu gakuru "**Twirinde marariya**" kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **45** igikorwa cya **6**.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gusoma no kwandika igihekanе "ncy/Ncy"

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekanе "ncy" kigizwe n'inyuguti nto














Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inozamukono igihekanе **ncy** kigizwe n'inyuguti nto. Ereka abanyeshuri aho inyuguti zikigize zigarukira mu mirongo y'inozamukono. Soma igihekanе wanditse.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mwandike mu mirongo y'inozamukono igihekanе **ncy** hamagara umunyeshuri umwe aze ku kibaho. Muyobore mwandike mu mukono igihekanе **ncy** mu mirongo y'inozamukono. Saba abanyeshuri kucyandika mu makayi yabo bigana uko mucyandika ku kibaho.

 <i>Buri wese akore</i>	<p>Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono igihekane ncy inshuro eshanu. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma igihekane banditse hanyuma basome aho cyanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 46 igikorwa cya 7.</p>
<p>Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekane "Ncy" gitangiwe n'inyuguti nkuru Ibyakozwe mu kwimenyereza kwandika mu mukono igihekane ncy kigizwe n'inyuguti nto, bikorwe no mu kwimenyereza kwandika mu mukono igihekane Ncy gitangijwe n'inyuguti nkuru.</p>	
<p>2. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo igihekane "ncy/Ncy"</p>	
 <i>Ndatanga urugero</i>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inozamukono ijambo incyamuro. Ereka abanyeshuri aho inyuguti zigize ijambo incyamuro zigarukira mu mirongo. Soma ijambo wanditse.</p>
 <i>Dukorane twese</i>	<p>Yobora abanyeshuri mwandike mu mirongoy'inozamukono ijambo yancyuriye. Mu gihe wandika ku kibaho ijambo yancyuriye, yobora abanyeshuri baryandike mu makayi yabo. Fatanya n'abanyeshuri musome ijambo yancyuriye ryanditse kukibaho.</p>
 <i>Buri wese akore</i>	<p>Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono amagambo incyamuro, yancyuriye, incyuro. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma amagambo incyamuro, yancyuriye, incyuro aho yanditse mu mukono mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 46, igikorwa cya 8.</p>
<p>Gusoma no kwandika mu mukono interuro irimo igihekane "ncy/Ncy"</p>	
 <i>Ndatanga urugero</i>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inozamukono interuro Ncyuyishyo yanga incyuro. Soma interuro wanditse.</p>
 <i>Dukorane twese</i>	<p>Yobora abanyeshuri mwandike mu mirongo y'inozamukono interuro Ncyuyishyo yanga incyuro. Mu gihe wandika ku kibaho interuro Ncyuyishyo yanga incyuro, yobora abanyeshuri bayandike mu makayi yabo. Yobora abanyeshuri musome hamwe interuro Ncyuyishyo yanga incyuro yanditse kukibaho.</p>
 <i>Buri wese akore</i>	<p>Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono interuro Ncyuyishyo yanga incyuro. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma interuro Ncyuyishyo yanga incyuro aho yanditse mu mukono mu bitabo byabo kurupapuro rwa 46, igikorwa cya 9.</p>
<p>Gutondeka amagambo no kuyakoramo interuro ziboneye bakazandika mu mukono</p>	
 <i>Ndatanga urugero</i>	<p>Andika ku kibaho amagambo ndababara-yancyuriye-Ncyuyishyo ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 46 igikorwa cya 10. Saba abanyeshuri gukurikira. Tondeka ayo magambo ukore interuro iboneye. Interuro ubona ni Ncyuyishyo yancyuriye ndababara. Yandike mu mukono hanyuma uyisomere abanyeshuri.</p>
 <i>Dukorane twese</i>	<p>Andika ku kibaho amagambo gitondo-mu-yancyamuye-Ncyuyinyana agize interuro ya kabiri. Yobora abanyeshuri mutondeke ayo magambo mukore interuro iboneye. Interuro mubona ni Ncyuyinyana yancyamuye mu gitondo. Muyandike mu mukono hanyuma muyisomere hamwe.</p>
 <i>Buri wese akore</i>	<p>Saba abanyeshuri gutondeka buri wese ku giti ke amagambo yaguze - Ncyuyimihigi - Isoko - mu - incyamuro ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 46 igikorwa cya 10 bakore interuro. Interuro babona ni: Ncyuyimihigo yaguze incyamuro mu isoko. Bwira abanyeshuri bayandike mu mukono, hanyuma bayisome. Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri bandika, ufashe abafite ibibazo byihariye.</p>
<p>III. ISUZUMA (Iminota 10)</p>	
<p>Ha abanyeshuri icyandikwa. Bwira abanyeshuri ko ugiye kuvuga inshuro eshatu amagambo incyuro, yancyocyoye n'interuro "Ncyuyinyana yantije incyamuro" babyandike mu makayi yabo mu mukono. Kosora abanyeshuri ufashe abafite ibibazo byihariye.</p>	
 <i>Umukoro</i>	<p>Bwira abanyeshuri baze kwandika mu makayi yabo amagambo abiri arimo igihekane ncy/Ncy n'interuro imwe irimo igihekane ncy bazabisomere bagenzi babo mu ishuri.</p>

Icyumweru cya 7	Isomo rya 5: Gutahura no gusoma igihekan shyw/Shyw
Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekan shyw/Shyw	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 47 n'urwa 48 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa **44**, igikorwa cya **4** n'icya **5**. Gendagenda mu ishuri, ugenzure uko abanyeshuri basoma. Saba abanyeshuri bamwe gusoma mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye. Fasha abafite ibibazo byihariye.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Itahuramajwi

b. Gutahura ijwi rishya "shyw" bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **47** igikorwa cya **1**. Sobanura ko uvuga izina ry'ishusho, hanyuma ukajya uzamura ibikumwe ubirebesha hejuru mu gihe izina rifite ijwi **shyw**, ukanamanura ibikumwe ubirebesha hasi mu gihe izina ridafite ijwi **shyw**. Vuga izina ry'ishusho ya mbere **umwishywa** ibikumwe birareba hejuru.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvuge izina ry'ishusho ya mbere **umwishywa** ibikumwe birareba hejuru. Ongera ubayobore muvuge izina ry'ishusho ya kabiri **koshiya** ibikumwe birareba hejuru.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga izina ry'ishusho ya gatatu ku giti cyabo, bigana urugero bahawe **inswa** ibikumwe birareba hasi.

Saba abanyeshuri gutanga andi magambo yumvikanamo ijwi **shyw**.

2. Ihuzamajwi

Kwerekana ikimenyetso k'igihokane "shyw/Shyw" kigizwe n'inyuguti nto n'inkuru n'uko gisomwa



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho igihokane **shyw** kigizwe n'inyuguti nto n'igihokane **Shyw** gitangiwe n'inyuguti nkuru unabisomere abanyeshuri. Baza abanyeshuri inyuguti zigize igihokane **shyw/Shyw**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri bereke inyuguti zikigize.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri berekane aho igihokane **shyw/Shyw** kigizwe n'inyuguti nto n'igitangiwe n'inyuguti nkuru cyanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **47** igikorwa cya **2**. Mugaragarize hamwe inyuguti zikigize, munagisome.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma igihokane **shyw/Shyw** kigizwe n'inyuguti nto n'igitangijwe n'inyuguti nkuru ku giti cyabo, bagikoraho bitegereza inyuguti zikigize. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufashe abafite ibibazo byihariye.

3. Gusoma

Gusoma imigemo irimo igihokane "shyw"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho umugemo **shywa**. Ereka abanyeshuri uko **shyw** na **a** bitanga umugemo **shywa**. Garagaza n'uko umugemo **shywe** uboneka. Yisomere abanyeshuri mu buryo bw'intangarugero.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri musomere hamwe imigemo **shywa**, **shywe** aho yanditse ku kibaho, ugenza uyikozaho agati.

 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Bwira banyeshuri bose gusoma ku giti cyabo imigemo shywa, shywe aho yanditse ku kibaho. Bwira abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri imigemo shywa, shywe aho yanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 47 igikorwa cya 3. Saba abanyeshuri gusoma imigemo yose.</p>
<p>Gusoma amagambo arimo igihekanne "shyw"</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho ijambo Semashywa. Risomere abanyeshuri ugenda ukora kuri buri mugemo urigize uko uwusoma hanyuma unyereze agati muni y'ijambo ryose urisomere icyarimwe.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Bayobore musomere hamwe ijambo Semashywa ugenda ukora kuri buri mugemo urigize uko muwusoma hanyuma unyereze agati muni y'ijambo ryose murisomere icyarimwe. Andika ku kibaho amagambo akurikira umwishywa, urarushywa, yoshwe muyasomere hamwe nk'uko mumaze gusoma ijambo Semashywa.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri amagambo kurushywa, guhashywa, bishyushwe, kureshywa ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 47, igikorwa cya 4. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye amagambo yose yanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 47, igikorwa cya 4.</p>
<p>Gusoma interuro zirimo igihekanne "shyw"</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho interuro Semashywa ararushywa no gukura imyishywa ku rugo. Yisomere abanyeshuri ugenda ukora kuri buri jambo riyigize uko urisoma hanyuma unyereze agati muni y'interuro yose uyisomere icyarimwe.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Bayobore musomere hamwe interuro Semashywa ararushywa no gukura imyishywa ku rugo. ugenda ukora kuri buri jambo riyigize uko muyisoma hanyuma unyereze agati muni y'interuro yose muyisomere icyarimwe. Andika ku kibaho interuro ikurikira Ibi bishyimbo bishyushwe bitaragaga. Yobora abanyeshuri muyisomere hamwe nk'uko mumaze gusoma interuro Semashywa ararushywa no gukura imyishywa ku rugo.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gusoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 47, igikorwa cya 5. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye interuro zose.</p>
<p>4. Gusoma agakuru karimo igihekanne "shyw"</p>	
<p>Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho</p>	
<p>Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru "Turyame mu nzitiramibu" kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 48. Ukoreshye uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore igisha abanyeshuri gusoma umutwe w'agakuru "Turyame mu nzitiramibu". Ereka abanyeshuri ishusho ijyanye n'agakuru, ubabaze ibyo babona hanyuma batahure icyo agakuru kaza kuvugaho.</p>	
<p>Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru.</p>	
<p>Bwira abanyeshuri ko mu nkuru bagiye gusoma agakuru "Turyame mu nzitiramibu", bari bwumvemo amagambo: mwishywa, impanuro.</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Vuga ijambo rya mbere mwishywa. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo mwishywa. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo mwishywa. Mwishywa ni umwana wa mushiki wange. Koresha ijambo mwishywa mu nteruro. Urugero: Nagiye gusura mwishywa wange.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo mwishywa n'igisobanuro cyaryo hanyuma muvugire hamwe n'interuro Nagiye gusura mwishywa wange.</p>



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo ijambo **mwishywa** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **mwishywa**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe mu gusobanura ijambo **mwishywa**, bukoreshwe no gusobanura ijambo **impanuro**. **Impanuro** bisobanura **amagambo abwirwa umuntu bamugira inama**.

Urugero: Umwirimu wacu ahora aduha **impanuro**.

Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru **"Turyame mu nzitiramibu"** kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **48**. Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo no gukurikira uko ubasomera agakuru kose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe agakuru **"Turyame mu nzitiramibu"** mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma agakuru kose buri wese ku giti ke bahereye ku mutwe wako. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza kandi ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize agakuru basimburana umwumwe inshuro nyinshi. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

Kumva agakuru: Baza ibibazo byo kumva agakuru.

Mbere yo kubaza ibibazo byo kumva agakuru, genzura niba ibyo abanyeshuri batahuye ari byo biri mu nkuru. Akira ibisubizo by'abanyeshuri.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere **Kubera iki Semanywa aho kuryama yatangiye incyuro?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere, ubasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu gakuru. **Ni uko yagiye kuryama akabura inzitira mibu.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni iki Semashywa yihutiye kubwira sekuru?** Somera hamwe n'abanyeshuri agakuru kugeza mubonye igisubizo. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo kiri cyo. **Akamaro k'inzitiramibu.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri basome ku giti cyabo ikibazo gikurikiyeho. **Nizihe nama wagira abakoresha nabi inzitiramibu?** Saba abanyeshuri gusubiza ikibazo. Babwire bongere basome agakuru bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba amwe mu matsinda kuvuga igisubizo babonye, ubafashe kukinoza. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo: **Kwisubiraho bakajya bazikoresha neza kugira ngo birinde marariya.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma amagambo, interuro n'agakuru biri mu gitabo cy'umunyeshuri, igikorwa cya **4, 5** n'icya **6** ku rupapuro rw **47 - 48**.

2. Baza ibibazo byo kumva agakuru.

a) Sekuru wa Semashywa yitwa nde? **Ncyuyimihigo.**

b) Sekuru wa Semashywa amaze kubashakira inzitiramibu byagenze bite? **Baryamyane banezerewe cyane.**

c) Aka gakuru kakwigishije iki? **Kuryama mu nzitiramibu.**

Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana agakuru bize **"Turyame mu nzitiramibu"** kari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **48** hanyuma bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 7	Isomo rya 6: Gusoma no kwandika mu mukono igihekane shyw/Shyw
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekane shyw/Shyw .	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 49 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gushaka mu gakuru **"Turyame mu nzitiramibu"** amagambo arimo igihekane **shyw** hanyuma bayasome aho yanditse mu gakuru ku rupapuro rwa **48** igikorwa cya **6**.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gusoma no kwandika mu mukono igihekane "shyw"

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekane "shyw" kigizwe n'inyuguti nto



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inozamukono igihekane **shyw** kigizwe n'inyuguti nto. Ereka abanyeshuri aho inyuguti zikigize zigarukira mu mirongo y'inozamukono. Soma igihekane wanditse.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mwandike mu murongo w'inozamukono igihekane **shyw** kigizwe n'inyuguti nto. Hamagara umunyeshuri aze ku kibaho. Muyobore mwandike igihekane **shyw** mu mirongo y'inozamukono. Saba abanyeshuri kucyandika mu makayi yabo bigana uko mucyandika ku kibaho.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono igihekane **shyw** kigizwe n'inyuguti nto inshuro eshanu. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma igihekane **shyw** aho cyanditse mu mukono mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **49** igikorwa cya **7**.

Kwimenyereza kwandika igihekane "Shyw" gitangiwe n'inyuguti nkuru mu mukono.

Ibyakozwe mu kwimenyereza kwandika igihekane **shyw** kigizwe n'inyuguti nto, bikorwe no mu kwimenyereza kwandika igihekane **Shyw** gitangijwe n'inyuguti nkuru.

Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo igihekane "shyw/Shyw".



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inozamukono ijamba **imyishywa** soma ijamba wanditse. Ereka abanyeshuri aho inyuguti zigize ijamba **imyishywa** zigarukira mu mirongo y'inozamukono. Soma ijamba wanditse.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mwandike mu mirongo y'inozamukono amagambo: **imyishywa, kurushywa, kubyibushywa**. Yobora abanyeshuri bayandike mu makayi yabo. Fasha abafite ibibazo byihariye. Fatanya n'abanyeshuri gusoma amagambo **imyishywa, kurushywa, kubyibushywa** aho yanditse mu mukono ku kibaho.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke kwandika mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono amagambo: **imyishywa, kurushywa, kubyibushywa**. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma amagambo **imyishywa, kurushywa, kubyibushywa** aho yanditse mu mukono mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **49**, igikorwa cya **8**.

Gusoma no kwandika mu mukono interuro irimo igihekane "shyw/Shyw" mu mukono



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inozamukono interuro **Semashywa abyibushywa no kutarushywa n'imirimo ivunanye**. Ereka abanyeshuri aho amagambo agize interuro agarukira mu mirongo y'inozamukono. Soma interuro wanditse mu ijwi riranguruye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mwandike mu mirongo y'inozamukono interuro **Semashywa abyibushywa no kutarushywa n'imirimo ivunanye**. Mu gihe wandika ku kibaho interuro yobora abanyeshuri bayandike mu makayi yabo. Fatanya n'abanyeshuri musomere hamwe interuro **Semashywa abyibushywa no kutarushywa n'imirimo ivunanye** mu ijwi riranguruye aho yanditse kukibaho mu mukono.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke, kwandika interuro **Semashywa abyibushywa no kutarushywa n'imirimo ivunanye** mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma interuro yanditse mu mirongo y'inozamukono **Semashywa abyibushywa no kutarushywa n'imirimo ivunanye** aho yanditse mu bitabo byabo kurupapuro rwa **49**, igikorwa cya **9**.

Gutondeka imigemo bagakora amagambo bakayandika mu mukono



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho imigemo **ra -shywa - ru -ba** iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **49** igikorwa cya **10**. Saba abanyeshuri gukurikira. Tondeka iyo migemo ukore ijambo riboneye. Ijambo ubona ni **bararushywa**. Ryandike mu mukono, hanyuma urisomere abanyeshuri.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho imigemo **ma -Se - shywa** igize ijambo rya kabiri. Yobora abanyeshuri mutondeke iyo migemo mukore ijambo riboneye. Ijambo mubona ni **Semashywa**. Muryandike mu mukono hanyuma murisomere hamwe.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke gutondeka imigemo ikurikiyeho iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **49** igikorwa cya **10**, bakore ijambo riboneye. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri babikora neza, ufashe abafite ibibazo byihariye. Ijambo babona ni **bizaryoshywe**. Bwira abanyeshuri baryandike mu mukono, hanyuma barisome mu ijwi riranguruye.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri icyandikwa. Bwira abanyeshuri ko ugiye kuvuga interuro inshuro eshatu bateze amatwi **Semanywa ararushywa no gukura imyishywa mu rugo** bakayandika banoza umukono mu makayi yabo. Bakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Bwira abanyeshuri baze kwandika mu mukono amagambo abiri arimo igihekanе **shyw/Shyw** n'interuro imwe irimo igihekanе **shyw** bazabisomere abandi mu ishuri.

Icyumweru cya 7

Isomo rya 7: Imyitozo yo gusoma no kwandika ibihakane **ncy/Ncy** na **shyw/Shyw**

Intego rusange: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihakane **ncy/Ncy** na **shyw/Shyw**.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **50**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri


I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gutanga ingero z'amagambo arimo igihekanе **ncy**, n'arimo igihekanе **shyw** no kuyandika.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

<p>1. Umwitozo wo gutahura ibihokane "ncy/shyw"</p> <p>Ha abanyeshuri umwitozo wo gutahura ibihokane ncy/shyw bifashishije amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 50 umwitozo wa 1.</p> <p>Ishusho ya 1: Incyamuro</p> <p>Ishusho ya 2: umwishywa</p> <p>Ishusho ya 3: impu</p>
<p>2. Umwitozo wo gusoma imigemo, amagambo n'interuro birimo igihokane "ncy/shyw"</p> <p>Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 50, umwitozo wa 2, uwa 3 n'uwa 4.</p>
<p>3. Umwitozo wo gusoma agakuru "Duhashye marariya"</p> <p>Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma agakuru "Duhashye marariya" kari mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 51 umwitozo wa 5 hanyuma basobanure amagambo ari mu ibara ritukura, banayakoreshe mu nteruro.</p>
<p>3. Umwitozo wo gusoma no kumva agakuru "Duhashye marariya"</p> <p>Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma agakuru "Duhashye marariya" kari mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 51 umwitozo wa 5 hanyuma basubize ibibazo byakabajijweho.</p> <p>Gusubiza ibibazo ku gakuru</p> <p>a. Imibu yabyibushywaga n'iki ? Yabyibushywaga no kuruma abantu.</p> <p>b. Kubera iki Ncyuyimihigo yahamagaye abaturage? Yabashishikarizaga guhashywa marariya birinda imibu iyitera.</p> <p>c. Ni ibiki bishobora kuba indiri y'imibu itera marariya? Ibigunda, ibidendezi by'amazi, imyanda...</p>
<p> Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana agakuru "Duhashye marariya" kari ku rupapuro rwa 51 bababwire isomo bakuyemo bazanaribwire bagenzi babo mu ishuri.</p> <p><i>Umukoro</i></p>

Icyumweru cya 7	Isomo rya 8: Imyitozo isoza icyumweru
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono ibihokane ncy/Ncy, shyw/Shyw	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 50 na 51.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

<p>I. ISUBIRAMO (Iminota 5)</p> <p>Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.</p>
<p>II. IMYITOZO (Iminota 35)</p> <p>Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.</p> <p>Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.</p>
<p>1. Umwitozo wo gusoma no kwandika mu mukono ibihokane "ncy/Ncy" na "shyw/Shyw"</p> <p>Ha abanyeshuri umwitozo gusoma no kwandika mu mukono ibihokane ncy/shyw nibarangiza uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 52 umwitozo wa 6.</p>
<p>2. Umwitozo wo gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihokane "ncy/shyw"</p> <p>Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro biri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 52 umwitozo wa 7 n'uwa 8.</p>

3. Umwitozo wo kuzurisha ibihokane "ncy/shyw" bagakora mamgambo bakayandika mu mukono.

Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **52** umwitozo wa **9** wo kuzurisha ibihokane bagakora amagambo, hanyuma bakayandika mu mukono.



Umwitozo

Saba abanyeshuri baze kwandika mu makayi yabo amagambo **3** arimo igihokane **ncy/Ncy** n'andi atatu arimo igihokane **shyw/Shyw** n'interuro imwe kuri buri gihekane, bazabisomere bagenzi babo.

Icyumweru cya 8	Isomo rya 1: Kumva inkuru
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 12-13

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru **"Urabeho marariya!"** baheruka kwiga.

Urugero:

1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kwiga? **Urabeho marariya**
2. Iyo nkuru yavugaga ku ki? **Uburyo bwo kurwanya marariya.**
3. Ni irihe somo wakuyemo? **Kwirinda marariya uryama mu nzitiramibu, utema ibihuru n'ibigunda no gusiba ibizenga birekamo amazi.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kwirinda marariya baryama mu nzitiramibu, batema ibihuru bagasiba n'ibidendezi by'amazi.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru: **"Senshywa agongwa n'imodoka"**.

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona. Baza abanyeshuri uko batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru.

Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva inkuru **"Senshywa agongwa n'imodoka"** ko bari bwumvemo amagambo **igihunga, n'inshywa**. Uyasobanure ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.**

Igihunga: bisobanura **ubwoba**.

Urugero: Si byiza kugira **igihunga** ugiye gukora ikizamini.

Inshywa bisobanura **inzuzi ziva mu gicuma gishya kitaratangira gukoreshwa.**

Urugero: Kamariza aravana **inshywa** mu bicuma bye.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri inkuru **"Senshywa agongwa n'imodoka"** mu ijwi riranguruye wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe usoma genda ubereka amashusho. Ugeze ku magambo wasobanuye, babaze ibisobanuro byayo. Nyuma yo gusoma, baza abanyeshuri niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva inkuru

Ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye. Babaze ibibazo bikurikira ukoreshe uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.**

1. Ni nde washishikarizaga ababyeyi gutanga ubwisungane mu kwivuza?

Ni umuyobozi w'umudugudu.

2. Ni iki cyatumye Senshywa agongwa n'imodoka?
Ni uko yambutse umuhanda atabanje kureba mu merekezo yombi.
3. Ni nde watabarije Senshywa? **Ni umukecuru wavanaga inshywa mu gicuma.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

- Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye
 - Igihunga:** Umurerwa yahuye n'imbwa agira **igihunga.**
 - Inshywa :** Nasanze Nyiranshywa akura **inshywa** mu gacuma.
- Subiza ibibazo ku nkuru.
 - Ni bande bavugwa mu nkuru? **Senshywa, mukecuru, ababyeyi ba Senshywa, muganga n'umukuru w'umudugudu.**
 - Nyiri imodoka yakoze iki nyuma yo kugonga Senshywa ? **Nyiri imodoka yihutiye kunyarukana Senshywa kwa muganga.**
 - Ni irihe somo ukuye muri iyi nkuru ? **Kwirinda kwambuka umuhanda utabanje kureba mu merekezo yombi n'akamaro k'ubwisungane mu kwivuza.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ufasha abafite ibibazo.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru basomewe **"Senshywa agongwa n'imodoka"** bababwire isomo bakuyemo, bazanaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 8	Isomo rya 2: Gusesengura inkuru
Intego rusange: Gusesengura inkuru no kuyihuza n'ubuzima busanzwe.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 12-13.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kwiga **"Senshywa agongwa n'imodoka"**.

Urugero:

- Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kwiga? **Inkuru duheruka kwiga ni Senshywa agongwa n'imodoka.**
- Ni irihe somo wakuye muri iyo nkuru ? **Kwambuka umuhanda wabanje kureba mu merekezo yombi no kwitabira gutanga ubwisungane mu kwivuza.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko ari byiza kugira ubwisungane mu kwivuza mu rwego rwo kubungabunga ubuzima.

I. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru.

Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva inkuru **"Senshywa agongwa n'imodoka"**, ko bari bwumvemo amagambo: **Ubwisungane mu kwivuza, guhombywa** uyasobanure ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.**

Ubwisungane mu kwivuza bisobanura **ubufatanye bwo kwiyoroheraza kwivuza bidahenze.**

Urugero: Ubwisungane mu kwivuza butuma umurwayi yivuza bitamuhenze.

Guhombywa bisobanura **kubuzwa inyungu wari utegereje ku kintu.**

Urugero: Umucuruzi ashobora **guhombywa** n'abamwikopeshaho.

2. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri inkuru “**Senshywa agongwa n’imodoka**” mu ijwi riranguruye wubahiriza utwatuzo n’isesekaza. Mu gihe usoma genda ubereka amashusho. Ugeze ku magambo wasobanuye, babaze ibisobanuro byayo. Nyuma yo gusoma, baza abanyeshuri niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n’ibyo batahuye mbere.

3. Gusesengura inkuru Kuyihuza n’ubuzima busanzwe.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** baza abanyeshuri ibibazo bibafasha guhuza inkuru n’ubuzima busanzwe.

1. Wakwitwara ute kugira ngo wirinde impanuka? **Mbere yo kwambuka umuhanda ngomba kubanza kureba mu merekezo yombi.**
2. Vuga akamaro k’ubwisungane mu kwivuza? **Butuma abantu bivuzwa ku mafaranga make, butuma abantu batarambera mu rugo.**
3. Ni iyihe nyigisho ukuye muri uyu mwandiko? **Kwitabira kugira ubwisungane mu kwivuza, kwambuka umuhanda mbanje kureba mu merekezo yombi.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by’isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye wubahiriza utwatuzo n’isesekaza rikwiye.

1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye.
 - a) **Igihunga:** Umurerwa yahuye n’imbwa agira **igihunga**.
 - b) **Inshywa:** Nasanze Nyiranshywa akura **inshywa** mu gacuma.
2. Subiza ibibazo ku nkuru.
 - a) Ni iyihe nama wagira abantu badafite ubwisungane mu kwivuza? **Nabagira inama yo gutanga ubwisungane mu kwivuza kugira nga batazajya barembera mu rugo no kugira ngo bazajye bakoresha amafaranga make mu kwivuza.**
 - b) Ni iki ushima umukecuru uvugwa mu nkuru? **Ndamushima ko yatabarije Senshywa**
 - c) Iyi nkuru ikwigishije iki? **Kwirinda kwambuka umuhanda ntabanje kureba mu merekezo yombi n’akamaro k’ubwisungane mu kwivuza.**

Tega amatwi ibisubizo by’abanyeshuri ubakosore ufasha abafite ibibazo.



Umukoro

Umukoro: Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru basomewe, “**Senshywa agongwa n’imodoka**” bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 8	Isomo rya 3: Gutahura no gusoma igihekan nshw/Nshw
Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekan nshw/Nshw	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 53 na 54 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa **50**, igikorwa cya **3** n'icya **4**. Gendagenda mu ishuri, ugenzure uko abanyeshuri basoma. Saba abanyeshuri bamwe gusoma mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye. Fasha abafite ibibazo byihariye.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Itahuramajwi
Gutahura ijwi rishya "nshw/Nshw" bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho
 Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ifashishe amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **53** igikorwa cya **1** (**nshwekure, iranshwaratuye, rurandwinze**) n'izindi mfashanyigisho zifatika mu gutahura igihekan **nshw**.

2. Ihuzamajwi
Kwerekana ikimenyetso k'igihokane "nshw" kigizwe n'inyuguti nto n'ikimenyetso k'igihokane "Nshw" gitangijwe inyuguti nkuru n'uko bisomwa
 Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** ereka abanyeshuri ikimenyetso k'igihokane **nshw** kigizwe n'inyuguti nto n'uko gisomwa n'ikimenyetso k'igihokane **Nshw** gitangiwe n'inyuguti nkuru n'uko gisomwa.
 Ibutsa abanyeshuri aho igihokane **Nshw** gitangijwe n'inyuguti nkuru gikoreshwa.

3. Gusoma
Gusoma imigemo irimo igihokane "nshw/Nshw"
 Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma imigemo iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **53**, igikorwa cya **3**.
 Kuri **Ndatanga urugero** igisha abanyeshuri gusoma umugemo **nshwa**.
 Kuri **Dukorane twese** yobora abanyeshuri musomere hamwe imigemo **nshwa, nshwe, nshwi**.
 Kuri **Buri wese akore** saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo imigemo **nshwa, nshwe, nshwi**.

Gusoma amagambo arimo igihokane "nshw/Nshw"
 Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma amagambo ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **53**, igikorwa cya **4**.
 Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma ijambo **nshwana**.
 Kuri **Dukorane twese**, ereka abanyeshuri uko basoma amagambo **nshwana, nshwishuriza, inshwegegeri, yanshwaratuye**.
 Kuri Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri amagambo **uranshwiragiza, yanshwaniye, kunshwishuriza, inshwima**.
 Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye amagambo yose ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **53**, igikorwa cya **4**.

Gusoma interuro zirimo igihekane "nshw/Nshw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **53**, igikorwa cya **5**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro **Nabujije injangwe kurya inshwegegeri iranshwaratura**.

Kuri **Dukorane twese**, yobora abanyeshuri musome interuro:

Nabujije injangwe kurya inshwegegeri iranshwaratura.

Namubujije kunshwanira no kunshwiragiza aranshwishuriza.

Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri interuro

Nabujije injangwe kurya inshwegegeri iranshwaratura.

Namubujije kunshwanira no kunshwiragiza aranshwishuriza.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye interuro zose ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **53**, igikorwa cya **5**.

4. Gusoma agakuru karimo igihekane "nshw/Nshw"

Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru "**Umubu Ruhashywa**" kari mu bitabo byabo urupapuro rwa **54**. Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** igisha abanyeshuri gusoma umutwe w'agakuru "**Umubu Ruhashywa**".

Ereka abanyeshuri ishusho ijyanye n'agakuru ubabaze ibyo babona, hanyuma batahure icyo agakuru kaza kuvugaho.

Inyunguramagambo

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, sobanurira abanyeshuri amagambo akurikira : **Wigamba, indiri**.

Wigamba bisobanura **wirata**.

Urugero: Ni bibi guhora **wigamba** ikibi wakoze.

Indiri bisobanura **aho udukoko cyangwa inyamaswa bitaha**.

Urugero: Ibigunda n'ibidendezi bishobora kuba **indiri** y'imibu.

Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** igisha abanyeshuri gusoma agakuru "**Umubu Ruhashywa**" mu ijwi riranguruye wubahiriza utwatumuzo n'isesekaza .Nyuma yo gusoma baza abanyeshuri niba ibyo batahuye bihuye n'ibyo basomye

Kumva agakuru: Baza ibibazo byo kumva agakuru.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** yobora abanyeshuri uko basubiza ibibazo byo kumva agakuru bikurikira:

1. Ni iki cyatumye abantu bajya guhiga umubu? **Ni uko wari warashwiragije ubara iyi nkuru wigamba kubyibushywa no kuruma abantu.**
2. Umubu wahashyijwe ute? **Bagiye kuwuhiga batema ikigunda wari waragize indiri.**
3. Ni ubuhe buryo bwakoreshwa mu guhashya imibu itera marariya? **Gukuraho, imyanda, ibidendezi by'amazi, gutema ibigunda, kuryama mu nzitiramibu, ...**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma amagambo, interuro n'agakuru biri mu gitabo cy'umunyeshuri, ku rupapuro rwa **53** n'urwa **54**, igikorwa cya **4, 5** n'icya **6**.

2. Baza ibibazo byo kumva agakuru.

a) Umubu wahashyijwe ute? **Batemye ikigunda wari waragize indiri.**

b) Ruhashywa yabyibushywaga n'iki? **Yabyibushywaga no kuruma abantu.**

c) Umubu Ruhashywa wabanaga na nde? **Wabanaga n'Abana bawo.**

Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana agakuru bize **Umubu Ruhashywa** kari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **54** bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 8	Isomo rya 4: Gusoma no kwandika mu mukono igihekane nshw/Nshw
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekane nshw/Nshw .	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 55 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **nshw** mu magambo ari mu gitabo ku rupapuro rwa **53** igikorwa cya **4** n'icya **5**.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekane "nshw" kigizwe n'inyuguti nto

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekane **nshw** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **55**, igikorwa cya **7**. Soma igihekane wanditse mu ijwi riranguruye mu ijwi riranguruye.

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekane "Nshw" gitangiwe n'inyuguti nkuru.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekane **Nshw** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **55**, igikorwa cya **7**. Soma igihekane wanditse.

2. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo igihekane nshw/Nshw.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika amagambo **inshwegegeri, inshwima, winshwaratura** mu mirongo y'inozamukono ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **55**, igikorwa cya **8**. Yobora abanyeshuri musome amagambo mwanditse mu ijwi riranguruye.

3. Gusoma no kwandika mu mukono interuro irimo igihekane nshw/Nshw.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika interuro: **Injangwe yanshwaratuye iranshwiragiza** mu mirongo y'inozamukono iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **55**, igikorwa cya **9**. Yobora abanyeshuri musome interuro mwanditse.

4. Kwandika mu mukono amagambo yakoreshejwe mu gakuru arimo igihekane nshw/Nshw.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bashaka amagambo afite igihekane **nshw/Nshw** yakoreshejwe mu nkuru baherutse gusoma n'uko bayandika banoza mu mwanya bahawe ku rupapuro rwa **59**, igikorwa cya **10** bifashishije amakayi yabo.

- a) waranshwiragije.
- b) nshwekurana.
- c) kunshwiragiza.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri icyandikwa.

Bwira abanyeshuri ko ugiye kuvuga inshuro eshatu amagambo atatu: **uranshwiragiza, yanshwaniye, inshwima** n'interuro imwe **Namubujije kunshwanira no kunshwishuriza** bakabyandika mu mukono.

Bakosore ufashe abafite ibibazo byihariye



Umukoro

Bwira abanyeshuri kuza kwandika mu mukono ijamba rimwe n'interuro imwe birimo igihekane **nshw** bazabisomere bagenzi babo mu ishuri.

ICYUMWERU CYA 8	Isomo rya 5: Gutahura no gusoma igihekane myw/Myw
Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekane myw/Myw .	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 56 n'urwa 57 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa **53**, igikorwa cya **4** n'icya **5**. Gendagenda mu ishuri, ugenzure uko abanyeshuri basoma, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kubungabunga ubuzima birinda indwara

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Itahuramajwi

Gutahura ijwi rishya "myw/Myw" bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ifashishije amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **56 (kurumywa, gusomywa, kwambikwa)** n'izindi mfashanyigisho zifatika mu gutahura igihekane **myw**.

2. Ihuzamajwi

Kwerekana ikimenyetso k'igihekane "myw" kigizwe n'inyuguti nto n'igihekane "Myw" gitangijwe inyuguti nkuru n'uko bisomwa

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri ikimenyetso k'igihekane **myw** kigizwe n'inyuguti nto n'uko gisomwa n'ikimenyetso k'igihekane **Myw** gitangiwe n'inyuguti nkuru n'uko gisomwa.

Ibutsa abanyeshuri aho igihekane **"Myw"** gitangijwe n'inyuguti nkuru gikoreshwa.

3. Gusoma

Gusoma imigemo irimo igihekane "myw/Myw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma imigemo iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **56**, igikorwa cya **3**.

Kuri **Ndatanga urugero** igisha abanyeshuri gusoma umugemo **mywa**.

Kuri **Dukorane twese** yobora abanyeshuri musomere hamwe imigemo **mywa, mywe**.

Kuri **Buri wese akore** saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo imigemo **mywa, mywe**.

Gusoma amagambo arimo igihekane "myw/Myw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma amagambo ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **56**, igikorwa cya **4**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma ijambo **guhamywa**.

Kuri **Dukorane twese**, ereka abanyeshuri uko basoma amagambo **guhamywa, kuramywa**.

Kuri Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri amagambo **iramywe, guhumywa**.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye amagambo yose ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **56**, igikorwa cya **4**.

Gusoma interuro zirimo igihekane “myw/Myw”

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **56**, igikorwa cya **5**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro **Marita asomywa umuti ngo adahumywa n’indwara**.

Kuri **Dukorane twese**, yobora abanyeshuri musome interuro:

Marita asomywa umuti ngo adahumywa n’indwara

Ibyo biseke birumywe n’umuntu ubizi.

Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri interuro

Marita asomywa umuti ngo adahumywa n’indwara

Ibyo biseke birumywe n’umuntu ubizi.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye interuro zose ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **56**, igikorwa cya **5**.

4. Gusoma agakuru karimo igihekane myw/Myw

Gutahura icyo agakuru klaza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko bagiye gusoma agakuru "**Bakize icyorezo**" kari mu bitabo byabo urupapuro rwa **57**. Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** igisha abanyeshuri gusoma umutwe w’agakuru "**Bakize icyorezo**".

Ereka abanyeshuri ishusho ijyanye n’agakuru ubabaze ibyo babona, hanyuma batahure icyo agakuru kaza kuvugaho.

Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, sobanurira abanyeshuri amagambo akurikira : **inshwabari, icyorezo**

Inshwabari bisobanura **imyambaro ishaje inacikaguritse**.

Urugero: Si byiza kwambara **inshwabari**.

Icyorezo bisobanura **indwara itera ikibasira abantu benshi**.

Urugero: Abantu batagira isuku baterwa **n’icyorezo** cya macinya.

Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** igisha abanyeshuri gusoma agakuru "**Bakize icyorezo**" mu ijwi riranguruye wubahiriza utwatumye n’isesekaza. Nyuma yo gusoma baza abanyeshuri niba ibyo batahuye bihuye n’ibyo basomye.

Kumva agakuru: Baza ibibazo byo kumva agakuru

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** yobora abanyeshuri uko basubiza ibibazo byo kumva agakuru bikurikira:

1. Ni bande bokamwe n’icyorezo k’indwara? **Ni abana bo mu Murenge wa Cyumywa**
2. Abadafite ubwisungane mu kwivuzza bivuzaga bate? **Bivuzaga bibagoye kandi bibahenze cyane.**
3. Ni akahe kamaro k’ubwisungane mu kwivuzza? **Bifasha abantu guhuriza hamwe amafaranga yo kwivuzza, bityo abantu bakivuzza ku giciro gito.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma amagambo, interuro n’agakuru biri mu gitabo cy’umunyeshuri, igikorwa cya **4, 5** n’icya **6** ku rupapuro rwa **56 -57**.

2. Baza ibibazo ku gakuru

- a) Abafite ubwisungane mu kwivuzza bivuzaga bate? **Basomywaga ku muti bagakira**
- b) Nyuma yo gukurikiza inama za muganga byagenze bite? **Icyorezo ntakiharangwa n’abana babayeho neza.**
- c) Kubera iki abana bo mu Murenge wa Cyumywa bokamwe n’icyorezo cy’indwara? **Bambaraga inshwabari ntibanisukure.**

Bakosoreushimira ababikoze neza, ufashe abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusoma bihuta agakuru bize "**Bakize icyorezo**" kari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **57** hanyuma bazagasomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 8	Isomo rya 6: Gusoma no kwandika mu mukono igihekane myw/Myw
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekane myw/Myw .	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 58 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **myw** biri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **56** igikorwa cya **4** n'icya **5**.

Ibutsa abanyeshuri ko ari ngombwa kwivuzza kwa muganga wemewe, igihe cyose umuntu afashwe n'indwara.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Kwimenyereza kwandika mu mukono no gusoma igihekane "myw/Myw" kigizwe n'inyuguti nto

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekane **myw** kigizwe n'inyuguti nto mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **58**, igikorwa cya **7**. Soma igihekane wanditse mu ijwi riranguruye.

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekane "Myw" gitangiwe n'inyuguti nkuru.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekane **Myw** gitangiwe n'inyuguti nkuru mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **58**, igikorwa cya **7**. Soma igihekane wanditse mu ijwi riranguruye.

2. Gusoma no Kwandika mu mukono amagambo arimo igihekane "myw/Myw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika amagambo **kuramywa, gukamywa, guhumywa** mu mirongo y'inozamukono ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **58**, igikorwa cya **8**. Yobora abanyeshuri musome amagambo mwanditse mu ijwi riranguruye.

3. Gusoma no kwandika mu mukono interuro zirimo igihekane "myw/Myw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika interuro **Abarwayi baramywa no kwitabwaho** mu mirongo y'inozamukono iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **58**, igikorwa cya **9**. Yobora abanyeshuri musome interuro mwanditse.

4. Gutondeka imigemo bagakora amagambo arimo igihekane myw/Myw bakayandika mu mukono

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko batondeka imigemo iri mu gitabo cy'abanyeshuri ku rupapuro rwa **58**, igikorwa cya **10**, bakore amagambo, banayandike mu mukono.

a) **ba – hu –mywa –za** : bazahumywa

b) **ra –za –mywa –I** : Izaramywa

c) **mywa – ra –so –a** : arasomywa

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri icyandikwa. Bwira abanyeshuri ko ugiye kuvuga inshuro eshatu amagambo atatu: **iramywe, gukamywa, guhumywa** n'interuro imwe: **Abarwayi baramywa no gusomywa ku miti** bakabyandika mu mukono.



Umukoro

Bwira abanyeshuri kuza kwandika mu mukono ijambo rimwe n'interuro imwe birimo igihekane **myw/Myw**, bazabisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 8	Isomo rya 7: Imyitozo yo gusoma no kwandika ibihokane nshw/Nshw na myw/Myw
Intego rusange: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihokane nshw/Nshw na myw/Myw	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 59 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gutanga ingero z'amagambo arimo igihokane **nshw**, n'arimo igihokane **myw** no kuyandika.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitoto, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitoto ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitoto, tegurira abanyeshuri indi myitoto wihitoyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitoto wo gutahura ibihokane "nshw/myw"

Ha abanyeshuri umwitoto wo gutahura ibihokane **nshw/myw** bifashishije amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **59** umwitoto wa **1**.

Ishusho ya 1: nshwekure

Ishusho ya 2: gusomywa

Ishusho ya 3: inshwima

2. Umwitoto wo gusoma imigemo, amagambo n'interuro birimo igihokane "nshw/myw"

Ha abanyeshuri umwitoto wo gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **59**, umwitoto wa **2**, uwa **3** n'uwa **4**.

3. Umwitoto wo gusoma agakuru "Twitabire ubwishingizi mu kwivuzwa"

Ha abanyeshuri umwitoto wo gusoma agakuru « **Twitabire ubwishingizi mu kwivuzwa** » kari mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **60** umwitoto wa **5** hanyuma basobanure amagambo ari mu ibara ritukura, banayakoreshe mu nteruro.

4. Umwitoto wo gusoma no kumva agakuru "Twitabire ubwishingizi mu kwivuzwa"

Ha abanyeshuri umwitoto wo gusoma agakuru « **Twitabire ubwishingizi mu kwivuzwa** » kari mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **60** umwitoto wa **5** hanyuma basubize ibibazo byakabajijweho.

Gusubiza ibibazo ku gakuru "Twitabire ubwishingizi mu kwivuzwa"

1. Kwa muganga bafashije bate Nshwima? **Bamushyiriyemo umuti mu gacupa baragafunga kararumywa neza.**
2. Ni iyihe mpamvu yatumye ababyeyi batanga amafaranga menshi? **Ni uko batagiraga ubwishingizi mu kwivuzwa.**
3. Wakwirinda ute kugira ngo udakomeretswa n'inyamaswa? **Nakwirinda kuzegera no kuzishotora.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana agakuru "**Twitabire ubwishingizi mu kwivuzwa**" bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 8	Isomo rya 8: Imyitoto isoza icyumweru
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono ibihokane nshw/Nshw, myw/Myw.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 60 - 61.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitoto, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitoto ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitoto, tegurira abanyeshuri indi myitoto wihitoyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitoto wo gusoma no kwandika mu mukono ibihokane nshw/Nshw na myw/Myw

Ha abanyeshuri umwitoto gusoma no kwandika mu mukono ibihokane **nshw/myw** nibarangiza uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **61** umwitoto wa **6**.

2. Umwitoto wo gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihokane nshw/myw

Ha abanyeshuri umwitoto wo gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro biri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **61** umwitoto wa **7** n'uwa **8**

3. Umwitoto wo kuzurisha ibihokane "nshw/myw" bagakora amagambo bakayandika mu mukono.

Ha abanyeshuri umwitoto uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **61** umwitoto wa **9** wo kuzurisha ibihokane bagakora amagambo, hanyuma bakayandika mu mukono.

- a) araramywa
- b) aranshwiragiza
- c) Ntibizumywe
- d) nshwekure



Umukoro

Saba abanyeshuri baze kwandika mu makayi yabo amagambo atatu arimo igihokane **nshw/Nshw** n'andi atatu arimo igihokane **myw/Myw** n'interuro imwe kuri buri gihekane, hanyuma bazabisomere bagenzi babo.

Icyumweru cya 9	Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 14 - 15.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru "**Senshywa agongwa n'imodoka**" baheruka kwiga.

1. Ni iyihe nama wagira umuntu ugiye kwambuka umuhanda? **Kubanza kureba mu merekezo yombi.**
2. Ni irihe somo wakuye mu mwandiko "**Senshywa agongwa n'imodoka**"? **Kwitabira gutanga ubwisungane mu kwivuza no kwambuka umuhanda wabanje kureba mu merekezo yombi.**

Ibutsa abanyeshuri ko ari ngombwa ko buri wese agira ubwisungane mu kwivuza.

II. ISOMO RISHYA (Iminota25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho.

Soma umutwe w'inkuru: **"Ncyuyamahoro arembywa na marariya."**

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batakereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, sobanurira abanyeshuri amagambo akurikira: **arembywa, aramusindagiza**.

Arembywa bisobanura **azahazwa n'indwara**.

Urugero: Ncyuyamahoro **ararembywa** no kutajya kwivuzwa.

Aramusindagiza : bisobanura **amutwara gahoro gahoro**.

Urugero : Kamana yasanze Tito mu nzira arwaye **aramusindagiza** amugeza iwabo.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri inkuru **"Ncyuyamahoro arembywa na marariya"** mu ijwi riranguruye wubahiriza utwatumaze n'isesekaza. Mu gihe usoma genda ubereka amashusho. Ugeze ku magambo wasobanuye, babaze ibisobanuro byayo kimwe n'andi magambo akomeye atasobanuwe. Nyuma yo gusoma, baza abanyeshuri niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva inkuru

Ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye. Babaze ibibazo bikurikira ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**.

1. Ncyuyamahoro yari yafashwe n'iyihe ndwara? **Yari yafashwe na Marariya**.

2. Ni ibihe bimenyetso by'uburwayi yagaragazaga? **Yari afite umuriro, isesemi akanahinda umushyitsi**.

3. Ni iki cyari cyateye Ncyuyamahoro kurwara? **Ncyuyamahoro yarwaye kubera ko atararaga mu nzitiramubu**.

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, baza abanyeshuri ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Hari abantu muturanye batajya baryama mu nzitiramubu cyangwa ngo bateme ibihuru banasibe ibidendezi birekamo amazi? Mwabagira iyihe nama? **Yego turabazi. Twabagira inama yo kuryama mu nzitiramubu, gutema ibihuru no gusiba ibidendezi birekamo amazi kugirango birinde marariya**.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza abanyeshuri ibibazo by' isuzuma, ongera ubasomere inkuru **"Ncyuyamahoro arembywa na marariya"** mu ijwi riranguruye, wubahiriza utwatumaze n'isesekaza.

1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye

a) **Ararembywa:** Mukuru wange arimo **ararembywa** no kutanywa imi neza.

b) **Aramusindagiza** : Iyo umunyeshuri arwariye ku ishuri mugenzi we **aramusindagiza** akamutahana.

2. Subiza ibibazo ku nkuru

a) Ni iki wakora kugira ngo wirinde marariya ? **Naryama mu nzitiramubu, natema ibihuru, nasiba ibidendezi birekamo amazi**.

b) Ni iki wakora uramutse ufashwe n'indwara ya marariya? **Mfashwe n'indwara ya marariya nakwihutira kujya kwa muganga**.

c) Sobanura akamaro ko kugira ubwisungane mu kwivuzwa. **Iyo ufite ubwisungane mu kwivuzwa wivuriza igihe kandi bitaguhenze**.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana uburyo bakwirinda marariya, n'ibyiza byo kugira ubwisungane mu kwivuzwa, nibagaruka bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 9	Isomo rya 2: Gutahura no gusoma igihekane nshyw/Nshyw
Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekane nshyw/Nshyw	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 62 -63.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa **59**, igikorwa cya **4** n'icya **5**. Gendagenda mu ishuri, ugenzure uko abanyeshuri basoma. Saba abanyeshuri bamwe gusoma mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye. Fasha abafite ibibazo byihariye.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Itahuramajwi

Gutahura ijwi bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ifashishije amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **62** igikorwa cya **1 inshywa, ibishyimbo, imbwa** n'izindi mfashanyigisho zifatika mu gutahura igihekane **nshyw**.

2. Ihuzamajwi

Kwerekana ikimenyetso k'igihekane "nshyw" kigizwe n'inyuguti nto n'igihekane "Nshyw" gitangijwe inyuguti nkuru n'uko bisomwa

Ifashishije igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **62**, igikorwa cya **2**, andika ku kibaho ikimenyetso k'igihekane **nshyw** kigizwe n'inyuguti nto n'ikimenyetso k'igihekane **Nshyw** gitangiwe n'inyuguti nkuru. Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri ikimenyetso k'igihekane **nshyw** kigizwe n'inyuguti nto n'uko gisomwa n'ikimenyetso k'igihekane **Nshyw** gitangiwe n'inyuguti nkuru n'uko gisomwa.

Ibutsa abanyeshuri aho igihekane **Nshyw** gitangijwe n'inyuguti nkuru gikoreshwa.

3. Gusoma

Gusoma imigemo irimo igihekane "nshyw/Nshyw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma imigemo iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **62**, igikorwa cya **3**.

Kuri **Ndatanga urugero** igisha abanyeshuri gusoma umugemo **nshywa**.

Kuri **Dukorane twese** yobora abanyeshuri musomere hamwe imigemo **nshywa**.

Kuri **Buri wese akore** saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo imigemo **nshywa**.

Gusoma amagambo arimo igihekane "nshyw/Nshyw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma amagambo ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **62**, igikorwa cya **4**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma ijamba **Muteranshywa**.

Kuri **Dukorane twese**, ereka abanyeshuri uko basoma amagambo **Muteranshywa, Nyiranshywa, inshywa, Mutumwanshywa**.

Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri amagambo **Senshywa, Mukanshywa, Mukuranshywa, Kanyenshywa**.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye amagambo yose ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **62**, igikorwa cya **4**.

Gusoma interuro zirimo igihekane "nshyw/Nshyw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **62**, igikorwa cya **5**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro **Mukanshywa akunda gukura inshywa mu bicuma**.

Kuri **Dukorane twese**, yobora abanyeshuri musome interuro:

Mukanshywa akunda gukura inshywa mu bicuma.

Kanyenshywa yitiranya inshywa n'inzuzi z'ibihaza.

Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri interuro

Mukanshywa akunda gukura inshywa mu bicuma.

Kanyenshywa yitiranya inshywa n'inzuzi z'ibihaza.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye interuro zose ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **62**, igikorwa cya **5**.

4. Gusoma agakuru karimo igihekane "nshyw/Nshyw"

Bwira abanyeshuri ko bagiye gusoma agakuru "**Yahawe imiti.**" bari bwumvemo amagambo "**uducuma, inshwegegeri**" uyasobanure ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**.

Uducuma bisobanura **udukoresho gakondo banyweramo**.

Urugero: **Sogokura afite uducuma twiza.**

Inshwegegeri bisobanura **udusimba tuva mu migina turibwa n'abantu**.

Urugero: **Abana bakunda kurya inshwegegeri.**

Gusoma agakuru karimo igihekane "nshyw/Nshyw" mu ijwi riranguruye.

Wifashishije uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** igisha abanyeshuri uko basoma agakuru "**Yahawe imiti**" kari mu bitabo byabo urupapuro rwa **63** ku muvuduko mwiza n'isesekaza bikwiye. Nyuma yo gusoma baza abanyeshuri niba ibyo batahuye bihuye n'ibyo basomye.

Kumva agakuru: Baza ibibazo byo kumva agakuru.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** yobora abanyeshuri uko basubiza ibibazo byo kumva agakuru bikurikira

a) Ni iyihe ndwara yari yararembeje Senshywa? **Marariya**

b) Ni gute umujyanama w'ubuzima yamenye ko Senshywa ari guhinda umuriro? **Yamukozeho**

c) Ni nde wahaye Senshywa imuti? **Umujyanama w'ubuzima.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma amagambo, interuro n'agakuru biri mu gitabo cy'umunyeshuri, igikorwa cya **4, 5** n'icya **6** ku rupapuro rwa **62** n'urwa **63**.

2. Baza ibibazo byo kumva agakuru:

a) Ni iyihe ndwara yari yararembeje Senshywa? **Ni marariya.**

b) Ni gute umujyanama w'ubuzima yamenye ko Senshywa ari guhinda umuriro? **Yamukozeho asanze yararembye.**

c) Kuki ari ngombwa kujya kwa muganga ugifatwa n'indwara? **Kugira ngo utarembera mu rugo, kugira ngo udapfa.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusoma bihuta agakuru bize "**Yahawe imiti**" uri mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **63** hanyuma agasomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 9	Isomo rya 3: Kwandika igihokane nshyw/Nshyw
Intego rusange: Gusoma no kwandika imigemo, amagambo n'interuro birimo igihokane nshyw/nshyw.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 64.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihokane **nshyw** mu magambo ari mu gitabo ku rupapuro rwa 62 igikorwa cya 4 n'icya 5.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihokane "shyw" kigizwe n'inyuguti nto

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** ereka abanyeshuri uko bandika igihokane **nshyw** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 64, igikorwa cya 7. Soma igihokane wanditse.

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihokane "Nshyw" gitangiwe n'inyuguti nkuru.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** ereka abanyeshuri uko bandika igihokane **Nshyw** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 64, igikorwa cya 7. Soma igihokane wanditse mu ijwi riranguruye.

2. Gosoma no kwandika mu mukono amagambo arimo igihokane "nshyw/Nshyw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** ereka abanyeshuri uko bandika amagambo **Senshywa, inshywa, Nyiranshywa** mu mirongo y'inozamukono ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 64, igikorwa cya 8. Yobora abanyeshuri musome amagambo mwanditse. Mu ijwi riranguruye.

3. Gusoma no kwandika mu mukono interuro irimo igihokane "nshyw/Nshyw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** ereka abanyeshuri uko bandika interuro "**Senshywa yakuye inshywa mu gicuma cya Nyiranshywa**" mu mirongo y'inozamukono iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 64, igikorwa cya 9. Yobora abanyeshuri musome interuro mwanditse.

4. Gutahura mu mwandiko amagambo arimo igihokane "nshyw/Nshyw" bakayandika mu mukono

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko batahura mu gakuru amagambo arimo igihokane **nshyw/Nshyw** kari mu gitabo cy'abanyeshuri ku rupapuro rwa 64, igikorwa cya 10, banayandike mu mukono.

a) Senshywa b) inshywa

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri icyandikwa. Bwira abanyeshuri ko ugiye kuvuga inshuro eshatu amagambo atatu n'interuro bakabyandika mu mukono: **Mukuranshywa, inshywa, kanyenshywa / Mukanshywa akunda gukura inshywa mu bicuma.**

Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Bwira abanyeshuri kuza kwandika mu mukono ijamba rimwe n'interuro imwe birimo igihokane **nshyw/Nshyw** bazabisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 9	Isomo rya 4: Gutahura no gusoma igihekan mbyw/Mbyw
Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekan mbyw/Mbyw	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 65 n'urwa 66 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa **62**, igikorwa cya **4** n'icya **5**. Gendagenda mu ishuri, ugenzure uko abanyeshuri basoma. Saba abanyeshuri bamwe gusoma mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye. Fasha abafite ibibazo byihariye.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Itahuramajwi
Gutahura ijwi rishya "mbyw" bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho
 Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ifashishije amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **65** igikorwa cya **1 (atarembywa, icwende, atanyagirwa)** n'izindi mfashanyigisho zifatika mu gutahura igihekan **mbyw**.

2. Ihuzamajwi
Kwerekana ikimenyetso k'igihokane "mbyw" kigizwe n'inyuguti nto n'igihokane "Mbyw" gitangijwe inyuguti nkuru n'uko bisomwa
 Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri ikimenyetso k'igihokane **mbyw** kigizwe n'inyuguti nto n'uko gisomwa n'ikimenyetso k'igihokane **Mbyw** gitangiwe n'inyuguti nkuru n'uko gisomwa.
 Ibutsa abanyeshuri aho igihokane **"Mbyw"** gitangijwe n'inyuguti nkuru gikoreshwa.

3. Gusoma
Gusoma imigemo irimo igihokane "mbyw/Mbyw"
 Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma imigemo iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **65**, igikorwa cya **3**.
 Kuri **Ndatanga urugero** igisha abanyeshuri gusoma umugemo **nshywa**.
 Kuri **Dukorane twese** yobora abanyeshuri musomere hamwe imigemo **nshywa**.
 Kuri **Buri wese akore** saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo imigemo **nshywa**.

Gusoma amagambo arimo igihokane "mbyw/Mbyw"
 Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma amagambo ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **65**, igikorwa cya **4**.
 Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma ijambo **Guhombywa**.
 Kuri **Dukorane twese**, ereka abanyeshuri uko basoma amagambo **Guhombywa, kurembywa, ntirumbywe, ntibazahombywe**.
 Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri amagambo **ntasumbywe, arembywa, adasumbywa, gusumbywa**.
 Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye amagambo yose ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **65**, igikorwa cya **4**.

Gusoma interuro zirimo igihokane “mbyw/Mbyw”

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **65**, igikorwa cya **5**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro **Yararwaye ahombywa no kurembywa n’uburwayi**.

Kuri **Dukorane twese**, yobora abanyeshuri musome interuro:

Yararwaye ahombywa no kurembywa n’uburwayi.

Ntituzangane tutazahombywa na byo.

Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri interuro

Yararwaye ahombywa no kurembywa n’uburwayi.

Ntituzangane tutazahombywa na byo.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye interuro zose ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **65**, igikorwa cya **5**.

4. Gusoma agakuru karimo igihokane “mbyw/Mbyw”

Bwira abanyeshuri ko bagiye gusoma agakuru "**Senshywa na Nyiranshywa**" ko bari bwumvemo amagambo **Umujyanama w’ubuzima, inshywa** uyasobanure ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**.

Umujyanama w’ubuzima: bisobanura **umuntu ushinze kugira inama abaturage ku bijyanye no kubungabunga ubuzima**.

Urugero: **Umujyanama w’ubuzima** yatugiriye inama yo kurara mu nzitiramubu.

Inshywa: bisobanura **inzuzi ziva mu bicuma**.

Urugero: Mbere yo gukoresha igicuma babanza kugukuramo **inshywa**.

Gusoma agakuru karimo igihokane “mbyw/Mbyw” mu ijwi riranguruye.

Wifashishije uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore:** igisha abanyeshuri uko basoma agakuru "**Senshywa na Nyiranshywa**" kari mu bitabo byabo urupapuro rwa **66** ku muvuduko mwiza n’isekaza bikwiye.

Kumva agakuru: Baza ibibazo byo kumva agakuru

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** yobora abanyeshuri uko basubiza ibibazo byo kumva agakuru bikurikira

1. Ni iki cyatumaga **Senshywa na Nyiranshywa** bahora barembye? **Ni uko batari bazi kwirinda marariya.**
2. Ni gute inama z’umujyanama w’ubuzima zabagiriye umumaro? **Ntibongeye kurembywa no guhombywa n’uburwayi bwa marariya.**
3. Ni akahe kamaro k’umujyanama w’ubuzima? **Agira abantu inama zijyanye n’ubuzima, atanga imiti ya marariya, apima abana...**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma agakuru kari mu gitabo cy’umunyeshuri, igikorwa cya **6** ku rupapuro rwa **66**.

2. Baza ibibazo byo kumva agakuru.

- a) Kubera iki ari ngombwa kurara mu nzitiramubu? **Kurara mu nzitiramubu ni ngombwa kubera ko biturinda kurumwa n’imibu.**
- b) Ni iki cyatumaga umuryango wa **Senshywa** uteza imyaka? **Bahoraga barwaye marariya ntibafumbirire igihe.**
- c) Ni iyihe nama umujyanama w’ubuzima yabagiriye? **Kurara mu nzitiramubu, kwikiza ibigunda n’ibidendezi.**

Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana agakuru bize "**Senshywa na Nyiranshywa**" no kubabwira icyo bashimye mu gakuru kari cyabo ku rupapuro rwa **66** hanyuma bazabisangize bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 9	Isomo rya 5: Gusoma no Kwandika mu mukono igihekan mbyw/Mbyw
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekan mbyw/Mbyw .	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 67 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekan **mbyw** mu magambo ari mu gitabo ku rupapuro rwa **65** igikorwa cya **4** n'icya **5**.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekan " mbyw" kigizwe n'inyuguti nto

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekan **mbyw** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **67**, igikorwa cya **7**. Soma igihekan wanditse.

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekan "Mbyw" gitangiwe n'inyuguti nkuru

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekan **Mbyw** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **67**, igikorwa cya **7**. Soma igihekan wanditse mu ijwi riranguruye.

2. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo igihekan "mbyw/Mbyw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika amagambo **kurembywa, guhombywa, ntagasumbywe** mu mirongo y'inozamukono ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **67**, igikorwa cya **8**. Yobora abanyeshuri musome amagambo mwanditse mu ijwi riranguruye.

3. Gusoma no kwandika mu mukono interuro irimo igihekan "mbyw/Mbyw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika interuro **Ahombywa no guhora arembywa n'uburwayi** mu mirongo y'inozamukono iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **67**, igikorwa cya **9**. Yobora abanyeshuri musome interuro mwanditse mu ijwi riranguruye.

4. Gutondeka imigemo bagakora amagambo afite igihekan "mbyw/Mbyw" bakayandika mu mukono.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bakora umwitozo uri ku rupapuro rwa **67** igikorwa cya **10** wo gutondeka imigemo irimo igihekan **mbyw/Mbyw** bagakoramo amagambo bakayandika mu mukono.

a) da –mbywa –ho –ku: kudahombywa

b) mbywa –ho –gu :guhombywa

c) nti –mbywe –za –re –mu:ntimuzarembywe

ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri icyandikwa. Bwira abanyeshuri ko ugiye kuvuga inshuro eshatu amagambo atatu **ntasumbywe, kurembywa, guhombywa** n'interuro **Imyaka yabo irumbywa no kudafumbira** bakabyandika mu mukono.



Umukoro

Bwira abanyeshuri kuza kwandika mu mukono ijamba rimwe n'interuro imwe birimo igihekan **mbyw/Mbyw** bazabisomere bagenzi babo mu ishuri.

ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA KABIRI

Icyumweru cya 9

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusoma atajijinganya, atagemura amagambo n'interuro birimo ibihekane byizwe.
- Ubushobozi bwo kwandika nta kosa amagambo n'interuro birimo ibihekane byizwe.
- Ubushobozi bwo gutahura igitekerezo gikubiye mu dukuru yasomye cyangwa yasomewe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'munyeshuri.

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. ISUZUMA (Iminota 35)

Isomo rya 6: Imyitoto yo gusoma

Umwitoto wo gutahura no gusoma

Uko bikorwa:

1. Umwitoto wo guhuza amashusho n'ibihekane

Ha abanyeshuri umwitoto wo guhuza amashusho n'ibihekane uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **71**, umwitoto wa **1**.

2. Umwitoto wo gusoma amagambo gusoma imigemo, amagambo n'interuro

Ha abanyeshuri gukora imyitoto yo gusoma imigemo, amagambo n'interuro birimo ibihekane **ncy/Ncy, shyw/Shyw, nshw/Nshw, myw/Myw, nshyw/Nshyw** na **mbyw/Mbyw** iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **71**, umwitoto wa **2** uwa **3** n'uwa **4**.

Isomo rya 7: Imyitoto yo kwandika

1. Umwitoto wo gusoma no kumva agakuru

Uko bikorwa:

Ha abanyeshuri umwitoto wo gusoma agakuru "**Namugiriye inama**" kari mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **72**, umwitoto wa **5** hanyuma basubize ibibazo byo kumva agakuru.

- a) Ni nde wahoraga arembywa na marariya? **Ni Nyiranshywa.**
- b) Ni iki kigaragaza ko inama Nyiranshywa yagiriwe yazubahirije? **Ni uko atakirembywa n'uburwayi.**
- c) Ni akahe kamaro ko kubaho mu buzima buzira indwara? **Bituma umuntu yiteza imbere kuko aba afite ubuzima bwiza.**

2. Umwitoto wo gusoma interuro bakazihuza n'amashusho bijyanye

Ha abanyeshuri umwitoto uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **73** umwitoto wa **6** wo gusoma interuro bakazihuza n'amashusho bijyanye.

Isomo rya 8: Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi

Imyitozo yo kwandika

Uko bikorwa:

1. Umwitozo wo gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo ibihokane **ncy/Ncy, shyw/Shyw, nshw/Nshyw myw/Myw, mbyw/Mbyw** uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **74** umwitozo wa **7** n'uwa **8**.

2. Umwitozo wo kuzurisha ibihokane

Ha abanyeshuri umwitozo wo kuzurisha ibihokane **ncy/Ncy, shyw/Shyw, nshw/Nshyw myw/Myw, mbyw/Mbyw** bakore amagambo bayandike mu mukono. Igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **74** umwitozo wa **9**.

- a) kurembywa
- b) umwishywa
- c) gusomywa
- d) yanshwaniye
- e) inshywa
- f) incyamuro

UMUTWE WA 3: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'UMWANA

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihokane **mfw, mvy, mvyw, pfw, pfy, vw, vy** na **ryw** no gusesengura utwandiko tugufi dushingiye ku nsanganyamatsiko y'uburenganzira n'inshingano z'umwana.

Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho:

Umwarimu ahereye ku mashusho, imyandiko, inkuru biri muri uyu mutwe, arasobanurira abanyeshuri ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye, **uburezi budaheza, umuco wo kwizigama n'umuco w'amahoro.**

Icyumweru cya 10

Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru

Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa **16 n'urwa 17.**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kwiga "**Ncyuyamahoro arembywa na marariya**"

- 1) Ni inde watwibutsa inkuru duheruka kwiga? **Inkuru duheruka kwiga ni Ncyuyamahoro arembywa na marariya.**
- 2) Iyo nkuru yavugaga ku ki? **Yavugaga ukuntu Ncyuyamahoro yarembejwe na marariya umukecukuru akamujyana kwa muganga.**
- 3) Ni iki wakora kugira ngo wirinde marariya? **Ni ukujya ndara mu nzitiramubu, gusukura aho ntuye, gutema ibihuru, gusiba ibidendezi birekamo amazi kuko ari ho imibu yororekera.**

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho.

Soma umutwe w'inkuru: "**Bibagiwe inshingano zabo**"

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru

Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva inkuru "**Bibagiwe inshingano zabo**", ko bari bwumvemo amagambo: **inshingano, imfwati.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **inshingano**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **inshingano**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **inshingano**. **Inshingano** bisobanura **Ibyo umuntu agomba cyangwa ategetswe gukora**. Koresha ijambo **inshingano** mu nteruro.

Urugero: Abanyeshuri twese dufite **inshingano** zo kubaha abarimu bacu.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **inshingano** n'igisobanuro cyaryo hanyuma munavugire hamwe interuro **Abanyeshuri twese dufite inshingano zo kubaha abarimu bacu.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **inshingano** Saba abanyeshuri bamwe kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **inshingano**, bukoreshwe no gusobanura ijambo **imfwati**. **Imfwati** bisobanura **isuka abantu ba kera bahingishaga** .

Urugero: Bambwiyeko sogokuru yahingishaga **imfwati**.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo kandi n'irindi jambo rikomeye risobanure mu buryo bwihuse. Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri. Urangije gusoma inkuru bwa kabiri, baza abanyeshuri niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Abana ba Mukamfizi ni bande?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wakibonye. Soma igisubizo kivuye mu nkuru: **Ni Mugabo, Mukamuhire, Cyubahiro na Gatesi.**



Dukorane twese

Baza ikibazo cya kabiri. **Nyina agiye ku isoko yabasigiye izihe nshingano?** Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma wakire ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Yabasigiye inshingano zo gukora isuku, koza ibyombo, gukora imikoro no kurinda urugo.**



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikiraho. **Habaye ikihe kibazo abana bagiyeye gukina?**

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiri basubize icyo kibazo. Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye ubafashe kukinoza. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo: **Babibye ibyombo byose na radiyo bumviragaho ibiganiro.**

Mu gihe muragije ibibazo byo kumva inkuru, baza abanyeshuri ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Vuga uburenganzira bw'umwana? **Uburenganzira bwo kwiga, kuvuzwa, kugurirwa imyambaro, kwandikishwa mu irangamimerere, kumenya ababyeyi be n'ibindi.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

- 1) Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye
 - a) **Inshingano:** Abana bafite **inshingano** zo gufasha ababyeyi.
 - b) **Imfwati:** Karisa yahingishaga **imfwati**.
- 2) Subiza ibibazo ku nkuru
 - a) Abana barangije imirimo bahawe bakinnye uwuhe mukino? **Bakinnye umukino wo kwihishana.**
 - b) Ni ibiki wanenze ku bana bavugwa mu nkuru? **Nabanenze ko bibagiye inshingano umubyeyi yabahaye yo kurinda urugo bakajya kwikinira, bityo abajura bakabiba.**
 - c) Vuga isomo ukuye muri iyi nkuru? **Nkuyemo isomo ry'uko nzajya nubahiriza ibyo ababyeyi bange banshinze.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru **"Bibagiye inshingano zabo"**, baganire na bo ibyo bashimye mu nkuru **"Bibagiye inshingano zabo"**, bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 10	Isomo rya 2: Gutahura no gusoma igihekan mfw/Mfw
Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekan mfw/Mfw	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 75 n'urwa 76 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Itahuramajwi

Gutahura ijwi rishya "mfw" bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **75** igikorwa cya **1**. Baza abanyeshuri niba bazi amazina y'ayo mashusho. Uhereye ku byo abanyeshuri bavuze, sobanura uko uvuga izina ry'ishusho ya mbere hanyuma ukajya uzamura ibikumwe ubirebesha hejuru mu gihe izina rifite ijwi **mfw**, ukanamanura ibikumwe ubirebesha hasi mu gihe izina ridafite ijwi **mfw**. Vuga izina ry'ishusho ya mbere "**Imfwati**": ibikumwe birareba hejuru.



Dukorane twese

Fatanya n'abanyeshuri kuvuga izina ry'ishusho ya mbere "**imfwati**": ibikumwe birareba hejuru. Saba abanyeshuri kuvuga izina ry'ishusho ya kabiri "**indyankwi**": ibikumwe birareba hasi.



Buri wese akore

Abanyeshuri baravugaga izina ry'ishusho ya nyuma, ku giti cyabo, bigana urugero bahawe. **Imbehe**: ibikumwe birareba hasi.

2. Ihuzamajwi

Kwerekana ikimenyetso k'igihokane "mfw" kigizwe n'inyuguti nto n'igihokane "Mfw" gitangijwe inyuguti nkuru n'uko bisomwa



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho igihokane **mfw** kigizwe n'inyuguti nto n'igihokane **Mfw** gitangijwe inyuguti nkuru unabisomere abanyeshuri. Ereka abanyeshuri inyuguti zigize igihokane **mfw** na "**Mfw**"



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri berekane aho igihokane **mfw** cyanditse mu nyuguti nto n'igihokane **Mfw** gitangijwe inyuguti nkuru mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **75** igikorwa cya **2**. Mugaragarize hamwe inyuguti zigize ibyo bihekane, munabisome.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwerekana ku giti cyabo igihokane **mfw** kigizwe n'inyuguti nto n'igitangijwe inyuguti nkuru mu bitabo byabo. Abanyeshuri barakorera mu matsinda mato basome ibihokane **mfw** na **Mfw** byanditse mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **75** igikorwa cya **2**, bagenda babikoraho banagaragaze inyuguti zibigize. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufashe abafite ibibazo byihariye.

3. Gusoma

Gusoma umugemo urimo igihokane "mfw"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika umugemo **mfw** ku kibaho. Ereka abanyeshuri uko **mfw** na **a** bitanga umugemo **mfw**. Soma umugemo wanditse mu ijwi riranguruye.

 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Yobora abanyeshuri musomere hamwe umugemo uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 75 igikorwa cya 3, munagaragarize hamwe ko mfw na a bitanga mfw.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Abanyeshuri barafatanya mu matsinda mato basome umugemo. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma, ufashe abafite ibibazo byihariye.</p>
<p>Gusoma amagambo arimo igihekanane "mfw"</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho ijambo imfwati. Risomere abanyeshuri ugenda ukora kuri buri mugemo urigize uko uwusoma hanyuma unyereze agati muni y'ijambo ryose urisomere icyarimwe.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Bayobore musomere hamwe ijambo imfwati ugenda ukora kuri buri mugemo urigize uko muwusoma hanyuma unyereze agati muni y'ijambo ryose murisomere icyarimwe. Andika ku kibaho ijambo rikurikira Semfwati murisomere hamwe nk'uko mumaze gusoma ijambo imfwati.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri amagambo Mfwati, Nyirimfwati ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 75, igikorwa cya 4. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufashe abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye amagambo yose yanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 75, igikorwa cya 4.</p>
<p>Gusoma interuro zirimo igihekanane "mfw"</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho interuro Semfwati yatiye imfwati ku muturanyi. Yisomere abanyeshuri ugenda ukora kuri buri jambo riyigize uko urisoma hanyuma unyereze agati muni y'interuro yose uyisomere icyarimwe.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira. Bayobore musomere hamwe interuro Semfwati yatiye imfwati ku muturanyi. ugenda ukora kuri buri jambo riyigize uko muyisoma hanyuma unyereze agati muni y'interuro yose muyisomere icyarimwe. Andika ku kibaho interuro ikurikira Nyiramfwati abika neza imfwati ye. Yobora abanyeshuri muyisomere hamwe nk'uko mumaze gusoma interuro Semfwati yatiye imfwati ku muturanyi.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gusoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 75, igikorwa cya 5. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufashe abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye interuro zose.</p>
<p>4. Gusoma agakuru karimo igihekanane "mfw"</p>	
<p>Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho</p>	
<p>Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru "Ntazongera gusuzugura" kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 76.</p>	
<p>Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore igisha abanyeshuri gusoma umutwe w'agakuru. Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'agakuru ubabaze ibyo babona, hanyuma batahure icyo agakuru kaza kuvugaho.</p>	
<p>Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru Bwira abanyeshuri ko mu gakuru bagiye gusoma bari bwumvemo amagambo mu mihana, bibarengaho.</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Vuga ijambo rya mbere mu mihana. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo mu mihana. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo mu mihana. Mu mihana bisobanura urugo rutari urw'iwanyu. Koresha ijambo mu mihana mu nteruro. Urugero: Si byiza kwirirwa mu mihana.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisobanuro k'ijambo mu mihana. Munasubiremo interuro Si byiza kwirirwa mu mihana.</p>



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo ijambo **mu mihana**. Shyira abanyeshuri mu matsinda mato bakore interuro irimo ijambo **mu mihana**. Saba abanyeshuri gusangiza bagenzi babo mu ishuri interuro babonye.

Uburyo bwakoresheje mu gusobanura ijambo "**mu mihana**", babukoreshe no mugusobanura ijambo "**babirengaho**". **Babirengaho** bisobanura **ntibabyubahiriza**.

Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru "**Ntazongera gusuzugura**" kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **76**. Basabe gukurikira uko ubasomera agakuru kose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Bwira abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **76**. Bayobore musomere hamwe agakuru "**Ntazongera gusuzugura**" mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma agakuru kose buri wese ku giti ke bahereye ku mutwe wako. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

Kumva agakuru: Baza ibibazo byo kumva agakuru

Mbere yo kubaza ibibazo byo kumva agakuru, genzura niba ibyo abanyeshuri batahuye ari byo biri mu gakuru koko. Akira ibibazo by'abanyeshuri.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Ni gihe ki Mfwati na Semfwati babuzwaga kuzerera?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wakibonye. Soma igisubizo kivuye mu gakuru: **Mfwati na Semfwati babuzwaga kuzerera mu gihe k'ibiruhuko.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Semfwati yahombeje ababyeyi be ate?** Somera hamwe n'abanyeshuri agakuru kugeza mubonye igisubizo. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo kiri cyo: **Yabahombeje igihe bamujyanaga kwa muganga.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda mato basome ikibazo gikurikiyeho. **Ni ibihe bintu biranga umwana wumvira?** Saba abanyeshuri gusubiza ikibazo. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri kuvuga igisubizo babonye, ubafashe kukinoza. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo: **Kugira ikinyabupfura, kumvira, kwirinda kuzerera mu mihana...**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma amagambo, interuro n'agakuru biri mu gitabo cy'umunyeshuri, igikorwa cya **4, 5** n'icya **6** biri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **75 - 76**. Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.
2. Baza ibibazo byo kumva agakuru:
 - a) Ni bande bavugwa mu gakuru? **Ni Ababyeyi ba Semfwati, Mfwati na Semfwati.**
 - b) Semfwati Yituye hejuru y'iki? **Yituye hejuru y'imfwati.**
 - c) Ni iki Semfwati yiyemeje nyuma yo guteza igihombo ababyeyi be? **Yiyemeje kutazongera Kubasuzugura.**

Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusoma bihuta agakuru bize "**Ntazongera gusuzugura**"kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **76** hanyuma bazagasomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 10	Isomo rya 3: Gusoma no kwandika mu mukono igihekane mfw/Mfw
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekane mfw/Mfw .	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 77 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **mfw** biri mu gitabo ku rupapuro rwa **75** igikorwa cya **4** n'icya **5**.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gusoma no kwandika

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekane "mfw" kigizwe n'inyuguti nto



Ndatanga urugero

Ereka abanyeshuri uko bandika igihekane **mfw**. Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inozamukono igihekane **mfw** kigizwe n'inyuguti nto. Ereka abanyeshuri aho inyuguti zikigize zigarukira mu mirongo. Soma mu ijwi riranguruye igihekane wanditse.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mwandike mu mirongo y'inozamukono igihekane **mfw**. Mu gihe wandika ku kibaho igihekane **mfw**, yobora abanyeshuri bacyandike mu makayi yabo. Fatanya n'abanyeshuri musome igihekane **mfw** cyanditse mu mukono.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono igihekane **mfw** inshuro eshanu. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma igihekane **mfw** aho cyanditse mu mukono mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **77**, igikorwa **7**.

Kwimenyereza gusoma no kwandika igihekane "Mfw" gitangiwe n'inyuguti nkuru

Ibyakozwe mu kwandika mu mukono igihekane **mfw** kigizwe n'inyuguti nto, bikorwe no mu kwandika mu mukono igihekane **Mfw** gitangijwe n'inyuguti nkuru.

2. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo igihekane "mfw/Mfw"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inozamukono ijambo **imfwati**. Ereka abanyeshuri aho inyuguti zigize ijambo **imfwati** zigarukira mu mirongo. Soma mu ijwi riranguruye ijambo wanditse.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mwandike mu mirongo y'inozamukono ijambo **Semfwati**. Mu gihe wandika ku kibaho ijambo **Semfwati**, yobora abanyeshuri baryandike mu makayi yabo. Fatanya n'abanyeshuri musome ijambo **Semfwati** ryanditse ku kibaho mu mukono.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono amagambo: **imfwati, Semfwati, Mfwati**. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma amagambo **imfwati, Semfwati, Mfwati**. Aho yanditse mu mukono mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **77**, igikorwa cya **8**.

3. Gusoma no kwandika mu mukono interuro irimo igihekane "mfw/Mfw"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inozamukono interuro: **Semfwati na Nyiramfwati bafite imfwati** ugende ukora kuri buri jambo riyigize hanyuma uyisomere icyarimwe.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mwandike interuro. **Semfwati na Nyiramfwati bafite imfwati**. Mu gihe uyandika ku kibaho, yobora abanyeshuri bayandike mu makayi yabo. Fatanya n'abanyeshuri musome interuro **Semfwati na Nyiramfwati bafite imfwati** yanditse ku kibaho mu mukono. Muyisomere hamwe mugenda mukora kuri buri jambo hanyuma uyisomere icyarimwe.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo mu mironko y'inozamukono interuro **Semfwati na Nyiramfwati bafite imfwati**. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma interuro **Semfwati na Nyiramfwati bafite imfwati** aho yanditse mu mukono mu bitabo byabo kurupapuro rwa **77**, igikorwa **9**.

4. Kwandika mu mukono amagambo yakoreshejwe mu gakuru arimo igihekanane "mfw/Mfw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese na Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bashaka amagambo afite igihekanane **mfw/Mfw** yakoreshejwe mu gakuru baherutse gusoma n'uko bayandika banoza umukono.

Amagambo ni : Semfwati, Nyiramfwati, imfwati

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri icyandikwa. Somera abanyeshuri amagambo n'interuro bikurikira inshuro eshatu hanyuma bayandike batabireba mu mukono: **imfwati, Semfwati**

Semfwati yatiye umuturanyi we imfwati.



Umukoro

Bwira abanyeshuri kuza kwandika banoza ijamba rimwe n'interuro imwe birimo igihekanane **mfw/Mfw** bazabisomere abandi mu ishuri.

Icyumweru cya 10

Isomo rya 4: Gutahura no gusoma igihekanane **mvv/Mvv**

Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekanane **mvv/Mvv**

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **78**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa **75**, igikorwa cya **4** n'icya **5**. Gendagenda mu ishuri, ugenzure uko abanyeshuri basoma. Saba abanyeshuri bamwe gusoma mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye. Fasha abafite ibibazo byihariye.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Itahuramajwi

Gutahura ijwi rishya "mvv" bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **78** igikorwa cya **1**. Baza abanyeshuri niba bazi amazina y'ayo mashusho. Uhereye ku byo abanyeshuri bavuze, sobanura ko uvuga izina ry'ishusho ya mbere, hanyuma ukajya uzamura ibikumwe ubirebesha hejuru mu gihe izina rifite ijwi **mvv**, ukanamanura ibikumwe ubirebesha hasi mu gihe izina ridafite ijwi **mvv**. Vuga izina ry'ishusho ya mbere "**bahomvomvye**": ibikumwe birareba hejuru.



Dukorane twese

Fatanya n'abanyeshuri kuvuga izina ry'ishusho ya mbere "**bahomvomvye**": ibikumwe birareba hejuru. Saba abanyeshuri kuvuga izina ry'ishusho ya kabiri "**bakinnye**": ibikumwe birareba hasi.



Buri wese akore

Abanyeshuri baravugaga izina ry'ishusho ya nyuma, ku giti cyabo, bigana urugero bahawe. **Bariye:** ibikumwe birareba hasi.

Koresha izindi mfashanyigisho zumvikanamo ijwi **mvv**, maze ukoreshe imyitozo yo gutahura ijwi ryigishwa nk'uko byakozwe mu igikorwa kibanza.

2. Ihuzamajwi

Kwerekana ikimenyetso k'igihekane "mvy" kigizwe n'inyuguti nto n'igihekane "Mvy" gitangijwe inyuguti nkuru n'uko bisomwa



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho igihekane **mvy** kigizwe n'inyuguti nto n'igihekane **Mvy** gitangijwe inyuguti nkuru unabisomere abanyeshuri. Ereka abanyeshuri inyuguti zigize igihekane **mvy** na "**Mvy**"



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe igihekane **mvy** cyanditse mu nyuguti nto n'igihekane **Mvy** gitangijwe inyuguti nkuru mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **78** igikorwa cya **2**. Mugaragarize hamwe inyuguti zigize ibyo bihekane, munabisomere hamwe mu ijwi riranguruye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwerekana ku giti cyabo igihekane **mvy** kigizwe n'inyuguti nto n'igitangijwe inyuguti nkuru mu bitabo byabo. Abanyeshuri barakorera mu matsinda mato basome ibihekane **mvy** na **Mvy** byanditse mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **78** igikorwa cya **2** bagenda babikoraho banagaragaza inyuguti zibigize. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufasha abafite ibibazo byihariye.

3. Gusoma

Gusoma imigemo irimo igihekane "mvy"



Ndatanga urugero

Andika umugemo **mvy** ku kibaho. Ereka abanyeshuri uko **mvy** na **a** bitanga umugemo **mvy**. Garagaza n'uko imigemo **mvy**, **mvyi** iboneka. Yisomere abanyeshuri by'intangarugero.



Dukorane twese

Somera hamwe n'abanyeshuri imigemo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **78** igikorwa cya **3**.



Buri wese akore

Abanyeshuri barafatanyaga mu matsinda mato basome imigemo yose. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Gusoma amagambo arimo igihekane "mvy"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho ijambo **mwahomvomvye**. Risomere abanyeshuri ugenda ukora kuri buri mugemo urigize uko uwusoma hanyuma unyereze agati muni y'ijambo ryose urisomere icyarimwe.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Bayobore musomere hamwe ijambo **mwahomvomvye** ugenda ukora kuri buri mugemo urigize uko muwusoma hanyuma unyereze agati muni y'ijambo ryose murisomere icyarimwe. Andika ku kibaho amagambo akurikira **twahomvomvye**, **ndahomvomvye**, **bahomvomvye**, **umuhomvomvye** muyasomere hamwe nk'uko mumaze gusoma ijambo **mwahomvomvye**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri amagambo **arahomvomvye**, **arahomvomvya**, **ntibahomvomvye** ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **78**, igikorwa cya **4**. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye amagambo yose yanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **78**, igikorwa cya **4**.

Gusoma interuro zirimo igihekane "mvy"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho interuro **Semfwati arahomvomvya murumuna we**. Yisomere abanyeshuri ugenda ukora kuri buri jambo riyigize uko urisoma hanyuma unyereze agati muni y'interuro yose uyisomere icyarimwe.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Bayobore musomere hamwe interuro **Semfwati arahomvomvya murumuna we** ugenda ukora kuri buri jambo riyigize uko muyisoma hanyuma unyereze agati muni y'interuro yose muyisomere icyarimwe. Andika ku kibaho interuro ikurikira **Ntibazabahomvomvye kuko muhomvomvye byambabaza**. Yobora abanyeshuri muyisomere hamwe nk'uko mumaze gusoma interuro **Semfwati arahomvomvya murumuna we**.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gusoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **78**, igikorwa cya **5**. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye interuro zose.

4. Gusoma agakuru karimo igihekanane "mvy"

Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **79**. Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero**, **Dukorane twese**, **Buri wese akore** igisha abanyeshuri uko basoma umutwe w'agakuru "**Akarima k'igikoni**". Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'agakuru, ubabaze ibyo babona, hanyuma batahure icyo agakuru kaza kuvugaho.

Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru

Bwira abanyeshuri ko mu gakuru bagiye gusoma "**Akarima k'igikoni**", bari bwumvemo amagambo: **Akarima k'igikoni, guhomvomva**.



Ndatanga urugero

Vuga ijambo rya mbere **akarima k'igikoni**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **akarima k'igikoni**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **akarima k'igikoni**. **Akarima k'igikoni** bisobanura **akarima k'imboga ko mu rugo**. Koresha ijambo **akarima k'igikoni** mu nteruro. **Urugero:** Iwacu duhinga karoti mu **karima k'igikoni**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **akarima k'igikoni** n'igisobanuro cyaryo hanyuma munavugire hamwe interuro **Iwacu duhinga karoti mu karima k'igikoni**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo igisobanuro k'ijambo **akarima k'igikoni**. Shyira abanyeshuri mu matsinda mato bakore interuro irimo ijambo **akarima k'igikoni**. Saba abanyeshuri gusangiza bagenzi babo mu ishuri interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **akarima k'igikoni**, bukoreshwe no gusobanura ijambo **guhommvomva**. **Guhommvomva** bisobanura **kuvuga ibiterekeranye**.

Urugero: Umwarimu wacu yatubujije **guhommvomva**.

Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru "**Akarima k'igikoni**" kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **79**. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikirane uko ubasomera agakuru kose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe agakuru "**Akarima k'igikoni**" mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma agakuru kose buri wese ku giti ke bahereye ku mutwe wako. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

Kumva agakuru: Baza ibibazo byo kumva agakuru.

Mbere yo kubaza ibibazo byo kumva agakuru, genzura niba ibyo abanyeshuri batahuye ari byo biri mu gakuru koko. Akira ibisubizo by'abanyeshuri.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Kuki Semfwati yahommvombye?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu gakuru: **Ni kubera ko mama wabo yarabasabye kubagara akarima k'igikoni**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni uwuhe murimo abana bavugwa mu gakuru bafashije ababyeyi?** Somera hamwe n'abanyeshuri agakuru kugeza mubonye igisubizo. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo kiri cyo. **Babafashije kubagara akarima k'igikoni**.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo gikurikiyeho. **Ni iyihe mirimo abana bashobora gukora?** Saba abanyeshuri gusubiza icyo kibazo. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri bashaka ikisubizo. Saba abanyeshuri kuvuga igisubizo babonye. Saba banyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo: **imirimo itavunanye. Urugero nko kuvoma, gukubura, kumesa imyambaro yabo yoroheje...**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma amagambo, interuro n'agakuru biri mu gitabo cy'umunyeshuri, ku rupapuro rwa **78** igikorwa cya **4, 5** n'icya **6**. Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.
2. Baza ibibazo byo kumva gakuru.
 - a) Ni nde wijujutiye ibyo mama wabo yari yababwiye gukora? **Ni Semfwati**
 - b) Abana bahingishije iki akarima k'igikoni? **Bahingishije imfwati.**
 - c) Ni iki aka gakuru kakwigishije? **Aka gakuru kanyigishije kujya nubaha ababyeyi ngakora inshingano bampaye.**

Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusoma agakuru bize "**Akarima k'igikoni**" kari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **79** hanyuma bazagasomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 10	Isomo rya 5: Gusoma no kwandika mu mukono igihekanе mvy/Mvy
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekanе mvy/Mvy.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 80.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekanе **mvy** biri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **78** igikorwa cya **4** n'icya **5**.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekanе "mvy" kigizwe n'inyuguti nto



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inoza mukono igihekanе **mvy** kigizwe n'inyuguti nto. Ereka abanyeshuri aho inyuguti zikigize zigarukira mu mirongo. Soma igihekanе wanditse.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri mwandike mu mirongo y'inoza mukono igihekanе **mvy**. Mu gihe wandika ku kibaho igihekanе **mvy**, yobora abanyeshuri bacyandike mu makayi yabo. Fatanya n'abanyeshuri musome igihekanе **mvy** cyanditse mu mukono.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono igihekanе **mvy** inshuro eshanu. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma igihekanе **mvy** aho cyanditse mu mukono mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **80**, igikorwa **7**.

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekanе "Mvy" gitangiwe n'inyuguti nkuru

Ibyakozwe mu kwandika mu mukono igihekanе **mvy** kigizwe n'inyuguti nto, bikorwe no mu kwandika mu mukono igihekanе **Mvy** gitangijwe n'inyuguti nkuru.

2. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo igihekanе "mvy/Mvy"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inozamukono ijambo **mwahomvomvye**. Ereka abanyeshuri aho inyuguti zigize ijambo **mwahomvomvye** zigarukira mu mirongo. Soma mu ijwi riranguruye ijambo wanditse.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mwandike mu mirongo y'inozamukono ijambo **twahomvomvye**. Mu gihe wandika ku kibaho ijambo **twahomvomvye**, yobora abanyeshuri baryandike mu makayi yabo. Fatanya n'abanyeshuri musome ijambo **twahomvomvye** ryanditse ku kibaho mu mukono.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono amagambo: **mwahomvomvye, twahomvomvye, arampomvomvya** Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma amagambo **mwahomvomvye, twahomvomvye, arampomvomvya** aho yanditse mu mukono mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **80**, igikorwa **8**.

3. Gusoma no kwandika mu mukono interuro irimo igihekanane "mvy/Mvy"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mukono mu mirongo y'inozamukono interuro **Gapfizi yarahomvomvye anahomvomvya abandi**. Soma interuro wanditse. Ugende ukora kuri buri jambo riyigize hanyuma uyisomere icyarimwe.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mwandike mu mukono mu mirongo y'inozamukono interuro: Mu gihe wandika ku kibaho, **Gapfizi yarahomvomvye anahomvomvya abandi**, yobora abanyeshuri bayandike mu makayi yabo. Fatanya n'abanyeshuri musome interuro **Gapfizi yarahomvomvye anahomvomvya abandi**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono interuro **Gapfizi yarahomvomvye anahomvomvya abandi**. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma interuro **Gapfizi yarahomvomvye anahomvomvya abandi** aho yanditse mu mukono mu bitabo byabo kurupapuro rwa **80**, igikorwa **9**.

4. Gutondeka imigemo bagakora amagambo bakayandika mu mukono



Ndatanga urugero

Andika ku kibaho imigemo **mvya - ho- mvo -gu** iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **80** igikorwa cya **10** cyo gutondeka imigemo bagakora amagambo bakanayandika mu mukono. Saba abanyeshuri gukurikira. Tondeka iyo migemo ukore ijambo riboneye. Ijambo ubona ni: **guhomvomvya**. Ryandike mu mukono, nyuma urisomere abanyeshuri.



Dukorane twese

Andika ku kibaho imigemo **ra -mvye - ho -ya -mvo** agize ijambo rya kabiri. Yobora abanyeshuri mutondeke iyo migemo mukore ijambo riboneye. Ijambo mubona ni: **yarahomvomvye**. Yobora abanyeshuri muryandike mu mukono hanyuma murisomere hamwe.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gutondeka buri wese ku giti ke, imigemo ikurikira: **mvye - nda - mvo - ho** ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **80** igikorwa cya **10**. Ijambo babona ni: **ndahomvomvye**. Bwira abanyeshuri baryandike mu mukono, nyuma barisome mu ijwi riranguruye. Bwira abanyeshuri mu matsinda mato batondeke imigemo yose iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **80** igikorwa cya **10**, hanyuma bayandike mu mukono.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri icyandikwa. Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma amagambo abiri n'interuro imwe inshuro eshatu bateze amatwi nyuma babyandike mu mukono.

Mwahomvomvye, ndahomvomvye, tuzahomvomvya

Gapfizi yarahomvomvye anahomvomvya abandi.



Umukoro

Bwira abanyeshuri kuza kwandika banoza ijambo rimwe n'interuro imwe birimo igihekanane **mvy/Mvy** bazabisomere abandi mu ishuri.

Icyumweru cya 10	Isomo rya 6: Gutahura no gusoma igihekan mvyw/Mvyw
Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekan mvyw/Mvyw .	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 81 n'urwa 82 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri


I. ISUBIRAMO (Iminota 5)


Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa **81**, igikorwa cya **4** n'icya **5**. Gendagenda mu ishuri, ugenzura uko abanyeshuri basoma. Saba abanyeshuri bamwe gusoma mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye. Fasha abafite ibibazo byihariye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba gufasha abo babana uturimo tworoheje two mu rugo.


II. ISOMO RISHYA

1. Itahuramajwi

Gutahura ijwi rishya "mvy" bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho


 *Ndatanga urugero*
Saba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **81** igikorwa cya **1**. Baza abanyeshuri niba bazi amazina y'ayo mashusho. Uhereye ku byo abanyeshuri bavuze, sobanura ko uvuga izina ry'ishusho, hanyuma ukajya uzamura ibikumwe ubirebesha hejuru mu gihe izina rifite ijwi **mvyw**, ukanamanura ibikumwe ubirebesha hasi mu gihe izina ridafite ijwi **mvyw**. Vuga izina ry'ishusho ya mbere **arahomvomvywa**: ibikumwe birareba hejuru.


 *Dukorane twese*
Fatanya n'abanyeshuri kuvuga izina ry'ishusho ya mbere **arahomvomvywa**: ibikumwe birareba hejuru. Saba abanyeshuri kuvuga izina ry'ishusho ya kabiri **arongorerwa**: ibikumwe birareba hasi.


 *Buri wese akore*
Abanyeshuri baravugaga izina ry'ishusho ya nyuma, ku giti cyabo, bigana urugero bahawe **arambikwa**: ibikumwe birareba hasi. Saba abanyeshuri gutanga andi magambo yumvikanamo ijwi **mvyw**.


2. Ihuzamajwi

Kwerekana ikimenyetso k'igihokane "mvyw" kigizwe n'inyuguti nto n'igihokane "Mvyw" gitangijwe inyuguti nkuru n'uko bisomwa

 *Ndatanga urugero*
Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho igihokane **mvyw** kigizwe n'inyuguti nto n'igihokane **Mvyw** gitangijwe inyuguti nkuru unabisomere abanyeshuri. Ereka abanyeshuri inyuguti zigize igihokane **mvyw** na **Mvyw**.

 *Dukorane twese*
Saba abanyeshuri gukurikira. Yobora abanyeshuri berekane aho igihokane **mvyw** cyanditse mu nyuguti nto n'igihokane **Mvyw** gitangijwe inyuguti nkuru byanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **81** igikorwa cya **2**. Mugaragarize hamwe inyuguti zigize ibyo bihekane, munabisome.

 *Buri wese akore*
Saba abanyeshuri gusoma ibihokane **mvyw/Mvyw** byanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **81** igikorwa cya **2** bagikoraho bitegereza inyuguti zibigize. Abanyeshuri barakorera mu matsinda mato basome ibihokane **mvyw/Mvyw** byanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **81** igikorwa cya **2**. Mugaragarize hamwe inyuguti zigize ibyo bihekane, munazisome. Ibutsa abanyeshuri aho igihokane **Mvy** gitangijwe n'inyuguti nkuru gikoreshwa. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufashe abafite ibibazo byihariye.

3. Gusoma	
Gusoma imigemo irimo igihokane “mvyw”	
 <i>Ndatanga urugero</i>	Andika umugemo mvywa ku kibaho. Ereka abanyeshuri uko mvyw na a bitanga umugemo mvywa . Garagaza n'uko imigemo mvywa , mvywe iboneka. Yisomere abanyeshuri by'intangarugero.
 <i>Dukorane twese</i>	Somera hamwe n'abanyeshuri imigemo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 81 igikorwa cya 3 .
 <i>Buri wese akore</i>	Abanyeshuri barasomera mu matsinda mato imigemo yose iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 81 , igikorwa cya 3 . Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma, ufashe abafite ibibazo byihariye.
Gusoma amagambo n'interuro arimo igihokane “mvyw”	
 <i>Ndatanga urugero</i>	Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho ijambo guhommvomvywa n'interuro Ntugahommvomvywe n'amafuti ya bagenzi bawe . Kora kuri buri mugemo ugize ijambo guhommvomvywa n'amagambo agize interuro Ntugahommvomvywe n'amafuti ya bagenzi bawe uko ubisoma hanyuma unyereze agati muni y'ijambo n'interuro, ubisomere icyarimwe.
 <i>Dukorane twese</i>	Yobora abanyeshuri musomere hamwe amagambo guhommvomvywa, mpommvomvwa, ndahommvomvywa n'interuro Ntugahommvomvywe n'amafuti ya bagenzi bawe . Nyereza agati kuri buri mugemo uko muwusoma hamwe n'uko musoma amagambo agize interuro, hanyuma musomere icyarimwe amagambo n'interuro.
 <i>Buri wese akore</i>	Andika ku kibaho amagambo arahommvomvywa, urahommvomvya, ntuzahommvomvywe, ntahommvomvywa hamwe n'interuro Mpommvomvya no kubona yiyandarika . Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo amagambo arahommvomvywa, urahommvomvya, ntuzahommvomvywe, urahommvomvya n'interuro Mpommvomvya no kubona yiyandarika aho byanditse ku kibaho. Hanyuma basome mu matsinda mato amagambo yose n'interuro byanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 81 , igikorwa cya 4 n'icya 5 . Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufashe abafite ibibazo byihariye.
4. Gusoma agakuru karimo igihokane “mvyw”	
Gusobanura icyo agakuru kaza kuvugaho	
Bwira abanyeshuri ko bagiye gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 82 . Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore igisha abanyeshuri gusoma umutwe w'agakuru Bahommvomvywaga n'ibiyobyabwenge . Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'agakuru, ubabaze ibyo babona, hanyuma batahure ibyo agakuru kaza kuvugaho.	
Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru.	
Bwira abanyeshuri ko mu gakuru bagiye gusoma “Ibiyobyabwenge” , bari bwumvemo amagambo: ibiyobyabwenge, agatege .	
 <i>Ndatanga urugero</i>	Vuga ijambo rya mbere ibiyobyabwenge . Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo ibiyobyabwenge . Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo ibiyobyabwenge . Ibiyobyabwenge bisobanura ibintu umuntu arya cyangwa anywa agata ubwenge. Koresha ijambo ibiyobyabwenge mu nteruro. Urugero: Iyo umuntu anywa ibiyobyabwenge ntatekereza neza.
 <i>Dukorane twese</i>	Vugira hamwe n'abanyeshuri igisobanuro k'ijambo ibiyobyabwenge , munasubiremo interuro: Iyo umuntu anywa ibiyobyabwenge ntatekereza neza.
 <i>Buri wese akore</i>	Saba abanyeshuri kuvuga igisobanuro k'ijambo ibiyobyabwenge ku giti cyabo. Shyira abanyeshuri mu matsinda mato bakore interuro irimo ijambo ibiyobyabwenge . Saba abanyeshuri gusangiza bagenzi babo mu ishuri interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe mu gusobanura ijambo **ibiyobyabwenge**, bukoreshwe no gusobanura ijambo **agatege**. **Agatege** bisobanura **imbaraga**.

Urugero: Kurya neza bituma umuntu agira agatege.

Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru **“Ibiyobyabwenge”** kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **84**. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera agakuru kose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe agakuru **“Ibiyobyabwenge”** mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma agakuru kose buri wese ku giti ke bahereye ku mutwe wako. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

Kumva agakuru: Baza ibibazo byo kumva agakuru

Mbere yo kubaza ibibazo byo kumva agakuru, genzura niba ibyo abanyeshuri batahuye bihuye n’ibiri mu gakuru koko. Akira ibisubizo by’abanyeshuri.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Abanyeshuri bavugwa bigaga ku kihe kigo?** Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wakibonye. Soma igisubizo kivuye mu gakuru: **Bigaga ku kigo cya Mutuzo.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni iki cyatumye abo banyeshuri bareka ibiyobyabwenge?** Somera hamwe n’abanyeshuri agakuru kugeza mubonye igisubizo. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo kiri cyo. **Ni kubera inama Nyiramfwati yabagiriye.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ikibazo gikurikiyeho. **Ni izihe ngaruka zo kunywa ibiyobyabwenge ku banyeshuri?** Saba abanyeshuri gusubiza icyo kibazo. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri bashaka igisubizo. Saba abanyeshuri kuvuga igisubizo babonye. Subiramo igisubizo: **kugira imyitwarire mibi, kutagira icyo batinya, kurwara, guta ishuri, gufungwa, gupfa...**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1) Saba abanyeshuri gusoma amagambo, interuro n’agakuru biri mu gitabo cy’umunyeshuri, igikorwa cya **4, 5** n’icya **6** ku rupapuro rwa **81-82**. Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.

2) Baza ibibazo byo kumva agakuru:

- Urakeka ko abanyeshuri bavugwa banywaga ibiyobyabwenge ryari? **Babinywaga nyuma y’amasomo.**
- Ibiyobyabwenge bituma abantu bamera gute? **Bituma abantu bata ubwenge ntibatekereze neza, ndetse bituma abana batiga neza.**
- Ni iyihe nama wagira abanyeshuri banywaga ibiyobyabwenge? **Nabagira inama yo kubireka kuko bituma batiga neza.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusoma bihuta agakuru bize **“Ibiyobyabwenge”** kari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **82** hanyuma bazagasomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 10	Isomo rya 7: Gusoma no kwandika mu mukono igihekane mvyw/Mvyw
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekane mvyw/Mvyw .	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 83 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **mvyw** biri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **81** igikorwa cya **4** n'icya **5**.

Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kwirinda kunywa ibiyobabwenge.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gusoma no kwandika mu mukono igihekane "mvyw"

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekane " mvyw" kigizwe n'inyuguti nto



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inozamukono igihekane **mvyw** kigizwe n'inyuguti nto. Ereka abanyeshuri aho inyuguti zikigize zigarukira mu mirongo. Soma mu ijwi riranguruye igihekane wanditse.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mwandike mu mirongo y'inozamukono igihekane **mvyw**. Mu gihe wandika ku kibaho igihekane **mvyw**, yobora abanyeshuri bacyandike mu makayi yabo. Fatanya n'abanyeshuri musome igihekane **mvyw** cyanditse mu mukono.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono igihekane **mvyw** inshuro eshanu. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma igihekane **mvyw** aho cyanditse mu mukono mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **83**, igikorwa **7**.

Kwimenyereza gusoma no kwandika igihekane "Mvyw" gitangiwe n'inyuguti nkuru

Ibyakozwe mu kwandika mu mukono igihekane **mvyw** kigizwe n'inyuguti nto, bikorwe no mu kwandika mu mukono igihekane **Mvyw** gitangijwe n'inyuguti nkuru.

2. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo igihekane "mvyw/Mvyw"



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inozamukono ijambo **guhomvomvywa**. Ereka abanyeshuri aho inyuguti zigize ijambo **guhomvomvywa** zigarukira mu mirongo. Soma mu ijwi riranguruye ijambo wanditse.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mwandike mu mirongo y'inozamukono ijambo **guhomvomvywa**. Mu gihe wandika ku kibaho ijambo **guhomvomvywa**, yobora abanyeshuri baryandike mu makayi yabo. Fatanya n'abanyeshuri musome ijambo **guhomvomvywa** ryanditse ku kibaho mu mukono.



Buri wese akore






Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono amagambo: **guhomvomvywa, mpomvomvywa, ntuzahomvomvywe**. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma amagambo **guhomvomvywa, mpomvomvywa, ntuzahomvomvywe**. Aho yanditse mu mukono mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **83**, igikorwa **8**.

3. Gusoma no kwandika mu mukono interuro irimo igihekane "mvyw/Mvyw"




Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika mu mirongo y'inozamukono interuro: **Abahomvomvywa n'ubusa bakwiye kubwirinda** ubereke uko wagiye uyandika. Soma mu ijwi riranguruye interuro wanditse.

 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Yobora abanyeshuri mwandike mu mironko y'inozamukono interuro: Abahomvomvywa n'ubusa bakwiye kubyirinda. Mu gihe uyandika ku kibaho interuro yobora abanyeshuri bayandike mu makayi yabo. Fatanya n'abanyeshuri musome interuro Abahomvomvywa n'ubusa bakwiye kubyirinda yanditse ku kibaho mu mukono.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Saba abanyeshuri kongera kwandika mu makayi yabo interuro Abahomvomvywa n'ubusa bakwiye kubyirinda. Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusoma interuro Abahomvomvywa n'ubusa bakwiye kubyirinda aho yanditse mu mukono mu bitabo byabo kurupapuro rwa 83, igikorwa 9.</p>
<p>4. Kugaragaza imigemo igize amagambo no guca akarongo ku gihekane "mvyw"</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Andika ku kibaho ijambo bahomvomvywaga riri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 83 igikorwa cya 10 cyo kugararaza imigemo igize ijambo hanyuma ugaca akarongo ku gihekane mvyw. Saba abanyeshuri gukurikira. Ca imigemo mu ijambo mu buryo bukwiye. Imigemo ni ba – ho –mvo – mvywa - ga: Ca akarongo ku gihekane mvyw : ba – ho –mvo – <u>mvywa</u> - ga, nyuma urisomere abanyeshuri.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Andika ku kibaho ijambo bahomvomvywaga. Yobora abanyeshuri muce imigemo muri iryo jambo nimurangiza muce akarongo ku gihekane mvyw .ba – ho –mvo – <u>mvywa</u> -ga. Hanyuma murisomere hamwe. Nimukorere hamwe ijambo rya kabiri riri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 83, igikorwa cya 10. ntuzahomvomvywe : ntu – za –ho – mvo - <u>mvywe</u></p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Bwira abanyeshuri mu matsinda mato, bagaragaze imigemo igize ijambo "yarahomvomvywaga" riri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 83, igikorwa cya cya 10, baryandike mu makaye yabo, bace akarongo ku gihekane mvyw. Gendagenda mu ishuri ureba uko babikora ufashe abafite ibibazo byihariye. Igisubizo ni: ya- ra- ho- mvo - mvywa- ga</p>

III. ISUZUMA (Iminota 10)

- Ha abanyeshuri icyandikwa:
1. Bwira abanyeshuri ko ugiye kuvuga inshuro eshatu amagambo atatu bakayandika mu mukono: **guhomvomvywa, mpomvomvywa, ntuzahomvomvywe**
 2. Bwira abanyeshuri ko ugiye kuvuga inshuro eshatu interuro bakayandika mu mukono: **Abahomvomvywa n'ubusa bakwiye kubyirinda**

 <p><i>Umukoro</i></p>	<p>Bwira abanyeshuri kuza kwandika banoza ijambo rimwe n'interuro imwe birimo igihekane mvyw/Mvyw bazabisomere abandi mu ishuri.</p>
---	---

<p>Icyumweru cya 10</p>	<p>Isomo rya 8: Imyitozo isoza icyumweru</p>
<p>Intego rusange: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane mfw/mvy na mvyw.</p>	<p>Imfashanyigisho: igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 84 n'urwa 85.</p>

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUSUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri bamwe basomere bagenzi babo ibyo banditse.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanura neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.
Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo guhuza igihekane n'ishusho

Ha abanyeshuri umwitozo wo guhuza ishusho n'ijwi ry'igihekane uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **84** umwitozo wa **1**

- a. ishusho ya mbere —————> mfw
- b. Ishusho ya kabiri —————> mvy
- c. ishusho ya gatatu —————> mvyw
- d. ishushyo ya kane —————> mvyw

2. Umwitozo wo gusoma no kwandika mu mukono imigemo irimo ibihekane "mfw, mvy na mvyw"

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma bakanandika mu mukono imigemo iri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **84** umwitozo wa **2**.

Mfw , mfwa

Mvy , mvya mve mvyi

Mvyw , mvywe mvywa

3. Umwitozo wo gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo ibihekane "mfw, mvy na mvyw"

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo ibihekane "mfw, mvy na mvyw" ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **84**, umwitozo wa **3**.

Imfwati	twahomvomvye	Semfwati	mpomvomvywa
mwahomvomvye	uhomvomvywa	Mfwati	arahomvomvye

4. Umwitozo wo gusoma no kwandika interuro neza

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma no kwandika mu mukono interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **84** umwitozo wa **4**.

- a) **Semfwati yahomvomvye kandi ntahomvomvywa n'ubusa.**
- b) **Nyiramfwati yahomvomvejwe no kwibwa imfwati.**

5. Umwitozo wo gusoma no kumva agakuru

Ha abanyeshuri umwitozo wa **5** uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **85** wo gusoma no kumva agakuru "Yisubiyeho".

- a) Ni iki Nyiraneza yahoraga abuzwa na se? **Yabuzwaga gusuzugura.**
- b) Ni ikihe kemezo Nyiraneza yafashe abonye se ababaye? **Kutazongera gusuzugura.**
- c) Nyuma y'iyi nkuru, uratekereza ko Nyiraneza azitwara ate? **Azajya yubaha.**

6. Umwitozo wo kuzurisha ibihekane mfw, mvy, mvyw" mu nteruro

Ha abanyeshuri umwitozo wa **6** wo kuzurisha interuro ibihekane **mfw, mvy, na mvyw** uri mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **85**, bazandike mu mukono, banazisome

- a) Yahomvomvye kubera amakosa ye.
- b) Semfwati yaje iwacu gutira imfwati.
- c) Beyata arahomvomvywa no kubura amahoro.
- d) Guhomvomvywa na bagenzi bawe si byiza.



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana agakuru "Yisubiyeho" kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **85** umwitozo wa **5**, hanyuma basubize ibibazo byakabajijweho.

Icyumweru cya 11	Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 18-19 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru "**Bibagiwe inshingano zabo**" baheruka kwiga.

- Ni izihe nshingano z'abana wasomye mu mwandiko? **Inshingano zo gukora isuku, kubaha ababyeyi no gukora umukoro.**

- Ni iyihe nama wagira abana batubahiriza inshingano ababyeyi babahaye? **Nabagira inama zo kubahiriza inshingano zabo kuko ababyeyi babafitiye akamaro kanini mu buzima.**

Ibutsa abanyeshuri kuzuza inshingano zabo buri gihe mu rugo no ku ishuri.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru: "**Inama nziza za sogokuru.**"

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batakereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, sobanurira abanyeshuri amagambo akurikira: **wabaswe, karande**

Wabaswe bisobanura **wagizwe umugaragu, ukunda cyane.**

Urugero: Uyu mugabo **yabaswe** n'ubusinzi.

Karande bisobanura **ikintu gihoraho.**

Urugero: Ubunabwira butera ubukene bwa **karande.**

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri inkuru "**Inama nziza za sogokuru**" mu ijwi riranguruye wubahiriza utwatumaze n'isesekaza. Mu gihe usoma genda ubereka amashusho. Ugeze ku magambo wasobanuye, babaze ibisobanuro byayo kimwe n'andi magambo akomeye atasobanuwe. Nyuma yo gusoma, baza abanyeshuri niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva inkuru

Ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye. Babaze ibibazo bikurikira ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.**

1. Mu nkuru ni bande bagiranye ikiganiro? **Ni abana na sekuru wabo**

2. Ingaruka zo kunywa ibiyobyabwenge ni izihe? Wabyirinda ute? **Uwanyoye ibiyobyabwenge nta gatege na mba aba afite, ararwaragurika, nta n'iterambere aba ateze kwigezaho. Ngomba kwirinda ababinshoramwo, nkagenda kure ababikoresha nkanabamagana**

3. Kugira ngo tugire ubuzima bwiza tugomba kurya indyo imeze ite? **Tugomba kurya indyo yuzuye.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, baza abanyeshuri ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero:

Hari abana muzi banywa ibiyobyabwenge? Mwabagira iyihe nama? **Yego turabazi. Twabagira inama yo kubireka kuko byangiza ubuzima.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza abanyeshuri ibibazo by'isuzuma bikurikira, ongera ubasomere inkuru "Inama nziza za sogokuru" mu ijwi riranguruye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye.

a) **Karande:** Kutagira isuku byamubayeho **karande**.

b) **Wabaswe:** Umuntu **wabaswe** n'ibiyobyabwenge ntatera imbere.

2. Subiza ibibazo ku nkuru.

a) Ni iki ushima muri iyi nkuru? **Icyo nshima muri iyi nkuru ni ibyiza byo kurya indyo yuzuye n'uburyo nakwirinda ibiyobyabwenge**

b) Ni irihe somo iyi nkuru igusigiye? **Iyi nkuru inyigishije kwirinda ibiyobyabwenge, gufata neza ubuzima bwange, inyigishije ko ibiyobyabwenge byangiza ubuzima, ikindi kandi ko ngomba kurya indyo yuzuye kugira ngo ngire ubuzima bwiza.**

c) Kuganira n'abantu bakuru bigufitiye akahe kamaro? **Bimfasha kunguka ubwenge, inama zabo zituma nirinda ibibi kandi nkamenya kubungabunga ubuzima.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibibi by'ibiyobyabwenge n'uburyo babungabunga ubuzima bwabo, nibagaruka bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 11

Isomo rya 2: Gutahura no gusoma igihekanefw/Pfw

Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekanefw/Pfw.

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **86** n'urwa **87**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo ibihekanefw, mvv, mvvww biri mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **84** igikorwa cya **3** n'icya **4**.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Itahuramajwi

Gutahura ijwi rishya "pfw/Pfw" bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ifashishe amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **86**, igikorwa cya **1** (**umurwayi yakapfakapfwe n'indwara, inka yakapfakapfwe n'indwara, cyatemwe**) n'izindi mfashanyigisho zifatika mu gutahura igihekanefw. Bwira abanyeshuri kuvuga andi magambo arimo ijwi **pfw**.

2. Ihuzamajwi

Kwerekana ikimenyetso k'igihokane "pfw" kigizwe n'inyuguti nto n'igihokane "Pfw" gitangiwe n'inyuguti nkuru n'uko bisomwa

Ifashishije igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **86**, igikorwa cya **2**, andika ku kibaho ikimenyetso k'igihokane **pfw** kigizwe n'inyuguti nto n'ikimenyetso k'igihokane **Pfw** gitangiwe n'inyuguti nkuru. Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri ikimenyetso k'igihokane **pfw** kigizwe n'inyuguti nto n'uko gisomwa n'ikimenyetso k'igihokane **Pfw** gitangiwe n'inyuguti nkuru n'uko gisomwa.

3. Gusoma

Gusoma imigemo irimo igihokane "pfw/Pfw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma imigemo iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **86**, igikorwa cya **3**

Kuri **Ndatanga urugero** igisha abanyeshuri gusoma umugemo **pfwa**

Kuri **Dukorane twese** yobora abanyeshuri musomere hamwe imigemo **pfwa, pfwe**.

Kuri **Buri wese akore** saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo imigemo **pfwa, pfwe**.

Gusoma amagambo arimo igihokane "pfw/Pfw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma amagambo ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **86**, igikorwa cya **4**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma ijamba **ntakapfakapfwa**.

Kuri **Dukorane twese**, ereka abanyeshuri uko basoma amagambo **ntakapfakapfwa, bazakapfakapfwa, yakapfakapfwe, akapfakapfwa**.

Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri amagambo **azakapfakapfwa, barakapfakapfwe, ntibakapfakapfwa, izakapfakapfwa**.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye amagambo yose ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **86**, igikorwa cya **4**.

Gusoma interuro zirimo igihokane "pfw/Pfw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **86**, igikorwa cya **5**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro **Muneza yakapfakapfwe n'indwara**.

Kuri **Dukorane twese**, yobora abanyeshuri musome interuro:

Muneza yakapfakapfwe n'indwara.

Ubwatsi bukapfakapfwa n'inka.

Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri interuro

Muneza yakapfakapfwe n'indwara.

Ubwatsi bukapfakapfwa n'inka.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye interuro zose ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **36**, igikorwa cya **5**.

4. Gusoma agakuru karimo igihokane "pfw/Pfw"**Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho**

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **87**.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** igisha abanyeshuri gusoma umutwe w'agakuru: **"Yumvira umubyeyi we"**.

Ereka abanyeshuri ishusho ijyanye n'agakuru, ubabaze ibyo babona, hanyuma batahure icyo agakuru kaza kuvugaho.

Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, sobanurira abanyeshuri amagambo akurikira: **yarayizonze, ntatenguhe**

Yarayizonze bisobanura **yarayizahaje**.

Urugero: Inka yacu basanze indwara **yarayizonze**.

Ntatenguhe bisobanura **yubahiriza**.

Urugero: Karisa akora uko ashoboye **ntatenguhe** bagenzi be mu bibazo bahura nabyo.

Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri gusoma agakuru **"Yumvira umubyeyi we"** mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatumaze n'isekekaza.

Kumva agakuru: Baza ibibazo byo kumva agakuru

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, yobora abanyeshuri musubiza ibibazo byo kumva agakuru bikurikira.

1. Gahongayire yahomvomvywaga n'iki? **Yahomvomvwaga n'imikino yabaye**.

2. Kubera iki umuvuzi w'amatungo yashimiye Gahongayire? **Kubera ko yagize umwete wo kugera ku muganga w'amatungo adatinze**.

3. Ni iki wakwigira kuri Gahongayire? **Gukorana umwete, kubaha, kutarangara**.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma amagambo, interuro n'agakuru biri mu gitabo cy'umunyeshuri, ku rupapuro rwa **86-87** igikorwa **4** cya **5** n'icya **6**. Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.
2. Baza ibibazo byo kumva agakuru:
 - a) Kubera iki umuvuzi w'amatungo yashimiye Gahongayire? **Ni kubera ko yagize umwete ntatenguhe se akamugeraho adatinze.**
 - b) Ni iki Gahongayire asanzwe akora? **Asanzwe yumvira se.**
 - c) Ni iki aka gakuru kakwigishije? **Aka gakuru kanyigishije kumvira ababyeyi bange.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusoma bihuta agakuru bize **"Yumvira umubyeyi we"** kari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **87** hanyuma bazagasomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 11	Isomo rya 3: Gusoma no kwandika mu mukono igihekan pfw/Pfw
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekan pfw/Pfw.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 88.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekan **pfw** biri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **86** igikorwa cya **4** n'icya **5**.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gusoma no kwandika mu mukono igihekan **"pfw"**

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekan "pfw" kigizwe n'inyuguti nto

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekan **pfw** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **88**, igikorwa cya **7**. Soma mu ijwi riranguruye igihekan wanditse.

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekan "Pfw" gitangiwe n'inyuguti nkuru

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekan **Pfw** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **88**, igikorwa cya **7**. Soma igihekan wanditse.

2. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo igihekan **"pfw/Pfw"**

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika mu mukono mu mirongo y'inozamukono amagambo **ntakapfakapfwa, bazakapfakapfwa, yarakapfakapfwe** ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **88**, igikorwa cya **8**. Yobora abanyeshuri musome amagambo mwanditse.

3. Gusoma no kwandika mu mukono interuro irimo igihekan **pfw/Pfw**

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika mu mukono mu mirongo y'inozamukono interuro **Abantu bakapfakapfwa n'uburwayi** iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **88**, igikorwa cya **9**. Yobora abanyeshuri musome interuro mwanditse.

4. Kwandika mu mukono amagambo yakoreshejwe mu nkuru afite igihekan **pfw/Pfw.**

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bashaka mu gakuru baherutse gusoma amagambo arimo igihekan **pfw/Pfw** n'uko bayandika banoza umukono.

- a) **Yakapfakapfwe**
- b) **Irakapfakapfwa**
- c) **Gukapfakapfwa**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri icyandikwa. Bwira abanyeshuri ko ugiye kuvuga inshuro eshatu amagambo atatu n'interuro imwe bakabyandika mu mukono: **Ntakapfakapfwa, bazakapfakapfwa, yakapfakapfwe, Abantu bakapfakapfwa n'uburwayi.**



Bwira abanyeshuri kuza kwandika banoza ijambo rimwe n'interuro imwe birimo igihekan **pfw/Pfw** bazabisomere abandi mu ishuri

Icyumweru cya 11

Isomo rya 4: Gutahura no gusoma igihekan **pfy/Pfy**

Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekan **pfy/Pfy.**

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **89-90.**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Bwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri bavuge amagambo atatu arimo igihekan **pfw/Pfw**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira bagenzi babo amagambo babonye. Bakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. ISOMO RISHYA

1. Itahuramajwi

Gutahura ijwi rishya "pfy/Pfy" bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ifashishije amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **89 (inka yakafakapfye ibyatsi, aranika imyaka, yahuye ibishyimbo)** n'izindi mfashanyigisho zifatika mu gutahura igihekan **pfy**.

Bwira abanyeshuri kuvuga andi magambo arimo ijwi **pfy**.

2. Ihuzamajwi

Kwerekana ikimenyetso k'igihokane "pfy" kigizwe n'inyuguti nto n'igihokane "Pfy" gitangiwe n'inyuguti nkuru n'uko bisomwa

Ifashishije igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **89**, igikorwa cya **2**, andika ku kibaho ikimenyetso k'igihokane **pfy** kigizwe n'inyuguti nto n'ikimenyetso k'igihokane **Pfy** gitangiwe n'inyuguti nkuru.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri ikimenyetso k'igihokane **pfy** kigizwe n'inyuguti nto n'uko gisomwa n'ikimenyetso k'igihokane **Pfy** gitangiwe n'inyuguti nkuru n'uko gisomwa.

3. Gusoma

Gusoma imigemo irimo igihokane "pfy/Pfy"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma imigemo iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **89**, igikorwa cya **3**

Kuri **Ndatanga urugero** igisha abanyeshuri gusoma umugemo **pfya**

Kuri **Dukorane twese** yobora abanyeshuri musomere hamwe imigemo **pfya, pfye**.

Kuri **Buri wese akore** saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo imigemo **pfya, pfye, pfyi**.

Gusoma amagambo arimo igihokane "pfy/Pfy"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma amagambo ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **89**, igikorwa cya **4**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma ijambo **yakapfakapfye**.

Kuri **Dukorane twese**, igisha abanyeshuri uko basoma amagambo **yakapfakapfye, irakapfakapfye, ntikapfakapfye, ntiyakapfakapfye, irazikapfakapfye**.

Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri amagambo **ntibukapfakapfye, birakapfakapfye, gukapfakapfya, inkapfakapfyi**.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye amagambo yose ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **89**, igikorwa cya **4**.

Gusoma interuro zirimo igihokane "pfy/Pfy"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **89**, igikorwa cya **5**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro **Inka zakapfakapfye icyarire**.

Kuri **Dukorane twese**, yobora abanyeshuri musome interuro:

Inka zakapfakapfye icyarire.

Ingurube yakapfakapfye ibyatsi.

Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri interuro

Inka zakapfakapfye icyarire.

Ingurube yakapfakapfye ibyatsi.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye interuro zose ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **89**, igikorwa cya **5**.

4. Gusoma agakuru karimo igihokane "pfy/Pfy"

Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **90**.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** igisha abanyeshuri gusoma umutwe w'agakuru: "**Inka ya Kamari**"

Ereka abanyeshuri ishusho ijyanye n'agakuru, ubabaze ibyo babona, hanyuma batahure icyo agakuru kaza kuvugaho.

Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, sobanurira abanyeshuri amagambo akurikira: **inshingano, guteshuka**

Inshingano bisobanura icyo umuntu ashinzwe gukora.

Urugero: Kubaha ababyeyi ni inshingano yacu.

Guteshuka bisobanura kudakora ibyo wagombaga gukora

Urugero: Si byiza guteshuka ku nshingano zawe.

Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri gusoma agakuru "**Inka ya Kamari**" mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

Kumva agakuru: Baza ibibazo byo kumva agakuru.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, yobora abanyeshuri musubiza ibibazo byo kumva agakuru bikurikira:

1. Igihe Kamari yasangaga inka ye yakapfakapfwe n'inzara yari avuye he? **Yari avuye ku isoko.**

2. Kuki abana basabye se imbabazi? **Ni uko bari bateshutse ku nshingano zabo.**

3. Ni izihe nshingano z'umwana mu rugo? **Kubaha abo babana, kubafasha imirimo, gusubiramo amasomo, gukora imikoro...**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma amagambo, interuro n'agakuru biri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **89** n'urwa **90**, igikorwa cya **4**, icya **5** n'icya **6**. Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.

2. Baza ibibazo byo kumva agakuru.

a) Muri iki gihe inka bazororera hehe? **Bazororera mu kiraro.**

b) Ni iki Kamari yakanguriraga abana be? **Yabakanguriraga kwita ku matungo.**

c) Ni iyihe nama wagira abana batuzuzaga inshingano zabo? **Nabagira inama yo kuzuza inshingano zabo kuko bizabafasha kubaha muri byose.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo bana agakuru "**Inka ya Kamari**" kari ku rupapuro rwa **90** bababwire isomo bakuyemo, hanyuma bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 11	Isomo rya 5: Gusoma no kwandika mu mukono igihekane pfy/Pfy
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekane pfy/Pfy .	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 91 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **pfy** biri mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **89** igikorwa cya **4** n'icya **5**.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gusoma no kwandika mu mukono igihekane "pfy"

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekane "pfy" kigizwe n'inyuguti nto

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekane **pfy** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **93**, igikorwa cya **7**. Soma igihekane wanditse.

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekane "pfy/Pfy" gitangiwe n'inyuguti nkuru.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekane **Pfy** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **91**, igikorwa cya **7**. Soma igihekane wanditse.

2. Gusoma no Kwandika mu mukono amagambo arimo igihekane "pfy/Pfy"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika mu mukono mu mirongo y'inozamukono amagambo **akapfakapfye, irakapfakapfye, ntikapfakapfye** ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **91**, igikorwa cya **8**. Yobora abanyeshuri musome amagambo mwanditse.

3. Gusoma no kwandika mu mukono interuro irimo igihekane "pfy/Pfy"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika mu mukono mu mirongo y'inozamukono interuro **Ikimasa cyakapfakapfye ubwatsi** iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **91**, igikorwa cya **9**. Yobora abanyeshuri musome interuro mwanditse.

4. Kugaragaza imigemo igize amagambo no guca akarongo ku gihekane "pfy"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese** na **Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko ugaragaza imigemo mu ijambo, hanyuma uce akarongo ku gihekane **pfy**. Saba abanyeshuri kugaragaza imigemo y'amagambo akurikira ari mu gitabo cyabo umwitozo **10** urupapuro rwa **91**. Imigemo ni **ya – ka - pfa – ka -pfye**: Ca akarongo ku gihekane **pfy : ya – ka -pfa –ka- pfye**, nyuma urisomere abanyeshuri

Amagambo ni **ikapfakapfye: i –ka –pfa –ka –pfye**

ntibukapfakapfye: nti – bu –ka –pfa –pfye

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri icyandikwa. Bwira abanyeshuri ko ugiye kuvuga inshuro eshatu amagambo atatu n'interuro imwe bakabyandika mu mukono: **Akapfakapfye, irakapfakapfye, ntikapfakapfye, Ikimasa cyakapfakapfye ubwatsi**.



Umukoro

Bwira abanyeshuri kuza kwandika banoza ijambo rimwe n'interuro imwe birimo igihekane **pfy/Pfy** bazabisomere abandi mu ishuri.

Icyumweru cya 11	Isomo rya 6: Gutahura no gusoma igihekanu vw/Vw
Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekanu vw/Vw .	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, Igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 92 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)
Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekanu pfy , biri mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 89 igikorwa cya 4 n'icya 5 .
II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)
1. Itahuramajwi Gutahura ijwi rishya "vw/Vw" bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore , ifashishije amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 92 (Guhovwa, gutabwa, gukatwa) n'izindi mfashanyigisho zifatika mu gutahura igihekanu vw . Bwira abanyeshuri kuvuga andi magambo arimo ijwi vw
2. Ihuzamajwi Kwerekana ikimenyetso k'igihokane "vw" kigizwe n'inyuguti nto n'igihokane "vw" gitangiwe n'inyuguti nkuru n'uko bisomwa Ifashishije igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 92 , igikorwa cya 2 , andika ku kibaho ikimenyetso k'igihokane vw kigizwe n'inyuguti nto n'ikimenyetso k'igihokane Vw gitangiwe n'inyuguti nkuru. Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore , ereka abanyeshuri ikimenyetso k'igihokane vw kigizwe n'inyuguti nto n'uko gisomwa n'ikimenyetso k'igihokane Vw gitangiwe n'inyuguti nkuru n'uko gisomwa.
3. Gusoma Gusoma imigemo irimo igihokane "vw/Vw" Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore , igisha abanyeshuri gusoma imigemo iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 92 , igikorwa cya 3 . Kuri Ndatanga urugero igisha abanyeshuri gusoma umugemo vwa . Kuri Dukorane twese yobora abanyeshuri musomere hamwe imigemo vwa, vwe . Kuri Buri wese akore saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo imigemo vwa, vwe .
Gusoma amagambo arimo igihokane "vw/Vw" Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga, Dukorane twese, Buri wese akore , igisha abanyeshuri uko basoma amagambo ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 92 , igikorwa cya 4 . Kuri Ndatanga urugero , igisha abanyeshuri uko basoma ijamba guhovwa . Kuri Dukorane twese , ereka abanyeshuri uko basoma amagambo guhovwa, bwahovwe, ntibwahovwe, ntizihovwamo . Kuri Buri wese akore , saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri amagambo buhovwe, nibuhovwe, burahovwa, zihovwamo . Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye amagambo yose ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 92 , igikorwa cya 4 .

Gusoma interuro zirimo igihekane "vw/Vw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **92**, igikorwa cya **5**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro **Indabo zikunda guhovwamo n'inzuki**.
Kuri **Dukorane twese**, yobora abanyeshuri musome interuro:

Indabo zikunda guhovwamo n'inzuki.

Indabo z'ibitumbwe ntizihovwamo.

Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri interuro

Indabo zikunda guhovwamo n'inzuki.

Indabo z'ibitumbwe ntizihovwamo.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye interuro zose ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **92**, igikorwa cya **5**.

4. Gusoma agakuru karimo igihekane "vw/Vw"

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **93**.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** igisha abanyeshuri gusoma umutwe w'agakuru: "**Nyirampovwa n'umuhungu we**".

Ereka abanyeshuri ishusho ijyanye n'agakuru, ubabaze ibyo babona, hanyuma batahure icyo agakuru kaza kuvugaho.

Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, sobanurira abanyeshuri amagambo akurikira: **Byangiza, kwiyahuzwa**

Byangiza bisobanura **byica, byonona**.

Urugero: Ibiyobyabwenge **byangiza** umubiri.

Kwiyahuzwa bisobanura **kwiycisha**.

Urugero: Si byiza kwiyahuzwa **ibiyobyabwenge**.

Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri gusoma agakuru "**Nyiramporwa n'umuhungu we**" mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatumaze n'isekekaza.

Kumva agakuru: Baza ibibazo byo kumva agakuru.

Mbere yo kubaza ibibazo byo kumva agakuru genzura niba ibyo abanyeshuri batahuye biri mu gakuru.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, yobora abanyeshuri gusubiza ibibazo byo kumva agakuru bikurikira:

1. Ni hehe Mpovwe yahishe ibiyobyabwenge? **Yabihishe mu byatsi hafi y'urugo.**
2. Kuki nyina yamukandishije amazi ashushye? **Ni kugira ngo abyimbuke.**
3. Iyo Mpovwe nyina atamubona, uratekereza ko byari kumugendekera bite? **Yari gukomeza kuremba akaba yanapfa.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1) Saba abanyeshuri gusoma amagambo, interuro n'agakuru biri mu gitabo cy'umunyeshuri, igikorwa cya **4, 5** n'icya **6** ku rupapuro rwa **92** n'urwa **93**. Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.

2) Baza ibibazo byo kumva agakuru.

a) Mpovwe yari yicaye he? **Yari yicaye ku byatsi inka zakapfakapfye.**

b) Kuki Mpovwe yashimiye nyina? **Ni uko yatumye amenya ingaruka z'ibiyobyabwenge.**

c) Ni irihe somo ukuye muri aka gakuru? **Isomo nkuyemo ni ukwirinda ibiyobyabwenge.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusoma bihuta agakuru bize "**Nyirampovwa n'umuhungu we**" kari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **93** hanyuma bazagasomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 11	Isomo rya 7: Gusoma no kwandika mu mukono igihekane vw/Vw
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekane vw/Vw .	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 94 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **vw** mu magambo ari mu gitabo ku rupapuro rwa **92** igikorwa cya **4** n'icya **5**.

II. ISOMO RISHYA

1. Gusoma no kwandika mu mukono igihekane "vw"

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekane "vw" kigizwe n'inyuguti nto

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekane **vw** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **94** igikorwa cya **7**. Soma mu ijwi riranguruye igihekane wanditse.

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekane "vw/Vw" gitangiwe n'inyuguti nkuru

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika mu mukono mu mirongo y'inozamukono igihekane **vw** kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **96**, igikorwa cya **7**. Soma mu ijwi riranguruye igihekane wanditse.

2. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo igihekane "vw/Vw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika mu mukono mu mirongo y'inozamukono amagambo **Guhovwa, zahovwe, ntizahovwemo** ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **94**, igikorwa cya **8**. Yobora abanyeshuri musome mu ijwi riranguruye amagambo mwanditse.

3. Gusoma no kwandika mu mukono interuro irimo igihekane "vw/Vw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika mu mukono mu mirongo y'inozamukono interuro **Indabo zahovwemo n'inzuki** iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **94**, igikorwa cya **9**. Yobora abanyeshuri musome mu ijwi riranguruye interuro mwanditse.

4. Kuzuza imigemo igize amagambo ari mu tuzu arimo igihekane "vw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese na Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko wuzuza imigemo igize amagambo ari mu tuzu arimo igihekane **vw**, hanyuma uyandike unoza. Saba abanyeshuri kuzuza imigemo mu tuzu turi mu gitabo cyabo ku rupapuro **94** igikorwa cya **10**.

Amagambo ni: Ntizahovwa, ntizahovwaga

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri icyandikwa. Bwira abanyeshuri ko ugiye kuvuga inshuro eshatu amagambo atatu n'interuro bakabyandika mu mukono: **Guhovwa, zahovwe, ntizahovwemo, Indabo zahovwemo n'inzuki**.



Umukoro

Bwira abanyeshuri kuza kwandika banoza ijamba rimwe n'interuro imwe birimo igihekane **vw/Vw** bazabisomere abandi mu ishuri.

Icyumweru cya 11	Isomo rya 8: Imyitozo isoza icyumweru
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono ibihokane pfw, pfy na vw .	Imfashanyigisho: igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 95 n'urwa 96 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Bwira abanyeshuri gusomera abandi interuro banditse.

II. ISUZUMA (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanura neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo guhuza igihokane n'ishusho

Ha abanyeshuri umwitozo wo guhuza ishusho n'igihokane uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **95** umwitozo wa **1**.

- a) Ishusho ya mbere —————→ pfy
- b) Ishusho ya kabiri —————→ pfw
- c) Ishusho ya gatagtu —————→ vw
- d) Ishusho ya kane —————→

2. Umwitozo wo gusoma no kwandika mu mukono imigemo irimo ibihokane pfw/psy na vw"

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma bakanandika imigemo iri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **95** umwitozo wa **2**.

pfw pfw pfw

psy psy psy

vw vwe vwa

3. Umwitozo wo gusoma no kwandika amagambo arimo ibihokane "pfw, psy na vw"

Ha abanyeshuri umwitozo wa **3** wo gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo ibihokane **pfw, psy** na **vw** ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **95**

Guhovwa yakapfakapfw zahovwe azakapfakapfw

Yakapfakapfw ikapfakapfw zihovwamo ntiyakapfakapfw

4. Umwitozo wo gusoma no kwandika interuro neza

Ha abanyeshuri umwitozo wo kwandika mu mukono no gusoma interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **95** umwitozo wa **4**.

- a) Inka yakapfakapfw ubwatsi.
- b) Ubuki ntibuhovwa mu mabuye.

5. Umwitozo wo gusoma no kumva agakuru

Ha abanyeshuri umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **96** umwitozo wa **5** wo gusoma no kumva agakuru "**Nayihaye amazi**".

- a) Baketse iki babonye inka yananiwe kurya ubwatsi? **Baketse ko yakapfakapfw n'indwara.**
- b) Ubuki bwavuzwe mu mwandiko buhovwa hehe? **Buhovwa mu ndabo.**
- c) Ni iki kerekana ko umwana uvugwa mu mwandiko yafashaga ababyeyi imirimo? **Ni uko yibwirije agaha inka amazi.**

6. Umwitozo wo kuzurisha ibihokane “pfw, pfy, vw” mu nteruro

Ha abanyeshuri umwitozo wo kuzurisha interuro ibihokane **mfw, mvv, na mvv** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **96** umwitozo wa **6**, bazandike mu mukono, banazisome

- Nyogokuru yakapfakapfw n’uburwayi.
- Indabo zihovvamo ubuki buryoshye.
- Imfizi yakapfakapfy ubwatsi ntiyaburya.



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana agakuru “**Nayihaye amazi**” kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **96**, umwitozo wa **5**, hanyuma basubize ibibazo byakabajijweho.

Icyumweru cya 12	Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 20 n’urwa 21 .

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru “**Inama nziza za sogokuru**” baheruka kwiga.

- Ni irihe somo iyi nkuru yagusigiye? **Isomo iyi nkuru yansigiye ni ukubahiriza inshingano zange no kubangubunga ubuzima ndya indyo yuzuye.**
- Ni irihe nama wagira abana banywa ibiyobyabwenge? **Nabagira inama yo kubireka kuko byangiza ubuzima kandi ntibitume umuntu atera imbere.**

Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kuzuza inshingano zabo bakora imirimo yoroheje yo mu rugo no ku ishuri.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho.

Soma umutwe w’inkuru “**Mfwati yisubiyeho**”.

Ereka abanyeshuri ishusho ijyanye n’inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho kuvugaho.

2. Inyunguramagambo:

Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, sobanurira abanyeshuri amagambo akurikira: **zahovyeye, agikubita amaso.**

Zahovyeye bisobanura **zataye ubuki ku giti cyangwa ku ndabo.**

Urugero: Inzuzi **zahovyeye** mu ndabo ziri mu busitani bwo kwishuri.

Agikubita amaso bisobanura **akibona.**

Urugero: Umunyeshuri yasakuzaga mu ishuri **agikubita amaso** umwarimu araceceka.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri inkuru “**Mfwati yisubiyeho**” mu ijwi riranguruye wubahiriza utwatuzo n’isesekaza. Mu gihe usoma genda ubereka amashusho. Ugeze ku magambo wasobanuye, babaze ibisobanuro byayo kimwe n’andi magambo akomeye atasobanuwe. Nyuma yo gusoma, baza abanyeshuri niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n’ibyo batahuye mbere.

4. Kumva inkuru

Ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye. Babaze ibibazo bikurikira ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.**

- Ni bande bavugwa mu nkuru? **Mu nkuru haravugwamo Mfwati, Semwishwa, Nyiramanywa, Mpyorero n’abavandimwe ba Mfwati.**
- Mfwati yasibye ishuri yagiye he? **Yagiye ku musozi wa Gahomvomvwa**

3. Ku bwawe ni izihe nshingano z'umwana? **Umwana afite inshingano zo kubaha ababyeyi, kubafasha imirimo ashoboye, kwiga, kugira isuku...**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, baza abanyeshuri ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Aho mutuye hari abana muzi basuzugura ababyeyi, bagira umwanda, basiba ishuri? Ni izihe nama wabagira? **Barahari, nabagira inama zo kureka ingeso mbi, bakuzuza inshingano zabo ndetse bakamenya ko bafite uburenganzira bwo kwiga, kuvuzwa no kurindwa imirimo ivunanye.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza abanyeshuri ibibazo by'isuzuma bikurikira, ongera ubasomere inkuru **"Mfwati yisubiyeho"** mu ijwi riranguruye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye

a) **Zahovyeye:** Inzuki **zahovyeye** mu ndabo zibereye ijisho.

b) **Agikubita amaso:** Kamana yagiye mu isomero **agikubita amaso** igitabo k'inkuru yihutira kugisoma.

2. Subiza ibibazo ku nkuru

a) Se amaze kumubaza aho yiriwe Mfwati yabigenje ate? **Yasabye se imbabazi.**

b) Ni iki ushima Mfwati? **Mfwati ndamushima ko yasabye imbabazi akisubiraho, akaba intangarugero muri byose**

c) Uturanye n'abana nka Mfwati wabagira iyihe nama? **. Nabagira inama yo kubaha ababyeyi babo bakuba ibyo babasaba. Nababwira ko gusiba ishuri ari bibi.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana inshingano n'uburenganzira by'abana, nibagaruka bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 12

Isomo rya 2: Gutahura no gusoma igihekanu **vy/Vy**

Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekanu **vy/Vy.**

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **97** n'urwa **98.**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo ibihekanu **pfw, pfy, vw** mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **95** igikorwa cya **3** n'icya **4.**

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Itahuramajwi

Gutahura ijwi rishya "vy/Vy" bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore,** ifashishije amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **97** igikorwa cya **1 (zahovyeye, yahaze, yarembye),** n'izindi mfashanyigisho zifatika mu gutahura igihekanu **vy.**

Bwira abanyeshuri kuvuga andi magambo arimo ijwi **vy.**

2. Ihuzamajwi

Kwerekana ikimenyetso k'igihokane "vy" kigizwe n'inyuguti nto n'igihokane "Vy" gitangiwe n'inyuguti nkuru uko bisomwa

Ifashishije igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **97,** igikorwa cya **2,** andika ku kibaho ikimenyetso k'igihokane **vy** kigizwe n'inyuguti nto n'ikimenyetso k'igihokane **Vy** gitangiwe n'inyuguti nkuru. Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore,** ereka abanyeshuri ikimenyetso k'igihokane **vy** kigizwe n'inyuguti nto n'uko gisomwa n'ikimenyetso k'igihokane **Vy** gitangiwe n'inyuguti nkuru n'uko gisomwa.

3. Gusoma

Gusoma imigemo irimo igihokane "vy/Vy"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma imigemo iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **97**, igikorwa cya **3**.

Kuri **Ndatanga urugero** igisha abanyeshuri gusoma umugemo **vye**.

Kuri **Dukorane twese** yobora abanyeshuri musomere hamwe imigemo **vye**.

Kuri **Buri wese akore** saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo imigemo **vye**.

Gusoma amagambo arimo igihokane "vy/Vy"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma amagambo ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **97**, igikorwa cya **4**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma ijamba **rwahovye**.

Kuri **Dukorane twese**, ereka abanyeshuri uko basoma amagambo **rwahovye, zahovye, rurahovye, zirahovye**.

Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri amagambo **zihovyemo, ntizihovye, zarahovye, rwahovyemo**.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye amagambo yose ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **97**, igikorwa cya **4**.

Gusoma interuro zirimo igihokane "vy/Vy"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **97**, igikorwa cya **5**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro **Inzuki zahovye zikora ubuki**.

Kuri **Dukorane twese**, yobora abanyeshuri musome interuro:

Inzuki zahovye zikora ubuki.

Uruyuki rwahovye rutaha mu muzinga.

Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri interuro

Inzuki zahovye zikora ubuki.

Uruyuki rwahovye rutaha mu muzinga.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye interuro zose ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **97**, igikorwa cya **5**.

4. Gusoma agakuru karimo igihokane "vy/Vy"

Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **99**.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** igisha abanyeshuri gusoma umutwe w'agakuru: **"Yaramutwaje"**.

Ereka abanyeshuri ishusho ijyanye n'agakuru, ubabaze ibyo babona, hanyuma batahure icyo agakuru kaza kuvugaho.

Inyunguramagambo: Gusoma amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, sobanurira abanyeshuri amagambo akurikira: **nyirasenge, amavumvu**

Nyirasenge bisobanura **mushiki wa so**.

Urugero: Gasaro araganira na **nyirasenge**.

Amavumvu bisobanura **indirimo z'abavumvu baririmba bari guhakura ubuki**.

Urugero: **Abavumvu** baririmbye amavumvu nimugoroba.

Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri gusoma agakuru **"Yaramutwaje"** mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isekekaza.

Kumva agakuru: Baza ibibazo byo kumva agakuru.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, yobora abanyeshuri gusubiza ibibazo byo kumva agakuru bikurikira:

1. Kuki Mariza yatwaje nyirasenge inkwi? **Ni uko zari zamunaniye.**

2. Ni iki umuvumvu bahuye yaririmbiraga inzuki? **Yaririmbiraga inzuki amavumvu.**

3. Ni iki wakwigira kuri Mariza? **Kugira ikinyabupfura, gufasha abafite intege nke.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma amagambo, interuro n'agakuru biri mu gitabo cy'umunyeshuri, igikorwa cya 4, icya 5 n'icya 6 ku rupapuro rwa 97 n'urwa 98. Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.
2. Baza ibibazo byo kumva agakuru:
 - a) Kubera iki Mariza yashimwe na nyirasenge? **Ni uko yamutwaje umuba w'inkwi akawumugereza mu rugo**
 - b) Mariza na nyirasenge bagenda mu nzira banyuze kuki? **Banyuze ku nzuki zahovyeye mu ndabo.**
 - c) Ni iki cyagushimishije muri aka gakuru? **Nashimishijwe n'uko Mariza yagize ikinyabupfura akatwaza nyirasenge umuba w'inkwi.**



Saba abanyeshuri kuza gusoma bihuta agakuru bize "Yaramutwaje" kari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 98 hanyuma bazagasomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 12	Isomo rya 3 : Gusoma no kwandika mu mukono igihekanе vy/Vy
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekanе vy/Vy.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 99

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekanе **vy** biri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 97 igikorwa cya 4 n'icya 5.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gusoma no kwandika mu mukono

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekanе "vy" kigizwe n'inyuguti nto

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekanе **vy** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 99, igikorwa cya 7. Soma mu ijwi riranguruye igihekanе wanditse.

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekanе "Vy" gitangiwe n'inyuguti nkuru.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekanе **Vy** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 99, igikorwa cya 7. Soma mu ijwi riranguruye igihekanе wanditse.

2. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo igihekanе "vy/Vy"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika amagambo **rwahovyeye, zahovyeye, rurahovyeye** mu mirongo y'inozamukono ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 99, igikorwa cya 8. Yobora abanyeshuri musome mu ijwi riranguruye amagambo mwanditse.

3. Gusoma no kwandika mu mukono interuro irimo igihekanе "vy/Vy"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika interuro **Inzuki zahovyeye mu bihwagari** mu mirongo y'inozamukono iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 99, igikorwa cya 9. Yobora abanyeshuri musome interuro mwanditse.

4. Kuzuzanya imigemo igize amagambo ari mu tuzu arimo igihekanе "vy"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese na Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko wuzuzanya imigemo igize amagambo ari mu tuzu arimo igihekanе **vy**, hanyuma uyandike unoza. Saba abanyeshuri kuzuzanya imigemo mu tuzu turi mu gitabo cyabo ku rupapuro 99 igikorwa cya 10.

Amagambo ni : **ntiyahovyeye, ntizahovyeyemo, ntruhovyeyemo, rurahovyeye**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri icyandikwa. Bwira abanyeshuri ko ugiye kuvuga inshuro eshatu amagambo atatu n'interuro bakabyandika mu mukono: **rwahovyeye, zahovyeye, rurahovyeye, inzuki z'intazi zahovyeye mu bihwagari.**



Bwira abanyeshuri kuza kwandika banoza mu mukono ijambo rimwe n'interuro imwe birimo igihekanane **vy/Vy** bazabisomere abandi mu ishuri.

Icyumweru cya 12	Isomo rya 4: Gutahura no gusoma igihekanane ryw/Ryw
Intego rusange: Gutahura no gusoma igihekanane ryw/Ryw .	Imfashanyigisho: Imfashanyigishio zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri, Igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 100

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

<p>I. ISUBIRAMO (Iminota 5)</p> <p>Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.</p> <p>Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo ibihekanane vy mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 97 igikorwa cya 8 n'icya 9.</p> <p>Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kwibwiriza gufasha abakuze imirimo bashoboye abakuze.</p>
<p>II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)</p> <p>1. Itahuramajwi</p> <p>Gutahura ijwi rishya "ryw/Ryw" bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho</p> <p>Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, ifashishije amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 100 igikorwa cya 1 (kuryaywa, guhekwa, guhembwa), n'izindi mfashanyigisho zifatika mu gutahura igihekanane ryw.</p> <p>Bwira abanyeshuri kuvuga andi magambo arimo ijwi ryw</p>
<p>2. Ihuzamajwi</p> <p>Kwerekana ikimenyetso k'igihakane "ryw" kigizwe n'inyuguti nto n'igihakane "Ryw" gitangiwe n'inyuguti nkuru uko bisomwa</p> <p>Ifashishije igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 100, igikorwa cya 2, andika ku kibaho ikimenyetso k'igihakane ryw kigizwe n'inyuguti nto n'ikimenyetso k'igihakane Ryw gitangiwe n'inyuguti nkuru.</p> <p>Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, ereka abanyeshuri ikimenyetso k'igihakane ryw kigizwe n'inyuguti nto n'uko gisomwa n'ikimenyetso k'igihakane Ryw gitangiwe n'inyuguti nkuru n'uko gisomwa.</p>
<p>3. Gusoma</p> <p>Gusoma imigemo irimo igihakane "ryw/Ryw"</p> <p>Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, igisha abanyeshuri uko basoma imigemo iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 100, igikorwa cya 3.</p> <p>Kuri Ndatanga urugero igisha abanyeshuri gusoma umugemo rywa.</p> <p>Kuri Dukorane twese yobora abanyeshuri musomere hamwe imigemo rywa, rywe.</p> <p>Kuri Buri wese akore saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo imigemo rywa, rywe.</p>
<p>Gusoma amagambo arimo igihakane "ryw/Ryw"</p> <p>Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, igisha abanyeshuri uko basoma amagambo ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 100, igikorwa cya 4.</p> <p>Kuri Ndatanga urugero, igisha abanyeshuri uko basoma ijambo kuryarywa.</p> <p>Kuri Dukorane twese, ereka abanyeshuri uko basoma amagambo kuryarywa, yaryarywe, ntikumaryarywe, azaryarywa.</p> <p>Kuri Kuri Buri wese akore, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri amagambo yaryarywe, ntakaryarywe, bararyarywa, iraryarywe.</p> <p>Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye amagambo yose ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 100, igikorwa cya 4.</p>

Gusoma interuro zirimo igihokane "ryw/Ryw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **100**, igikorwa cya **5**.

Kuri **Ndatanga urugero**, igisha abanyeshuri uko basoma interuro **Ntukaryarywe n'abajura**.

Kuri **Dukorane twese**, yobora abanyeshuri musome interuro:

Ntukaryarywe n'abajura.

Ntitugatume abandi baryarywa.

Kuri **Buri wese akore**, saba abanyeshuri gusomera mu matsinda ya babiribabiri interuro

Ntukaryarywe n'abajura.

Ntitugatume abandi baryarywa.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye interuro zose ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **100**, igikorwa cya **5**.

4. Gusoma agakuru karimo igihokane "ryw/Ryw"

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **101**.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** igisha abanyeshuri gusoma umutwe w'agakuru: "**Twararyarywe baratwiba**".

Ereka abanyeshuri ishusho ijyanye n'agakuru, ubabaze ibyo babona, hanyuma batahure icyo agakuru kaza kuvugaho.

Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, sobanurira abanyeshuri amagambo akurikira: **Twararyarywe, baraducucuye**

Twararyarywe bisobanura **Twarabeshywe**.

Urugero: **Twararyarywe** dukora amakosa.

Baraducucuye bisobanura **batwibye ibintu byose**.

Urugero: Mu cyumweru gishize abajura **baraducucuye**.

Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, igisha abanyeshuri gusoma agakuru "**Twararyarywe baratwiba**" mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isekekaza.

Kumva agakuru: Baza ibibazo byo kumva agakuru

Mbere yo kubaza ibibazo byo kumva agakuru, genzura niba ibyo abanyeshuri batahuye biri mu gakuru.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, yobora abanyeshuri gusubiza ibibazo byo kumva agakuru bikurikira:

1. Abana baryarywe na ba nde? **Bararywe n'abajura.**
2. Nyina yabasobanuriye ko inzuki zabagira gute? **Yabasobanuriye ko inzuki zahovye ubuki zishobora kubadwinda.**
3. Wakwirinda ute abagushuka? **Nanga ko banjyana aho iwacu batazi, nanga impano bampaye.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma amagambo, interuro n'agakuru biri mu gitabo cy'umunyeshuri, igikorwa cya **4**, icya **5** n'icya **6** ku rupapuro rwa **100** n'urwa **101**. Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.

2. Baza ibibazo byo kumva agakuru.

- a) Kuki abana batongeye guta urugo? **Ni uko nyina yabasobanuriye ko atari byiza guta urugo ukajya kuzerera.**
- b) Babibye mama wabo yagiye he? **Yari yagiye guhaha.**
- c) Ni iyihe nama wagira aba bana? **Nabagira inama yo kiwita ku nshingano zabo kandi bakirinda uburangare.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusoma bihuta agakuru bize "**Twararyarywe baratwiba**" kari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **101** hanyuma bazagasomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 12:	Isomo rya 5 : Gusoma no kwandika mu mukono igihekane ryw/Ryw
Intego rusange: Gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekane ryw/Ryw .	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 102 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **ryw** mu magambo ari mu gitabo cyabo ku rupapuro **rwa 100** igikorwa **cya 4 n'icya 5**. Ibutsa abanyeshuri kwirinda uburangare igihe cyose bari gukora imirimo inyuranye.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gusoma no kwandika mu mukono igihekane "ryw"

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekane "ryw" kigizwe n'inyuguti nto

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekane **ryw** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **102**, igikorwa cya **7**. Soma mu ijwi riranguruye igihekane wanditse.

Kwimenyereza gusoma no kwandika mu mukono igihekane "Ryw" gitangiwe n'inyuguti nkuru

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika igihekane **Ryw** mu mirongo y'inozamukono kiri mu bitabo byabo ku rupapuro **rwa 102**, igikorwa cya **7**. Soma mu ijwi riranguruye igihekane wanditse.

2. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo igihekane "ryw/Ryw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika amagambo **kuryarywa, yaryarywe, ntimukaryarywe** mu mirongo y'inozamukono ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **102**, igikorwa cya **8**. Yobora abanyeshuri musome mu ijwi riranguruye amagambo mwanditse.

3. Gusoma no kwandika mu mukono interuro irimo igihekane "ryw/Ryw"

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko bandika interuro **Kuryarywa bikoresha abantu amakosa**. mu mirongo y'inozamukono iri mu bitabo byabo ku rupapuro **rwa 102**, igikorwa cya **9**. Yobora abanyeshuri musome mu ijwi riranguruye interuro mwanditse.

4. Kugaragaza imigemo igize amagambo no guca akarongo ku gihekane ryw

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese na Buri wese akore**, ereka abanyeshuri uko ugaragaza imigemo mu ijamba, hanyuma uce akarongo ku gihekane **ryw**. Saba abanyeshuri gukora imigemo ikurikira y'amagambo ari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **102** igikorwa cya **10**. Imigemo ni **ya – rya - rywe**: Ca akarongo ku gihekane **ryw** : **ya – rya - rywe**, nyuma urisomere abanyeshuri

Amagambo ni : **bararyarywa: ba – ra – rya –rywa**

Ntimuzaryarywe: nti – mu –za – rya –rywe

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri icyandikwa. Bwira abanyeshuri ko ugiye kuvuga inshuro eshatu amagambo atatu n'interuro bakabyandika mu mukono: **kuryarywa, yaryarywe, ntimukaryarywe, kuryarywa bikoresha abantu amakosa**.



Umukoro

Bwira abanyeshuri kuza kwandika banoza mu mukono ijamba rimwe n'interuro imwe birimo igihekane **ryw/Ryw** bazabisomere abandi mu ishuri.

ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA GATATU

Icyumweru cya 12

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusoma atajijinganya, atagemura amagambo n'interuro birimo ibihokane byizwe.
- Ubushobozi bwo kwandika nta kosa amagambo n'interuro birimo ibihokane byizwe.
- Ubushobozi bwo gutahura igitekerezo gikubiye mu twandiko yasomye cyangwa yasomewe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro. Saba abanyeshuri bamwe gusomera abandi amagambo n'interuri banditse

ISUZUMA (Iminota 35)

Isomo rya 6: Imyitoto yo gusoma

Uko bikorwa:

Umwitoto wo gutahura no gusoma

Uko bikorwa:

1. Umwitoto wo guhuza amashusho n'ibihokane

Ha abanyeshuri umwitoto wo guhuza amashusho n'ibihokane uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **103**, umwitoto wa **1**.

2. Umwitoto wo gusoma amagambo, imigemo, amagambo n'interuro

Ha abanyeshuri gukora imyitoto yo gusoma imigemo, amagambo n'interuro birimo ibihokane **mfw/Mfw, mvy/Mvy, mvyw/Mvyw, pfw/Pfw, pfy/Pfy** na **vw/Vw** iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **103**, umwitoto wa **2** uwa **3** n'uwa **4**.

Isomo rya 7: Imyitoto yo kwandika

1. Umwitoto wo gusoma no kumva agakuru

Uko bikorwa:

Ha abanyeshuri umwitoto wo gusoma agakuru "Mfwati yikozeho" kari mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **104**, umwitoto wa **5** hanyuma basubize ibibazo byo kumva agakuru.

- Ni iki nyina wa Mfwati yamutozaga? **Yamutozaga kujya yitondera byakwangiza ubuzima bwe.**
- Kubera iki ibyo Mfwati yariye byamuteye indwara? **Ni uko bitari bifite ubuziranenge.**
- Kuki tugomba kurya ibiribwa byujuje ubuziranenge? **Kugirango bitadutera indwara.**

2. Umwitoto wo kwitegereza amashusho bakandika interuro bijyanye

Ha abanyeshuri umwitoto uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **105** umwitoto wa **6** wo gusoma interuro bakazihuza n'amashusho bijyanye.

Isomo rya 8: Imyitoto nzamurabushobozi na nyagurabushobozi

Imyitoto yo kwandika

Uko bikorwa:

Ha abanyeshuri umwitoto wo gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo ibihokane **mfw/Mfw, mvy/Mvy, mvyw/Mvyw, pfw/Pfw, pfy/Pfy, vw/Vw** uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **105** umwitoto wa **7** n'uwa **8**.

Ha abanyeshuri umwitoto wo kuzurisha ibihokane **mfw/Mfw, mvy/Mvy, mvyw/Mvyw, pfw/Pfw, pfy/Pfy, vw/Vw** bakore amagambo bayandike mu mukono. Igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **105** umwitoto wa **9**.

- Imfwati** itera ingemwe z'ibiti neza.
- Yahomvom**vy**e cyane sinamwumva.
- Yakoze amakosa ahomvom**vy**wa na yo.
- Inka yakapfakap**fy**e ubwatsi.
- Indabo zikunda guhov**w**wamo ubuki.
- Yakapfakap**fw**e n'uburwayi.

UMUTWE WA 4: INYAMASWA ZO KU GASOZI

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gusesengura imyandiko ijyanye n'insanganyamatsiko ku nyamaswa zo ku gasozi.
- Gusesengura no gutandukanya interuro mbonezamvugo na nyobyamvugo no gukoresha neza utwatuzo dukunze gukoreshwa cyane mu nteruro.

Ingingo nsanganyamasomo zizavugwaho:

- Umwarimu ahereye ku mashusho, imyandiko, inkuru n'udukuru biri muri uyu mutwe arasobanurira abanyeshuri ibijyanye no **kubungabunga ibidukikije, umuco w'amahoro n'uburinganire n'ubwuzuzanye.**

Icyumweru cya 13

Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru

Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa **22 n'urwa 23**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwankiko baheruka kwiga **"Mfwati yikozeho"**

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni "Mfwati yikozeho"**
2. Uwo mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga ku mwana Mfwati wariye ibidafite ubuziranenge.**
3. Ni irihe somo uwo mwandiko wagusigiye? **Wansigiye isomo ryo kujya nitondera ibiribwa byakwangiza ubuzima bwange.**

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru: **"Kanyana muri pariki"**

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru

Bwira abanyeshuri ko ugiye kubasomera inkuru **"Kanyana muri pariki"**, ko bari bwumvemo amagambo: **pariki, mukerarugendo.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **pariki**. Baza abanyeshuri niba bazi igisobanuro k'ijambo pariki. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo pariki. **Pariki** bisobanura **ahantu hagenewe kuba inyamaswa zo mu gasozi**. Koresha ijambo **pariki** mu nteruro. **Urugero:** Muri **pariki** ya Nyungwe habamo inkende nyinshi.



Dukorane twese

Yobara abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **pariki** n'igisobanuro cyaryo munavugire hamwe interuro **Muri pariki ya Nyungwe habamo inkende nyinshi.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **pariki** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **pariki**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **pariki**, bukoreshwe no mu gusobanura ijambo **mukerarugendo.**

Mukerarugendo bisobanura **umuntu ukunda gusura ibyiza nyaburanga.**

Urugero: Ba **mukerarugendo** binjiza amadovize.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo kandi n'irindi jambo rikomeye risobanure mu buryo bwihuse. Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri maze ubabaze niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva no gusesengura inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Ni iyihe pariki Kanyana na Nyina basuye?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu nkuru: **Basuye Pariki y'Akagera.**



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Baza ikibazo cya kabiri. **Ni izihe nyamaswa Kanyana yabonye muri pariki?**

Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Yabonye ibitera, intare, impara, imparage, inzovu na twiga.**



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikiraho. **Ni akahe kamaro k'inyamaswa kavugwa mu nkuru?**

Bwira buri munyeshuri akorane na mugenzi we basubize icyo kibazo. Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri bose gusubiramo igisubizo kiri cyo: **Zinjiza amafaranga Igihugu kikayakoresha cyubaka ibikorwa remezo.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Uretse inyamaswa zo mu gasozi mwumvise mu nkuru izindi zo mu gasozi muzi ni izihe? **Intare, inguge, ingwe, inyemera, impyisi...**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye

Pariki: Mu biruhuko tuzasura **Pariki y'Akagera.**

Mukerarugendo: Nabonye ba **mukerarugendo** mu modoka.

2. Subiza ibibazo ku nkuru

a) Kanyana na nyina babonye iki bagitangira kwinjira muri pariki? **Bagitangira kwinjira Pariki babonye ibitera birimo gusimbuka mu biti.**

b) Sobanura ibyiza n'ibibi waba uzi ku nyamaswa ziba muri pariki? **Ibyiza ni uko inyamaswa ziba mu gasozi zikurura ba mukerarugendo bakinjiza amafaranga menshi. Ibibi ni uko zimwe ziryana.**

c) Ni gute wabungabunga inyamaswa zo ku gasozi? **Nakwirinda kuzikubaganira.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru **"Kanyana muri pariki"**, baganire na bo ibyo bashimye muri iyo nkuru hanyuma bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 13	Isomo rya 2: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo
Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 106 n'uwa 107

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kumva **"Kanyana muri pariki"**

1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kumva? **Inkuru duheruka kumva ni "Kanyana muri pariki"**.
2. Ni izihe nyamaswa Kanyana yabonye muri pariki? **Yabonye ibitera, inguge, intare, imparage, twiga n'izindi.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubafashe kubinoza. Ibutsa abanyeshuri ko ari ngombwa kubungabunga ubuzima bw'inyamaswa zo mu gasozi.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **"Tuzibungabungire ubuzima"** uri mu bitabo byabo urupapuro rwa **106**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko **"Tuzibungabungire ubuzima"** wubahiriza utwatumaze n'isesekaza.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **"Tuzibungabungire ubuzima"** mwubahiriza utwatumaze n'isesekaza.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'umwandiko, bubahiriza utwatumaze n'isesekaza.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona. Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **"Tuzibungabungire ubuzima"** bari bwumvemo amagambo: **mu byanya, ibikorwa remezo, kuzishimuta, kuzibungabungira.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **mu byanya**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **mu byanya**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **mu byanya**. **Mu byanya** bisobanura **ahantu hagari hagenewe kuba inyamaswa**. Koresha ijambo **mu byanya** mu nteruro.

Urugero: Mu Rwanda inyamaswa ziba **mu byanya** bitandukanye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **mu byanya** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro : **Mu Rwanda inyamaswa ziba mu byanya bitandukanye.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **mu byanya** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **mu byanya**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **mu byanya**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **ibikorwa remezo, kuzishimuta, kuzibungabungira.**

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko **“Tuzibungabungire ubuzima”** bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

4. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko **“Tuzibungabungire ubuzima”** mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Tuzibungabungire ubuzima”**, mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye.
2. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **107** igikorwa cya **2**, wo guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo bakoresheje akambi.

Ibisubizo

- 1) Ibikorwa remezo : **Ibikorwa rusange bifitiye abaturage akamaro**
- 2) Kuzishimuta : **Kuzihiga mu buryo butemewe**
- 3) Ibyanya : **Ahantu hagari hagenewe kuba inyamaswa**
- 4) Kuzibungabunga : **Kuzirinda**



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko **“Tuzibungabungire ubuzima”** bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 13	Isomo rya 3: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 107

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga **“Tuzibungabungire ubuzima”**.

- a) Ni inde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Duheruka kwiga umwandiko “Tuzibungabungire ubuzima”**.
- b) Uwo mwandiko wavugaga kuki? **Wavugaga ku kamaro k'inyamaswa zo ku gasozi.**

Akira ibisubizo by' abanyeshuri ubibutse ko inyamaswa na zo ziri mu bidukikije, ko ari ngombwa kuzibungabunga.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Gusoma umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye kongera gusoma umwandiko **“Tuzibungabungire ubuzima”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **106**.

1. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **106**. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko **“Tuzibungabungire ubuzima”** by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Tuzibungabungire ubuzima”**, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Kubera iki u Rwanda barwita Igihugu k’Imisozi Igihumbi?** Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wakibonye. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Ni ukubera ubwinshi bw’imisozi y’u Rwanda.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni ibihe byiciro bashyiramo inyamaswa zo mu gasozi hakurikijwe ibyo zirya?**

Somera hamwe n’abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo kiri cyo. **Bazishyize mu byiciro by’indyanama n’indyabyatsi.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ku kigi cyabo ikibazo cya gatatu. **Tanga ingero nibura eshatu z’inyamaswa zavuzwe zikunda gusurwa cyane.**

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ukinoze. Saba abanyeshuri bese gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Harimo ingagi, inkende, inzovu, imparage n’imbogo.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n’ubuzima busanzwe.

Urugero rw’ikibazo n’igisubizo:

Wumva inyamaswa zo mu gasozi zimariye iki Igihugu cyacu? **Iyo ba mukerarugendo bazisuye bishyura amafaranga yubaka Igihugu.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by’isuzuma, saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko wose mu ijwi riranguruye.

Subiza ibibazo ku mwandiko

1. U Rwanda ni Igihugu gihereye he muri Afurika? **U Rwanda ruherereye muri Afurika yo hagati.**
2. Ubonye umuntu uhungabanya ubuzima bw’inyamaswa wamugira iyihe nama? **Namugira inama yo kubireka ahubwo akarushaho kuzirinda no kuzibungabunga.**
3. Urumva abasura inyamaswa bagira uruhare mu iterambere ry’Igihugu bate? **Bishyura amafaranga Igihugu kikubaka imihanda, amashuri, amavuriro...**



Umukoro

Saba abanyeshuri gukora umukoro wo kwandika uri mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **109**.

Icyumweru cya 13	Isoma rya 4: Utwatuzo: "Akabago"
Intego z'isomo: Gukoresha neza akabago	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 108 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse kwiga: **"Tuzibungabungire ubuzima."**

1. Kubera iki u Rwanda barwita Igihugu k'Imisozi Igihumbi? **Ni ukubera ko rufite imisozi myinshi.**
2. Ni izihe nyamaswa twabonye zikunda gusurwa? **Ni ingagi, inkende, inzovu, imparage, imbogo n'izindi**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko inyamaswa zifitiye igihugu akamaro bityo zikwiye kubungabungwa.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura "akabago" mu nteruro n'aho gakoreshwa

Andika ku kibaho interuro fatizo ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **108**.

a) Hari inyamaswa ziba mu byanya byabugenewe.

b) Inyamaswa ni ibyiza bitatse u Rwanda.

Saba abanyeshuri kuzitegereza hanyuma ubasabe kwerekana akamenyetso kakoreshejwemo katari inyuguti. Sobanurira abanyeshuri ko ako kamenyetso ari akatuzo.

Bwira abanyeshuri ko utwatuzo dukoreshwa mu nteruro kugira ngo uzisoma abashe gusoma neza.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Soma interuro ya mbere wubahiriza akatuzo kayikoreshejwemo. **Hari inyamaswa ziba mu byanya byabugenewe.** Baza abanyeshuri izina ry' akatuzo kakoreshejwe muri iyo nteruro n'aho kakoreshejwe. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ubafashe kubinoza. Koza urutoki ku kabago ubasobanurire ko **(.)** aka kamenyetso kitwa **akabago** kakaba ari akatuzo gakoreshwa ku mpera y'interuro ifite icyo ivuga. Ijambo rigakurikira rigomba gutangizwa inyuguti nkuru.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe interuro **Hari inyamaswa ziba mu byanya byabugenewe.** mugaragaze akabago mu nteruro n'aho kakoreshejwe. Yobora abanyeshuri musubiremo izina ry'akatuzo kakoreshejwe n'aho gakoreshwa.

(.) Aka kamenyetso kitwa **akabago**. Ni akatuzo gakoreshwa iyo basozwa interuro ifite icyo ivuga. Ijambo rigakurikira rigomba gutangizwa inyuguti nkuru.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri. Basabe gusoma interuro ya kabiri **Inyamaswa ni ibyiza bitatse u Rwanda.** aho yanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **108 (b)**, hanyuma buri wese yereke mugenzi we **akabago** agakozaho urutoki, anamubwire n'aho gakoreshwa.

Saba abanyeshuri bose kongera gusoma interuro **Inyamaswa ni ibyiza bitatse u Rwanda.** bubahiriza **akabago** kayikoreshejwemo hanyuma banasubiremo ko akabago **(.)** ari akatuzo gakoreshwa iyo basozwa interuro ifite icyo ivuga. Ijambo rigakurikira rigomba gutangizwa inyuguti nkuru.

2. Imyitozo ku mikoreshereze y'akabago

Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, yobora abanyeshuri mukore umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **108 (a)** wo gukoresha akabago mu gakuru no gushyira inyuguti nkuru aho bikwiye.

Igisubizo:

Intare ni umwami w'ishyamba. Ni yo iyobora izindi nyamaswa. Ni indyanyama kuko itunzwe no kurya izindi nyamaswa.

Ukoresheje na none uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, yobora abanyeshuri mukore umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **108 (b)** wo gukora interuro ebyiri zikoreshejwemo akabago.

Urugero rw'interuro

1. Dukunda gusoma ibitabo.
2. Twiga ikinyarwanda.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Saba buri munyeshuri ku giti ke gushyira akabago mu nteruro zikurikira hanyuma azisome.

- a) Abantu bakunda gusoma inyamaswa.
- b) Abasura inyamaswa bitwa ba mukerarugendo.

Kosora abanyeshuri ushime ababikora neza, ufashe n'abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana akatuzo bize n'aho gakoreshwa hanyuma azanabibwire bagenzi be mu ishuri.

Icyumweru cya 13	Isomo rya 5: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusoma , kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 110 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga.

- a) Ni inde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni "Tuzibungabungire ubuzima"**.
- b) Uwo mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga ku nyamaswa zo mu gasozi.**
- c) Ni iyihe nshingano dufite ku bijyanye n'inyamaswa zo mu gasozi? **Dufite inshingano yo kuzirinda no kuzibungabungira ubuzima.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko twese dufite inshingano yo kurinda inyamaswa no kuzibungabungira ubuzima

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **"Gugu n'inkende"** uri mu bitabo byabo urupapuro rwa **110**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **xx**, bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko **"Gugu n'inkende"** wubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.




Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **"Gugu n'inkende"** mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'umwandiko **"Gugu n'inkende"**, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.
Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona.
Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

<p>2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko “Gugu n’inkende” bari bwumvemo amagambo: abadukana, kuyisagarira, kizira, amajyambere.</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Vuga ijambo abadukana. Baza abanyeshuri igisobanuro k’ijambo abadukana. Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, noza igisobanuro k’ijambo abadukana. Abadukana bisobanura ahagurukana. Koresha ijambo abadukana mu nteruro.</p> <p>Urugero: Kamana yabonye inkende zona abadukana inkoni ziriruka.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo abadukana n’igisobanuro cyaryo hanyuma munasubiremo interuro : Kamana yabonye inkende zona abadukana inkoni ziriruka.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo abadukana n’igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo abadukana. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.</p>
<p>Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo abadukana, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo kuyisagarira, kizira, amajyambere.</p>	
<p>3. Gusoma umwandiko Gusoma umwandiko bucece</p> <p>Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece “Gugu n’inkende” hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.</p>	
<p>Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko “Gugu n’inkende” mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko “Gugu n’inkende”, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.</p>
<p>4. Kumva no gusesengura umwandiko</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. Gugu yakoraga iki muni y’igiti? Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: Yacurangaga gitari.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. Gugu yabigenje ate abonye inkende? Somera hamwe n’abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo kiri cyo. Yabadukanye ibuye ayirukaho.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. Gugu yirukankana inkende yumvise ijwi rya nde? Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. Yumvise ijwi rya se.</p>

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero :

Amafaranga abasura pariki bishyura wumva amarira iki abaturage? **Akoreshwa mu bikorwa remezo bityo abaturage bagatera imbere.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatozo n'isesekaza rikwiye.
2. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **111** igikorwa cya **2**, wo guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo bakoresheje akambi.

Ibisubizo

- 1) Amajyambere: **Iterambere**
- 2) Abaduka: **Ahaguruka bwangu.**
- 3) Kuyisagarira: **Kuyibuza amahoro**
- 4) Kizira: **Bibujijwe**

3. Subiza ibibazo ku mwandiko

- a) Gugu yashakaga gusagarira iki? **Yashakaga gusagarira inkende.**
- b) Uratekereza ko Gugu yari atangajwe n'iki? **Gugu yari atangajwe no kubona se arengera inkende.**
- c) Ni kuki tugomba kubungabunga ubuzima bw'inyamaswa? **Ni uko zifitiye igihugu n'abagituye akamaro.**



Saba abanyeshuri kuza gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **112** wo kwandika interuro eshatu zijyanye n'amashusho atatu ahari.

Icyumweru cya 13	Isoma rya 6: Utwatozo "Akabazo"
Intego z'isomo: Gukoresha neza utwatozo dukunze gukoreshwa mu nteruro.	Imfashanyigisho: igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 112 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse kwiga: **"Gugu n'inkende"**.

1. Gugu yateye iki inkende? **Yayiteye amabuye.**
2. Se wa Gugu yamugiriye iyihe nama? **Yamugiriye inama yo kudasagarira inyamaswa.**
3. Gugu yarahiriyeye kutazongera gukora iki? **Yarahiriyeye kutazongera gusagarira inkende n'izindi nyamaswa.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko atari byiza gusagarira inyamaswa.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura akabazo mu nteruro n'aho gakoreshwa

Andika ku kibaho interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **112**.

- a) Gugu yabigenje ate abonye inkende?

b) Kuki tugomba kwita ku nyamaswa?

Saba abanyeshuri kuzitegereza hanyuma ubasabe kwerekana akamenyetso kakoreshejwemo katari inyuguti. Sobanurira abanyeshuri ko ako kamenyetso ari akatuzo.

Bwira abanyeshuri ko utwatuzo dukoreshwa mu nteruro kugira ngo uzisoma abashe gusoma neza.



Ndatanga urugero

Soma interuro ya mbere. **Gugu yabigenje ate abonye inkende ?** Baza abanyeshuri kwerekana akatuzo kakoreshejwe muri iyo nteruro, aho kakoreshejwe n'uko kitwa. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ubafashe kubinoza. Koza urutoki ku kabazo ubasobanurire ko (?) aka kamenyetso kitwa **akabazo** kakaba ari akatuzo gakoreshwa ku mpera y'interuro iyo babaza ikibazo. Ijambo rigakurikira rigomba gutangizwa inyuguti nkuru.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe interuro **Gugu yabigenje ate abonye inkende?** mugaragaze akabazo mu nteruro n'aho kakoreshejwe. Yobora abanyeshuri musubiremo izina ry'akatuzo kakoreshejwe n'aho gakoreshwa. (?) Aka kamenyetso kitwa **akabazo**. Ni akatuzo gakoreshwa iyo babaza ikibazo. Ijambo rigakurikira rigomba gutangizwa inyuguti nkuru.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri. Basabe gusoma interuro ya kabiri **kuki tugomba kwita ku nyamaswa ?** aho yanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **112 (c)**, hanyuma buri wese yereke mugenzi we **akabazo** agakozaho urutoki, anamubwire n'aho gakoreshwa.

Saba abanyeshuri bose kongera gusoma interuro **Kuki tugomba kwita ku nyamaswa?** bubahiriza **akabazo** kayikoreshejwemo hanyuma banasubiremo ko akabazo (?) ari akatuzo gakoreshwa iyo babaza ikibazo. Ijambo rigakurikira rigomba gutangizwa inyuguti nkuru.

2. Imyitozo ku mikoreshereze y'akabazo n'akabazo

Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, yobora abanyeshuri mukore umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **112 (A)** wo gushyira utwatuzo dukwiye mu nteruro bahawe.

Ibisubizo

- Ukunda izihe nyamaswa zo muri pariki?
- Imvubu ziba mu mazi no ku butaka.
- Amafi n'ingona biba he?
- Kuki tugomba kwamagana ba Rushimusi?

Ukoresheje na none uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, yobora abanyeshuri mukore umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **112 (B)** wo gukora interuro ebyiri zikoreshejwemo akabazo.

Urugero rw'interuro

- Uzajya muri pariki kureba inyamaswa ryari?
- Ni bangaha bagiye muri pariki?

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Saba buri munyeshuri ku giti ke gushyira akabazo mu nteruro zikurikira hanyuma azisome.

- Kubera iki ari ngombwa kubungabunga inyamaswa?
- Ni bande bashinzwe kurinda inyamaswa?



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana akatuzo bize n'imikoreshereze yako, bazanabibwire bagenzi babo mu ishuri

Icyumweru cya 13	Isomo rya 7: Imyitoto yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.
Intego rusange: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 113

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO(iminota 35)

Kuri buri mwitoto, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitoto ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitoto, tegurira abanyeshuri indi myitoto wihitoyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitoto wo gusoma umwandiko "Amatsiko ya Kanyana"

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubahe umwitoto wo gusoma umwandiko "Amatsiko ya Kanyana" uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **113**, umwitoto wa **1**.

2. Umwitoto w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitoto wa **2** uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **114** wo kuzurisha interuro amagambo bahawe .

Ibisubizo:

- a) **Mukerarugendo** yasuye Pariki y'Ibirunga.
- b) Amahembe y'inzovu bayakoramo **imitako**.
- c) Inyamaswa zinjiriza igihugu **amadovize** menshi.
- d) Abanyamahanga baba bafite **amatsiko** yo kubona ingagi.

3. Umwitoto wo kumva umwandiko "Amatsiko ya Kanyana »

Ha abanyeshuri umwitoto wa **3** wo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko "Amatsiko ya Kanyana" uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **114**

Gusubiza byo kumva mwandiko:

1. Ni iki Kanyana yibazaga? **Yibazaga niba inyamaswa zo mu gasozi zifite akamaro.**
2. Ni nde wamaze Kanyana amatsiko? **Ni se.**
3. Inyamaswa zo mu gasozi zifite akahe kamaro? **Iyo ba mukerarugendo bazisuye zinjiriza igihugu amadovize.**

4. Umwitoto wo gusesengura umwandiko "Amatsiko ya Kanyana"

Ha abanyeshuri umwitoto wa **4** wo gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko "Amatsiko ya Kanyana" uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **114**.

Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko:

- a) Ni iki kigaragaza ko Kanyana yagiraga amatsiko cyane? **Ni uko yakundaga kwibaza ibibazo byinshi.**
- b) Vuga nibura izindi nyamaswa ebyiri zo mu gasozi zitavuzwe mu mwandiko. **Isatura, urusamagwe, ingwe, impyisi...**
- c) Ni ubuhe buryo wakoresha ngo ubungabunge inyamaswa zo ku gasozi? **Kwamagana ba Rutwitsi na ba Rushimusi, kubungabunga ibidukikije...**




Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gukora umwitoto wo kwandika uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **115** ikibazo cya **1**.

Icyumweru cya 13	Isoma rya 8: Imyitozo isoza icyumweru
Intego z'isomo: Gukoresha neza akabago n'akabazo mu nteruro	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 114.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)	
Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.	
II. IMYITOZO (Iminota 35)	
Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.	
Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.	
Umwitozo wo gukoresha utwatumye dukwiye mu nteruro	
Ha abanyeshuri umwitozo wo gukoresha akabago cyangwa akabazo mu nteruro uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 114	
a) Kuki twiga idakenera kwisumbukuruza iyo irisha hejuru mu biti ?	
b) Ingwe ni indyanyama kuko irya izindi nyamaswa.	
c) Ese wowe wari wabona intare? Nge narayibonye.	
c) Ni gute twabungabunga inyamaswa zo mu gasozi?	
	Saba abanyeshuri kuzakora umukoro wo kwandika uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 115 ikibazo cya 2.
<i>Umukoro</i>	

Icyumweru cya 14	Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 24 n'urwa 25.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)	
Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.	
Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga "Amatsiko ya Kanyana"	
a) Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni "Amatsiko ya Kanyana"	
b) Uyu mwandiko wavugaga ku ki? Wavugaga ku kamaro k'inyamaswa zo mu gasozi.	
Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko inyamaswa zo mu gasozi zifite akamaro kanini mu guteza imbere igihugu.	
ISOMO RISHYA (Iminota 25)	
1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho	
Soma umutwe w'inkuru: "Twasobanukiwe inyamaswa zo mu gasozi"	
Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.	
Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.	

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru Bwira abanyeshuri ko ugiye kubasomera inkuru **“Twasobanukiwe inyamaswa zo mu gasozi”**, ko bari bwumvemo amagambo: **indyanyama, indyabyatsi.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **indyanyama**. Baza abanyeshuri niba bazi igisobanuro k'ijambo **indyanyama**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **indyanyama**.

Indyanyama bisobanura **inyamaswa zitungwa no kurya inyama.**

Koresha ijambo **indyanyama** mu nteruro.

Urugero: Impyisi ni **indyanyama**.



Dukorane twese

Yobara abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **indyanyama** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Impyisi na yo ni indyanyama.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **indyanyama** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **indyanyama**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **indyanyama**, bukoreshwe no mu gusobanura ijambo **indyabyatsi**.

Indyabyatsi bisobanura **inyamaswa zitungwa no kurya ibyatsi.**

Urugero: Inzovu, imparage ni **indyabyatsi**.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo kandi n'irindi jambo rikomeye risobanure mu buryo bwihuse. Ongerera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri maze ubabaze niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva no gusesengura inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Inyamaswa zavuzwe mu nkuru ziba he?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu nkuru: **Ziba mu mashyamba no mu mazi.**



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Baza ikibazo cya kabiri. **Vuga inyamaswa z'indyanyama zavuzwe mu nkuru?**

Yobara abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Ni intare.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri. Baza ikibazo gikurikiraho. **Ni ikihe kibazo gikomeye imparage zihura na cyo?**

Bwira buri munyeshuri akorane na mugenzi we basubize icyo kibazo. Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye.

Saba abanyeshuri bose gusubiramo igisubizo kiri cyo: **Zihigwa n'intare n'izindi nyamaswa z'inkazi.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Vuga izindi nyamaswa z'indyabyatsi uzi zitavuzwe mu nkuru? **Ni impongo, imbogo, isha...**

II. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye

Indyanyama: Intare ni indyanyama.

Indyabyatsi: Imbogo, twiga n'imvubu ni indyabyatsi.

2. Subiza ibibazo ku nkuru

a) Ni izihe nyamaswa zikunze kwibera muri Pariki y'Ibirunga? **Ni ingagi.**

b) Ni akahe kamaro k'amadovize yinjizwa na ba mukerarugendo? **Ayo madovize agira akamaro cyane mu kubaka imihanda, amashuri, amavuriro,...**

c) Iyi nkuru ikwigishije iki? **Inyigishije aho inyamaswa ziba n'ibyo zirya.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru **"Twasobanukiwe inyamaswa zo mu gasozi"**, baganire na bo ibyo bashimye muri iyo nkuru hanyuma bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 14

Isomo rya 2: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo.

Imfashanyigisho: : Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **116** n'urwa **117**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kwiga **"Twasobanukiwe inyamaswa zo mu gasozi"**

1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kwiga? **Duheruka kwiga umwandiko "Twasobanukiwe inyamaswa zo mu gasozi".**

2. Ni irihe somo wakuye muri iyo nkuru? **Namenye aho inyamaswa zo mu gasozi ziba n'ibyo zirya.**

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **"Urusaku rw'inyamaswa"** uri mu bitabo byabo urupapuro rwa **116**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko **"Urusaku rw'inyamaswa"** wubahiriza utwatuzo n'isesekaza.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **"Urusaku rw'inyamaswa"** mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'umwandiko **"Urusaku rw'inyamaswa"**, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona. Abanyeshuri bashingiyeye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **“Urusaku rw’inyamaswa”** bari bwumvemo amagambo: **imbamutima, inturo , imbwebwe , umujinya.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **imbamutima**. Baza abanyeshuri igisobanuro k’ijambo **imbamutima**. Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, noza igisobanuro k’ijambo **imbamutima**. **Imbamutima** bisobanura **uko umuntu yiyumva mu mutima**. Koresha ijambo **imbamutima** mu nteruro.

Urugero: Abantu ntibakunda kugaragaza **imbamutima** zabo.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **imbamutima** n’igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Abantu ntibakunda kugaragaza imbamutima zabo.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **imbamutima** n’igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **imbamutima**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **imbamutima**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **inturo, imbwebwe, umujinya.**

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko **“Urusaku rw’inyamaswa”** bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko **“Urusaku rw’inyamaswa”** mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Urusaku rw’inyamaswa”**, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma umwumwe umwandiko **“Urusaku rw’inyamaswa”** mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye.
2. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasebe gukora umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **117** igikorwa cya **2**, wo guhuza amagambo n’ibisobanuro byayo bakoresheje akambi.

Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora uwo mwitozo ufasha abafite ibibazo byihariye.

Ibisubizo:

Ijambo	Igisobanuro
1) Inturo	a) Ibyiyumviro.
2) Imbamutima	b) Imbwa y’ishyamba.
3) Imbwebwe	c) Injangwe yo mu gasozi.
4) Umujinya	d) Uburakari.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko **“Urusaku rw’inyamaswa”** bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

ICYUMWERU CYA 14:	Isomo rya 3: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 116 n'urwa 117 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga **“Urusaku rw’inyamaswa”**.

a) Ni inde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni “Urusaku rw’inyamaswa”**.

b) Uwo mwandiko wavugaga kuki? **Ku rusaku rw’inyamaswa**.


Akira ibisubizo by’ abanyeshuri ubibutse ko inyamaswa na zo zigira uburyo bwazo bwo kuvuga icyo zishaka kuvuga.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)


Gusoma umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye kongera gusoma umwandiko **“urusaku rw’inyamaswa”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **116**.


1. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye

 Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **116**. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko **“Urusaku rw’inyamaswa”** by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.

Ndatanga urugero


 Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Urusaku rw’inyamaswa”**, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.

Dukorane twese


 Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

Buri wese akore


2. Kumva no gusesengura umwandiko

 Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Ni iki umuntu atandukandukaniyeho n’inyamaswa?** Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Inyamaswa ntizivuga, umuntu aravuga**.

Ndatanga urugero

 Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni izihe nyamaswa nibura eshatu zivugwa mu mwandiko?** Somera hamwe n’abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo kiri cyo. **Ni intare, inturo, impyisi, imbwebwe, impongo, inzoka...**

Dukorane twese

 Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Ni uruhe rusaku rw’inyamaswa zikurikira : ingwe, intare, imbwa n’impongo**. Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ukinoze. Saba abanyeshuri bese gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Ingwe irahara, intare iratontoma, imbwa iramoka, impongo irakorora**.

Buri wese akore

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banabane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe.

Urugero Vuga nibura izindi nyamaswa eshatu zo mugasozi zitavuzwe mu mwandiko? **Urusamagwe, isha, inzovu.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye hanyuma mu matsinda ya babiribabiri basubize ibibazo byawubajijweho

1. Imbwebwe iyo zitaka zibigenza zite? **Zirabwejagura.**
2. Utekereza ko inyamaswa zisakuza iyo byazigendekeye bite? **Zisakuza zitabaza cyangwa zihamagara ibyana byazo.**
3. Vuga nibura urusaku rw'amatungo abiri yo mu rugo waba uzi? **Ihene irahabeba, inka irabira, intama iratama,...**

Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora uwo mwitoto ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri gukora umwitoto uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **118**, wo guhuza amashusho n'interuro zigaragaza ibitekerezo biyakubiyemo.

ICYUMWERU CYA 14

Isoma rya 4: Utwatuzo "Akitso"

Intego rusange: Gukoresha neza akitso mu nteruro

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **117**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse kwiga: **"Urusaku rw'inyamaswa."**

- a) Ni uruhe rusaku rw'intare, impyisi, impongo? **Intare iratontoma, impyisi irahuma, impongo irakorora.**
- b) Iyo inyoni zihamagara ibyana byazo zibigenza zite? **Ziraririmba.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko buri nyamaswa ifite urusaku rwihariye.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura "akitso" mu nteruro n'aho gakoreshwa

Andika ku kibaho interuro fatizo ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **117**.

1. Impyisi zirahuma, inturo ziranyawuza, inyoni ziraririmba naho ingwe zirahara.

2. Izikunda gusurwa ni nk'ingagi, inkende, inzovu, imparage, imbogo n'izindi.

Saba abanyeshuri kwitegereza interuro wanditse hanyuma ubasabe kwerekana akamenyetso kakoreshejwemo katari inyuguti. Sobanurira abanyeshuri ko ako kamenyetso ari akatuzo.

Bwira abanyeshuri ko utwatuzo dukoreshwa mu nteruro kugira ngo uzisoma abashe gusoma neza.



Ndatanga urugero

Soma interuro ya mbere wubahiriza akatuzo kayikoreshejwemo. **Impyisi zirahuma, inturo ziranyawuza, inyoni ziraririmba naho ingwe zirahara.**

Baza abanyeshuri izina ry' akatuzo kakoreshejwe muri iyo nteruro n'aho kakoreshejwe. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ubafashe kubinoza. Koza urutoki ku kitso ubasobanurire ko (,) aka kamenyetso kitwa **akitso** kakaba ari akatuzo gakoreshwa hagati mu nteruro. Gakoreshwa iyo interuro yabaye ndende bagira ngo baruhuke gato mbere yo gukomeza. Gakoreshwa kandi iyo barondora ibivugwa. Ijambo rigakurikira ritangizwa inyuguti nto.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe interuro **Impyisi zirahuma, inturo ziranyawuza, inyoni ziraririmba naho ingwe zirahara** mugaragaze **akitso** mu nteruro n’aho kakoreshejwe. Yobora abanyeshuri musubiremo izina ry’akutuzo kakoreshejwe n’aho gakoreshwa. (,) Aka kamenyetso kitwa **akitso**. Ni akutuzo gakoreshwa hagati mu nteruro. Gakoreshwa iyo interuro yabaye ndende bagira ngo baruhuke gato mbere yo gukomeza. Gakoreshwa kandi iyo barondora ibivugwa. Ijambo rigakurikira rigomba gutangizwa inyuguti nto.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri. Basabe gusoma interuro ya kabiri **Izikunda gusurwa ni nk’ingagi, inkende, inzovu, imparage, imbogo n’izindi**. aho yanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **117 (b)**, hanyuma buri wese yereke mugenzi we **akitso** agakozaho urutoki, anamubwire n’aho gakoreshwa.

Saba abanyeshuri bose kongera gusoma interuro bubahiriza **Izikunda gusurwa ni nk’ingagi, inkende, inzovu, imparage, imbogo n’izindi** bubahiriza akitso kayikoreshejwemo hanyuma banasubiremo ko akabago (,) ari akutuzo gakoreshwa. Gakoreshwa iyo interuro yabaye ndende bagira ngo baruhuke gato mbere yo gukomeza. Gakoreshwa kandi iyo barondora ibivugwa. Ijambo rigakurikira rigomba gutangizwa inyuguti nto.

2. Imyitozo ku mikoreshereze y’utwatuzo

Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, yobora abanyeshuri mukore umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **118** wo gushyira utwatuzo dukwiye mu nteruro bahawe.

Ibisubizo

1. Mu nyamaswa zo mu gasozi habamo intare, inzovu, ingwe n’izindi
2. Impyisi ntivuga irahuma.
3. Ingwe, intare, isha n’impongo na zo ni indyabyatsi.
4. Ingagi zinjiza amadovize zite?

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora umwitozo ukurikira wo gushyira utwatuzo dukwiye mu nteruro zikurikira :

- a) Nagiye mu ishyamba mbona urusamagwe impara imparage isha n’impongo
- b) Ni nde wabonye inkende inguge ibyondi n’impundu byo muri Nyungwe.

Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora uwo mwitozo ufasha abafite ibibazo byihariye.

Ibisubizo

- a) Nagiye mu ishyamba mbona urusamagwe, impara, imparage, isha n’impongo.
- b) Ni nde wabonye inkende, inguge, ibyondi n’impundu byo muri Nyungwe?



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gukoresha akitso mu nteruro ebyiri bihimbiye, hanyuma bazasisomere bagenzi babo mu ishuri

Icyumweru cya 14

Isomo rya 5: Kumva no gusesengura umwandiko

Intego rusange: Gusoma , kumva no gusesengura umwandiko

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa **119** n’urwa **120**

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga **“Urusaku rw’inyamaswa”**.

- a. Ni inde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni “Urusaku rw’inyamaswa”**.

b) Ni irihe somo mwakuye muri uwo mwandiko? **Twamenye urusaku rw'inyamaswa zimwe na zimwe.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubibutse ko inyamaswa zigira urusaku ruzifasha gutabaza no guhamagara abana bazo.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **“Zafatanyije gufata umujura”** uri mu bitabo byabo urupapuro rwa **119**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko **“Zafatanyije gufata umujura”** wubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **“Zafatanyije gufata umujura”** mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'umwandiko **“Zafatanyije gufata umujura”**, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona. Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **“Zafatanyije gufata umujura”** bari bwumvemo amagambo: **Ibibwana, inshingano, impongo, zirarira.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **ibibwana**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **ibibwana**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **ibibwana**. **Ibibwana** bisobanura **ibyana by'imbwa**. Koresha ijambo **ibibwana** mu nteruro.

Urugero: Imbwa yabo ifite **ibibwana** bine.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **ibibwana** n'igisobanuro cyaryo hanyuma munasubiremo interuro : **Imbwa yabo ifite ibibwana bine.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **ibibwana** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **ibibwana**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **ibibwana**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **inshingano, impongo, zirarira.**

1. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko **“Zafatanyije gufata umujura”** hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko **“Zafatanyije gufata umujura”** mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Zafatanyije gufata umujura”**, mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Impyisi yakundara kwiba iki?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Yakundaga kwiba ibiryo imbwa yabaga yasigiye ibibwana byayo.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Imbwa imaze kumenya ko hari igisimba kirya ibiryo by'ibibwana byayo yakoze iki?**

Somera hamwe n'abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo kiri cyo. **Imbwa yigiriye inama yo kujya kuregera intare.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Ni izihe nyamaswa imbwa yahamagaje ngo ziyiherekeze?**

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Ni imbeba n'imbwebwe.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero : Ko imbwa yagiye kuregera intare, wowe ubuze igikoresho cyawe ku ishuri wabigenza ute? **Naregera umwarimu.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye.
2. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **120** igikorwa cya **2**, wo guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo bakoresheje akambi.

Ibisubizo

- a) Zirarira: **zirara zirinze.**
- b) Inshingano: **iby umuntu asabwa gukora.**
- c) Impongo : **ubwoko bw'inyamaswa yo mu gasozi.**
- d) Ibibwana : **ibibwana by'imbwa.**

3. Subiza ibibazo ku mwandiko

- a) Imbeba n'imbwebwe zaherekeje imbwa igiye he? **Zayiherekeje igiye kuregera intare.**
- b) Mugenzi wawe agize ikibazo akagutabaza wabigenza ute? **Namutabara.**
- c) Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko? **Gutabarana no kudasagararira abandi.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **121** wo kwandika interuro bahereye ku byo babona ku mashusho.

Icyumweru cya 14	Isoma rya 6: Utwatuzo "Agatangaro"
Intego z'isomo: Gukoresha neza agatangaro	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 121 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baherutse kwiga: **"Zafatanyije gufata umujura."**

Urugero:

1. Umujura uvugwa muri uyu mwandiko ni uwuhe? **Ni impyisi**
2. Kubera iki intare yategetse inyamaswa gufata umujura? **Kugira ngo ahanwe.**
3. Ni izihe nyamaswa zaherekeje imbwa ? **Ni imbeba ni imbwebwe.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko ari byiza gufasha abandi igihe bahuye n'ibibazo.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura akabazo mu nteruro n'aho gakoreshwa

Andika ku kibaho interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **120**.

a) Yooo! Iyi ni impyisi pe!

b) Mbega ishuri ryiza!


Saba abanyeshuri kuzitegereza hanyuma ubasabe kwerekana akamenyetso kakoreshejwemo katari inyuguti. Sobanurira abanyeshuri ko ako kamenyetso ari akatuzo.

Bwira abanyeshuri ko utwatuzo dukoresheya mu nteruro kugira ngo uzisoma abashe gusoma neza.



Ndatanga urugero

Soma interuro ya mbere. **Yooo! Iyi ni impyisi pe!** Baza abanyeshuri kwerekana akatuzo kakoreshejwe muri iyo nteruro n'aho kakoreshejwe n'uko kitwa. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ubafashe kubinoza. Koza urutoki ku gatangaro ubasobanurire ko **(!)** aka kamenyetso kitwa **agatangaro** kakaba ari akatuzo gasoza interuro ivuga ibitangaje. Gashyirwa n'inyuma y'amagambo agaragaza imbamutima. Ijambo rigakurikiye ritangizwa inyuguti nkuru.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe interuro **Yooo! Iyi ni impyisi pe!** mugaragaze **agatangaro** mu nteruro n'aho kakoreshejwe. Yobora abanyeshuri musubiremo izina ry'akatuzo kakoreshejwe n'aho gakoreshwa. **(!)** Aka kamenyetso kitwa **agatangaro**. Ni akatuzo gasoza interuro ivuga ibitangaje. Gashyirwa n'inyuma y'amagambo agaragaza imbamutima. Ijambo rigakurikiye rigomba gutangizwa inyuguti nkuru.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri. Basabe gusoma interuro ya kabiri **Mbega ishuri ryiza!** aho yanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **120 (b)**, hanyuma buri wese yereke mugenzi we **agatangaro** agakozaho urutoki, anamubwire n'aho gakoreshwa.

Saba abanyeshuri bese kongera gusoma interuro bubahiriza **Mbega ishuri ryiza!** bubahiriza agatangaro kayikoreshejwemo hanyuma banasubiremo ko akabago **(!)** akatuzo gasoza interuro ivuga ibitangaje. Gashyirwa n'inyuma y'amagambo agaragaza imbamutima. Ijambo rigakurikiye rigomba gutangizwa inyuguti nkuru.

2. Imyitozo ku mikoreshereze y'utwatuzo

Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, yobora abanyeshuri mukore umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **121 (A)** wo gushyira utwatuzo dukwiye mu nteruro bahawe.

Ibisubizo

- a) Akanyamasyo karasodoka pe !
- b) Yooo ! Mbega inyamaswa iteye ubwuzu !
- c) Ese waba warigeze kubona inkende?
- d) Inkende n'ibitera na byo ni inguge.

Ukoresheje na none uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, yobora abanyeshuri mukore umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **121 (B)** wo gukora interuro ebyiri zikoreshejwemo agatangaro

Urugero rw'interuro

- a) Mbega intare nini wee!
- b) Aba bana ni beza pe !

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Saba buri munyeshuri ku giti ke gukoresha agatangaro mu nteruro zikurikira:

- a) Yooo! Mbega ukuntu wabyibushye!
- b) Mama weee Mbega ukuntu imparage ibereye ijisho

Igisubizo:

- a) Yooo mbega ukuntu wabyibushye
- b) Mama weee! Mbega ukuntu imparage ibereye ijisho!

Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri bakora uwo mwitozo ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana akatuzo n'aho gakoreshwa bazanabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 14	Isomo rya 7: Imyitozo yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.
Intego rusange: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 122 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO(Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo gusoma umwandiko« Twese tubigire intego »

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banabane ubahe umwitozo wa **1**wo gusoma umwandiko **“Twese tubigire intego”** uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **122**.

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **123** wo kuzurisha amagambo yakoreshejwe mu mwandiko interuro bahawe.

Ibisubizo:

- a) **Icyanya** cya Nyungwe kibamo inguge.
- b) Dufite **intego** yo gutsinda amasomo yose.
- c) Yagiye gusura ingagi yiriza **umunsi azireba** azireba.
- d) Twiga ni inyamaswa **zibereye** ijisho.
- e) Intare igira **urusaku** rukaze.

3. Umwitozo wo kumva umwandiko «Twese tubigire intego »

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko « **Twese tubigire intego** » uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **123** umwitozo wa **3**

Gusubiza ibibazo ku mwandiko:

- a) Mu gakuru bavuze ko ari ibihe bibazo umuntu ashobora kwibaza ku nyamaswa? **Aho ziba, icyo zirya n'urusaku rwazo.**
- b) Icyanya cy'Akagera gihereye hehe mu Rwanda? **Mu Burasirazuba bw'u Rwanda.**
- c) Vuga urusaku rw'inyamaswa zikurikira: intare, impyisi n'impongo. **Intare iratontoma, impyisi irahuma, impongo irakorora.**

4. Umwitozo wo gusesengura umwandiko « Twese tubigire intego »

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko « **Twese tubigire intego** » uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **123** umwitozo wa **4**

Gusubiza ibibazo:

- a) Uretse inyamaswa zavuzwe mu nkuru, tanga izindi ngero eshatu z'inyamaswa zo mu gasozi wishakiye. **Imparage, isatura, imvubu...**
- b) Inyamaswa zo mu gasozi zimariye iki Igihugu cyacu? **Zisurwa na ba mukererugendo zikinjiza amadovize.**
- c) Washishikariza ute bagenzi bawe kurinda inyamaswa zo mu gasozi? **Kurwanya ba rutwitsi ndetse na ba rushimusi.**

**Umukoro**

Saba abanyeshuri kuzakora umwitozo wo kwandika uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **124** ikibazo cya **2**.

Icyumweru cya 14	Isoma rya 8: Imyitozo isoza icyumweru
Intego z'isomo: Gukoresha neza akabago n'akabazo mu nteruro	Imfashanyigisho: igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 124 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri**I. ISUBIRAMO (Iminota 5)**

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitayemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

Ha abanyeshuri umwitozo wo gukoresha akabago cyangwa akabazo mu nteruro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **124**

- a) Mbega inyamaswa zizi kwiruka!
- b) Impara, imparage, isha n'inzovu ni inyamaswa zishimishije pe!

- c) Yooo! Mbese burya imbwa imbwebwe n'umuhari biramoka !
d) Intare ingwe n'urusamagwe birya inyama.

Umwitozo wo gutondeka imigemo bagakora amagambo maze bakayandika.

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** uri ku rupapuro rwa **124** wo gutondeka imigemo bagakora amagambo, bakayandika.

Ibisubizo:

- a) impwerume
b) impyisi
c) hakoropwe
d) bansyonyoye



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gukora umwitozo wo kwandika uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **124** ikibazo cya **2**.

Icyumweru cya 15

Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru

Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa **22** n'urwa **23**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.
Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga.

- 1) Ni inde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga. Umwandiko duheruka kwiga **Twese tubigire intego**
- 2) Uwo mwandiko wavugaga ku ki? **Uwo mwandiko wavugaga ku nyamaswa zo ku gasozi.**
- 3) Uwo mwandiko wawigiyemo iki utari usanzwe uzi? **Nawigiyemo urusaku rw'inyamaswa zinyuranye**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko kubungabunga ubuzima bw'inyamaswa bireba buri muntu wese.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru: "**Kamari na Kantegwa**"

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru

Bwira abanyeshuri ko ugiye kubasomera inkuru "**Kamari na Kantengwa**", ko bari bwumvemo amagambo: **inkazi, ku nkombe.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **inkazi**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **inkazi**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **inkazi**.

Inkazi bisobanura **Inyamaswa zigira amahane cyane**. Koresha ijambo **inkazi** mu nteruro.

Urugero: Intare ni imwe mu nyamaswa z'**inkazi**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **inkazi** n'igisobanuro cyaryo hanyuma munavugire hamwe interuro **Intare ni imwe mu nyamaswa z'inkazi**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **inkazi** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **inkazi**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **inkazi**, bukoreshwe no mu gusobanura ijambo **ku nkombe**.

Ku nkombe bisobanura **ku butaka aho amazi y'ikiyaga, uruzi n'inyanja agarukira**.

Urugero: Umusare yambukije abagenzi abageza ku **nkombe** y'ikiyaga.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo kandi n'irindi jambo rikomeye risobanure mu buryo bwihuse. Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri maze ubabaze niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva no gusesengura inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Ni bande bavugwa muri iyi nkuru?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu nkuru: **Ni Kamari, Kantengwa na se.**



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Baza ikibazo cya kabiri. **Ni izihe nyamaswa zavuzweho muri iyi nkuru?**

Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Ni Impyisi, imbwebwe, intare, imbeba, inzoka, ingwe, imbogo, impongo.**



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikiraho. **Ni ikihe kibazo gikomeye Kamari na Kantengwa bibazaga ku nyamaswa zo mu gasozi ?**

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basubize icyo kibazo. Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ubafashe kukinoza. Saba abanyeshuri bose gusubiramo igisubizo kiri cyo: **Bibazaga niba zivuga nk'abantu.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banabane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Watanga iyihe nama ku bantu bashobora kugira aho bahurira n'inyamaswa z'inkazi?

Nabagira inama yo kuzitondera kuko zishobora kubagirira nabi.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye

a) **inkazi:** Mu mashyamba habamo inyamaswa z'inkazi.

b) **ku nkombe:** Nabonye amato menshi **ku nkombe** y'ikiyaga cya kivu.

2. Subiza ibibazo ku nkuru

a) Kamari na Kantengwa bari batuye he? **Kamari na Kantengwa bari batuye hafi y'ishyamba.**

b) Inyamaswa zo mu gasozi zidufitiye akahe kamaro? **Zinjiza amadovize akoreshwa mu kugeza ku baturage ibikorwaremezo.**

c) Ni iyihe nama wagira abahigi bica inyamaswa zo mu gasozi? **Nabagira inama yo kubireka kuko inyamaswa zidufitiye akamaro kanini.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru "**Kamari na Kantegwa**", baganire na bo ibyo bashimye muri iyo nkuru hanyuma bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 15	Isomo rya 2: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo
Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo.	Imfashanyigisho: Imfashanyisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 125 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kwiga "**Kamari na Kantengwa**"

1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kwiga? **Ni Kamari na Kantengwa**
2. Muri iyo nkuru havugwagamo iki? **Havugwagamo ibibazo Kamari na Kantengwa bibazaga ku nyamaswa.**
3. Ni izihe nyamaswa zavugwaga muri iyo nkuru? **Urusamagwe, isatura**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko twese twese dukwiye kumenya amazina y'inyamaswa kandi ko kurinda no kubungabunga ubuzima bwazo ari inshingano ya buri wese.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko « **Yashize amatsiko** » uri mu bitabo byabo urupapuro rwa **125**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko « **Yashize amatsiko** » wubahiriza utwatumaze n'isesekaza.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko "**Yashize amatsiko**" mwubahiriza utwatumaze n'isesekaza.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma umutwe w'umwandiko ku giti cyabo, bubahiriza utwatumaze n'isesekaza.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona. Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko "**Yashize amatsiko**" bari bwumvemo amagambo: **ibiyumviro, karemano, amasega, imikoki**.



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **ibiyumviro**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **ibiyumviro**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **ibiyumviro**. **Ibiyumviro** bisobanura **uko umuntu atekereza**. Koresha ijambo **ibiyumviro** mu nteruro.

Urugero: Kamana yagaragaje **ibiyumviro** bye mu nama y'abaturage.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **ibiyumviro** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Kamana yagaragaje ibiyumviro bye mu nama y'abaturage**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **ibiyumviro** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **ibiyumviro**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijamba **ibiyumviro**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **karemano, amasega, imikoki**.

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko **“Yashize amatsiko”** bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko **“Yashize amatsiko”** mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Yashize amatsiko”** mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

- Saba abanyeshuri gusoma umwumwe umwandiko **“Yashize amatsiko”** mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n’isesekaza rikwiye.
- Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora umwitoto w’inyunguramagambo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **126**, igikorwa cya **2** wo gusimbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro ayo bahawe ari mu kazu.
 - Buri muntu agira ibyo atekereza bye. (**ibiyumviro**)
 - Umwarimu wacu yatubwiye ko Muhazi ari ikiyaga kitakozwe n’abantu. (**karemano**)
 - Abaturage bakoze umuganda basiba ahantu hacukutse kubera isuri. (**imikoki**)
 - Kamana yambwiye ko yabonye aho imbeba zitaha. (**umuheno**)



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko **“Yashize amatsiko”** bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 15

Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo.

Isomo rya 3: Kumva no gusesengura umwandiko

Imfashanyigisho: Imfashanyisho zifatika, amashusho, igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **125**.

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga **“Yashize amatsiko”**.

- Ni inde watwibutsa umwandiko duheruka gusoma? **Duheruka gusoma umwandiko “Yashize amatsiko”**.
- Muri uwo mwandiko havugwagamo iki? **Muri uwo mwandiko haravugwamo Migambi wajyanye umwana we gusura Pariki y’Akagera**.
- Ni iyihe pariki Migambi n’umwana we basuye? **Basuye pariki y’Akagera**.

Akira ibisubizo by’abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko Twese akwiye gusura inyamaswa zo muri pariki kugira ngo arushaho kuzimenya.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Gusoma umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye kongera gusoma umwandiko “Yashize amatsiko” mu bitabo byabo urupapuro rwa 125.

1. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa 125. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko “Yashize amatsiko” by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko “Yashize amatsiko”, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Namahoro yari afite amatsiko yo kumenya?**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Namahoro yari afite amatsiko yo kumenya intaho y’inyamaswa.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Migambi yajyanye Namahoro hehe?** Somera hamwe n’abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo kiri cyo: **Migambi yajyanye Namahoro gusura Pariki y’Akagera.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Bageze muri Pariki ni nde wabafashije?**

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ukinoze. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Harimo ingagi, inkende, inzovu, imparage n’imbogo.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza umwandiko n’ubuzima busanzwe.

Urugero: Ko agakuru karangiye batubwira ko Namahoro yishimye urumva yarashimishijwe n’iki? Yashimishijwe n’uko amatsiko yari afite yari amaze gushira.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by’isuzuma, saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye.

Subiza ibibazo ku mwandiko

- 1) Namahoro yibazaga iki? **Yibazaga intaho y’inyamaswa.**
- 2) Urugendo Namahoro na Migambi bakoze ruhuriye he n’urwo ba mukerarugendo bakora? **Birahuye kuko basuye icyanya k’inyamaswa ndetse banasobanurirwa ibijyanye na zo.**
- 3) Ujyanye na mugenzi wawe muri Pariki agashaka kushyira ukuboko mu mwoba wamugira iyihe nama? **Namugira inama yo kubireka kuko hari igihe uwo mwobo waba ari intaho y’inyamaswa.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kwandika iherezo ry’inkuru iri mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa 128 bifashishije amashusho ajyanye n’iyo nkuru.

Icyumweru cya 15	Isoma rya 4: Ingingo y'ingenzi y'umwandiko
Intego z'isomo: Gukoresha neza akabago	Imfashanyigisho: Amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 127 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherurtse kwiga: **“Yashize amatsiko”**

Urugero:

- 1) Namahoro yari afite ayahe matsiko? **Yari afite amatsiko yo kumenya intaho z'inyamaswa.**
- 2) Ikiyaga twumvise mu gakuru kitwa ngo iki? **Kitwa Ihema.**
- 3) Mu mwandiko bavuze ko inzoka zitaha hehe? **Inzoka zitaha mu myobo.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko gusura pariki ari byiza kuko bituma tumenya amoko y'inyamaswa.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura ingingo y'ingenzi ikubiye mu gakuru.

Bwira abanyeshuri gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **127**, igikorwa cya **1** hanyuma ubabaze ibibazo bibaganisha ku gutahura ingingo y'ingenzi igakubiyemo.

Baza abanyeshuri ibibazo bikurikira bibafasha gutahura ingingo y'ingenzi ikubiye mu gakuru.



Ndatanga urugero

- Ni iki kivugwa cyane muri aka gakuru ? **Ni inyoni.**
- Ni akahe kamaro k'inyoni ? **Inyoni zirya udusimba twangiza imyaka, zikwirakwiza imbuto z'ibiti, zifasha mu kugira amashyamba menshi.**

Noza ibisubizo by'abanyeshuri ubabwire ko ingingo y'ingenzi ikubiye mu gakuru ari **Akamaro k'inyoni**. Sobanurira abanyeshuri ko ari yo ngingo y'ingenzi kuko akamaro k'inyoni ariko kavugwaho gusa mu gakuru.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe agakuru kose hanyuma mufatanye kuvugira hamwe ko ingingo y'ingenzi igakubiyemo ari **akamaro k'inyoni**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **127**, umwitozo wa **2**, basubize ikibazo cyakabajijweho kibafasha kubona ingingo y'ingenzi igakubiyemo. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora uwo mwitozo. Saba amwe mu matsinda kuvuga ingingo y'ingenzi babonye hanyuma ubafashe kuyinoza. Basabe gusubiramo ingingo y'ingenzi iri yo: **Impamvu yateraga Kalisa kwigunga.**

Bwira abanyeshuri ko ingingo y'ingenzi ari ari igitekerezo gikuru agakuru kubakiyeho.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gusoma agakuru kari ku rupapuro rwa **128** bigeze gushakira iherezo ryako.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana agakuru kari ku rupapuro rwa **128**, bababwire ingingo y'ingenzi igakubiyemo banabasobanurire uko bayibonye.

Icyumweru cya 15	Isomo rya 5: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.	Imfashanyigisho: Imfashanyisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 129.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga **“Yashize amatsiko”**.


- 1) Ni inde watwibutsa umwandiko duheruka gusoma? **Duheruka gusoma umwandiko “Yashize amatsiko”**.
- 2) Muri uwo mwandiko havugwagamo iki? **Amatsiko ya Namahoro**
- 3) Se wa Namahoro yitwaga nde? **Yitwaga Migambi.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko abantu bose bakwiriye gushishikarira gusura inyamaswa zo muri pariki kugira ngo barusheho kumenya amoko yazo.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)


1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **“Menya ibyazo”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **129.**




Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko **“Menya ibyazo”** wubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.

Ndatanga urugero



Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **“Menya ibyazo”** mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.

Dukorane twese




Saba abanyeshuri gusoma umutwe w'umwandiko **“Menya ibyazo”** bubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.

Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko ubabaze ibyo babona. Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.


2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko.

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **“Menya ibyazo”** bari bwumvemo amagambo: **pariki, amasenga, mu byari, mu miheno.**




Vuga ijambo **pariki**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **pariki**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **pariki**. **Pariki**, bisobanura aho inyamaswa zigenewe kuba. Koresha ijambo **pariki**, mu nteruro.

Ndatanga urugero **Urugero:** Munezero yagiye gusura **Pariki** ya Nyungwe.



Vugira hamwe n'abanyeshuri ijambo **pariki**. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **pariki** n'igisobanuro cyaryo hanyuma munasubiremo interuro **Munezero yagiye gusura Pariki ya Nyungwe.**

Dukorane twese



Bwira kuvuga ku giti cyabo ijambo **pariki n'igisobanuro cyaryo**. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **pariki**. Saba abanyeshuri bamwe kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Buri wese akore

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **pariki**, bunakoreshwe no gusobanura amagambo **amasenga, mu byari, mu miheno**.

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko **“Menya ibyazo”** hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko **“Menya ibyazo”** mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Menya ibyazo”** mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

4. Kumva umwandiko no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Kumenya intaho, urusaku n’ibyana by’inyamaswa bidufasha iki?** Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wakibonye. Soma igisubizo kivuye mu gakuru: **Bidufasha kumenya imibereho yazo.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni izihe nyamaswa nibura eshatu zavuzwe mu mwandiko?** Somera hamwe n’abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo kiri cyo: **impyisi, imbwebwe, inzoka, inyoni, impongo, imbogo n’ingwe.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Vuga urusaku rw’inyamaswa zikurikira : imbwebwe n’imbeba.** Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo.

Imbwebwe ziramoka naho imbeba zikajwigira.

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya bane bane, ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n’ubuzima busanzwe.

Urugero: Ubonye umwobo mu gihuru watekereza ko **hatahamo** izihe nyamaswa? **Natekereza ko hatahamo inzoka cyangwa imbeba**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma umwumwe umwandiko **“Menya ibyazo”** mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n’isesekaza rikwiye.
2. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora umwitozo w’inyunguramagambo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **130**, igikorwa cya **2** wo gusimbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro ayo bahawe ari mu kazu.
 - a) Kamanzi yambwiye ko akunda kujya gusura ahantu inyamaswa ziba. (**pariki**)

c) Imbeba zikunda kwiba ibijumba zikabijyana aho ziba. (mu miheno)

d) Inkoko yahamagaye abana bayo. (imishwi)

d) Ejo nabonye inyoni ziri gusohoka aho zitaha. (mu byari)

3. Subiza ibibazo ku mwandiko

a) Mu Rwanda inyamaswa ziba he? **Muri pariki**.

b) Vuga andi moko atatu y'inyoni atavuzwe mu mwandiko. **Ibishwi, ifundi, inyamanza...**

c) Vuga ibintu bitatu by'ingenzi uyu mwandiko wibanzeho. **Wibanze ku ntaho z'inyamaswa, ku rusaku rw'inyamaswa no ku byana byazo.**



Umukoro

Saba abanyeshuri baze kongera gusoma umwandiko “**Menya ibyazo**” iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **130** bashake ingingo y'ingenzi iwukubiyemo hanyuma yandike mu mukono.

Icyumweru cya 15	Isoma rya 6: Gukoresha utwatuzo neza mu nteruro
Intego z'isomo: Gukoresha neza utwatuzo dukunze gukoreshwa mu nteruro.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 130 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baherutse kwiga: “**Menya ibyazo** »

Urugero:

1) Impyisi ziba hehe? **Ziba mu masenga**

2) Inzoka ziba hehe? **Ziba mu myobo**

3) Imbeba ziba hehe ? **Yarahiriye kutazongera gusagarira inkende n'izindi nyamaswa.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko ari byiza kumenya kumenya inyamaswa n'intaho zazo.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Baza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku twatuzo.

Wifashishije amazina y'utwatuzo n'utwatuzo nyiri izina turi mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **130** yobora abanyeshuri mu kwibukiranya amazina yatwo n'aho dukoresha

Andika ku kibaho interuro ya mbere : **Inzovu ni inyamaswa y'indyabyatsi**. Yisomere abanyeshuri hanyuma ubabaze akatuzo kakoreshejwe. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ubafashe kubinoza. Koza urutoki ku kabago ubasobanurire ko akatuzo kakoreshejwe ari **akabago (.)**. Bibutse ko **akabago** gakoreshwa gasoza interuro yemeza. Ijambo rigakurikira ryandikishwa inyuguti nkuru.



Ndatanga urugero

Andika ku kibaho interuro ya kabiri **Aba banyeshuri biga mu mwaka wa kangahe?** Yisomere abanyeshuri hanyuma ubabaze akatuzo kakoreshejwe. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ubafashe kubinoza. Koza urutoki ku kabazo ubasobanurire ko akatuzo kakoreshejwe ari **akabazo (?)**. Bibutse ko **akabazo** gakoreshwa mu kubaza ikibazo. Ijambo rigakurikira ryandikishwa inyuguti nkuru.

Andika ku kibaho interuro ya gatatu **Mama yanguriye amakayi, amakaramu, ibitabo n'igikapu cyo kubitwaramo**. Yisomere abanyeshuri hanyuma ubabaze akatuzo kakoreshejwe. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ubafashe kubinoza. Koza urutoki ku kitso ubasobanurire ko akatuzo kakoreshejwe ari **akitso (,)**. Bibutse ko **akitso** gakoreshwa iyo interuro yabaye ndende bagira ngo baruhuke gato mbere yo gukomeza. Gakoreshwa kandi iyo barondora ibivugwa. Ijambo rigakurikira ritangizwa inyuguti nto.

Andika ku kibaho interuro ya kane : **Mbega igitabo gifite amashusho meza!** Yisomere abanyeshuri hanyuma ubabaze akatuzo kakoreshejwe. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ubafashe kubinoza. Koza urutoki ku gatangaro ubasobanurire ko akatuzo kakoreshejwe ari **agatangaro (!)**. Bibutse ko **agatangaro** gashyirwa inyuma y'interuro ivuga ibitangaje. Ijambo rigakurikira ritangizwa inyuguti nkuru.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe interuro

Inzovu ni inyamaswa y'indyabyatsi.

Mama yanguriye amakayi, amakaramu, ibitabo n'igikapu cyo kubitwaramo.

Mbega igitabo gifite amashusho meza!

Bayobore munavugire hamwe utwatuzo twakoreshejwemo n'aho dukoreshwa.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri gusoma umwumwe interuro zanditse ku kibaho bavuge utwatuzo twakoreshejwemo n'aho dukoreshwa. Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ufashe abafite ibibazo byihariye.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Andika ku kibaho interuro zikurikira usabe abayeshuri mu matsinda ya babiribabiri, kuvuga utwatuzo twakoreshejwe banavuge n'amazina yatwo.

- Isha iriruka igasiga intare cyane da! (**agatangaro**)
- Ibikeri, imitubu, amafi n'ingona biba mu mazi. (**utwitso n'akabago**)
- Ni bande babonye ingona? (**akabazo**)
- Mama weee ! Mbega akanuma gafite amababa meza! (**agatangaro**)



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kwandika interuro ebyiri bihimbiye zikoreshejwemo akabazo n'akabazo bazazisangize bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 15	Isomo rya 7: Imyitozo yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.
Intego rusange: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 156

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitiyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo gusoma umwandiko« Inyamaswa mu rubanza »

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banabane ubahe umwitozo wo gusoma umwandiko "Inyamaswa mu rubanza" uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **131**, umwitozo wa **1**.

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **132** umwitozo wa **2** wo gusimbuza mu nteruro amagambo aciyeho akarongo ayo bahawe.

Ibisubizo:

- Impyisi zikunda kwitabara iyo zitewe. (igisubizo: **kwirwanaho**)
- Nabonye imbeba yiruka igana aho iba. (igisubizo: **mu muheno**)

- c) Inka za Murenzi zishyize hamwe zijya kona imyaka y'abaturage. (igisubizo: **zarikoze**)
 d) Intare ni inyamaswa y'inyamahane. (igisubizo: **inkazi**)

4. Umwitozo wo gusesengura umwandiko "Inyamaswa mu rubanza"

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko "Inyamaswa mu rubanza" uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **132** umwitozo wa **4**

- Amatungo yo mu rugo atandukaniye he n'inyamaswa zo mu gasozi mu kubona ibizitunga. **Amatungo yo mu rugo yitabwaho naho inyamaswa zo mu gasozi zirwanaho.**
- Vuga nibura amatungo atatu yo mu rugo n'aho aba. **Inka, ihene n'intama biba mu kiraro, inkwavu, inkoko n'imbata biba mu kibuti.**
- Vuga ingingo ebyiri z'ingenzi zivugwa mu mwandiko. **Haravugwamo ikibazo k'inyamaswa zahigwaga n'izindi, hakanavugwamo ubushobozi imana yahaye inyamaswa bwo kwirwanaho zikoresheje urusaku rwazo n'intaho yazo.**



Saba abanyeshuri kuza gusoma umwandiko uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **131** hanyuma babaze abo babana ibisobanuro by'amagambo ari mu ibara ritukura.

Icyumweru cya 15	Isoma rya 8: Imyitozo isoza icyumweru
Intego z'isomo: Gukoresha utwatuzo dukwiye no kwandika banoza umukono	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 132 n'urwa 133 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitijemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

Umwitozo wo gukoresha utwatuzo dukwiye no kwandika mu mukono

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banabane ubasabe gukora umwitozo wa **1** uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **132** wo gushyira utwatuzo mu gakuru hanyuma bakakandika mu mukono. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora uwo mwitozo ufasha abafite abafite ibibazo byihariye.

Igisubizo:

Kamari ari kumwe n'ababyeyi be muri Pariki. Yooo! Arashimishije pe! Ari kwitegereza isha, impara, imparage n'inzovu agahita abyina. Ese buriya ashimishijwe n'iki? Buriya ashimishijwe n'ubwiza bwazo.

Umwitozo wo guhera ku ishusho no ku nteruro imwe bahawe bagakora agakuru

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** uri ku rupapuro rwa **133** wo guhera ku ishusho no ku nteruro imwe bahawe bakuzuzaga akuru kugeza ku mirongo itanu.



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana agakuru banditse bahereye ku mashusho no ku nteruro bahawe bakuzuzaga akuru kugeza ku mirongo itanu.

Icyumweru cya 16	Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 28 n'urwa 29 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga **“Inyamaswa mu rubanza”**

- Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni **“Inyamaswa mu rubanza”**
- Uwo mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga ku nyamaswa zagiye kuregera Imana.**
- Uwo mwandiko wawigiyemo iki? **Inyamaswa zagiye kuregera Imana ukuntu zihohoterwa, hanyuma ikaziha uburyo bwo kwirwanaho.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko twese dufite inshingano yo kubungabunga ubuzima bw'inyamaswa, akaba ari yo mpamvu zigomba kubaho mu mutekano.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru: **“Tuzirindire ubuzima”**

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru.

Bwira abanyeshuri ko ugiye kubasomera inkuru **“Tuzirindire ubuzima”**, ko bari bwumvemo amagambo: **umushimusi, ibibwana.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **umushimusi**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **umushimusi**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **umushimusi**. **Umushimusi** bisobanura **umuntu utega inyamaswa akazica**.

Koresha ijambo **umushimusi** mu nteruro.

Urugero: Twamagane **umushimusi** uwo ari we wese.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe n'abanyeshuri ijambo **umushimusi** n'igisobanuro cyaryo munavugire hamwe interuro **Twamagane umushimusi uwo ari we wese**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **umushimusi** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **umushimusi**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **umushimusi**, bukoreshwe no mu gusobanura ijambo **ibibwana**.

Ibibwana bisobanura ibyana by'inyamaswa zibwagura.

Urugero: Imbwa yacu ifite **ibibwana** bitandatu.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo kandi n'irindi jambo rikomeye urisobanure mu buryo bwihuse. Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri maze ubabaze niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva no gusesengura inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Semacwa yakoraga uwuhe mwuga?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wakibonye. Soma igisubizo kivuye mu nkuru: **Yakoraga umwuga w'ubuhigi.**



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Baza ikibazo cya kabiri. **Ni izihe nyamaswa zagize ubwoba?**

Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Ni utwana tw'impara n'impongo ndetse n'ibyana by'inanyi n'imishwi y'inkware.**



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikiraho. **Mu nkuru kwica inyamaswa byagereranyijwe n'ikihe cyaha?**

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basubize icyo kibazo. Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ubafashe kukinoza. Saba abanyeshuri bese gusubiramo igisubizo kiri cyo: **Byagereranyijwe n'icyaha cyo kwangiza ubuzima bw'Igihugu.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Ni iki wanenga Semacwa? **Namunenga ko yashimutaga inyamaswa akazangiriza ubuzima.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye

a) **Umushimusi:** Kamana arashinjwa kuba **umushimusi** .

b) **Ibibwana:** Ingurube zibwagura **ibibwana** byinshi.

2. Subiza ibibazo ku nkuru

a) Umugabo utuye hafi ya pariki yitwa nde? **Umugabo utuye hafi ya pariki yitwa Semacwa.**

b) Uretse inyamaswa Semacwa yashakaga kwica, izindi nyamaswa zo muri pariki zibasirwa na ba rushimusi ni izihe? **Ingagi, inzovu...**

c) Watanga iyihe nama ku bantu bahohotera inyamaswa zo mu gasozi? **Nabagira inama yo kubireka kuko bihanwa n'amategeko.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru **"Tuzirindire ubuzima"**, baganire na bo ibyo bashimye muri icyo nkuru hanyuma bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 16

Isomo rya 2: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo.

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **134** n'urwa **135**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kumva **"Tuzirindire ubuzima"**

1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kumva? **"Tuzirindire ubuzima"**.

2. Iyi nkuru yavugaga kuri nde? **Semacwa wafashwe ashimuta inyamaswa.**

3. Ni irihe somo wakuye muri iyo nkuru? **Isomo nakuyemo ni uko ari ngombwa kubungabunga ubuzima bw'inyamaswa.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko twese dufite inshingano yo kurinda inyamaswa no kuzibungabungira ubuzima aho kuzishimuta.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko «**Tumenye inyamaswa zo mu gasozi**» uri mu bitabo byabo urupapuro rwa **134**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko «**Tumenye inyamaswa zo mu gasozi**» wubahiriza utwatuzo n'isesekaza.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko "**Tumenye inyamaswa zo mu gasozi**" mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'umwandiko, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona. Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko.

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko mugiyeye gusoma "**Tumenye inyamaswa zo mu gasozi**" ko bari bwumvemo amagambo: **indyanyama, indyabyatsi, isatura, kubwagura**.



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **indyanyama**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **indyanyama**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **indyanyama**. **Indyanyama** bisobanura **inyamaswa zitunzwe no kurya inyama**. Koresha ijambo **indyanyama** mu nteruro.

Urugero: Impyisi ni **indyanyama**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **indyanyama** n'igisobanuro cyaryo hanyuma munasubiremo interuro: **Impyisi ni indyanyama**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **indyanyama** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **indyanyama**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **indyanyama**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **indyabyatsi, isatura, kubwagura**

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko "**Tumenye inyamaswa zo mu gasozi**" hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko "**Tumenye inyamaswa zo mu gasozi**" mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko "**Tumenye inyamaswa zo mu gasozi**", mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma umwumwe umwandiko **“Tumenye inyamaswa zo mu gasozi”** mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n’isesekaza rikwiye.
2. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **135**, igikorwa cya **2** wo kuzuzanya interuro bakoresheje amagambo bahawe

Ibisubizo:

- a) Kabatesi yamenye ko imparage ari inyamaswa y’**indyabyatsi**.
- b) Muri Pariki y’Akagera habamo **isatura**.
- c) Umwarimu yatwigishije ko impyisi ari inyamaswa y’**indyanyama**.

Ingurube nyinshi zikunda **kubwagura** ibibwana byinshi



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kwandika banoza umukono interuro igaragaza iherezo ry’agakuru: umwitozo wo kwandika uri mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **136**.

Icyumweru cya 16	Isomo rya 3: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa 134 n’urwa 135 .

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga **“Tumenye inyamaswa zo mu gasozi”**.

- a) Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Duheruka kwiga umwandiko “Tumenye inyamaswa zo mu gasozi”**.
- b) Uwo mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga ku nyamaswa z’indyanyama n’iz’indyabyatsi**.
- c) Vuga inyamaswa ebyiri z’indyabyatsi zavuzwemo. **Havuzwemo impongo, imparage, isatura...**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko inyamaswa zo mu gasozi zibamo indyanyama n’indyabyatsi kandi ko inyamaswa na zo ziri mu bidukikije, akaba ari ngombwa kuzibungabunga.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Gusoma umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye kongera gusoma umwandiko **“Tumenye inyamaswa zo mu gasozi”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **134**.

1. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **134**. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko **“Tumenye inyamaswa zo mu gasozi”** by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Tumenye inyamaswa zo mu gasozi”**, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesegura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Ni izihe nyamaswa z'indyanama zavuzwe mu mwandiko?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko:

Ni intare, ingwe n'impysi.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni izihe nyamaswa z'indyabyatsi zavuzwe mu mwandiko?** Somera hamwe n'abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire igisubizo kiri cyo:

Ni imbogo, impongo n'isatura.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Ibyana by'inyamaswa zikurikira byitwa bite?**

- Imparage
- Imbwa
- Imisambi

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ukinoze. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Ibyana by'imparage byitwa ibyana, iby'ingwe bikitwa ibibwana naho iby'imisambi bikitwa imishwi.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Ku bwawe wumva ari ukubera iki inyamaswa z'indyanama zitabana n'indyabyatsi? **Ni uko indyanama zihiga indyabyatsi.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye.

1. Saba abanyeshuri gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye.
2. Subiza ibibazo ku mwandiko
 - a) Ni izihe nyamaswa z'indyanama zivugwa mu mwandiko? **Ni intare, ingwe, imbwebwe n'impysi.**
 - b) Vuga izindi nyamaswa zo mu gasozi z'indyabyatsi zitavuzwe mu mwandiko. **Imvubu n'ingagi...**
 - c) Vuga ibintu bibiri by'ingenzi uyu mwandiko wibanzeho. **Wibanze ku nyamaswa z'indyanama n'inyamaswa z'indyabyatsi.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **136** hanyuma bifashishije amashusho ajyanye n'agakuru bavugire ibyerezo ryayo.

Icyumweru cya 16	Isoma rya 4: Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo
Intego z'isomo: Gutahura no gutandukanya interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 136 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse kwiga: **“Tumenye inyamaswa zo mu gasozi”**.

- Ni uwuhe mwandiko duherutse kwiga? Umwandiko duherutse kwiga ni **“Tumenye inyamaswa zo mu gasozi”**.
- Ni nde waduha ingero ebyiri z'indyanyama n'ebiyiri n'indyabyatsi? **Indyabyatsi: imbogo, imparage. Indyanyama: intare, ingwe.**
- Isatura yabwaguraga ibibwana bingaha? **Yabwaguraga ibibwana byinshi birenze bitanu.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko ari byiza kumenya inyamaswa n'intaho zazo.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Gutahura no gutandukanya interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo.

Wifashishije interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **135**, yobora abanyeshuri mu gutahura no gutandukanya interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo.



Ndatanga urugero

Andika ku kibaho interuro ya mbere: **Ejo hashize ndabona impari n'imparage muri Pariki y'Akagera**. Yisomere abanyeshuri hanyuma ubabaze niba ivugitse neza. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, binoze ubabwire ko interuro: **Ejo hashize ndabona impari n'imparage muri Pariki y'Akagera** itavugitse neza kubera ko ivuga ibyabaye ejo hashize nk'ibiri kuba aka kanya. Basobanurire ko iyi nteruro **Ejo hashize ndabona impari n'imparage muri Pariki y'Akagera** ari interuro nyobyamvugo kuko itavugitse neza.

Ongera wandike ku kibaho interuro : **Ejo hashize nabonye impari n'imparage muri Pariki y'Akagera**. Yisomere abanyeshuri hanyuma ubabaze niba yo ivugitse neza. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, binoze ubabwire ko interuro : **Ejo hashize nabonye impari n'imparage muri Pariki y'Akagera** ivugitse neza kubera ko ivuga ibyabaye ejo hashize. Basobanurire ko iyi nteruro : **Ejo hashize nabonye impari n'imparage muri Pariki y'Akagera** ari interuro mbonezamvugo kuko ivugitse neza.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musome interuro ya mbere: **Ejo hashize ndabona impari n'imparage muri Pariki y'Akagera** iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **135** hanyuma muvugire hamwe ko ari interuro nyobyamvugo kuko ivugitse nabi. Ongera ubayobore musomere hamwe interuro ya kabiri : **Ejo hashize nabonye impari n'imparage muri Pariki y'Akagera** iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **135** hanyuma muvugire hamwe ko ari interuro mbonezamvugo kuko ivugitse neza.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gusoma interuro ebyiri ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **135** umwe abwire mugenzi we interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, ubasabe gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **136**, bakore ikibazo cya **2** cyo gutandukanya interuro nyobyamvugo n'interuro mbonezamvugo

- Uyu muni mu gitondo Kamari abonye intare mu ishyamba. **(interuro nyobyamvugo)**
- Uyu muni mu gitondo Kamari yabonye intare mu ishyamba. **(interuro mbonezamvugo)**
- Kera nakundaga gukina umupira w'amaguru. **(interuro mbonezamvugo)**

d) Kera nkunda gukina umupira w'amaguru. (**interuro nyobyamvugo**)

Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri barimo gukora icyo kibazo, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana itandukaniro riri hagati y'interuro nyobyamvugo n'interuro mbonezamvugo hanyuma banandike interuro mbonezamvugo imwe n'interuro nyobyamvugo imwe bazazereke bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 16

Isomo rya 5: Kumva no gusesengura umwandiko

Intego rusange: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **137** n'urwa **138**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga.

- Ni nde watwibutsa isomo duheruka kwiga? **Duheruka kwiga isomo ry'interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo.**
- Tanga urugero rw'interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo.

Interuro mbonezamvugo: Ejo hashize twagiye ku ishuri.

Interuro nyobyamvugo: Ejobundi hashize tuzajya ku ishuri.

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko umuntu agomba kwirinda gukoresha interuro nyobyamvugo.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko «**Isha n'umuhari**» uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **137**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko «**Isha n'umuhari**» wubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko "**Isha n'umuhari**" mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'umwandiko "**Isha n'umuhari**", bubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona.

Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko "**Isha n'umuhari**" bari bwumvemo amagambo:

akabisi n'agahiye, umukenke, igihuru, kuziyunga.

3. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **akabisi n'agahiye**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **akabisi n'agahiye**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **akabisi n'agahiye**. **Akabisi n'agahiye** bisobanura **byose**. Koresha ijambo **akabisi n'agahiye** mu nteruro.

Urugero: Kankindi na Mahoro basangira **akabisi n'agahiye**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **akabisi n'agahiye** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Kankindi na Mahoro basangira akabisi n'agahiye**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **akabisi n'agahiye** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **akabisi n'agahiye**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **akabisi n'agahiye**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **umukenke, igihuru, kuziyunga**.

4. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko "**Isha n'umuhari**" hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko "**Isha n'umuhari**" mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by'intangarugero ukoreshwe umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko "**Isha n'umuhari**", mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Umuhari n'isha byaganiriraga hehe?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Byaganiriraga mu mukenke**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni iki cyatumye umuhari wirukankana isha?**

Somera hamwe n'abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo kiri cyo. Ni uko **isha yawubwiye ko ufite ikirizo kibi**.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Ni izihe nyamaswa zagiriye inama umuhari?** Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Ni imbwebwe n'impongo**.

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo cyo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Ni iki washima imbwebwe? **Nayishima ko yagiriye umuhari inama nziza yo kwiyinga.**

II. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora imyitozo ikurikira:

1. Umwitozo w'inyunguramagambo uri mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **138** wo kuzirisha interuro amagambo bahawe bagakora interuro iboneye.

Ibisubizo

a) Abantu bafitanye ibibazo bagomba **kwiyinga**.

b) Imbwa yo mu gasozi yibera mu **bihuru**.

c) Indyabyatsi zikunda kurisha **umukenke**.

d) Kankindi na Mahoro basangira **akabisi n'agahiye**.

2) Subiza ibibazo ku gakuru

a. Kera isha n'umuhari byabanaga bite? **Byasangiraga akabisi n'agahiye**.

b. Ni iki wanenga umuhari? **Nawunenga ko warakajwe n'ubusa ukarakarira isha kandi byaganiraga**.

b. Uramutse urimo kuganira na mugenzi wawe akakubwira amagambo ntuyishimire wabigenza ute? **Nabyihanganira**.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gukora uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **139**.

Icyumweru cya 16

Isoma rya 6: Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo.

Intego z'isomo: Gusesengura no gutandukanya interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **139**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baherutse kwiga: "**Isha n'umuhari**"

Urugero:

1) Ni zihe nyamaswa zari inshuti zavuzwe mu mwandiko? **Ni isha n'umuhari**.

2) Isha n'umuhari byasangiraga iki? **Byasangiraga akabisi n'agahiye**.

3) Ko zigeze gushwana, ni ko byakomeje? **Oya, byariyunge bibana mu mahoro**.

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko ari byiza kumenya kumenya inyamaswa n'intaho zazo.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Gusesengura no gutandukanya interuro mbonezamvugo na nyobyamvugo

Wifashishije interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **139**, yobora abanyeshuri mu gutahura no gutandukanya interuro mbonezamvugo na nyobyamvugo.



Ndatanga urugero

Andika ku kibaho interuro ya mbere: **Mu cyumweru gitaha nagiyeye kureba Pariki y'Ibirunga**. Yisomere abanyeshuri hanyuma ubabaze impamvu itavugitse neza. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, binoze ubabwire ko interuro: **Mu cyumweru gitaha nagiyeye kureba Pariki y'Ibirunga** itavugitse neza kuko ibizaba mu cyumweru gitaha ibivugaga nk'aho byarangijye kuba. Bibutse ko iyi interuro **Mu cyumweru gitaha nagiyeye kureba Pariki y'Ibirunga** ari interuro nyobyamvugo.

Ongera wandike ku kibaho interuro **Mu cyumweru gitaha nzajya kureba Pariki y'Ibirunga**. Yisomere abanyeshuri hanyuma ubabaze niba yo ivugitse neza. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, binoze ubabwire ko interuro: **Mu cyumweru gitaha nzajya kureba Pariki y'Ibirunga** ivugitse neza kubera ko ivuga kuko ivuga ibintu mu gihe mu cyabyo. Bibutse ko iyi nteruro Mu cyumweru gitaha nzajya kureba Pariki y'Ibirunga ari interuro mbonezamvugo.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musome interuro ya mbere: **Mu cyumweru gitaha nagiyeye kureba Pariki y'Ibirunga** iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **139** hanyuma muvugire hamwe ko ari interuro **nyobyamvugo** kuko ibizaba mu cyumweru gitaha ibivuga nk'aho byarangije kuba. Ongera ubayobore musomere hamwe interuro ya kabiri **Mu cyumweru gitaha nzajya kureba Pariki y'Ibirunga** iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **139** hanyuma muvugire hamwe ko ari interuro **mbonezamvugo** kuko ivuga ibintu mu gihe mu cyabyo.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gusoma interuro ebyiri ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **139** umwe abwire mugenzi we interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo amusobanurire n'impamvu.

Mu gihe murangije gusesengura no gutandukanya interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo, koresha uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, uyobore abanyeshuri mukore umwitozo wo gukosora interuro aho biri ngombwa ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 139, umwitozo wa kabiri.

Ibisubizo

- Umwaka utaha nzasuzza ibyanya bibamo inyamaswa.
- Umwaka utaha nzacirira imbwa nyite Bobi

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, ubasabe kuvuga niba interuro zikurikira ari interuro nyobyamvugo cyangwa niba ari interuro mbonezamvugo.

- Mu cyumweru gitaha nubatse akazu. **(Ni interuro nyobyamvugo)**
- Umwaka ushize naguze igikapu kiza. **(Ni interuro mbonezamvugo)**
- Ejobundi naje kugusura. **(Ni interuro mbonezamvugo)**
- Mu gihembwe gitaha niga Ikinyarwanda. **(Ni interuro nyobyamvugo)**

Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri barimo gukora icyo gikorwa, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana itandukaniro riri hagati y'interuro nyobyamvugo n'interuro mbonezamvugo hanyuma banandike interuro mbonezamvugo imwe n'interuro nyobyamvugo imwe bazazereke bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 16	Isomo rya 7: Imyitozo yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.
Intego rusange: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 140 n'urwa 141

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitiyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo gusoma umwandiko «Na zo zigira ibyana»

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubahe umwitozo wo gusoma umwandiko "Na zo zigira ibyana" uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **140**, umwitozo wa **1**.

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **141** umwitozo wa **2** wo gusimbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro ayo bahawe.

Ibisubizo

- a) Inkoko yacu yaturaze utwana. (**imishwi**)
- b) Kureba abana bavukiye umunsi umwe biranshimisha. (**impanga**)
- c) Inyamaswa zifite amabere zidufitiye akamaro. (**inyamabere**)
- d) Nkunda kureba ibintu byose bigira ubuzima. (**ibinyabuzima**)
- e) Umuhari wagiye guhigira ibyana byawo. (**ibibwana**)

3. Umwitozo wo kumva umwandiko «Na zo zigira ibyana»

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko «Na zo zigira ibyana» uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **141** umwitozo wa **3**

1. Ni ibiki byavuzwe mu mwandiko biranga ibinyabuzima? **Ni ukuvuka, gukura no gusaza.**
2. Vuga uburyo butatu bwavuzwe inyamaswa zororokamo? **Hari izibyara, izibwagura n'izitera amagi.**
3. Vuga uko bita ibyana by'inyamaswa zikurikira: inzovu, umuhari, inkware. **Inzovu igira icyana, umuhari ugira ibibwana naho inkware ikagira imishwi.**

4. Umwitozo wo gusesengura umwandiko «Na zo zigira ibyana»

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko «Na zo zigira ibyana» uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **141** umwitozo wa **4**.

- a) Inyamaswa zitera amagi zitandukaniye he n'inyamaswa zonsa? **Izitera amagi ziraturaga naho izonsa zira byara cyangwa zikabwagura.**
- b) Muri rusange uyu mwandiko ugusigiye ubuhe bumenyi? **Uko inyamaswa zororoka.**
- c) Vuga ibintu bitatu by'ingenzi uyu mwandiko wibanzeho. **Havuzwemo imyororokere y'ibinyabuzima, inyamaswa zibyara n'izibwagura ndetse n'inyamaswa zitera amagi.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko «Na zo zigira ibyana» uri mu gitabo byabo ku rupapuro rwa **140** bazanawusomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 16	Isoma rya 8: Imyitozo isoza icyumweru
Intego z'isomo: Gusesengura no gutandukanya interuro nyobyamvugo n'interuro mbonezamvugo	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 142

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **142** wo gushaka interuro nyobyamvugo mu nteruro bahawe hanyuma bakazikosora.

Ibisubizo:

- a) Ejo hashize inkoko yacu izaturaga imishwi. **Ejo hashize inkoko yacu yaturaze imishwi.**
- b) Mvuka nzaba mfite ibiro bitatu. **Mvuka nari mfite ibiro bitatu.**

2. Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza « **Yego** » cyangwa « **oya** » uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **141**

- a) Uyu munsu nimugoroba nagiye kureba ingagi. Iyi ni **interuro mbonezamvugo. (Yego)**
- b) Ejo hashize nzabona impara n'imparage muri Pariki y'Akagera. Iyi ni **interuro nyobyamvugo.(Yego)**
- c) Kera iwacu tuzasura Pariki ya Nyungwe turebe inguge. Iyi ni **interuro mbonezamvugo. (oya)**

3. Ha abanyeshuri umwitozo wo guhuza wo guhuza ibice by'amagambo bagakora ijamba bakaryandika mu mukono uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **142**

Ibisubizo

Bampyantuye, impwerume, byacapwe, Satinsi.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kwandika interuro nyobyamvugo ebyiri nyobyamvugo n'interuro ebyiri mbonezamvugo bazazisangize bagenzi babo mu ishuri.

ICYUMWERU CYA 17

Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru

Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa **30** n'urwa **31**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga **“Na zo zigira ibyana”**

- 1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni **“Na zo zigira ibyana”**
- 2. Uyu mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga ku nyamaswa n'ibyana byazo.**
- 3. Ni irihe somo uyu mwandiko wagusigiye? **Wansigiye isomo ry'imyororokere y'inyamaswa.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kumenya amazina y'ibyana by'inyamaswa.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru: **“Irushanwa ry'ubwiza”**

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru

Bwira abanyeshuri ko ugiye kubasomera inkuru **“Irushanwa ry'ubwiza”**, ko bari bwumvemo amagambo: **umwami w'ishyamba, irangurura ijwi.**



Ndatanga urugero

Vuga ijamba **umwami w'ishyamba**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijamba **umwami w'ishyamba**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijamba **umwami w'ishyamba**. **Umwami w'ishyamba** bisobanura **intare**.

Koresha ijamba **umwami w'ishyamba** mu nteruro. **Urugero: Umwami w'ishyamba** yatumije inama y'inyamaswa zose.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijamba **umwami w'ishyamba** n'igisobanuro cyaryo hanyuma munavugire hamwe interuro **Umwami w'ishyamba** yatumije inama y'inyamaswa zose.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusubiramo ku giti cyabo ijambo **umwami w'ishyamba** n'igisobanuro cyaryo. Bashyire mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **umwami w'ishyamba**.

Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **umwami w'ishyamba**, bukoreshwe no mu gusobanura ijambo **irangurura ijwi**.

irangurura ijwi bisobanura **ivuga cyane**.

Urugero: Ingwe **irangurura ijwi** ihamagara ibyana byayo.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo kandi n'irindi jambo rikomeye risobanure mu buryo bwihuse. Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri. Maze ubabaze niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva no gusesengura inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Vuga amazina atanu y'innyamaswa zivugwa mu nkuru.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu nkuru: Mu mazina atanu harimo **intare, igikeri, twiga, inzovu, isha**.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Baza ikibazo cya kabiri. **Kuki igikeri cyabanje kwiheba kivuga ko kitazatsinda irushanwa?**

Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Ni uko kitari kiyiziho ubwiza.**



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikiraho. **Kuki igikeri cyatsinze irushanwa ry'ubwiza?**

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basubize icyo kibazo. Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ubafashe kukinoza. Saba abanyeshuri bose gusubiramo igisubizo kiricyo: **Cyatsinze irushanwa kuko cyafashije izindi nyamaswa kwisukura zigasa neza.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banabane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Kuki tugomba gufashanya mu buzima? **Tugomba gufashanya kugira ngo twiteze imbere twese.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye
 - a) **Umwami w'ishyamba:** Intare ni **Umwami w'ishyamba**.
 - b) **Irangurura ijwi:** Inyoni iririmba **irangurura ijwi**.
2. Subiza ibibazo ku nkuru
 - a) Ni iyihe mpamvu intare umwami w'ishyamba yatumiye izindi nyamaswa? **Yatumiye izindi nyamaswa kugira ngo izimenyeshe ko yateguye irushanwa ry'ubwiza.**
 - b) Ubwiza bukenewe mu isi dutuyemo ni ubuhe? **Ni kugira neza no kubana n'abandi amahoro.**
 - c) Iyi nkuru ikwigishije iki mu buzima busanzwe? **Iyi nkuru inyigishije ko gufashanya ari byiza mu buzima.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru **"Irushanwa ry'ubwiza"**, baganire na bo ibyo bashimye muri icyo nkuru hanyuma bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 17	Isomo rya 2: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo
Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 143 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kwiga **"Irushanwa ry'ubwiza"**

1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kwiga? **Duheruka kwiga inkuru "Irushanwa ry'ubwiza"**.
2. Ni izihe nyamaswa zivugwamo? **Haravugwamo intare, inzovu, twiga n'igikeri.**
3. Ni iyihe nyamaswa yagarazaga ingeso nziza? **Ni igikeri.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko tutagomba kureba ubwiza dufatiye ku byo tureba ku mubiri gusa.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **"Yakijije ibyana byayo"** uri mu bitabo byabo urupapuro rwa **143**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko **"Yakijije ibyana byayo"** wubahiriza utwatuzo n'isekaza.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **"Yakijije ibyana byayo"** mwubahiriza utwatuzo n'isekaza.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma umutwe w'umwandiko ku giti cyabo, bubahiriza utwatuzo n'isekaza.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona.

Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **"Yakijije ibyana byayo"** bari bwumvemo amagambo: **kimeza, amapfa, umuhigo, umugara.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **kimeza**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **kimeza**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **kimeza**. **Kimeza**, bisobanura **ritatewe n'abantu**. Koresha ijambo **kimeza** mu nteruro.

Urugero: Ishyamba rya Nyungwe ni **kimeza**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **kimeza** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Ishyamba rya Nyungwe ni kimeza**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **kimeza** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **kimeza**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **kimeza**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **amapfa, umuhigo, umugara**.

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko **“Yakijije ibyana byayo”** bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko **“Yakijije ibyana byayo”** mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Yakijije ibyana byayo”**, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

II. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Shyira abanyeshuri, buri wese kugiti ke, gusoma umwumwe umwandiko **“Yakijije ibyana byayo”** mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye.
2. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **144**, wo kuzurisha interuro amagambo bahawe.

Ibisubizo

- a) Nabonye mu gitabo ishusho y’intare ifite **umugara**.
- b) Izuba ryinshi ritera **amapfa**.
- c) Amashyamba **kimeza** ni intaho y’inyamaswa nyinshi.
- d) Imparage iyo ibonye intare **iradagadwa**.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko **“Yakijije ibyana byayo”** bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 17

Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.

Isomo rya 3: Kumva no gusesengura umwandiko

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **143** n’urwa **144**.

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga: **“Yakijije ibyana byayo”**.

- a) Ni inde watwibutsa umwandiko kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni **“Yakijije ibyana byayo”**
- b) Muri uyu mwandiko havugwagamo ki? **Havugwagamo impyisi yacuze umugambi wo kwiba ibyana by’intare**.
- c) Ni irihe somo wakuyemo? **Nakuyemo isomo ryo kutiba kuko atari byiza**.

Akira ibisubizo by’abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kwirinda gushotorana no gufata iby’abandi batabihawe.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Gusoma umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mugiyi kongera gusoma umwandiko **“Yakijije ibyana byayo”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **143**.

1. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **143**. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko **“Yakijije ibyana byayo”** by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Ni izihe nyamaswa zavuzwe mu mwandiko?**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Ni impyisi, intare, inturo.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Kubera iki impyisi yagiye gushimuta ibyana by’intare?** Somera hamwe n’abanyeshuri musome igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo. **Ni uko amapfa yari yarateye.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Impyisi imaze gutwara ibyana by’intare yabijanye he?** Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ukinoze. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Yabijanye mu isenga yayo.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza umwandiko n’ubuzima busanzwe.

Urugero: Ni ubuhe butwari intare yagaragaje? **Yagiye gushaka ibyana byayo.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by’isuzuma, saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye.

Subiza ibibazo ku mwandiko

1. Ni izihe nyamaswa zavuzwe mu mwandiko? **Ni impyisi, intare, inturo.**
2. Ni kuki inyamaswa z’indyabatsi zitinya indyanyama? **Ni uko indyanyama ari inkazi kandi zishobora kuzibuzza ubuzima.**

Kurikiranya ibikorwa bitanu by’ingenzi bivugwa muri uyu mwandiko. **Inturo yareraga ibyana by’intare, intare yajyaga guhiga, impyisi yashimuse ibyana by’intare, intare yagiye kubohozza ibyana byayo, impyisi yasabye intare imbabazi.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gukora umwitozo wo guhitamo interuro igaragaza iherezo ry’agakuru mu ziri mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **145**, bayandike mu makayi yabo.

Icyumweru cya 17	Isoma rya 4: Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo.
Intego z'isomo: Gusesengura no gutandukanya interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 144 - 145.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga: **“Yakijije ibyana byayo”**

- Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga **“Yakijije ibyana byayo”**
- Inyamaswa zavuzwe mu mwandiko zabaga hehe? **Zabaga mu ishyamba kimeza.**
- Impyisi yari yacuze uwuhe mugambi? **Yari yacuze mugambi wo gushimuta ibyana by'intare.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko atari byiza gucura umugambi wo gukora ibibi.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Gusesengura no gutandukanya interuro mbonezamvugo na nyobyamvugo

Wifashishije interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **144**, yobora abanyeshuri mu gutahura no gutandukanya interuro mbonezamvugo na nyobyamvugo.



Ndatanga urugero

Andika ku kibaho interuro ya mbere : **Intare n'ingwe irahiga izindi nyamaswa.** Yisomere abanyeshuri hanyuma ubabaze impamvu itavugitse neza. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, binoze ubabwire ko interuro: **Intare n'ingwe irahiga izindi nyamaswa** itavugitse neza kuko ivuga ibintu byinshi nk'aho ari kimwe. Bibutse ko iyi nteruro **Intare n'ingwe irahiga izindi nyamaswa** ari interuro nyobyamvugo.

Ongera wandike ku kibaho interuro **Intare n'ingwe bihiga izindi nyamaswa.** Yisomere abanyeshuri hanyuma ubabaze niba yo ivugitse neza. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, binoze ubabwire ko interuro: **Intare n'ingwe bihiga izindi nyamaswa** ivugitse neza kuko ivuga ibintu neza. Bibutse ko iyi nteruro **Intare n'ingwe bihiga izindi nyamaswa.** ari interuro mbonezamvugo.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musome interuro ya mbere: **Intare n'ingwe irahiga izindi nyamaswa.** iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **144 (a)** hanyuma muvugire hamwe ko ari interuro nyobyamvugo kuko ivuga ibintu byinshi nk'aho ari kimwe. Ongera ubayobore musomere hamwe interuro ya kabiri **Intare n'ingwe bihiga izindi nyamaswa** iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **144 (C)** hanyuma muvugire hamwe ko ari interuro mbonezamvugo kuko ivuga ibintu neza.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gusoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **144 (b, d)** umwe abwire mugenzi we interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo amusobanurire n'impamvu.

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gusoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **145**, umwitozo wa **2** bashakemo interuro mbonezamvugo bazandike

Ibisubizo

- Abahigi umwe bashimuta inyamaswa.
- Inzovu zirya ibyatsi. **(Interuro mbonezamvugo)**
- Intare n'ingwe ihiga impara n'imparage.
- Abahigi bamwe bashimuta inkende mu ishyamba. **(Interuro mbonezamvugo)**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana itandukaniro riri hagati y'interuro nyobyamvugo n'interuro mbonezamvugo hanyuma banandike interuro mbonezamvugo imwe n'interuro nyobyamvugo imwe bazazereke bagenzi babo mu ishuri.

icyumweru cya 17	Isomo rya 5: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusoma , kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa 146.

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri


I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri ku kubwira itandukaniro riri hagati y’interuro mbonezamvugo n’interuro nyobyamvugo. Noza ibisubizo by’abanyeshuri.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)


1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **“Zidufitiye akamaro”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **146.**




Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w’umwandiko **“Zidufitiye akamaro”** wubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w’umwandiko **“Zidufitiye akamaro”** mwubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye.




Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w’umwandiko **“Zidufitiye akamaro”** , bubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n’umwandiko, ubabaze ibyo babona. Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w’umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.


2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **“Zidufitiye akamaro”** bari bwumvemo amagambo: **iterambere, ibirunga, ibyondi, inguge.**



Ndatanga urugero


Vuga ijambo **iterambere**. Baza abanyeshuri igisobanuro k’ijambo **iterambere**. Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, noza igisobanuro k’ijambo **iterambere**. **Iterambere** bisobanura **imibereho myiza**. Koresha ijambo **Iterambere** mu nteruro.

Urugero: Igihugu cyacu kirihuta mu **iterambere**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **iterambere** n’igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Igihugu cyacu kirihuta mu iterambere.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **iterambere** n’igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **iterambere**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **iterambere**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **ibirunga, ibyondi, inguge.**

1. Gusoma umwandiko
Gusoma umwandiko bucece
 Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko **“Zidufitiye akamaro”** hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko **“Zidufitiye akamaro”** mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Zidufitiye akamaro”**, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Ni bande basura inyamaswa zo muri pariki?** Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Ni ba mukerarugendo.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Abasura inyamaswa bishyura iki?** Somera hamwe n’abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo: **Bishyura amadovize.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Ni izihe nyamaswa ziba muri Pariki ya Nyungwe?** Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Ni inguge.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banabane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n’ubuzima busanzwe.

Urugero: Ni ibihe bikorwa by’iterambere ubona aho utuye? **Amashanyarazi, amazi, imihanda...**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n’isesekaza rikwiye.
2. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora umwitozo w’inyunguramagambo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **147**, igikorwa cya **2** wo kuzurisha interuro amagambo bahawe.

Ibisubizo

- a) Nagiye gusura Pariki ya Nyungwe mbona **inguge**
 - b) Kugira ngo ugere ku **iterambere** ugomba gukora cyane.
 - c) **Ibirunga** ni imisozi miremire cyane.
 - d) **Ibyondi** ni inyamaswa zenda gusa n’abantu.
3. Subiza ibibazo ku mwandiko
 - a) Ni bande basura inyamaswa zo muri pariki? **Ni ba mukerarugendo.**
 - b) Kubera iki abaturage bagomba kubungabunga ibikorwa by’iterambere? **Ni uko bibafitiye akamaro mu kwiteza imbere.**
 - c) Kuki tugomba gusura pariki zacu? **Ni ukugira ngo turebe ibyiza bitatse u Rwanda.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **147** bashake ingingo yingenzi igakubiyemo bazayisangize bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 17	Isoma rya 6: Gutondeka neza amagambo bagakora interuro mbonezamvugo
Intego z'isomo: Gutondeka neza amagambo bagakora interuro mbonezamvugo bakanayandika	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 147 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse gusoma: **"Zidufitiye akamaro"**

- Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni "Zidufitiye akamaro"**,
- Uwo mwandiko wavugaga ku ki? **Uwo mwandiko wavugaga ku kamaro kinyamaswa.**
- Abasura inyamaswa bifuzwa iki? **Bifuzwa guhora bazisura.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko tugomba kubungabunga inyamaswa no kwita ku buzima bwazo kubera akamaro zifitiye igihugu.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Gutondeka amagambo hagakorwa interuro mbonezamvugo bakayandika.

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gutondeka amagambo mugakora interuro mbonezamvugo mukayandika. Wifashishije amagambo adatondetse neza ari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **147** yobora abanyeshuri muyatondeke mukore interuro ziboneye.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho amagambo akurikira **"na - cyacapwe - iki - Sempyisi - gitabo"** yatondeke neza ukore interuro mbonezamvugo. Interuro mbonezamvugo ubona ni: **Iki gitabo cyacapwe na Sempyisi.** Yisomere abanyeshuri mu ijwi riranguruye. Basobanurire ko ayo magambo yatondetswe kugira ngo babone interuro iboneye.



Dukorane twese

Andika ku kibaho amagambo **Mpwerazikamwa - ni - za - insyo - nziza.** Yobora abanyeshuri mutondeke aya magambo mukore interuro mbonezamvugo. Interuro mbonezamvugo mubona ni **"Insyo za Mpwerazikamwa ni nziza."** Yobora abanyeshuri muyisomere hamwe hanyuma munayandike



Buri wese akore

Andika ku kibaho interuro ikurikira **mu-Ncyuyinyana- ryacu -yancyocyoreye - ishuri** Saba buri munyeshuri gukorana na mugenzi we batondeke amagambo wanditse ku kibaho bakore interuro mbonezamvugo. Gendagenda mu ishuri ubasobanurira uko uyu mwitoto ukorwa, unafasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze. Interuro babona ni **"Ncyuyinyana yancyocyoreye mu ishuri ryacu."** Saba buri munyeshuri kuyandika mu ikayi ye.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora umwitoto wo gutondeka amagambo bagakora interuro mbonezamvugo.

Ibibazo n'ibisubizo

- atuma- meza -impyiko- neza -amazi -zikora.
Amazi meza atuma impyiko zikora neza.
- ukuri -Simpwihwisa- mvuga.
Simpwihwisa mvuga ukuri.
- yancyuriye -Senshywa -inyana.
Senshywa yancyuriye inyana.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kongera gutondeka amagambo ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **147**, umwitoto wa **1** bakore interuro ziboneye bazandike mu mukono hanyuma bazazisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 17	Isomo rya 7: Imyitoto yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.
Intego rusange: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 148 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka gusoma.

1. Ni inde watwibutsa umwandiko duheruka gusoma? **Duheruka gusoma umwandiko "Zidufitiye akamaro"**.
2. Inyamaswa zidufitiye akahe kamaro? **Zisurwa na ba mukerarugendo zikinjiza amadovize.**
3. Ni izihe nyamaswa ziba mu Birunga? **Ni ingagi.**

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitoto, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitoto ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitoto, tegurira abanyeshuri indi myitoto wihitoyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitoto wo gusoma umwandiko «Isega n'imbwa»

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubahe umwitoto wo gusoma umwandiko «Isega n'imbwa» uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **148**, umwitoto wa **1**.

2. Umwitoto w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitoto wa **2** uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **149** wo gusimbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro ayo bahawe

Ibibazo n'ibisubizo

- a) Isega iratitira iyo ifite ubwoba. (**ihinda umushyitsi**)
- b) Ni byiza kutinubira ibyo abarimu badusaba gukora. (**kutijujutira**)
- c) Nahuye n'imbwa yo mu ishyamba ndayihisha. (**isega**)
- d) Imbwa yabonye isega yarananutse cyane iyigirira impuhwe. (**yarahorose**)

3. Umwitoto wo kumva umwandiko

Ha abanyeshuri umwitoto wo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko «Isega n'imbwa» uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **149** umwitoto wa **3**

Ibibazo n'ibisubizo

1. Isega yari ifite ikihe kibazo? **Yari ifite ikibazo cyo kunanuka cyane.**
2. Isega yabaga he? **Yabaga mu ishyamba.**
3. Kubera iki imbwa yari ibyibushye? **Ni ukubera ko yagaburirwaga neza.**

4. Umwitoto wo gusesengura umwandiko "Isega n'imbwa"

Ha abanyeshuri umwitoto wo gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko "Isega n'imbwa" uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **149** umwitoto wa **4**

Ibibazo n'ibisubizo:

1. Ese koko inyamaswa zose zinanutse zibonye ibyo kurya byiza zabyibuha? **Yego zabyibuha.**
2. Uyu mwandiko ukwigishije iki? **Kugirira impuhwe abandi no kubafasha.**
3. Ubona ari bande bakwiriye gufashwa? **Ni abakene.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusoma agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **149** maze bahitemo ingingo y'ingenzi irimo bayandike

ICYUMWERU CYA 17	Isoma rya 8: Imyitozo isoza icyumweru
Intego z'isomo: Gukosora interuro mbonezamvugo	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 149 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, basobanurire neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitiyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo gukosora interuro

Ha abanyeshuri umwitozo wo gukosora interuro bakazigira mbonezamvugo, ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **149**.

Urugero rw'ibisubizo:

- a) Inkende n'inguge iba mu biti. (**Inkende n'inguge ziba mu biti**)
- b) Ba mukerarugendo agiye gusura ingagi. (**Ba mukerarugendo bagiye gusura ingagi**)
- c) Inyamaswa enye yononnye ibihingwa. (**Inyamaswa enye zononnye ibihingwa**)

2. Umwitozo wo guhitamo ingingo y'ingenzi

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma agakuru bahitemo ingingo y'ingenzi igakubiyemo.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **148** bazanawusomere bagenzi babo mu ishuri.

ICYUMWERU CYA 18	Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 32 n'urwa 33 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kumva "**Irushanwa ry'ubwiza**."

- a) Ni inde watwibutsa inkuru duheruka kumva? **Inkuru duherutse kumva ni: "Irushanwa ry'ubwiza"**
- b) Iyi nkuru yavugaga ku ki? **Iyi nkuru yavugaga ku irushanwa ry'ubwiza mu nyamaswa.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubafashe kubinoza. Ibutsa abanyeshuri ko kugira neza no kubana n'abandi mu mahoro ari byiza mu buzima.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru: "**Inyamaswa ni ibyiza bitatse u Rwanda**"

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru

Bwira abanyeshuri ko ugiye kubasomera inkuru “ **Inyamaswa ni ibyiza bitatse u Rwanda**” ko bari bwumvemo amagambo: **ingeri, kubungabunga**.



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **ingeri** . Baza abanyeshuri igisobanuro k’ijambo **ingeri**. Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, noza igisobanuro k’ijambo **ingeri**. **Ingeri** bisobanura amoko.

Koresha ijambo **ingeri** mu nteruro.

Urugero: Ibiti bibamo **ingeri** nyinshi.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **ingeri** n’igisobanuro cyaryo hanyuma munavugire hamwe interuro: **Ibiti bibamo ingeri nyinshi**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **ingeri** n’igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **ingeri**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **ingeri**, bukoreshwe no mu gusobanura ijambo **kubungabunga**.

Kubungabunga bisobanura **kurinda**.

Urugero: Ni byiza **kubungabunga** ubuzima bw’inyamaswa.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatumye n’isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n’inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo kandi n’irindi jambo rikomeye risobanure mu buryo bwihuse. Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri maze ubabaze niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n’ibyo batahuye mbere.

4. Kumva no gusesengura inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Kubera iki hari inyamaswa abantu batinya bakaha n’izindi batinyuka?** Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo.

Soma igisubizo kivuye mu nkuru:

Ni uko hari inyamaswa zigira amahane, hakabaho n’izindi zituje.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Baza ikibazo cya kabiri.

Vuga urusaku rw’inyamaswa zikurikira: intare, impyisi, inturo.

Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Akira ibisubizo by’abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Intare iratontoma, impyisi irahuma, inturo iranyahuza.**



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikiraho. **Vuga itandukaniro riri hagati y’inyamaswa z’indyanama n’indyabyatsi?** Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basubize icyo kibazo.

Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ubafashe kukinoza. Saba abanyeshuri bese gusubiramo igisubizo kiri cyo: **indyanama zitunzwe n’inyama na ho indyabyatsi zigatungwa n’ibyatsi** .

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banabane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n’ubuzima busanzwe.

Urugero: Ukeka ko u Rwanda rukozwa iki amadovise ba mukerarugendo baruzanira? **Ruyifashisha mu kubaka ibikorwaremezo nk’amashuri, amavuriro n’i bindi.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1) Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye.

- Ingeri: Ibiti bibamo **ingeri** nyinshi.
- Kubungabunga: Umwarimu wacu yatubwiye ko **kubungabunga** inyamaswa ari byiza.

2) Subiza ibibazo ku nkuru

- Intare iyo yumvikanisha imivugire yayo ibigenza ite? **Iratontoma**
- Ubonye umuntu arimo guhiga inyamaswa zo mu ishyamba wamugira iyihe nama? **Namugira inama yo kubireka kuko ari icyaha gihanwa n'amategeko.**
- Ku munsu uzwi "**Kwita Izina Ingagi**" hakorwa iki? **Bitamamazina abana b'ingagi.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru "**Inyamaswa ni ibyiza bitatse u Rwanda**", baganire na bo ibyo bashimye muri iyo nkuru hanyuma bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

ICYUMWERU CYA 18

Isomo rya 2: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo.

Imfashanyigisho: Imfashanyisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **150**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kwiga "**Inyamaswa ni ibyiza bitatse u Rwanda**"

- Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kwiga? **Inkuru duheruka kwiga ni "Inyamaswa ni ibyiza bitatse u Rwanda"**
- Iyo nkuru yavugaga ku ki? Yavugaga ku nyamaswa nka bimwe mu byiza bitatse u Rwanda.
- Ni irihe somo wakuye muri iyo nkuru? **Isomo nakuyemo ni uko tugomba kubungabunga ubuzima bw'inyamaswa kuko zifitiye igihugu akamaro.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo ziboneye. Ibutsa abanyeshuri ko inyamaswa zinjiriza igihugu amadevize ko tugomba kuzibungabunga.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko « **Dusobanukirwe n'inyamaswa** » uri mu bitabo byabo urupapuro rwa **150**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko « **Dusobanukirwe n'inyamaswa** » wubahiriza utwatuzo n'isekaza.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko « **Dusobanukirwe n'inyamaswa** » mwubahiriza utwatuzo n'isekaza.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma umutwe w'umwandiko ku giti cyabo, bubahiriza utwatuzo n'isekaza.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n’umwandiko, ubabaze ibyo babona. Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w’umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko « **Dusobanukirwe n’inyamaswa** » bari bwumvemo amagambo: **inzibyi, zigakwira imishwaro, iromboka, amakenga.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **inzibyi**. Baza abanyeshuri igisobanuro k’ijambo **inzibyi**. Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, noza igisobanuro k’ijambo **inzibyi**. **Inzibyi** bisobanura **inyamaswa iba mu mazi ifite umubyimba nk’uw’injangwe**. Koresha ijambo **inzibyi** mu nteruro.

Urugero: Kantengwa yabonye inzibyi mu mazi.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **inzibyi** n’igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Kantengwa yabonye inzibyi mu mazi.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **inzibyi** n’igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **inzibyi**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **inzibyi**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **zigakwira imishwaro, iromboka, amakenga.**

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko “**Dusobanukirwe n’inyamaswa**” bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

4. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko “**Dusobanukirwe n’inyamaswa**” mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko “**Dusobanukirwe n’inyamaswa**” mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

- Saba abanyeshuri gusoma umwumwe umwandiko “**Dusobanukirwe n’inyamaswa**” mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye.
- Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora umwitoto w’inyunguramagambo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **151**, igikorwa cya **2** wo kuzuzanya interuro bakoresheje amagambo bahawe mu kazu.
 - Impara iyo zikanze intare..... (Igisubizo: **zikwira imishwaro**)
 - Imyitarire mibi ya Karire iteye ababyeyi be..... (Igisubizo: **amakenga**)
 - Umujura.....kugira ngo batamwumva. (Igisubizo: **aromboka**)
 -zibera mu mazi.(Igisubizo: **Inzibyi**)



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko “**Dusobanukirwe n’inyamaswa**” bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 18	Isomo rya 3: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 150 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku gakuru baheruka kwiga.

a) Ni inde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni "Dusobanukirwe n'inyamaswa."**

b) Uwo mwandiko wavugaga kuki? **Wavugaga ku nyamaswa zo ku gasozi.**


c) Ni iki wayimenyeyemo utari usanzwe uzi? **Nawumeyeyemo aho inyamaswa zinyuranye zitaha.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko buri nyamaswa igira aho itaha.


II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Gusoma umwandiko
Bwira abanyeshuri ko mugiyeye kongera gusoma umwandiko **"Dusobanukirwe n'inyamaswa"** uri mu bitabo byabo urupapuro rwa **150**.


1. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye


Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **150**. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko **"Dusobanukirwe n'inyamaswa"** by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **"Dusobanukirwe n'inyamaswa"** mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.


2. Kumva no gusesengura umwandiko


Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Ni izihe nyamaswa ziba mu mazi zavuzwe mu mwandiko?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Ni imvubu, ingona, inzibyi n'utunyamasyo tumwe na tumwe.**


Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Inguge ziba hehe?** Somera hamwe n'abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo kiri cyo: **Zitaha mu biti.**


Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Kuki ingwe n'intare iyo zihiga zigenda zomboka?** Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ukinoze. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Ni ukugira ngo izindi nyamaswa zitazumva zigakwira imishwari.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Kuki impara, imparage n'isha bibana? **Ni uko zose ari indyabyatsi.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye.

Subiza ibibazo ku mwandiko

- Vuga nibura inyamaswa ebyiri ziba mu mazi? **Imvubu n'ingona.**
- Vuga izindi nyamaswa ebyiri waba uzi z'indyabyatsi zitavuzwe mu mwandiko? **Imbogo, imparage**
- Ni gute twabungabunga inyamaswa? **Twarwanya abazihiga.a**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana inkuru bize bababwire icyabashimishije muri icyo nkuru bazanakibwire bagenzi babo mu ishuri.

ICYUMWERU CYA 18	Isoma rya 4: Interuro mbonezamvugo na nyobyamvugo
Intego z'isomo: Gutahura no gutandukanya interuro mbonezamvugo na nyobyamvugo	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 152.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga: **“Dusobanukirwe n'inyamaswa”**

- Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga ? Umwandiko duheruka kwiga ni **“Dusobanukirwe n'inyamaswa”**
- Ni nde watwibutsa impamvu indyabyatsi zihorana amakenga? **Ni uko indyanyama zizihiga zishaka kuzirya.**
- Vuga inyamaswa ebyiri ziba mu mukenke? **Isha n'impara**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko ari ngombwa kumenya amoko y'inyamaswa no kumenya kuyatandukanya.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Gutahura no gutandukanya interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo.

Wifashishije interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **152**, yobora abanyeshuri mu gutahura no gutandukanya interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo.



Ndatanga urugero

Andika ku kibaho interuro ya mbere : **Intare arya inyama.** Yisomere abanyeshuri hanyuma ubabaze niba ivugitse neza. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, binoze ubabwire ko interuro: **Intare arya inyama** itavugitse neza kubera ko inyamaswa ziri kuvugwa nk'aho ari abantu. Basobanurire ko iyi nteruro **Intare arya inyama** ari interuro nyobyamvugo kuko itavugitse neza.

Ongera wandike ku kibaho interuro **Intare zirya inyama.** Yisomere abanyeshuri hanyuma ubabaze niba yo ivugitse neza. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, binoze ubabwire ko interuro: **Intare zirya inyama** ivugitse neza. Basobanurire ko iyi nteruro **Intare zirya inyama** ari interuro mbonezamvugo kuko ivugitse neza.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musome interuro ya mbere **Intare arya inyama** iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **152 (a)** hanyuma muvugire hamwe ko ari interuro nyobyamvugo kuko ivugitse nabi. Ongera ubayobore musomere hamwe interuro ya kabiri **Intare zirya inyama** iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **152 (c)** hanyuma muvugire hamwe ko ari interuro mbonezamvugo kuko ivugitse neza.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gusoma interuro zisigaye ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **152 (b, d)** umwe abwire mugenzi we interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo.

Nyuma yo gusobanurira abanyeshuri itandukaniro riri hagati y'interuro nyobyamvugo n'interuro mbonezamvugo, koresha uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese uyobore abanyeshuri mukore imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **152** yo gushaka interuro nyobyamvugo muzo bahawe hanyuma bakazikosora.

- a) Inyamanza ari mu giti. (interuro nyobyamvugo) _ Inyamanza iri mu giti.
- b) Umuntu arabungabunga ibidukikije. (interuro mbonezamvugo)
- c) Ikigori areze neza. (interuro nyobyamvugo) = Ikigori kireze neza.
- d) Ibishyamba bireze neza (interuro mbonezamvugo)

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, ubasabe gukora imyitozo ikurikira yo kugaragazainteruro nyobyamvugo mu zo bahawe hanyuma bakazikosora

Ibibazo n'ibisubizo

- a) Inyoni aririmba mu museso. **interuro nyobyamvugo** = Inyoni iririmba mu museso
- b) Umukinnyi ziriruka mu kibuga. **interuro nyobyamvugo** = Umukinnyi ariruka mu kibuga
- c) Ihene aronsa umwana byayo. **interuro nyobyamvugo**= Ihene ironsa umwana wayo

Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri barimo gukora uwo mwitozo ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana itandukaniro riri hagati y'interuro nyobyamvugo n'interuro mbonezamvugo hanyuma banandike interuro mbonezamvugo imwe n'interuro nyobyamvugo imwe bazazereke bagenzi babo mu ishuri.

ICYUMWERU CYA 18	Isomo rya 5: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.	Imfashanyigisho: Imfashanyisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 153 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza bamwe mu banyeshuri kuvuga itandukaniro riri hagati y'interuro nyobyamvugo n'interuro mbonezamvugo.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko "**Impyisi mu rwina rwa Bakame.**" uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **153**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko "**Impyisi mu rwina rwa Bakame.**" wubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko "**Impyisi mu rwina rwa Bakame.**" mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma umutwe w'umwandiko "**Impyisi mu rwina rwa Bakame.**" bubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.

Saba abayeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko ubabaze ibyo babona. Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko.

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko "**Impyisi mu rwina rwa Bakame.**" bari bwumvemo amagambo: **urwina, ibundaraye, kubogoza, ikiru.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **urwina**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **urwina**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **urwina**. **Urwina**, bisobanura **umwobo bataramo ibitoki**. Koresha ijambo **urwina**, mu nteruro.

Urugero: Urwina rwacu turutaramo ibitoki byinshi.



Dukorane twese

Vugira hamwe n'abanyeshuri ijambo **urwina**. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **urwina** n'igisobanuro cyaryo hanyuma munasubiremo interuro: Urwina rwacu turutaramo ibitoki byinshi.



Buri wese akore

Bwira kuvuga ku giti cyabo ijambo **urwina** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **urwina**. Saba abanyeshuri bamwe kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **urwina**, bunakoreshwe no gusobaura amagambo **ibundaraye, kubogoza, ikiru.**

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko "**Impyisi mu rwina rwa Bakame.**" hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko "**Impyisi mu rwina rwa Bakame.**" mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by'intangarugero ukoreshye umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko "**Impyisi mu rwina rwa Bakame.**" mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Kera impyisi yakundaga kwiba iki?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wakibonye. Soma igisubizo kivuye mu gakuru: **Yakundaga kwiba imineke.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Kuki Bakame yakomye akamo?** Somera hamwe n'abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo kiri cyo: **Ni uko yasanze impyisi ibundaraye ku rwina irya imineke**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Bakame imaze gukoma akamo inyamaswa zabigenje zite?** Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Zihutiye kuyitabara.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya bane bane, ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n’ubuzima busanzwe.

Urugero: Gusaba imbabazi uwo wakoshereje bimaze iki? **Bituma mwiyumva mukongera kubana neza.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

- Saba abanyeshuri gusoma umwumwe umwandiko "**Impyisi mu rwina rwa Bakame.**" mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatumye n’isesekaza rikwiye.
- Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora umwitozo w’inyunguramagambo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **154**, igikorwa cya **2** wo kuzurisha interuro amagambo bahawe.
 - Nabonye imbwa.....ku nkoko. (Igisubizo: **ibundaraye**)
 - Yarakosheje bamuca..... (Igisubizo: **ikiru**)
 - Imineke itaze mu.....iraryoha (Igisubizo: **rwina**)
 - Inzuki zamudwinze none ari..... (Igisubizo: **kubogoza**)
- Subiza ibibazo ku mwandiko
 - Impyisi yibaga imineke he? **Mu rwina rwa Bakame.**
 - Guca ikiru umuntu wakosheje bimariye iki nyiri ukugitanga? **Bituma atazongera gukora nk’ibyo yakoze kugira ngo yirinde kongera gutanga ikiru.**
 - Gusabana imbabazi bihuriye he no kwimakaza umuco w’amahoro? **Bituma habaho ubumwe n’ubwiyunge.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abao babana gakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **152** hanyuma basubize ikibazo cyakabajijweho.

ICYUMWERU CYA 18	Isoma rya 6: Interuro mbonezamvugo n’interuro nyobyamvugo.
Intego z’isomo: Gusesengura no gutandukanya interuro mbonezamvugo n’interuro nyobyamvugo	Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa 154 .

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse kwiga: "**Impyisi mu rwina rwa Bakame**"

- Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga ? **Umwandiko duheruka kwiga ni "Impyisi mu rwina rwa Bakame"**
- Bakame yasanze impyisi hehe? **Yayisanze mu rwina rwayo.**
- Intare yatontomye ibwira izindi nyamaswa iki? **Yazibwiraga ko yayizanyira umujura.**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubafashe kubinoza unabibutse ko kwiba ari ingeso mbi.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Gusesengura no gutandukanya interuro mbonezamvugo na nyobyamvugo

Wifashishije interuro ziri mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **154**, yobora abanyeshuri mu gutahura no gutandukanya interuro mbonezamvugo na nyobyamvugo.



Ndatanga urugero

Andika ku kibaho interuro ya mbere : **Igiti aragaragara kiraboneka**. Yisomere abanyeshuri hanyuma ubabaze impamvu itavugitse neza. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, binoze ubabwire ko interuro: **Igiti aragaragara kiraboneka** itavugitse neza kuko ivugwa nk'aho ari umuntu kandi ari ikintu. Bibutse ko iyi nteruro **Igiti aragaragara kiraboneka** ari interuro nyobyamvugo.

Ongera wandike ku kibaho interuro **Ukwezi kuragaragara ndakubona**. Yisomere abanyeshuri hanyuma ubabaze niba yo ivugitse neza. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, binoze ubabwire ko interuro : **Ukwezi kuragaragara ndakubona**. ivugitse neza. Bibutse ko iyi nteruro **Ukwezi kuragaragara ndakubona** ari interuro mbonezamvugo.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musome interuro ya mbere: **Igiti aragaragara kiraboneka** iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **154** hanyuma muvugire hamwe ko ari interuro nyobyamvugo ivugwa nk'aho ari umuntu kandi ari ikintu. Ongera ubayobore musomere hamwe interuro ya kabiri **Ukwezi kuragaragara ndakubona** iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **154** hanyuma muvugire hamwe ko ari interuro mbonezamvugo.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gusoma interuro eshatu ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **154 (c, d, e)** umwe abwire mugenzi we interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo amusobanurire n'impamvu.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, ubasabe gukora umwitozo ukurikira ugaragaza ko bumvise itandukaniryo riri hagati y'interuro nyobyamvugo n'interuro mbonezamvugo.

Garagaza interuro mbonezamvugo mu nteruro zikurikira uyiceho akarongo:

- 1) Abanyeshuri bakinira umupira mu kibuga. (interuro mbonezamvugo)
- 2) Bariya nyamaswa kibera mu mukenke.
- 3) Umwaka utaha yajyaga muri Pariki y'Akagera.
- 4) Petero anywa amata y'ikivuguto. (interuro mbonezamvugo)



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana gakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **155** hanyuma basubize ikibazo cyakabajijweho.

ICYUMWERU CYA 18	Isomo rya 7: Imyitozo yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.
Intego rusange: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 156 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo gusoma umwandiko « Ibikururanda »

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubahe umwitozo wo gusoma umwandiko "Ibikururanda" uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **156**, umwitozo wa **1**.

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **157** umwitozo wa **2** wo kuzurisha interuro amagambo bahawe.

Ibisubizo:

- Inzoka n'imiserebanya bibarirwa mu **bikururanda**
- Ibyugu** ni inyamaswa zijya gusa n'imiserebanya.
- Ibikururanda **byirwanaho** bihunga bikoresheje inda.
- Bimwe mu bikururanda bitera amagi **bikororoka**.

3. Umwitozo wo kumva umwandiko "Ibikururanda"

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko "Ibikururanda" uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **157** umwitozo wa **3**

- Ibikururanda bikunda kuba hehe? **Bikunda kuba mu mwobo.**
- Ibyana by'ibikururanda bivuka bite? **Bivuka mu magi.**
- Ibikururanda byinshi bitungwa n'iki? **Bitungwa n'udukoko.**

4. Umwitozo wo gusesengura umwandiko « Ibikururanda »

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko « Ibikururanda » uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **157** umwitozo wa **4**

- Ni iyihe mpamvu tugomba kurinda ibikururanda nk'izindi nyamaswa? **Ni uko na byo ari ibidukikije.**
- Ibikururanda n'ibiguruka bitandukaniye he? Ibikururanda n'ibiguruka bitandukaniye he? **Ibiguruka bifite amababa atuma biguruka naho ibikururanda byo bigendesha inda.**
- Ni ibihe bikururanda biboneka aho mutuye? **Ibyugu, imiserebanya, inzoka.....**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusoma umwandiko uri mu gitabo byabo ku rupapuro rwa **156** hanyuma babaze abo babana ibisobanuro by'amagambo ari mu ibara ritukura.

ICYUMWERU CYA 18

Isoma rya **8**: Imyitozo isoza icyumweru

Intego z'isomo: Gusesengura interuro nyobyamvugo n'interuro mbonezamvugo

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **158**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo kugaragaza interuro mbonezamvugo

Ha abanyeshuri umwitozo wo kugaragaza interuro mbonezamvugo uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **158**

- Ibidukikije bigomba kubungwabungwa. **(Interuro mbonezamvugo)**
- Amashyamba na we ni ibidukikije.
- Igiti agororwa kikiri muto.
- Tuge turya ibiryo bifite ubuziranenge. **(Interuro mbonezamvugo)**

2. Umwitozo wo gusoma agakuru bagasubiza ikibazo cyakabajijweho

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **158** hanyuma basubize ibibazo byakabajijweho.



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **158**, banababwire iherezo ryako bazagasomere na bagenzi babo mu ishuri.

ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA KANE

Icyumweru cya 19

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusoma atajijinganya, atagemura amagambo, interuro n'inkurun'inkuru yubahiriza utwatuzo.
- Ubushobozi bwo kwandika nta kosa, amagambo n'interuro mbonezamvugo.
- Ubushobozi bwo gutahura igitekerezo gikubiye mu myandiko yasomye cyangwa yasomewe
- Ubushobozi bwo kubara inkuru yasomye mu magambo ye akurikiranya neza ibitekerezo.

Isomo rya 1: Imyitozo yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko n'inyunguramagambo

Imfashanyigisho: gitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **159** n'urwa **160**.

1. Kubaza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko "Inzoka kwa Semanywa"

Uko bikorwa:

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma umwandiko "Inzoka kwa Semanywa" uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **159**, hanyuma basuzize ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko byawubajijweho biri ku rupapuro rwa **160**.

Ibibazo:

1. Ni iki cyateye Semanywa kwikanga? **Ni inzoka yavugirizaga.**
2. Ni nde wasobanuriye Semanywa amoko y'inzoka? **Ni umuturanyi we Mukantwari.**
3. Inzoka yakanze Semanywa isohotse mu nzu yagiye hehe? **Yagiye mu gihuru.**
4. Ni izihe nyamaswa uzi ziba mu mazi? **Ingona, imvubu, inzoka zimwe na zimwe...**
5. Ni iki washima Mukantwari na Semanywa ku bijyanye no kubungabunga ibidukikije? **Nabashima ko batasagariye inzoka.**
6. Twakora iki kugira ngo ibikoko bitaza mu nzu? **Twasiga dufunze imiryango igihe tudahari.**

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitozo w'inyunguramagambo wo kuzaza interuro bakoreshije amagambo akurikira: **umuturanyi, bayihinda, imitubu, wamuhumuriye**

Ibisubizo:

1. Nabonye **imitubu** hafi y'amazi.
2. **Umuturanyi** wacu afite abana twigana.
3. Abana babonye inzoka **barayihinda**.

Uwo mwana **wamuhumuriye** akareka gukomeza kugira ubwoba.

Isomo rya 2: Imyitozo ku mikoreshereze y'utwatuzo no kwandika

Imfashanyigisho: gitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **161**

A. Umwitozo ku twatuzo

Uko bikorwa:

Ha abanyeshuri umwitozo wa **1, 2** n'uwa **3** ku twatuzo iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **161**

1. Umwitozo wa 1

Ibibazo n'ibisubizo

? Akabazo

, Akitso

! agatangaro

2. Umwitozo wa 2

Ibibazo n'ibisubizo

1) Ingagi, impundu, ibitera n'inkende birakorana, bihanahana ibitekerezo binyuranye.

2) Yooo! Mbega inyamaswa ibereye amaso!

3) Ese wowe wari wajya gusura ingagi inkende n'ibitera?

4) Impongo, ingona, imvubu, ibitera n'isatura ni zimwe mu nyamaswa ziba muri Pariki y'Akagera.

3. Umwitozo wa 3

Ibibazo n'ibisubizo

a) Akabazo: urugero rw'interuro: **Ni nde watubwira inyamaswa zo mu gasozi yaba azi?**

b) Agatangaro: Urugero rw'interuro: **Yooo! Mbega ingagi nini!**

B. Umwitozo wo kwandika

1. Ha abanyeshuri umwitozo wo gukoresha akambi bagahuza izina ry'inyamaswa, ibyana byazo n'urusaku rwazo bakabyandika

Ibisubizo:

Inyamaswa	Icyana	Urusaku
Impyisi	Icyana	Irahuma
Intare	Icyana	Iratontoma
Imbogo	inyana	Irivuga
Umusambi	umushwi	Urahiga

Ha abanyeshuri umwitozo wa 2 wo kwandika ingingo y'ingenzi ivugwa mu mwandiko "Inzoka kwa Semanya" uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 161.

Isomo rya 3: Kumva, gusesengura umwandiko n'inyunguramagambo

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 162 n'urwa 163.

1. Kubaza ibibazo byo kumva umwandiko "Impamvu inguge zitavuga"

Uko bikorwa:

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma umwandiko "Impamvu inguge zitavuga" uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 162, hanyuma basubize ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko byawubajijweho.

Ibibazo

1. Ni ikihe kibazo inguge zari zifite? **Ni uko zitavuga nk'abantu.**
2. Inguge zigiriye iyihe nama? **Zigiriye inama yo kujya kubaza Imana.**
3. Imana yahannye inguge ite inguge zimaze guhemukira umukobwa? **Yazatse ubushobozi bwo kuvuga.**
4. Utekereza ko inguge zitwaye zite imbere y'inkende yatumye zakwa ubushozozo bwo kuvuga? **Zarayirakariye.**
5. Ni ibihe byiza byo kubahiriza amasezerano? **Kubahiriza amasezerano bituma nta bibazo bivuka hagati y'abayagiranye.**
6. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko? **Isomo nkuyemo ni kujya nubahiriza amasezerano nagiranye n'umuntu.**

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitozo w'inyunguramagambo wo kuzuzanya interuro bakoresheje amagambo akurikira: **gutakambira, amerwe, adidimanga, zimyiza imoso**

Ibibazo n'ibisubizo:

- a) Iyo umuntu afite ubwoba avuga **adidimanga**.
- b) Yabuze amafaranga yo kwivuza **atakambira** umuturanyi ngo amugurize.
- c) Abana babonye inzoka **barayihinda**.
- d) Imbwa zahize urukwavu rurazisiga zitaha **zimyiza imoso**.
- e) Impyisi yabonye intama igira **amerwe** ishaka kuyirya.

3. Umwitozo wo gusoma umwandiko **"Impamvu inguge zitavuga"** bakandika irindi herezo ryawo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **162**.

Isomo rya 4: Umwitozo ku nteruro mbonezamvugo no ku ntaho z'inyamaswa

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **164**.

Umwitozo wo gukosora interuro

Ha abanyeshuri umwitozo wo gukosora interuro bahawe bakazigira interuro mbonezamvugo.

Ibibazo n'ibisubizo

- a) Ingwe ashobora kubyara ibyana babiri. **Ingwe ishobora kubyara ibyana bibiri.**
- b) Inkokokazi gitera amagi zikayararira zikayaturaga hakavamo udushwi.
Inkokokazi zitera amagi, zikayararira, zikayaturaga, hakavamo udushwi.
- c) Ejo hazaza nagiyeye mu mahugurwa yo kudukangurira kwizigamira ngo twiteze imbere.
Ejo hazaza nzajya mu mahugurwa yo kudukangurira kwizigamira ngo twiteze imbere.
Ejo hashize nagiyeye mu mahugurwa yo kudukangurira kwizigamira ngo twiteze imbere.
- d) Abantu yose bakwiye kubungabunga ibidukikije. **Abantu bose bakwiye kubungabunga ibidukikije.**

Umwitozo wo guhuza inyamaswa n'intaho yayo bakabyandika

1. Inuma : **mu cyari**
2. Imvubu : **mu mazi**
3. Impyisi : **mu isenga**
4. Inzovu : **mu ishyamba**
5. Inzoka : **mu mwobo**

Isomo rya 4: Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu myitozo wabahaye, bategurire imyitozo ibafasha kuzamura ubushobozi bwabo.

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije bategurire indi myitozo ibafashasha kwagura ubushobozi bwabo.

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusoma atajijinganya, atagemura amagambo yubahiriza utwatumuzo.
- Ubushobozi bwo kwandika nta kosa, amagambo n'interuro mbonezamvugo.
- Ubushobozi bwo gutahura igitekerezo gikubiye mu myandiko yasomye cyangwa yasomewe
- Ubushobozi bwo kubara inkuru yasomye mu magambo ye akurikiranya neza ibitekerezo.

Isomo rya 6: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu.**Uko bikorwa:**

- Ha buri munyeshuri isuzuma ryo gusoma amagambo no kwandika ukurikije amabwiriza agenga isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika ari ku mugereka w'iki gitabo
- Ku mwitoto wo gusoma amagambo, ha buri munyeshuri imbonerahamwe irimo amagambo atandukanye. Ha kandi umunyeshuri urugero rw'uburyo ubikora utunga urutoki ku ijamba ryatanzweho urugero. Risome. Erekanako mu mbonerahamwe aho umunyeshuri atangirira asoma, umwibutse ko agomba gutunga urutoki ku ijamba ari nako arisoma.
- Ku mwitoto w'icyandikwa, bwira abanyeshuri bandike mu makayi yabo y'inozamukono. Soma ijamba rya mbere inshuro eshatu nibaranga kuryandika ubasomere n'amagambo akurikiraho inshuro eshatu kuri buri jambo. Basomere buri interuro inshuro eshatu, ugenda utegereza ko barangiza kwandika iya mbere kungira ngo ubone gusoma iya kabiri.

a) **Gusoma amagambo (Iminota 35)****Urugero:** gukarabywa

kuryarywa	Nyiranshywa	simpwihwisa	imyishywa	yarahomvomvye
ntasumbywe	impwewe	gukapfakapfwa	winsyigingiza	yanshwishurije

b) **Icyandikwa (Iminota 5)****Amagambo:**

Inshwegegeri, Kanyenshywa, gukamywa

Interuro:

- 1) Mpwiturira Ntibasebywa ananire insyo, incyamuro n'infwati.
- 2) Ese Sempyorero afite impwempwe nyinshi?

Isomo rya 7: Gusoma udategwa no kumva umwandiko**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu.**Uko bikorwa:**

- Koresha isuzuma ryo gusoma umwandiko kuri buri munyeshuri ukurikije amabwiriza agenga isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika ari ku mugereka w'iki gitabo.
- Shyira imbere ya buri munyeshuri urupapuro ruriho inkuru arasoma. Iyi nkuru igomba gusomwa mu gihe cy'umunota umwe gusa kuri buri munyeshuri. Umunota nurangira, urahagarika umunyeshuri, maze ukore igiteranyo cy'amagambo yasomye neza kandi yubahiriza utwatumuzo mu nkuru.
- Umunyeshuri narangiza gusoma umwandiko, uramubaza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Erekanako mu nkuru aho umunyeshuri atangirira asoma umwibutse ko agomba gutunga urutoki kuri buri jambo riri mu nkuru ari nako arisoma kandi akubahiriza utwatumuzo.

a) **Gusoma udategwa inkuru****Bakijije agakwavu**

Yumvwanayo na mwishya we Ncyuyinyana bakunda gutemberera kuri Nyungwe Umunsi umwe, baratembeye binjiye mu ishyamba bumva urusaku rw'innyamaswa. Bakebutse babona ni agakwavu kafashwe mu myishywa.

Kari kihishe abahigi bitwaje amacumu bari kumwe n'impwerume zabo.
 Ncyuyinyana arakegera, ariko arushywa no kugakura mu myishywa.
 Yifashisha imfwati kugira ngo akureho ibyatsi maze agakize.
 Yumvwanayo na Ncyuyinyana bagakuramo bakajyana iwabo mu Matyazo.
 Bakagejeje mu rugo, bagashyira mu kibuti cyubatswe mu gikari.
 Bagaha kimari mu gatete kaboshywe na Nyirampyorero.
 Gakira abashakaga kukarisha umutsima basya ku nsyo zabo.

b) Kumva umwandiko

Umwandiko	Igiteranyo cy'amagambo	Ibibazo byo kumva umwandiko	Ibisubizo by'ibibazo byo kumva umwandiko
Yumvwanayo ni inshuti ya Ncyuyinyana bakunda gutemberera kuri Nyungwe	9	Ni bande batementeraga?	Yumvwanayo na Ncyuyinyana.
Umunsi umwe, baratembeye binjiye mu ishyamba bumva urusaku rw'inyamaswa. Bakebutse babona n'agakwavu kafashwe mu myishywa.	15	Ni iki Yumvwanayo na Ncyuyinyana babonye bageze mu ishyamba?	Agakwavu kafashwe mu myishywa.
Kari kihishe abahigi bitwaje amacumu bari kumwe n'impwerume zabo.	9	Kuki agakwavu kari kihishe?	Abahigi bitwaje amacumu bari kumwe n'impwerume zabo
Yifashisha imfwati kugira ngo akureho ibyatsi maze agakize.	8	Ni iki Ncyuyinyana yifashishije kugira ngo akize agakwavu?	Imfwati
Yumvwanayo na Ncyuyinyana bagakuramo bakajyana iwabo mu Matyazo. Bakagejeje mu rugo, bagashyira mu kibuti cyubatswe mu gikari. Bagaha kimari mu gatete kaboshywe na Nyirampyorero. Gakira abashakaga kukarisha umutsima basya ku nsyo zabo.	32	Kuki Yumvwanayo na Ncyuyinyana bahaye agakwavu ikimari?	Kari gashonje, n'ibindi bisubizo.

Isomo rya 8: Gukoresha ibyavuye mu isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu.

Uko bikorwa:

- Niba umubare w'abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke bwo gusoma badategwa, kumva umwandiko cyangwa icyandikwa bahawe ari muto. Umwarimu agomba kubakurikirana abaha imyitozo nzamurabushobozi yo gusoma badategwa, kumva umwandiko no kwandika ahereye ku myitozo iri ku mutwe wa gatandatu mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu aha kandi imyitozo nyagurabushobozi abanyeshuri bagaragaje ubushobozi bwo gusoma badategwa, kumva umwandiko no kwandika.
- Niba abenshi mu banyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu gusoma badategwa, kumva umwandiko no kwandika, umwarimu ashobora kongera kwigisha isomo ryo gusoma badategwa, kumva umwandiko cyangwa kwandika uhereye kubyo bize ku mutwe wa gatandatu, ndetse akabaha imyitozo nzamurabushobozi ihagije.
- Umwarimu afasha by'umwihariko abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke kurusha abandi, buri wese yitabwaho ku giti ke. Abasaba gusubiza kenshi. Abaha indi mikoro ihagije yo mu rugo kugira ngo bakore imyitozo myinshi yo gusoma badategwa, kumva umwandiko no kwandika.
- Umwarimu akomeza gushyira mu bikorwa ingamba zikubiye mu iteganyabikorwa yakoze nyuma y'isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika yateguye, akora amasuzuma anozza imyigire n'imyigishirize y'ako kanya ahagije mu masomo yo gusoma udategwa no kumva umwandiko no kwandika azakurikiraho, hagamijwe gukomeza kugenzura niba abanyeshuri bazamura ubushobozi bwo gusoma udategwa, kumva umwandiko no kwandika.

UMUTWE WA 5: UMUCO W'AMAHORO

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Gusesengura imyandiko ku nsanganyamatsiko y'umuco w'amahoro no gusesengura imiterere y'inkuru.

Ingingo nsanganyamasomo zizavugwaho :

Umwarimu ahereye ku mashusho, inkuru n'imyandiko biri muri uyu mutwe, azasobanurira abanyeshuri ibijyanye no kwimakaza umuco w'amahoro, uburezi budaheza, uburinganire n'ubwuzuzanye n'umuco wo kuzigama.

Icyumweru cya 20

Isomo rya 1: Gusoma no gusesengura inkuru

Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa **34** n'urwa **35**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga **“Impamvu inguge zitavuga”**

- Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni “Impamvu inguge zitavuga”**
- Uyu mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga ku nguge zagiye kubaza Imana impamvu zitavuga nk'abantu**
- Ni iki wagaya ku gikorwa inguge zakoze ? Zateze umukobwa wikoreye imineke zirayirya.

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubibutse ko inguge zifite ishusho nk'iy'abantu ariko ko zitavuga.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru: **“ Mutamu yasabye imbabazi”**

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru

Bwira abanyeshuri ko ugiye kubasomera inkuru **“Mutamu yasabye imbabazi”**, ko bari bwumvemo amagambo: **umutware w'umuryango, umuzinga.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **umutware w'umuryango**. Baza abanyeshuri niba bazi igisobanuro k'ijambo **umutware w'umuryango**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **umutware w'umuryango**.

Umutware w'umuryango bisobanura uhagarariye abandi mu muryango.

Koresha ijambo **umutware w'umuryango** mu nteruro.

Urugero: Mukamana yagizwe **umutware w'umuryango**.



Dukorane twese

Yobara abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **umutware w'umuryango** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Mukamana yagizwe umutware w'umuryango.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **umutware w'umuryango** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **umutware w'umuryango**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **umutware w'umuryango**, bukoreshwe no mu gusobanura ijambo **umuzinga**.

Umuzinga bisobanura **umutiba urimo inzuki**.

Urugero: Ihene yegereye **umuzinga** inzuki zirayidwanga.

3. Kumva no gusesengura inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Ni ba nde bavugwa mu nkuru?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu nkuru: **Ni Musheru, Mutamu na nyina.**



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Baza ikibazo cya kabiri. **Ni ikihe kifuzo nyina wa Mutamu na Musheru yari afite?**

Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Yari afite ikifuzo cyo gutoranya umutware w'umuryango.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri. Baza ikibazo gikurikiraho. **Kubera iki Mutamu yasabye nyina imbabazi?**

Bwira buri munyeshuri akorane na mugenzi we basubize icyo kibazo. Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye.

Saba abanyeshuri bose gusubiramo igisubizo kiri cyo: **Ni uko itubahirije inshingano yahawe.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Ni nde unenga mu nkuru? Kubera iki? **Ndanenga Mutamu kubera ko ibyo bamutumye atabigejeje mu rugo kubera uburangare.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye

Umutware w'umuryango: Umutware w'umuryango yubahiriza inshingano ze.

Umuzinga: Tugomba kwirinda gukubaganya **umuzinga** w'inzuki.

2. Subiza ibibazo ku nkuru

a) Kubera iki Mutamu yamennye amagi? **Ni uko inzuki zamudwinze.**

b) Ni nde ushima mu nkuru? Kubera iki? **Ndashima Musheru kuko yagejeje ibyo bamutumye mu rugo.**

c) Ni iyihe nyigisho ukuye muri iyi nkuru? **Gusaba imbabazi igihe wakosheje no gutanga imbabazi ku muntu uzigusabye.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru **"Mutamu yasabye imbabazi"** hanyuma bashushanye igice k'inkuru cyabashimishije, bazabyereke bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 20	Isomo rya 2: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo
Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 165 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kumva **"Mutamu yasabye imbabazi"**

1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kumva? **Inkuru duheruka kumva ni "Mutamu yasabye imbabazi"**.
2. Nyina wa Mutamu yifuzaga iki? **Yifuzaga gutora uzaba umutware w'umuryango.**
3. Ni irihe somo wakuye muri iyo nkuru? **Isomo nakuyemo ni iryo gusaba imbabazi igihe nakosheje.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubafashe kubinoza. Ibutsa abanyeshuri ko igihe bakosheje bagomba gusaba imbabazi.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **"Kamariza na bagenzi be"** uri mu bitabo byabo urupapuro rwa **165**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko **"Kamariza na bagenzi be"** wubahiriza utwatuzo n'isesekaza.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **"Kamariza na bagenzi be"** mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'umwandiko **"Kamariza na bagenzi be"**, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona.

Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **"Kamariza na bagenzi be"** bari bwumvemo amagambo: **impamba, arabashwishuriza, baramucyurira, intimba.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **impamba**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **impamba**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **impamba**. **Impamba** bisobanura **Icyo kurya cyangwa icyo kunywa umuntu yitwaza ku rugendo**. Koresha ijambo **impamba** mu nteruro.

Urugero: Iyo data agiye guhinga kure yitwaza **impamba**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **impamba** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro : **Iyo data agiye guhinga kure yitwaza impamba.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **impamba** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **impamba**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **impamba**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo arabashwishuriza, **baramucyurira**, **intimba**.

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko **“Kamariza na bagenzi be”** bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko **“Kamariza na bagenzi be”** mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Kamariza na bagenzi be”**, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n’isesekaza rikwiye.
2. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **166** igikorwa cya **2**, wo guhuza amagambo n’ibisobanuro byayo bakoresheje akambi.

Ibisubizo :

1. Impamba: **ibyo kurya**
2. Arabashwishuriza: **arabangira**
3. Intimba : **agahinda**
4. Barancyuriye : **banyibukije amakosa nabakoreye.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko **“Kamariza na bagenzi be”** bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 20	Isomo rya 3: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 165 n’urwa 166

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga **“Kamariza na bagenzi be”**.

1. Ni inde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni “Kamariza na bagenzi be”.**
2. Uwo mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga ukuntu Kamariza yimye bagenzi be ku mpamba na bo bakanga kumufasha hanyuma abasaba imbabazi baramubabarira.**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubibutse ko ari ngombwa kubana n’abandi amahoro.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

Gusoma umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mugiyi kongera gusoma umwandiko « **Kamariza na bagenzi be** » uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **165**.

1. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **165**. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko “**Kamariza na bagenzi be**” by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko “**Kamariza na bagenzi be**”, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Ni ba nde bavugwa mu mwandiko?**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Ni Kamariza, Murebwayire na Ncyuyimihigo.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni iki cyatumye bagenzi ba Kamariza banga kumuherekeza ngo bage gushaka akanigi ke?** Somera hamwe n’abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo kiri cyo. **Ni uko yabimye ku mpamba.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Kubera iki Kamariza yagize intimba?**

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ukinoze. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Ni uko yibutse ko yimye bagenzi be.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza umwandiko n’ubuzima busanzwe.

Urugero rw’ikibazo :

Uramutse ukoshereje mugenzi wawe wakora iki? **Namusaba imbabazi tukabana neza mu mahoro.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by’isuzuma, saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye.

Subiza ibibazo ku mwandiko

1. Ncyuyimihigo na Murebwayire bacyuriye Kamariza ngo iki? **Bamucyuriye ko ari igisambo.**

2. Ikibazo Kamariza na Bagenzi be bari bafitanye cyakemutse gute? **Kamariza yabasabye imbabazi baramubabarira.**

3. Ni iki wakwigira kuri Kamariza na bagenzi be? **Nabigiraho gutanga imbabazi no kubana mu mahoro.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gukora umwitoto wa **1** wo kwandika uri mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **167**.

Icyumweru cya 20	Isomo rya 4: Kubara inkuru
Intego rusange: Gutahura ibice bigize inkuru.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 167

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse kwiga: **“Kamariza na bagenzi be.”**

Urugero:

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni **“Kamariza na bagenzi be.”**
 2. Kamariza yari yataye iki? **Yari yataye akanigi ke.**
 3. Kuki bagenzi ba Kamariza banze kumuherekeza gushaka akanigi ke? **Ni uko yabimye ku mpamba.**
- Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kubana mu mahoro, ukosheje agasaba imbabazi.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

Gutahura amagambo akunda gukoreshwa mu ibarankuru

Andika ku kibaho agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **167**.

Saba abanyeshuri gusoma agakuru hanyuma ubasabe gutahura uko katangiye, uko kakomeje n'uko karangiye.

Uko katangiye: Umunsi umwe, Mugeni na Kankindi batoye akanigi.

Uko kakomeje: Batangira kugakurura buri wese akita ake. Akanigi gacikamo kabiri. Amasaro yako aranyanyagira. Babona ko bapfa ubusa.

Uko karangiye: Basabana imbabazi barababarirana.

Baza abanyeshuri ibibazo bituma batahura amazina y'ibice bitatu bigize inkuru ari byo intangiriro, igihimba (ipfundo), umusozo (iherezo).



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Somera abanyeshuri agakuru, ubereke ko ubara inkuru agira uko ayitangira, uko ayikomeza n'uko ayisoza hanyuma ubabaze amazina y'ibyo bice. Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubinoze. Wifashishije agakuru kanditse ku kibaho sobanurira abanyeshuri ko uko katangiye **ari intangiriro**, uko kakomeje ari **igihimba (ipfundo)** naho uko karangiye **ari umusozo (iherezo)**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvuge ko inkuru igira ibice bitatu ari byo **intangiriro, igihimba (ipfundo), umusozo (iherezo)**.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bavuge basimburana ko inkuru igira ibice bitatu ari byo **intangiriro, igihimba (ipfundo), umusozo (iherezo)**. Gendagenda mu matsika wumva uko abanyeshuri babwirana ibice bitatu by'inkuru.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, basome agakuru gakurikira hanyuma berekane **intangiriro, igihimba (ipfundo), umusozo (iherezo)**.

Ngarambe yari avuye guhinga. Yumva ihene ihebeba cyane. Yegera igihuru asanga ibyatsi byayiboshye.

Ayikuramo ayizirika ahari ubwatsi bwiza. Nuko ihene itangira kurisha, ntiyongera guhebeba.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri bakora neza umwitozo, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Bwira abanyeshuri kuza gukora umwitozo wa **2** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **167** wo gutondeka interuro bagakora agakuru hanyuma bagasomere abo babana banababwire ibice bikagize nyuma bakandike mu mukono bazagasomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 20	Isomo rya 5: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusoma , kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 168

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga

1. Ni rihe somo duheruka kwiga? **Ni ibice bigize inkuru**
2. Ibyo bice bikurikirana bite? **Habanza intangiriro, hagakurikiraho igihimba (ipfundo) hagaheruka umusozo (iherezo)**

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **“Warupyisi na Bakame”** uri mu bitabo byabo urupapuro rwa **168**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w’umwandiko **“Warupyisi na Bakame”** wubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w’umwandiko **“Warupyisi na Bakame”** mwubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w’umwandiko **“Warupyisi na Bakame”**, bubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n’umwandiko, ubabaze ibyo babona.

Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w’umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **“Warupyisi na Bakame”** bari bwumvemo amagambo: **kuryarya, baravunyisha, babura n’inyoni itamba, umuganda.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **kuryarya**. Baza abanyeshuri igisobanuro k’ijambo **kuryarya**. Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, noza igisobanuro k’ijambo **kuryarya**. **Kuryarya** bisobanura **kubeshyabeshya umuntu**. Koresha ijambo **kuryarya** mu nteruro.

Urugero: Kuryarya abandi ni umuco mubi.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **kuryarya** n’igisobanuro cyaryo hanyuma munasubiremo interuro : **Kuryarya** abandi ni umuco mubi.



Buri wese akore







Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **kuryarya** n’igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **kuryarya**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **kuryarya**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **aravunyisha, babura n’inyoni itamba, umuganda.**

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko **“Warupyisi na Bakame”** hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye	
 <i>Ndatanga urugero</i>	Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko “Warupyisi na Bakame” mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.
 <i>Dukorane twese</i>	Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko “Warupyisi na Bakame” , mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.
 <i>Buri wese akore</i>	Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.
4. Kumva no gusesengura umwandiko	
 <i>Ndatanga urugero</i>	Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. Ni iki Bakame yabeshye Warupyisi? Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: Yaramubeshye ngo azaze basangire ikimasa.
 <i>Dukorane twese</i>	Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. Ni ikihe kibazo cyavutse kwa Bakame? Somera hamwe n’abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo kiri cyo. Imvura idasanzwe yangije inzu ya Bakame.
 <i>Buri wese akore</i>	Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. Ni ikihe kintu kiza Warupyisi yakoreye Bakame? Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. Yamuhaye umuganda wo kumusanira inzu.
Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n’ubuzima busanzwe.	
Urugero : Utekereza ko ari iki cyatumye Bakame asaba Warupyisi imbabazi? Ni uko Warupyisi yirengangije uburyarya bwa Bakame ajya kumuha umuganda.	
III. ISUZUMA (Iminota 10)	
1. Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko “Warupyisi na Bakame” mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatumye n’isesekaza bikwiye.	
2. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 169 igikorwa cya 2 , wo guhuza amagambo n’ibisobanuro byayo	
1) Kuryarya : ni kubeshya	
2) Baravunyisha : ni basaba ikaze	
3) Babura n’inyoni itamba : babura n’umwe	
4) Kumuha umuganda: kumufasha	
3. Subiza ibibazo ku mwandiko	
a) Ni nde wasaniye Bakame inzu? Ni Warupyisi na bagenzi be.	
b) Ni irihe somo wakuye mu mwandiko? Nakuyemo isomo ryo kubabarira uwakugiriye nabi.	
c) Vuga nibura ingingo ebyiri z’ingenzi uyu mwandiko wibanzeho? Ni uburyarya bwa Bakame no ku mbabazi Warupyisi yahaye Bakame.	



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko bize **“Warupyisi na Bakame”** hanyuma baze gukoresha amagambo : **kuryarya, baravunyisha, kumuha umuganda** mu nteruro bihimbiye bazazisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 20	Isomo rya 6: Kubara inkuru
Intego rusange: Guhuza interuro z’agakuru n’ibice bikagize	Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 169

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse kwiga: **“Warupyisi na Bakame.”**

- Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni “Warupyisi na Bakame.”**
- Ni nde wasaniye Bakame inzu? Ni Warupyisi na bagenzi be.**
- Ni irihe somo wakuye mu mwandiko? Nakuyemo isomo ryo kubabarira uwakugiriye nabi.**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kubana mu mahoro kandi bakanafashanya.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

Guhuza buri nteruro n’igice cy’inkuru ibarizwamo

Andika ku kibaho agakuru kari mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **169**, usabe bamwe mu banyeshuri bagasome mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye.



Saba abanyeshuri gukurikira. Basomere interuro ya mbere y’agakuru **Gapira yakinye umupira na Gasore**. Babaze igice k’inkuru kijyanye n’iyo nteruro. Uhereye ku bisubizo byabo, basobanurire ko interuro **Gapira yakinye umupira na Gasore**. ari **intangiriro**.

Basomere interuro ebyiri zikurikira z’agakuru :

Barimo gukina, Gapira yasyonyoye Gasore.

Gapira amusaba imbabazi.

Babaze igice k’inkuru kijyanye n’izo nteruro. Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, basobanurire ko interuro **Barimo gukina, Gapira yasyonyoye Gasore. Gapira amusaba imbabazi ari igihimba**.

Basomere interuro ya kane y’agakuru: **Gasore aramubabarira bakomeza gukina**.

Babaze igice k’inkuru kijyanye n’iyo nteruro. Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, basobanurire ko interuro **Gasore aramubabarira bakomeza gukina ari umusozo**.



Yobora abanyeshuri musomere hamwe buri nteruro igize agakuru mugenda muyihuza n’igice k’inkuru ibarizwamo.

Dukorane twese



Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gusoma ku giti cyabo buri nteruro igize agakuru babwirane igice k’inkuru buri nteruro ibarizwamo.

Buri wese akore

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, ubasabe gutondeka neza interuro zikurikira bakore agakuru hanyuma berekane intangiriro, ipfundo n’iherezo ry’agakuru babonye.

Kamanzi asaba Kamari imbabazi aramubabarira.

Bareka gukina agapira batangira gushwana.

Kamari na kamanzi bakinaga agapira.
 Umwarimu wabo ababonye arabakiza.
 Kamanzi akinira nabi Kamari biramubabaza.
 Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri bakoraa neza umwitozo, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza guhanga agakuru bagaragaze ibice bikagize bazanabisangize bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 20	Isomo rya 7: Imyitozo yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 170 n'urwa 171

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitiyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo gusoma umwandiko «Bakame na Ruhaya»

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubahe umwitozo wo gusoma umwandiko «**Bakame na Ruhaya**» uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **170**, umwitozo wa **1**.

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **171** wo kuzuzanya interuro bakoresheje amagambo bahawe.

Ibisubizo:

- Gapusi **agira ishyushyu** ryo gushaka kurya abandi bataraza.
- Bamubwiye ko yatsinzwe **akubitwa n'inkuba**.
- Abagiranye **amasezerano** barayubahiriza.
- Inshuti magara** ntizijya zihemukirana.

3. Umwitozo wo kumva umwandiko « Bakame na Ruhaya »

Ha abanyeshuri umwitozo wa **3** uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **171** wo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko « **Bakame na Ruhaya** »

Ibibazo n'ibisubizo

- Ni ba nde bavugwa mu nkuru? **Ni Bakame na Ruhaya.**
- Ni iki Bakame na Ruhaya biyemeje gukora? **Biyemeje gufatanya no gukorera hamwe muri byose.**
- Ni nde utarubahirije amasezerano? **Ni Bakame.**

4. Umwitozo wo gusesengura umwandiko « Bakame na Ruhaya »

Ha abanyeshuri umwitozo wa **4** uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **171** wo gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko «**Bakame na Ruhaya**»

Ibibazo n'ibisubizo

1. Ni iki unenga Bakame ? **Ndayinenga ko yishe amasezerano yagiranye na Ruhaya.**
2. Ni izihe ngingo zigaragaza imibanire myiza ziri mu mwandiko ? **Ubucuti bwa Ruhaya na Bakame, umushinga, ubuhinzi bw'amatunda.**
- 3) Shaka ubundi buryo ikibazo cya Ruhaya na Bakame cyari gukemukamo ? **Bakame yari guharira Ruhaya amatunda, ikanayisaba imbabazi.**



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko « **Bakame na Ruhaya** » uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **170**, bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 20

Isomo rya 8: Imyitozo isoza icyumweru

Intego rusange: Guhuza ibice by'ijambo bagakora ijambo bakaryandika no guhuza interuro n'igice k'inkuru ibarizwamo

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **172**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitiyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo guhuza ibice by'ijambo bagakora ijambo bakayandika

Ha abanyeshuri umwitozo wa **1** uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **172** wo guhuza ibice by'ijambo bagakora ijambo bakayandika.

2. Umwitozo wo guhuza interuro z'agakuru n'ibice bikagize

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **172** wo gusoma agakuru hanyuma bagahuza interuro z'agakuru n'ibice bikagize.



Saba abanyeshuri kuza guhimba agakuru hanyuma berekane ibice bikagize (intangiriro, ipfundo n'iherezo).

Icyumweru cya 21

Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru

Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa **36** n'urwa **37**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga "**Bakame na Ruhaya**".

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Duheruka kwiga umwandiko "**Bakame na Ruhaya**"
2. Uyu mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga kuri Bakame na Ruhaya byari inshuti bigafatanya guhinga umurima w'amatunda.**
3. Uyu mwandiko wayigiyemo iki? **Nawigiyemo ko atari byiza guhemukira abandi.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko twese dufite inshingano yo kwimakaza umuco w'amahoro.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru: **"Ntituzongera gutongana"**

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru.

Bwira abanyeshuri ko ugiye kubasomera inkuru **"Ntituzongera gutongana"**, ko bari bwumvemo amagambo: **gutongana, bacyocyorana**.



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **gutongana**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **gutongana**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **gutongana**. **Gutongana** bisobanura **kubwirana nabi**.

Koresha ijambo **gutongana** mu nteruro.

Urugero: Umwarimu atubuza **gutongana** na bagenzi bacu.



Dukorane twese

Vugira hamwe n'abanyeshuri ijambo **gutongana** n'igisobanuro cyaryo munasubiremo interuro **Umwarimu atubuza gutongana na bagenzi bacu**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **gutongana** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **gutongana**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **gutongana** bukoreshwe no mu gusobanura ijambo **bacyocyorana**.

Bacyocyorana bisobanura **babwirana amagambo atari meza**.

Urugero: Abanyeshuri **bacyocyorana** barahanwa.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza.

Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo kandi n'irindi jambo rikomeye urisobanure mu buryo bwihuse. Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri maze ubabaze niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva no gusesengura inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Ni ba nde bavugwa mu nkuru?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wakibonye. Soma igisubizo kivuye mu nkuru: **Mu nkuru haravugwamo Muneza, Mutsinzi n'ababyeyi babo**.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Baza ikibazo cya kabiri. **Muneza na Mutsinzi bari babanye bate?** Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Bahoraga bacyocyorana, bagasigana, bagatongana, bagashyamirana, bagapfa ubusa**.



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikiraho. **Babigenje bate kugira ngo bakure umupira mu giti?**

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basubize icyo kibazo. Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ubafashe kukinoza.

Saba abanyeshuri bose gusubiramo igisubizo kiri cyo: **Bafatanije inkoni umwe ashyira undi ku rutugu barawumanura**.

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Iyi nkuru ikwigishije iki? **Iyi nkuru inyigishije ko tugomba gufashanya muri byose, tukirinda gushyamirana, tukabana mu mahoro.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye.

- a) **gutongana:** Abantu bose bakwiye kwirinda **gutongana**.
- b) **bacyocyorana:** Nabonye Gakire na Gakwandi **bacyocyorana** ndababuza.

2) Subiza ibibazo ku mwandiko

- a) Ni abahe bana bavugwa mu nkuru? **Ni Muneza na Mutsinzi.**
- b) Ni izihe ngaruka zo gutongana? **Gutongana bituma abantu babana nabi, kandi ntibagire n'icyo bageraho...**
- c) Ubonye bagenzi bawe batongana wabamarira iki? **Nabagira inama yo kubireka kuko iyo abantu bashyamirana babana nabi ntibagire icyo bageraho.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru **"Ntituzongera gutongana"** baganire na bo ibyo bashimye muri icyo nkuru hanyuma bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cy'ama 21

Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo

Isomo rya 2: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **173** n'urwa **174**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kumva **"Ntituzongera gutongana"**

- 1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kumva? **"Ntituzongera gutongana"**.
- 2. Iyi nkuru yavugaga kuri nde? **Muneza, Mutsinzi n'ababyeyi babo.**
- 3. Ni irihe somo wakuye muri icyo nkuru? **Isomo nakuyemo ni uko nkwiye kwirinda gucyocyorana no gutongana; ahubwo ngaharanira umuco w'amahoro.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bakwiye kubana na bagenzi babo badatongana.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko « **Umukecuru n'agasamunyiga** » uri mu bitabo byabo urupapuro rwa **173**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko « **Umukecuru n'agasamunyiga** » wubahiriza utwatuzo n'isesekaza.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **"Umukecuru n'agasamunyiga"** mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'umwandiko, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona. Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko
Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko mugiyeye gusoma "**Umukecuru n'agasamunyiga**" bari bwumvemo amagambo: **karajubije, barabuze amahwemo, ashya ubwoba, katitije.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **karajubije**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **karajubije**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **karajubije**. **Karajubije** bisobanura **karabujije amahoro**. Koresha ijambo **karajubije** mu nteruro.

Urugero: Aka kana kari **karajubije** bagenzi bako.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **karajubije** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Aka kana kari karajubije bagenzi bako.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **karajubije** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **karajubije**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **karajubije**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **barabuze amahwemo, ashya ubwoba, katitije.**

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko "**Umukecuru n'agasamunyiga**" bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko "**Umukecuru n'agasamunyiga**" mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko "**Umukecuru n'agasamunyiga**", mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma umwumwe umwandiko "**Umukecuru n'agasamunyiga**" mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye.
2. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **174**, igikorwa cya **2** wo guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo.

Ibisubizo

- 1) kujubya : **kubuza amahoro**
- 2) kubura amahwemo : **kudatuzza**
- 3) gutitiza : **gutera ubwoba**
- 4) gushya ubwoba : **gutinya**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko basomye no kubabwira amagambo mashya bungukiyemo hanyuma bazanayabwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 21	Isomo rya 3: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 173 n'urwa 174 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga **“Umukecuru n’agasamunyiga”**.


1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheka kwiga ni “Umukecuru n’agasamunyiga”**.
2. Uwo mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga ku mukecuru wari ugiye kwamburwa imineke ye n’agasamunyiga, nuko umuhari ukahagoboka ukamutabara.**
3. Vuga uko uwo mwandiko warangiye. **Warangiye agasamunyiga gapfukama gasaba imbabazi, kiyemeza kutazongera guhohotera abantu no kwambura.**


Akira ibisubizo by’abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko abantu bagomba kubana mu mahoro birinda gusagarira abandi.


II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

Gusoma umwandiko
Bwira abanyeshuri ko mugiyeye kongera gusoma umwandiko **“Umukecuru n’agasamunyiga”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **173**.


1. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye


 Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **173**. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko **“Umukecuru n’agasamunyiga”** by’intangarugero ukoreshije umuvuduko n’isesekaza bikwiye.
Ndatanga urugero


 Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Umukecuru n’agasamunyiga”**, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.
Dukorane twese

 Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.
Buri wese akore

2. Kumva no gusesengura umwandiko

 Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Agasamunyiga kabaga he?**
Ndatanga urugero Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Kabaga mu ishyamba rya Muyunzwe.**

 Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Kari karajubijije abagenzi gate?**
Dukorane twese Somera hamwe n’abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire igisubizo kiri cyo: **Karabategaga kakabambura imitwano yabo.**

 Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Ni iki cyakijije umukecuru?**
Buri wese akore Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ukinoze. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Ni umuhari.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Kuki agasamunyiga kisubiyeho ntikongere gusagarira abagenzi? **Ni ukubera ko umuhari wakabujije kwambura abantu.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye.

Subiza ibibazo ku mwandiko

- Ni iki cyari cyarabujije abagenzi amahwemo? **Ni agasamunyiga.**
- Uhuye n'umuntu akagusagarira wabigenza ute? **Natabaza ngo bankize.**
- Utekereza ko uriya mukecuru yakoreye iki umuhari? **Ntekereza ko yawushimiye kubera ko wamukijije agasamunyiga.**

Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri basubiza, ufashe abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **175** wo gutondeka neza interuro bagakuramo agakuru kaboneye bakakandika.

Icyumweru cya 21

Isomo rya 4: Inyuguti nkuru

Intego rusange: Gukoresha inyuguti nkuru mu nteruro

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **174** n'urwa **175**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse kwiga: **“Umukecuru n'agasamunyiga”**.

- Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni **“Umukecuru n'agasamunyiga”**.
- Agasamunyiga kari gafite iyihe ngeso? **Kari gafite ingeso yo kwambura abagenzi utwabo.**
- Ni iki cyakijije umukecuru? **Ni umuhari.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko ari byiza kuroherana abantu bakabana mu mahoro.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

Imikoreshereze y'inyuguti nkuru

Wifashishije interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **174**, yobora abanyeshuri mu gutahura imikoreshereze y'inyuguti nkuru. Saba abanyeshuri gusoma no kwitegereza interuro ziri mu gitabo cyabo rupapuro rwa **174**. Babaze ibibazo biganisha ku gutahura imikoreshereze y'inyuguti nkuru.

- Mu nteruro ya mbere ni ayahe magambo yatangiye inyuguti nkuru? Ni **Agasamunyiga** na **Muyunzwe**
- Mu nteruro ya kabiri ni ayahe magambo yatangiye inyuguti nkuru? Ni **Ako** na **Nyiramana**

Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri bayobore mugaragaze imikoreshereze y'inyuguti nkuru.



Ndatanga urugero

Andika ku kibaho interuro ya mbere : **Agasamunyiga kabaga mu ishyamba rya Muyunzwe**. Baza abanyeshuri impamvu ijambo **Agasamunyiga** n'ijambo **Muyunzwe** yatangiye inyuguti nkuru. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, basobanurire ko ijambo **Agasamunyiga** ryatangiye inyuguti nkuru kuko ritangiye interuro. Basobanurire kandi ko ijambo **Muyunzwe** ryatangiye inyuguti nkuru kuko ari izina ry'ahantu.



Andika ku kibaho interuro ya kabiri : **Ako kanya hatunguka umukecuru Nyiramana yikoreye igitebo.**

Baza abanyeshuri impamvu ijamba **Ako** n'ijamba **Nyiramana** yatangijwe inyuguti nkuru. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, basobanurire ko ijamba **Ako** ryatangijwe inyuguti nkuru kuko ritangiye interuro. Basobanurire kandi ko ijamba **Nyiramana** ryatangijwe inyuguti nkuru kuko ari izina ry'umuntu.

Sobanurira abanyeshuri ko inyuguti nkuru itangira interuro, amazina bwite y'ahantu n'amazina bwite y'abantu.



Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ko inyuguti nkuru itangira interuro, amazina bwite y'ahantu n'amazina bwite y'abantu.



Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri usabe buri munyeshuri kubwira mugenzi we ko inyuguti nkuru itangira interuro, amazina bwite y'ahantu n'amazina bwite y'abantu.

Mu gihe urangije gusobanurira abanyeshuri imikoreshereze y'inyuguti nkuru, bibutse ko amagambo akurikira utwatuzo dukurikira : akabago . agatangaro ! akabazo ? atangirwa n'inyuguti nkuru.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, ubasabe gukora umwitozo wa **2** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **175**, wo gukosora agakuru bashyira inyuguti nkuru aho zigomba kujya.

Ibisubizo:

Umunsi umwe, Ncyuyishyoye yavaga i **Gahini** kwiga. **Ageze** mu nzira ahura n'intama ya **Benegusenga**. **Dore ngo** aragira ubwoba! **Si** ukwiruka afumyamo! **Ese** yaba yaraketse ko ari imbwa? **Ako kanya Semfwati** aba arahageze amubwira ko intama itaryana.

Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri bakora uwo mwitozo, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bize ku mikoreshereze y'inyuguti nkuru.

Icyumweru cya 21	Isomo rya 5: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 176 n'urwa 177

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ikibazo ku mikoreshereze y'inyuguti nkuru.

Ni nde watwibutsa aho inyuguti nkuru ikoreshwa ?

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko inyuguti nkuru ikoreshwa ku :

- Amagambo atangira interuro.
- Amazina bwite y'ahantu.
- Amazina bwite y'abantu.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko "**Ntama na Nyambo**" uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **176**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko «**Ntama na Nyambo**» wubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko "**Ntama na Nyambo**" mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma umutwe w'umwandiko "**Ntama na Nyambo**" ku giti cyabo, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona.

Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko "**Ntama na Nyambo**" bari bwumvemo amagambo: **gucyocyorana, intonganya, yirengagiza, aca bugufi**.



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **gucyocyorana**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **gucyocyorana**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **gucyocyorana**. **Gucyocyorana** bisobanura **guterana amagambo**. Koresha ijambo **gucyocyorana** mu nteruro.

Urugero: Si byiza **gucyocyorana** na bagenzi bawe.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **gucyocyorana** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Si byiza gucyocyorana na bagenzi bawe**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **gucyocyorana** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **gucyocyorana**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **gucyocyorana**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **intonganya, yirengagiza, aca bugufi**.

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko "**Ntama na Nyambo**" hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko "**Ntama na Nyambo**" mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko "**Ntama na Nyambo**", mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

4. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Ntama na Nyambo bari bicaye he?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko:

Munsi y'igiti.



Dukurane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni iki Ntama yabwiye Nyambo kikamurakaza?**

Somera hamwe n'abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo kiri cyo. **Yamubwiye ko kugira amahembe maremare atari bwo butwari.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Ihembe rya Nyambo rimaze kwishinga mu butaka Ntama yakoze iki?**

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo.

Ntama yamufashije kurivanamo.

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo cyo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Ukeka ko intonganya hagati ya Nyambo na Ntama zatewe n'iki? **Zatewe no gucyocyorana.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri umwitozo wa 2 wo guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 177.

Ibisubizo:

1. gucyocyorana : **kubwirana amagambo asesereza**
2. gutakambira umuntu : **kwinginga umuntu**
3. aca bugufi : **ariyoroshya**
4. intonganya : **amagambo mabi arimo uburakari**

Subiza ibibazo ku mwandiko

1. Hashize umwanya Ntama na Nyambo bacyocyoranye, Nyambo yakoze iki? **Yakaraze ihembe cyane ngo aritere Ntama.**
2. Utekereza ko ari iki cyatumye Nyambo asaba Ntama imbabazi? **Ni uko yari yamurakariye ariko we akabirengaho akamufasha.**
3. Mugenzi wawe ahuye n'ibyago wamumarira iki? **Namufasha uko nshoboye.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko "**Ntama na Nyambo**" banandike irindi herezo baha iyi nkuru, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 21	Isomo rya 6: Guhuza amashusho n'amagambo ari mu kinyatuzu.
Intego rusange: Gukoresha amagambo yahujwe n'amashusho mu nteruro.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 178 n'amashusho ari ku rupapuro rwa 178.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Isubiramo ku mwandiko baheruka gusoma

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse gusoma: **"Ntama na Nyambo"**

1. Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni **"Ntama na Nyambo"**.
 2. Mbere Ntama na Nyambo babanaga bate? **Baraganiraga, buri wese yishimiye undi.**
 3. Ntama amaze kubabarira Nyambo yamusabye iki? **Yamusabye ko bakomeza kubana mu mahoro.**
- Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko tugomba kubana mu mahoro.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

Gushaka amagambo mu kinyatuzu ajyanye n'amashusho no kuyandika

Wifashishije amashusho n'ikinyatuzu biri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **178**, yobora abanyeshuri mu gutahura amagambo ajyanye n'ayo mashusho no kuyashaka mu kinyatuzu hanyuma bakayandika.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri kwitegereza ikinyatuzu kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **178**, igikorwa cya **1**. Saba abanyeshuri gukurikira. Itegereze ishusho ya mbere uvuge ijambo ry'igikorwa igaragaza. Ijambo ubona ni **guhoberana**. Shaka iryo jambo mu kinyatuzu. Ereka abanyeshuri uko uribonye. Ryandike ku kibaho. Risomere abanyeshuri mu ijwi riranguruye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mutahure ijambo rivuga igikorwa kijyanye n'ishusho ya kabiri. Ijambo mubona ni **gutwaza**. Fatanya n'abanyeshuri mushake iryo jambo mu kinyatuzu. Ryandike ku kibabaho na bo baryandika mu makayi yabo nyuma murisome.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gukorana na bagenzi babo mu matsinda mato batahure ijambo rivuga igikorwa kijyanye n'ishusho ya gatatu. Ijambo babona ni **gusuhuza**. Basabe kurishaka mu kinyatuzu hanyuma baryandike mu makayi yabo nyuma barisome. Gendagenda mu ishuri ubasobanurira uko uyu mwitoto ukorwa, unafasha abafite ibibazo byihariye.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Saba abanyeshuri gukorera mu matsinda mato batahure amagambo avuga ibikorwa bijyanye n'amashusho akurikiyeho (ishusho ya 4 n'ya 5) ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **178**, igikorwa cya **1** bayashake mu kinyatuzu, bayandike mu makayi yabo nyuma bayasome.

Gendagenda mu ishuri ureba uko uwo mwitoto ukorwa ufasha abafite ibibazo byihariye.

Ibisubizo: **imbabazi, gusurana.**




Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **178** hanyuma basubize ikibazo cyakabajijweho.


Icyumweru cya 21	Isomo rya 7: Imyitozo yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.
Intego rusange: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 179 n'urwa 180

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)	
Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.	
II. IMYITOZO (Iminota 35)	
Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye. Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitoyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.	
1. Umwitozo wo gusoma umwandiko «Kampire na bagenzi be» Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banabane ubahe umwitozo wo gusoma umwandiko «Kampire na bagenzi be» uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 179 , umwitozo wa 1 .	
2. Umwitozo w'inyunguramagambo Ha abanyeshuri umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 180 umwitozo wa 2 wo kuzuza interuro ukoresheje amagambo yatanzwe. Ibisubizo a) Tuge twirinda gukosereza bagenzi bacu nkana b) Ntitugashyamirane byatuma tutabana mu mahoro. c) Yumvise impanuro z'umubyeyi. d) Muneza na Kabirigi bagiranye amakimbirane baza kwiyunga.	
3. Umwitozo wo kumva umwandiko «Kampire na bagenzi be» Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko «Kampire na bagenzi be» uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 180 umwitozo wa 3 . Ibibazo n'ibisubizo 1. Ni nde wavuzwe mu mwandiko wakundaga gushyamirana n'abandi? Ni Kampire. 2. Kampire atonganya Manzi byari bigenze bite? Manzi yari amusitayeho bakina. 3. Umwarimu amaze kubunga Kampire na Manzi yababwiye iki? Yababwiye ko bagomba kujya birinda ubushyamirane.	
4. Umwitozo wo gusesengura umwandiko «Kampire na bagenzi be» Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko «Kampire na bagenzi be» uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 180 umwitozo wa 4 . Ibibazo n'ibisubizo a) Iyo aza kuba wowe Manzi asitayeho atabishaka wari gukora iki? Nari kumubabarira. b) Ni iki ushima Kampire? Kampire ndamushima ko yiyemeje kutazongera gushyamirana n'abandi. c) Nyuma y'iyi nkuru urumva igihe ukina n'abandi uzajya wirinda iki? Nzajya nirinda gutongana no gushyamirana n'abandi.	
III. ISUZUMA (Iminota 10)	
 Umukoro	Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko «Kampire na bagenzi be» uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 180 bazanawusomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 21	Isomo rya 8: Imyitozo isoza icyumweru
Intego rusange: Gukora imyitozo yo kwandika	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 181

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)
Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.
II. IMYITOZO (Iminota 35)
Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye. Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.
1. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 181 wo gukosora interuro ukoresha uko bikwiye inyuguti nkuru. Ibisubizo : a) Uyu muni Yohani yansabye imbabazi ndazimuha. b) Yebaba weee! Ngeze i Murambi pe!
2. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 181 wo gutondeka imigemo bagakora ijamba bakaryandika Ibisubizo Arumvwa, ntibagasibywe, barakarabywa, gushyamirana, ntibasebywa.
3. Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 181 bagasubiza ikibazo cyakabajijweho. Gendagenda mu ishuri ubakosora, ufashe abafite ibibazo byihariye.
 Saba abanyeshuri kuza kwandika interuro eshatu zikoreshejwemo inyuguti nkuru, bazazibwire bagenzi babo mu ishuri. <i>Umukoro</i>

Icyumweru cya 22	Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 38 n'urwa 39

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)
Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga “Kampire na bagenzi be”
1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni “Kampire na bagenzi be”
2. Uyu mwandiko wavugaga ku ki? Wavugaga ku mwana witwa Kampire wakundaga gushyamirana na bagenzi be.
3. Ni irihe somo uyu mwandiko wagusigiye? Ni ukubana n'abandi mu mahoro. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko tugomba kubana n'abandi mu mahoro tudashyamirana.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru: **“Gikeri asura Rusake”**

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru

Bwira abanyeshuri ko ugiye kubasomera inkuru **“Gikeri asura Rusake”**, ko bari bwumvemo amagambo: **igihogere, amazimano.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **igihogere**. Baza abanyeshuri niba bazi igisobanuro k'ijambo **igihogere**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **igihogere**. **Igihogere** bisobanura **inzira ngari kandi igendwa cyane**.

Koresha ijambo **igihogere** mu nteruro.

Urugero: Inzira ijya ku isoko ni **igihogere**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **igihogere** n'igisobanuro cyaryo hanyuma munavugire hamwe interuro **Inzira ijya ku isoko ni igihogere**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusubiramo ku giti cyabo ijambo **igihogere** n'igisobanuro cyaryo.

Bashyire mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **igihogere**.

Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **igihogere**, bukoreshwe no mu gusobanura ijambo **amazimano**.

Amazimano bisobanura **ibintu uha uwakugendereye**.

Urugero: Ku munsu mukuru abashyitsi bahabwa **amazimano** atandukanye.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo kandi n'irindi jambo rikomeye risobanure mu buryo bwihuse. Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri. Maze ubabaze niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva no gusesengura inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutege amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Ni ba nde bavugwa mu nkuru?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu nkuru: **Abavugwa mu nkuru ni Rusake, Gikeri na nyina wa Gikeri.**



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Baza ikibazo cya kabiri. **Mu kiganiro Rusake yagiranye na Gikeri ni iki bakomeje kuvugaho cyane?** Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Ni ukwimakaza imibanire myiza.**



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikiraho. **Ni iki Rusake yakoze ashimira Gikeri?**

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basubize icyo kibazo. Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ubafashe kukinoza. Saba abanyeshuri bose gusubiramo igisubizo kiricyo: **Yamukoreye ikamba mu mababa yayo ararimwambika.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Ni ibihe bikorwa bigaragaza ko abantu babana neza? **Barasurana, baraganira, barasabana, barakundana.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye
 - a) **Igihogere:** Abajura ntibagendera mu nzira y'igihogere.
 - b) **Amazimano:** Iyo umushyitsi aje iwacu ababyeyi bange bamuha **amazimano**.
2. Subiza ibibazo ku nkuru
 - a) Gikeri na Rusake barangwa n'iki? **Barangwa no gusurana, gusabana no guhuza urugwiro.**
 - b) Ni iki wakora kugira ngo urangwe n'umuco w'amahoro muri bagenzi bawe? **Narangwa n'urukundo/ nakwirinda amakimbirane...**
 - c) Mugenzi wawe aguhutaje muri gukina wakora iki kugira ngo wimakaze imibanire myiza? **Namubabarira, sinakwihorera.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru **“Gikeri asura Rusake”**, baganire na bo ibyo bashimye muri iyo nkuru hanyuma bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 22

Isomo rya 2: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 182

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kumva **“Gikeri asura Rusake”**

1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kumva? **Duheruka kwiga inkuru “Gikeri asura Rusake”.**
2. Ni bande bavugwa mu nkuru? **Haravugwamo Gikeri na Rusake .**
3. Gikeri na Rusake babanye gute? **Gikeri na Rusake babanye neza mu mahoro.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko kubana mu mahoro.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **“Imbata n'inkokokazi”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 182.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko **“Imbata n'inkokokazi”** wubahiriza utwatuzo n'isesekaza.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **“Imbata n'inkokokazi”** mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'umwandiko, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona.

Abanyeshuri bashingiyeye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **“Imbata n’inkokokazi”** bari bwumvemo amagambo: **irarohama, kuyiraririra, irayaturaga, igihango.**



Vuga ijambo **irarohama**. Baza abanyeshuri igisobanuro k’ijambo **irarohama**. Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, noza igisobanuro k’ijambo **irarohama**. **Irarohama** bisobanura **igwa mu mazi irarengerwa**. Koresha ijambo **Irarohama** mu nteruro.

Urugero: Inka yaguye mu mugezi **irarohama**.



Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **irarohama** n’igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro **Inka yaguye mu mugezi irarohama**.



Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **irarohama** n’igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **irarohama**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **irarohama**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **kuyiraririra, irayaturaga, igihango.**

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko **“Imbata n’inkokokazi”** bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko **“Imbata n’inkokokazi”** mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Imbata n’inkokokazi”**, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwumwe umwandiko **“Imbata n’inkokokazi”** mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye.
2. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora umwitoto uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **183**, wo gusimbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro ayo bahawe.

Ibibazo n’ibisubizo:

- a) Iyo inkware imaze gutera amagi yihutira kuyabundikira ngo azavemo udushwi. (**kuyararira**)
- b) Inkoko yacu yakuye mu magi udushwi icumi. (**yaturaze**)
- c) Bagiranye amasezerano ko bagomba gukomeza kubana mu mahoro badahemukirana. (**igihango**)
- d) Imbata yagiye koga mu kiyaga igwamo. (**irarohama**)



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko **“Imbata n’inkokokazi”** bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 22	Isomo rya 3: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 182 n'urwa 183

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga: **“Imbata n'inkokokazi”**.

1. Ni inde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni **“Imbata n'inkokokazi”**.
2. Muri uwo mwandiko havugwagamo ki? **Havugwagamo imbata, inkokokazi, imishwi n'ibindi bisimba.**
3. Ni irihe somo wakuyemo? **Nakuyemo isomo ryo gufasha mugenzi wange mu gihe yagize ibibazo.** Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko gufasha bagenzi bacu no kubatabara mu gihe bagize ibibazo.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

Gusoma umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye kongera gusoma umwandiko **“Imbata n'inkokokazi”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **182**.

1. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **182**. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko **“Imbata n'inkokokazi”** by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Ni ayahe matungo yavuzwe mu mwandiko?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Ni imbata n'inkokokazi.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni iki cyavuzwe mu mwandiko inkokokazi yihanganaye?**

Somera hamwe n'abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo. **Ni ukwemera kurarira amagi y'imbata kandi bitayoroheye.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Imishwi yose imaze gukura yagiranye ikihe gihango?**

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ukinoze. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Yagiranye igihango cyo kutazahemukirana.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Ni iki washimira inkokokazi? **Nayishimira ko yiyemeje kurarira amagi y'imbata kandi ikayirerera.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye.

Ibibazo ku mwandiko

1. Ni ayaha matungo avugwa mu mwandiko? **Ni imbata n'inkoko.**

2. Kuki inkokokazi yiyemeje kurarira amagi y'imbata? **Ni uko byari byarabanye neza.**

Erekana ko muri uyu mwandiko hagaragaramo umuco wo gutabarana? **Inkokokazi yatabaye imishwi y'imbata igihe imbata ikize.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **184** wo gutondeka neza interuro bagakuramo agakuru kaboneye bakakandika.

Icyumweru cya 22

Isomo rya 4: Gucurukura amagambo bakandika interuro.

Intego rusange: Gukora interuro bakazandika mu mukono.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **184**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baherutse kwiga: **"Imbata n'inkokokazi"**

Urugero:

1. Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni **"Imbata n'inkokokazi"**

2. Inkoko n'imbata byabanaga gute? **Byabanaga neza mu mahoro.**

3. Kubera iki inkokokazi yararirye amagi y'imbata? **Imbata yari irembye kandi byarakundanaga cyane.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko tugomba guharanira kubana mu mahoro tudahemukirana.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gucurukura amagambo hagakorwa interuro zivuga ku muco w'amahoro

Wifashishije interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **184**, yobora abanyeshuri mu **gucurukura amagambo bakora interuro** bakayandika mu mukono.



Ndatanga urugero

Andika ku kibaho amagambo **ni -wese -buri -ingirakamaro- Kubaha**. Saba abanyeshuri gukurikira. Itegereze amagambo wanditse ku kibaho uyacurukure ukore interuro. Interuro ubona ni **Kubaha buri wese ni ingirakamaro**. Ereka abanyeshuri uko uyibonye. Yandike mukono ku kibaho hanyuma uyisomere abanyeshuri mu ijwi riranguruye.



Dukorane twese

Andika ku kibaho amagambo **twakoshereje -Ni- imbabazi -ngombwa- abo -gusaba** ari mu gitabo cy'umunyeshuri ikibazo cya **1 (a)**. Yobora abanyeshuri mucurukure ayo magambo mukore interuro iboneye. Interuro mubona ni: **Ni ngombwa gusaba imbabazi abo twakoshereje**. Yobora abanyeshuri bayandike mu mukono mu makayi yabo. Nyuma muyisomere hamwe mu ijwi riranguruye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri gucurukura amagambo **ni -Gusaba -kuzitanga- ingirakamaro -imbabazi -no**. ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **184** ikibazo cya **1 (b)** bakore interuro bayandike mu mukono mu makayi yabo hanyuma bayisome. Interuro babona ni **Gusaba imbabazi no kuzitanga ni ingirakamaro**. Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa ufasha abafite ibibazo byihariye.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, ubasabe **gucurukura amagambo** ari ibitabo byabo ku rurupapuro rwa **184**, ikibazo cya **1 (c,d,e)**,

Interuro babona ni:

- a) **Tuge twirinda intonganya buri gihe.**
- b) **Gusurana bigaragaza imibanire myiza.**
- c) **Ni byiza gutabarana.**

Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kwandika no kuza kubwira abo babana ibyo yumvise mu nteruro bakoze bijyanye n'umuco w'amahoro, bazanabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 22	Isomo rya 5: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 185

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba bamwe mu banyeshuri ku kubwira interuro bibuka zijyanye n'umuco w'amahoro. Noza ibisubizo by'abanyeshuri.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **“Magirirane na Mahoro”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **185**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko **“Magirirane na Mahoro”** wubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **“Magirirane na Mahoro”** mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma umutwe w'umwandiko **“Magirirane na Mahoro”** ku giti cyabo, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona.

Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **“Magirirane na Mahoro”** bari bwumvemo amagambo: **ntiyitaga, bamuhaga akato, kuzubahiriza, abikesheje.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **ntiyitaga**. Baza abanyeshuri igisobanuro k’ijambo **ntiyitaga**. Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, noza igisobanuro k’ijambo **ntiyitaga**. **Ntiyitaga** bisobanura **ntiyahaga agaciro**. Koresha ijambo **ntiyitaga** mu nteruro.

Urugero: Kamari **ntiyitaga** ku matungo ye nk’uko bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **ntiyitaga** n’igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro : **Kamari ntiyitaga ku matungo ye nk’uko bikwiye.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **ntiyitaga** n’igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **ntiyitaga**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **ntiyitaga**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **bamuhaga akato, kuzubahiriza, abikesheje.**

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko **“Magirirane na Mahoro”** hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko **“Magirirane na Mahoro”** mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Magirirane na Mahoro”**, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

4. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Kuki abandi bana bahaga Magirirane akato?**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Birindaga ko yabakubita.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Mahoro asubije neza ikibazo Magirirane yakoze iki?**

Somera hamwe n’abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo: **Yamubajije igituma azi gusubiza mu ishuri.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Mahoro yabigenje ate Magirirane amaza kumubaza?** Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Yirengagije ubukubaganyi bwa Magirirane amugira inama.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Utekereza ko Magirirane yatsinze neza kubera iki? **Kubera kumva inama za Mahoro akemera guhinduka.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **186**, wo gusimbuza amagambo aciyeho akarongo ayo bivuga kimwe.

Urugero rw'ibisubizo

1. Baramuhezaga kubera ko bakekaga ko arwaye igituntu. (**bamuhaga akato**)
2. Yabonye amanota meza kubera umuhate yagiraga. (**abikesheje**)
3. Kankindi yasuzuguraga inama za mwarimu. (**ntiyitaga**)
4. Ni byiza gukurikiza inama tugirwa mu ishuri. (**Kubahiriza**)

2. Subiza ibibazo ku mwandiko

1. Ni bande bavugwa mu mwandiko? **Ni Magirirane na Mahoro.**
2. Ni iki cyatumye Magirirane asaba bagenzi be imbabazi? **Ni uko yemeraga ko yabakubaganiraga** 3. Ni irihe somo uyu mwandiko ugusigiye? **Unyigishishe gutanga imbabazi ku bazidusaba no kuzisaba abo twakoshereje.**



Saba abanyeshuri kuza gusoma agakuru bagasubiza ibibazo bigakurikira kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **187**, ikibazo cya **2** bazakabwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 22

Isomo rya 6: Guhuza amagambo bakora interuro

Intego rusange: Gukora no kwandika interuro yumvikana.

Imfashanyigisho: igitabo cy'umwarimu, n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **187**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse gusoma: **"Magirirane na Mahoro"**

Urugero:

1. Ni nde watwibitsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni **"Magirirane na Mahoro"**
2. Ni nde watwibutsa inama Mahoro yagiriye Magirirane? **Yamugiriye inama yo kureka gukubagana.**
3. Kubera iki Magirirane yatsindwaga amasomo? **Ni ukubera ko yakubaganaga ntakurikire umwarimu.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko tugomba kwirinda gukubaganira bagenzi bacu.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

Guhuza amagambo ari mpushya zitandukanye hakorwa interuro zumvikana

Wifashishije amagambo ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **187**, yobora abanyeshuri muhuze amagambo ari mu tuzu, mukore interuro.



Andika ku kibaho amagambo ari mu mpushya eshatu uyakuye mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **187** uyahuze ukurikije urugero rwatanzwe. Saba abanyeshuri gukurikira. Huza ijamba ryo mu ruhushya rwa mbere urwa kabiri n'iryo mu rwa gatatu: **Umunyeshuri/ ukurikira mu ishuri/ aba umuhanga**. Interuro ubona ni **Umunyeshuri ufashe abandi aba ari umuhanga**. Yisomere abanyeshuri. Ongera usobanurire abanyeshuri uko ubonye iyo nteruro hanyuma uyisome mu ijwi riranguruye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muhuze amagambo **Umunyeshuri/ asabwa buri gihe/ kubaha**. maze mukorere hamwe indi interuro iboneye uyandike ku kibaho nabo bayandike mu makayi yabo muyisome.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gukorana na bagenzi babo bahuze amagambo agize interuro ya gatatu bakore interuro **Umunyeshuri/ agomba kubaha/ buri wese**. Saba abanyeshuri bake kubwira ishuri ryose uko bakoze iyo interuro.

Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri bakora uyu mwitoto ukorwa, unafasha abafite ibibazo byihariye.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke kwandika mu ikayi ye ahuza amagambo agakora interuro ku magambo asigaye ari mu mpushya eshatu.

Ibisubizo

- Umunyeshuri asabwa gukora imirimo yo mu rugo.
- Umunyeshuri w'umunabwwe aratsindwa.
- Umunyeshuri ukurikira mu ishuri aba umuhanga.

Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri bakora uwo mwitoto, ubakosore, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana interuro bakoze bahuza amagambo bazazibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 22	Isomo rya 7: Imyitoto yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.
Intego rusange: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 188 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitoto, yobora abanyeshuri ubasobanurire neza uko umwitoto ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitoto, tegurira abanyeshuri indi myitoto wihitoyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitoto w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitoto wa **2** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **189** wo kuzurisha interuro amagambo bahawe.

Ibisubizo:

- Kamana na Rutebuka iyo bahishije ikigage **barasukirana**
- Semiburo yigize **indakoreka** ntawukimuvuga.
- Mukamusoni baramubwira **akica amatwi** nyamara azabona ingaruka.
- Umuntu warembye **baramusindagiza** bakamugeza kwa muganga.

2. Umwitozo wo kumva umwandiko

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko “Intama n’ingurube” uri mu gitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa **189** umwitozo wa **3**.

Ibisubizo

- Ni izihe nyamaswa zivugwa mu mwandiko? **Ni ingurube n’intama.**
- Ni izihe ngeso ingurube yadukanye itari isanganywe? **Ni ingeso yo kwiba.**
- Intama yakijije ite ingurube? **Yayihereje ukuboko irayikurura iyikura mu rwobo iyishyira ku bitugu iyijyana mu rugo.**

3. Umwitozo wo gusesengura umwandiko “Intama n’ingurube”

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko “Intama n’ingurube” uri mu gitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa **189** umwitozo wa **4**

Ibisubizo

- Ni ukubera iki intama yagiriye neza ingurube kandi yari imaze iminsi iyibwira ntiyumve? **Yashakaga kuyereka ko kugirirana nabi ari nta cyo bimaze.**
- Ni iki washima ingurube? **Inyigishije kubaha abandi no gufashanya ndetse no kutiba.**
- Iyi nkuru ikwigishije iki? **Kubana mu mahoro no gutabarana.**



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana agakuru kari mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **188** hanyuma bazabwire bagenzi babo isomo bayikuyemo.

Icyumweru cya 22	Isomo rya 8: Imyitozo isoza icyumweru
Intego rusange: Gukora imyitozo yo kwandika	Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa 190

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, basobanurire neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n’ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

Umwitozo wo gutondeka amagambo neza hagakorwa interuro bakazandika

Ha abanyeshuri umwitozo wa **1** wo gutondeka amagambo neza hagakorwa interuro ziri mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **190**.

Ibisubizo

- Ingurube yakundaga kwendereza intama ikanayirira ibyatsi.
- Ingurube imaze gukira yibuka uko yenderezaga intama maze iricuza.
- Intama yarayibabariye bitangira kubana mu mahoro.
- Ntitukendereze bagenzi bacu kuko atari byiza.
- Ni ngombwa gutabara abari mu makuba.

Umwitozo wo kwandika izindi nteruro no gukora agakuru kumvikana

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** wo kwandika izindi interuro no gukora agakuru kumvikana ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **190**.

Maboneza yasitaye kuri Kariza.

Maboneza aramwegera amusaba imbabazi.



Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo yumvise mu nteruro bakoze bijyanye n'umuco w'amahoro bazazibwire na bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 22	Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 40 n'urwa 41

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga **“Intama n’ingurube”**

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni “Intama n’ingurube”**
2. Uyu mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga ku ntama n’ingurube byabanaga neza ingurube igahemukira intama nyuma ingurube igize ikibazo intama ikayitabara.**
3. Ni irihe somo uyu mwandiko wagusigiye? **Ni ukudahemukira abandi.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko tugomba kwita ku bandi mu gihe bafite ibibazo kabone n'ubwo baba baraduhemukiye.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru: **“Amatungo ya Ncyuyimihigo”**

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru

Bwira abanyeshuri ko ugiye kubasomera inkuru **“Amatungo ya Ncyuyimihigo”**, ko bari bwumvemo amagambo: **amatungo, irayishwishuriza.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **amatungo**. Baza abanyeshuri niba bazi igisobanuro k'ijambo **amatungo**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **amatungo**. **Amatungo** bisobanura **inyamaswa zororwa n'abantu**.

Koresha ijambo **amatungo** mu nteruro. **Urugero:** Data aragaburira **amatungo** ye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **amatungo** n'igisobanuro cyaryo hanyuma munavugire hamwe interuro **Data aragaburira amatungo ye**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusubiramo ku giti cyabo ijambo **amatungo** n'igisobanuro cyaryo.

Bashyire mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **amatungo**.

Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **amatungo**, bukoreshwe no mu gusobanura ijambo **irayishwishuriza**.

Irayishwishuriza bisobanura **irayangira**.

Urugero: Ihene yasabye inka ko bibana **irayishwishuriza**.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatumye n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajoyanywe n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanurwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo kandi n'irindi jambo rikomeye risobanurwe mu buryo bwihuse. Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri. Maze ubabaze niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Ni ayahe matungo Ncyuyimihigo yari yoroye?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu nkuru: **Yari yoroye ihene, intama n'isake.**



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Baza ikibazo cya kabiri. **Ni iki Ncyuyimihigo yakundiraga isake ye?** Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Ni uko yamukanguraga buri gitondo.**



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikiraho. **Kubera iki isake yigiriye inama yo kujya gutabaza Ncyuyimihigo?**

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basubize icyo kibazo. Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ubafashe kukinoza. Saba abanyeshuri bose gusubiramo igisubizo kiricyo: **Isake yari yananiwe gukiranura ihene n'intama.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Ni izihe ngaruka mbi zo guhora mu makimbirane? **Iyo muhora mu makimbirane mushobora gukomeretsanya, kwangana, gutinyana, guhora mwiyezanyaho, kudafashanya...**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1) Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye.

- a) **amatungo:** **Amatungo** ya Kamari yatumye atera imbere.
- b) **irayishwishuriza:** Inka yasabye ingurube umuneke **irayishwishuriza**.

2) Subiza ibibazo ku mwandiko

- a) Ni iki cyatumaga Ncyuyimihigo yita ku matungo ye? **Ni urukundo yari ayafitiye.**
- b) Usanze abana mwigana bari kurwana wabigenza ute? **Nsanze abana twigana bari kurwana nabakiza byananira ngahamagara abandi ngo baze babakize.**
- c) Ni iki wakora kugira ngo ubane neza na bagenzi bawe? **Nakwirinda intonganya.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru **"Amatungo ya Ncyuyimihigo"**, baganire na bo ibyo bashimye muri icyo nkuru hanyuma bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 23	Isomo rya 2: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo
Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 191

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kumva **“Amatungo ya Ncyuyimihigo”**

1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kumva? **Inkuru duheruka kumva ni “Amatungo ya Ncyuyimihigo”.**
2. Ni bande bavugwa mu nkuru? **Haravugwamo ihene, intama isake na Ncyuyimihigo.**
3. Ihene yakoze iki yumvise ko yakosheje? **Yemeye icyaha isaba imbabazi.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko atari byiza gushotorana no kurwana ahubwo ko bakwiye kubana mu mahoro.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **“Kamikazi na Ngabo”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **191**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko **“Kamikazi na Ngabo”** wubahiriza utwatumaze n'isesekaza.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **“Kamikazi na Ngabo”** mwubahiriza utwatumaze n'isesekaza.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'umwandiko, bubahiriza utwatumaze n'isesekaza.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona.

Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **“Kamikazi na Ngabo”** bari bwumvemo amagambo: **basagarirana, barabahanura, gushotorana, gucuranwa.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **basagarirana**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **basagarirana**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **basagarirana**. **Basagarirana** bisobanura **bashotorana**. Koresha ijambo **basagarirana** mu nteruro. **Urugero:** Abaturanyi ba Ngabo bahora **basagarirana**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **basagarirana** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro **Abaturanyi ba Ngabo bahora basagarirana**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **basagarirana** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **basagarirana**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **basagarirana**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **barabahanura, gushotorana, gucuranwa**.

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko “**Kamikazi na Ngabo**” bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko “**Kamikazi na Ngabo**” mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko “**Kamikazi na Ngabo**”, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri, buri wese kugiti ke, gusoma umwumwe umwandiko “**Kamikazi na Ngabo**” mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye.
2. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora umwitozo wa **2** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **192**, wo kuzuzanya interuro ukoresheje amagambo bahawe.

Ibibazo n’ibisubizo:

- a) Yamwiyenjejeho amubwira nabi ariko bageze aho bariyunga. (**yamushotoye**)
- b) Ni ingeso mbi kurya ibiryo usahuranwa na bagenzi bawe. (**ucuranwa**)
- c) Si byiza kutumvikana na bagenzi bawe kuko bitera amakimbarane. (**gushyamirana**)

Abana bendereza bagenzi babo bagomba kubireka. (**basagarira**)



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko “**Kamikazi na Ngabo**” bababwire isomo bakuyemo, bazabwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 23

Isomo rya **3**: Kumva no gusesengura umwandiko

Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **191** n’urwa **192**

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga: “**Kamikazi na Ngabo**”

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Duheruka gusoma umwandiko “**Kamikazi na Ngabo**”
2. Kamikazi na Ngabo babanaga bate? **Babanaga mu ntonganya.**
3. Ni iki washima Kamikazi na Ngabo? **Nabashima ko basabanye imbabazi bakanabarirana.**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko ari bibi gutongana na bagenzi bacu ubashishikarize kubahana.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

Gusoma umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye kongera gusoma umwandiko **“Kamikazi na Ngabo”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **191**.

1. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **191**. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko **“Kamikazi na Ngabo”** by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Ni bande bavugwa mu mwandiko?**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Ni Kamikazi na Ngabo?**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni ikihe kibazo Kamikazi na Ngabo bari bafitanye?**

Somera hamwe n’abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo. **Barasagariranaga bagatongana.**



Ndatanga urugero

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Ababyeyi bamaze kubagira inama Kamikazi na Ngabo bitwaye bate?**

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ukinoze. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Babanye neza.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza umwandiko n’ubuzima busanzwe.

Urugero: Ni ibiki bigaragaza umunyeshuri w’intangarugero? **Aba yubaha, kandi yiga neza amasomo ye.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by’isuzuma, saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye.

Subiza ibibazo ku mwandiko

1. Ni ikihe kibazo Kamikazi na Ngabo bari bafitanye? **Barasagariranaga bagatongana.**
2. Ni iki ushima ababyeyi bavugwa mu mwandiko? **Ndashima uburyo ababyeyi bagiriye abana babo inama.**

Wakora iki kugira ngo ukize abantu bafitanye amakimbirane? **Nabegera nkabagira inama yo kureka amakimbirane kuko atari meza.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gutondeka neza interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **193** igikorwa cya **2** bagakuramo agakuru bakakandika mu makayi yabo nyuma bakazakabwira bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 23	Isomo rya 4: Guhuza amagambo bagakora interuro
Intego rusange: Gukora no kwandika interuro yumvikana	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 193

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga: **“Kamikazi na Ngabo”**

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni **“Kamikazi na Ngabo”**
2. Abana bavugwa mu mwandiko ni bande? **Ni Kamikazi na Ngabo.**
3. Bamaze kugirwa inama bakoze iki? **Batangiye gukorera hamwe barubahana ntibongera gutongana.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kwirinda kukubaganira bagenzi babo.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

Guhuza amagambo bagakora interuro iboneye

Wifashishije amagambo ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **193**, yobora abanyeshuri mukore interuro ziboneye.



Ndatanga urugero

Andika ku kibaho amagambo ari mu mpushya eshatu ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **193**. Saba abanyeshuri gukurikira. Huza ijamba **tugomba** ryo mu ruhushya rwa (A) n'amagambo **kubaha abato** yo mu ruhushya rwa (B) n'amagambo **n'abakuru** yo mu ruhushya rwa (C). Interuro ubona ni **Tugomba kubaha abato n'abakuru**. Sobanurira abanyeshuri uko ubonye iyo nteruro. Yandike hanyuma uyisome mu ijwi riranguruye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muhuze amagambo **Umunyeshuri mwiza** yo mu ruhushya rwa (A) n'ijamba **afasha** ryo mu ruhushya rwa (B) n'amagambo **bagenzi be** yo mu ruhushya rwa (C). Interuro mubona ni **Umunyeshuri mwiza afasha bagenzi be**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **193**, buri munyeshuri akorane na mugenzi we batondeke amagambo bakore interuro imwe bayandike.

Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.

Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora umwitozo ufashe abafite ibibazo byihariye.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane bahuze amagambo asigaye bakore interuro ziboneye. Saba amwe mu matsinda gusangiza ishuri ryose interuro ziboneye babonye bazandike. Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri bakora uwo mwitozo, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Interuro babona ni:

1. Abarimu bacu batugira inama nziza.
2. Mu rugo dufasha ababyeyi.
3. Ntitugasagarire bagenzi bacu.
4. Tugomba gufashanya mu masomo



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kongera guhuza amagambo ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **193** umwitozo wa **1** bakore interuro ziboneye bazandike hanyuma bazisomere abo babana bazanazisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 23	Isomo rya 5: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusoma , kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa 194

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri ku kubwira interuro bibuka zijyanye n’umuco w’amahoro. Noza ibisubizo by’abanyeshuri.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **“Umuduri wa Kariza”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **194**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w’umwandiko **“Umuduri wa Kariza”** wubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w’umwandiko **“Umuduri wa Kariza”** mwubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma umutwe w’umwandiko **“Umuduri wa Kariza”** ku giti cyabo, bubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n’umwandiko, ubabaze ibyo babona. Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w’umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **“Umuduri wa Kariza”** bari bwumvemo amagambo:

abanga umuduri, imfura, akabakirigitira umurya, zakoze ku mitima.



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **abanga umuduri**. Baza abanyeshuri igisobanuro k’ijambo **abanga umuduri**. Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, noza igisobanuro k’ijambo **abanga umuduri**. **Abanga umuduri** bisobanura **akora umuduri**. Koresha ijambo **abanga umuduri** mu nteruro.

Urugero: Nasanze Kimenyi **abanga umuduri**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **abanga umuduri** n’igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Nasanze Kimenyi abanga umuduri**.



Buri wese akore







Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **abanga umuduri** n’igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **abanga umuduri**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **abanga umuduri**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **imfura, akabakirigitira umurya, zakoze ku mitima**.

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko **“Umuduri wa Kariza”** hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye	
 <i>Ndatanga urugero</i>	Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko “Umuduri wa Kariza” mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.
 <i>Dukorane twese</i>	Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko “Umuduri wa Kariza” , mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.
 <i>Buri wese akore</i>	Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.
4. Kumva no gusesengura umwandiko	
 <i>Ndatanga urugero</i>	Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere Abaturage bavugwa mu nkuru babaga ku wuhe musozi? Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: Babaga ku musozi wa Rorero.
 <i>Dukorane twese</i>	Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. Se wa Kariza yari ahangayikishijwe n’iki? Somera hamwe n’abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo: Yari ahangayikishijwe no kutumvikana kw’abaturanyi be.
 <i>Buri wese akore</i>	Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. Kariza yacurangiraga abandi bana indirimbo zerekeye iki? Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo Yabacurangiraga indirimbo zerekeye amahoro.
Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n’ubuzima busanzwe.	
Urugero: Ni iki washima Kariza? Namushima ko yagize uruhare rukomeye mu kwigisha amahoro.	
III. ISUZUMA (Iminota 10)	
<ol style="list-style-type: none"> Saba abanyeshuri gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n’isesekaza rikwiye. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 195, wo guhuza amagambo n’igisobanuro cyayo. 	
Urugero r’ibisubizo	
<ol style="list-style-type: none"> Zabakoze k’umutima: zarabanejeje Umuduri : Igikoresho cya muzika Imfura: Umwana wavutse bwa mbere. Akabakirigitira umurya : akabacurangira 	
2. Ibibazo ku mwandiko	
<ol style="list-style-type: none"> Se wa Kariza yari ahangayikishijwe n’iki? Yari ahangayikishijwe no kutumvikana kw’abaturanyi be. Urumva kubana mu mahoro bizamarira iki abaturage bo ku musozi wa Rorero? Bizatuma biteza imbere kubera gufashanya. Ubonye bagenzi bawe bari mu ntonganya wabagira iyihe nama? Nabagira inama yo kureka intonganya kuko nta cyo zabagezaho. 	



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo bana umwandiko bize uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **194**, baganire na bo ibyo bashimye bazanabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 4	Isomo rya 6: Guhuza amagambo bagakora interuro
Intego rusange: Gukora no kwandika interuro yumvikana	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 196

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga: **“Umuduri wa Kariza”**

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni **“Umuduri wa Kariza”**
2. Ni nde wigishije Kariza uuduri? **Ni umusaza Munderere.**
3. Kariza yahimbaga indirimbo zerekeye iki? **Yahimbaga indirimbo zerekeye amahoro.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kubana neza n'abandi.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

Guhuza amagambo bagakora interuro iboneye

Wifashishije amagambo ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **196**, yobora abanyeshuri mukore interuro ziboneye.



Ndatanga urugero

Andika ku kibaho amagambo ari mu mpushya eshatu ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **193**. Saba abanyeshuri gukurikira. Huza ijamba **Kariza** ryo mu ruhushya rwa (A) n'ijamba **yabigishije** ryo mu ruhushya rwa (B) n'amagambo **indirimbo z'amahoro** yo mu ruhushya rwa (C). Interuro ubona ni **Kariza yabigishije indirimbo z'amahoro**. Sobanurira abanyeshuri uko ubonye iyo nteruro. Yandike hanyuma uyisome mu ijwi riranguruye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muhuze ijamba **Kariza** ryo mu ruhushya rwa (A) n'amagambo **ni imfura ya** yo mu ruhushya rwa (B) n'ijamba **Munderere** ryo mu ruhushya rwa (C). Interuro mubona ni **Kariza ni imfura ya Munderere**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **196**, buri munyeshuri akorane na mugenzi we batondeke amagambo bakore interuro imwe bayandike. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora umwitoto ufashe abafite ibibazo byihariye.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane bahuze amagambo asigaye bakore interuro ziboneye. Saba amwe mu matsinda gusangiza ishuri ryose interuro ziboneye babonye bazandike. Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri bakora uwo mwitoto, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Interuro babona ni:

1. Kariza yigishijwe umuduri n'umusaza.
2. Kariza yahinduye abaturanyi acuranga umuduri .
3. Kariza yabereye abandi urugero.
4. Kariza yaririmba amahoro.



Saba abanyeshuri kuza kongera guhuza amagambo ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **196** umwitozo wa **1** bakore interuro ziboneye bazandike hanyuma bazisomere abo babana bazanazisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 23	Isomo rya 7: Imyitozo yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.
Intego rusange: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 197 n'urwa 198

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri kuvuga interuro mwakoze muhuza ibice by'amagambo.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri ubasobanurire neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitayemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo gusoma umwandiko "Isha n'inzovu"

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banabane ubahe umwitozo wo gusoma umwandiko "Isha n'inzovu" uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **197** umwitozo wa **1**.

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **198** wo kuzurisha interuro amagambo bahawe.

Ibibazo n'ibisubizo :

- a) Afite **ipfunwe** ryo gusaba imbabazi.
- b) Inzovu yakundaga **kwishongora** kubera ubunini bwayo.
- c) Abanyeshuri biga neza baba **inzobere**.
- d) Iriya mbyeyi imvura yari **iyihakuye** Imana ikinga akaboko.

3. Umwitozo wo kumva umwandiko

Ha abanyeshuri umwitozo wa **3** uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **198** wo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko "Isha n'inzovu".

Gusubiza ibibazo ku mwandiko:

- a) Isha imaze kubaza inzovu impamvu yari igiye kuyihakura inzovu yakoze iki? **Inzovu yayishongoyeho.**
- b) Ni ubuhe butwari inzovu yasabwe kugira? **Yasabwe kugira ubutwari bwo gusaba imbabazi.**
- c) Ni ukubera iki inzovu yiyambaje impara? **Yashakaga kuyigisha inama.**

4. Umwitozo wo gusesengura umwandiko "Isha n'inzovu"

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko "Isha n'inzovu" uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **198** umwitozo wa **4**.

- a) Ni iki wakora mugenzi wawe aguhemukiye ntagusabe imbabazi? **Namubabarira ku mutima wange, nkanabimubwira.**
- b) Urumva gusaba no gutanga imbabazi bimaze iki mu buzima? **Bituma abantu babana mu mahoro.**
- c) Wagira iyihe nama bagenzi bawe bakoshereje abandi? **Nabagira inama yo gusaba imbabazi.**



Saba abanyeshuri kuza kongera gusomera abo babana umwandiko "Isha n'inzovu" bazanayisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 23	Isomo rya 8: Imyitozo isoza icyumweru
Intego rusange: Gukora interuro zumvikana ku muco w'amahoro	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 199

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, basobanurire neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

Umwitozo wo guhuza amagambo bagakora interuro iboneye bakayandika


Ha abanyeshuri umwitozo uri ku rupapuro rwa **199**, umwitozo wa **1** wo guhuza amagambo bagakora interuro bakayandika

Ibisubizo

1. Isha yari inzobere mu kuvura.
 2. Kera inzovu n'isha byabanaga mu mahoro.
 3. Ni ngombwa kugira ubutwari tugasaba imbabazi abo twakoshereje.
 4. Inzovu yasabye imbabazi irababarirwa.
- Gusaba imbabazi bituma abantu babana mu mahoro.

Umwitozo wo gusoma agakuru bagasubiza ikibazo cyakabajijweho

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **199** wo gusoma agakuru bagasubiza ikizabo cyakabajijweho.

 <p>Umukoro</p>	<p>Saba abanyeshuri kuza kongera guhuza amagambo ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 199 umwitozo wa 1 bakore interuro ziboneye bazandike hanyuma bazisomere abo babana bazanazisomere bagenzi babo mu ishuri.</p>
---	--

ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA GATANU

Icyumweru cya 24

Ibigenderwaho mu isuzuma

- *Ubushobozi bwo gusoma atajijinganya, atagemura amagambo, interuro n'inkurun'inkuru yubahiriza utwatuzo.*
- *Ubushobozi bwo kwandika nta kosa, amagambo n'interuro mbonezamvugo.*
- *Ubushobozi bwo gutahura igitekerezo gikubiye mu myandiko yasomye cyangwa yasomewe*
- *Ubushobozi bwo kubara inkuru yasomye mu magambo ye akurikiranya neza ibitekerezo.*

Isomo rya 1: Imyitozo yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko n'inyunguramagambo	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 200 n'urwa 201 .
---	--

1. Kubaza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko "Umurage usumba iyindi"

Uko bikorwa:

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma umwandiko **"Umurage usumba iyindi"** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **200**, hanyuma basuzize ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko byawubajijweho.

Ibibazo:

1. Umukecuru uvugwa mu nkuru yitwa nde? **Yitwaga Nyiramana.**
2. Ni uwuhe murage umukecuru yahaye abana be? **Ni ukuzaba ababibyi b'amahoro.**
3. Umukecuru amaze gupfa abana bitwaye bate? **Bakomeye ku murage yabahaye baba intangarugero aho batuye.**
4. Ni iki washima abana ba Nyiramana? **Ni uko bakomeye ku murage basigiwe n'umubyeyi wabo**
5. Ni iki twakwigira ku mukecuru Nyiramana? **Ni impapuro nziza yahaye abana be.**
6. Ni gute abantu ari magirirane? **Abantu ni magirane kuko bakenerana mu byo bakora byose.**

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ha banyeshuri umwitozo w'inyunguramagambo wo kuzaza interuro bakoresheje amagambo akurikira: **umuturanyi, bayihinda, imitubu, wamuhumurije**

Ibibazo n'ibisubizo:

1. Nyiramana yari afite imisatsi y'umweru ku mutwe we. (**imvi**)
2. Umukecuru yongeye kubabwira ko abantu ari magirirane. (**bashyira hamwe**)
3. Umukecuru yabasabye gukundana bakirinda ubushyamirane (**amakimbirane**)
4. Ababyeyi bakundaga guha abana babo inama. (**impanuro**)

Isomo rya 2: Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi

Imfashanyigisho: gitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro

Imyitozo nzamurabushobozi**1. Kubaza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko "Umurage usumba iyindi"****Uko bikorwa:**

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi budahagije bwo gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko, bahe ibibazo bibafasha kuzamura ubushobozi bwabo.

Urugero rw'ibibazo wabaha

Basabe bongere umwandiko **"Umurage usumba iyindi"** igika ku kindi. Hanyuma ubabaze ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko bijyanye n'ubushobozi bwabo.

1. Umukecuru Nyiramana yari ameze ate? **Yari akuze cyane.**
2. Umukecuru Nyiramana yifuzaga gusigira abana be iki? **Umurage uruta iyindi.**
3. Umurage yabasigiye wabafashije iki? **Wabafashije kwikemurira amakimbirane.**
4. Ni akahe kamaro ko gukurikiza impanuro z'umubyeyi? **Bituma umuntu akurana ikinyabupfura kandi akamenya kubana neza n'abandi.**
5. Ubonye umwana mugenzi wawe adakurikiza impanuro yahawe n'umubyeyi wamugira iyihe nama? **Namugira inama zo kubireka kuko impanuro z'ababyeyi zifite akamaro kanini.**
6. Ni iki wakora ngo ube intangarugero mu bandi? **Najya mbagira inama mu gihe mbona ko bari kwitwara nabi.**

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi budahagije mu gukora umwitozo w'inyunguramagambo, bahe umwitozo ubafasha kuzamura ubushobozi.

Basobanurire amagambo akurikira **amakimbirane, bashyira hamwe, imvi, impanuro** hanyuma ubasabe kuyakoresha mu nteruro zabo bihimbiye.

Imyitozo nyagurabushobozi

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije bwo gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko, bahe ibibazo bibafasha kuzamura ubushobozi bwabo.

Urugero rw'ibibazo wabaha

Basabe kongera gusoma umwandiko **"Umurage usumba iyindi"** hanyuma bandike irindi herezo ryawo.

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije mu gukora umwitozo w'inyunguramagambo, bahe umwitozo ubafasha kuzamura ubushobozi.

Urugero rw'ikibazo wabaha

Basabe gukoresha amagambo akurikira amagambo akurikira **amakimbirane, bashyira hamwe, imvi, impanuro** mu nteruro bihimbiye.

Isomo rya 3: Imyitozo yo guhuza ibice by'amagambo bagakora amagambo bakayandika gutondeka interuro bagakora agakuru

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **202**

1. Umwitozo wo guhuza ibice by'amagambo bagakora amagambo bakayandika

Ha abanyeshuri umwitozo wo guhuza ibice by'amagambo bagakora amagambo bakayandika mu mukono.

Ibisubizo

- a. yanshwaniye
- b. arampyinagaza
- c. amashyushyu

2. Umwitozo wo gutondeka interuro bagakora agakuru

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** wo gutondeka interuro bagakora agakuru kaboneye uro mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **202**.

Igisubizo:**Agakuru kaboneye:**

Inyoni zari zifite umunsi mukuru.
Bukeye zijya gutumira ibikeri ngo bizasangire.
Ibikeri bizibwira ko bitashobora kugera mu biti.
Inyoni zibitiza amababa biragurukana.
Bigeze mu biti, birasabana birishima cyane.

Isomo rya 4: Imyitozo nzamurabushozi na nyagurabushozi

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri

Imyitozo nzamurabushozi**Uko bikorwa:**

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi budahagije bwo guhuza ibice by'amagambo bakayandika mu mukono bayobore bongere bahuze ibyo bice by'amagambo hanyuma bayandike mu mukono.
Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi budahagije bwo gutondeka neza izo nteruro bagakora agakuru kaboneye, bayobore bongere bazitondeke neza bakore agakuru kaboneye.

Imyitozo nyagurabushozi

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije bwo guhuza ibice by'amagambo bakayandika mu mukono bahe imyitozo ibafasha kuzamura ubushobozi bwabo.

Urugero rw'umwitozo wabaha

A	B	Ijambo
kuba	kimbirane	kubatekerereza
kwike	tekerereza	kwikemurira
ama	murira	amakimbirane

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi budahagije bwo gutondeka neza interuro bagakora agakuru kaboneye, bahe imyitozo ibafasha kuzamura ubushobozi bwabo.

Urugero rw'umwitozo wabaha

Basabe gutondeka neza interuro zikurikira zakuwe mu gika cya kabiri k'inkuru **“Umurage usumba iyindi.”**

Aboneraho kubibutsa ko abantu ari magirirane.

Abo bana bashimira umubyeyi wabo impanuro nziza abahaye.

Ababwira ko icyo abashakaho ari uko baba ababiby b'amahoro.

Umukecuru ntiyabatindira atangira kubatekerereza umurage yifuza kubasigira.

Abasaba kubahana, gukundana, gufashanya no kwirinda amakimbirane.

Igisubizo igika kiboneye:

Umukecuru ntiyabatindira atangira kubatekerereza umurage yifuza kubasigira.

Ababwira ko icyo abashakaho ari uko baba ababiby b'amahoro.

Abasaba kubahana, gukundana, gufashanya no kwirinda amakimbirane.

Aboneraho kubibutsa ko abantu ari magirirane.

Abo bana bashimira umubyeyi wabo impanuro nziza abahaye.

Isomo rya 5: Imyitozo yo gusoma, gusesengura umwandiko n'inyunguramagambo

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **203** n'urwa **204**.

1. Kubaza ibibazo byo kumva umwandiko “Umusaza n'akanyoni”

Uko bikorwa:

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma umwandiko **“Umusaza n'akanyoni”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **203** hanyuma basubize ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko byawubajijweho biri ku rupapuro rwa **204**.

Ibibazo:

1. Ni bande bavugwa mu mwandiko? **Ni umusaza, abaturanyi be n'akanyoni.**
2. Ni ikihe kibazo umusaza yateraga abaturanyi be? **Yabahozaga mu bushyamirane.**
3. Ni iki cyagiriye umusaza inama? **Ni akanyoni.**
4. Wumva ari ukubera iki umusaza uvugwa yari abayeho nabi? **Ni ukubera ko yahoraga mu makimbirane n'abaturanyi adafatanye na bo mu kwiteza imbere.**
5. Ni akahe kamaro ko kumvikana no gufatanya? **Bituma abantu bashyira hamwe bakiteza imbere.**
6. Ni iyihe nyigisho ukuye muri uyu mwandiko? **Kubana neza mu mahoro, kugira ubufatanye n'abandi...**

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitozo w'inyunguramagambo wo kuzura interuro bakoresheje amagambo akurikira: **arinumira, binubira, yarabajubije, Ubushyamirane**

Ibibazo n'ibisubizo

- a) **Ubushyamirane** bubuza abantu amahoro.
- b) Abaturanyi be **binubira** amatiku ye.
- c) Uwera bamubajije uwacye amapera **arinumira**.
- d) Bamugiriye inama yo gucisha make kubera ko yari **yabajubije**.

Isomo rya 6: Imyitoto n zamurabushobozi na nyagurabushobozi

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri

Imyitoto n zamurabushobozi

1. Kubaza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko "Umusaza n'akanyoni"

Uko bikorwa:

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi budahagije bwo gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko, bahe ibibazo bibafasha kuzamura ubushobozi bwabo.

Urugero rw'ibibazo wabaha

Basabe bongere umwandiko "Umusaza n'akanyoni" igika ku kindi. Hanyuma ubabaze ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko bijyanye n'ubushobozi bwabo.

1. Ni nde wahoroga mu ntonganya zidashira? **Ni umusaza.**
2. Akanyoni karaje gahagarara hehe? **Karaje gahagarara ku bikingi by'irembo.**
3. Akanyoni kamugiriye iyihe nama? **Kamugiriye inama yo kubana neza na bagenzi be.**
4. Ni akahe kamaro ko kubana neza n'abandi? **Bituma bashanya kandi bagatabarana**
5. Ni akahe kamaro ko kumvira inama ugiriwe na mugenzi wawe? **Bituma udakora amakosa.**
6. Uboneye mugenzi wawe abangamira abandi wamugira iyihe nama? **Namugira inama yo kubireka kuko ari bibi.**

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi budahagije mu gukora umwitozo w'inyunguramagambo, bahe umwitozo ubafasha kuzamura ubushobozi.

Basobanurire amagambo akurikira: **arinumira, binubira, yarabajubije, ubushyamirane** hanyuma ubasabe kuyakoresha mu nteruro zabo bihimbiye.

Imyitoto nyagurabushobozi

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije bwo gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko, bahe ibibazo bibafasha kuzamura ubushobozi bwabo.

Urugero rw'ikibazo wabaha

Basabe kongera gusoma umwandiko "Umusaza n'akanyoni" hanyuma bandike irindi herezo ryawo.

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije mu gukora umwitozo w'inyunguramagambo, bahe umwitozo ubafasha kuzamura ubushobozi.

Urugero rw'ikibazo wabaha

Basabe gukoresha amagambo akurikira amagambo akurikira **amakimbirane, bashyira hamwe, imvi, impanuro** mu nteruro bihimbiye

Isomo rya 7: Umwitozo wo guhuza amagambo bagakora interuro bazayandika no gusoma agakuru bagasubiza ibibazo byakabajijweho

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **205**

1. Umwitozo wo gukosora interuro

Ha abanyeshuri umwitozo wo guhuza amagambo bagakora interuro bakayandika.

Ibisubizo

1. Umusaza yahoraga mu ntonganya n'abaturanyi be
2. Abantu babana neza barafashanya.
3. Akanyoni kagiraga umusaza inama gatuje.
4. Abaturanyi binubiraga uburyo umusaza ababangamira.
5. Umusaza ntiyongeye kubabangamira.
6. Umusaza yasabye abaturanyi be imbabazi baramubabarira.

2. Gusoma no gusubiza ikibazo ku gakuru no guhimba ake

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** wo gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **205** hanyuma bagashingireho bahimbe akabo ku ngingo y'imibanire myiza katarengeje interuro eshatu.

Isomo rya 8: Imyitoto nzamurabushobozi na nyagurabushobozi

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri

Uko bikorwa

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi budahagije bwo guhuza ibice by'amagambo bakayandika mu mukono, bayobore bongere bahuze ibyo bice by'amagambo hanyuma bayandike mu mukono.

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi budahagije bwo gusoma agakuru bagahimba akabo, basabe bongere basome agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **205**, hanyuma bakandukure bakareba.a

UMUTWE WA 6: SIPORO N'IMYIDAGADURO

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gusesengura imyandiko ku nsanganyamatsiko ya siporo no gusesengura umugani muremure, umuvugho, amagorane, uturingushyo no gusakuza.
- Gukoresha uko bikwiye utwatuzo yize mu nteruro mbonezamvugo.

Ingingo nsanganyamasomo zizavugwaho :

Umwari mu ahereye ku mashusho, inkuru n'imyandiko biri muri uyu mutwe, azasobanurira abanyeshuri ibijyanye n'uburezi budaheza, uburinganire n'ubwuzuzanye, umuco wo kuzigama n'umuco w'amahoro.

Icyumweru cya 25

Isomo rya 1: Gusoma no gusesengura inkuru

Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa **42** n'urwa **43**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga **"Umusaza n'akanyoni"**

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni "Umusaza n'akanyoni"**
2. Uyu mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga ku musaza wari warajubijwe abaturanyi be bagahora mu bushyamirane.**
3. Akanyoni kamugiriye iyihe nama? **Kamugiriye inama yo kubana neza na bagenzi be mu mahoro.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ufashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kwirinda ubushyamirane, bakabana neza mu mahoro.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru: **"Yahize abandi mu mikino gakondo"**

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru

Bwira abanyeshuri ko ugiye kubasomera inkuru **"Yahize abandi mu mikino gakondo"**, ko bari bwumvemo amagambo: **imikino gakondo, akabataramira.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **imikino gakondo**. Baza abanyeshuri niba bazi igisobanuro k'ijambo **imikino gakondo**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **imikino gakondo**.

Imikino gakondo bisobanura **imikino yakinwaga n'abantu ba kera.**

Koresha ijambo **imikino gakondo** mu nteruro.

Urugero: Kanakuze akunda **imikino gakondo**.



Dukorane twese

Yobara abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **imikino gakondo** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Kanakuze akunda imikino gakondo.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **imikino gakondo** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **imikino gakondo**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **imikino gakondo**, bukoreshwe no mu gusobanura ijambo **akabataramira**.

Akabataramira bisobanura **akabaganiriza umwanya mureremure.**

Urugero: Kariza asura abaturanyi **akabataramira**.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo kandi n'irindi jambo rikomeye risobanure mu buryo bwihuse. Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri maze ubabaze niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva no gusesengura inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Ni ba nde bavugwa mu nkuru?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu nkuru: **Bwenge, Bitwenge n'abandi bana.**



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Baza ikibazo cya kabiri. **Vuga amazina y'imikino gakondo ivugwa mu nkuru?**

Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Gusimbuka urukiramende, kumasha, imburugushu, igisoro, gutera umuhunda, gusimbuka umugozi, gukina ubute no gucamata.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri. Baza ikibazo gikurikiraho. **Kuki Bitwenge yakoraga neza ?**

Bwira buri munyeshuri akorane na mugenzi we basubize icyo kibazo. Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye.

Saba abanyeshuri bose gusubiramo igisubizo kiri cyo: **Ni uko yari afite intego yo kuzavamo icyamamare mu mikino gakondo.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Imikino ifitiye abana akahe kamaro? **Ituma bidagadura, bakanagorora ingingo zabo bigatuma bagira ubuzima bwiza.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye

a) **Imikino gakondo:** Gasore akunda gukina **imikino gakondo.**

b) **Akabataramira:** Iyo abana bamaze kurya, bicarana na sekuru **akabataramira.**

2. Subiza ibibazo ku nkuru

a) Irushanwa ryakozwe ku wuhe mukino? **Ku mukino w'uturundo.**

b) Umwana witwa Bitwenge akwigishije iki muri iyi nkuru? **Anyigishije ko kugira ngo mpige abandi mu mikino ngoba kwitoza cyane nkiri muto.**

c) Ni iyihe nama wagira abana batitabira imikino? **Nabagira inama yo kuyitabira kuko ituma umuntu atera imbere.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru **"Yahize abandi mu mikino gakondo"** hanyuma bababwire igice k'inkuru cyabashimishije, bazanabwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 25	Isomo rya 2: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo
Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 206

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kumva **"Yahize abandi mu mikino gakondo"**

1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kumva? **Inkuru duheruka kumva ni "Yahize abandi mu mikino gakondo"**.
2. Vuga nibura imikino gakondo itatu ivugwa muri iyo nkuru? **Gusimbuka urukiramende, igisoro no kumasha.**
3. Ni irihe somo wakuye muri iyo nkuru? **Nakuyemo isomo ko imikino ishobora gutuma utsinda amarushanwa ukabona ibihembo.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba gushishikarira kwitabira imikino kuko idufitiye akamaro.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **"Bana dukine"** uri mu bitabo byabo urupapuro rwa **206**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko **"Bana dukine"** wubahiriza utwatuzo n'isesekaza.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **"Bana dukine"** mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma umutwe w'umwandiko **"Bana dukine"** ku giti cyabo, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona.

Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **"Bana dukine"** bari bwumvemo amagambo: **itaramamara, gakondo, umuhunda, zikagororoka.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **itaramamara**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **itaramamara**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **itaramamara**. **Itaramamara** bisobanura **itarakwira hose**. Koresha ijambo **itaramamara** mu nteruro. **Urugero:** Kera imyenda **itaramamara** abantu bambaraga impu.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **itaramamara** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro : **Kera imyenda itaramamara abantu bambaraga impu.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **itaramamara** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **itaramamara**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **itaramamara**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **gakondo, umuhunda, zikagororoka**.

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko "**Bana dukine**" bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko "**Bana dukine**" mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko "**Bana dukine**" mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye.
2. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **207** igikorwa cya **2**, wo guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo bakoresheje akambi.

Ibisubizo :

1. Yaramamaye: **yaramenyekanye.**
2. Gakondo : **cyasizwe n'abasekuruza.**
3. Kugororoka : **kurambuka**
4. Umuhunda : **icyuma bakwikiramo uruti rw'icumu.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko "**Bana dukine**" bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 25	Isomo rya 3: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 206 n'urwa 207

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga "**Bana dukine**".

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni "Bana dukine".**
2. Ni irihe somo wakuye muri uwo mwandiko? **Isomo nakuyemo ni uko imikino ifite akamaro kuko ituma abana bakura neza ingingo ntizihinamirane.**

Akira ibisubizo by' abanyeshuri ubibutse ko imikino ituma abantu bidagadura, bagasabana ko bagomba kuyitabira.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Gusoma umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye kongera gusoma umwandiko "**Bana dukine**" uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **206**.

1. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **206**. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko "**Bana dukine**" by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko "**Bana dukine**" mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Ni mu kihe gihe abana bakinaga imikino gakondo gusa?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Ni kera imikino mvamahanga itaramamara.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Vuga imikino gakondo nibura itatu yakinwaga n'abana yavuzwe mu mwandiko?**

Somera hamwe n'abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo kiri cyo. **Gukina agati, gusamata no gusimbuka urukiramende.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Ni iyihe mikino gakondo yavuzwe mu mwandiko na n'ubu igikinwa n'abana?**

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ukinoze. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Gukina ubute, gusimbuka urukiramende no gusamata.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero rw'ikibazo :

Ni uwuhe mukino gakondo mu yavuzwe mu mwandiko ujya ukina? **Gusimbuka umugozi.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye.

Subiza ibibazo ku mwandiko

1. Vuga akamaro k'imikino gakondo kavuzwe mu mwandiko? **Imikino gakondo yatumaga abantu bunguka inshuti, bagasabana, ikanabarinda indwara.**
2. Uratekereza ko gukina nyuma y'amasomo byakumarira iki nk'umunyeshuri? **Byatuma nduhuka mu mutwe nkiga neza.**
3. Ni uruhe ruhare rw'imikino mu mibanire myiza y'abantu? **Imikino ituma abantu bidagadura bagasabana.**



Saba abanyeshuri kuza gusoma agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **209** bashake irindi herezo rifitanye isano na ko hanyuma baryandike.

Icyumweru cya 25	Isomo rya 4: Uteringushyo
Intego rusange: Gutahura ibiranga uturingushyo	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 208

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse kwiga: **“Bana dukine.”**

Urugero:

1. Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga ? Umwandiko duheruka kwiga ni : **“Bana dukine.”**
2. Mu mwandiko bavuze ko imikino gakondo yari imaze iki? **Yatumaga abantu bunguka inshuti, bagasabana, ikanabarinda indwara.**
3. Ni iyihe mikino gakondo yavuzwe mu mwandiko? **Kumasha, igisoro, gutera umuhunda, gusimbuka urukiramende...**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kwitabira imikino kuko ituma bagira ubuzima bwiza.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura no gusoma uturingushyo

Andika ku kibaho akaringushyo **“Imfura”** kari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **208**

Saba abanyeshuri gusoma akaringushyo hanyuma ubayobore mu gutahura igisobanuro cy'akaringushyo.



Baza abanyeshuri igisobanuro cy'akaringushyo. Uhereye ku bisobanuro byabo, basobanurire ko **akaringushyo ari akandiko kagufi gafasha umunyeshuri kumenya gusoma no gufata mu mutwe**. Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubasomera by'intangarugero akaringushyo **“Imfura”** kanditse ku kibaho.



Vugira hamwe n'abanyeshuri igisobanuro cy'akaringushyo hanyuma musomere hamwe akaringushyo **“Imfura”** kanditse ku kibaho.



Saba abanyeshuri gusubiramo ku giti cyabo igisobanuro cy'akaringushyo banasomere hamwe akaringushyo **“Imfura”** kanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **208**.

2. Gufata mu mutwe

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gufata mu mutwe akaringushyo mukakavuga mutakareba.



Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko uvuga akaringushyo **“Imfura”** utakareba.

Soma akaringushyo **“Imfura”** kanditse ku kibaho ukareba hanyuma uhindukire utere umugongo aho akanditse ukavuge utakareba ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Yobora abanyeshuri musomere hamwe akaringushyo **“Imfura”** kanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **208**, hanyuma bafunge ibitabo, batere umugongo aho kanditse ku kibaho mukavugire hamwe mutakareba.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo akaringushyho "Imfura" hanyuma bafunge ibitabo byabo bakavuge batakareba. Saba bamwe mu banyeshuri kukabwira bagenzi babo mu ijwi riranguruye.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, basome akaringushyho "Itabi" hanyuma bakavuge batakareba.

Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri basubiramo akaringushyho, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusoma no gufata mu mutwe akaringushyho k'ibitotsi kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 208

Icyumweru cya 25

Isomo rya 5: Kumva no gusesengura umwandiko

Intego rusange: Gusoma , kumva no gusesengura umwandiko

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 210

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga.

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni "Bana dukine".**
2. Uwo mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga ku mikino gakondo.**
3. Imikino gakondo yari imaze iki? **Yatumaga abantu bunguka inshuti, bagasabana kandi ikabarinda indwara zinyuranye.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko imikino ituma bidagadura, bagasabana kandi bakagororoka ingingo.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko « **Gashema arabahiga** » uri mu bitabo byabo urupapuro rwa 210.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko « **Gashema arabahiga** » wubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko "**Gashema arabahiga**" mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'umwandiko "**Gashema arabahiga**", bubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona.

Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko "**Gashema arabahiga**" bari bwumvemo amagambo: **baramukwena, atamutoteza, ikigwari, ahiga.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **baramukwena**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **baramukwena**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **baramukwena**. **Baramukwena** bisobanura **baramuseka** cyane. Koresha ijambo **baramukwena** mu nteruro.

Urugero: Kaneza yananiwe gusubiza, bagenzi be **baramukwena** umwarimu arababuza.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **baramukwena** n'igisobanuro cyaryo hanyuma munasubiremo interuro : **Kaneza yananiwe gusubiza, bagenzi be baramukwena, umwarimu arababuza.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **baramukwena** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **baramukwena**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **baramukwena**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **ikigwari, atamutoteza, ahiga**.

1. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko **“Gashema arabahiga”** hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko **“Gashema arabahiga”** mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Gashema arabahiga”**, mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Umwarimu yasabye Gashema gukora iki?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Yasabye Gashema gusimbuka urukiramende.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Gashema ageze kwa Sekuru yasanze akora iki?** Somera hamwe n'abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo kiri cyo. **Yasanze sekuru asekura amasaka y'amakoma.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Sekuru yamutoje ate?** Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Yamutoje gitore atamutoteza.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero:

Ni ukubera iki Gashema yahize abandi mu gusimbuka urukiramende ? **Ni uko yakomeje kwitoza gusimbuka urukiramende.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko **“Gashema arabahiga”** mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye.
2. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **211** igikorwa cya **2**, wo guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo bakoresheje akambi.

Ibisubizo

Gukwena : **Guseka umuntu**

Baramutotezaga : **bamuhozaga ku nkeke**

Yarabahize : **yarabarushije**

Ikigwari : **umunebwe**

3. Subiza ibibazo ku mwandiko

- a) Gashema yahize abandi banyeshuri mu biki? **Mu gusimbuka urukiramende.**
- b) Wowe hari umukino ukunda gukina? Sobanura. **Yego. Nkunda gukina umupira w'amaguru.**
- c) Vuga ibintu bitatu by'ingenzi uyu mwandiko wibanzeho. Uyu mwandiko wibanze kuri ibi bikurikira:
 - **Gashema ananirwa gusimbuka urukiramende.**
 - **Gashema ajya kwa sekuru akamwigisha gusimbuka urukiramende.**
 - **Gashema atsinda amarushanwa yo gusimbuka urukiramende ku ishuri.**



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko bize hanyuma baze gukoresha mu nteruro bihimbiye amagambo **ikigwari, yarabahize** bazazisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 1

Isomo rya 6: Utwatuzo: “Utwuguruzo n'utwugarizo”

Intego rusange: Gukoresha neza utwuguruzo n'utwugarizo mu nteruro

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **212**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse kwiga: **“Gashema arabahiga.”**

Urugero:

- a) Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni **“Gashema arabahiga.”**
- b) Uwo mwandiko wavugaga iki? **Wavugaga ukuntu Gashema yahize abandi mu gusimbuka urukiramende.**
- b) Ni irihe somo wakuye muri uwo mwandiko? **Isomo nakuyemo ni uko ntagomba gucibwa intege n'abanseka.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko batagomba gucika intege, ko ahubwo bagomba gukora cyane kuko bituma batsinda amarushanwa.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura utwuguruzo n'utwugarizo mu nteruro n'aho dukoreshe

Andika ku kibaho interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **212**

Sekuru aramubwira ati: «Abatabizi bicwa no kutabimenya.»

Arakomeza ati: «Ngiye gushinga uduti tubiri ntambikeho akandi nkwigishe kurusimbuka.»

Saba abanyeshuri kuzisoma no kuzitegereza hanyuma berekane utwuzo twakoreshejwemo, bavuge n'aho twakoreshejwe. Bwira abanyeshuri ko utwuzo dukoreshe mu nteruro kugira ngo uzisoma abashe gusoma neza.

Baza abanyeshuri ibibazo bibafasha gutahura utwuguruzo n'utwugarizo n'aho dukoreshe.



Soma interuro wanditse ku kibaho. Saba abanyeshuri kwerekana utwuzo twakoreshejwe muri izo nteruro n'aho twakoreshejwe n'uko twitwaga. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ubafashe kubinoza. Koza urutoki ku twuguruzo n'utwugarizo basobanurire ko « » utu tumenyetse twitwaga **utwuguruzo n'utwugarizo** tukaba dukikiza amagambo yavuzwe n'undi cyangwa n'abandi iyo bayasubiyemo. Tubanzirizwa n'utubago tubiri. Interuro iri mu twuguruzo n'utwugarizo itangizwa n'inyuguti nkuru.



Yobora abanyeshuri musomere hamwe interuro zanditse ku kibaho, mugaragaze **Utwuguruzo n'utwugarizo** mu nteruro n'aho twakoreshejwe. Yobora abanyeshuri musubiremo ko « » utu tumenyetse twitwaga **utwuguruzo n'utwugarizo** tukaba dukikiza amagambo yavuzwe n'undi cyangwa abandi iyo bayasubiyemo. Tubanzirizwa n'utubago tubiri. Interuro iri mu twuguruzo n'utwugarizo itangizwa n'inyuguti nkuru.



Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri. Basabe gusoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **212**, igikorwa cya **1**, hanyuma buri wese yereke mugenzi we **utwuguruzo n'utwugarizo** adukozaho urutoki, anamubwire n'aho gakoreshwa.

Saba abanyeshuri bese kongera gusoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **212**, igikorwa cya **1** bubahiriza **utwuguruzo n'utwugarizo** twazikoreshejwemo hanyuma banasubiremo ko **utwuguruzo n'utwugarizo** dukikiza amagambo yavuzwe n'undi cyangwa abandi iyo bayasubiyemo. Tubanzirizwa n'utubago tubiri. Interuro iri mu twuguruzo n'utwugarizo itangizwa n'inyuguti nkuru.

2. Imyitozo ku mikoreshereze y'utwuzo

Ukoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, yobora abanyeshuri mukore umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **212** wo gushyira utwuzo dukwiye mu nteruro bahawe.

Ibisubizo

- 1) Yaramubajije ati: "Ku ishuri mukina iyihe mikino?"
- 2) Umwarimu wacu ati : " Mwitoze mushyizeho umwete kugira ngo muzatsinde amarushanwa. "

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gushyira utwuzo dukwiye mu nteruro zikurikira :

1. Umwarimu wacu yavuze ati: Imikino ituma umubiri w'umuntu ugororoka.
2. Nishimwe yaravuze ati: Sinzareka gukinana n'abandi kuko ari byiza.

Igisubizo:

1. Umwarimu wacu yavuze ati: "Imikino ituma umubiri w'umuntu ugororoka."
2. Nishimwe yaravuze ati: "Sinzareka gukinana n'abandi kuko ari byiza."



Saba abanyeshuri kuza gukoresha utwuguruzo n'utwugarizo mu nteruro ebyiri bihimbiye, hanyuma bazasisomere bagenzi babo mu ishuri.

Basabe kandi kuza gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **213**, basubize ikibazo cyakabajijweho.

Icyumweru cya 25	Isomo rya 7: Imyitozo yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.
Intego rusange: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 214 n'urwa 215

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitiyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo gusoma umwandiko « Mahoro asigaye akora siporo»

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banabane ubahe umwitozo wo gusoma umwandiko **«Mahoro asigaye akora siporo»** uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **214**, umwitozo wa **1**.

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **215** wo kuzurisha interuro amagambo bahawe.

Ibisubizo:

- a) Umunyeshuri yihaye **gahunda** yo gusubiramo amasomo ye buri muni.
- b) Kankindi iyo yihuse cyane agira **impumu**.
- c) Umurisa **yigize intyoza** agahora avuga ko ibyo yize abirusha bagenzi be bose.
- d) Uyu muni ntiyakoze kuko **yaruhutse**.

3. Umwitozo wo kumva umwandiko «Bakame na Ruhaya»

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko **«Mahoro asigaye akora siporo»** uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **215** umwitozo wa **3**

Ibibazo n'ibisubizo :


- a) Ni iki cyatumaga Mahoro ahora yigunze? **Ni uko atakoraga siporo n'imyidagaduro.**
- b) Mahoro amaze gusobanukirwa akamaro ka siporo yihaye iyihe gahunda? **Yo kujya akora siporo.**
- c) Akora siporo ni iyihe myitozo Mahoro yakoraga? **Yazengurukaga inzu yo mu rugo inshuro icumi hanyuma akananura amaboko n'amaguru.**

4. Umwitozo wo gusesengura umwandiko «Mahoro asigaye akora siporo »

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko **« Mahoro asigaye akora siporo »** uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **215** umwitozo wa **4**

Ibibazo n'ibisubizo:

- a) Wumva akamaro ka siporo Mahoro yarakabwiye na nde? **N'inshuti ze, n'ababyeyi be, yabonye abandi bayikora...**
- b) Wakora iki kugira ngo abana muturanye cyangwa mwigana bitabire siporo? **Nababwira akamaro ka siporo.**
- c) Vuga nibura indwara ebyiri zishobora guterwa no kudakora siporo? **Guhinamirana, umubyibuho ukabije, umuvuduko w'amaraso...**



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko **« Mahoro asigaye akora siporo»** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **214**, bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 25	Isomo rya 8: Imyitozo isoza icyumweru
Intego rusange: Gushyira utwatuzo dukwiye mu gakuru no kuzuza interuro bakoresheje amagambo bahawe	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 216

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri, indi myitozo wihitanyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo gushyira utwatuzo dukwiye mu gakuru

Ha abanyeshuri umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **216** umwitozo wo gushyira utwatuzo dukwiye mu gakuru.

Ibisubizo:

Umunyeshuri baramubajije bati: "Ukina uwuhe mukino?"

Umunyeshuri arasubiza ati: "Nta mukino n'umwe nkina."

Baramubwira bati: "Gukina ni ingirakamaro kuko bituma amagufwa akomera."

Umunyeshuri yahise yitabira imikino, ubu ni umukinnyi ukomeye.

2. Umwitozo wo kuzuza interuro bakoresheje amagambo bahawe.

Ha abanyeshuri umwitozo wa **1** uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **216** umwitozo wo kuzuza interuro bakoresheje amagambo bahawe hanyuma bakazandika.



Saba abanyeshuri kuza gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **216** umwitozo wa **2** hanyuma bashake irindi herezo ryako, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 26	Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 44 n'urwa 45

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga "**Mahoro asigaye akora siporo**".

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni "Mahoro asigaye akora siporo"**

2. Uyu mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga kuri Mahoro witabiriye siporo.**

3. Uyu mwandiko wawigiyemo iki? **Nawigiyemo ko siporo ifite akamaro cyane.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko twese dukwiye kwitabira siporo.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru: **“Uko Gapira yarihiye Mutesi”**

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru.

Bwira abanyeshuri ko ugiye kubasomera inkuru **“Uko Gapira yarihiye Mutesi”**, ko bari bwumvemo amagambo: **kaminuza, mvamahanga**.



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **kaminuza**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **kaminuza**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **kaminuza**. **Kaminuza** bisobanura **amashuri makuru**.

Koresha ijambo **kaminuza** mu nteruro.

Urugero: Mukuru wange yiga muri **kaminuza**.



Dukorane twese

Vugira hamwe n'abanyeshuri ijambo **kaminuza** n'igisobanuro cyaryo. Yobora abanyeshuri mukoreshe ijambo **kaminuza** mu nteruro iboneye. **Mukuru wange yiga muri kaminuza**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **kaminuza** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **kaminuza**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **kaminuza** bukoreshwe no mu gusobanura ijambo **mvamahanga**.

Mvamahanga bisobanura **ikintu cyaturutse mu kindi gihugu**.

Urugero: Rugubi ni umukino **mvamahanga**.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo kandi n'irindi jambo rikomeye urisobanure mu buryo bwihuse. Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri maze ubabaze niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva no gusesengura inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Gapira yakoraga iki iyo yavaga ku ishuri?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wakibonye. Soma igisubizo kivuye mu nkuru: **Yasubiragamo amasomo ye yarangiza akareba tereviziyo**.



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Baza ikibazo cya kabiri. **Ni iyihe mikino mvamahanga Gapira yabwiye na se?**

Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Karate, rugubi, hendiboro, basiketiboro, pingipongo, tenisi, na voreboro, amasiganwa y'amagare ndetse n'ay'imodoka**.



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikiraho. **Kuki abantu bacaga intege Gapira bamubwira ko atashobora gukina?**

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basubize icyo kibazo. Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ubafashe kukinoza. Saba abanyeshuri bose gusubiramo igisubizo kiri cyo: **Ni uko babonaga afite ubumuga bw'akaguru**.

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banabane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Sobanura uko siporo yakiza umuntu uyikora. **Siporo yakiza umuntu uyikora iyo abashije kumenya neza umukino akina akawuhemberwa.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye.

- a) **kaminuza:** Gakwaya yiga muri kaminuza.
- b) **mvamahanga:** Mu mikino mvamahanga nkunda karate.

2) Subiza ibibazo ku mwandiko

- a) Ni abahe bana bavugwa mu nkuru? **Ni Gapira na Mutesi.**
- b) Ni iyihe nama wagira abacaga intege Gapira? **Nabagira inama yo kutamuca intege kuko abana bafite ubumuga bafite ubushobozi bwo kwiga no gukina kimwe n'abandi.**
- c) Ni iyihe nama wagira abafite ubumuga batinya gukora siporo? **Nabagira inama yo gutinyuka bagakora siporo kuko hari izo bashoboye.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri, ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru **“Uko Gapira yarihiye Mutesi”**, baganire na bo ibyo bashimye muri icyo nkuru hanyuma bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 26

Isomo rya 2: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo.

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **217** n'urwa **218**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kumva **“Uko Gapira yarihiye Mutesi”**

- 1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kumva? **“Uko Gapira yarihiye Mutesi”.**
- 2. Iyi nkuru yavugaga kuri nde? **Yavugaga kuri Gapira, Mutesi na se.**
- 3. Ni irihe somo wakuye muri icyo nkuru? **Isomo nakuyemo ni uko n'abafite ubumuga ari abantu nk'abandi. Bashobora kwiga, gukina n'ibindi.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko siporo ifitiye umubiri wacu akamaro.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko « **Umunsi udasanze** » uri mu bitabo byabo urupapuro rwa **217**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko « **Umunsi udasanze** » wubahiriza utwatuzo n'isesekaza.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko « **Umunsi udasanze** » mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma umutwe w'umwandiko ku giti cyabo, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona.

Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko.

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko mugiyeye gusoma «**Umunsi udasanze**» bari bwumvemo amagambo: **akarasisi, injyana, karahava, bwangu**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **akarasisi**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **akarasisi**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **akarasisi**. **Akarasisi** bisobanura **gutambuka imbere y'abantu mubiyereka**. Koresha ijambo **akarasisi** mu nteruro.

Urugero: Ejo twakoze **akarasisi**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **akarasisi** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Ejo twakoze akarasisi**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **akarasisi** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **akarasisi**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **akarasisi**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **inyana, karahava, bwangu**.

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko «**Umunsi udasanze**» bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko «**Umunsi udasanze**» mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko «**Umunsi udasanze**», mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma umwumwe umwandiko «**Umunsi udasanze**» mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.
2. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **218**, igikorwa cya **2** wo gukora interuro bifashishije amagambo yatanze.

Urugero rw'igisubizo:

Bwangu: Umwarimu yadusabye gukora bwangu umwitozo yaduhaye.

Akarasisi: Nabonye abaporisi bakora akarasisi.

Inyana: Nkunda indirimbo ifite injyana nziza.

Karahava: Ababyinnyi batubyiniye karahava!



Saba abanyeshuri kuza gukora umwitozo wo gusoma agakuru kari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa **219** no gusubiza ikibazo cyakabajijweho.

Icyumweru cya 26	Isomo rya 3: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 217 n'urwa 218 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga **“Umunsi udasanzwe”**.

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Duheruka kwiga umwandiko “Umunsi udasanzwe”**.
2. Uwo mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga ku birori by'umunsi mukuru wo gusoza umwaka w'amashuri abanza.**
3. Sobanura uko uwo mwandiko warangiye. **Warangiye bavuga ko umuyobozi w'ishuri yabashimiye, ababyeyi bataha banezerewe kubera imikino n'imyidagaduro babonye.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko twese dukwiye kwitabira imikino n'imyidagaduro.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Gusoma umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye kongera gusoma umwandiko **“Umunsi udasanzwe”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **217**.

1. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **217**. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko **“Umunsi udasanzwe”** by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Umunsi udasanzwe”**, mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko



Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Ni ibihe birori abanyeshuri bamaze iminsi bitegura?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Ni ibirori bisoza umwaka w'amashuri abanza.**



Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni gute abakoraga akarasisi batambukaga?** Somera hamwe n'abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire igisubizo kiri cyo: **Batambukaga mu njyana imwe.**



Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Vuga nibura imikino ibiri gakondo uzi yavuzwe mu mwandiko.**

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ukinoze. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo.

Gusimbuka urukirambende no kwirengera agaseke.

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Iwanyu musakuzanya ryari? **Nimugoroba.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye.

1. Saba abanyeshuri gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatumye n'isesekaza rikwiye.

2. Subiza ibibazo ku mwandiko

a) Ni ba nde bari bitoje ibisakuzo? **Ni Kamana na Kariza.**

b) Wumva ibisakuzo bimaze iki? **Bifasha gufundura no gutekereza kure.**

c) Ni iki gishimisha ababyeyi iyo baje mu minsi mikuru ku ishuri ryanyu? **Bashimishwa n'imikino inyuranye tubakinira.**

Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri basubiza, ufashe abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza gukora umwitozo wo kwandika iherezo ry'agakuru uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **219**.

Icyumweru cya 26	Isomo rya 4: Ibisakuzo
Intego rusange: Gutahura icyo ibisakuzo ari cyo no gusakuzanya.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 218 n'urwa 219 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse kwiga: **“Umunsi udasanzwe”**.

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga ? Umwandiko duheruka kwiga ni **“Umunsi udasanzwe.”**

2. Uwo munsi udasanzwe wavugwaga wari uwuhe? **Wari uwo gusoza umwaka w'amashuri abanza.**

3. Imikino ivugwa muri uwo mwandiko yakinwe na nde? **Yakinwe n'abanyeshuri bayitoje, harimo Kamana na Kariza.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko siporo n'imyidagaduro bidufitiye akamaro.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo ibisakuzo ari cyo

Wifashishije igika cy'umwandiko « **Umunsi udasanzwe** » uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **217** kigaragaramo ibisakuzo, yobora abanyeshuri mu gutahura icyo ibisakuzo ari cyo n'uko basakuzanya.



Saba abanyeshuri gukurikira. Soma igika cya gatatu cy'umwandiko « **Umunsi udasanzwe** »

Sobanurira abanyeshuri ko gusakuza bikorwa n'abantu babiri. Umwe abwira undi ati: **“Sakwesakwe”**. Undi na we akamusubiza ati: **“Soma.”** Uwatangiye agasakuza mugenzi we undi na we agahita yica igisakuzo bigakomeza bityobityo. Uwo kinaniye akavuga ngo: **“Ngicyo”** maze mugenzi we akakiyicira.



Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ko gusakuza bikorwa n'abantu babiri. Umwe abwira undi ati: **“Sakwesakwe.”** Undi na we akamusubiza ati: **“Soma.”** Uwatangiye agasakuza mugenzi we undi na we agahita yica igisakuzo bigakomeza bityobityo. Uwo kinaniye akavuga ngo: **“Ngicyo”** maze mugenzi we akakiyicira.



Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri umwe abwire mugenzi we ko gusakuza bikorwa n'abantu babiri. Umwe abwira undi ati: **“Sakwesakwe.”** Undi na we akamusubiza ati: **“Soma.”** Uwatangiye agasakuza mugenzi we undi na we agahita yica igisakuzo bigakomeza bityobityo. Uwo kinaniye akavuga ngo: **“Ngicyo”** maze mugenzi we akakiyicira.

2. Gusakuzanya



Saba abanyeshuri gukurikira. Sakuza igisakuzo gikurikira unakice: Sogokuru aryoha aboze: **Umuneke**



Saba abanyeshuri gukurikira. Babwire ko ugiye kubasakuza na bo bakakica.

Umwarimu: **Sakwesakwe!**

Abanyeshuri: **Soma**

Umwarimu: **Sogokuru aryoha aboze**

Abanyeshuri: **umuneke**



Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe kwitegereza amashusho ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **219**, bavuge amazina yayo, hanyuma basome igisakuzo (**b**) bakice bifashishije izina ry'ishusho imwe ijyanye n'icyo gisakuzo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gusakuzanya ibisakuzo bisigaye no kubyica bifashishije amashusho ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **219**.

Ibisubizo:

1. Icwende ryange ribaye kure mba ngukoreyemo: **ukwezi**.
2. Tuvuyemo umwe ntitwarya: **amashyiga**.
3. Nshinze umwe ndasakara: **igihumyo/ icyoba/icyobo**.
4. Inka yange nyikama igaramye: **umuvure**.

Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri barimo gusakuzanya, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibisakuzo bize biri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **219**.

Icyumweru cya 26	Isomo rya 5: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 220 n'urwa 221

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga.

1. Ni nde watwibutsa isomo duheruka kwiga? **Duheruka kwiga isomo ry'ibisakuzo.**
2. Abasakuzanya bakoresha ayahe magambo? **Utangira akoresha "sakwesakwe", naho uwo asakuza akamusubiza ati: «Soma».**
3. Unaniwe kwica igisakuzo abigenza ate? **Aravuga ngo: «Ngicyo».**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko ibisakuzo na byo ari ubwoko bw'umukino abantu bidagaduriramo.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko « **Yamenye kubuguza** » uri mu bitabo byabo urupapuro rwa **220**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko « **Yamenye kubuguza** » wubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko " **Yamenye kubuguza** " mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma umutwe w'umwandiko " **Yamenye kubuguza** " ku giti cyabo, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona.

Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko " **Yamenye kubuguza** " bari bwumvemo amagambo: **umukambwe, kubuguza, arita mu gutwi, ikirangirire.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **umukambwe**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **umukambwe**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **umukambwe**. **Umukambwe** bisobanura **umusaza ukuze cyane**. Koresha ijambo **umukambwe** mu nteruro.

Urugero: Sogokuru amaze kuba **umukambwe**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **umukambwe** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Sogokuru amaze kuba umukambwe.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **umukambwe** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **umukambwe**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **umukambwe**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **kubuguzi, arita mu gutwi, ikirangirire**.

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko "**Yamenye kubuguzi**" hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko "**Yamenye kubuguzi**" mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko "**Yamenye kubuguzi**", mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Migambi n'umwana we bakundaga gukora iki?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko:

Bakundaga kubuguzi.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni iki Minani yabajije se bari kubuguzi?**

Somera hamwe n'abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo kiri cyo. **Yamubajije uwamwigishije kubuguzi.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Se yamusubije iki?**

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo.

Yamusubije ko yabyigishijwe na sekuru.

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo cyo guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Ushatse kumenya gukina umukino runaka wabigenza ute? **Nashaka ubinyigisha.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** wo guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **220**.

Ibisubizo:

- Umukambwe: umusaza
- Kubuguzi: gukina igisoro
- Arita mu gutwi: abyumva vuba
- Ikirangirire: icyamamare

Subiza ibibazo ku mwandiko

1. Ni bande bavugwa mu nkuru? **Ni umusaza Migambi n'umuhungu we Migambi.**
2. Uboneye mugenzi wawe atazi gukina umukino wowe uwuzi wamufasha iki? **Nawumwigisha.**
3. Uyu mwandiko ugusigiye irihe somo? **Unsigiye isomo ryo kuba nakwitoza ikintu nkakimenya.**



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko **"Yamenye kubuguza"** banandike irindi herezo baha uyu mwandiko, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri. Basabe kandi gukora umwitozo **1** wo guhuza amagambo bagakora interuro uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **223**.

Icyumweru cya 26

Isomo rya 6: Umugani muremure

Intego rusange: Gutahura ibiranga umugani muremure

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa **222**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse gusoma: **"Yamenye kubuguza"**.

1. Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni "Yamenye kubuguza"**.
2. Ni ba nde bavugwa muri uwo mwandiko? **Ni umukambwe Migambi n'umuhungu we Minani.**
3. Uyu mwandiko wagusigiye irihe somo? **Wansigiye isomo ko ikintu umuntu yiyemeje kwiga ashobora kukimenya.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko imikino n'imyidagaduro ari myinshi, buri wese agahitamwo imubereye.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura ibiranga umugani muremure

Wifashishije amagambo yatangiye n'ayashoje umwandiko **"Yamenye kubuguza"** n'interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **222**, yobora abanyeshuri mu gutahura ibiranga umugani muremure.

Andika ku kibaho amagambo **"Kera habayeho..."** **"Si nge wahera hahera..."** n'interuro:

Umusaza Migambi yakinaga igisoro n'urukwavu.

Minani yigishijwe gukina umupira n'ingwe.

Baza abanyeshuri uko bita umwandiko utangizwa n'amagambo **"Kera habayeho..."** ukanasozwa n'amagambo **"Si nge wahera hahera..."**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, basobanurire ko ubwoko bw'umwandiko bukoreshwamo amagambo nk'ayo ari: **umugani muremure** ukaba uvuga ku bintu bitabayeho kandi bitanashoboka.



Andika ku kibaho interuro zikurikira

Umusaza Migambi yakinaga igisoro n'urukwavu.

Minani yigishijwe gukina umupira n'ingwe.

Saba abanyeshuri kuzisoma ubasabe kuvuga niba ibivugwamo byarabayeho cyangwa bitarabayeho. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri basobanurire ko ibivugwa muri izi nteruro ari **amakabyankuru**. Amakabyankuru ni **ibintu bivugwa mu mugani bitabayeho kandi bitanashobora kubaho**.



Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ko umugani muremure ari umwandiko uvuga ibintu bitabayeho kandi bitanashobora kubaho, ugatangizwa na **"Kera habayeho..."** ugasozwa na **"Si nge wahera hahera..."** kandi ukaba urimo **amakabyankuru**.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri usabe buri munyeshuri kubwira mugenzi we ko umugani muremure ari umwandiko uvuga ibintu bitabayeho kandi bitanashobora kubaho, ugatangizwa na “**Kera habayeho...**” ugasozza na “**Si nge wahera hahera...**” kandi ukaba urimo **amakabyankuru**.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, ubasabe gukora umwitozo wa **2** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **222**, wo gucirana umugani muremure.

Saba bamwe mu banyeshuri gucira bagenzi babo umugani mu ijwi riranguruye.

Gendagenda mu ishuri ureba uko uwo mwitozo ukorwa ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana babacire umugani na bo bazawucire bagenzi babo mu ishuri.

Basabe kandi gukora umwitozo **2** wo gusoma agakuru bagasubiza ikibazo cyakabajijweho uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **223**.

Icyumweru cya 26	Isomo rya 7: Imyitozo yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.
Intego rusange: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 224 n’urwa 225

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n’ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo gusoma umwandiko «Umukinnyi Gapusi»

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubahe umwitozo wo gusoma umwandiko «**Umukinnyi Gapusi**» uri mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **224**, umwitozo wa **1**.

2. Umwitozo w’inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** wo kuzurisha interuro amagambo yatanzwe uri mu gitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa **225**.

Ibisubizo

- Abasore bamenya gukina neza iyo **bagimbutse**.
- Mu marushanwa iyo ikipe irushije izindi bayiha **igikombe**.
- Kigali ni **umurwa** mukuru w’u Rwanda.
- Rugubi ni umwe mu mikino **mvamahanga**.

3. Umwitozo wo kumva umwandiko «Umukinnyi Gapusi»

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko «**Umukinnyi Gapusi**» uri mu gitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa **225** umwitozo wa **3**.

Ibibazo n’ibisubizo

- Ni ba nde bavugwa mu mwandiko? **Ni Njangwe, ibibwana bye Gapusi na Nturo, hakaza na Gahuku.**
- Gapusi na Nturo bamaze guca akenge bashimishwaga n’iki? **Bashimishwaga no gukina udukino gakondo nyina yabigishije.**
- Vuga ine mu mikino mvamahanga Gapusi yasanze mu murwa. **Yasanze basiketiki, vorebora, tenisi, biyari.**

4. Umwitozo wo gusesengura umwandiko «Umukinnyi Gapusi»

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko «Umukinnyi Gapusi» uri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa **225** umwitozo wa **4**.

Ibibazo n'ibisubizo

- Urumva ari iyihe mpamvu ituma mu murwa imikino mvamahanga ihagera mbere yo mu cyaro? **Ni uko abanyamahanga bayizana mu Gihugu baruhukira mu murwa.**
- Uramutse umenye gukina umukino mvamahanga wakora iki kugira ngo wamamare aho utuye? **Na-jya nkina nshyizeho umwete kugira ngo namamare.**
- Ese imikino mvamahanga ishobora guhindura ubuzima bw'uyikina by'umwuga? Mukore ikiganiro musobanure ibisubizo byanyu. **Yego, yahindura ubuzima bw'uyikina kuko ashobora kuyikina agahembwa amafaranga menshi, akayifashisha mu kwiteza imbere.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko «Umukinnyi Gapusi» uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **224** bazanawusomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 26	Isomo rya 8: Imyitozo isoza icyumweru
Intego rusange: Gukora imyitozo ku bisakuzo no ku kwandika.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 226 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitwemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **226** ku bisakuzo.

Ibisubizo :

- Nshinze umwe ndasakara: **igihumyo, icyoba.**
- Tuvuyemo umwe ntitwarya: **amashyiga.**
- Nicaye iwacu nzenguruka isi yose: **murandasi.**
- Sogokuru aryoha aboze: **umuneke.**
- Nyiramakangaza ngo mutahe: **imbeho ku rugi.**
- Icwende ryange ribaye kure mba ngukoreyemo: **ukwezi.**

2. Ha abanyeshuri umwitozo wa **1** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **226** wo guhuza ibice by'amagambo bagakora amagambo bakayandika mu mukono.

Ibisubizo

- Kuzimywa
- Inshywa
- Nshwekure
- gusumywa

3. Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **226** wo kwandika agakuru k'imirongo itanu ku ngingo bahawe.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gushaka ibindi bisakuzo bitatu bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 27	Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 46 n’urwa 47 .

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga **“Umukinnyi Gapusi”**

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni “Umukinnyi Gapusi”**
2. Uyu mwandiko wavugaga kuri ba nde? **Wavugaga kuri Gapusi, Nturo na Njangwe.**
3. Ni irihe somo uyu mwandiko wagusigiye? **Isomo wansigiye ni ugukunda no gukora siporo.**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko tugomba gushishikarira gukora siporo.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w’inkuru: **“Asigaye akora siporo”**

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n’inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru

Bwira abanyeshuri ko ugiye kubasomera inkuru **“Asigaye akora siporo”**, ko bari bwumvemo amagambo: **kunenga, ubunembwe.**



Vuga ijamba **kunenga**. Baza abanyeshuri niba bazi igisobanuro k’ijamba **kunenga**. Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, noza igisobanuro k’ijamba **kunenga**. **Kunenga** bisobanura **kugaya**.

Koresha ijamba **kunenga** mu nteruro. **Urugero:** Tugomba **kunenga** abakora nabi bakikosora.



Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijamba **kunenga** n’igisobanuro cyaryo hanyuma munavugire hamwe interuro **Tugomba kunenga abakora nabi bakikosora**.



Saba abanyeshuri gusubiramo ku giti cyabo ijamba **kunenga** n’igisobanuro cyaryo. Bashyire mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijamba **kunenga**.

Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijamba **kunenga**, bukoreshwe no mu gusobanura ijamba **ubunembwe**.

Ubunembwe bisobanura **kudakunda gukora**.

Urugero: Umunyeshuri ugira **ubunembwe** atsindwa amasomo.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n’isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n’inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza.

Mu gihe ugeze ku ijamba ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo kandi n’irindi jambo rikomeye risobanure mu buryo bwihuse. Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri, maze ubabaze niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n’ibyo batahuye mbere.

4. Kumva no gusesengura inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Iyi nkuru iravuga ku ki?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu nkuru: **Iravuga ku mikino n'imyidagaduro.**



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Baza ikibazo cya kabiri. **Ni nde uvugwa ko atakundaga siporo?** Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Ni Nyampinga.**



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikiraho. **Ni akahe kamaro ka siporo kavuzweho mu nkuru?**

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basubize icyo kibazo. Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ubafashe kukinoza. Saba abanyeshuri bose gusubiramo igisubizo kiri cyo: **Siporo inanura ingingo, irinda indwara, ituma abantu basabana, ituma umuntu yiga neza...**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Ni iki ushima Nyampinga? **Ndamushima ko yemeye guhinduka akajya yitabira siporo.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1) Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye.

- Kunenga:** Tugomba **kunenga** abakora nabi bakikosora.
- Ubunebwe:** Umunyeshuri ugira **ubunebwe** atsindwa amasomo..

2) Subiza ibibazo ku mwandiko

- Iyi nkuru iravuga ku ki? **Iravuga ku mikino n'imyidagaduro.**
- Umaze kumva iyi nkuru, ufashe izihe ngamba? **Mfashe ingamba zo kujya nitabira gukora siporo.**
- Ni gute siporo ishobora guteza umuntu imbere? **Yamuteza imbere iyo yahisemo umukino akawugira umwuga.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru **"Asigaye akora siporo"**, baganire na bo ibyo bashimye muri icyo nkuru hanyuma bazabwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 27

Isomo rya 2: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **227** n'urwa **228**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kumva **"Asigaye akora siporo"**

- Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kumva? **Duheruka kwiga inkuru "Asigaye akora siporo".**
- Ni nde uvugwamo utarakundaga siporo? **Ni Nyampinga.**
- Ni nde wababazwaga n'imyumvire ya Nyampinga? **Ni Muhire.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko siporo ifitiye umubiri wacu akamaro kanini. Kandi ko bagomba kuyishishikariza abandi.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **“Ibe intego ya twese”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **227**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w’umwandiko **“Ibe intego ya twese”** wubahiriza utwatuzo n’isesekaza.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w’umwandiko **“Ibe intego ya twese”** mwubahiriza utwatuzo n’isesekaza.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma umutwe w’umwandiko ku giti cyabo, bubahiriza utwatuzo n’isesekaza.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n’umwandiko, ubabaze ibyo babona. Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w’umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **“Ibe intego ya twese”** bari bwumvemo amagambo: **inganzo, ingenzi, amavunane, mwunge mu ryange**.



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **inganzo**. Baza abanyeshuri igisobanuro k’ijambo **inganzo**. Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, noza igisobanuro k’ijambo **inganzo**. **inganzo** bisobanura **ibyo abantu baririmba, bacuranga cyangwa bandika**. Koresha ijambo **inganzo** mu nteruro.

Urugero: Rugamba afite **inganzo** nziza.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **inganzo** n’igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro **Rugamba afite inganzo nziza**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **inganzo** n’igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **inganzo**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **inganzo**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **ingenzi, amavunane, mwunge mu ryange**.

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko **“Ibe intego ya twese”** bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko **“Ibe intego ya twese”** mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Ibe intego ya twese”**, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri, buri wese kugiti ke, gusoma umwumwe umwandiko **“Ibe intego ya twese”** mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatumaze n’isesekaza bikwiye.
2. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **228**, wo gusimbuza amagambo hakoresheje amagambo ari mu kazu.

Ibibazo n’ibisubizo:

- a) Kabatesi yakijijwe n’ubuhanzi yakomoye kuri sekuru. **(inganzo)**
- b) Wirinde gukora imirimo myinshi itagutera umunaniro ukananirwa kubyuka. **(amavunane)**
- c) Kwiga ni igikorwa kiza mu buzima. **(ingenzi)**
- d) Umwana ati: **“Munshyigikire twamamaze ibyiza by’imikino.”** **(mwunge mu ryange)**



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko **“Ibe intego ya twese”** bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Basabe no kuza gukora umwitozo wo guhuza amagambo bagakora interuro uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **230**, bazasangize bagenzi babo interuro bakoze.

Icyumweru cya 27

Isomo rya 3: Kumva no gusesengura umwandiko

Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **227** kugeza ku rwa **229**.

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka gusoma: **“Ibe intego ya twese”**

1. Ni inde watwibutsa umwandiko duheruka gusoma? Duheruka gusoma umwandiko **“Ibe intego ya twese”**
2. Uyu mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga ku byiza bya siporo.**
3. Ni iki siporo ivura? **Siporo ivura ubusaza**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Bwira abanyeshuri ko umuntu ashobora kwitabira siporo akayigira umwuga bityo ikamuteza imbere.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Gusoma umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye kongera gusoma umwandiko **“Ibe intego ya twese”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **227**.

1. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **227**. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko **“Ibe intego ya twese”** by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Ni ba nde bari kubwirwa by'umwihariko?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko:

Ni abana.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni ayahe moko y'imikino yavuzwe kuba ingenzi?**

Somera hamwe n'abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo. **Ni imikino gakondo n'imikino yaturutse imahanga.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Vuga nibura imimaro ibiri y'imikino ivugwa mu mwandiko.** Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ukinoze. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Kurinda indwara, kurinda ubusaza, kwinjiza amafaranga...**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Uwakugira umukinnyi w'umwuga wumva wamarira iki bagenzi bawe? **Nabigisha gukina na bo bakabimenya.**

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye.

Subiza ibibazo ku mwandiko

1. Ni bande bari kubwirwa by'umwihariko? **Ni abana.**
2. Kuki wumva siporo wayigira intego? **Nayigira intego kuko ifite akamaro kanini ku buzima no kwiteza imbere.**
3. Nyuma yo gusoma uyu mwandiko, abadakora siporo wabagira iyihe nama? **Nabashishikariza kuyikora kubera akamaro kayo.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gutondeka neza interuro bagakuramo agakuru kaboneye bakanasubiza ikibazo kigakurikira nyuma bakazakabwira bagenzi babo mu ishuri. Izo nteruro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **230**.

Icyumweru cya 27	Isomo rya 4: Umuvugo
Intego rusange: Gutahura imiterere y'umuvugo no kuwufata mu mutwe.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 229 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baherutse kwiga: **"Ibe intego ya twese"**

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni **"Ibe intego ya twese"**.
2. Ni ba nde babwirwa mu mwandiko? **Ni abana.**
3. Ni irihe somo wakuye mu mwandiko? **Ni ukwitabira siporo**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko tugomba gushishikarira gukora siporo tukanabishishikariza abandi.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura imiterere y'umuvugo

Wifashishije agace k'umwandiko **"Ibe intego ya twese"** kari mu bitabo by'abanyeshuri ku rupapuro rwa **229** yobora abanyeshuri mu gutahura imiterere y'umuvugo.



Saba abanyeshuri gukurikira. Basomere agace k'umuvugo by'intangarugero ukoresheje umuvuduko, isesekaza n'injyana y'umuvugo. Baza abanyeshuri uko bumva injyana y'ako gace k'umuvugo. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, basobanurire ko **umuvugo ari umwandiko uryoheye amatwi. Imirongo yawo iba ifite amagambo make kandi afite injyana.**



Yobora abanyeshuri musomere hamwe agace k'umuvugo mukoresheje umuvuduko, isesekaza n'injyana y'umuvugo. Fatanya na bo muvugire hamwe ko **umuvugo ari umwandiko uryoheye amatwi. Imirongo yawo iba ifite amagambo make kandi afite injyana.**



Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri usabe buri munyeshuri gusomera mugenzi we agace k'umuvugo akoresheje umuvuduko, isesekaza n'injyana. Anamubwire ko **umuvugo ari umwandiko uryoheye amatwi. Imirongo yawo iba ifite amagambo make kandi afite injyana.** Gendagenda mu ishuri ureba uko basoma kandi ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye agace k'umuvugo akoresheje umuvuduko, isesekaza n'injyana y'umuvugo abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Gufata mu mutwe agace k'umuvugo

Wifashishije agace k'umwandiko **"Ibe intego ya twese"** kari mu bitabo by'abanyeshuri ku rupapuro rwa **229** yobora abanyeshuri mu gutahura imiterere y'umuvugo.



Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ufata mu mutwe agace k'umuvugo **"Ibe intego ya twese"** utakareba.

Soma agace k'umuvugo **"Ibe intego ya twese"** kanditse ku kibaho ukareba ukoresheje umuvuduko, isesekaza n'injyana hanyuma uhindukire utere umugongo aho kanditse ukavuge utakareba ukoresheje umuvuduko, isesekaza n'injyana bikwiye.



Yobora abanyeshuri musomere hamwe agace k'umuvugo **"Ibe intego ya twese"** kanditse mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **229**, hanyuma bafunge ibitabo, batere umugongo aho kanditse ku kibaho mukavugire hamwe mutakareba mukoresheje umuvuduko, isesekaza n'injyana bikwiye.



Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo agace k'umuvugo **"Ibe intego ya twese"** hanyuma bafunge ibitabo byabo bakavuge batakareba bakoresheje umuvuduko, isesekaza n'injyana bikwiye. Saba bamwe mu banyeshuri kukabwira bagenzi babo mu ijwi riranguruye.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, basome agace k'umuvugo **"Ibe intego ya twese"** gakurikira bakoresheje umuvuduko, isesekaza n'injyana bikwiye.

Iturange idusabe
Idutere ibineza
Ituneze dutuze
Ituvure agahinda
Ibe ingenzi mu bana.

Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri basoma kandi bafata mu mutwe agace k'umuvugo, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

Saba bamwe mu banyeshuri kuvuga mu ijwi riranguruye agace k'umuvugo bakoresheje umuvuduko, isesekaza n'injyana bikwiye.



Saba abanyeshuri kuza gusoma umuvugo **"Ibe intego ya twese"** bagerageze kuwuvuga batawureba bubahiriza umuvuduko, isesekaza n'injyana bikwiye.

Icyumweru cya 27	Isomo rya 5: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusoma , kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa 231 n’urwa 232 .

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba bamwe mu banyeshuri kuza imbere bakavuga agace k’umuvugyo wabahayeho umukoro. Bakosore unabashimire igikorwa bakoze.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **“Inzovu yabaye iyanyuma”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **231**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w’umwandiko **“Inzovu yabaye iyanyuma”** wubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w’umwandiko **“Inzovu yabaye iyanyuma”** mwubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma umutwe w’umwandiko **“Inzovu yabaye iyanyuma”** ku giti cyabo, bubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n’umwandiko, ubabaze ibyo babona.

Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w’umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **“Inzovu yabaye iyanyuma”** bari bwumvemo amagambo: **ihiga, birakenkwenuka, yiyemera, ingeragere**.



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **ihiga**. Baza abanyeshuri igisobanuro k’ijambo **ihiga**. Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, noza igisobanuro k’ijambo **ihiga**. **Ihiga** bisobanura **irusha**. Koresha ijambo **ihiga** mu nteruro. **Urugero:** Intore **ihiga** izindi mu itorero barayihemba.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **ihiga** n’igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Intore ihiga izindi mu itorero barayihemba**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **ihiga** n’igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **ihiga**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **ihiga**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **birakenkwenuka, yiyemera, ingeragere**.

2. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko **“Inzovu yabaye iyanyuma”** hanyuma ubabaze ibibazo byo kuzenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko “Inzovu yabaye iyanyuma” mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko “Inzovu yabaye iyanyuma”, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

3. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere **Ni iyihe nyamaswa yiyemeraga?** Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko:

Ni inzovu.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ibibiribiri bibiri byari mu murima wa nde?** Somera hamwe n’abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo: **Wa Mubirigi**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Inyamaswa yahize izindi mu irushanwa ni iyihe?** Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo **Ni ingeragere.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n’ubuzima busanzwe.

Urugero: Ni iki wavuga ku miyoborere y’intare umwami w’ishyamba? **Intare izi kuyobora neza.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **332**, wo gusimbuza amagambo aciyeho akarongo ayo bahawe.

Ibibazo n’ibisubizo

- Ingeragere irusha izindi mu kwiruka. **(ihiga)**
- Ibikeri byitegereje uko inzovu yiruka biraseka cyane. **(birakwenkwenyuka)**
- Bakame yahoraga yirata ku kanyamasyo ngo ikarusha kwiruka. **(yiyemera)**
- Inyamaswa yiruka cyane ni yo yazanye ubwoya bw’imbogo. **(ingeragere)**

2. Subiza ibibazo ku mwandiko

- Ni iyihe nyamaswa yiyemeraga? **Ni inzovu.**
- Utekereza ko inzovu imaze gusigwa mu irushanwa yabigenje ite? **Yagize ikimwaro kinshi.**
- Ubaye uwanyuma mu irushanwa wabigenza ute? **Nakomeza gukora imyitozo kugira ngo ubutaha nzakore neza.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusoma bagasubiza ikibazo cyo guhimba agakuru uri mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **234** ikibazo cya gatatu.

Icyumweru cya 27	Isomo rya 6: Amagorane
Intego rusange: Gutahura no kuvuga amagorane adategwa.	Imfashanyigisho: igitabo cy'umwarimu, n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 233 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse gusoma: **“Inzovu yabaye iya nyuma”**

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni: . “Inzovu yabaye iya nyuma”**
2. Inzovu yumvise ibibiribiri yakoze iki? **Yashatse kubyirukankana.**
3. Ni nde watwibutsa icyo inzovu yakundaga kwirata ko irusha izindi nyamaswa? **Yirataga ko izi kwirura kuzirusha.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko atari byiza kwigamba ku bandi.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura imiterere y'amagorane

Wifashishije amagorane ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **233**, sobanurira abanyeshuri amagorane icyo aricyo unabayobore mu kuyasoma **badategwa**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho amagorane **Ibibiribiri bibiri biri mu murima wa Mubirigi**. Yasomere abanyeshuri wubahiriza umuvuduko n'isesekaza bikwiye. Baza abanyeshuri ikibazo cya mbere: Ni ayahe majwi yagarutse kenshi mu nteruro nasomye? Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubinoze ubabwire ko amajwi yagarutse kenshi ari « **bi, ri, mu** » Ongerera usome amagorane **Ibibiribiri bibiri biri mu murima wa Mubirigi**. Baza abanyeshuri ikibazo cya kabiri: Ni izihe ngorane mwumvise nahuye na zo mvuga iyi nteruro? Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ubinoze ubabwire ko watezwe ndetse ukitiranya amajwi. Baza abanyeshuri ikibazo cya gatatu: Ni nde watubwira uko bita bene ayo majwi asa kandi atoroshye kuvuga? Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubinoze, ubabwire ko ayo majwi ari **amagorane**. Babwire ko **amagorane** ari amajwi ajya gusa agenda agaruka ku buryo kuyavuga wihuta bigorana.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe amagorane **Ibibiribiri bibiri biri mu murima wa Mubirigi** ryanditse ku kibaho mwubahiriza umuvuduko n'isesekaza bikwiye. Vugira hamwe n'abanyeshuri ko amagorane ari amajwi ajya gusa agenda agaruka ku buryo kuyavuga wihuta bigorana.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **233** basome amagorane **Ibibiribiri bibiri biri mu murima wa Mubirigi** basimburana umwumwe. Gendagenda mu ishuri wumva uko abanyeshuri basoma ayo magorane ufashe abafite ibibazo byihariye.

Mu gihe murangije gutahura amagorane no kwitoza kuyasoma, koresha uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, uyobore abanyeshuri mukore umwitozo wo gusoma no kuvuga mudategwa amagorane ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **233** mu mpushya A,B

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome basesekaza amagorane ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **233**, mu mpushya C, D.

Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma amagorane, ubakosore aho biri ngombwa, unafashe abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana amagorane ari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **233**, mu mpushya A, B, C, D, bazanayasomere bagenzi babo mu ishuri.

Basabe no kuza gusoma agakuru kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **234 basubize ikibazo** cyakabajijweho.

Icyumweru cya 27	Isomo rya 7: Imyitozo yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.
Intego rusange: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 235 n'urwa 236 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri kuvuga interuro mwakoze muhuza ibice by'amagambo.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri ubasobanurire neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitoyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo gusoma umwandiko "Bakame n'abana."

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubahe umwitozo wo gusoma umwandiko "Bakame n'abana" uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **235** umwitozo wa **1**.

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **236** wo gusimbuza amagambo aciyeho akarango ayo bahawe.

Ibibazo n'ibisubizo

- Mukiza na Muhire nyina yabasabye ko bajya babanguka kugira ngo badakererwa ishuri. (**batebuka**)
- Siporo ni nziza kuko idufasha kugorora ibice bigize umubiri. (**ingingo**)
- Ejo nabonye abana bagenda basutamye basimbagurika. (**bagenda makeri**)
- Kera abantu bakundaga gushaka inkwi mu ishyamba. (**gutashya**)

3. Umwitozo wo kumva umwandiko

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko "Bakame n'abana" uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **236** umwitozo wa **3**.

Ibibazo n'ibisubizo

- Ni bande bavugwa ko bajyaga gutashya bagatindayo? **Ni abana babiri.**
- Ababyeyi babo babasabaga iki? **Babasabaga gutebukayo.**
- Ni uwuhe muti bahawe ngo bage batebuka? **Ni umuti wo gukora siporo ingingo zabo zikagororoka.**

4. Umwitozo wo gusesengura umwandiko "Bakame n'abana"

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko "Bakame n'abana" uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **236** umwitozo wa **4**

- Iyo uba umwe muri bariya bana wari gukorera iki Bakame? **Nari kumushimira tukaba inshuti.**
- Urumva siporo ifite akahe kamaro? **Ituma ingingo zacu zigororoka.**
- Kuki ari ngombwa kwitabira imikino n'imyidagaduro? **Ni uko ifite akamaro kanini mu buzima.**



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **235** bazagasomere na bagenzi babo mu ishuri banavuge icyo kabigishije.

Icyumweru cya 27	Isomo rya 8: Imyitozo isoza icyumweru
Intego rusange: Gutondeka amagambo bagakora i nteruro zumvikana, guhuza amagambo bagakora interuro bakayandika no gusoma agakuru bagasubiza ikibazo cyakabajijweho.	Imfashanyigisho: igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 237 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)
Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.
II. IMYITOZO (Iminota 35)
Kuri buri mwitoto, yobora abanyeshuri, basobanurire neza uko umwitoto ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye. Kuri buri mwitoto, tegurira abanyeshuri indi myitoto wihitoyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.
1. Umwitoto wo gutondeka amagambo neza hagakorwa interuro
Ha abanyeshuri umwitoto wa 1 uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 237 wo gutondeka amagambo neza bagakora interuro bakayandika. Ibisubizo: a) Injangwe yanshwaratuye mpita mpunga. b) Semashywa ashobora guhumywa n'indwara. c) Abadakora siporo baremywa no kwigunga.
2. Umwitoto wo guhuza amagambo bagakora interuro
Ha abanyeshuri umwitoto wa 2 uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 237 wo guhuza amagambo bagakora interuro Ibisubizo a) Twaratsinzwe kubera ko tutitoje neza. b) Twaritoje cyane kugira ngo tuzabatsinde. c) Umuzamu yararangaye maze bamutsinda igitego. d) Dufite ubuzima bwiza kubera ko turya indyo yuzuye. e) Barangije gukina maze barataha.
3. Umwitoto wo gusoma agakuru bakandika irindi herezo ryako
Ha abanyeshuri umwitoto wa 3 uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 237 wo gusoma agakuru no gusubiza ikibazo cyo kwandika iherezo rifitanye isano n'agakuru basomye

ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA GATANDATU

Icyumweru cya 28

Ibigenderwaho mu isuzuma

- *Ubushobozi bwo gusoma atajijinganya, atagemura amagambo, interuro n'inkuru yubahiriza utwatuzo.*
- *Ubushobozi bwo kwandika nta kosa, amagambo n'interuro mbonezamvugo.*
- *Ubushobozi bwo gutahura igitekerezo gikubiye mu myandiko yasomye cyangwa yasomewe*
- *Ubushobozi bwo kubara inkuru yasomye mu magambo ye akurikiranya neza ibitekerezo.*

Isomo rya 1: Imyitozo yo kumva no gusesengura umwandiko n'inyunguramagambo

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyeo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa **49** n'urwa **49**

Kubaza ibibazo byo kumva inkuru "Mukaneza na Kagabo"

Uko bikorwa: Umwarimu asomera abanyeshuri inkuru "Mukaneza na Kagabo" iri mu gitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa **47** akayibabazaho ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru biri ku rupapuro rwa **48**

Ibibazo

- a) Ni bande bavugwa mu nkuru batsindiye imidari? **Ni Mukaneza na Kagabo.**
- b) Batsindiye imidari mu yihe mikino? **Mu gusimbuka urukiramende no mu kwiruka.**
- c) Ni akahe kamaro k'imikino n'imyidagaduro kavugwa mu mwandiko? **Siporo n'imyidagaduro ibituma ubikora yiyongerera amahirwe yo kubaho igihe kirekire, bimurinda indwara, bitanga amafaranga...**
- d) Mu mikino yose uzi ni uwuhe wumva wakina? **Umupira w'amaguru kuko numva nshaka kuzaba icyamamare.**
- e) Ni gute imikino n'imyidagaduro ishobora gutunga uyikina? **Iyo abikora yarabigize umwuga, abikunze anabishoboye bimuzanira amafaranga.**
- f) Ni nde ushima muri iyi nkuru? Uramushima iki? **Ndashima umuyobozi w'ishuri/ umubyeyi kuko bashishikarije abanyeshuri kwitabira siporo n'imikino ngororangingo.**

Isomo rya 2: Imyitozo yo kumva no gusesengura umwandiko n'inyunguramagambo

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **238** n'urwa **239**.

1. Kubaza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko "Tuyitabire ifite akamaro"

Uko bikorwa:

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma umwandiko "Tuyitabire ifite akamaro" uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **238**, hanyuma basuzize ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko byawubajijweho biri ku rupapuro rwa **239**.

Ibibazo:

- a. Imikino bavuze mu nkuru ituma ingingo z'umubiri wacu zimera zite? **Ituma zigororoka.**
- b. Ni iki siporo ifasha umuntu wakoze imirimo ivunanye? **Imufasha kuruhuka.**
- c. Vuga indwara eshatu umuntu udakora siporo ashobora kurwara. **Ni umuvuduko w'amaraso, diyabeti n'indwara y'umutima.**
- d. Uratekereza ko abakinnyi babigize umwuga baba abaherwe biturutse ku ki? **Baba abaherwe biturutse ku mafaranga babona binyuze mu mikino.**
- e. Ku myaka yawe urumva kwitabira imikino byakumarira iki? **Byatuma ngira ubuzima bwiza, ingingo z'umubiri zikagororoka, nkaruhura ubwonko igihe naniwe maze nkiga neza, byandinda indwara zimwe na zimwe...**
- f. Ubonye bagenzi bawe batera amahane mu mukino wababwira iki? **Nababwira ko batagomba gutera amahane kuko umukino ugomba kubabera inzira y'ubumwe.**

1. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitozo w'inyunguramagambo wo kuzuza interuro bakoresheje amagambo akurikira: **amaronko, abaherwe, ugororoka, ubumwe**

Ibisubizo:

1. Ni byiza gukora siporo kuko ituma umubiri **ugororoka** neza.
2. Kugira **ubumwe** ni byiza mu buzima.
3. Abacuruzi bose si **abaherwe**.
4. Ntiwabona **amaronko** utakoze.

Isomo rya 3: Imyitozo ku mikoreshereze y'utwatuzo, imigani, umuvugo no kwandika

Imfashanyigisho: gitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **239** n'urwa **240**

A. Umwitozo ku twatuzo

Uko bikorwa:

Ha abanyeshuri umwitozo ku twatuzo iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **239** wo gushyira utwatuzo n'inyuguti nkuru aho bikwiye.

Ibisubizo

Ku ishuri dukina umupira w'amaguru, vorebora, basiketi n'indi mikino.

Natsinze igitego abantu baratanga bati: "Yooo! Mbega umwana uzi gukina!"

Umwarimu yarambajije ati: "Ufana iyihe kipe y'amaguru?"

Kubuguzanya, gukirana no gusimbuka urukiramende yari imwe mu mikino gakondo.

B. Umwitozo ku migani

1. Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo ku mugani muremure biri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **240**

Umugani utangira ute? **Utangira na "Kera habayeho."**

Usoza ute? **Usozwa na "Singe wahera."**

Ibivugwamo biba bimeze bite? **Ibivugwamo biba ari ibintu bidashoboka.**

C. Umwitozo ku muvugo

Ha abanyeshuri umwitozo wo kuvuga ibiranga umuvugo uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **240**

Igisubizo

Umuvugo urangwa no kuba uryoheye amatwi ufite injyana

D. Umwitozo wo gushyira utwatuzo mu gakuru no kwandika irindi herezo ry'agakuru

Ha abanyeshuri umwitozo wo gushyira utwatuzo mu gakuru no kuvuga irindi herezo ry'agakuru uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **240**

Ibisubizo

Gushyira mu gakuru utwatuzo n'inyuguti nkuru aho bikwiye

Umukecuru Kamanyana yari intyoza mu kubyina.

Abuzukuru be bamusaba kubibigisha kuko babikundaga.

Yarabyemeye nimugoroba akajya abibigisha.

Hashize iminsi abana barabimenya neza.

Mu bitaramo bakajya batumirwa bagasusurutsa abashyitsi.

Kwandika irindi herezo rifitanye isano n'agakuru no gusoma.

Irindi herezo ry'inkuru rishobora kuba iri:

Baramushimira bamubwira ko bazabyigisha abandi.

<p>Isomo rya 4: Kumva, gusesengura umwandiko, inyunguramagambo no kwandika agakuru ku ngingo bahawe</p>	<p>Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa 241 n’urwa 242</p>
<p>1. Kubaza ibibazo byo kumva umwandiko “Mucyo n’abuzukuru be”</p> <p>Uko bikorwa:</p> <p>Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma umwandiko “Mucyo n’abuzukuru be” uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 241, hanyuma basubize ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko byawubajijweho biri ku rupapuro rwa 242.</p> <p>Ibibazo:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Ni ryari Mucyo yigishije abazuru be kumasha? Igihe yari amaze gusaza. 2. Kubera iki Mucyo yahaye abuzukuru be amagambo basubiramo? Kwari ukugira ngo arebe ufata mu mutwe cyane 3. Kuki basaza ba Kabatesi bamutamgariraga? Ni uko yasubiragamo amagambo bamubwiye adategwa. 4. Ni akahe kamaro ko gukina imikino gakondo? Bituma tumenya umuco wa kera. 5. Wumva wakora iki kugira ngo umenye gukina imikino gakondo? Nakagera abantu bakuze bakayinyisha. 6. Ni iki iyi nkuru ikwigishije mu buzima busanzwe? Inyigishije kujya nkora imyitozo ngororamubiri. 	
<p>2. Umwitozo w’inyunguramagambo</p> <p>Ha abanyeshuri umwitozo w’inyunguramagambo wo kuzuzanya interuro bakoresheje amagambo akurikira: abuzukuru, kumasha, kwamamara, icyamamare</p> <p>Ibibazo n’ibisubizo:</p> <ol style="list-style-type: none"> a) Nyirarukundo ni icyamamare mu mikino yo kwiruka. b) Segakunzi akunda gucira abuzukuru be imigani. c) Iyo ushaka kwamamara mu mukino runaka uwitoza ukiri muto. d) Kera bakinaga umukino wo kumashana. <p>3. Kwandika agakuru ku ngingo bahawe</p> <p>Ha abanyeshuri umwitozo wo kwandika agakuru k’imirongo itanu kavuga ku ngingo “Umikino w’umupira w’amaguru” uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 244.</p>	

<p>Isomo rya 5: Umwitozo ku bisakuzo, uturingushyo, amagorane no guhuza amagambo ari mu tuzu bagakora interuro bakazandika</p>	<p>Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu n’icy’umunyeshuri ku rupapuro rwa 243 n’urwa 244</p>
<p>1. Umwitozo ku bisakuzo, uturingushyo n’amagorane</p> <p>Ha abanyeshuri umwitozo wo guhuza ibiri mu ruhushya A ibiri mu ruhushya B uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 243</p> <p>Ibibazo n’ibisubizo</p> <ol style="list-style-type: none"> a) Igisakuzo : Zenguruka duhure : Umukandara Nshukuye urwina sinatara : igihandure b) Akaringushyo : Itabi ry’induga ni kaburabuza, Uraritera rikaguteranya, Waryivumburira utariteye, Rikagutwara utuntu. Ibitotsi ni ibiragi, bigomba ikirago, Usinzira utiziguye imuhira, Uwazindutse akagusumbya akantu ! c) Amagorane Ta izo njyose use urye izi nzuzi. Umusatsi usutse umusereko urushya isokoza. 	

1. Umwitozo wo guhuza amagambo bagakora interuro

Ha abanyeshuri umwitozo wa 1 wo guhuza amagambo bagakora interuro bakazandika uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 244.

Ibisubizo :

1. Nari kuzajya ntsinda iyo nzakuba umukinnyi w'umupira.
2. Twitoje neza kugira ngo tuzatsinde umukino.
3. Twatsinzwe umukino kubera ko tutitoje neza.
4. Tugomba gukorana umurava kugira ngo tugere ku ntego yacu.

ISUZUMABUSHOBOZI RYO GUSOMA NO KWANDIKA

Icyumweru cya 28

Ibigenderwaho mu isuzuma

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusoma atajijinganya, atagemura amagambo yubahiriza utwatuzo.
- Ubushobozi bwo kwandika nta kosa, amagambo n'interuro mbonezamvugo.
- Ubushobozi bwo gutahura igitekerezo gikubiye mu myandiko yasomye cyangwa yasomewe.

Isomo rya 6 & 7: Gusoma udategwa no kumva umwandiko

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu.

Uko bikorwa:

- Koresha isuzuma ryo gusoma umwandiko kuri buri munyeshuri ukurikije amabwiriza agenga isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika ari ku mugereka w'igitabo w'iki gitabo.
- Shyira imbere ya buri munyeshuri urupapuro ruriho inkuru arasoma. Iyi nkuru igomba gusomwa mu gihe cy'umunota umwe gusa kuri buri munyeshuri. Umunota nurangira, hagarika umunyeshuri, maze ukore igiteranyo cy'amagambo yasomye neza kandi yubahiriza utwatuzo mu nkuru.
- Umunyeshuri urangije gusoma, mubaze ibibazo byo kumva umwandiko.
- Erekana mu nkuru aho umunyeshuri atangirira asoma. Mwibutse ko agomba gushyira urutoki kuri buri jambo riri mu nkuru ari nako arisoma kandi akubahiriza utwatuzo.

a) Gusoma udategwa inkuru

Baretse urwango

Mpyisi na Mpongo bari batuye mu ishyamba rya Nyungwe. Mpyisi akirirwa ahiga Mpongo amanywa n'ijoro, bari babanye nabi cyane.

Umunsi umwe, Kinyogote atemberera mu rugo kwa Mpongo. Mpongo abonye Kinyogote aramutakira ati: "Mfite umuturanyi wange ahora andwanya". Kinyogote aramubaza ati: "Uwo muturanyi wawe ni nde?" Mpongo aramubwira ati: "Ni Mpyisi, uzamumpwiturire tubane mu mahoro". Kinyogote abyumvishe aratangara agira ati: "Yoo! Uzi ko Mpyisi ari inshuti yange!"

Kinyogote ajyana na Mpongo kureba Mpyisi, kugira ngo abahuze. Bamubonye, Kinyogote ntiyarushywa no kubwira Mpyisi ibyiza bya Mpongo. Mpyisi yari mu masiganwa n'izindi nyamaswa, bashyira Mpongo muri uwo mikino. Mu mukino Mpongo arusha inyamaswa zose kwiruka, agirwa intwari. Kuva ubwo Kinyogote yumvwa n'abo baturanyi, ubu babana mu mahoro.

b) Kumva umwandiko

Umwandiko	Igiteranyo cy'amagambo	Ibibazo byo kumva umwandiko	ibisubizo by'ibibazo byo kumva umwandiko
Mpyisi na Mpongo bari bari batuye mu ishyamba rya Nyungwe.	10	Mpyisi na Mpongo bari batuye he?	Mu ishyamba rya Nyungwe.
Mpyisi akirirwa ahiga Mpongo amanywa n'ijoro, bari babanye nabi cyane.	10	Mpyisi na Mpongo bari babanye bate?	Bari babanye nabi cyane.
Umunsi umwe, Kinyogote atemberera mu rugo kwa Mpongo. Mpongo abonye Kinyogote aramutakira ati: "Mfite umuturanyi wange ahora andwanya". Kinyogote aramubaza ati: "Uwo muturanyi wawe ni nde?" Mpongo aramubwira ati: "Ni Mpyisi, uzamumpwiturire tubane mu mahoro". Kinyogote abyumvishe aratangara agira ati: "Yoo! Uzi ko Mpyisi ari inshuti yange!"	47	Ninde wiyemeje kunga Mpyisi na Mpongo?	Ni Kinyogote.
Kinyogote ajyana na Mpongo kureba Mpyisi, kugira ngo abahuze. Bamubonye, Kinyogote ntiyarushywa no kubwira Mpyisi ibyiza bya Mpongo.	18	Urumva ibyiza bya Mpongo, Kinyogote yabwiye Mpyisi ari ibihe?	Yamubwiye ko abana neza, ko azi imikino yo gusiganwa n'ibindi
Mpyisi yari mu masiganwa n'izindi nyamaswa, bashyira Mpongo muri uwo mikino. Mu mukino Mpongo arusha inyamaswa zose kwiruka, agirwa intwari.	20	Kuki Mpongo yagizwe intwari?	Ni uko yari yatsinze imikino y'amasiganwa.
Kuva ubwo Kinyogote yumvwa n'abo baturanyi, ubu babana mu mahoro.	10	Wakora iki ngo ubane na mugenzi wawe mu mahoro?	Gukina, kumusura n'ibindi

Isomo rya 8: Icyandikwa

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu.

Uko bikorwa:

- Ha buri munyeshuri umwitozo w'icyandikwa k'interuro ebyiri n'agakuru kagufi ukurikije amabwiriza agenga isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika ari ku mugereka w'iki gitabo.
- Bwira abanyeshuri gufata amakayi y'inozamukono. Basomere inshuro eshatu kuri buri nteruro maze bayandike mu mu makayi yabo y'inozamukono bubahiriza utwatuzo, banoza umukono kandi bakoresha inyuguti nkuru aho zikoreshwa.

Somera abanyeshuri agakuru kagufi wubahiriza utwatuzo n'isesekaza, usoma buri nteruro igize agakuru inshuro eshatu maze abanyeshuri bandike ako gakuru mu makayi y'inozamukono. Abanyeshuri bagomba kubahiriza utwatuzo twizwe, banoza umukono kandi banakoresha inyuguti nkuru aho zikoreshwa.

a) Interuro:

- Kubera iki Semacwa arimo guhomvovwa?
- Yoo! Mbega insyo nziza!

b) Agakuru:

Mpwerazikamwa, Hirwa and Gwiza ni abakinnyi. Hirwa yabajije Mpwerazikamwa ati: “Ukina uwuhe mukino?” Mpwerazikamwa aramubwira ati: “Nkunda gusimbuka urukiramende”. Gwiza aratangara cyane agira ati: “Yoo! Uzi ko dukunda umukino umwe!”

Gukoresha ibyavuye mu isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri.

Uko bikorwa:

- Niba umubare w’abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke bwo gusoma badategwa, kumva umwandiko n’icyandikwa bahawe ari muto. Bakurikirane ubaha imyitozo nzamurabushobozi yo gusoma badategwa, kumva umwandiko no kwandika uherye ku myitozo iri ku mutwe wa gatandatu mu gitabo cy’umunyeshuri. Tanga kandi imyitozo nyagurabushobozi ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi bwo gusoma badategwa, kumva umwandiko no kwandika.
- Niba abenshi mu banyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu gusoma badategwa, kumva umwandiko no kwandika, ongera wigishe isomo ryo gusoma badategwa, kumva umwandiko cyangwa kwandika uherye ku byo bize ku mutwe wa gatandatu, ndetse ubahe imyitozo nzamurabushobozi ihagije.
- Fasha by’umwihariko abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke kurusha abandi, buri wese yitabwaho ku giti ke. Basabe gusubiza kenshi. Bahe indi mikoro ihagije yo mu rugo kugira ngo bakore imyitozo myinshi yo gusoma badategwa, kumva umwandiko no kwandika.
- Komeza gushyira mu bikorwa ingamba zikubiye mu iteganyabikorwa wakoze nyuma y’isuzuma rinoza imyigire n’imyigishirize watanze, ukora amasuzuma anozza imyigire n’imyigishirize y’ako kanya ahagije mu masomo yo gusoma udategwa no kumva umwandiko no kwandika azakurikiraho, hagamijwe gukomeza kugenzura niba abanyeshuri bazamura ubushobozi bwo gusoma udategwa, kumva umwandiko no kwandika.

UMUTWE WA 7: GUKUNDA UMURIMO

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gusesengura imyandiko ku nsanganyamatsiko yo gukunda umurimo.
- Gukina agakinamico no kwandika ibaruwa isanzwe.

Ingingo nsanganyamasomo zizavugwaho:

- Umwarimu ahereye ku mashusho, imyandiko, inkuru n'udukuru biri muri uyu mutwe arasobanurira abanyeshuri ibijyanye n'umuco w'amahoro, uburinganire n'ubwuzuzanye.

Icyumweru cya 29

Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru

Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 50 n'urwa 51.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwankiko baheruka kwiga **"Mucyo n'abuzukuru be"**

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga ? **Umwandiko duheruka kwiga ni "Mucyo n'abuzukuru be"**
2. Uwo mwandiko wavugaga ku ki ? **Wavugaga ku musaza wigishije abuzukuru be umukino wo kumasha.**
3. Ni irihe somo uwo mwandiko wagusigiyeye ? **Wansigiyeye isomo ryo gukunda gukina imikino gakondo.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko ari byiza gukina imikino gakondo.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru : **"Ibaruwa ya masenge."**

Ereka abanyeshuri amashusho ajoyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo : Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru

Bwira abanyeshuri ko ugiye kubasomera inkuru **"Ibaruwa ya masenge"**, ko bari bwumvemo amagambo: **ubunebwe, ibahasha.**



Ndatanga urugero

Vuga ijamba **ubunebwe**. Baza abanyeshuri niba bazi igisobanuro k'ijamba **ubunebwe**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijamba **ubunebwe**. **Ubunebwe** bisobanura **umwete muke**. Koresha ijamba **ubunebwe** mu nteruro.

Urugero: Umunyeshuri ugira **ubunebwe** mu masomo ntatsinda.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijamba **ubunebwe** n'igisobanuro cyaryo munasubiremo interuro: **Umunyeshuri ugira bunebwe mu masomo ntatsinda.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijamba **ubunebwe** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijamba **ubunebwe**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijamba **ubunebwe**, bukoreshwe no mu gusobanura ijamba **ibahasha**.

Ibahasha bisobanura **urupapuro rufunze batwaramo ibaruwa**.

Urugero : Kankindi yandikiye nyirasenge ibaruwa ayishyira mu ibahasha.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo kandi n'irindi jambo rikomeye risobanure mu buryo bwihuse. Ongerera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri maze ubabaze niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva no gusesengura inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Ni nde Rusaro na Ganza bagiye gusura? Yabaganirije ku ki?** Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu nkuru : **Ni nyirasenge Mukamusoni. Yabaganirije ku muco mwiza wo kurwanya ubunembwe.**



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Baza ikibazo cya kabiri. **Ni izihe mpanuro nyirasenge yabandikiye mu ibaruwa ?**

Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Yabahaye impanuro zo kurwanya ubunembwe, bakajya bazinduka, bakitabira imirimo yo ku ishuri n'iyi mu rugo.**



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikiraho. **Ni izihe ngaruka zigera ku banyeshuri b'abanebwe ?**

Bwira buri munyeshuri akorane na mugenzi we basubize icyo kibazo. Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri bose gusubiramo igisubizo kiri cyo: **Batsindwa amasomo.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banabane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero : Ni iyihe nyigisho ukuye mu nkuru? **Ni ugukurikiza inama nziza ngirwa.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye

Umunembwe: Umunembwe ntashobora kugera ku iterambere.

Ibasha: Shyira iyo baruwa mu **ibasha** tuyohereze.

2. Subiza ibibazo ku nkuru

a) Nyirasenge wa Rusaro na Ganza yitwa nde? **Nyirasenge yitwa Mukamusoni.**

b) Wabigenza ute ushatse guha ubutumwa umuntu uri kure yawe? **Namwandikira ibaruwa.**

c) Ese hari abanyeshuri uzi cyangwa ubona b'abanebwe? Wabagira iyihe nama? **Yego. Nabagira inama yo kureka ubunembwe.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru **"Ibaruwa ya masenge"**, baganire na bo ibyo bashimye muri iyo nkuru hanyuma bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 29	Isomo rya 2: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo
Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 245 n'urwa 246.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)


Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kumva **"Ibaruwa ya masenge"**

1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kumva ? Inkuru duheruka kumva ni **"Ibaruwa ya masenge"**.
2. Iyo nkuru yavugaga kuki? Yavugaga ku ibaruwa nyirasenge wa Rusaro na Ganza yabandikiye abagira inama yo kureka ubunembwe.
3. Ni irihe somo wakuye muri iyo nkuru? Isomo navanyemo ni uko kureka ubunembwe ari byiza mu buzima.

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubafashe kubinoza. Ibutsa abanyeshuri ko batagomba kugira ubunembwe mu byo bakora.


II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho
Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **"Inzu z'utugurube dutatu"** uri mu bitabo byabo urupapuro rwa **245**.




Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko **"Inzu z'utugurube dutatu"** wubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

Ndatanga urugero



Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **"Inzu z'utugurube dutatu"** mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

Dukorane twese




Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'umwandiko **"Inzu z'utugurube dutatu"**, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

Buri wese akore


Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona. Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **"Inzu z'utugurube dutatu"** bari bwumvemo amagambo: **karatumuka, umurava, twararusimbutse, amagara.**




Vuga ijamba **karatumuka**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijamba **karatumuka**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijamba **karatumuka**. **Karatumuka** bisobanura **karaguruka**. Koresha ijamba **karatumuka** mu nteruro.

Ndatanga urugero **Urugero:** Bacinye akadiho akavumbi **karatumuka**.



Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijamba **karatumuka** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Bacinye akadiho akavumbi karatumuka**.

Dukorane twese



Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijamba **karatumuka** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijamba **karatumuka**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Buri wese akore

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijamba **karatumuka**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo umurava, twararusimbutse, amagara.

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko “**Inzu z’utugurube dutatu**” hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko “**Inzu z’utugurube dutatu**” mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko “**Inzu z’utugurube dutatu**”, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n’isesekaza rikwiye.
2. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **246**, igikorwa cya 2, wo guhuza amagambo n’ibisobanuro byayo.

Ibisubizo :

1. Karatumuka : **karaguruka**
2. Twararusimbutse : **twararukize**
3. Amerwe : **ubushake bwinshi bwo kurya ikintu**
4. Amagara : **ubuzima**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko “**Inzu z’utugurube dutatu**” bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 29	Isomo rya 3: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 245 n’urwa 246

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga “**Inzu z’utugurube dutatu**”.

1. Ni inde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni “Inzu z’utugurube dutatu”.**
 2. Uwo mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga ku tugurube dutatu twubatse inzu.**
- Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubibutse ko ari ngombwa gukunda umurimo.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Gusoma umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye kongera gusoma umwandiko « **Inzu z’utugurube dutatu** » uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **245**.

1. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **245**. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko “**Inzu z’utugurube dutatu**” by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko “**Inzu z’utugurube dutatu**”, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Utugurube twavuzwe twabaga hehe?**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Twabaga mu ishyamba.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Inzu zubatswe n’utugurube zari zimeze zite?** Somera hamwe n’abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo kiri cyo. **Imwe yari yubakishije ibyatsi, indi ibiti, indi amatafari.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu.

Akagurube kubatse inzu y’amatafari karangwaga n’iki?

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ukinoze. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Karangwaga n’umurava.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza umwandiko n’ubuzima busanzwe.

Urugero rw’ikibazo :

Ushingiye kuri uyu mwandiko, ni izihe ngaruka z’ubunabwije? **Umunabwije ntakora umurimo unoze.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by’isuzuma, saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye.

Subiza ibibazo ku mwandiko

1. Utugurube dutatu twubatswe utuzu tungahe? **Twubatswe utuzu dutatu.**
2. Ubonye mugenzi wawe agaragaza ubunabwije mu kwiga wabigenza ute? **Namugira inama yo kureka ubunabwije akiga ashyizeho umwete kugira ngo bizamugirire akamaro.**
3. Kubera iki abantu bagira ubunabwije badashobora gutera imbere? **Ni uko nta kintu bakora neza ngo kirangire.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gukora umwitozo uri mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **248** wo gusoma agakuru bagahitamo iherezo ryako mu nteruro bahawe, kayandika.

Icyumweru cya 29	Isoma rya 4: Gusoma interuro bubahiriza utwatuzo
Intego rusange: Gusoma interuro bubahiriza imikoreshereze y'akitso n'akabago	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 245

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse kwiga : **“Inzu z’utugurube dutatu”**

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga ? Umwandiko duheruka kwiga ni **“Inzu z’utugurube dutatu”**
2. Iyi nkuru yavugaga ku ki ? **Yavugaga kutugurube dutatu twiyubakiye inzu.**
3. Iyi nkuru ikwigishishe iki ? **Inyigishije ko kugira umurava ari byiza.**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kurangwa n’umurava mu byo bakora byose.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Uko basoma interuro irimo akitso n’akabago
Wifashishije interuro ziri mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **247**, yobora abanyeshuri mu gusoma interuro irimo akitso n’akabago.



Ndatanga urugero

Andika ku kibaho interuro ya mbere : **Umunsi umwe, nagiyе gufasha nyogokuru imirimo.** Saba abanyeshuri kuyisoma bubahiriza akitso n’akabago. Uhereye ku buryo abanyeshuri basomye, basomere iyo nteruro ubereka uko akitso n’akabago byubahirijwe muri iyo nteruro. Babaze impamvu baruhuka iyo basoma. Noza ibisubizo byabo, ubasobanurire ko iyo akitso kakoreshejwe mu nteruro, usoma akageraho akitsa ijwi gato agakomeza gusoma. Yagera ahari akabago akaruhuka umwanya munini kuko aba asoje interuro.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mwongere musome interuro **Umunsi umwe, nagiyе gufasha nyogokuru imirimo.** mwubahiriza akitso n’akabago munavugire hamwe ko iyo akitso kakoreshejwe mu nteruro, usoma akageraho akitsa ijwi gato agakomeza gusoma. Yagera ahari akabago akaruhuka umwanya munini kuko aba asoje interuro.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri buri wese asomere mugenzi we interuro **Umunsi umwe, nagiyе gufasha nyogokuru imirimo** yubahiriza akitso n’akabago anamubwire ko iyo akitso kakoreshejwe mu nteruro, usoma akageraho akitsa ijwi gato agakomeza gusoma. Yagera ahari akabago akaruhuka umwanya munini kuko aba asoje interuro.

Mu gihe urangije gusobanurira abanyeshuri uko bubahiriza **akabago n’akitso** mu gusoma, koresha uburyo bwa Ndataga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore uyobore abanyeshuri mu gukora imyitozo iri ku rupapuro rwa **247**, wo kuzuza utwatuzo dukwiye mu nteruro bahawe bakanazisoma.
Ikitonderwa: Ibutsa abanyeshuri ko nyuma y’akabago usoma aruhuka umwanya munini haba hari izindi nteruro agakomeza kuzisoma.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gukora umwitozo wa **2** wo gukora interuro ebyiri zikoreshejwemo neza akitso n’akabago uri mu gitabo cyabo kurupapuro rwa **247** bazanazibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 29	Isomo rya 5: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusoma , kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 249 n'urwa 250

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.


Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga.

1. Ni rihe somo duheruka kwiga ? **Isomo ryo gusoma interuro zirimo akitso n'akabago**
2. Ni iki twize muri iryo somo ? **Twizemo ko mu nteruro ahari akatso baruhuka akanya gato naho ahari akabago bakaruhuka umwanya munini kuko baba basoje interuro.**

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)


1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko « **Inama z'umubyeyi** » uri mu bitabo byabo urupapuro rwa **249**.




Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko « **Inama z'umubyeyi** » wubahiriza utwatuzo n'isekekaza bikwiye.

Ndatanga urugero



Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko "**Inama z'umubyeyi**" mwubahiriza utwatuzo n'isekekaza bikwiye.

Dukorane twese




Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'umwandiko "**Inama z'umubyeyi**", bubahiriza utwatuzo n'isekekaza bikwiye.

Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona. Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.


2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko "**Inama z'umubyeyi**" bari bwumvemo amagambo: **barancyaha, baragukumbuye, imikoro, ibaruwa.**




Vuga ijambo **barancyaha**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **barancyaha**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **barancyaha**. **Barancyaha** bisobanura **bangira inama**. Koresha ijambo **barancyaha** mu nteruro.

Ndatanga urugero **Urugero :** Iyo nkoze amakosa **barancyaha** nkisubiraho.



Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **barancyaha** n'igisobanuro cyaryo hanyuma munasubiremo interuro : **Iyo nkoze amakosa barancyaha nkisubiraho.**

Dukorane twese



Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **barancyaha** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **barancyaha**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Buri wese akore

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **barancyaha**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **ibaruwa, baragukumbuye, imikoro.**

1. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko **“Inama z’umubyeyi”** hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko **“Inama z’umubyeyi”** mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Inama z’umubyeyi”**, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Ni nde wandikiwe ibaruwa?** Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Ni Mariza.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni nde wayimwandikiye?** Somera hamwe n’abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo kiri cyo. **Ni se Kamana Yohani.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Muri rusange yamusabaga iki ?** Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Yamusabaga kwirinda ubunembwe ku ishuri.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n’ubuzima busanzwe.

Urugero : Urumva ibaruwa Mariza yandikiwe na se yaramugiriye akahe kamaro ? **Yamwibukije ko agomba gukorana umurava bityo bituma aba uwa mbere mu ishuri**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko **“Inama z’umubyeyi”** mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye.

2. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **250**, igikorwa cya 2, wo gusimbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro andi bahawe.

Ibisubizo:

- Iyo nakoze amakosa ababyeyi bangira inama. (**barancyaha**)
- Ababyeyi bange naboherereje urwandiko mbasuhuza. (**ibaruwa**)
- Imyitozo yo mu rugo baduha tuge tuyikorana umurava. (**imikoro**)
- Uzaze kudasura kuko mu rugo bifuza kukubona. (**baragukumbuye**)

3. Subiza ibibazo ku mwandiko

- Kuki Mariza yabaye uwa nyuma mu ishuri? **Ni ukubera ubunebwe.**
- Mugenzi wawe abaye uwa nyuma mu ishuri wamugira iyihe nama? **Namugira inama yo kwiga ashyizeho umwete.**

3. Ushingiye ku bivugwa mu mwandiko, wumva kwandikira umuntu ibaruwa bifite akahe kamaro? **Bifite akamaro ko kumumenyeshya amakuru runaka.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko bize **“Inama z’umubyeyi”** hanyuma baze gukoresha amagambo: **barancyaha, baragukumbuye, imikoro, ibaruwa** mu nteruro bihimbiye bazazisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 29	Isoma rya 6: Ibaruwa isanzwe
Intego z’isomo: Gutahura imiterere y’ibaruwa no kuyandika	Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 251

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse kwiga: **“Inama z’umubyeyi”**

- Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni **“Inama z’umubyeyi”**
- Iyi nkuru yavugaga ku ki? **Yavugaga ku nama ababyeyi ba Mariza bamugiriye yo kureka ubunebwe akajya yigana umurava.**
- Ni irihe somo wakuye mu mwandiko? **Nakuyemo isomo ryo kwiga nshyizeho umwete.**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kwirinda ubunebwe.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura imiterere y’ibaruwa isanzwe

Wifashishije ibaruwa iri mu mwandiko **“Inama z’umubyeyi”** uri mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **249**, sobanurira abanyeshuri imiterere y’ibaruwa isanzwe.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Ongerera usomere abanyeshuri ibaruwa iri mu mwandiko **“Inama z’umubyeyi”** wubahiriza umuvuduko n’isesekaza bikwiye. Baza abanyeshuri ikibazo cya mbere: Uyu mwandiko mbasomeye ni bwoko ki? Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabwire ko umwandiko umaze kubasomera ari **ibaruwa isanzwe**. Basobanurire ko **ibaruwa isanzwe ari urupapuro rwanditseho ubutumwa umuntu yohereza undi batari kumwe**. Baza abanyeshuri ikibazo cya kabiri: Ibaruwa isanzwe irangwa n’iki? Akira ibisubizo by’abanyeshuri, ubinoze ubabwire ko ibaruwa isanzwe irangwa na **aderesi y’uwandika, ahantu n’itariki yandikiweho, uwo yandikiye, ubutumwa butangwa, amazina n’umukono by’uwandika**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvuge ko **ibaruwa isanzwe ari urupapuro rwanditseho ubutumwa umuntu yohereza undi batari kumwe** kandi ko ibaruwa isanzwe irangwa na **aderesi y’uwandika, ahantu n’itariki yandikiweho, uwo yandikiye, ubutumwa butangwa, amazina n’umukono by’uwandika**.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri buri wese asubiriremo mugenzi we ko **ibaruwa isanzwe ari urupapuro rwanditseho ubutumwa umuntu yohereza undi batari kumwe** kandi ko ibaruwa isanzwe irangwa na **aderesi y’uwandika, ahantu n’itariki yandikiweho, uwo yandikiye, ubutumwa butangwa, amazina n’umukono by’uwandika**.

Nyuma yo gusobanurira abanyeshuri ibiranga ibaruwa isanzwe, koresha uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, ubayobore mu kuzuza ibaruwa iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **252** hanyuma bayandike neza.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Saba buri munyeshuri yandikire inshuti ye ibaruwa isanzwe ku gukunda umurimo hanyuma ayisomere bagenzi be mu ishuri. Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri bakora uwo mwitoto, ubakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza kwandika interuro ebyirimo zikoreshejwemo agatangaro n'izindi ebyiri zirikoreshejwemo akabazo bazazibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 29	Isomo rya 7: Imyitoto yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 253 n'urwa 254

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitoto, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitoto ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitoto, tegurira abanyeshuri indi myitoto wihitoyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitoto wo gusoma umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubahe umwitoto wa **1** wo gusoma umwandiko «**Gasore na Mukamana**» uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **253**.

2. Umwitoto w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitoto wa **2** uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **254** wo kuzuza interuro bakoresheje amagambo bahawe.

Ibisubizo:

- Mugwera yashatse kumanura ipapayi **iyambaza** urwego.
- Umunyeshuri utsindwa mu ishuri aba ari **umunebwe**.
- Kankwanzi yageze aho **aranzika** atangira kuririmba.
- Ni byiza kugira **umwete** mu byo dukora byose.

3. Umwitoto wo kumva umwandiko «Gasore na Mukamana »

Ha abanyeshuri umwitoto wa **3** uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **254** wo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Ibibazo n'ibisubizo:

- Gasore yababazwaga n'iki? **Yababazwaga no kubona bagenzi be batsindwa**
- Ni iki kigaragaza ko Gasore yafataga vuba ibyo yigishijwe? **Ni uko bamusobanuriye uko ibaruwa yandikwa agahita ayandika.**
- Wumva ari ukubera iki Mukamana yashimiye Gasore? **Ni uko ari we wamugiriye inama yo kureka ubunebwe bigatuma aba umuhanga mu ishuri.**

4. Umwitoto wo gusesengura umwandiko « Gasore na Mukamana »

Ha abanyeshuri umwitoto wa **4** uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **254** wo gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Ibibazo n'ibisubizo

- 1) Ni iki washima mushiki wa Gasore ? **Namushima kuba yasobanuriye Gasore uko bandika ibaruwa.**
- 2) Ni iki washima Gasore ? **Namushima uburyo yagiriye Mukamana inama yo kureka ubunabw.**
- 3) Ni iyihe nama ukuye mu mwandiko ? **Kugira abandi inama, gusobanuzwa abandi ku byo utazi...**



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko « **Gasore na Mukamana** » uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **253**, bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 29

Isoma rya 8: Imyitozo isoza icyumweru

Intego z'isomo: Gushyira utwato dukwiye mu nteruro no gutondeka imigemo bagakora amagambo bakayandika mu mukono, no gusubiza ibaruwa wandikiwe n'inshuti yawe

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **254** n'urwa **255**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitoto, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitoto ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitoto, tegurira abanyeshuri indi myitoto wihitoyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitoto wo kuzura utwato dukwiye mu nteruro no kuzisomera abandi.

Ha abanyeshuri umwitoto wa uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **254** wo kuzura utwato dukwiye mu nteruro no kuzisomera abandi.

Igisubizo :

Umunsi umwe, nagiye gusomera sogokuru. Nasanze nta bunabw agira abyuka kare akajya guhinga ibiti by'imbutu. Mu mbuto ahinga harimo amapera, amapapayi, amacunga n'indimu. Ese hari umuntu utazi akamaro k'imbutu? Yooo! Abaye ahari yazagasobanuzwa bagenzi be pe !

2. Umwitoto wo gutondeka imigemo bagakora ijambo

Ha abanyeshuri umwitoto wo gutondeka imigemo bagakora ijambo uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **255** wo gutondeka imigemo bagakora amagambo bakayandika mu mukono.

Ibisubizo

- a) Nyiramfwati
- b) Mwahomvomvye
- c) Yakapfakapfwe
- d) Guhomvomvwa

3. Umukoro wo gusoma ibaruwa no kuyisubiza

Saba buri munyeshuri gusoma ibaruwa iri kurupapuro rwa **255** yandikiwe n'inshuti ye hanyuma bayisubize



Saba buri munyeshuri kuza kwandikira mugenzi we bigana ibaruwa amumenyesha ko iwabo bamuhaye uruhushya rwo kuzamusura mu biruhuko.

Icyumweru cya 30	Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 52 n'urwa 53

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwankiko baheruka kwiga **"Gasore na Mukamana"**

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga ? **Umwandiko duheruka kwiga ni "Gasore na Mukamana"**
2. Uwo mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga ku ibaruwa Gasore yandikiye Mukamana amugira inama yo kureka ubunembwe.**
3. Ni irihe somo uwo mwandiko wagusigiye? **Wansigiye isomo ryo kumva inama ngirwa no kureka ubunembwe**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera kubisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko ari ngombwa kubahuriza igihe.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru : **"Yamenye agaciro k'igihe"**

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru

Bwira abanyeshuri ko ugiye kubasomera inkuru **"Yamenye agaciro k'igihe"**, ko bari bwumvemo amagambo: **mu museso, irushanwa**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **mu museso**. Baza abanyeshuri niba bazi igisobanuro k'ijambo **mu museso**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **mu museso**. **Umuseso** bisobanura **mu gitondo cya kare**. Koresha ijambo **mu museso** mu nteruro.

Urugero: Inyoni zitangira kuririmba **mu museso**.



Dukorane twese

Yobara abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **mu museso** n'igisobanuro cyaryo munasubiremo interuro: **Inyoni zitangira kuririmba mu museso**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **mu museso** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **mu museso**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **mu museso**, bukoreshwe no mu gusobanura ijambo **irushanwa**.

Irushanwa bisobanura **igikorwa cyo guhiganwa**.

Urugero : Maboneza yitabiriye **irushanwa** ry'isiganwa ry'amagare.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo kandi n'irindi jambo rikomeye risobanure mu buryo bwihuse. Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri maze ubabaze niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva no gusesengura inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Ni ba nde bavugwa mu nkuru?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye igisubizo.

Soma igisubizo kivuye mu nkuru : **Nziorera, Kanakuze, Gatete, Mico, umwarimu n'abanyeshuri.**



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Baza ikibazo cya kabiri. **Kuki umwarimu wari uhagarariye icyumba k'ibazwa yasubije Gatete mu rugo?**

Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Ni uko yari yakererewe, atubahirije igihe.**



Buri wese akore

Baza ikibazo gukurikiraho. **Ni irihe bwiriza ryabanzirizaga andi mu gihe k'irushanwa?**

Bwira buri munyeshuri akorane na mugenzi we basubize icyo kibazo. Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri bose gusubiramo igisubizo kiri cyo: **Kubahiriza igihe.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Ni akahe kamaro ko kubahiriza igihe? **Bituma umuntu adakerererwa mu byo akora, bituma umuntu agirirwa ikizere.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye

- mu museso:** Inyoni zijwigira kare **mu museso.**
- irushanwa:** Mu rugo bitabira **irushanwa** ry'abahinzi borozi.

2. Subiza ibibazo ku nkuru

- Vuga amazina y'ababyeyi ba Gatete. **Nziorera na Kanakuze.**
- Ni iyihe nama wagira abakunda gukererwa? **Nabagira inama yo kubahiriza igihe.**
- Andika uko ukurikiranya ibikorwa byawe ku munsu. **Umwarimu arareba uko umunyeshuri yabikurikiranyije amufashe kubinonosora.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru **"Yamenye agaciro k'igihe"**, baganire na bo ibyo bashimye muri iyo nkuru hanyuma bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 30	Isomo rya 2: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo
Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 256 n'urwa 257

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kumva "**Yamenye agaciro k'igihe**"

1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kumva? **Inkuru duheruka kumva ni "Yamenye agaciro k'igihe"**.
2. Iyo nkuru yavugaga kuki? **Yavugaga ku kutubahiriza igihe kwa Gatete byatumye akarererwa irushanwa bikamuviramo kutarikora, nyuma yaje kwisubiraho akajya yubahiriza igihe.**
3. Ni irihe somo wakuye muri iyo nkuru? **Nakuyemo isomo ryo kubahiriza igihe.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubafashe kubinoza. Ibutsa abanyeshuri ko ari ngombwa kwitabira umurimo ku gihe.

II. ISOMO RISHYA (iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko "**Inka na Nyarubwana**" uri mu bitabo byabo urupapuro rwa **256**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko "**Inka na Nyarubwana**" wubahiriza utwatuzo n'isesekaza.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko "**Inka na Nyarubwana**" mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'umwandiko "**Inka na Nyarubwana**", bubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona.

Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko "**Inka na Nyarubwana**" bari bwumvemo amagambo: **yarahorose, iratontomye, yiruka amasigamana, igihunga**.



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **yarahorose**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **yarahorose**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **yarahorose**. **Yarahorose** bisobanura **yananantse**.

Koresha ijambo **yarahorose** mu nteruro.

Urugero: Munana ntakirya neza none **yarahorose**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **yarahorose** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro :

Munana ntakirya neza none yarahorose.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **yarahorose** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **yarahorose**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **yarahorose**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **iratontomye, yiruka amasigamana, igihunga**.

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko “**Inka na Nyarubwana**” hanyuma ubabaze ibibazo byo kuzuzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko “**Inka na Nyarubwana**” mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko “**Inka na Nyarubwana**”, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

III. ISUZUMA (iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n’isesekaza rikwiye.
2. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **257** igikorwa cya **2**, wo gusimbuza amagambo aciyeho akarongo ayakoreshejwe mu mwandiko.
 1. Ingabire yarembejwe n’uburwayi none yarananutse. (**yarahorose**)
 2. Nagiye mu ishyamba numva intare irasakuje (**iratontomye**)
 3. Nabonye inyamaswa mpita ngira igishyika. (**igihunga**)
 4. Ihene yirutse cyane yumvise impyisi ihuma. (**yirutse amasigamana**)



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko “**Inka na Nyarubwana**” bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 30	Isomo rya 3: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 256 n’urwa 257

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga “**Inka na Nyarubwana**”.








1. Ni inde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni “Inka na Nyarubwana”.**
2. Uwo mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga kuri Nyarubwana yari yarahorose kubera inzara nyuma inka iyigira inama yo gukora bityo yiteza imbere.**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubibutse ko ari ngombwa ko bagomba kwirinda ubunabwwe ahubwo bagakora bashyizeho umwete.

II. ISOMO RISHYA (iminota 25)

Gusoma umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye kongera gusoma umwandiko “**Inka na Nyarubwana**” uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **256**.

1. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye	
 <i>Ndatanga urugero</i>	Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa 256 . Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko “ Inka na Nyarubwana ”. by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.
 <i>Dukorane twese</i>	Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko “ Inka na Nyarubwana ”. mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.
 <i>Buri wese akore</i>	Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka .Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.
2. Kumva no gusesengura umwandiko	
 <i>Ndatanga urugero</i>	Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. Kuki Nyarubwana yari yarahorose? Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: Ni uko yari yarabuze ibyo irya.
 <i>Dukorane twese</i>	Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. Inka yagiriye Nyarubwana iyihe nama? Somera hamwe n’abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo kiri cyo. Yayigiriye inama yo kwitabira umurimo.
 <i>Buri wese akore</i>	Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. Ni iki cyatumye Nyarubwana yiruka? Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ukinoze. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. Ni uko intare yari itontomye.
Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza umwandiko n’ubuzima busanzwe. Urugero rw’ikibazo : Ni uwuhe murimo wifuzza kuzakora mu buzima bwawe? Nifuzza kuzakora umurimo wo gutwara imodoka, kuba umunyamakuru...	
III. ISUZUMA (Iminota 10)	
Mbere yo kubaza ibibazo by’isuzuma, saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye. Subiza ibibazo ku mwandiko	
<ol style="list-style-type: none"> 1. Nyarubwana yari imeze ite? Yari yarahorose. 2. Ni akahe kamaro ko gukora? Gukora bituma umuntu yibeshaho neza. 3. Vuga ingingo eshatu z’ingezi zigize umwandiko "Inka na Nyarubwana" <ul style="list-style-type: none"> - Ubunembwe bwa Nyarubwana - Nyarubwana igirwa inama. - Nyarubwana ireka ubunembwe. 	
 <i>Umukoro</i>	Saba abanyeshuri kuza gukora umwitozo wa 1 wo kwandika agakuru k’imirongo itatu cyangwa ine wubahiriza utwatozo uri mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa 258 .

Icyumweru cya 30	Isoma rya 4: Gusoma interuro bubahiriza utwatumuzo
Intego z'isomo: Gusoma interuro bubahiriza imikoreshereze y'utwuguruzo n'utwugarizo	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 258

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri


I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse kwiga: **“Inka na Nyarubwana”**

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni **“Inka na Nyarubwana”**
2. Ni ukubera iki nyarubwana yari yarahorose cyane? **Ni uko itakoraga cyane bityo ikabura ibyo irya.**
3. Ese nyarubwana imaze kwitabira guhinga byagenze bite? **Yarejeje ikajya yibeshaho, ntiyongera kugira ubunembwe.**


II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Uko basoma interuro irimo akitso n'akabago
Wifashishije interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **258**, yobora abanyeshuri mu gusoma interuro irimo utwuguruzo n'utwugarizo.




Ndatanga urugero

Andika ku kibaho interuro ya mbere : **Umwarimu yavuze ati: “Muge muhorana umwete mu byo mukora byose.”** Saba abanyeshuri kuyisoma bubahiriza utwuguruzo n'utwugarizo. Uhereye ku ku buryo abanyeshuri basomye, basomere iyo nteruro ubereka uko utwuguruzo n'utwugarizo byubahirijwe muri iyo nteruro. Babaze impamvu waruhutseho gato mu gihe wasomaga iyo nteruro. Noza ibisubizo byabo, ubasobanurire impamvu waruhutse ho gato mu gihe wasomaga iyo nteruro ari uko wari ugiye kuvuga amagambo yavuzwe n'umwarimu. Babwire ko iyo ugiye kuvuga amagambo yavuzwe n'undi cyangwa abandi uruhuka kandi ugakoresha utwuguruzo n'utwugariko. Bibutse ko utwuguruzo n'utwugarizo dukikiza amagambo yavuzwe n'undi. Usoma iyo atugeraho akaruhuka gato, akabara rimwe bucece, agakomeza gusoma nk'utangiye interuro.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ko iyo ugiye kuvuga amagambo yavuzwe n'undi cyangwa abandi uruhuka kandi ugakoresha utwuguruzo n'utwugariko kandi ko utwuguruzo n'utwugarizo dukikiza amagambo yavuzwe n'undi. Usoma iyo atugeraho akaruhuka gato, akabara rimwe bucece, agakomeza gusoma nk'utangiye interuro.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri buri wese abwire mugenzi we ko iyo ugiye kuvuga amagambo yavuzwe n'undi cyangwa abandi uruhuka kandi ugakoresha utwuguruzo n'utwugariko kandi ko utwuguruzo n'utwugarizo dukikiza amagambo yavuzwe n'undi. Usoma iyo atugeraho akaruhuka gato, akabara rimwe bucece, agakomeza gusoma nk'utangiye interuro.

Nyuma yo kubwira abanyeshuri imikoreshereze y'utwuguruzo n'utwugarizo, koresha uburyo bwa Nsatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, yobora abanyeshuri mukore umwitoto wa 1 uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **258**.

- Ibisubizo:**
- a) Mpabuka yavuze ati: **«Ushaka gukira age akora cyane.»**
 - b) Umwarimu yatubwiye ngo: **«Muge mwirinda ubunembwe bana bange.»**
 - c) Kankindi ati: **«Umubyizi ni uwa kare.»**
 - d) Uwamariya yaravuze ngo: **«Abishyize hamwe nta kibananira.»**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, bakore umwitozo wa **2** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **258**.

Igisubizo:

Mu kiruhuko gishize, umusaza Rwandekwe yatemyeho abazukuru ngo bamusure. Yari yabahaye igihe ntarengwa bagombaga kumugereraho. Bamugezeho bakerewe basanga imineke, avoka n'amacungwa yari yababikiye yabihaye abandi bana. Bamubajije icyo bayatumirijeho arababwira ati: "Igihe cyahise ntikigaruka" Umusaza yaratangaye ati: "Yooo! Burya ntimuzi agaciro k'igihe rwose!"



Umukoro

Bwira abanyeshuri kuza gukora umwitozo wa **2** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **167** wo gutondeka interuro bagakora agakuru hanyuma bagasomere abo babana banababwire ibice bikagize nyuma bakandike mu mukono bazagasomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 30	Isomo rya 5: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 259 n'urwa 260

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga.

Ni rihe somo duheruka kwiga ? **Gusoma interuro yakoreshejwemo utwuguruzo n'utwugarizo mu nteruro.**

Saba buri munyeshuri gukorana na mugenzi we bakore interuro imwe ikoreshejweho utwuguruzo n'utwugarizo, hanyuma bayisomere bagenzi babo mu ishuri bubahiriza imikoreshereze yatwo.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko « **Gasore na Kanyange** » uri mu bitabo byabo urupapuro rwa **259**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko "**Gasore na Kanyange**" wubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko « **Gasore na Kanyange** » mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'umwandiko « **Gasore na Kanyange** », bubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona.

Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko « **Gasore na Kanyange** » bari bwumvemo amagambo: **utunguka, guhaha, inkoko ni yo ngoma, byakudindiza.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **utunguka**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **utunguka**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **utunguka**. **Utunguka** bisobanura **ugera**. Koresha ijambo **utunguka** mu nteruro.

Urugero : Sindakubona **utunguka** ku ishuri wakererewe.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **utunguka** n'igisobanuro cyaryo hanyuma munasubiremo interuro : **Sindakubona utunguka ku ishuri wakererewe**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **utunguka** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **utunguka**. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **utunguka**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **guhaha, byakudindiza, inkoko ni yo ngoma**.

1. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko **“Gasore na Kanyange”** hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko **“Gasore na Kanyange”** mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Gasore na Kanyange”**, mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Ni nde watumye Gasore na Kanyange ku isoko?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Ni nyina**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Ni iki cyababazaga Gasore?** Somera hamwe n'abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo kiri cyo. **Ni uko yabonaga Kanyange atungutse ku ishuri yakererewe**.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Gasore yabwiye Kanyange ko umwarimu wabo yababwiye iki?**

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Yamubwiye ko bagomba kugera ku ishuri kare**.

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero : Ukeka ko ari ukubera iki tugomba kubahiriza igihe ? **Ni uko kubahiriza igihe ari byiza mu buzima**.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko **“Gasore na Kanyange”** mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatumaze n’isesekaza bikwiye.
2. Ha abanyeshuri umwitozo wo guhuza amagambo n’ibisobanuro yabyo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **260** igikorwa cya **2**, wo guhuza amagambo n’ibisobanuro byayo.

Ibisubizo:

Guhaha: **kugura ibintu bitandukanye aho bicururizwa**

Utunguka: **Uhinguka**

Byakudindiza: **byatuma udatara imbere**

Inkoko ni yo ngoma: **nzazinduka cyane**

3. Subiza ibibazo ku mwandiko

- a. Ni bande bavugwa mu mwandiko? **Ni Gasore na Kanyana.**
- b. Ni iyihe nama wagira abana bakererwa? **Nabagira inama yo kubahiriza igihe bakajya bagera ku ishuri hakiri kare.**
- c. Ugiriye mugenzi wawe inama yo kudakererwa ntakumve wabigenza ute? **Nabibwira ababyeyi be.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko bize **“Gasore na Kanyange”** hanyuma baze gukoresha amagambo : **guhaha, utunguka, byakudindiza, inkoko ni yo ngoma** mu nteruro bihimbiye bazazisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 30

Isoma rya 6: Agakinamico

Intego z’isomo: Gutahura igisobanuro cy’agakinamico, ibikaranga no kugakina

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa **261**

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse kwiga : **“Gasore na Kanyange”**

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni **“Gasore na Kanyange”**
2. Uyu mwandiko wavugaga kuki? **Wavugaga ku kubahiriza igihe Gasore yakanguriye Kanyange**
3. Ni irihe somo wakuye mu mwandiko? **Nakuyemo isomo ryo kubahiriza igihe.**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba gukunda umurimo bakawitabira ku gihe.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)




1. Gutahura imiterere y’agakinamico

Wifashishije agakinamico kari mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **261**, sobanurira abanyeshuri agakinamico icyo ari cyo unababwire ibikaranga.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri kongera gusoma ikiganiro Gasore na Kanyange bagiranye kiri mu bitabo by’abanyeshuri ku rupapuro rwa **261** bubahiriza umuvuduko n’isesekaza bikwiye. Umunyeshuri arasoma yigana Gasore undi asome yigana Kanyange. Mu gihe abanyeshuri barangije gusoma icyo kiganiro, babaze ikibazo gikurikira. Umwandiko murangije gusoma ni bwoko ki? Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubinoze ubabwira ko umwandiko basomye ari agakinamico. **Agakinamico** ni: **ikiganiro gishobora gukinwa.**

	<ul style="list-style-type: none"> - Agakinamico kagira abakinnyi, ahantu n'igihe gakinirwa, kakagira n'izingiro. <p>Urugero: Mu kiganiro hagati ya Gasore na Kanyana:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Abakinnyi: Gasore na Kanyana. - Ahantu: Mu nzira - Izingiro: Gasore akangurira Kanyange kudakererwa ku ishuri.
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ko agakinamico ari ikiganiro gishobora gukinwa.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Agakinamico kagira abakinnyi, ahantu n'igihe gakinirwa, kakagira n'izingiro. <p>Urugero: Mu kiganiro hagati ya Gasore na Kanyana:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Abakinnyi: Gasore na Kanyana. - Ahantu: Mu nzira - Izingiro: Gasore akangurira Kanyange kudakererwa ku ishuri.
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri usabe buri munyeshuri kubwira mu-genzi we ko Agakinamico ari: ikiganiro gishobora gukinwa.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Agakinamico kagira abakinnyi, ahantu n'igihe gakinirwa, kakagira n'izingiro. <p>Urugero: Mu kiganiro hagati ya Gasore na Kanyana:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Abakinnyi: Gasore na Kanyana. - Ahantu: Mu nzira - Izingiro: Gasore akangurira Kanyange kudakererwa ku ishuri.
<p>2. Gufata agakinamico mu mutwe no kugakina</p> <p>Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gusoma agakinamico « Bafatanyije urugendo » kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 261, nibarangiza bagerageze kugafata mu mutwe bagakine umwe yigana Gasore undi Kanyange.</p>	
<p>III. ISUZUMA (Iminota 10)</p>	
<p>Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, bakine agakinamico « Bafatanyije urugendo » kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 261 batakareba, umwe akine yigana Gasore undi yigana Kanyange.</p>	
 <p><i>Umukoro</i></p>	<p>Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana agakinamico bize bababwire n'ibiranga agakinamico bazanabibwire bagenzi babo mu ishuri.</p>

<p>Icyumweru cya 30</p>	<p>Isomo rya 7: Imyitozo yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko</p>
<p>Intego rusange: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko</p>	<p>Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 262 n'urwa 263</p>

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

<p>I. ISUBIRAMO (Iminota 5)</p>
<p>Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.</p>
<p>II. IMYITOZO (Iminota 35)</p>
<p>Kuri buri mwitoto, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitoto ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.</p>
<p>Kuri buri mwitoto, tegurira abanyeshuri indi myitoto wihitoyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.</p>
<p>1. Umwitoto wo gusoma umwandiko «Byusa n'umubyeyi we»</p> <p>Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banabane ubahe umwitoto wa 1 wo gusoma umwandiko «Byusa n'umubyeyi we» uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 262.</p>

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **263** wo kuzuza interuro bakoresheje amagambo bahawe.

- Umunebwe atinda kubyuka.
- Twatashye amarushanwa n'imikino **bihumuje**.
- Ababyeyi baje mu nama bababwira **insanganyamatsiko** y'uyu muni.
- Mandera yabaye **ikirangirire** ku isi kubera ibikorwa bye.

3. Umwitozo wo kumva umwandiko «Byusa n'umubyeyi we»

Ha abanyeshuri umwitozo wa **3** uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **263** wo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko «**Byusa n'umubyeyi we**»

Ibibazo n'ibisubizo

- Kubera iki mu nkuru bavuze ngo : "Udakora ntakarye?" **Ni uko umuntu utagira icyo akora ntiyanabona icyo arya.**
- Ni hehe dukunda kumvira ikinamico? **Ni ku maradiyo no ku matereviziyo.**
- Kubera iki Byusa atigeze atora agatotsi ? **Ni uko yari arimo kwibaza ku byo yabonye mu gitaramo.**

4. Umwitozo wo gusesengura umwandiko « Gasore na Mukamana »

Ha abanyeshuri umwitozo wa **4** uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **254** wo gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko « **Gasore na Mukamana** »

Ibibazo n'ibisubizo

- Ni iki washimira umubyeyi wa Byusa? **Namushimira ko atembereza umwana we, kandi iyo umwana amubajije aramusobanurira.**
- Wumva ibikinwa mu ikinamico bimariye iki abantu? **Birabigisha bikabakosora.**
- Uratekereza ko abandika ikinamico byabamarira iki? **Bishobora gutuma babona amafaranga bakiteza imbere. Bishobora no gutuma baba ibyamamare.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko « **Byusa n'umubyeyi we** » uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **262**, bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 30

Isoma rya 8: Imyitozo isoza icyumweru

Intego z'isomo: Gukoresha neza utwatuzo mu gakuru no kugasoma batwubahiriza

Imfashanyigisho: : igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **263 n'urwa 264**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanurira abanyeshuri neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo kuzurisha utwatuzo dukwiye mu nteruro no kuzisomera abandi

Ha abanyeshuri umwitozo wo kuzurisha utwatuzo dukwiye mu nteruro no kuzisomera abandi uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **263**. Gendagenda mu ishuri ubakosora kandi ufashe abafite ibibazo byihariye.

2. Umwitozo wo gufata mu mutwe agakinamico bahawe

Ha abanyeshuri umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **264** wo gufata mu mutwe agakinamico bahawe no kugakina na bagenzi babo.

3. Umwitozo wo gutondeka amagambo bagakora interuro yumvikana

Ha abanyeshuri umwitozo wo gutondeka amagambo bagakora interuro yumvikana bakayandika mu mukono uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **264**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibiri mu gakinamico bize kari ku mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **264**.

ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA KARINDWI

Icyumweru cya 31

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusoma atajijinganya, atagemura amagambo, interuro n'inkuru yubahiriza utwatuzo.
- Ubushobozi bwo kwandika nta kosa, amagambo n'interuro mbonezamvugo.
- Ubushobozi bwo gutahura igitekerezo gikubiye mu myandiko yasomye cyangwa yasomewe
- Ubushobozi bwo kubara inkuru yasomye mu magambo ye akurikiranya neza ibitekerezo.

Isomo rya 1: Imyitozo yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko n'inyunguramagambo

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa **54** n'urwa **55**.

1. Kubaza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru "Turwanye ubunebwe"

Uko bikorwa:

Somera abanyeshuri inkuru "Turwanye ubunebwe" hanyuma ubabaze ibibazo byo kumva no gusesengura iyo nkuru.

Ibibazo

1. Mu kiruhuko Ganza yagiye he? **Yagiye gusura nyirasenge utuye i Bweramvura.**
2. Ganza yitwaye ate ageze kwa nyirasenge? **Yabyukaga yicaye abandi bana bakora imirimo itandukanye.**
3. Ni iki cyatumye Ganza ahinduka? **Icyatumye Ganza ahinduka ni uko Rugemintwaza yabaganirije, akababwira akamaro ku gukunda umurimo.**
4. Iyi nkuru ikwigishije iki? **Inyigishije kurwanya ubunebwe.**
5. Ni iki unenga ababyeyi ba Ganza? **Ababyeyi ba Ganza ndabanenga ko batatozaga abana babo gukora.**
6. Ni izihe ngaruka zo kutitabira umurimo? **Abantu badakora bagira ubukene, inzara, ntibatera imbere...**

Isomo rya 2: Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri

I. Imyitozo nzamurabushobozi

Uko byakorwa:

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru "Turwanye ubunebwe", ongera ubasomere iyo nkuru, ubahe imyitozo ibafasha kuzamura ubushobozi bwabo bwo kumva no gusesengura inkuru.

Ibibazo:

1. Rugemintwaza n'umugore we Nyirajyambere batuye hehe? **Batuye i Bweramvura.**
2. Vuga amazina y'abuzukuru ba Rugemintwaza na Nyirajyambere. **Rugamba, Nyirahirwa na Ngwije**
3. Ganza yagiye kubasura ryari? **Mu kiruhuko.**
4. Mu gitondo Rugambwa yajyaga he? **Yajyaga ku voma.**
5. Ganza agiye gutaha bamuhaye iki? **Bamuhaye ihene yo korora.**

II. Imyitozo nyagurabushobozi

Uko byakorwa:

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije mu gusubiza ibibazo byo kumva inkuru "Turwanye ubunebwe", bashyire mu matsinda ya babiribabiri babwirane irindi herezo ry'inkuru nibarangiza baryandike mu makayi yabo.

Isomo rya 3: Imyitoto yo kumva no gusesengura umwandiko n'inyunguramagambo	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 265 n'urwa 266
<p>1. Kubaza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko "Yamenye kwandika ibaruwa"</p> <p>Uko bikorwa:</p> <p>Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma umwandiko "Yamenye kwandika ibaruwa" uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 265, hanyuma basuzize ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko byawubajijweho biri ku rupapuro rwa 266.</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Ni iki cyatumaga Murekatete akundwa na bose? Ni umwete n'umurava byamurangaga. 2. Kubera iki Murekatete yahawe igihembo? Ni ukubera ko yari intangarugero mu bandi bana. 3. Ababyeyi Murekatete yashakaga guha amakuru bari he? Ababyeyi Murekatete yashakaga guha ubutumwa bari mu rugo. 4. Uratekereza ko ababyeyi ba Murekatete bashimishijwe n'iki? Bashimishijwe no kumenya amakuru y'umwana wabo wahawe igihembo. 5. Uretse ibaruwa ni ubuhe buryo bundi bwakoreshwa mu kugeza ku bandi amakuru? Hashobora gukoreshwa terefoni, interineti... 6. Wowe uramutse ushaka kugeza ubutumwa ku muntu mutari kumwe wabigenza ute? 	
<p>2. Umwitozo w'inyunguramagambo</p> <p>Ha abanyeshuri umwitozo w'inyunguramagambo wo guhuza amagambo n'ibisonanuro byayo</p> <p>Ibisubizo:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Atijana: atinuba 2. Biramuyobera: ntiyabimenya 3. Kurondogora: Kuvuga ibintu byinshi bitari ngombwa 4. Ntiyirarira: Ntiyiyemera 	
Isomo rya 4: Imyitoto nzamurabushobozi na nyagurabushobozi	
<p>I. Imyitoto nzamurabushobozi</p> <p>Uko byakorwa:</p> <p>Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko "Yamenye kwandika ibaruwa", ongera ubasomere umwandiko nyuma ubahe imyitoto nzamurabushobozi yo kubafasha kuzamura ubushobozi bwabo.</p>	
<p>Ibibazo:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Ni nde wamenye kwandika ibaruwa? Ni Murekatete. 2. Ni nde wigishije Murekatete kwandika ibaruwa? Ni umwarimu we. 3. Kubera iki nyina wa Murekatete yishimye? Kuko umwana we yamenye kwandika ibaruwa kandi akanitwara neza ku ishuri. 	
Isomo rya 5: Imyitoto ku mikoreshereze y'utwatuzo no kwandika ibaruwa	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 267 .
<p>1. Umwitozo wo gushyira utwatuzo n'inyuguti nkuru aho bikwiye mu nteruro</p> <p>Ha abanyeshuri umwitozo wo gushyira utwatuzo n'inyuguti nkuru aho bikwiye mu nteruro uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 267</p> <p>2. Umwitozo wo kwandika ibaruwa</p> <p>Ha buri munyeshuri kwandikira inshuti ye ibaruwa ayibwira icyo ashaka kuzaba cyo n'impamvu ashaka kuzaba cyo</p>	
Isomo rya 6: Imyitoto yo gusoma, gusesengura umwandiko n'inyunguramagambo	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 268 n'urwa 269
<p>1. Kubaza ibibazo byo kumva umwandiko "Semana na bagenzi"</p> <p>Uko bikorwa:</p> <p>Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma umwandiko "Semana na bagenzi" uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 268 hanyuma basubize ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko byawubajijweho biri ku rupapuro rwa 269.</p>	

Ibibazo:

1. Semana yababazwaga ni iki? **Yababazwaga n’uko bagenzi be bari abanebwe.**
2. Ni iyihe nama Semana yagiraga bagenzi be? **Yabagiraga inama yo kureka ubunembwe.**
3. Bakomeje kwintangira yabigenje ate? **Yigiriye inama yo guhimba agakinamico kabakosora.**
4. Niba wowe utazi gukina agakinamico wakora iki kugira ngo ubimenye?
Nakwegera abazi kugakina bakanyigisha.
5. Ni gute ikinamico ishobora guhindura abantu? **Ni uko abakinnyi bayo baba bigana imico rusange y’abantu.**
6. **Iyi nkuru igusigiye irihe somo?** Kubaza ibyo utazi, kuzana impinduka nziza mu bantu...

2. Umwitozo w’inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitozo w’inyunguramagambo wo guhuza amagambo n’ibisobanuro byayo.

- a) Batitabiraga: **Batakoraga.**
- b) Kwintangira: **Kwanga kumva ibyo ubwirwa.**
- c) Kabakora ku mutima: **Karabanezeza**
- d) Baragatora: **Bagafata mu mutwe.**

Isomo rya 7: Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu n’icy’umunyeshuri

Imyitozo nzamurabushobozi

1. **Kubaza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko “Semana na bagenzi be”**

I. Imyitozo nzamurabushobozi**Uko byakorwa:**

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko **“Semana na bagenzi be”**, ongera ubasomere umwandiko nyuma ubahe imyitozo nzamurabushobozi yo gusubiza ibibazo bikurikira ku mwandiko.

Ibibazo:

1. Ni nde wababazwaga na bagenzi be? **Ni Semana.**
2. Ni nde wigishije Semana agakino? **Ni nyina.**
3. Semana yahinduye bagenzi be akoresheje iki? **Yabahinduye akoresheje agakino.**

II. Imyitozo nyagurabushobozi**Uko byakorwa:**

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije mu gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko **“Semana na bagenzi be”**, usabe abanyeshuri babiribabiri kubwirana irindi herezo ry’umwandiko nibarangiza baryandike mu makayi yabo.

1. Umwitozo w’inyunguramagambo

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi budahagije mu gukora umwitozo w’inyunguramagambo, bahe umwitozo ubafasha kuzamura ubushobozi.

Basobanurire amagambo akurikira: **batitabiraga, kwintangira, kubakora ku mutima, baragatora** hanyuma ubasabe kuyakoresha mu nteruro zabo bihimbiye.

Imyitozo nyagurabushobozi

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije bwo gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko, bahe ibibazo bibafasha kuzamura ubushobozi bwabo.

Urugero rw’ikibazo wabaha

Basabe kongera gusoma umwandiko **“Semana na bagenzi be”** hanyuma bandike irindi herezo ryawo.

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije mu gukora umwitozo w'inyunguramagambo, bahe umwitozo ubafasha kuzamura ubushobozi.

Urugero rw'ikibazo wabaha

Basabe gukoresha amagambo akurikira amagambo akurikira : **batitabiraga, kwintangira, kubakora ku mutima, baragatora** mu nteruro bihimbiye

Isomo rya 8: Umwitozo wo gusoma agakinamico bagasubiza ibibazo byakabajijweho, gukina bigana agakinamico no gutondeka interuro neza bagakora agakuru.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **270**

1. Umwitozo wo gusoma agakinamico no gusubiza ibibazo byakabajijweho

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma agakinamico kari mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **270**, bagasubiza ibibazo byakabajijweho.

Ibisubizo

Ni bande bavugwa mu nkuru? **Ni agakwavu n'akanyamasyo**

1. Ni he iyi nkuru yabereye? Byari ryari? **Mu nzira. Hari nimugoroba.**
2. Ni iki cyari cyaniniye akanyamasyo? **Ni ugutaha.**

2. Gukina bigana agakinamico

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** gukina bigana agakinamico uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **270**. Saba buri munyeshuri kugakinana na mugenzi we.

3. Umwitozo wo gutondeka interuro bagakora agakuru kumvikana bakakandika.

Ha abanyeshuri umwitozo wo gutondeka interuro bagakora agakuru kumvikana

Igisubizo:

Ingeragere yari ituye mu ishyamba.

Yahingaga ibigori, byeze itumira ikinyogote.

Ikinyogote cyarishimye cyane.

Na cyo kiyemeza kwitabira umurimo.

Ikitonderwa: Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi budahagije bwo gusoma agakinamico, gusubiza ibibazo byakabajijweho no gukina agakinamico, bayobore bongere bagasome, basubize ibibazo byakabajijweho ndetse bagakine.

UMUTWE WA 8: GUKUNDA IGIHUGU

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Kumva no gusesengura inkuru: indirimbo, umwirondoro w'umuntu, gutahura imvugwakimwe, imvugakimwe, n'igwizanyito
- Gusesengura imigani y'imigenurano, gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukunda igihugu no kuwuhina.

Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho:

Umwari mu ahereye ku mashusho, imyandiko, inkuru n'udukuru biri muri uyu mutwe arasobanurira abanyeshuri ibijyanye n' umuco w'amahoro, kubungabunga ibidukikije, ubuzima bw'imyorokere n'uburinganire n'ubwuzuzanye.

Icyumweru cya 32

Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru

Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa **56** n'urwa **57**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga "**Semana na bagenzi be**"

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni "Semana na bagenzi be"**
2. Semana yababazwaga n'iki? **Yababazwaga na bagenzi be batitababiraga umurimo.**
3. Ni irihe somo uyu mwandiko wagusigiye? **Kwitabira umurimo.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kwirinda ubunene bagakunda umurimo.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru: "**Petero yaretse kubeshya**"

Ereka abanyeshuri amashusho ajoye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru

Bwira abanyeshuri ko ugiye kubasomera inkuru "**Petero yaretse kubeshya**", ko bari bwumvemo amagambo: **yagendaga aseta ibirenge, umukumbi.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **yagendaga aseta ibirenge**. Baza abanyeshuri niba bazi igisobanuro k'ijambo **yagendaga aseta ibirenge**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **yagendaga aseta ibirenge**. **Yagendaga aseta ibirenge** bisobanura **yagendaga adashaka**.

Koresha ijambo **yagendaga aseta ibirenge** mu nteruro.

Urugero: Iyo Mukamana bamutumaga **yagendaga aseta ibirenge**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **yagendaga aseta ibirenge** n'igisobanuro cyaryo hanyuma munavugire hamwe interuro: **Iyo Mukamana bamutumaga yagendaga aseta ibirenge**.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusubiramo ku giti cyabo ijambo **yagendaga aseta ibirenge** n'igisobanuro cyaryo.

Bashyire mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **yagendaga aseta ibirenge**.

Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **yagendaga aseta ibirenge**, bukoreshwe no mu gusobanura ijambo **umukumbi**.

umukumbi bisobanura **intama cyangwa ihene nyinshi**.

Urugero: Nyogokuru yoroye **umukumbi** w'ihene.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo kandi n'irindi jambo rikomeye risobanure mu buryo bwihuse. Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri. Maze ubabaze niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva no gusesengura inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Ni nde mwana uvugwa mu nkuru?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye. Igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu nkuru: **Ni Petero**.



Dukorane twese

Baza ikibazo cya kabiri. **Petero yari afite iyihe ngeso?**

Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki hanyuma wakire ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. Igisubizo : **Yari afite ingeso yo kubeshya**.



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikiraho. **Byagenze bite Petero atabaje ku nshuro ya gatatu?**

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basubize icyo kibazo. Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ubafashe kukinoza. Saba abanyeshuri bose gusubiramo igisubizo kiricyo: **Abaturage banze kumutabara kuko bumvaga ko ahora ababeshya**.

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Abana bakunda kubeshya ababyeyi babo wabagira iyihe nama? **Nabagira inama yo kwisubiraho kuko kubeshya ari ingeso mbi, kubeshya bishobora gushyira abantu mu kaga.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1) Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye.

- Yagendaga aseta ibirenge:** Kanakuze **yagendaga aseta ibirenge** baramusiga.
- Umukumbi:** Nabonye **umukumbi** w'intama mu rwuri.

2) Subiza ibibazo ku mwandiko

- Iyo Petero yajyaga kuragira yagendaga ate? **Yagendaga aseta ibirenge**.
- Ku bwawe kuki ari byiza kuvugisha ukuri? **Kuvugisha ukuri ni byiza kuko bituma abantu bakugirira ikizere, babasha kugufasha, bagutabara**.
- Ni irihe somo wakuye muri iyi nkuru? **Kutabeshya, kuvugisha ukuri, gusaba imbabazi**.

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru **"Petero yaretse kubeshya"**, baganire na bo ibyo bashimye muri iyo nkuru hanyuma bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 32	Isomo rya 2: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo
Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 271

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)


Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kumva **“Petero yaretse kubeshya”**


1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kumva? **Inkuru duheruka kumva ni “Petero yaretse kubeshya”**
2. Ni nde wavugwaga mu nkuru? **Ni Petero.**
3. Petero yiyemeje iki? **Yiyemeje kutazongera kubeshya.**


Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko atari byiza kubeshya.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho
Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **"Isheja n'umusaza"** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **271**.


 Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko **“ Isheja n'umusaza”** wubahiriza utwatuzo n'isekaza.
Ndatanga urugero


 Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **“ Isheja n'umusaza”** mwubahiriza utwatuzo n'isekaza.
Dukorane twese


 Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'umwandiko, bubahiriza utwatuzo n'isekaza.
Buri wese akore

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona. Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **“ Isheja n'umusaza”** bari bwumvemo amagambo: **ubukire, umubyizi, yaramwihanganishije, arahindukira.**

 Vuga ijambo **ubukire**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **ubukire**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **ubukire**. **Ubukire** bisobanura **imitungo myinshi**.
Koresha ijambo **ubukire** mu nteruro.
Urugero: Abantu benshi bakora cyane kugira ngo bagire **ubukire**.

 Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **ubukire** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro **Abantu benshi bakora cyane kugira ngo bagire ubukire**.

 Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **ubukire**. Saba abanyeshuri bamwe kubwira ishuri ryose interuro bakoze. Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **ubukire**, bukoreshwe no gusobanura amagambo **umubyizi, yaramwihanganishije, arahindukira**.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijamba **ubukire**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **umubyizi, yaramwihanganishije, arahindukira**.

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko "**Isheja n'umusaza**" bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko "**Isheja n'umusaza**" mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko "**Isheja n'umusaza**", mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri, buri wese kugiti ke, gusoma umwumwe umwandiko "**Isheja n'umusaza**" mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.
2. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora umwitozo wa **2** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **272**, wo guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo.

Ibisubizo:

- a) Ubukire : **imitungo myinshi**
- b) Umubyizi: **igikorwa cy'umunsi**
- c) Yaramwihanganishije: **yaramukomeje**
- d) Arahindukira: **Areba inyuma / arakebuka**



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko "**Isheja n'umusaza**" bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 32	Isomo rya 3: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 272

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga: **“Isheja n’umusaza”**


1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Duheruka gusoma umwandiko **“Isheja n’umusaza”**
2. Uwo mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga ku musaza watabawe na Isheja inzu igiye kumugwaho.**
3. Ni irihe somo mwigiyeye kuri uwo mwandiko? **Twigiyemo isomo ko tugomba gutabara abari mu kaga.**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko ari byiza kugira ubwitange.


II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

Gusoma umwandiko
Bwira abanyeshuri ko mugiyeye kongera gusoma umwandiko **“Isheja n’umusaza”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **271**.


1. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye


Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **271**. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko **“Isheja n’umusaza”** by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko


Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Umusaza yabagaho mu buzima bumeze bute?**
Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Yabagaho mu buzima bugoye.**


Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Umusaza yabaga mu kazu kameze gate?**
Somera hamwe n’abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo. **Yabaga mu kazu gashaje cyane.**



Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Ni iki Isheja yakoreye umusaza?**

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ukinoze. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo.

Isheja yaramutabaye, aranamwihanganisha amubwira ko ikiruta ibindi ari ubuzima.

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Ni izihe mpamvu zishobora gutuma umuntu ataka? **Ni ibintu byose byaba ku muntu byahungabanya ubuzima bwe.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye.

Subiza ibibazo ku mwandiko

1. Ni ubuhe butwari Isheja yagize? **Ni ubwo kwinjira mu nzu igiye guhirima agatabara umusaza.**
2. Ni iki washima Isheja? **Namushima ko yatabaye umusaza.**
3. Kuki tugomba gutabarana? **Ni uko gutabarana ari byiza.**



Saba abanyeshuri kuza gutondeka neza interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **273** bagakuramo agakuru bakakandika mu makayi yabo nyuma bakazakabwira bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 32	Isomo rya 4: Impuzanyito
Intego rusange: Gukoresha neza amagambo y'impuzanyito.	Imfashanyigisho: igitabo cy'umwarimu, n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 272 n'urwa 273 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga: **“Isheja n'umusaza”**

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni **“Isheja n'umusaza”**
2. Ni nde wakijije umusaza? **Ni Isheja.**
3. Ni irihe somo mwakuye mu mwandiko? **Twakuyemo isomo ryo gutabarana.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kujya batabara abababaye.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo impuzanyito ari cyo

Andika ku kibaho interuro zifatiye ku mwandiko uri ku rupapuro rwa **272**. Saba abanyeshuri gutanga ibisobanuro by'amagambo aciyeho akarongo ku nteruro ya mbere n'iya kabiri hanyuma babigereranye. Ongerera ubasabe gutanga ibisobanuro by'amagambo aciyeho akarongo ku nteruro ya gatatu n'iya kane na byo babigereranye. Noza ibisubizo by'abanyeshuri ubereke ko ijamba umusaza risobanura kimwe n'umukambwe; ijamba atabasha risobanura kimwe n'ijamba adashobora.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese Buri wese akore** yobora abanyeshuri muvuge igisobanuro k'impuzanyito.



Saba abanyeshuri kuvuga uko bita amagambo asobanura kimwe. Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubinoze. Bwira abanyeshuri ko amagambo asobanura kimwe bayita impuzanyito. **Impuzanyito** ni amagambo asobanura kimwe.



Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ko impuzanyito ari amagambo asobanura kimwe.



Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri umwe abwire mugenzi we ko impuzanyito ari amagambo asobanura kimwe. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basubiramo igisobanuro k'impuzanyito, ubakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.

2. Umwitozo ku mpuzanyito

Nyuma yo gusobanurira abanyeshuri icyo impuzanyito ari cyo, koresha uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, uyobore abanyeshuri mukore umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **273** wo guhitamo impuzanyito y'ijamba bahawe mu magambo ari mu dukubo.

Ibisubizo:

1. Umusaza : **umukambwe**
2. Atabasha : **adashobora**
3. Bwangu : **vuba**
4. Atabare : **akize**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora umwitozo ukurikira wo gusimbuza umurongo uciyeho akarongo impuzanyito zawo.

Ingabo z'u Rwanda zirucungira umutekano.

Nabonye umwarimu ari kwigisha.

Nabonye umwigisha ari kwigisha.

Ibisubizo:

Abasirikari b'u Rwanda barucungira umutekano.

Nabonye **umurezi** ari kwigisha.

GEndagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri bakora uwo mwitozo ufashe abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza gushaka amagambo atatu y'impuzanyito, bayandike mu makayi yabo maze bazayasomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 32	Isomo rya 5: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.	Imfashanyigisho: imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 274, 275 n'urwa 276 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo bigaragaza ko bumvise neza isomo ry' impuzanyito.

Ikibazo cyabazwa:
 Andika ku kibaho interuro zikurikira usabe abanyeshuri kuzisoma bavuye impuzanyito zirimo.
 Ingabo z'u Rwanda zirucungira umutekano.
 Abasirikari b'u Rwanda barucungira umutekano.
 Nabonye umwarimu ari kwigisha.
 Nabonye umwigisha ari kwigisha.
 Nabonye umurezi ari kwigisha.
 Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ubakosore aho biri ngombwa, unafashe abafite ibibazo byihariye.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho
 Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **"Gukunda Igihugu"** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **274**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko **"Gukunda Igihugu"** wubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **"Gukunda Igihugu"** mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo, umutwe w'umwandiko **"Gukunda Igihugu"** bubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona. Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko. Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **"Gukunda Igihugu"** bari bwumvemo amagambo: **inkangu, twabadukanye, tuzarwubaka, diyasipora**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **inkangu**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **inkangu**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **inkangu**. **Inkangu** bisobanura **ibitaka byahanuwe n'imvura bigasiba ahantu**. Koresha ijambo **inkangu** mu nteruro.

Urugero: Uyu muhanda wafunzwe kubera **inkangu**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **inkangu** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Uyu muhanda wafunzwe kubera inkangu.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **inkangu** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **inkangu**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **inkangu**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **twabadukanye, tuzarwubaka, diyasipora.**

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko **“Gukunda Igihugu”** hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko **“Gukunda Igihugu”** mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Gukunda Igihugu”**, mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

4. Kumva no gusesengura umwandiko



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere **Ni iki cyatumye umuhanda usibama?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Ni inkangu.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Umukuru w'umudugudu yasabye abaturage kwitabira umuganda kugira ngo hakorwe iki?** Somera hamwe n'abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo: **Kugira ngo abaturage basibure umuhanda.**



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Umukuru w'umudugudu yakoze iki mbere yo gukoresha abaturage inama?**

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo

Yigishije abaturage indirimbo yo gukunda Igihugu.

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Indirimbo Umukuru w'Umudugudu yabigishije yabakanguriraga iki muri rusange? **Yabakanguriraga kubaka u Rwanda bakarugira nka paradizo.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye.
2. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **275**, wo guhuza amagambo n'igisobanuro cyayo.

Ibisubizo

1. Inkangu: **ibitaka byahanuwe n'imvura bigasiba ahantu.**
2. Twabadukanye: **twahagurukanye**
3. Tuzarwabaka: **tuzakora ibikorwa biteza igihugu imbere.**
4. Diyasipora: **Abenegihugu baba mu mahanga.**

Ibibazo ku mwandiko

1. Umuhanda wasibamye wahuzaga abaturage n'iki? **wabahuzaga n'intara baturanye**
2. Ku bwawe kuki tugomba gushishikariza abantu kwitabira ibikorwa by'umuganda? **Mu muganda hakorwamo ibikorwa byo kwiyubakira Igihugu.**
3. Ni ibihe bikorwa bigaragaza gukunda Igihugu mu gace utuyemo? **Umuganda, kubungabunga ibidukikije, ubwisungane mu kwivuzaza...**



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo bana umwandiko bize uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **274**, baganire na bo ibyo bashimye bazanabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 32

Intego rusange: Gutahura ibiranga indirimbo no kuyiririmba.

Isomo rya 6: Indirimbo

Imfashanyigisho: igitabo cy'umwarimu, n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **275** n'urwa **276**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga: **"Gukunda Igihugu"**

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni **"Gukunda Igihugu"**
2. Umuganda wabanye wari uwo gukora iki? **Wari uwo gusibura umuhanda.**
3. Indirimbo abaturage bize yitwaga iki? **Yitwaga "Tuzarwubaka."**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kubana neza n'abandi.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura ibiranga indirimbo

Wifashishije indirimbo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **275**, saba abanyeshuri kuyitegereza hanyuma batahure ibice biyigize.



Ndatanga urugero

Baza abanyeshuri ibice bigize indirimbo bamaze kwitegereza. Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubafashe kubinoza. Ereka abanyeshuri ibice bigize indirimbo "Tuzarwubaka". Igizwe n'ibice bikurikira: umutwe, inyikirizo n'ibitero.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri mugaragarize hamwe ibice bigize indirimbo "Tuzarwubaka" hanyuma munasubiremo ko igizwe n'ibice bitatu: umutwe, inyikirizo n'ibitero.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusubiramo ku giti cyabo ibice bigize indirimbo **"Tuzarwubaka"** hanyuma banabyerekane.

2. Kuririmba indirimbo 'Tuzarwubaka'

Yobora abanyeshuri muririmbe indirimbo "Tuzarwubaka" iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **275**.



Saba abanyeshuri gutega amatwi. Ririmba inyikirizo n'igitero cya mbere k'indirimbo "Tuzarwubaka" wubahiriza injyana yayo. Ongera usubiremo inshuro imwe.



Yobora abanyeshuri musubiremo inyikirizo n'igitero cya mbere k'indirimbo "Tuzarwubaka" nibura inshuro ebyiri mwubahiriza injyana yayo.



Bwira abanyeshuri baririmbe ku giti cyabo inyikirizo n'igitero cya mbere k'indirimbo "Tuzarwubaka" ku giti cyabo bubahiriza injyana yayo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane baririmbe igitero cya mbere n'inyikirizo batabireba aho byanditse. Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri baririmba, ubakosore, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza gufata mu mutwe no kurimbira abo babana indirimbo iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **275**.

Icyumweru cya 32	Isomo rya 7: Imyitozo yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.
Intego rusange: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.	Imfashanyigisho: igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 277 n'urwa 278 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri ubasobanurire neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo gusoma umwandiko "Inama nziza"

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubahe umwitozo wo gusoma umwandiko "Inama nziza" uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **277** umwitozo wa **1**.

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **278** wo kuzurisha interuro amagambo bahawe.

Ibisubizo :

1. Idukikije tugomba **kubibungabunga**.
2. Abanyeshuri babi **bononaga** umutungo w'ishuri.
3. Uriya mugabo yarakennye kubera **gusesagura** umutungo.
4. Nahanaguye **umukungugu** ku gikapu njyana ku ishuri.

3. Umwitozo wo kumva umwandiko

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko "Inama nziza" uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **278** umwitozo wa **3**.

Gusubiza ibibazo ku mwandiko:

- Ni iyihe mitungo rusange yo ku ishuri ivugwa mu mwandiko? **Ni inyubako bigiramo n'ibikoresho binyuranye nk'ibitabo, ikibaho...**
- Ni bande bagiriwe inama? **Ni abononaga ibikoresho by'ishuri.**
- Ni izihe nama zatanzwe zo kubungabunga indabo? **Ni ukuvomerera indabo zo mu busitani batazangiza.**

4. Umwitozo wo gusesengura umwandiko "Inama nziza"

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko "Inama nziza" uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **278** umwitozo wa **4**.

- Wakora iki kugira ngo ufate neza imitungo rusange? **Nayibungabunga nkirinda kuyangiza.**
- Ni iki wakora ubonye mugenzi wawe yangiza umutungo rusange? **Namugira inama yo kureka kwangiza umutungo rusange kuko si byiza.**
- Ni iyihe nama ukuye muri iyi nkuru? **Ni ukubungabunga umutungo rusange.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko "Inama nziza" bazanawusomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 32

Isomo rya 8: Imyitozo ku ndirimbo, impuzanyito no gutondeka amagambo

Intego rusange: Kuririmba, guhuza amagambo ahuje inyito no gutondeka amagambo bagakora interuro zumvikana.

Imfashanyigisho: igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **278..**

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, basobanurire neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo kuririmba

Ha abanyeshuri umwitozo wo kuririmba indirimbo "Tuzarwubaka" uri ku rupapuro rwa **278**.

2. Umwitozo ku mpuzanyito

Ha abanyeshuri umwitozo uri ku rupapuro rwa **278**, wo gusimbuza ijambo riciyeho akarongo impuzanyito bakuye mu dukubo.

Ibisubizo

- Uyu mwana akunda **amafunguro**.
- Iwacu duturanye n'**umukire**.
- Yagize amanota meza **aranezerwa**.

3. Umwitozo wo kwandika

Ha abanyeshuri umwitozo wa 1 uri ku rupapuro rwa **278**, wo gutondeka amagambo neza bagakora interuro yumvikana maze bakayandika mu mukono.

Igisubizo

Indabo zihovwamo ubuki.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gukora umwitozo wa 2 uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **278** wo kwandika ijambo ririmo igihekanane "vy". Baryandike mu mukono maze bazarisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 33	Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 58 n'urwa 59 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga " **Inama nziza**"

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Duheruka gusoma umwandiko "Inama nziza."**
2. Havugwagamo iki muri rusange? **Havugwagamo ibijyanye no kubungabunga umutungo rusange.**
3. Ni uwuhe mutungo rusange wavugwagamo? **Ni inyubako z'ishuri n'ibikoresho bimwe na bimwe byo ku ishuri.**

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w'inkuru: "**Bitabiriye umuganda**"

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru.

Bwira abanyeshuri ko ugiye kubasomera inkuru "**Bitabiriye umuganda**", ko bari bwumvemo amagambo: **umuganda, iteme.**



Vuga ijambo **umuganda**. Baza abanyeshuri niba bazi igisobanuro k'ijambo **umuganda**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **umuganda**. **Umuganda** bisobanura **imirimo ifitiye Igihugu akamaro.**

Koresha ijambo **umuganda** mu nteruro.

Urugero: Twakoze **umuganda** wo kubakira umukene.



Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **umuganda** n'igisobanuro cyaryo hanyuma munavugire hamwe interuro **Twakoze umuganda wo kubakira umukene.**



Saba abanyeshuri gusubiramo ku giti cyabo ijambo **umuganda** n'igisobanuro cyaryo.

Bashyire mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **umuganda** Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **umuganda**, bukoreshwe no mu gusobanura ijambo **iteme.**

Iteme bisobanura **ikiraro.**

Urugero: Aba bagabo barubaka **iteme.**

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo kandi n'irindi jambo rikomeye risobanure mu buryo bwihuse. Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri. Maze ubabaze niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva no gusesengura inkuru



Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere.

Abantu bavugwa mu nkuru bahuriye mu kihe gikorwa?

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye. Igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu nkuru: **Bahuriye mu muganda rusange.**



Saba abanyeshuri gukurikira. Baza ikibazo cya kabiri.

Inama yabaye ryari? Yari iyobowe na nde?

Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Yabaye umuganda urangiye, iyobowe n'umukuru w'umudugudu.**



Baza ikibazo gikurikiraho.

Ni ibihe bikorwa rusange bivugwa mu nkuru abantu bagomba kujya bitabira?

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basubize icyo kibazo. Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ubafashe kukinoza. Saba abanyeshuri bose gusubiramo igisubizo kiricyo:

Gukorera imihanda, kubaka amashuri, amavuriro n'amasoko, gukora isuku, gutema ibihuru, gusibura imiyoboro y'amazi no kwita ku bidukikije...

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero:

Wabwira iki abantu batajya mu muganda ku bushake bwabo kandi bafite imbaraga? **Nababwira ko atari byiza kuko baba batatanyaga imbaraga zateza Igihugu imbere.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1) Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye.

a) **Umuganda:** Abaturage bakoze **umuganda** wo guharura umuhanda.

b) **Iteme:** Nabonye **iteme** ryubakishije ibyuma.

2) Subiza ibibazo ku mwandiko

a) Ni ryari Kakuze na Gwiza bitabiriye umuganda? **Kakuze na Gwiza bitabiriye umuganda ku wa Gatandatu wa nyuma w'ukwezi.**

b) Ni gute umuganda wakwihutisha iterambere ry'Igihugu gute? **Wakwihutisha iterambere kubera ko abantu iyo bakoreye hamwe bakora byinshi bifitiye Igihugu akamaro mu gihe gito.**

c) Umugani uvuga ngo "Abishyize hamwe ntakibananira" wawuhuza ute n'ibyavuzwe mu nkuru?

Nabihuza mvuga ko iyo abantu benshi bahuriye mu gikorwa kimwe bagikora neza kandi vuba.

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru **"Bitabiriye umuganda"**, baganire na bo ibyo bashimye muri icyo nkuru hanyuma bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cywa 33	Isomo rya 2: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo
Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 279 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)


Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kumva **“Bitabiriye umuganda”**

1. Ni nde watwibutsa inkuru duheruka kumva? **Inkuru duheruka kumva ni “Bitabiriye umuganda”**
2. Umuganda wabaye ku wa kangahe? **Ku wa gatandatu wa nyuma w'ukwezi.**
3. Ni nde wakoresheje inama? **Ni umukuru w'umudugudu.**


Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko kwitabira ibikorwa rusange bifiye Igihugu akamaro.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)


1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho
Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **“Inyamanza n'umuceri”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **279**.


Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko **“Inyamanza n'umuceri”** wubahiriza utwatumu n'isesekaza.


Dukorane twese


Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **“Inyamanza n'umuceri”** mwubahiriza utwatumu n'isesekaza.


Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'umwandiko, bubahiriza utwatumu n'isesekaza.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona. Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.


2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **“Inyamanza n'umuceri”** bari bwumvemo amagambo: **ibiguruka, bihebuje, yibeta, birayigota.**


Ndatanga urugero

Vuga ijambo **ibiguruka**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **ibiguruka**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **ibiguruka**. **Ibiguruka** bisobanura **ibifite amababa abifasha kugendera mu kirere**.
Koresha ijambo **ibiguruka** mu nteruro.
Urugero: Inyoni ni ubwoko bw'**ibiguruka**.


Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **ibiguruka** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro **Inyoni ni ubwoko bw'ibiguruka**.


Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **ibiguruka** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **ibiguruka**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijamba **ibiguruka**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **bihebuje, yibeta, birayigota**.

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko **"Inyamanza n'umuceri"** bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko "Inyamanza n'umuceri" mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **"Inyamanza n'umuceri"** mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri, buri wese kugiti ke, gusoma umwumwe umwandiko "Inyamanza n'umuceri" mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatumaze n'isesekaza bikwiye.
2. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora umwitozo wa 2 uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 280, wo guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo.

Ibisubizo:

- a) Ibiguruka : ibifite amababa abifasha kugendera mu kirere.
- b) Yibeta: yihisha.
- c) Bihebuje: Byiza cyane.
- d) Birayigota: Birayitangatanga.



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko **"Inyamanza n'umuceri"** bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 33	Isomo rya 3: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 279 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga: **"Inyamanza n'umuceri"**


1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Duheruka gusoma umwandiko **"Inyamanza n'umuceri"**
2. Uwo mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga ukuntu ibiguruka byateguye kwiyubakira uruganda rw'umuceri bikabanza kuwuhinga.**
3. Ni irihe somo mwigiyeye kuri uwo mwandiko? **Twigiyemo isomo ko kwiba atari byiza.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri **ko kwiba atari byiza.**


II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Gusoma umwandiko
Bwira abanyeshuri ko mugiyeye kongera gusoma umwandiko **"Inyamanza n'umuceri"** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **279**.


1. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye


Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **279**. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko **"Inyamanza n'umuceri"** by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko


Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Ibiguruka byagize uwuhe mugambi?**
Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Byagize umugambi wo kubaka uruganda rukomeye rw'umuceri.**


Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri.
Ni ikihe kiguruka cyayoboye inama?
Somera hamwe n'abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo.
Inama yayobowe n'umusambi.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu.

Ni ikihe kiguruka cyabonye inyamanza yiba umuceri?

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ukinoze. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Ni igikona.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza umwandiko n’ubuzima busanzwe.

Urugero: Ni iki washima igikona? **Nagishima ko kitahishiriye umujura.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by’isuzuma, saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye.

Subiza ibibazo ku mwandiko

1. Ibiguruka byagize uwuhe mugambi ? **Byagize umugambi wo kubaka uruganda rukomeye rw’umuceri.**
2. Kuvuga ukuri bimaze iki? **Bituma ibigomba kumenyekana bijya ahagaragara.**
3. Iyi nkuru ikwigishije iki? **Inyigishishe kugira umuco wo kudahishira abakora ibyaha, inanyingishije kumenya gusaba imbabazi igihe nakosheje...**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gukora umukoro uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **281**, wo kwandika irindi herezo rishoboka ry’inkuru “ Inyamanza n’umuceri”, bakazakabwira bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 33

Isomo rya 4: Imvugwakimwe

Intego rusange: Gukoresha neza amagambo y’imvugwakimwe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa **281**.

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga: “ **Inyamanza n’umuceri**”

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni "**Inyamanza n’umuceri**"
2. Ni ikihe kiguruka cyakoresheje inama? **Ni umusambi.**
3. Ni irihe somo mwakuye mu mwandiko? **Twigiyemo isomo ko kwiba atari byiza.**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko kwiba atari byiza.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo imvugwakimwe ari cyo

Andika ku kibaho interuro zifatye ku mwandiko uri ku rupapuro rwa **281**. Saba abanyeshuri gutanga ibisobanuro by’amagambo aciyeho akarongo ku nteruro ya mbere n’iya kabiri hanyuma babigereranye. Ongera ubasabe gutanga ibisobanuro by’amagambo aciyeho akarongo ku nteruro ya gatatu n’iya kane na byo babigereranye. Noza ibisubizo by’abanyeshuri ubereke ko igisobanuro k’ijambo **intege** mu nteruro ya mbere gitandukanye n’ik’ijambo **intege** mu nteruro ya kabiri.

Bereke kandi ko igisobanuro k’ijambo **urera** mu nteruro ya gatatu gitandukanye n’igisobanuro k’ijambo **urera** mu nteruro ya kane.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese Buri wese akore** yobora abanyeshuri muvuge igisobanuro y’imvugwakimwe.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri kuvuga uko bita amagambo avugwa kimwe akandikwa kimwe ariko ibisobanuro byayo bikaba bitandukanye cyane. Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubinoze. Bwira abanyeshuri ko amagambo avugwa kimwe akandikwa kimwe ariko ibisobanuro byayo bikaba binyuranye **bayita imvugwakimwe**.

Imvugwakimwe ni amagambo avugwa kimwe, akandikwa kimwe ariko ibisobanuro byayo bikaba bitandukanye cyane.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ko imvugwakimwe ari amagambo avugwa kimwe, akandikwa kimwe ariko ibisobanuro byayo bikaba bitandukanye cyane.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri umwe abwire mugenzi we ko imvugwakimwe ari amagambo avugwa kimwe, akandikwa kimwe ariko ibisobanuro byayo bikaba bitandukanye cyane.

Gendagenda mu ishuri wumva uko abanyeshuri bavugaga ufasha abafite ibibazo byihariye.

2. Umwitozo ku mvugwakimwe

Nyuma yo gusobanurira abanyeshuri imvugwakimwe icyo ari cyo, koresha uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, uyobore abanyeshuri mukore umwitozo wo gutanga ibisobanuro bibiri binyuranye kuri buri mvugwakimwe uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **281**.

Ibisubizo:

- a) Gusoma: **gusoma igitabo / gusoma ku kirahure**
- b) Guca: **kunyura mu nzira / gutanya ikintu**
- c) Gusama: **gufata ikintu n'ibiganza / gutwita**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Baza abanyeshuri ibibazo bigaragaza ko bumvishe neza isomo ry'imvugwakimwe.

Ikibazo cyabazwa:

Tahura amagambo y'imvugwakimwe yakoreshejwe mu nteruro zikurikira:

Umushumba yasabye injishi agiye gukama inka.

Iyo bajisha igisabo bakoresha injishi.

Mama afite ingobyi ikoze mu ruhu.

Uhanduye ivunja akuramo ingobyi yayo.

Igisubizo:

Imvugwakimwe: injishi, ingobyi

Tega amatwi unakurikire uko abanyeshuri basakuza, ubakosore aho biri ngombwa, unafashe abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gushaka amagambo atatu y'imvugwakimwe, bayandike mu makayi yabo maze bazayasomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 33	Isomo rya 5: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.	Imfashanyigisho: imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 282 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri


I. ISUBIRAMO (Iminota 5)


Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.


II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **"Nzakorera u Rwanda"** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **282**.

 Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko **"Nzakorera u Rwanda"** wubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.
Ndatanga urugero


 Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **"Nzakorera u Rwanda"** mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.
Dukorane twese


 Saba abanyeshuri gusoma umutwe w'umwandiko **"Nzakorera u Rwanda"** ku giti cyabo, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.
Buri wese akore


Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona. Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko.

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **"Nzakorera u Rwanda"** bari bwumvemo amagambo: **umwete, icyaruhungabanya, ishyaka, mbungabunga.**

 Vuga ijambo **umwete**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **umwete**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **umwete**. **Umwete** bisobanura **imbaraga**. Koresha ijambo **umwete** mu nteruro.
Urugero: Umwarimu adutoza kugira **umwete** mu masomo.

 Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **umwete** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Umwarimu adutoza kugira umwete mu masomo.**

 Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **umwete** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **umwete**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **umwete**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **icyaruhungabanya, ishyaka, mbungabunga.**

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko "Nzakorera u Rwanda" hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko "Nzakorera u Rwanda" mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko "Nzakorera u Rwanda", mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

4. Kumva no gusesengura umwandiko



Saba abanyeshuri gukurikira no gutege amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere **Uvuga mu mwandiko azarwanya iki?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Azarwanya ubunembwe.**



Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Uvuga mu mwandiko azamagana ba nde?** Somera hamwe n'abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo: **Azamagana ba rutwitsi n'abashimuta inyamaswa.**



Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu.

Uvuga mu mwandiko azabana n'abandi ate?

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo: **Azabana n'abandi mu mahoro.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Umuntu yakora ibihe bikorwa byo guteza imbere Igihugu? **Yakwitabira umuganda, yabungabunga inyamaswa...**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma umwandiko "Nzakorera u Rwanda" mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatumye n'isesekaza rikwiye.
2. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **283**, wo guhuza amagambo n'igisobanuro cyayo.

Ibisubizo

1. Umwete: **imbaraga.**
2. Guhungabanya : **Kubuza umutekano.**
3. Ishyaka: **umuhate.**
4. Kubungabunga: **kwita.**

Ibibazo ku mwandiko

1. Uvuga mu mwandiko azabana n'abandi ate? **Azabana na bo mu mahoro.**
2. Ni iki ukora kugira ngo ubungabunge ibidukikije? **Nirinda kubyangiza nkabibungabunga.**
3. Ni iyihe nama ukuye mu mwandiko? **Kubana n'abandi mu mahoro, gukorana umwete, gufatanya n'abandi...**



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo bana umwandiko bize uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **282**, baganire na bo ibyo bashimye bazanabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 33

Isomo rya 6: Imbusane

Intego rusange: Gukoresha neza amagambo y'imbusane.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **283**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga: **“Nzakorera u Rwanda”**

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Umwandiko duheruka kwiga ni “Nzakorera u Rwanda”**
2. Ni nde watwibutsa igihugu cyavugwagaho mu mwandiko? **Ni u Rwanda.**
3. Abantu bavuka mu Rwanda bitwa ngo iki? **Bitwa Abanyarwanda.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kubana n'abandi mu mahoro.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo imbusane ari cyo

Andika ku kibaho interuro zifatiye ku mwandiko uri ku rupapuro rwa **283**. Saba abanyeshuri gutanga ibisobanuro by'amagambo aciyeho akarongo ku nteruro ya mbere n'ya kabiri hanyuma babigereranye. Noza ibisubizo by'abanyeshuri ubereke ko igisobanuro k'ijambo **mukuru** mu nteruro ya mbere ari ikinyuranyo k'ijambo **mutoryomu** nteruro ya kabiri.

Koresha uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese Buri wese akore** muvuge inshoza y'imbusane.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri kuvuga uko bita amagambo afite ibisobanuro binyuranye. Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubinoze.

Bwira abanyeshuri ko amagambo afite ibisobanuro binyuranye **bayita imbusane**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musubiremo icyo imbusane ari cyo.



Buri wese akore

Bwira abanyeshuri, mu matsinda ya babiribabiri basubiremo ku giti cyabo icyo imbusane ari cyo, hanyuma babisubiremo buri wese ku giti ke. Tega amatwi ibyo abanyeshuri bavuga ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

2. Umwitozo ku mbusane

Nyuma yo gutahura icyo imbusane ari cyo, koresha uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** uyobore abanyeshuri mukore umwitozo ku mbusane uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **284**.

Ibisubizo:

- a) Tuzaruhuka mu **ntangiriro** z'ukwezi kwa Nyakanga.
- b) Rungano **ava** mu ishyamba **kure** y'ishuri.
- c) Mariya **ashimishijwe** n'iki?
- d) Uyu mwana agira **ubutwari**.
- e) **Ubukire** buterwa n'**umurava**.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Baza abanyeshuri ibibazo bigaragaza ko bumvishe neza isomo ry'imbusane.

Ikibazo cyabazwa:

Simbuza amagambo yakoreshejwe mu nteruro zikurikira, imbusane zayo:

Ipusi ihagaze hejuru y'ameza.

Inkokokazi iri kurashya mu rutoki.

Inyuma y'inzu hateye indabo.

Iyo turi kugenda dukora umurongo.

Igisubizo:

Ipusi ihagaze muni y'ameza.

Isake iri kurashya mu rutoki.

Imbere y'inzu hateye indabo.

Iyo turi kugaruka dukora umurongo.

Tega amatwi unakurikire uko abanyeshuri basakuza, ubakosore aho biri ngombwa, unafashe abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza gushaka andi magambo y'imbusane atatu maze bazayereke bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 33

Isomo rya 7: Imyitozo yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.

Intego rusange: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.

Imfashanyigisho: igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **285** n'urwa **286**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri ubasobanurire neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo gusoma umwandiko "Ubutwari bw'impyi"

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubahe umwitozo wo gusoma umwandiko "Ubutwari bw'impyi" uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **285** umwitozo wa **1**.

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **286** wo kuzurisha interuro amagambo bahawe.

Ibisubizo :

- Nabonye yarembye mugirira **impuhwe** mujyana kwa muganga.
- Intare yaresheje inama **ikoranya** inyamaswa zose.
- SIDA ni **icyorezo** cyakwirindwa.
- Ubugwari** bwe bwatumye bamugaya.

3. Umwitozo wo kumva umwandiko

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko "Inama nziza"uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 286 umwitozo wa 3.

Gusubiza ibibazo ku mwandiko:

- Ni iki cyababaje intare? **Ni uko inyamaswa yayoboraga zari zafashwe n'indwara y'icyorezo.**
- Intare yigiriye iyihe nama ngo icyorezo kivurwe? **Yohereje kandi irihira urukwavu, impyisi n'ingwe amahugurwa mu mahanga.**
- Kubera iki urukwavu n'ingwe bitagarutse? **Ni uko aho zagiye kwihugurira byahasanze ubukungu bwinshi bikigumirayo kandi iwabo hari inzara.**

4. Umwitozo wo gusesengura umwandiko "Inama nziza"

- Kuki twavugaga ko urukwavu n'ingwe byabaye ibigwari? **Ni uko byatereranye inyamaswa zari zirwaye ntibigaruke kuzivura kandi ari cyo cyari cyarabijanyeyo.**
- Ni iki kigaragaza ko intare ari umuyobozi mwiza? **Yitaga ku nyamaswa iyoboye igahangayikishwa n'imibereho yazo.**
- Ni irihe somo ukuye muri iyi nkuru ? **Ni ukwitangira abandi no gukunda abo uyobora.**



Umukoro:

Saba abanyeshuri kuza kongera gusomera abo babana umwandiko "Ubutwari bw'impyisi" bazanayisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 33

Isomo rya 8: Imyitozo isoza icyumweru

Intego rusange: Gukoresha neza amagambo y'imvugwakimwe n'ay'imbusane no kuzuza interuro bakoresheje ibihekanne "pfy, ryw"

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 286 n'urwa 287.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, basobanurire neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo ku mvugwakimwe

Ha abanyeshuri umwitozo uri ku rupapuro rwa 286, wo gukoresha ijambo bahawe bakora indi nteruro ifite igisobanuro kinyuranye.

Ingero z'ibisubizo:

Icyatsi:

umwishywa ni icyatsi kirandaranda.

Urukuta rusize irangi ry'icyatsi.

Kubika :

Kuri radiyo bavuga amatangazo yo kubika.

Mu gitondo isake yange ikunda kubika.

Imbata:

Uyu mwana yoroye imbata ebyiri.

Uwandika umwandiko yubahiriza imbata yawo.

Gukira:

Mucyo yari arwaye none yarakize.

Mizero yatangiye gucuruza kera none yarakize.

2. Umwitozo ku mbusane

Ha abanyeshuri umwitozo uri ku rupapuro rwa **287**, wo gusimbuza ijambo riciyeho akarongo mu nteruro imbusane zayo .

Ibisubizo

- Ubugwari bwe bwatangaje benshi.
- Inyamanza **ishimishwa** n’uko ihageze kare.
- Sinkangwa n’ **ijoro** nkora igihe cyose.

3. Umwitozo wo kwandika

Ha abanyeshuri umwitozo uri ku rupapuro rwa **287**, wo kuzuzanya interuro bakoresheje ibihekanane “**pfy, ryw**” bagakora interuro zumvikana maze bakazandika mu mukono.

Igisubizo

- Inka yakapfakapfye ubwatsi ntiyabumara.
- Bakame yaryarywe n’igikona.



Saba abanyeshuri kuza kongera gusoma umwandiko "**Ubutwari bw’impyi**" maze batahure ingingo y’ingenzi irimo bayandike, bazayisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 34

Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru

Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru.

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa **60** n’urwa **61**.

Ibikorwa by’umwarimu n’abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga “ **Ubutwari bw’impyi**”

- Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Duheruka gusoma umwandiko “Ubutwari bw’impyi”**
- Havugwagamo iki muri rusange? **Uburyo inyamaswa zari zarafashwe n’icyorezo k’indwara zikabura ubuvuzi bigatuma intare igira izo yohereza kwihugura.**
- Ni iyihe nyamaswa yitangiye izindi? **Ni impyi.**

Akira ibisubizo by’abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kurangwa n’ubutwari.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho

Soma umutwe w’inkuru: “ **Inyamaswa zungutse ubwenge**”

Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n’inkuru, ubabaze ibyo babona.

Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru

Bwira abanyeshuri ko ugiye kubasomera inkuru “ **Inyamaswa zungutse ubwenge**” ko bari bwumvemo amagambo: **umutungo, isuri**.



Vuga ijambo **umutungo**. Baza abanyeshuri niba bazi igisobanuro k’ijambo **umutungo**. Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, noza igisobanuro k’ijambo **umutungo**. **Umutungo** bisobanura **ibyo umuntu afite**.

Koresha ijambo **umutungo** mu nteruro.

Urugero: Si byiza kwangiza **umutungo** w’ababyeyi bacu.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **umutungo** n'igisobanuro cyaryo hanyuma munavugire hamwe interuro **Si byiza kwangiza umutungo w'ababyeyi bacu.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusubiramo ku giti cyabo ijambo **umutungo** n'igisobanuro cyaryo.

Bashyire mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **umutungo** Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **umutungo**, bukoreshwe no mu gusobanura ijambo **isuri**. **Isuri** bisobanura **amazi menshi y'imvura atwara ubutaka n'ibimera.**

Urugero: Ibiti birwanya **isuri**.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye

Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo kandi n'irindi jambo rikomeye risobanure mu buryo bwihuse. Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri. Maze ubabaze niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva no gusesengura inkuru



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Ni izihe nyamaswa zivugwa mu nkuru?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye. Igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu nkuru: **Intare, Bakame, isha, inyamanza n'inkende.**



Dukorane twese

Saba abanyeshuri gukurikira. Baza ikibazo cya kabiri.

Ni iyihe mpamvu yateye intare guhamagaza izindi nyamaswa?

Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Yabonaga umutungo w'inyamaswa wangirika.**



Buri wese akore

Baza ikibazo gikurikiraho.

Vuga umutungo rusange wasanwe?

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basubize icyo kibazo. Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ubafashe kukinoza. Saba abanyeshuri bese gusubiramo igisubizo kiricyo:

Ni ikibuga cyo gukiniraho.

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banabane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Vuga imwe mu mitungo rusange uzi? **Amavuriro, amashuri, imigezi, amashyamba...**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1) Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye.

- a) **umutungo** : **Umutungo wa Semana ni inzu n'imodoka.**
- b) **isuri**: **Abaturage bateye ibiti kugira ngo barwanye isuri.**

2) Subiza ibibazo ku mwandiko

- a) Ibigo by'amashuri byari byarangijwe n'iki? **Byari byarangijwe n'umwuzure.**
- b) Ni izihe ngaruka zo kudafata neza umutungo rusange? **Bituma wangirika.**
- c) Iyi nkuru igusigiye irihe somo? **Gufata neza umutungo rusange, no gufatanya n'abandi, kwitabira ibikorwa rusange.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru **"Inyamaswa zungutse ubwenge"**, baganire na bo ibyo bashimye muri iyo nkuru hanyuma bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 34	Isomo rya 2: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo
Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 288 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kumva **"Inyamaswa zungutse ubwenge"**

1. Ni inde watwibutsa inkuru duheruka kwiga? **Inkuru duherutse kwiga ni: "Inyamaswa zungutse ubwenge"**
2. Iyi nkuru yavugaga ku ki? **Iyi nkuru yavugaga ku nyamaswa zungutse ubwenge bwo gusana umutungo rusange zihuriyeho.**
3. Iyi nkuru wayigiyemo iki? **Iyi nkuru nayigiyemo ko gufatanya ari byiza mu buzima.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba gukorera Igihugu bakitabira n'ibikorwa by'ubutabazi.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **"Inshuti y'ibihe byose"** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **288**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko **"Inshuti y'ibihe byose"** wubahiriza utwatumuzo n'isesekaza.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **"Inshuti y'ibihe byose"** mwubahiriza utwatumuzo n'isesekaza.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'umwandiko, bubahiriza utwatumuzo n'isesekaza.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona.

Abanyeshuri bashingiyeye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko.

Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **"Inshuti y'ibihe byose"** bari bwumvemo amagambo: **yararembye, yatamira, yahorose, irihara.**



Ndatanga urugero

Vuga ijambo **ubukire**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **yararembye**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **yararembye**. **Yararembye** bisobanura **yararwaye cyane**.

Koresha ijambo **yararembye** mu nteruro.

Urugero: Twagiye gusura Kamari dusanga **yararembye**.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **yararembye** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Twagiye gusura Kamari dusanga yararembye.**



Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **yararembye** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **yararembye**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **yararembye**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **yatamira, yahorose, irihara**.

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko "**Inshuti y'ibihe byose**" bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko "**Inshuti y'ibihe byose**" mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko "**Inshuti y'ibihe byose**", mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwumwe umwandiko "**Inshuti y'ibihe byose**" mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatumye n'isesekaza bikwiye.
2. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora umwitoto wa **2** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **289**, wo guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo.

Ibisubizo:

- a) Yararembye : **yararwaye cyane**.
- b) Yatamira: **Yarya**.
- c) Yahorose: **yananantse**.
- d) Irihara: **irishora**.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko "**Inshuti y'ibihe byose**" bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 34	Isomo rya 3: Kumva no gusesengura umwandiko.
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 288 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga: **"Inshuti y'ibihe byose"**

1. Ni inde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Ni umwandiko "Inshuti y'ibihe byose"**
2. Uwo mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga ku neza impara yagiriye imparage yari irwaye ikayivuz igakira.**
3. Ni irihe somo mwigiye muri uwo mwandiko? **Twigiyemo isomo ko gutabarana ari byiza.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko gutabara abandi ari ingenzi.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Gusoma umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye kongera gusoma umwandiko **"Inshuti y'ibihe byose"** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **288**.

1. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **288**. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko **"Inshuti y'ibihe byose"** by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko



Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Ni iyihe nyamaswa yari yararwaye?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Ni imparage.**



Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. **Impara yatwaye ite imparage ijya kuyivuz?**

Somera hamwe n'abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo. **Yayihetse ku mugongo.**



Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu. **Kubera iki izo nyamaswa zagiye kwivuriza ku kandi gasozi?**

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ukinoze. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Ni uko aho imparage yari ituye hatari ivuriro.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Mugenzi wawe arwaye wamufasha iki? **Namufasha kugera kwa muganga akivuzwa**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye.

Subiza ibibazo ku mwandiko

1. Ni iyihe nyamaswa yari irwaye ? **Ni imparage.**
2. Ni iki washima impara? **Nayishima kuba yarafashije imparage ikayijyana kwa muganga.**
3. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko? **Ni ugufashanya no kwitangira abandi.**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gukora umukoro uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **291**, wo gusoma agakuru maze bakandika ingingo y'ingenzi ikavugwamo.

Icyumweru cya 34

Isomo rya 4: Imigani migufi

Intego rusange: Gutahura igisobanuro k'imigani migufi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **290**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga: **"Inshuti y'ibihe byose"**

1. Ni inde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Ni umwandiko "Inshuti y'ibihe byose".**
2. Uwo mwandiko wavugaga ku ki? **Wavugaga ku neza impara yagiriye imparage yari irwaye ikayivuzwa igakira.**
3. Ni irihe somo mwigiye muri uwo mwandiko? **Twigiyemo isomo ko gutabarana ari byiza.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko gutabara abandi ari ingenzi.

II. ISOMA RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umugani mugufi ari cyo

Andika ku kibaho interuro ikurikira: **Ugira ineza ukayisanga imbere** iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **290**. Yisomere abanyeshuri ubabaze ubwoko bwayo. Baza abanyeshuri ibibazo biganisha ku gutahura igisobanuro cy'umugani mugufi. Noza ibisubizo by'abanyeshuri ubasobanurire ko iyo nteruro ari umugani mugufi. Umugani mugufi ni interuro ngufi iba ikubiyemo inyigisho.

Ukoresheje uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese Buri wese akore** yobora abanyeshuri muvuge igisobanuro cy'umugani mugufi.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri kuvuga icyo umugani mugufi ari cyo. Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubinoze. Bwira abanyeshuri ko umugani mugufi ari interuro ngufi ikubiyemo inyigisho.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ko umugani mugufi ri interuro ngufi iba ikubiyemo inyigisho. Yobora abanyeshuri musomere hamwe izindi ngero z'imigani migufi ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **290**.



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri, mu matsinda ya babiribabiri umwe abwire mugenzi we igisobanuro cy'umugani mugufi, hanyuma banasome izindi ngero z'imigani migufi ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **290**. Gendagenda mu ishuri utega amatwi ibyo abanyeshuri bakora icyo gikorwa, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

2. Umwitozo ku migani migufi

Nyuma yo gutahura icyo umuganimugufi ari cyo, koresha uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore**, yobora abanyeshuri mukore umwitozo ku migani migufi uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **291**.

Ibisubizo:

- 1 - B
- 2 - D
- 3 - A
- 4 - C

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Baza abanyeshuri ikibazo kigaragaza ko bumvise neza isomo ry'imigani migufi baheruka kwiga

Urugero rw'ikibazo

Vuga nibura imigani migufi ibiri waba wafashe mu mutwe.

Tega amatwi abanyeshuri wumva ingero z'imigani batanga ubafashe kuyinonosora, unafashe abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza gushaka imigani migufi itatu itari mu bitabo byabo, bayandike mu makayi yabo maze bazayasomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 34	Isomo rya 5: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.	Imfashanyigisho: imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 292 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko "**Ikifuzo cya Gasore**" uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **292**.



Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko "**Ikifuzo cya Gasore**" wubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.










Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko "**Ikifuzo cya Gasore**" mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Saba abanyeshuri gusoma umutwe w'umwandiko "**Ikifuzo cya Gasore**" ku giti cyabo, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona.

Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

<p>2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko. Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko "Ikifuzo cya Gasore" bari bwumvemo amagambo: kuzabikomatanya, ingabo z'igihugu, umwirondoro, barakwenkwenuka.</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Vuga ijambo kuzabikomatanya. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo kuzabikomatanya. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo kuzabikomatanya. Kuzabikomatanya bisobanura kuzabikora byombi. Koresha ijambo kuzabikomatanya mu nteruro. Urugero: Gusoma no kwandika, kuzabikomatanya bizatugirira akamaro.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo kuzabikomatanya n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: Gusoma no kwandika, kuzabikomatanya bizatugirira akamaro.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo kuzabikomatanya n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo kuzabikomatanya. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.</p>
<p>Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo kuzabikomatanya, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo ingabo z'igihugu, umwirondoro, barakwenkwenuka.</p>	
<p>3. Gusoma umwandiko Gusoma umwandiko bucece Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko "Ikifuzo cya Gasore" hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.</p>	
<p>Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko "Ikifuzo cya Gasore" mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko "Ikifuzo cya Gasore", mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.</p>
 <p><i>Buri wese akore</i></p>	<p>Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.</p>
<p>4. Kumva no gusesengura umwandiko</p>	
 <p><i>Ndatanga urugero</i></p>	<p>Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere Ababyeyi ba Gasore bakoraga iki? Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: Se yari umusirikare naho nyina yari umuganga.</p>
 <p><i>Dukorane twese</i></p>	<p>Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri. Kuki Gasore yifuzaga kuba umuganga w'umusirikare? Somera hamwe n'abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo hanyuma mufatanye kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo: Ni uko yashakaga gukora akazi nk'ak'ababyeyi be bombi.</p>



Buri wese akore

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu.

Kuki ku Murenge banze kwandika Gasore?

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo: **Ni uko yari akiri umwana.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Ni ibihe bikorwa ujya ubona abasirikare bakora? **Barinda umutekano aho abantu batuye, bubakira abatishoboye, bavura abantu...**

6. Gusesengura umwandiko

Uburyo bwakoreshejwe hasubizwa ibibazo byo kumva umwandiko bukoreshwe no mu gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibisubizo:

- Ni ibihe bikorwa ujya ubona abasirikare bakora? **Barinda umutekano aho abantu batuye, bubakira abatishoboye, bavura abantu...**
- Ni iki kigaragaza ko Gasore yari intwari? **Ni uko yifuzaga gukora akazi ko kwitangira abandi.**
- Wowe urumva uzaba iki urangije kwiga? **Nzaba umwarimu, umuganga, umucuruzi, umusirikare...**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

- Saba abanyeshuri gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatumye n'isesekaza rikwiye.
- Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **293**, wo guhuza amagambo n'igisobanuro cyayo.

Ibisubizo

- Kuzabikomatanya: **Kuzabikora byombi.**
- Ingabo z'Igihugu: **Abasirikare.**
- Umwirondoro: **Amakuru aranga umuntu.**
- Barakwenkwenuka: **Baraseka cyane.**

Ibibazo ku mwandiko

- Umwana uvugwa mu mwandiko yitwa nde? **Yitwa Gasore.**
- Ni iki kigaragaza ko Gasore yari intwari? **Ni uko yifuzaga gukora akazi ko kwitangira abandi.**
- Wowe urumva uzaba iki urangije kwiga? **Nzaba umwarimu, umuganga, umucuruzi, umusirikare...**



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo bana umwandiko bize uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **292**, baganire na bo ibyo bashimye bazanabwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 34	Isomo rya 6: Umwirondoro
Intego rusange: Gutahura igisobanuro cy'umwirondoro, ibyandikwamo no kuzaza umwirondoro.	Imfashanyigisho: igitabo cy'umwarimu, n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 294 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga: **“Ikifuzo cya Gasore”**

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni **“Ikifuzo cya Gasore”**
2. Ni iki babajije Gasore agiye kwiyandikisha ku murenge? **Bamubajije umwirondoro we.**
3. Gasore amaze kwiga ubuvuzi bw'amenyo yagiye he? **Yinjiye mu ngabo z'Igihugu.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba gukomeza gukunda Igihugu no kugikorera.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura igisobanuro cy'umwirondoro n'ibyandikwamo

Wifashishije interuro zikurikira: Nitwa Gasore Antoni. MFite imyaka icumi, navukiye i Taba mu Kagari ka Tetero. ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **294**, saba abanyeshuri kuyitegereza hanyuma ubabaze ibibazo bibafasha gutahura igisobanuro cy'umwirondoro n'ibyandikwa mu mwirondoro.



Baza abanyeshuri icyo umwirondoro ari cyo n'ibyandikwamo. Bwira abanyeshuri ko umwirondoro ari inyangirakari igaragaramo ibiranga umuntu. Umwirondoro wandikwamo amazina yawe, aho utuye, ababyeyi bawe, imyaka yawe, aho wiga, umwaka wigamo n'icyo ukunda.



Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ko umwirondoro ari inyangirakari igaragaramo ibiranga umuntu. Umwirondoro wandikwamo amazina yawe, aho utuye, ababyeyi bawe, imyaka yawe, aho wiga, umwaka wigamo n'icyo ukunda.



Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo igisobanuro cy'umwirondoro ndetse n'ibyandikwa mu mwirondoro.

2. Umwitozo wo kuzaza umwirondoro

Nyuma yo gusobanurira abanyeshuri icyo umwirondoro ari cyo, n'ibyandikwamo, yobora abanyeshuri mukore umwitozo wo kuzaza umwirondoro uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **294**.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Baza abanyeshuri ibibazo bigaragaza ko bumvise neza isomo ry'umwirondoro w'umuntu.

Ikibazo cyabazwa:

Saba buri munyeshuri kwandika umwirondoro we ashiremo ibiwugize atabanje kureba ku rugero yahawe mu gitabo ke.

Genzura uko abanyeshuri bakora uwo mwitozo, ubakosore aho biri ngombwa, unafashe abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ko bize umwirondoro w'umuntu. Banoze uwo umwirondoro wabo maze bazawerekane mu ishuri.

Icyumweru cya 34	Isomo rya 7: Imyitozo yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.
Intego rusange: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.	Imfashanyigisho: igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 295 n'urwa 296 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri ubasobanurire neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitoyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo gusoma umwandiko “Imigezi y’inyamaswa”

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banabane ubahe umwitozo wo gusoma umwandiko “Imigezi y’inyamaswa” uri mu gitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa **295** umwitozo wa **1**.

2. Umwitozo w’inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **296** wo kuzurisha interuro amagambo bahawe.

Ibisubizo :

- a) Abayobozi b’amashuri bakora **ubugenzuzi** bareba ko amasomo agenda neza.
- b) Yahawe **igihembo** cy’uko yatsinze irushanwa.
- c) Kwangiza **umutungo rusange** ni bibi.
- d) **Gutakamba** usaba imbabazi bituma ubabarirwa.

3. Umwitozo wo kumva umwandiko


Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko “Imigezi y’inyamaswa” uri mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa **296** umwitozo wa **3**.

Gusubiza ibibazo ku mwandiko:

- a) Ni iyihe nyamaswa yakundaga kwangiza imigezi? **Ni igikeri.**
- b) Intare ibonye imigezi ikomeje kwangirika yabigenje ite? **Yatumyeho izindi nyamaswa ngo zishakishye uzangiriza imigezi.**
- c) Inyamaswa zisubiye ku ntare zayibwiye iki? **Zayibwiye ko zakoze ibishoboka zikabura uwangiza imigezi.**

4. Umwitozo wo gusesengura umwandiko “Imigezi y’inyamaswa”

- a) Mukora iki kugira ngo mufate neza imigezi iboneka iwanyu? **Twirinda kuyangiza.**
- b) Kuki tutagomba kwangiza imigezi ? **Ni uko imigezi idufitiye akamaro.**
- c) Igikeri kigufashije kumenya iki mu buzima busanzwe ? **Kinyigishije kwemera amakosa ngasaba imbabazi.**



Saba abanyeshuri kuza kongera gusomera abo babana umwandiko “Imigezi y’inyamaswa” bazanayisomere bagenzi babo mu ishuri.

Umukoro

Icyumweru cya 34	Isomo rya 8: Imyitozo isoza icyumweru
Intego rusange: Guhuza imigani migufi n'ibisobanuro byayo, gukoresha neza utwatumuzo no kwandika umwirondoro.	Imfashanyigisho: igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 297 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 25)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, basobanurire neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitanyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo guhuza imigani migufi n'ibisobanuro byayo.

Ha abanyeshuri umwitozo uri ku rupapuro rwa **297**, wo guhuza imigani migufi n'ibisobanuro byayo. Ibisubizo

- 1) Abagiye inama Imana irabasanga = Abantu bafatanyaga bagera ku bintu byiza
- 2) Igiti kigororwa kikiri gito = Umwana atozwa imico myiza akiri muto
- 3) Kora ndebe iruta vuga numve = Ibyo ushoboye bigaragarira mu bikorwa ukora.
- 4) Imana ifasha uwifashije = Ibyo ukeneye gufashwamo ugomba kubigiramo uruhare.

2. Umwitozo ku twatumuzo

Ha abanyeshuri umwitozo uri ku rupapuro rwa **297**, wo kwandika interuro ashyizemo utwatumuzo dukwiye.

Ibisubizo

- a) Kera igikeri cyakungaga kwangiza imigezi.
- b) Igikeri kisubiyeho pe!
- c) Ni iyihe nyamaswa yangiza imigezi?

3. Umwitozo wo kwandika umwirondoro

Ha abanyeshuri umwitozo uri ku rupapuro rwa **297**, wo gusoma agakuru hanyuma bagasubiza ikibazo bakandika umwirondoro.



Saba abanyeshuri kuza kubaza abo babana indi migani migufi nibura ibiri itandukanye n'iri mu gitabo cy'umunyeshuri bazayibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 35	Isomo rya 1: Kumva no gusesengura inkuru
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 62 n'urwa 63 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga “**Imigezi y'innyamaswa**”


1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Duheruka gusoma umwandiko “Imigezi y'innyamaswa.”**
2. Ikikeri cyavugwagaho iki? **Cyavugwagaho kwangiza imigezi.**
3. Uwo mwandiko wadukanguriraga iki? **Wadukanguriraga kubungabunga umutungo rusange.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kubungabunga ibidukikije nk'imigezi n'ibindi.


II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho
Soma umutwe w'inkuru: “**Kora ndebe iruta vuga numve**”
Ereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubabaze ibyo babona.
Baza abanyeshuri icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho.


2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva inkuru
Bwira abanyeshuri ko ugiye kubasomera inkuru “**Kora ndebe iruta vuga numve**” ko bari bwumvemo amagambo: **inkurikirane, intangarugero.**


Ndatanga urugero

Vuga ijambo **inkurikirane**. Baza abanyeshuri niba bazi igisobanuro k'ijambo **inkurikirane**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **inkurikirane**. **Inkurikirane** bisobanura **abana bavutse bakurikiranye**.
Koresha ijambo **inkurikirane** mu nteruro.
Urugero: Nshuti na Irakoze ni **inkurikirane**.


Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **inkurikirane** n'igisobanuro cyaryo hanyuma munavugire hamwe interuro: **Nshuti na Irakoze ni inkurikirane.**


Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusubiramo ku giti cyabo ijambo **inkurikirane** n'igisobanuro cyaryo.
Bashyire mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **inkurikirane** Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro babonye.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **inkurikirane**, bukoreshwe no mu gusobanura ijambo **intangarugero**.
Intangarugero bisobanura **umuntu ukora neza ibyo ashinzwe**.
Urugero: Rugwiro ni **intangarugero** ku ishuri.

3. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye
Soma inkuru yose ku muvuduko ukwiye, wubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Mu gihe uri gusoma, genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ugeze ku ijambo ryasobanuwe, genzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo kandi n'irindi jambo rikomeye risobanure mu buryo bwihuse. Ongera usomere abanyeshuri inkuru bwa kabiri. Maze ubabaze niba ibyo bumvise mu nkuru bihuye n'ibyo batahuye mbere.

4. Kumva no gusesengura inkuru



Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere. Baza ikibazo cya mbere. **Umwarimu Bumvwanabo yabwiye abanyeshuri ko bakwiye kurangwa n'iki?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wabonye. Igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu nkuru:

Gukunda Igihugu, kuvugisha ukuri, kwitabira ibikorwa rusange no gukoresha neza umutungo rusange.



Saba abanyeshuri gukurikira. Baza ikibazo cya kabiri.

Ndungutse amaze kubona Umugwaneza abeshye ababyeyi yakoze iki?

Yobora abanyeshuri mu gusubiza ikibazo. Somera abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Akira ibisubizo by'abanyeshuri, mufatanye kubinoza. **Yaramunyomoje yerekana indangamanota ye.**



Baza ikibazo gikurikiraho.

Umugwaneza amaze kubona ibyishimo Ndungutse akuye kwa nyirakuru yigiriye iyihe nama?

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basubize icyo kibazo. Gendagenda mu matsinda ureba niba abanyeshuri babonye igisubizo bakikubwire. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ubafashe kukinoza. Saba abanyeshuri bose gusubiramo igisubizo kiricyo: **Yigiriye inama yo kwisubiraho akaba intangarugero.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva inkuru, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Imyifatire ya Ndungutse uyigiyeho iki? **Kuba intangarugero, kuvugisha ukuri, gufasha abandi, kugira abandi inama.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, ongera usomere abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

1) **Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye.**

a) inkurikirane: Kagabo na Gashema ni abana binkurikirane

b) intangarugero: Gasengayire ni intangarugero mu mukino wo gusimbuka umugozi.

2) **Subiza ibibazo ku mwandiko**

a) Ni abahe bana binkurikirane bavugwa mu mwandiko? **Ni Umugwaneza na Ndungutse.**

b) Ni iyihe nama wagira abanyeshuri batavugisha ukuri? **Nabagira inama yo kuvugisha ukuri kwirinda kubeshya...**

c) Ni iki washimira Umugwaneza? **Namushimira ko yisubiyeho akaba intangarugero mu bandi.**

Tega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri ubakosore ushimira abasubije neza, ufasha abafite ibibazo byihariye.



Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru **"Kora ndebe iruta vuga numve"**, baganire na bo ibyo bashimye muri icyo nkuru hanyuma bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 4	Isomo rya 2: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo
Intego rusange: Gusoma adategwa no gusobanura inyunguramagambo.	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 298 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)


Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye. Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kumva **“Kora ndebe iruta vuga numve”**

1. Ni inde watwibutsa inkuru duheruka kwiga? **Inkuru duherutse kwiga ni: “Kora ndebe iruta vuga numve »**
2. Ni abahe bana b'inkurikirane bavugwagamo? **Ni Mugwaneza na Ndungutse.**
3. Ni iki washimira Umugwaneza? **Namushimira ko yisubiyeho akaba intangarugero mu bandi.**


Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kuba intangarugero mu bandi.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)


1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho
Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **“Abana ba Kanyandekwe”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **298**.


Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko **“Abana ba Kanyandekwe”** wubahiriza utwatumaze n'isesekaza.


Dukorane twese


Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **“Abana ba Kanyandekwe”** mwubahiriza utwatumaze n'isesekaza.


Buri wese akore


Saba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo umutwe w'umwandiko, bubahiriza utwatumaze n'isesekaza.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabaze ibyo babona. Abanyeshuri bashingiyeye ku mutwe w'umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.


2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko. Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **“Abana ba Kanyandekwe”** bari bwumvemo amagambo: **bamutega amatwi, ugusahurwa, bagatahiriza umugozi umwe, bashyamiranaga.**


Ndatanga urugero

Vuga ijambo **ubukire**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **bamutega amatwi**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **bamutega amatwi**. **Bamutega amatwi** bisobanura **baritonda baramwumva**.
Koresha ijambo **bamutega amatwi** mu nteruro.
Urugero: Iyo umwarimu yigisha, abanyeshuri **bamutega amatwi**.


Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **bamutega amatwi** n'igisobanuro cyaryo hanyuma musubiremo interuro: **Iyo umwarimu yigisha, abanyeshuri bamutega amatwi.**


Buri wese akore

Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **bamutega amatwi** n'igisobanuro cyaryo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo **bamutega amatwi**. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijamba **bamutega amatwi**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo **ugusahurwa, bagatahiriza umugozi umwe, bashyamiranaga**.

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko **“Abana ba Kanyandekwe”** bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko **“Abana ba Kanyandekwe”** mu ijwi riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Abana ba Kanyandekwe”**, mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwumwe umwandiko **“Abana ba Kanyandekwe”** mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n’isesekaza bikwiye.
2. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri ubasabe gukora umwitozo wa **2** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **299**, wo guhuza amagambo n’ibisobanuro byayo.

Ibisubizo:

- a) Impanuro : **inama nziza**
- b) Bashyamiranaga: **batumvikanaga**
- c) Gusahurwa: **gutwarwa ibyo wari utunze**
- d) Babatega amatwi: **baritonda barabumva**.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko **“Abana ba Kanyandekwe”** bababwire isomo bakuyemo, bazaribwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 35	Isomo rya 3: Kumva no gusesengura umwandiko
Intego rusange: Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 298 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga: **“Abana ba Kanyandekwe”**

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Ni umwandiko “Abana ba Kanyandekwe”**

2. Umusaza Kanyandekwe n'umugore we Mupfasoni bari batuye mu kahe karere? **Bari batuye mu Karere ka Gasabo**

3. Bari batuye hafi y'ibihe biro? **Bari batuye hafi y'ibiro by'Akagari ka Nyabisindu.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kujya bashyira hamwe, bagatahiriza umuguzi umwe.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Gusoma umwandiko

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye kongera gusoma umwandiko **“Abana ba Kanyandekwe”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **298**.

1. Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Saba abanyeshuri gufungura ibitabo byabo ku rupapuro rwa **298**. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko **“Abana ba Kanyandekwe”** by'intangarugero ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko mukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.



Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba abasoma neza, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.

2. Kumva no gusesengura umwandiko



Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. **Ni bande Kanyandekwe na Mupfasoni bahamagaye?**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma igisubizo kivuye mu mwandiko: **Bahamagaye abana babo.**



Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri.

Babahamagariye iki?

Somera hamwe n'abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure urutoki. Yobora abanyeshuri muvuge igisubizo. **Ni ukugira ngo babaganirire ku buzima bwabo bwa kera bakiri muto.**



Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu.

Ni ibihe bikorwa Kanyandekwe na Mupfasoni bakundaga kwitabira bakiri bato?

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye hanyuma ukinoze. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo. **Bakundaga kwitabira ibikorwa by'ubutabazi.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Ni iki muganira n'abantu bakuru mubana? **Batugira inama z'ubuzima bwacu bwa buri muni.**

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Mbere yo kubaza ibibazo by'isuzuma, saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye.

Subiza ibibazo ku mwandiko

1. Ni gute abana ba Kanyandekwe bitwaraga ku ishuri? **Bari intangarugero mu kwitabira ibikorwa by'ubwitange.**
2. Ni akahe kamaro ko kumvira inama ugirwa n'abakuru? **Bituma twitwara neza tukagira imyifatire myiza.**
3. Iyi nkuru ikwigishije iki? **Gufatanya n'abandi mu bikorwa by'ubutabazi.**



Saba abanyeshuri kuza gukora umukoro uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **300**, wo gutondeka interuro, bakazikurikiranya bandika mu mukono agakuru kavamo.

Icyumweru cy'icya 35

Isomo rya 4: Inyuguti nkuru

Intego rusange: Gutahura imikoreshereze y'inyuguti nkuru.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **300**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Imikoreshereze y'inyuguti nkuru.

Andika ku kibaho interuro zikurikira: Kanyandekwe n'umugore we Mupfasoni bari batuye mu Karere ka Gasabo. Bari batuye hafi y'Ibiro by'Akagari ka Nyabisindu. ziri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **300**. Saba abanyeshuri kuzisoma no kuzitegereza. Babaze ibibazo biganisha ku gutahura imikoreshereze y'inyuguti nkuru.

1. **Ni ayahe magambo yatangijwe inyuguti nkuru muri izi nteruro?** Andika ku kibaho ibisubizo ushyira mu itsinda rimwe amagambo ahujwe imikoreshereze y'inyuguti nkuru:

- Kanyandekwe, Mupfasoni
- Gasabo, Nyabisindu
- Bari, Ibiro, Akagari, Karere

2. Saba abanyeshuri gutahura icyo amagambo yashyizwe hamwe ahuriyeho. Noza ibisubizo byabo ubabwire ko:

- Kanyandekwe na Mupfasoni ari amazina y'abantu.
- Gasabo na Nyabisindu ari amazina y'ahantu.
- Ibiro, Akagari, Karere ari amazina y'inzeho z'ubuyobozi.

Ukoresheje uburyo bwa **"Ndatanga urugero, Dukorane twese Buri wese akore"**, yobora abanyeshuri mu gutahura imikoreshereze y'inyuguti nkuru.



Saba abanyeshuri kuvuga aho inyuguti nkuru ikoresheka. Akira ibisubizo by'abanyeshuri ubinoze. Basobanurire ko inyuguti nkuru itangira amazina y'abantu, ay'ahantu n'ay'inzeho z'ubuyobozi.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ko inyuguti nkuru itangira amazina y'abantu, ay'ahantu n'ay'inzego z'ubuyobozi.



Buri wese akore

Bwira abanyeshuri, mu matsinda ya babiribabiri umwe abwire mugenzi we ko inyuguti nkuru itangira amazina y'abantu, ay'ahantu n'ay'inzego z'ubuyobozi. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basubiramo imikoreshereze y'inyuguti nkuru, ubakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.

2. Umwitozo ku nyuguti nkuru

Nyuma yo kwigisha abanyeshuri imikoreshereze y'inyuguti nkuru, koresha uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** uyobore abanyeshuri mukore umwitozo ku nyuguti nkuru uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **300**.

Igisubizo:

Ababyeyi ba Cyusa batuye hafi y'Akarere ka Ruhango, Umurenge wa Byimana, Akagari ka Kirengeri.

ISUZUMA (Iminota 10)

Andika ku kibaho interuro ikurikira:

mugabo akora ku murenge wa kacyiru mu karere ka gasabo.

Saba abanyeshuri kuyandika mu makayi yabo bashyira inyuguti nkuru aho biri ngombwa. Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri bakora uwo mwitozo, ufasha abafite ibibazo byihariye.

Igisubizo

Mugabo akora ku Murenge wa Kacyiru mu Karere ka Gasabo.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ko bize imikoreshereze y'inyuguti nkuru mu nteruro. Bakore interuro ikoreshejwemo inyuguti nkuru maze bazayereka bagenzi babo bigana mu ishuri.

Icyumweru cya 35

Isomo rya 5: Kumva no gusesengura umwandiko

Intego rusange: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.

Imfashanyigisho: imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **301**.

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura icyo umwandiko uza kuvugaho

Bwira abanyeshuri ko mugiyeye gusoma umwandiko **“Ubwitange bwa Mutesi”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **301**.



Ndatanga urugero

Saba abanyeshuri gukurikira. Basabe gufungura ibitabo byabo bakurikire uko ubasomera umutwe w'umwandiko **“Ubwitange bwa Mutesi”** wubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe umutwe w'umwandiko **“Ubwitange bwa Mutesi”** mwubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri gusoma umutwe w'umwandiko **“Ubwitange bwa Mutesi”** ku giti cyabo, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n’umwandiko, ubabaze ibyo babona.
Abanyeshuri bashingiye ku mutwe w’umwandiko no ku mashusho, baratahura icyo umwandiko uza kuvugaho.

2. Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva umwandiko
Bwira abanyeshuri ko mu mwandiko **“Ubwitange bwa Mutesi”** bari bwumvemo amagambo:
uruhombo, awutsindagira, atitira, ubwitange.



Vuga ijambo **uruhombo**. Baza abanyeshuri igisobanuro k’ijambo **uruhombo**.
Uhereye ku bisubizo by’abanyeshuri, noza igisobanuro k’ijambo **uruhombo**.
Uruhombo bisobanura **itiyo itwara amazi**.

Koresha ijambo **uruhombo** mu nteruro.
Urugero: Uru **ruhomb**o rugeza amazi iwacu.



Yobora abanyeshuri muvugire hamwe ijambo **uruhombo** n’igisobanuro cyaryo
hanyuma musubiremo interuro: **Uru ruhomb**o rugeza amazi iwacu.



Saba abanyeshuri kuvuga ku giti cyabo ijambo **uruhombo** n’igisobanuro cyaryo.
Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijambo
uruhombo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo interuro bakoze.

Uburyo bwakoreshejwe hasobanurwa ijambo **uruhombo**, bukoreshwe no mu gusobanura amagambo
awutsindagira, atitira, ubwitange.

3. Gusoma umwandiko

Gusoma umwandiko bucece

Saba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko **“Ubwitange bwa Mutesi”** hanyuma ubabaze ibibazo
byo kugenzura ko basomye.

Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye



Bwira abanyeshuri ko ugiye gusoma umwandiko **“Ubwitange bwa Mutesi”** mu ijwi
riranguruye. Basabe gukurikira uko ubasomera umwandiko wose by’intangarugero
ukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Yobora abanyeshuri musomere hamwe umwandiko **“Ubwitange bwa Mutesi”**,
mukoresheje umuvuduko n’isesekaza bikwiye.



Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gusoma umwandiko wose bahereye ku
mutwe wawo, bagenda bakoza urutoki ku byo basoma. Gendagenda mu ishuri ureba
ko basoma neza, ufashe abafite ibibazo byihariye. Saba abanyeshuri gusoma interuro
zigize umwandiko basimburana umwumwe inshuro nyinshi zishoboka. Saba bamwe
mu banyeshuri gusomera bagenzi babo mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye mu
bitabo byabo.

4. Kumva no gusesengura umwandiko



Saba abanyeshuri gukurikira no gutega amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.
Baza ikibazo cya mbere

Ni ba nde bafashije Mutesi gusana uruhombo?

Akira ibisubizo by’abanyeshuri ubabaze uko babibonye. Bwira abanyeshuri batege
amatwi uko usubiza ikibazo, unabasobanurire uko wabonye igisubizo. Soma
igisubizo kivuye mu mwandiko: **Ni abagabo babiri.**



Yobora abanyeshuri musomere hamwe ikibazo cya kabiri.

Mutesi abona uruhombo rwatobotse yari avuye he?

Somera hamwe n’abanyeshuri igika kirimo igisubizo, uwumvise igisubizo azamure
urutoki. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo hanyuma mufatanye
kukinoza. Yobora abanyeshuri muvugire hamwe igisubizo: **Yari avuye ku ishuri.**



Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome ikibazo cya gatatu.

Ni iki Mutesi yakoze kugira ngo amazi adakomeza kumeneka?

Babwire bongere basome umwandiko bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu matsinda utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba bamwe mu banyeshuri gusangiza bagenzi babo igisubizo babonye. Saba abanyeshuri gusubiramo igisubizo kiri cyo: **Yafashe umupira we w'imbeho awutsindagira ku mwenge wavaga.**

Mu gihe murangije gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane ubabaze ikibazo kibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Iyo uza kuba Mutesi wari kubigenza ute? **Nari gutabaza abatariye aho kugira ngo bamfashe.**

ISUZUMA (Iminota 10)

1. Saba abanyeshuri gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye.
2. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **302**, wo guhuza amagambo n'igisobanuro cyayo.

Ibisubizo

1. Uruhombu: Itiyo itwara amazi.
2. Awutsindagira: Awusunikira
3. Atitira: Atengurwa.
4. Ubwitange: Ishyaka ryo gukorera abandi ibyiza.

Ibibazo ku mwandiko

1. Umwana uvugwa cyane mu mwandiko yitwa nde? **Yitwa Mutesi**
2. Ni iki kivugwa ku iherezo ry'umwandiko? **Bashimiye Mutesi ko yatabarije abaturage bari kubura amazi.**
3. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko? **Nkuyemo isomo ko mbonye itiyo y'amazi yatobotse natabaza bakayihoma kugira ngo abaturage batabura amazi.**



Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana umwandiko bize uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **301**, baganire na bo ibyo bashimye bazanabibwire bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 4	Isomo rya 6: Inshamake
Intego rusange: Gukora inshamake y'umwandiko	Imfashanyigisho: igitabo cy'umwarimu, n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 302 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga: **"Ubwitange bwa Mutesi"**

- 1) Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga? **Duheruka gusoma umwandiko "Ubwitange bwa Mutesi"**
- 2) Havugwagamo iki muri rusange? **Havugwagamo ukuntu Mutesi yavuye ku ishuri akabona itiyo yatobotse, agatabaza bakamufasha kuyihoma.**
- 3) Iyo itiyo batayihoma byari kugendekera gute abaturage? **Abaturage bari kubura amazi.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri, bafashe kugera ku bisubizo biboneye. Ibutsa abanyeshuri ko bagomba kujya babungabunga ibikorwa rusange.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

1. Gutahura ingingo z'ingenzi mu mwandiko

Bwira abanyeshuri basome umwandiko "**Ubwitange bwa Mutesi**" bavuge ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko hanyuma uzandike ku kibaho.

Ingingo z'ingenzi

- Mutesi yabonye uruhombo rwatobotse amazi ameneka agerageza gupfuka uwo mwenge biramunanira.
- Ahamagara abagabo babiri barawupfuka.
- Bamushimira ubwitange yagize.

2. Gukora inshamake y'umwandiko

Wifashishije ingingo z'ingenzi z'umwandiko abanyeshuri bamaze kuvuga, koresha uburyo bwa **Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore** uyobore abanyeshuri mu gukora inshamake y'umwandiko.



Ndatanga urugero

Bwira abanyeshuri bahine umwandiko "**Ubwitange bwa Mutesi**" bahereye ku ngingo z'ingenzi bahereye ku ngingo z'ingenzi zawo. Akira ibisubizo byabo, hanyuma ubinoze. Uhereye ku ngingo z'ingenzi zanditse ku kibaho, kora inshamake y'umwandiko "**Ubwitange bwa Mutesi**", hanyuma uyandike ku kibaho. **Mutesi yabonye uruhombo rwatobotse amazi ameneka agerageza gupfuka uwo mwenge biramunanira, ahamagara abagabo babiri barawupfuka.**



Dukorane twese

Yobora abanyeshuri musomere hamwe ingingo z'ingenzi z'umwandiko "Ubwitange bwa Mutesi" n'inshamake yawo yanditse ku kibaho.



Buri wese akore

Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke asubiremo ingingo z'ingenzi avuge n'inshamake by'umwandiko "**Ubwitange bwa Mutesi**".

3. Umwitozo ku gukora inshamake y'agakuru

Nyuma yo kwereka abanyeshuri uko bakora inshamake y'umwandiko, bayobore mukore umwitozo wo gukora inshamake y'agakuru, uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **303**.

Yobora abanyeshuri uko uyu mwitozo ukorwa, unafashe abafite ibibazo byihariye.

Igisubizo:

Icyumba k'ishuri ryacu cyahoraga gisa nabi. Umwarimu atugira inama yo kugisukura. Twese tuzana ibikoresho turagisukura, gisa neza. Ubu ishuri ryacu rirangwamo isuku.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Baza abanyeshuri ibibazo bigaragaza ko bumvise neza uko inshamake ikorwa.

Ikibazo cyabazwa:

Saba abanyeshuri basome umwandiko wizwe, witwa "Abana ba Kanyandekwe", uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **298**, maze bakore inshamake yawo.

Urugero rw'inshamake:

Umusaza Kanyandekwe n'umugore we Mupfasoni, baganiriye n'abana babo bababwira ko bakiri bato bakundaga kwitabira ibikorwa by'ubutabazi, umuganda ndetse bakarinda urugo rwabo inzara. Abana bakurikiza impanuro z'ababyeyi babo nuko baba intangarugero muri byose.

Kurikirana uko abanyeshuri bakora inshamake, ubakosore aho biri ngombwa, unafashe abafite ibibazo byihariye.



Umukoro

Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ko bize gukora inshamake y'umwandiko. Basome umwandiko bishakiye maze bakore inshamake bazayimurikire abandi banyeshuri.

Icyumweru cya 35	Isomo rya 7: Imyitozo yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.
Intego rusange: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 304 n'urwa 305 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 35)

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri ubasobanurire neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitoyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitozo wo gusoma umwandiko "Kabanyana na Muhoza"

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banabane ubahe umwitozo wo gusoma umwandiko "Kabanyana na Muhoza" uri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa **304** umwitozo wa **1**.

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ha abanyeshuri umwitozo wa **2** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **305** wo kuzurisha interuro amagambo bahawe.

Ibisubizo:

- a) Karisa yabwiye Karima gushora inka **amutera utwatsi**.
- b) Ageze ahabi **aramushikanuza** amuvana mu kaga gakomeye.
- c) Munana yasabye murumuna we kureka ubukubaganyi **amwishongoraho**.
- d) Ikimodoka cyabuze feri **gikonkoboka** kerekeza muni y'umuhanda.

3. Umwitozo wo kumva umwandiko

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko "Kabanyana na Muhoza" uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **305** umwitozo wa **3**.

Gusubiza ibibazo ku mwandiko:

- a) Muhoza yakindiraga he? **Yakindiraga mu muhanda**.
- b) Kabanyana yababajwe n'iki? **Yababajwe no kumva Muhoza amwishongoyeho kandi yamugiraga inama nziza**.
- c) Ni iki Kabanyana yumvise gikonkoboka? **Ni igikamyo**.

4. Umwitozo wo gusesengura umwandiko "Kabanyana na Muhoza"

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko "Kabanyana na Muhoza" uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **305** umwitozo wa **4**.



Saba abanyeshuri kuza kongera gusomera abo babana umwandiko "Kabanyana na Muhoza" bazanayisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 35	Isomo rya 8: Imyitoto ku gukora inshamake.
Intego rusange: Gusoma agakuru agahuza n'inshamake yako, gukoresha inyuguti nkuru aho bikwiye no gukora inshamake y'agakuru yasomye.	Imfashanyigisho: igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 306 .

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO (Iminota 25)

Kuri buri mwitoto, yobora abanyeshuri, basobanurire neza uko umwitoto ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitoto, tegurira abanyeshuri indi myitoto wihitoyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

1. Umwitoto wo gusoma agakuru agahuza n'inshamake yako.

Ha abanyeshuri umwitoto uri ku rupapuro rwa **306**, wo guhuza agakuru n'inshamake yako.

Igisubizo

Inshamake y'agakuru ni:

Ihene za Mutunzi zakundaga kona ibigori bya Gakire. Umunsi umwe, azifatira mu murima we zona ibigori maze aziyana ku murenge. Abayobozi basaba Mutunzi kuzororera mu biraro, arabyemera abisabira imbabazi.

2. Umwitoto wo gukoresha inyuguti nkuru

Ha abanyeshuri umwitoto wa 1 uri ku rupapuro rwa **306**, wo kwandika interuro bakoresha inyuguti nkuru aho bikwiye.

Igisubizo

Kabanyana atuye mu Mudugudu wa w'Inyange, Akagari ka Bibare, Umurenge wa Kimironko.

3. Umwitoto wo gukora inshamake

Ha abanyeshuri umwitoto wa 2 uri ku rupapuro rwa **306**, wo gusoma agakuru bagakora inshamake yako.

Urugero rw'igisubizo

Umusaza Gakire yahamagaye umwana we Ganza . Yamusobanuriye akamaro k'umwuga w'uburobyi. Kuva ubwo Ganza atangira kuwitoza aza guhinduka umurobyi ukomeye.



Saba abanyeshuri kuza kubwira abo babana inshamake y'umwandiko "**Kabanyana na Muhoza**" bakazabwira bagenzi babo mu ishuri uko bayikoze.

ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA MUNANI

Icyumweru cya 36

Ibigenderwaho mu isuzuma

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusoma atajijinganya, atagemura amagambo n'interuro birimo ibihokane byizwe.
- Ubushobozi bwo kwandika nta kosa, amagambo n'interuro birimo ibihokane byizwe.
- Ubushobozi bwo gutahura igitekerezo gikubiye mu twandiko yasomye cyangwa yasomewe.

Imfashanyigisho: igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa **307** n'urwa **308**

Isomo rya 1: Imyitozo yo kumva, gusesengura umwandiko n'inyunguramagambo

1. Kubaza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko "Umuganda iwacu"

Uko bikorwa:

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma umwandiko "Umuganda iwacu" uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **307**, hanyuma basuzize ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko byawubajijweho.

Ibibazo n'ibisubizo :

- a) Ni nde wavuzaga ingoma? **Ni umuhwituzi.**
- b) Ni ikihe gikorwa bagombaga gukora mu muganda? **Bagombaga gusana iteme.**
- c) Abitabiriye umuganda biyemeje iki? **Biyemeje gukurikiza inama bagirwa n'ubuyobozi.**
- d) Vuga bimwe mu bikorwa by'umuganda ubona iwanyu? **Guharura imihanda, gutema ibihuru, gusiba ibyobo biterwa n'isuri....**
- e) Kuki tugomba kurinda ibikorwa remezo? **Ni ukugira ngo bikomeze kutugirira umumaro mu buzima bwa buri muni.**
- f) Ni irihe somo ukuye muri iyi nkuru? **Nkuyemo isomo ryo gukunda igihugu no kugikorera.**

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

- i) Ha abanyeshuri umwitozo w'inyunguramagambo wo guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 308.

Ibisubizo:

- a) Kubungabunga: Gufata neza.
- b) Gusana: Gusubiranya ibyangiritse.
- c) Umuhwituzi: Umuntu wibutsa abantu ibyo bagomba gukora.
- d) Masenge: mushiki wa data.

- ii) Ha abanyeshuri umwitozo w'inyunguramagambo wo kuzura amagambo mu nteruro uri ku rupapuro rwa 308.

Ibisubizo:

- a) Umunyeshuri wigana **umurava** atsinda neza.
- b) Nagiye gusura **masenge** anyakiriza amata.
- c) Umwarimu wacu yatubwiye ko **kubungabunga** ibidukikije ari inshingano zacu.
- d) Karyabwite ni **umuhwituzi** wacu udukangurira kwitabira inama.

Isomo rya 2: Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi.

Imyitozo nzamurabushobozi

1. Kubaza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko “Umuganda iwacu”

Uko bikorwa:

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi budahagije bwo gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko, bahe ibibazo bibafasha kuzamura ubushobozi bwabo.

Urugero rw’ibibazo wabaha

Basabe bongere umwandiko “Umuganda iwacu” igika ku kindi. Hanyuma ubabaze ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko bijyanye n’ubushobozi bwabo.

- Nyirasenge w’uvuga yari atuye he? **Yari atuye mu Ntara y’Uburengerazuba.**
- Ni nde wavugije ingoma? **Ni umuhwituzi.**
- Abakoraga umuganda ni iki basanye? **Basanye iteme.**
- Ni nde wakoreshye inama? **Ni imuyobozi w’umurenge.**
- Ku bwawe wumva ari akahe kamaro k’umuganda? **Ufite akamaro ko kubaka ibikorwa remezo no kubibungabunga.**
- Kuki tugomba kurinda ibikorwa remezo? **Ni uko bidufitiye akamaro.**

2. Umwitozo w’inyunguramagambo

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi budahagije mu gukora umwitozo w’inyunguramagambo, bahe umwitozo ubafasha kuzamura ubushobozi.

Basobanurire amagambo akurikira **masenge, umuhwituzi, gusana, kubungabunga** hanyuma ubasabe kuyakoresha mu nteruro zabo bihimbiye.

Imyitozo nyagurabushobozi

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije bwo gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko, bahe ibibazo bibafasha kuzamura ubushobozi bwabo.

Urugero rw’ikibazo wabaha

Basabe kongera gusoma umwandiko “Umuganda iwacu” hanyuma bungurane ibitekerezo ku kamaro k’ibikorwa remezo binyuranye.

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije mu gukora umwitozo w’inyunguramagambo, bahe umwitozo ubafasha kuzamura ubushobozi.

Urugero rw’ikibazo wabaha

Basabe gukoresha amagambo akurikira **masenge, umuhwituzi, gusana, kubungabunga** mu nteruro bihimbiye.

Isomo rya 3: Imyitozo ku mpuzanyito, imvugwakimwe, imbusane n’inshamake

1. Umwitozo ku mpuzanyito

Ha abanyeshuri umwitozo wo kwandika impuzanyito z’amagambo aciyeho akarongo mu nteruro.

Ibisubizo:

- Iteme = Ikiraro
- Umurava = Umwete
- Imuhira = Mu rugo

2. Umwitozo ku mvugwakimwe

Ha abanyeshuri umwitozo wo gutanga ibisobanuro bibiri binyuranye kuri buri mvugwakimwe.

Igisubizo:

- Intara : intara bagosoreraho / intara nk’igice k’igihugu.
- Gukira: gukira indwara / gukira ubukene.
- Gukurikiza: gukurikiza umuntu ikintu / gukurikiza umwana.

3. Umwitozo ku mbusane

Ha abanyeshuri umwitozo wo kwandika imbusane z'amagambo aciyeho akarongo mu nteruro.

Igisubizo:

- a) Masenge = marume
- b) Iburengerazuba = iburasirazuba
- c) Nyuma = mbere

1. Umwitozo ku nshamake

- a) Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma agakuru bagahuze n'inshamake yako iri mu kazu.

Igisubizo:

Agakuru gahuye n'inshamake iri mu kazu kabanza (a)

- b) Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora inshamake y'umwandiko "Umuganda iwacu" akareba niba bayikoze neza akabafasha kuyinoza.

2. Umwitozo ku migani migufi

- a) Ha abanyeshuri umwitozo wo kwitegereza amashusho bakuzuzura imigani iri munsu yayo.

Igisubizo:

Bagarira yose ntuzi irizera n'irizarumba.

Abishyize hamwe **nta kibananira**.

Agapfundikiye gatera amatsiko.

- b) Ha abanyeshuri umwitozo wo guhuza umugani n'igisobanuro cyawo

Igisubizo:

1=c 2=a 3=b

Isomo rya 4: Imyitozo nzamurabushozi na nyagurabushozi

Imyitozo nzamurabushozi

Uko bikorwa:

Ku banyeshuri bagaragaje ubushozi budahagije ku mpuzanyito, imvugwakimwe n'imbusane bayobore bongere bakore iyo myitozo.

Ku banyeshuri bagaragaje ubushozi budahagije ku nshamake no ku migani migufi bayobore bongere bakore iyo myitozo.

Imyitozo nyagurabushozi

Ku banyeshuri bagaragaje ubushozi buhagije ku mpuzanyito, imvugwakimwe n'imbusane bahe imyitozo ibafasha kuzamura ubushozi bwabo.

Urugero rw'umwitozo wabaha

1) Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro impuzanyito zayo

- a) Kamari yashyitse mu rugo amahoro.
- b) Iyo basa urukwi bakoresha intorezo.

Igisubizo:

- a) Kamari yageze mu rugo amahoro.
- b) Iyo basa urukwi bakoresha indyankwi.

3. Tanga ibisobanuro bibiri binyuranye kuri buri mvugwakimwe

- a) Kubika:
- b) Gukira:

Igisubizo:

- a) Kubika: kumenyesha ko umuntu yapfuye / urusaku rw'isake y'inkoko.
- b) Gukira: kuva mu bukene / gukira indwara.

4. Andika imbusane z'amagambo aciyeho akarongo mu nteruro zikurikira

- a) Yashyize ibikoresho bye hejuru y'ameza.
- b) Yaguze inzu nto yo kubamo.

Igisubizo:

- a) Yashyize ibikoresho bye munsi y'ameza.
- b) Yaguze inzu nini yo kubamo.

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije ku nshamake no ku migani migufi bahe imyitozo ibafasha kuzamura ubushobozi bwabo.

Urugero rw'umwitozo wabaha

- a) Basabe gutondeka neza interuro zikurikira zakuwe mu gika cya mbere cy'umwandiko **“Umuganda iwacu.”**

Yatanze ubutumwa ko abaturage bose bazindukira mu muganda wo kurisana.

Maze gukira nagarutse imuhira banyakirana urukumbuzi rwinshi cyane.

Ako kanya umuhwituzi avuza ingoma, avuga ko hari iteme ryangiritse.

Hashize iminsi ndwariye kwa masenge utuye mu Ntara y'Uburengerazuba.

Igisubizo:

Hashize iminsi ndwariye kwa masenge utuye mu Ntara y'Uburengerazuba.

Maze gukira nagarutse imuhira banyakirana urukumbuzi rwinshi cyane.

Ako kanya umuhwituzi avuza ingoma, avuga ko hari iteme ryangiritse.

Yatanze ubutumwa ko abaturage bose bazindukira mu muganda wo kurisana.

- b) Ha abanyeshuri umwitozo wo kungurana ibitekerezo bahuza ibivugwa mu mwandiko n'umugani mugufi **“Abishyize hamwe nta kibananira.”**

Isomo rya 5: Imyitozo yo gusoma, gusesengura umwandiko n'inyunguramagambo

1. Kubaza ibibazo byo kumva umwandiko “Umurava wa Mugenzi”

Uko bikorwa:

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma umwandiko **“Umurava wa Mugenzi”** uri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **311** hanyuma basubize ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko byawubajijweho biri ku rupapuro rwa **312**.

Ibibazo:

- a) Ni nde basabye kohereza umwirondoro we? **Ni Mugenzi.**
- b) Kuki bamusabye umwirondoro we? **Ni uko yasabaga akazi.**
- c) Ku kazi Mugenzi yarangwaga n'iki? **Yarangwaga no gukorana umurava n'ubwitange bukabije.**

- d) Iyo uvuye ku ishuri ni iki ukora kiguteza imbere? **Korora inkoko, korora inkwavu.....**
- e) Kuki utanga akazi yaka umwirondoro usaba akazi? **Ni ukugira ngo arebe ubushobozi bwe n'uwu ari we.**
- f) Uyu mwandiko ukwigishije iki? **Unyigishije kwitangira abandi, gusobanuzwa icyo ntazi, gushima uwakoze neza...**

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

- i) Ha abanyeshuri umwitozo wo guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo

Igisubizo:

- 1. Umukono = Sinya
- 2. Agakesha = Agakomora
- 3. Kumwunganira = Kumufasha
- 4. Amikoro = Ubushobozi

- ii) Ha abanyeshuri umwitozo w'inyunguramagambo wo kuzuzanya interuro bakoresheje amagambo akurikira: **umukono, agakesha, kumwunganira, amikoro**

Igisubizo:

- a) Akazi afite **agakesha** ubunyangamugayo bwe.
- b) Umaze kwandika umwirondoro ashiraho **umukono** we.
- c) Nifuzwa **kumwunganira** mu bikorwa by'iterambere.
- d) Nkora cyane kugira ngo nzagire **amikoro**.

Isomo rya 6: Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi

Imyitozo nzamurabushobozi

1. Kubaza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko "Umurava wa Mugenzi"

Uko bikorwa:

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi budahagije bwo gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko, bahe ibibazo bibafasha kuzamura ubushobozi bwabo.

Urugero rw'ibibazo wabaha

Basabe bongere umwandiko "**Umusaza n'akanyoni**" igika ku kindi. Hanyuma ubabaze ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko bijyanye n'ubushobozi bwabo.

- a) Ni nde wagiye gusaba akazi? **Ni Mugenzi**
- b) Mugenzi yakoraga akazi ke ate? **Yagakoranaga umurava akarangwa n'umwete.**
- c) Ibiro bimaze gufatwa n'inkongi bakore iki? **Barahunze.**
- d) Mugenzi abonye ibiro byafashwe n'umuriro yafashe ikihe kemezo? **Yafashe ikemezo cyo kuwuzimya.**
- e) Ubonye umuriro watse mu nzu ikintu cyane mbere wakora ni iki? **Nahunga ngatabaza.**
- f) Urumva ari iki kigaragaza ko Mugenzi afite umutima wo kwitabira abandi? **Ni uko yafashe ikemezo cyo kuzimya umuriro abandi bahunze.**

2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi budahagije mu gukora umwitozo w'inyunguramagambo, bahe umwitozo ubafasha kuzamura ubushobozi.

Basobanurire amagambo akurikira: **umukono, agakesha, kumwunganira, amikoro** hanyuma ubasabe kuyakoresha mu nteruro zabo bihimbiye.

Imyitozo nyagurabushobozi

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije bwo gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko, bahe ibibazo bibafasha kuzamura ubushobozi bwabo.

Urugero rw'ikibazo wabaha

Basabe kujya mu isomero ry'ishuri bahitemo udutabo bishakiye tw'inkuru badusome babwire bagenzi babo inshamake ikubiyemo.

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije mu gukora umwitozo w'inyunguramagambo, bahe umwitozo ubafasha kuzamura ubushobozi.

Urugero rw'ikibazo wabaha

Basabe kuvuga amagambo nibura abiri yavuye mu gatabo basomye, bayakoreshe mu nteruro zigaragaza ko bumva icyo avuga.

Isomo rya 6: Umwitozo wo gukoresha inyuguti nkuru, kwandika inyikirizo y'indirimo imwe bize no kwandika umwirondoro we

1. Umwitozo wo gukoresha inyuguti nkuru

Ha abanyeshuri umwitozo wo kwandika interuro bashyira inyuguti nkuru aho bikwiye.

Igisubizo:

Mugenzi ni Umuyobozi w'Umudugudu wa Moma. Atuye mu Kagari ka Gacundura, Umurenge wa Rwerere.

2. Umwitozo ku ndirimbo

Ha abanyeshuri umwitozo wo kwandika inyikirizo y'imwe mu ndirimbo bize mu mwaka wa gatatu.

Urugero rw'igisubizo

Tuzarwubaka, tuzarwubaka abana b'abanyarwanda
Turugire nka paradizo ku isi hose weee, tuzarwubaka.

Isomo rya 7: Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi

1. Umwitozo wo gukoresha inyuguti nkuru

Ha abanyeshuri umwitozo wo kwandika interuro bashyira inyuguti nkuru aho bikwiye.

Igisubizo:

Mugenzi ni Umuyobozi w'Umudugudu wa Moma. Atuye mu Kagari ka Gacundura, Umurenge wa Rwerere.

2. Umwitozo ku ndirimbo

Ha abanyeshuri umwitozo wo kwandika inyikirizo y'imwe mu ndirimbo bize mu mwaka wa gatatu.

Urugero rw'igisubizo

Tuzarwubaka, tuzarwubaka abana b'abanyarwanda
Turugire nka paradizo ku isi hose weee, tuzarwubaka.

Isomo rya 8: Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi

Uko bikorwa

Imyitozo nzamurabushobozi

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi budahagije bwo gukoresha inyuguti nkuru no kwandika umwirondoro bayobore bongere bongere bakore iyo myitozo.

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi budahagije bwo kwandika inyikirizo bayobore basome indirimo iri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa **275** cyangwa indi iri ku rupapuro rwa **282** batahure inyikirizo bayandike banoza umukono.

Uko bikorwa

Imyitozo nyagurabushobozi

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije bwo gukoresha inyuguti nkuru no kwandika umwirondoro bahe ibibazo bibafasha kuzamura ubushobozi bwabo.

Urugero rw'ibibazo wabaha

1. Shyira inyuguti nkuru aho bikwiye muri iki gika cy'umwandiko

kuva ubwo mugenzi yakodesheje inzu hafi y'umurenge. nyuma y'akazi akigishirizamo abantu kwandika inyandiko zinyuranye zirimo umwirondoro. yabakaga amafaranga make cyane yo kumwunganira mu kugura ibikoresho. abadafite amikoro yabigishirizaga ubuntu.

2. Soma igika gikurikira maze usubize ikibazo kiri hasi yacyo

Kanakuze Marie yari afite imyaka 11 yigaga mu mwaka wa gatatu. Yakundaga gusoma no gukina. Ababyeyi be Karangwa Antoine na Kamariza Agnes bamushishikarizaga kwiga ashyizeho umwete. Aho bari batuye mu Karere ka Gakenke, Umurenge wa Gabiro bororaga inka n'intama.

Ikibazo:

Ukurikije iby'ingenzi bijya mu mwirondoro, ishyire mu kigwi cya Kanakuze Marie maze wandike umwirondoro wawe.

Ibibusizo:

1. Kuva ubwo mugenzi yakodesheje inzu hafi y'umurenge. Nyuma y'akazi akigishirizamo abantu kwandika inyandiko zinyuranye zirimo umwirondoro. Yabakaga amafaranga make cyane yo kumwunganira mu kugura ibikoresho. Abadafite amikoro yabigishirizaga ubuntu.

2. Umwirondoro

Nitwa Kanakuze Marie
Navukiye mu Murenge wa Gabiro
Mu Karere ka Gakenke
Mama yitwa Kamariza agnes
Data yitwa karangwa Antoine
Mfite imyaka 11
Niga mu mwaka wa gatatu
Nkunda gusoma no gukina

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije bwo kwandika inyikirizo bashyire mu matsinda anyuranye bigishanye utundi turirimbo bazi

Ibitabo byifashishijwe

1. Clay, M. (1979). *The early detection of reading difficulties*. Portsmouth, NH: Heinemann.
2. Cummins, J. (1979). *Linguistic interdependence and the educational development of bilingual children*. *Review of Educational Research* 49:222-51
3. Dyson, A.H. (1988). *Appreciate the drawing and dictating of young children*. *Young Children* 43(3):25-32
4. Edition Bakame (2010). *Ikinyarwanda, Ikibonezamvugo cy'amashuri abanza n'ayisumbuye*.
5. Edition Bakame, (2007). *Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa gatatu*. Kigali.
6. Elley, W. (1989). *Vocabulary acquisition from listening to stories*. *Reading Research Quarterly* 24:174-87.
7. Gay Su P. & Irene C. Fountas. (2003). *Phonics lessons*, Heinemann.
8. Graves, D. (1983). *Writing: Teachers and children at work*. Portsmouth, NH: Heinemann.
9. Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho, (2009). *Gusoma, Kwandika no Kubara*, Igitabo cy'Umwigishwa. Kigali.
10. Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho, (2015), *Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu mashuri abanza: Ikiciro cya mbere*. Kigali.
11. Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho, (2004). *Gusoma 3, Igitabo cy'umunyeshuri*. Kigali.
12. Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho, (2004). *Gusoma 4, Igitabo cy'umunyeshuri*. Kigali.
13. Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho, (2004). *Gusoma 5, Igitabo cy'umunyeshuri*. Kigali.
14. Institut de Recherche Scientifique et Technologique (IRST), (2011). *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, MAGANEM, Kigali.
15. Kagame F., Zorzutti C.& Bonfils P. (2006). *Imigani y'ikinyarwanda. Proverbes rwandais. Proverbs from Rwanda*, Éditions Sépia.
16. Ministère de l'Éducation Nationale, Direction Générale des Etudes et Recherches Pédagogiques, Bureau Pédagogique, (1977), *Cours de Méthodologie Spéciale Kinyarwanda*. Kigali.
17. MK. (2007), *Nige neza ururimi rw' Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa gatatu*. Kigali.

Umugereka

Amabwiriza ku isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika riteguye

1. Inshamake y'amabwiriza ku gukoresha isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika riteguye

Intego y'isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika yo gusoma no kwandika Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza ni ukugenzura uko abanyeshuri bagenda bagira ubushobozi bw'ibanze bwo gusoma no kwandika, bahereye ku kumenya ibihokane, imigemo, amagambo, interuro ngufi kugeza ku gusobanukirwa umwandiko no gusoma badategwa. Kumenya uko abanyeshuri bari kwiga gusoma no kwandika by'ibanze n'ibibazo abanyeshuri bamwe na bamwe bashobora kuba bahura na byo, bifasha umwarimu gufata ingamba z'icyo yakora kugira ngo abafashe. Ibyavuye mu isuzuma bishobora kwifashishwa kandi mu gushishikariza abanyeshuri n'ababyeyi babo kugira uruhare mu kunoza imyigire.


1.1. Intego z'aya mabwiriza

Aya mabwiriza afite intego zikurikira:

- Kuyobora abarimu b'Ikinyarwanda mu mwaka wa 3 w'amashuri abanza igihe bakoresha isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika riteguye;
- Gufasha abayobozi b'ibigo by'amashuri mu gikorwa k'isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika yo gusoma no kwandika Ikinyarwanda riteguye rihabwa abanyeshuri bo mu mwaka wa 3 w'amashuri abanza;

Gukoresha ibyavuye mu isuzuma mu kunoza imyigire n'imyigishirize yo gusoma no kwandika Ikinyarwanda mu mwaka wa 3 w'amashuri abanza.

1.2. Imbonerahamwe igaragaza inshamake ku mikoreshereze y'aya mabwiriza

UKOresha AYA MABWIRIZA MBERE NA MBERE	ABANDI BASHOBORA KUYAKOresha	IBIKORWA BITEGANYIJWE
Umwarimu w'Ikinyarwanda mu mwaka wa 3 w'amashuri abanza 	<ul style="list-style-type: none"> - Umwarimu uhugura abandi barimu mu kigo. - Umwarimu ushinze isomo mu kigo. - Umuyobozi wungirije ushinze amasomo. - Umuyobozi w'ikigo k'ishuri - Abandi barimu. 	Gutanga isuzuma hagamijwe gukusanya, gusesengura no gukoresha amakuru ajyanye no gusoma no kwandika Ikinyarwanda mu rwego rwo kunoza imyigire n'imyigishirize mu mwaka w'amashuri.

1.3. Inshingano z'abarebwa n'igikorwa k'isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika riteguye

Iyi mbonerahamwe irerekana inshingano n'uruhare rw'abarebwa n'isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize riteguye.

Uwo bireba	Inshingano
Umwarimu w'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza	<ul style="list-style-type: none"> - Gutegura no gutanga isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika ryo gusoma no kwandika; - Kwandika no gusesengura amanota abanyeshuri bagize mu isuzuma; - Gusuzuma amanota y'abanyeshuri ari kumwe n'Umwarimu Ushinzwe Amahugurwa ku kigo, Umwarimu Uhagarariye Isomo mu Kigo, cyangwa Umuyobozi w'ikigo k'ishuri; - Gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda z'ibikorwa mu rwego rwo kunoza imyigire mu ishuri; - Kugeza ku bafatanyabikorwa ibyavuye mu isuzuma.

- Umwarimu Ushinzwe Amahugurwa ku Kigo K'Ishuri - Umwarimu Uhagarariye Isomo mu Kigo - Umuyobozi Wungirije Ushinzwe Amasomo	- Gufasha umwarimu w'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza gutanga isuzuma; - Gusesengura ibyavuye mu isuzuma hamwe n'umwarimu w'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza.
Umuyobozi w'Ikigo k'Ishuri	- Gusesengura ibyavuye mu isuzuma ari kumwe n'umwarimu w'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza n'Uhagarariye Isomo ku Kigo; - Gukusanya amanota yabonetse muri buri cyumba k'ishuri; - Gushyira kuri gahunda y'ibygwa mu nama ya komite y'inteko rusange y'ababyeyi (SGAC) bikazavugwa mu nteko rusange y'ababyeyi.
Ushinzwe Uburezi ku rwego rw'Umurenge n'urw'Akarere.	Gukurikirana ishyingirwa mu bikorwa ry' isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika yo gusoma no kwandika mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza muri buri kigo k'ishuri mu murenge / akarere.

1.4. Ibyo isuzuma ryibandaho

Isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika riteguye ryibanda ku kureba uko abanyeshuri barimo gutera imbere mu gusoma no kwandika hakurijwe ibiteganyijwe kugerwaho mu nteganyanyigisho. Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda yo mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza yerekana ubushobozi bugomba kubakwa n'ibigenderwaho mu isuzuma kuri buri mutwe w'integanyanyigisho.

Isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika ryo gusoma no kwandika risuzuma gusa ubushobozi bw'ibyo abana bigishijwe kugeza icyo gihe kandi rinareba uko umunyeshuri agenda atera imbere ku biyanye n'ubushobozi bw'imyigire yo gusoma no kwandika. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imwe mu myitoto yihariye yo gusoma no kwandika itangwa mu isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika ryateganyijwe ku mpera z'umutwe wa 4 n'uwa 6 iri mu gitabo cy'umwarimu.

Umwitozo w'isuzuma	Ubushobozi umwitozo ugamije	Uburyo abarimu bashobora gushimangira ubu bushobozi
Gusoma amagambo n'interuro	Abana bagira ubushobozi bwo gusoma amagambo mashya n'interuro badategwa.	- Gukora imyitoto myinshi yo gusoma amagambo cyangwa interuro byanditse. - Imyitoto yo gusoma amagambo azwi cyane aherekejwe n'amashusho ku nkuta z'ishuri no kuyasubiramo hamwe n'abanyeshuri.
Icyandikwa (Kwandika amagambo/interuro/agakuru)	Abanyeshuri bagira ubushobozi bwo gutandukanya buri jwi ry'inyuguti/igihekane, imigemo cyangwa amagambo bakoresheje inyandiko.	Gutanga imyitoto ihagije yo kwandika ibihekane, imigemo n'amagambo biha umunyeshuri ubushobozi bwo kuba yanakwerekana ibyo bihekane, imigemo amagambo cyangwa interuro aho byanditse.
Gusoma umwandiko	Ubushobozi bwo gusoma umwandiko neza kandi ku muvuduko uboneye, cyangwa uburyo umunyeshuri ari kugira ubumenyi bwo guhita ashobora gusoma ako kanya.	Gutanga umwanya wo kwitotoza gusoma imyandiko migufi.
Ibibazo byo kumva umwandiko	Ubushobozi bwo kumva (gusobanukirwa) ibyo barimo gusoma	Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo ku mwandiko

2. Intambwe ziyanye n'amabwiriza umwarimu agenderaho mu gutanga isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika riteguye ryo gusoma no kwandika

Intambwe umunani zikurikizwa mu gutanga isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize riteguye ni izi zikurikira:

Intambwe ya 1: Gutegura uko isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika riteguye rizakorwa.

Intambwe ya 2: Gutegura ibizifashishwa mu isuzuma n'uburyo bwo gutanga amanota.

Intambwe ya 3: Gutanga isuzuma.

Intambwe ya 4: Gukosora no gukora urutonde rw'amanota y'abanyeshuri no kuyasesengura.

Intambwe ya 5: Gutegura gahunda y'ibikorwa yo kunoza imyigire n'imyigishirize.

Intambwe ya 6: Kugeza ku bandi bafatanyabikorwa ibyavuye mu isuzuma.

Intambwe ya 7: Gushyira mu bikorwa iteganyabikorwa.

Intambwe ya 8: Gukurikiza intambwe ya mbere kugeza ku ya karindwi mu isuzuma rikurikiraho.

2.1. Intambwe ya 1: Gutegura uko isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika rizakorwa

2.1.1 Kugena igihe kizakenerwa mu gukora isuzuma

Icyo mbere kizakenerwa ni ukumenya igihe isuzuma rizamara. Muri iri suzuma, imyitoto yo gusoma ihabwa buri munyeshuri ukwe. Naho isuzuma ryo kwandika ritangirwa rimwe ku ishuri ryose. Ubwo igihe gisabwa ku myitoto yo gusoma kizaterwa n'umubare w'abanyeshuri bari mu ishuri n'uko uzatanga isuzuma azaba ari wenyine cyangwa abifashijwemo n'undi mwarimu.

2.1.2 Guteganya icyo abanyeshuri bakora igihe arimo gutanga isuzuma

Kubera ko hazatangwa isuzuma ryo gusoma kuri buri munyeshuri, ni ngombwa guteganya icyo abandi banyeshuri bazaba bahugiyeho mu gihe birimo gukorwa. Bumwe mu buryo bwakoresheje ni ubu bukurikira:

- Gutegura imyitoto inyuranye abanyeshuri bazakora bari bonyine, nko kwandika inyuguti/ibihekane, amagambo cyangwa gushushanya amashusho ajyanye n'inkuru baherutse gusoma;
- Kubashyira mu matsinda maze bagasabwa gusoma inkuru cyangwa abamenyereye gusoma bagasomera abandi cyangwa kwisomesha;
- Guha abanyeshuri indi myitoto iri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Kugenzura intambwe ya 1: Wasubije ibibazo bikurikira?

- Ese imyitoto y'isuzuma izamara igihe kingana iki ku banyeshuri bose bari mu ishuri ryawe?
- Ese hari undi mwarimu wagufasha gutanga isuzuma?
- Ni ku wuhe munsu cyangwa iminsi uzatangaho buri mwitoto w'isuzuma?
- Abanyeshuri bazaba bakora iki mu gihe azaba utanga isuzuma?

2.2. Intambwe ya 2: Gutegura ibizifashishwa mu isuzuma n'uburyo bwo gutanga amanota

Hari inyandiko zifashishwa mu gutanga isuzuma. Izo nyandiko zose turazisanga ku mutwe wa gatatu w'aya mabwiriza.

2.2.1. Urupapuro rwandikwaho amanota y'isuzuma

Muri aya mabwiriza harimo ingero z'imiterere y'urupapuro umwarimu azakoresheje yandika amanota yavuye mu isuzuma.

2.2.2. imbonerahamwe yandikwaho isesengura ry' isuzuma

Muri aya mabwiriza harimo kandi imbonerahamwe yifashishwa mu gusesengura amanota no gukora inshamake y'imitsindire y'ishuri kuri buri mwitoto. Umwarimu asigarana kopi iriho amanota y'abanyeshuri, akagera indi ubuyobozi bw'ishuri.

Abakenewe kwitabwaho mu buryo budasanze

Ni ngombwa kumenya no gushaka uburyo bwihariye bwo kwita ku banyeshuri baba bakeneye kwitabwaho mu buryo budasanze. Urugero, ushobora gukenera kongera ubunini bw'inyuguti z'imyitoto iri ku rupapuro ku banyeshuri batabona neza.

2.3. Intambwe ya 3. Gutanga isuzuma

2.3.1 Kumenyeshya abanyeshuri ko bagiye gukora isuzuma no kubasobanurira intego yaryo.

Gusobanurira abanyeshuri amabwiriza mbere y'isuzuma ni ngombwa kugira ngo batagira urujijo cyangwa bagahangayika, kandi bigatuma bamenya ikigamijwe. Ni byiza kwirinda gukoresha amagambo nk'isuzuma cyangwa ibazwa ahubwo umwarimu abasobanurira ko agenda aha buri munyeshuri ibyo asoma wenyine kandi ko bizafasha kumenya icyakorwa kugira ngo imyigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda ikomeze kunozwa. Ni ngombwa gushyira abanyeshuri ahantu hatuje kugira ngo hatagira ikibarangaza mu gihe k'isuzuma.

2.3.2. Gutanga isuzuma kuri buri munyeshuri

Umwarimu agomba gutanga isuzuma kuri buri munyeshuri kandi agatanga amanota ku bisubizo, hanyuma amanota akandikwa ku rupapuro rwandikwaho amanota imbere y'izina ry'umunyeshuri. Mu rwego rwo gucunga neza igihe kigenerwa isuzuma, imyitoto yo gusoma ntigomba kumara iminota irenze itanu kuri buri munyeshuri urimo gukora isuzuma; naho imyitoto yo kwandika ikorerwa rimwe ku banyeshuri bose.

2.3.3. Kugira icyo ubwira buri munyeshuri akimara gukora isuzuma

Iyi ni intambwe yo gushishikariza umunyeshuri igikorwa cyo kwiga no kumutera imbaraga zituma anozwa imyigire ye. Zimwe mu ngero z' ibyo abanyeshuri babwirwa:

- Kubashimira ibyo bakoze amwenyura, atitaye ku mitsindire yabo;
- Kubasaba gutekereza ku gikorwa kirangiye. Bimwe mu bibazo byakwifashishwa: *Iki gikorwa wakibonye ute? Ni iki cyakoroheye? Ni iki cyagukomerereye? Ni izihe ngamba ufashe nyuma y'uyu mwitoto?*
- Kugira inama abanyeshuri barangije gukora isuzuma abashishikariza gukomeza gukora imyitoto yo gusoma no kwandika.

2.3.4. Gushyira abanyeshuri mu byiciro by'amanota

Kuri aya mabwiriza uzahasanga imbonerahamwe itondeka uburyo bw'imitsindire kuri buri suzuma. Kuri buri suzuma hakenewe kureba ikigero k'imitsindire y'umunyeshuri. Ibi bifasha gukusanya vuba inshamake y'imitsindire y'ishuri ryawe. Ibi bishobora gukorwa umwarimu akimara gukoresha isuzuma buri munyeshuri. Ibyiciro bijyanye n'ingano y'amanota umunyeshuri yabonye kuri buri mwitoto w'isuzuma tuzabisanga ku mbonerahamwe yandikwaho isesengura ry'isuzuma iri ku mutwe wa 3.4 w'aya mabwiriza.

Inama mu gutanga isuzuma:

- Gutangira isuzuma ahantu hatuje cyangwa mu nguni y'icyumba k'ishuri hitaruye abandi banyeshuri.
- Kwirinda ibyarangaza umunyeshuri ukora isuzuma,
- Kuvugisha abanyeshuri neza ubashishikariza gusubiza ibibazo ubabaza kandi ukababwirira ko icyo gikorwa ari cyo gituma ubafasha neza mu myigire yabo.
- Gukurikiza amabwiriza neza no gutanga isuzuma mu buryo bumwe kuri buri munyeshuri. Harimo gusoma amabwiriza ku buryo bumwe kuri buri munyeshuri no kubaha amahirwe angana, hatitawe ku buryo umwarimu yari asanzwe azi umunyeshuri.
- Gukoresha igihe neza kugira ngo umwarimu abashe gusuzuma abanyeshuri benshi bashoboka.

2.4. Intambwe ya 4: Gukusanya amanota y'abanyeshuri no kuyasesengura

2. 4.1. Gukusanya amanota y'abanyeshuri no kuyandika ahabugenewe.

Iyo umwarimu arangije gukosora isuzuma akora igiteranyo cy'amanota buri munyeshuri yagize muri buri mwitoto w'isuzuma akurikije igiteranyo cy'amanota buri umunyeshuri yagize, yuzuza mbonerahamwe yandikwaho isesengura ry' isuzuma abara abanyeshuri bari muri buri kiciro, abahungu ukwabo n'abakobwa ukwabo.

2. 4.2. Kugaragaza ikerekezo k'imitsindire y'ishuri

Umwarimu yifashisha imbonerahamwe yandikwaho isesengura ry'amanota y'isuzuma, akagaragaza ikiciro kirimo abanyeshuri benshi kuri buri mwitoto. Mu gusesengura amanota, umwarimu ashobora kwibaza niba umusaruro w'isuzuma ari wo yari yiteze, ibyamushimishije n'ibyo yakwibandaho mu kunoza imyigishirize. Ingero:

- Ibi ni byo nari niteze?
- Ni iki gishimishije?
- Ni iki cyakwitabwaho?

2. 4.3 Kugaragaza abanyeshuri bafite ingorane kuri buri mwitoto wo gusoma no kwandika

Umwarimu agomba kugaragaza abanyeshuri bari muni cyane y'impuzandengo y'amanota y'ishuri. Aba ni abanyeshuri bagomba kwitabwaho by'umwihariko bafashwa kongera ubushobozi bwo gusoma no kwandika kugira ngo bagere ku bushobozi bwifuzwa mu nteganyanyisho ishingiyeye ku bushobozi.

2.4.4 Kugaragaza abanyeshuri batsinda neza kurusha abandi

Umwarimu agomba kugaragaza abanyeshuri batsinze neza kurusha abandi mu isuzuma ryo gusoma no kwandika. Umwarimu yakwifashisha aba banyeshuri abahuzwa n'abatakoze neza kugira ngo babafashe kongera ubushobozi bwo gusoma no kwandika igihe bari mu matsinda.

2.5. Intambwe ya 5. Gutegura gahunda y'ibikorwa yo kunoza imyigire n'imyigishirize

2.5.1. Kuganira hagati y'umwarimu w'isomo n'abandi bafatanyabikorwa ku rwego rw'ishuri

Kuganira hagati y'umwarimu w'isomo n'Umwarimu Ushinzwe Amahugurwa ku Kigo k'Ishuri, Umwarimu Uhagarariye Isomo cyangwa Umuyobozi w'Ikigo k'Ishuri ku byavuye mu isuzuma bifasha mu gufata ingamba z'ibyakorwa mu kuziba icyuho cyagaragaye mu mitsindire y'abanyeshuri.

2. 5.2. Gufata ingamba zireba ishuri muri rusange

Kuri buri mwitoto w'isuzuma, umwarimu asoma ibikorwa byafasha mu kunoza imyigire bigaragara mu mbonerahamwe yandikwaho isesengura ry' isuzuma iri ku mutwe wa 3 w'aya mabwiriza n'uko yasubiramo ingingo zabajijweho mu masomo azakurikiraho no kunoza uburyo bw'imyigishirize.

Umwarimu yandukura ingamba z'ibyo yiyemeje gukora kuri buri mwitoto wakoze.

2.5.3 Gufata ingamba zireba buri munyeshuri

Umwarimu yerekana uko azakosora ibitaragenze neza akanabigaragaza mu igenamigambi rye ashingiyeye ku ngorane zagaragaye kuri bamwe mu banyeshuri mu gihe k'isuzuma. Bimwe mu byakwibandwaho: Kwita by'umwihariko ku banyeshuri bagaragaje intege nke ubagenera imyitoto zamurabushobozi

- Gufatanywa n'ababyeyi kugenzura ko bakoze imikoro ya buri muni
- Kugenzura kenshi ibyo bakora buri gihe mu ishuri kandi ukita kuri buri wese
- Gushyira abanyeshuri bafite ibibazo mu myigire mu matsinda y'abafite ubushobozi kugira ngo bazamurane.

2. 6. Intambwe ya 6: Kuganira n'abafatanyabikorwa ibyavuye mu isuzuma

Gufasha abanyeshuri kwiga gusoma no kwandika ni igikorwa buri mufatanyabikorwa mu burezi akwiye kugiramo uruhare. Kuganira n'abafatanyabikorwa ku byavuye mu isuzuma bishobora *kubafasha* kumenya ahagomba kwibandwaho mu gutanga umusanzu wabo mu bijyanye no kunoza imyigire n'imyigishirize y'abanyeshuri. Abo bafatanyabikorwa b'ibanze bashobora kuba: Umwarimu Ushinzwe Amahugurwa ku

kigo k'ishuri, Umuyobozi Wungirije Ushinzwe Amasomo, Umuyobozi w'ikigo k' Ishuri, ababyeyi, Komite y'inteko rusange y'ishuri, abashinzwe uburezi mu murenge no mu karere.

2. 6.1. Umwarimu Uhagarariye Isomo ku Kigo k'Ishuri, Umwarimu Ushinzwe Amahugurwa ku Kigo k'Ishuri n'Umuyobozi w'ikigo k'Ishuri

Nk'uko byavuzwe mu ntambwe ya 5, Umwarimu Uhagarariye Isomo ku Kigo k'Ishuri, Umwarimu Ushinzwe Amahugurwa ku Kigo k'Ishuri n'Umuyobozi w'ikigo k'Ishuri ni abafatanyabikorwa bagomba kuganira ku byagezweho no kungurana inama z'uburyo umwarimu azarushaho kunoza imyigishirize mu ishuri rye.

Niba hari abandi barimu bigisha mu mwaka wa gatatu Ikinyarwanda, ushinzwe isomo n'umuyobozi w'ikigo na bo bazakusanya ibyavuye mu isuzuma kuri buri mwarimu kugira ngo basobanukirwe neza kandi bafashe kuzamura ikigero k'imyigire mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza ku rwego rw'ishuri.

2. 6.2. Kumenyesha buri mubyeyi

Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda iteganya guha raporo ababyeyi uko abana babo bagenda biyungura ubushobozi mu myigire. Itanga kandi igitekerezo ko gusangiza amanota umunyeshuri yagize muri rusange bidahagije kumvikanisha ubushobozi buteganijwe mu myigire. Raporo nziza ifasha ni iyerekana aho umunyeshuri afite ubushobozi buhagije n'aho akeneye kongera imbaraga.

Ababyeyi bafite uruhare rw'ingenzi mu gufasha abana babo kumenya gusoma no kwandika Ikinyarwanda n'ubwo muri bo hashobora kubonekamo abatazi gusoma. Urugero: ababyeyi bashobora kubwira abana babo gusubira mu byo bize, kubasaba gusoma no gukurikirana ko abana bakoze imyitozo bahawe. Bityo rero, ababyeyi bagomba kubwirwa ibyo basabwa mu gufasha kuzamura imyigire y'abana babo, mu kwiga gusoma no kwandika kugira ngo na bo bashobore gushishikariza no gufasha abana babo kumenya gusoma no kwandika.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza urutonde rw'uburyo bubiri bushobora gukoreshwa mu kumenyesha ababyeyi ibyavuye mu isuzuma:

Uburyo	Akamaro
<p>Uburyo bwa 1:</p> <p>Tumira buri mubyeyi muganire ku myigire y'umwana we.</p>	<p>Gutumira no kuganira na buri mubyeyi ku myigire y'umwana we bifasha umubyeyi n'umwarimu gufatira hamwe ingamba zifasha umunyeshuri kuzamura ubushobozi bwo gusoma no kwandika.</p>
<p>Uburyo bwa 2:</p> <p>Kuganira n'ababyeyi ku byavuye mu isuzuma mu bikorwa bihuza ababyeyi.</p>	<p>Gusaba umwanya mu bikorwa bihuza ababyeyi (inama rusange y'ababyeyi, habaye igikorwa k'ingenzi ku ishuri, isurwa rikorwa mu mpera za buri gihembwe) kugira ngo muganire n'ababyeyi uko abana bagenda batera imbere mu gusoma no kwandika Ikinyarwanda hashingiwe ku byagaragajwe n'isuzuma.</p>

2. 6.3. Komite y'inteko rusange y'ishuri (SGAC)

Nk'uko iyi komite iteganywa n'itegeko, ni umuhuza hagati y'ishuri n'umuryango mugari. Iyi komite ishobora na none kuba nk'umufatanyabikorwa w'ingenzi mu gushyigikira no kuvugurura imyigire yo gusoma no kwandika Ikinyarwanda ku ishuri no mu muryango mugari. Ku bufatanye n'umuyobozi w'ikigo k'ishuri, hagomba guteganywa uko ibyavuye mu isuzuma bizunguranwaho ibitekerezo mu nama ya komite y'inteko rusange y'ishuri.

Bimwe mu bishobora kunguranwaho ibitekerezo mu nama ya komite ku myigishirize yo gusoma no kwandika ni ibi bikurikira:

- Akamaro ko kwiga gusoma no kwandika mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza n'uruhare bifite ku myigishirize y'andi masomo;

- Inshamake y'ibyavuye mu isuzuma
- Kugaragaza ijanisha ry'abanyeshuri bakoze neza mu isuzuma n'ijanisha ry'abagaragaje intege nke ku bibazo byatanze mu isuzuma.
- Ibyo ababyeyi n'abagize komite bagomba gukora mu rwego rwo gufasha abanyeshuri kwitwaza no kongera bushobozi mu gusoma no kwandika, no gusaba abagize komite gukora ubuvugizi ku bandi babyeyi kugira ngo babishyire mu bikorwa;

Ingero:

- Kubwira abana babo gusubira mu byo bize,
- Gushishikariza abanyeshuri gukora imikoro bahawe, n'ibindi.
- Kugena umwanya wo kungurana ibitekerezo n'abandi babyeyi mu nama rusange y'ababyeyi;
- Gushakira hamwe ibindi bisubizo byafasha mu guteza imbere ibipimo byo gusoma no kwandika ku rwego rw'ishuri.

2.7. Intambwe ya 7: Gushyira mu bikorwa iteganyabikorwa

Gufata igihe cyo gukoresha isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika riteguye, gusesengura amanota, no gutegura iteganyabikorwa biba ngombwa mu gihe hariyeho gukoreshwa ibyavuye mu isuzuma mu kuzamura imyigire. Ni yo mpamvu ari ngombwa gushyira mu bikorwa ingamba zikubiye mu iteganyabikorwa. Ni muri urwo rwego hateganywa umwanya uhagije wo gukoresha isuzuma ry'ako kanya hagamijwe gukomeza kugenzura niba abanyeshuri bazamura ubushobozi bwo gusoma no kwandika.

2.8. Intambwe ya 8. Gusubiramo intambwe kuva ku ya mbere kugeza ku ya karindwi mu gutanga isuzuma rya kabiri.

Mu gihe umwarimu akoresha isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika riteguye, yubahiriza intambwe zikoreshwa mu isuzuma nk'uko byavuzwe haruguru.

3. Ibikoresho umwarimu azifashisha mu isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika ryateguwe.

3.1 Imyitozo y'isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika

Umwarimu azakoresha imyitozo iri ku rupapuro rwa **201** n'urwa **202** mu isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika rikorwa mu cyumweru cya nyuma cy'umutwe wa kane.

Umwarimu kandi azakoresha imyitozo iri ku rupapuro rwa **288, 289** n'urwa **289** mu isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika rikorwa mu cyumweru cya nyuma cy'umutwe wa gatandatu.

3.2. Amabwiriza yo gutanga isuzuma no kurikosora

3.2.1. Amabwiriza akurikizwa mu myitozo yo gusoma amagambo n'interuro

- Umwarimu aha umunyeshuri amabwiriza kuri buri mwitozo asoma urugero atsindeye kuri buri mwitozo.
- Umwarimu akurikiza uko inyangirakose iteye.
- Umwarimu akora imbonerahambwe yandikwaho amanota mu ikayi ye akoresherezamo isuzuma.
- Umwarimu akosora umunyeshuri ashya akamenyetso ka ku rupapuro rw'amanota imbere y'izina mu kazu kabigenewe akurikije umwitozo yakoze (gusoma amagambo n'iyindi).
- Umwarimu akosora umunyeshuri ashya akamenyetso ka ku rupapuro rw'amanota imbere y'izina rye akurikije amagambo cyangwa interuro atasomye uko bikwiye.
- Mu gusoma niba umunyeshuri atinze gusoma ijamba cyangwa interuro umwarimu amusaba gusubiremo rimwe icyo yasomaga, nibimunanira umwarimu amubwira gukomereza ku bikurikiyeho noneho umwarimu agashyiraho akamenyetso ko atari ryo.
- Niba umunyeshuri yikosoye, umwarimu abara ijamba cyangwa interuro nk'aho ari ryo.
- Nyuma umwarimu abara ibisubizo biri byo akandika igiteranyo cy'amanota ya buri munyeshuri ku rupapuro rw'amanota.

3.2.2. Amabwiriza agenewe umwarimu ku gutanga no gukosora umwitozo wo gusoma no kumva umwandiko

- Umwarimu yereka umunyeshuri umwandiko mugufi ari busome.
- Umwarimu akomeza gukurikirana umunyeshuri usoma maze akagaragaza amagambo yose yasomye neza adategwa.
- Iyo umunyeshuri atashoboye gusoma byibura ijamba rimwe ku murongo wa mbere, umwarimu aramuhagarika agahamagara umunyeshuri ukurikiyeho.
- Umwarimu agomba kumenya ijamba rya nyuma mu mwandiko umunyeshuri yasomye kugira ngo abashe kubara umubare w'amagambo agize umwandiko yasomye neza.
- Umwarimu abaza gusa ibibazo bijyanye n'ibyo umunyeshuri yasomye.
- Gusoma umwandiko ntibirenga umunota umwe kuri buri munyeshuri.
- Mu gukosora, umwarimu yandika ku rupapuro rw'amanota igiteranyo cy'amagambo agize umwandiko umunyeshuri yasomye neza adategwa.

3.2.3. Amabwiriza mu gutanga icyandikwa

- Muri buri suzuma imyitoto yo kwandika itangirwa rimwe ku banyeshuri bose, bakayandika mu makayi yabo y'inozamukono.
- Umwarimu asoma amagambo abanyeshuri bakayandika.
- Umwarimu akosorera buri jambo cyangwa interuro umunyeshuri yanditse ku rupapuro rwandikwaho amanota.
- Umwarimu yandika igiteranyo cy'amagambo n'interuro umunyeshuri yanditse neza.

3.3. Ingero z'impapuro zandikwaho amanota

Urupapuro rw'amanota/Umwitozo wo gusoma amagambo

Amazina y'umunyeshuri	umusaza	akabindi	icyumba	...	iwacu	ubwenge	Igiteranyo cy'amagambo yasomye neza

Urupapuro rw'amanota/Umwitozo wo gusoma interuro

Amazina y'umunyeshuri	Twahirwa ni mubyara wa Nzirorera	Ryumugabe atwaye ubwato	Igiteranyo k'interuro yasomye neza

Ururapuro rw'amanota/Umwitozo wo gusoma agakuru

Amazina y'umunyeshuri	Igiteranyo cy'amagambo yose agize umwandiko	Igiteranyo cy'amagambo umunyeshuri atasomye neza	Igiteranyo cy'amagambo yasomye neza adategwa mu gakuru
	A	B	A-B

Ururapuro rw'amanota/Umwitozo wo kumva umwandiko

Amazina y'umunyeshuri	Ikibazo cya 1		...		Ikibazo cya 5		Igiteranyo ibibazo yasubije neza
	Yagikoze	Yakishye	Yagikoze	Yakishye	Yagikoze	Yakishye	

Ururapuro rw'amanota/ Umwitozo w'icyandikwa

Amazina y'umunyeshuri	umutsima	umwarimu	Ryabega	Cyusa arwaye iryinyo	Igiteranyo cy'amagambo yanditswe neza

3.4. Imbonerahamwe zandikwaho isesengura ry' isuzuma kuri buri mwitozo watanze

Umwarimu akoresheje imbonerahamwe yujujeho amanota y'abanyeshuri b'ishuri rye, abara umubare w'abanyeshuri bari mu ishuri batsinze muri buri kiciro cy'amanota. Agateranya maze akandika imibare mu mbonerahamwe zikurikira,

Gusoma amagambo			
Ikiciro cy'amanota	Umubare w'abanyeshuri		Ibyakorwa mu kunoza imyigire
	Abahungu	Abakobwa	
9-10			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kiciro, ubwo umubare munini w'abanyeshuri bari mu ishuri bakurikira iri somo neza. Umwarimu agomba gukurikirana abanyeshuri bagiyeye mu byiciro byo hasi kugira ngo bagere ku bushobozi bwifuzwa.
8			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kiciro, mwatanga imyitozo nshimangirabushobozi myinshi kugira ngo bagere ku bushobozi bwifuzwa.
6-7			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kiciro, cyangwa hasi yacyo wareba niba wasubiriramo iri somo ishuri ryose cyangwa ugatanga imyitozo nzamurabushobozi ihagije.
1-5			Aba banyeshuri baba barasigaye inyuma kandi bisaba ko buri wese yitabwaho ku giti ke. Umwarimu abasaba gusubiza kenshi. Abaha kandi indi mikoro ihagije yo mu rugo kugira ngo bakore imyitozo myinshi kuri iri somo.
0			

Gusoma interuro			
Ikiciro cy'amanota	Umubare w'abanyeshuri		Ibyakorwa mu kunoza imyigire
	Abahungu	Abakobwa	
2			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kiciro, ubwo umubare munini w'abanyeshuri bari mu ishuri bakurikira iri somo neza. Umwarimu agomba gukurikirana abanyeshuri bagiyeye mu byiciro byo hasi kugira ngo bagere ku bushobozi bwifuzwa.
1			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kiciro, cyangwa hasi yacyo umwarimu areba niba yasubiriramo isomo ishuri ryose cyangwa agatanga imyitozo nzamurabushobozi ihagije.
0			Aba banyeshuri baba barasigaye inyuma kandi bisaba ko buri wese yitabwaho ku giti ke. Umwarimu abasaba gusubiza kenshi. Abaha kandi indi mikoro ihagije yo mu rugo kugira ngo bakore imyitozo myinshi kuri iri somo.

Gusoma Umwandiko			
Ikiciro cy'amanota	Umubare w'abanyeshuri		Ibyakorwa mu kunoza imyigire
	Abahungu	Abakobwa	
40-50			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kiciro, ubwo umubare munini w'abanyeshuri bari mu ishuri bakurikira iri somo neza. Umwarimu agomba gukurikirana abanyeshuri bagiyeye mu byiciro byo hasi kugira ngo bagere ku bushobozi bwifuzwa.
30-39			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kiciro, mwatanga imyitozo nshimangirabushobozi myinshi kugira ngo bagere ku bushobozi bwifuzwa.
20-29			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kiciro, cyangwa hasi yacyo umwarimu areba niba yasubiriramo isomo ishuri ryose cyangwa agatanga imyitozo nzamurabushobozi ihagije.
10-19			Aba banyeshuri baba barasigaye inyuma kandi bisaba ko buri wese yitabwaho ku giti ke. Umwarimu abasaba gusubiza kenshi. Abaha kandi indi mikoro ihagije yo mu rugo kugira ngo bakore imyitozo myinshi kuri iri somo.
0-9			

Kumva umwandiko			
Ikiciro cy'amanota	Umubare w'abanyeshuri		Ibyakorwa mu kunoza imyigire
	Abahungu	Abakobwa	
4-5			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kiciro, ubwo umubare munini w'abanyeshuri bari mu ishuri bakurikira iri somo neza. Umwarimu agomba gukurikirana abanyeshuri bagiyeye mu byiciro byo hasi kugira ngo bagere ku bushobozi bwifuzwa.
3			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kiciro, cyangwa hasi yacyo Umwarimu areba niba yasubiriramo isomo ishuri ryose cyangwa ugatanga imyitozo nzamurabushobozi ihagije.
0-2			Aba banyeshuri baba barasigaye inyuma kandi bisaba ko buri wese yitabwaho ku giti ke. Umwarimu abasaba gusubiza kenshi. Abaha kandi indi mikoro ihagije yo mu rugo kugira ngo bakore imyitozo myinshi kuri iri somo.

Icyandikwa			
Ikiciro cy'amanota	Umubare w'abanyeshuri		Ibyakorwa mu kunoza imyigire
	Abahungu	Abakobwa	
4			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kiciro, ubwo umubare munini w'abanyeshuri bari mu ishuri bakurikira iri somo neza. Umwarimu agomba gukurikirana abanyeshuri bagiyeye mu byiciro byo hasi kugira ngo bagere ku bushobozi bwifuzwa.
2-3			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kiciro, cyangwa hasi yacyo umwarimu areba niba yasubiriramo iri somo ishuri ryose cyangwa ugatanga imyitozo nzamurabushobozi ihagije.
0-1			Aba banyeshuri baba barasigaye inyuma kandi bisaba ko buri wese yitabwaho ku giti ke. Umwarimu abasaba kandi gusubiza kenshi. Abaha indi mikoro ihagije yo mu rugo kugira ngo bakore imyitozo myinshi kuri iri somo.

3.5. Gufata ingamba zo kunoza imyigire n'imyigishirize

Umwarimu yandika amazina y'abanyeshuri bagize ibibazo n'abakoze neza buri mwitoto. Aganira n'Ushinzwe Amasomo ndetse n'Umuyobozi w'Ikigo k'Ishuri, iyo bishoboka, ku byavuye mu mwitoto maze bakemeranya ku buryo bwo gushyira mu bikorwa ibyifuzo byatanze ku byakorwa mu kunoza imyigire n'imyigishirize. Umwarimu yandika ingingo zigize gahunda ye y'ibikorwa muri rusange, ndetse n'imigambi afitiye buri munyeshuri.

Nyuma yo gusangiza ibyavuye mu isuzuma Ushinzwe Amasomo, Umuyobozi w'ikigo k'Ishuri n'abandi bafatanyabikorwa, umwarimu aganira na bo ku byakorwa kugira ngo hanoze imyigire n'imyigishirize. Umwarimu yuzuza ibikorwa bemeranyijweho ahakurikira.

Umwitozo wo gusoma amagambo: _____

Umwitozo wo gusoma interuro: _____

Umwitozo wo gusoma umwandiko: _____

Umwitozo wo kumva umwandiko: _____

Umwitozo w'icyandikwa: _____

Gahunda y'ibikorwa:

Umwarimu yandika icyo agiye gukorera ishuri rye muri rusange mu rwego rwo kunoza imyigire n'imyigishirize yo gusoma no kwandika Ikinyarwanda.

Abanyeshuri bakeneye ubufasha (umwarimu ashya ku rutonde abandi banyeshuri ahereye ku munyeshuri ufite amanota make):

IZINA	Buri muni uge ugenzura umukoro wo mu rugo	Uge ukunda kubasaba gusubiza mu ishuri	Genzura imyitoto yo mu ishuri	Bafashe gukorana na bagenzi babo	Kubakemurira ibindi ibibazo

Abanyeshuri bakurikira neza mu ishuri kandi bashobora gufasha bagenzi babo gusoma neza no kwandika:

